Safeliz

ISBN: 978-84-7208-886-3

9 788472 088863

URUGO RWA GIKRISTO



Ellen G. White

URUGO RWA GIKRISTO

ELLEN G. WHITE

Safeliz

The Adventist Home

Counsels to Seventh-day Adventist Families as Set Forth in the Writings
of
ELLEN G. WHITE

Southern Publishing Association Nashville, Tennessee
Copyright, 1952, by the Ellen G. White Publications

Safeliz

Urugo rwa Gikristo

Inama Zihabwa Imiryango y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi nk'uko Ziboneka mu Nyandiko za Ellen G. White
Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda
©2022 Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda.
Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz SL
Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs
Editorial Safeliz, S.L.
Pradillo 6, Pol Ind La Mina
27880 Colmenar Viejo, Madrid, Spain
www.safelizbibles.com · admin@safeliz.com
Illustrations: Getty Images

Nyakanga 2022: Igitabo cya mbere

ISBN: 978-84-7208-886-3

YACAPWE MU BUSHINWA
IMP12

Birabujijwe gukoporora, gucapa no kwigana iki gitabo cyose cyangwa igice cyacyo (yaba amagambo, amashusho cyangwa imiterere yacyo), waba ukoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanzwe cyangwa ubw'ikoranabuhanga utabiherewe uburenganzira bwanditswe na nyiracyo.

IBIRIMO

1. **URUGO RUSHIMISHIJE** 11
1 UMWUKA URANGA URUGO 13
2. AMAHAME SHINGIRO Y'UBURYO NYAKURI BWO KUBAKA URUGO 19
3. URUGO RWO MURI EDENI NI ICYITEGEREREZO 23

2. **UMUCYO MU BATURANYI** 27
4. IMPINDUKA ZIGERA KURE URUGO RUSHOBORA GUTEZA 29
5. UMUKRISTO UTANGA UBUHAMYA BUKOMEYE 33

3. **GUHITAMO UWO MUZABANA** 39
6. ICYEMEZO GIKOMEYE 41
7. URUKUNDO NYAKURI CYANGWA URW'AGAHARARO 47
8. IMIGIRIRE IMENYEREWE MU IRAMBAGIZA 53
9. UGUSHYINGIRWA KUBUZANYIJWE 59
10. IGIHE HAKENEWE INAMA 67

4. **IBINTU BITUMA INGO ZUBAKWA NEZA N'IBITUMA ZISENYUKA** 73
11. GUSHYINGIRANWA GUHUTIYEHO KANDI KUTAGEJEJE IGIHE 75
12. GUKWIRANA KW'ABASHAKANYE 79
13. UBURERE BWO MU MURYANGO 83
14. GUHINDUKA BY'UKURI NI ICYANGOMBWA GIKWIRIYE KUBANZA KUZUZWA 89

5. **UHEREYE KU RUHIMBI AHABEREYE AMASEZERANO YO GUSHYINGIRANWA** 93
15. AMASEZERANO AKOMEYE KANDI AGOMBA KWITONDERWA CYANE 95
16. IMIBANIRE ISHIMISHIJE KANDI IGERA KU NTEGO 101

17. INSHINGANO BURI WESE MU BASHAKANYE AFITE KURI MUGENZI WE 109
18. INSHINGANO N'AMAHIRWE BY'ABASHAKANYE 115

6. URUGO RUSHYA 123
19. NI HEHE HABEREYE KUBAKWA URUGO? 125
20. UMURYANGO N'UMUJYI 129
21. IBYIZA BYO GUTURA MU CYARO 135
22. KUBAKA INZU NO KUYIRIMBISHA 141

7. UMURAGE DUHABWA N'UWITEKA 151
23. IABANA NI UMUGISHA 153
24. UKO UMURYANGO UKWIRIYE KUNGANA 157
25. KWITA KU BANA B'IMPEZAMAJYO 161
26. UMURAGE ABABYEYI BASIGIRA ABANA BABO 165

8. UMURYANGO UTUNGANIWE 169
27. URUZIGA RWEJEJWE 171
28. ISHURI RYA MBERE RY'UMWANA 175
29. UMURIMO UDASHOBORA GUHABWA UNDI MUNTU .. 181
30. UMUBANO NO GUSABANA K'UMURYANGO 185
31. GUTEKANA BINYUZE MU RUKUNDO 189
32. GUFATA NEZA UMURIMA W'UMUTIMA 195
33. AMASEZERANO YO KUYOBORWA N'IMANA 199

9. UMUGABO NI INKINGI Y'URUGO 203
34. UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUBYEYI W'UMUGABO MU RUGO 205
35. KWAKIRANA IMITWARO 209
36. INCUTI MAGARA Y'ABANA BE 213
37. UMUGABO KU IZINA 217

10. NYINA W'ABANA - UMWAMIKAZI MU RUGO 221
38. UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUGORE 223
39. IMBARAGA IHINDURA UMUBYEYI W'UMUGORE AFITE 231
40. KUDASOBANUKIRWA N'UMURIMO WA NYINA W'ABANA 235
41. IBYITEGEREREZO BIKOCAMYE KU KUBA UMUBYEYI . 239
42. UBUZIMA BW'UMUBYEYI N'UKO AGARAGARA 243
43. : IMPINDUKA ZITANGIRA MU GIHE UMUGORE ATWITE 247
44. KWITA KU BANA BATO 253
45. UMURIMO W'IBANZE W'UMUBYEYI NI UKUMENYEREZA ABANA 257
46. MUKA SE W'ABANA 263
47. KRISTO AKOMEZA ABABYEYI B'ABAGORE 267

11. ABANA NI ABAFATANYABIKORWA BAKIRI BATO 271
48. AGACIRO IJURU RIHA ABANA 273
49. ABANA NI ABAFASHA BA NYINA UBABYARA 277
50. ICYUBAHIRO GIKWIRIYE ABABYEYI 285
51. INAMA IHABWA ABANA 291

12. URUGERO NGENDERWAHO RW'IMIBEREHO Y'UMURYANGO 297
52. UBUYOBOZI BW'URUGO 299
53. URUGAMBA RUSANANIWE 305
54. IYOBOKAMANA MU MURYANGO 311
55. AMAHAME Y'IMYITWARIRE MBONERA 319
56. GATANYA 331
57. UKO UMUNTU YAKWITWARA KUWO BASHAKANYE UTIZERA 339
58. UMURYANGO W'UMUGABURA 343
59. ABABYEYI BAGEZE MU ZABUKURU 351

13. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA 355
60. IBISONGA BY'IMANA 357
61. AMAHAME AGENGA IMARI MU MURYANGO 361
62. AKAMARO KO KUZIGAMA 371
63. KWIGISHA ABANA UBURYO BWO KUBONA AMAFARANGA NO KUYAKORESHA 375
64. UBUNYANGAMUGAYO MU BYO UMUNTU AKORA 381
65. GUTEGANYIRIZA EJO HAZAZA 385

14. KURINDA INZIRA ZIGANA MU MUTIMA 389
66. IBYANZU BY'UMUTIMA TUGOMBA KURINDA 391
67. IBYO TUBONA N'IBYO TWUMVA BIDUSHUKA 395
68. GUSOMA N'IMBARAGA IHINDURA IKUBAMO 401

15. IMICO ITUMA UMURYANGO UGIRA IMIBEREHO ISHIMISHIJE 409
69. URUGWIRO N'UBUGWANEZA 411
70. UMUNEZERO 419
71. IMVUGO 423
72. GUCUMBIKIRA ABASHYITSI **433**

16. URUGO N'ISANO RUFITANYE N'UMURYANGO MUGARI 439
73. IBYO DUKENERA MU RWEGO MBONEZAMUBANO 441
74. UBUCUTI BWIZA N'UBUBI 445
75. UBUYOBOZI BW'ABABYEYI MU MIBANIRE

Y'ABANA BABO N'ABANDI BANTU 451
76. IBIRUHUKO N'AMASABUKURU 457
77. UMUNSI WA NOHELI 461
78. UMURYANGO NI ISANGANO RY'IVUGABUTUMWA..... 467
17. **IMYIDAGADURO N'IKIRUHUKO** 473
79. IKIRUHUKO N'IMYIDAGADURO NI INGENZI..... 475
80. TWAKINA MIKINO KI?..... 479
81. IKIRUHUKO GITANGA UMUNEZERO URAMBA 487
82. UKO UMUKRISTO AHITAMO IKIRUHUKO..... 493
83. KURARIKIRA IBINEZEZA 501
84. KUYOBORA IMITEKERERE ZE Y'URUBYIRUKO KU BYEREKEYE IMYIDAGADURO 505
18. **UZAGORORERWA** 509
85. INGORORANO Y'UBU N'IYO MU GIHE KIZAZA..... 511
86. IMIBEREHO YO MU RUGO RWO MURI EDENI..... 517
87. UKO ISI NSHYA IZABA IMEZE 523

IRIBURIRO

Urugorw'Umudiventisitiniurugorugaragaramokandirwigishirizwamo amahame n'imigirire by'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Ni urugo ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore b'Abadiventisiti bahererwamo inshingano na Kristo ngo bagende kandi bakore umurimo wo guhindura abo mu miryango yabo bwite babe Abakristo. Nuko rero, kugira ngo bashobore gukora iyo nshingano yabo neza, ababyeyi b'Abadiventisiti bashaka ubufasha bwose bashobora kubona bwabibashoboza.

Ellen G. White yanditse inama nyinshi kandi z'ingirakamaro yageneye ababyeyi. Yanditse ku ngingo zose zigize umuryango, kandi atanga inyigisho zihariye kuri byinshi mu bibazo bihangayikishije cyane ababyeyi bashyira mu gaciro muri iki gihe. Mu myaka mike yabanjirije urupfu rwe, Ellen G. White yavuze ko afite icyifuzo cyo gusohora "igitabo cyagenewe ababyeyi b'Abakristo" cyagombaga gusobanura "inshingano z'umubyeyi w'umugore ku bana be n'ububasha buhindura abafiteho." Muri iki gitabo rero, hakozwe ibishoboka byose kugira ngo ibyo Ellen G.White yari yiteze bigerweho.

Iki gitabo *"Urugo rw'Umukristo w'Umudiventisiti"* giteguwe ku buryo gishobora kwifashishwa nk'indongozi y'ababyeyi bagira ibintu byinshi bahugiramo cyane, kandi kikabamo urugero ngenderwaho cyangwa imyitwarire yifuzwa yerekana uko urugo rushobora kandi rwagombye kumera. Muri iki gitabo harimo ibisubizo by'ibibazo byinshi mukunze kwibaza, kandi hakabamo n'amagambo y'ubwenge aturuka kuri Data wa twese wo mu ijuru.

Mu gukusanyiriza hamwe amagambo y'iki gitabo, hagiye hafatwa ingingo zikuwe mu nyandiko Ellen G. White yanditse mu myaka mirongo irindwi, ariko cyane cyane mu nyandiko ze nyinshi cyane yagiye ategurira kwandikwa mu binyamakuru by'Itorero. Ibitabo byasohotse vuba, ibihamya byihariye byasohotse mu dutabo duto ndetse n'inyandiko zitarandikwa ku mashini byagize uruhare mu gukungahaza ubutumwa bukubiye muri iki

gitabo. Buri gice gisozwa n'urutonde rw'inyandiko ubutumwa bukirimo bwavuyemo. Kandi kubera ko inyandiko zitari zimwe zagiye zikurwa ahantu hatandukanye no mu bihe binyuranye zahurijwe hamwe ngo zigire umujyo w'urukurikirane rwumvikana, bishoboka ko hato na hato wasanga mu gitekerezo cyangwa imivugire runaka hari ingingo isa n'itarangiye. Ibyo byatewe n'uko ababyegeranije bashatse kugira aho bajya bagarukira mu guhitamo ubutumwa bubereye kujya muri iki gitabo no kwandika ibika bifite inyito yabyo.

Iki gitabo cyateguwe n'Ibiro bishinzwe gusohora inyandiko za Ellen G. White. Uyu murimo wakozwe hakurikijwe amabwiriza Ellen G. White yahaye abashinzwe kubungabunga inyandiko ze, yerekeye "gucapa ubutumwa buvuye mu nyandiko ze zinyuranye" kuko yavuze agira ati: "Zikubiyemo amabwiriza Uwiteka yampaye ngo nyageze ku bwoko bwe."

Mu mateka y'isi, ntabwo higeze kubaho igitabo gikenewe mu buryo bwihutirwa cyane nk'ikingiki. Ntabwo ababyeyi n'abana bigeze bagira ubwuzu bwo kubona igisubizo gitunganye ku bibazo bibabuza amahwemo kurusha iki gihe. Kandi nta n'ubwo ingo zigeze zugarizwa n'ibibazo nk'uko bimeze muri iki gihe.

Umuntu wese muri twe azi neza ko uko ibintu bimeze mu muryango mugari muri iki gihe ari ishusho yerekana uko ingo ziri mu gihugu zihagaze. Mu buryo nk'ubwo kandi tuzi neza ko impinduka zizaba mu muryango muto zizagaragarira mu muryango mugari wahindutse. Kubw'iyo mpamvu, iki gitabo *"Urugo rw'Umukristo w'Umudiventisiti"* cyarateguwe ngo kibe kimwe mu bitabo byagenewe umuryango wa Gikristo, bityo abanditsi n'abashinzwe kubungabunga inyandiko za Ellen G. White bagishyize ku mugaragaro ngo gikore umurimo wacyo w'ingenzi.

Washington D.C.

Ku wa 8 Gicurasi 1952

UMUGABANE WA 1

URUGO RUSHIMISHIJE

IGICE CYA 1

UMWUKA URANGA URUGO

Urugo ni Umutima w'Igikorwa Cyose. Umuryango mugari ugizwe n'imiryango mito, kandi uwo muryango uba icyo abayobozi b'imiryango mito bawugira cyo. Umuryango muto uvamo «ibibazo birangwa mu buzima»; kandi urugo ni rwo mutima w'umuryango mugari, umutima w'itorero ndetse n'igihugu. Imibereho myiza y'umuryango, kugera ku ntego kw'itorero no kugubwa neza kw'igihugu byose bishingiye ku mbaraga z'imiryango mito. (1)

Gushyirwa hejuru cyangwa gusigingira kw'ahazaza h'umuryango mugari kuzashingira ku migirire n'imico by'urubyiruko rukurira ahadukikije. Uko urubyiruko rurerwa, ndetse imico yarwo ikagororwa mu buto bwarwo ngo izabe imico iboneye, rurangwe no kwitegeka no kwirinda, ni ko n'imyitwarire yarwo izagira impinduka nziza izana mu muryango mugari. Iyo urubyiruko rutereranywe ntirumurikirwe kandi ngo rushyirweho igitsure, ingaruka iba iyo gusigara ari ibyigenge, batirinda mu gutegeka ipfa n'irari ryabo. Uko ni ko n'ahazaza habo hazaba hameze mu guha icyerekezo umuryango mugari. Abo abato bifatanya nabo, ingeso cyangwa se imico batora, ndetse n'amahame bimenyereza muri iki gihe, ibyo byose ni ikimenyetso cyerekana uko umuryango mugari uzaba uteye mu myaka iri imbere. (2)

Urugo Rushushanya Ijuru mu Buryo Buhebuje: Urugo rukwiriye kuba rugizwe n'ibintu byose iri jambo ryerekezaho. Rukwiriye kuba ijuru rito hano ku isi. Rukwiriye kuba ahantu urukundo rumenyerezwa abagize umuryango aho kuba aho bimenyereza kwangana. Umunezero wacu ushingiye kuri uku kwimakaza urukundo, ndetse no kugaragarizanya ubwuzu buri wese agirira mugenzi we. (3)

Urugo rushushanya ijuru ni urugo rugengwa na Mwuka w'Imana. Iyo ubushake bw'Imana bukurikijwe, umugabo n'umugore barubahana, kandi bakimenyereza gukundana no kugirirana icyizere. (4)

Akamaro k'Umwuka Urangwa mu Rugo: Umwuka ukikije umubyeyi w'umugabo n'umugore usaba mu nzu yose, kandi ukumvikana mu byiciro byose bigize urugo. (5)

Ababyeyi ni bo barema umwuka uranga abagize urugo rwabo ku rwego rukomeye, kandi iyo mu rugo hari ukutumvikana hagati y'ababyeyi bombi, abana babo nabo bakongezwa uwo mwuka. Jya uharanira kubumbatira umwuka mwiza mu rugo rwawe. Niba wumva warazinutswe mugenzi wawe kandi mukaba mutitwara nk'Abakristo bakurikiza ukuri kwa Bibiliya, nimuhinduke; kubera ko imico mwerekana muri iki gihe cy'imbabazi ari yo mico muzaba mufite igihe Yesu Kristo azaba agarutse. Niba ushaka kuzaba umwe mu bera bo mu ijuru, ukwiriye kubanza kuba uwera kuri iyi si. Ibigize imico wihambiraho mu buzima ntibizahindurwa n'urupfu rwawe cyangwa n'umuzuko. Uzava mu gituro ufite imyitwarire nk'iyakurangaga mu rugo rwawe no mu muryango mugari mbere yo gupfa. Ntabwo igihe Yesu azaba agarutse ari ho azahindura imico y'umuntu. Umurimo wo guhindurwa ugomba gukorwa muri iki gihe. Imibereho yacu ya buri munsi ni yo igena uko iherezo ryacu rizamera. (6)

Kuzana Umwuka Mwiza mu Rugo: Buri rugo rwa Gikristo rukwiriye kugira amategeko rugenderaho; kandi ababyeyi bombi bakwiriye kubera abana urugero rwiza kandi ruzima rw'ibyo babifuzaho, haba mu magambo bavugana n'uko buri wese yitwara kuri mugenzi we. Bakwiriye guhora barangwa n'imvugo itunganye no kugaragarizanya ubwuzu bwa Gikristo. Nimwigishe abana n'urubyiruko kwimenyereza kwiyubaha, kugandukira Imana no gukurikiza amahame ngenderwaho; mubigishe kubaha amategeko y'Imana no kuyakurikiza. Ayo mahame azajya ayobora imibereho yabo kandi bazajya bayakurikiza mu mibanire yabo n'abandi. Bityo, bazashobora gusakaza umwuka mwiza aho baba, umwuka uzazana imbaraga ihindura abandi ugashishikariza abanyantege nke kugendera mu nzira izamuka igana ku kwera no mu ijuru. Nimureke icyigisho cyose kibe ikizahura abantu kandi cyubake imico itunganye, bityo mu bitabo byo mu ijuru hazandikwemo ibizatuma mudakorwa n'isoni mu rubanza.

Abana barezwe muri ubwo buryo, bazaba biteguye kujya mu myanya y'ubuyobozi, kandi kubw'amahame bagenderaho n'urugero batanga, bazahora bafasha abandi gukora ibikwiriye. Abana batangiritse mu mico mbonera bazishimira amahame atunganye; bazaha agaciro nyakuri impano zabo kamere kandi bazakoresha neza imbaraga zabo z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'imico mbonera. Bene abo bantu baba bafite imbaraga nyinshi zo guhangana n'ibigeragezo kubera ko baba bazengurutswe n'urukuta rutabasha gupfa gusenywa. (7)

Imana ishaka ko imiryango yacu yashushanya umuryango wo mu ijuru. Icyampa ngo ababyeyi n'abana bajye bahora batekereza icyo kintu kandi ngo babane neza nk'abagize umuryango w'Imana! Bigenze bityo, imibereho yabo izabera icyitegererezo abatuye isi cyerekana uko

imiryango ikunda Imana kandi igakomeza amategeko yayo ishobora kumera. Ibyo byazatuma Kristo ahabwa ikuzo, maze amahoro ye, ubuntu bwe n'urukundo rwe bigasakara muri uwo muryango, bimeze nk'umubavu w'igiciro cyinshi. (8)

Ibintu byinshi biterwa n'ukuntu ababyeyi bombi babyitwayemo. Bagomba kudakebakeba kandi bakagira ubugwaneza mu gukosora [abo bashinzwe], kandi bakwiriye kudatezuka mu gutuma urugo rwabo rukurikiza gahunda kandi rukaba rutunganye ku buryo abamarayika bo mu ijuru bashobora kureherezwa kuruzamo kugira ngo bazane amahoro n'imbaraga ihindura imeze nk'umubavu. (9)

Guhindura Urugo Inyamibwa kandi Rugahorana Umunezero: Ntimukwiriye kwibagirwa yuko mufite inshingano yo guhindura urugo rwanyu inyamibwa kandi rugahora rubanejeje ndetse runejeje n'abana banyu binyuze mu kwimakaza imico ya Kristo. Nimuramuka mwemereye Kristo agatura mu rugo rwanyu, muzabasha gutandukanya ikibi n'icyiza. Muzabasha gufasha abana banyu guhinduka ibiti byo gukiranuka, byera imbuto za Mwuka Muziranenge. (10)

Mushobora guhura n'ingorane; ariko izo ngorane ni umugabane wa mwene muntu wese. Nimureke kwihangana, gushima n'urukundo bitume umucyo w'izuba uba mu mutima nubwo umunsi waba ubuditse igihu cya rukokoma. (11)

Urugo rwanyu rushobora kuba ari urugo rworoheje, ariko rushobora guhora ari ahantu havugirwa amagambo y'urukundo, kandi hagakorerwa n'ibikorwa by'ubugwaneza, aho ubwuzu n'urukundo bituye. (12)

Mu rugo rwanyu mujye mutanga amategeko mu bwenge no mu rukundo, mudakoresheje inkoni y'icyuma. Abana bazashimishwa no kumvira amategeko arimo urukundo. Mujye mushimira abana banyu igihe cyose mushoboye. Mukore ibishoboka byose mutume imibereho yabo irangwa n'umunezero … Nimutume imitima yabo iba yoroshye binyuze mu kubagaragariza urukundo, bityo mubategurire kwakira imbuto y'ukuri kw'Imana. Mujye mwibuka ko Uwiteka atohereza ku isi ibicu n'imvura gusa, ahubwo anatwoherereza imirasire y'izuba iteye ubwuzu, ituma imbuto zimera, hakazakurikiraho kurabya. Mwibuke ko abana badakeneye guhora bacyahwa kandi bahanwa gusa, ahubwo bakeneye no guterwa umwete no gushimwa. Bakeneye imirasire ishimishije y'amagambo y'ubugwaneza. (13)

Ntimugomba kugira amakimbirane mu rugo rwanyu. "Ariko ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buraboneye kandi ni ubw'amahoro, ni ubw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura ku butoni kandi butagira uburyarya. Kandi imbuto zo

gukiranuka zibibwa mu mahoro n'abahesha abandi amahoro," (Yakobo 3:17,18). Turashaka ko mu ngo zacu harangwa ineza n'amahoro. (14)

Imirunga y'Ineza Yunga Abantu: Umurunga ufatanya abagize umuryango uboshywe mu buryo bunoze, ni umurunga w'ineza kandi urera ku buryo utabona icyo wawugereranyaho ku isi. Washyiriweho kubera umugisha inyokomuntu. Kandi uba umugisha ahantu hose amasezerano yo gushyingiranwa abayeho mu bwenge, mu kubaha Imana, ndetse no kuzirikana neza inshingano zijyana n'ayo masezerano. (15)

Buri rugo rukwiriye kuba ahantu harangwa urukundo, ahantu abamarayika b'Imana batura, bakajya boroshya imitima y'ababyeyi n'iy'abana. (16)

Ingo zacu zikwiriye guhinduka nka Beteli, maze imitima yacu igahinduka igicaniro. Ahantu hose urukundo rw'Imana rwimitswe mu mutima, haba amahoro, jumucyo n'umunezero. Mujye mubumbura Ijambo ry'Imana imbere y'abagize imiryango yanyu, mubikorane urukundo, kandi mubabaze muti: "Mbese Imana yavuze iki?" (17)

Iyo Kristo ari mu Rugo Aruhindura urwa Gikristo: Urugo rurimbishijwe urukundo, ubwuzu n'ineza ruhinduka ahantu abamarayika b'Imana bakunda gusura kandi hakanahesha Imana icyubahiro. Imbaraga ihindura y'urugo rwarinzwe neza igihe abana bari bakiri bato no mu bugimbi n'ubwangavu bwabo, ni urukingo rwizewe rubakingira iby'isi byonona. Abana bakurira mu rugo ruhumeka bene uwo mwuka biga gukunda ababyeyi babo bo ku isi ndetse na Se wo mu ijuru. (18)

Kuva igihe abana bakiri bato, baba bakeneye kubona barererwa ahantu hari uruzitiro rukomeye rubatandukanya n'isi kugira ngo imbaraga yayo yangiza itabonona. (19)

Buri muryango wa Gikristo ukwiriye kugaragariza abatuye isi ububasha no gukomera by'imbaraga ihindura y'Ubukristo.... Ababyeyi bakwiriye gusobanukirwa ko bafite inshingano yo kurinda ingo zabo ikintu cyose cyashobora kwanduza imico mbonera yabo. (20)

Gutunganira Imana bikwiriye kuganza mu rugo rwa Gikristo. ... Ababyeyi n'abana bakwiriye kwimenyereza gukorana n'Imana. Bakwiriye guhuza imigambi y'Imana n'ingeso zabo n'imigirire yabo. (21)

Isano abari mu muryango bafitanye yari ikwiriye kubabera amendeze yo kwezwa. Ingo za Gikristo zubatswe kandi zikayoborwa hakurijwe umugambi w'Imana, ni inkunga ikomeye mu byo kurema imico ya Gikristo. ... Ababyeyi n'abana bakwiriye guhuriza hamwe mu gukorera Imana umurimo wuje urukundo kuko ari Yo yonyine ifite ububasha bwo kurinda urukundo rwa kimuntu rukaba imbonera kandi rugatungana. (22)

Umurimo wa mbere ukwiriye gukorwa mu rugo rwa Gikristo ni ukureba ko Umwuka wa Kristo ari muri rwo, kugira ngo buri muntu mu bagize umuryango ashobore kwikorera umusaraba we akurikire Yesu aho amuyobora hose. (23)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing*, p. 349.
2. *Pacific Health Journal*, June 1890.
3. *Testimonies for the Church*, vol. 3, p. 539.
4. *Signs of Times*, June 20, 1911.
5. *Manuscripts 49*, 1898.
6. *Letter 18b*, 1891.
7. *Special Testimonies*, Series B, no 16, pp.4,5.
8. *Review and Herald*, Sept. 17, 1896.
9. *Manuscript 14*, 1905.
10. *Letter 29*, 1902.
11. *Ministry of Healing*, p. 393.
12. *Review and Helard* , July 9, 1901.
13. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p. 144.
14. *Manuscript 9*, 1893.
15. *Ministry of Healing*, pp. 356, 357.
16. *Letter 25*, 1904.
17. *Letter 24a*, 1896.
18. *Manuscript 126*, 1903.
19. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p. 119.
20. *Review and Herald*, Oct. 9, 1900.
21. *Letter 9*, 1904.
22. *Manuscript 16*, 1899.
23. *Manuscript 17*, 1891.

Igice Cya 2

AMAHAME SHINGIRO Y'UBURYO NYAKURI BWO KUBAKA URUGO

Ahantu Hareshya Abantu Kurenza Ahandi hose ku Isi: Nubwo ababyeyi baba bafite inshingano ziremereye zo kurindana ubwitonzi umunezero w'ahazaza ku bana babo ndetse n'ibyo bakwiriye kuzitaho, bafite n'inshingano yo gukora ku buryo ubugo rwabo ruba ahantu hareshya abantu mu buryo bushoboka bwose. Iki ni ikintu cy'ingenzi cyane kirenze kugwiza imitungo n'amafaranga. Urugo ntirugomba kuburamo ubushyuhe. Umwuka wo kuba mu muryango mwiza ukwiriye guhora mu mitima y'abana, kugira ngo nibakura bazajye basubiza amaso inyuma barebe mu miryango yo mu buto bwabo maze bibuke ahantu huje amahoro n'umunezero, henda kuba nko mu ijuru. Nuko igihe bazaba bakuze, bazajya bahumuriza ababyeyi babo kandi bababere umugisha. (1)

Urugo rukwiriye kubera abana ahantu hashimishije kurusha ahandi hose ku isi, kandi kubana na nyina byagombye kubarehereza kurubamo kurusha ikindi kintu cyose. Abana bafite kamere yakira cyangwa se yumva ibintu vuba kandi ikunda. Bashimishwa n'ikintu mu buryo bworoshye kandi bakababazwa n'ikindi mu buryo bworoshye. Baramutse batanze uburere buzira guhutaza, mu magambo n'ibikorwa byuje urukundo, ababyeyi b'abagore bashobora kuzirika abana babo ku mitima yabo. (2)

Isuku, Kubonera na Gahunda: Isuku, kubonera na gahunda ni ibintu by'ingenzi cyane mu micungire myiza y'urugo. Ariko iyo nyina w'abana ari byo agize inshingano ze z'ingenzi gusa mu buzima bwe, maze akaba ari byo yirunduriramo kugeza ubwo yirengagiza gukura k'umubiri w'abana be no kwigisha intekerezo zabo no kubatoza imico mbonera, aba akoze ikosa ribabaje cyane. (3)

Abizera bakwiriye kwigishwa ko nubwo baba ari abakene, badakwiriye kugira umwanda cyangwa ngo bareke kubonera ku mibiri yabo ndetse ngo bagire akajagari mu ngo zabo. Kuri ibi, ubufasha bugomba guhabwa abantu batumva ubusobanuro n'akamaro byo kugira isuku. Bagomba kwigishwa ko abantu bahagarariye Imana ikomeye kandi yera nabo bagomba kurinda ubugingo bwabo bukaba bwera kandi buboneye, kandi

ko uko kwera kugomba kugaragarira no ku myambaro yabo ndetse n'ikintu cyose kirangwa mu rugo rwabo, kugira ngo abamarayika barinzi babone ikimenyetso cyerekana ko ukuri bigishijwe kwazanye impinduka mu mibereho yabo, ko kwejeje ubugingo bwabo kandi ko kwatunganyije ibyo bishimira. Abamaze kwakira ukuri, ariko ntihagire impinduka igaragara mu magambo bavuga cyangwa mu myitwarire yabo, mu myambarire yabo cyangwa se no mu bindi bibakikije, baba bariho ku bwabo, ntibaba bariho ku bwa Kristo. Ntabwo baba barahindutse ibyaremwe bishya muri Yesu Kristo, kugira ngo babashe kubonera no kwera. …

Nubwo dukwiriye kwirinda kwirimbisha ibitagira umumaro, tukirinda no kwigaragaza, ntabwo dukwiriye kuba abantu batagira icyo bitaho cyangwa ba ntibindeba ku bijyana n'uko tugaragarira abandi inyuma ku mubiri. Ikintu cyose kitwerekeyeho ubwacu no ku ngo zacu gikwiriye kuba kiboneye kandi kibereye ijisho. Urubyiruko rukwiriye kwigishwa ibyerekeye akamaro ko kugaragara mu buryo abarubona batarujora, ahubwo rukagaragara mu ishusho ihesha Imana n'ukuri kwayo icyubahiro. (4)

Kwirengagiza isuku bizakurura indwara. Uburwayi ntibupfa kwizana nta mpamvu. Higeze kubaho ibyorezo by'indwara zihindisha umuriro mu mijyi no mu midugudu myinshi kandi bayibaraga nk'irangwamo ubuzima bwiza, ariko ibyo byorezo byaje guteza impfu cyangwa kwangirika kw'imibiri y'abantu. Ahenshi ingo z'abagezweho n'ingaruka z'ibyo byorezo zabaga zirimo imyanda yoherezaga uburozi mu kirere maze uwo mwuka ugahumekwa n'abagize umuryango ndetse n'abaturanyi babo. Biratangaje kubona hakiriho ubujiji no kwirengagiza ku bijyanye n'ingaruka ubwo ubujiji no kutagira icyo bitaho bigira ku buzima. (5)

Gahunda ni Ngombwa Kugira ngo mu Rugo Habe Umunezero: Imana ntishimishwa n'akajagari, kutagira gahunda n'ubunenganenzi ku muntu uwo ari we wese. Izo nenge ni ibintu bibi cyane, kandi zituma urukundo umugabo yari afitiye umugore we rugenda rucwekera, mu gihe umugabo akunda gahunda, abana bafite ikinyabupfura, n'urugo ruri ku murongo neza. Umugore ari na we nyina w'abana ntashobora gutuma urugo rwe rurangwa n'umunezero keretse gusa aramutse akunda gahunda mu rugo, agasigasira kwiyubaha kwe, kandi akayobora neza abo mu rugo. Kubw'ibyo rero, abantu batagira izi ndangagaciro bakwiriye guhita batangira kuzimenyereza, kandi bakita cyane ku gukuza muri bo ibyo babona babuze cyane. (6)

Kuba Maso no Kudakebakeba Bikwiriye Kujyanirana: Nitwiyegurira Imana tutizigamye, inshingano zoroheje kandi zisanzwe zo mu buzima bwo mu rugo zizagaragara nk'uko ziri mu gaciro kazo nyakuri, kandi tuzazikora dukurikije ubushake bw'Imana. Dukwiriye kuba maso,

tugategereza kugaruka k'Umwana w'umuntu, kandi dukwiriye no kudakebakeba; kubera ko dusabwa gukora no gutegereza; ibyo byombi bikwiriye kubangikanywa. Ibyo bizatuma imico y'Umukristo iba itunganye, itere imbere mu buryo bwiza kandi nta ruhande rusiga urundi. Ntidukwiriye kandi kwiyumvisha ko tugomba kugira ibyo dukora ngo ikindi tucyirengagize, ngo twirundurire gusa mu gutekereza [ku Ijambo ry'Imana], kwiga cyangwa gusenga. Ntabwo kandi dukwiriye no guhugirana dukora cyane ngo bitume twirengagiza gutungana kwacu bwite dukeneye. *Gutegereza, kuba maso no gukora* ni imirimo itatu dusabwa gukorera icyarimwe. "Ku bw'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima, mukorere Umwami wacu," (Abaroma 14:12. (7)

Gutanga Ibyazatuma Umurimo Utakuremerera: Mu miryango myinshi, umugore ari na we nyina w'abana ntagira igihe cyo gusoma, igihe cyo kumenya amakuru y'ibibera hanze, nta gihe cyo kuba yafasha umugabo we mu nshingano ze, kandi nta gihe cyo gukurikirana imikurire y'ubwenge bw'abana be. Nta n'igihe cyo gucudika n'Umukiza ngo amubere incuti magara. Bityo buhoro buhoro akagenda ahinduka umucakara w'urugo rwe, nuko imbaraga ze, igihe cye n'ibyo yishimira bigashirira mu bintu bishira vuba. Byazatinda, ajya gukanguka maze agasanga ari nk'umushyitsi mu rugo rwe. Aza gusanga ibihe by'igiciro cyinshi yari afite ngo atume abana be akunda ndetse n'umugabo we bareherezwa ku buzima bw'ikirenga, bene ibyo bihe biba byarapfushijwe ubusa, byaramusize ubutazongera kugaruka.

Nimutyo abita ku rugo bafate icyemezo cyo gukurikiza gahunda yateguranywe ubwenge. Intego yanyu ya mbere ni ibe iyo kugira urugo rushimishije. Mukwiriye kwita ku bintu byatuma inshingano zo kwita ku rugo rwanyu ziborohera, kandi bigateza imbere ubuzima bwiza. (8)

N'inshingano zo mu Rwego rwo hasi Cyane na zo Zigize Umurimo w'Imana: Umurimo wose dukora kandi ukaba ukwiriye gukorwa, waba ari ukoza amasahane, gutegura ameza, kwita ku murwayi, guteka cyangwa kumesa, uwo ari wo wose ni ingenzi. … Imirimo tubona ko iciye bugufi, ikwiriye kugira umuntu uyikora; kandi abayikora bakwiriye kumva ko bakora umurimo w'ingenzi kandi wubashywe, kandi ko mu murimo wabo nubwo waba ucishije bugufi, baba bari gukora umurimo w'Imana nk'uko marayika Gaburiheli yatumwaga ku bahanuzi. Buri wese akurikiza gahunda mu nshingano ze. Umugore mu rugo rwe, igihe akora inshingano zoroheje mu buzima zigomba gukorwa, ashobora kandi akwiriye guhora agaragaza ugukiranuka, kumvira n'urukundo, ntakebakebe nk'uko abamarayika bagenza mu nshingano zabo. Gukurikiza ubushake bw'Imana bituma umurimo wose ugomba gukorwa uba uw'icyubahiro. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886.
2. *Ministry of Healing,* p. 388.
3. *Signs of Times,* Aug. 5, 1873.
4. *Review and Herald,* June 10, 1902.
5. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* pp.105,106.
6. *Testimonies for the Church,* Vol.2, pp.298, 299.
7. *Review and Herald,* Sept. 13, 1891.
8. *Ministry of Healing,* pp. 368, 369.
9. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, pp. 79,80.

IGICE CYA 3

URUGO RWO MURI EDENI NI ICYITEGEREREZO

Urugo rw'Umuntu rwa Mbere Rwateguwe n'Imana: Urugo rwo muri Edeni rw'ababyeyi bacu ba mbere, baruteguriwe n'Imana ubwayo. Igihe yari irangije kurushyiramo ibyo umuntu yari gukenera byose, yaravuze iti: *"Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe..."* (Itangiriro 1:26)

Umuremyi wacu yashimishijwe cyane n'ikiremwa cya nyuma kandi cyari cyiza cyane kurusha ibindi byose yari arangije kurema. Kandi yamugeneye kuba umuturage utunganye wo gutura mu isi izira amakemwa. Ariko ntibyari mu mugambi w'Imana ko umuntu azaba wenyine. Ahubwo yaravuze iti: "Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye," Itangiriro 2:18. (1)

Imana ubwayo yahaye Adamu umufasha. Yamuhaye "umufasha umukwiriye." Umufasha bahuje, umeze nka we – yaremewe kuba mugenzi we, kandi yagombaga kuba umwe na we mu rukundo kandi buri wese akagaragariza ubwuzu mugenzi we. Eva yaremwe mu rubavu rwakuwe muri Adamu, bikaba byari bisobanuye ko atari uwo gutegeka umugabo we kuko ari we mutwe, kandi ye kujya akandagirwa nk'aho aciye bugufi, ahubwo ngo azajye amuba iruhande nk'umuntu bangana, ngo amukunde kandi amurinde. Urugingo ruvuye ku muntu, igufwa ryavanywe mu magufwa ya Adamu, akara ko mu mara ye; Adamu yarebaga Eva akabona niwe ubwe kandi ari mahwi; bikagaragaza ubumwe bwimbitse no komatana kuje urukundo kugomba kuba mu mibanire yabo. "Kuko ari nta muntu wakwanga umubiri we, ahubwo yawugaburira, akawukuyakuya." (Abefeso 5:29). "Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe." (Itangiriro 2:24). (2)

Umuhango w'Ubukwe bwa Mbere Wayobowe n'Imana: Imana yijihije ubukwe bwa mbere. Bityo rero, umuhango w'ubukwe ufite inkomoko ku Muremyi w'ijuru n'isi. "Gushyingiranwa kubahwe n'abantu bose." (Abaheburayo 13:4) [BII]. Gushyingiranwa ni imwe mu mpano Imana yahaye umuntu, kandi ni umwe mu mihango ibiri Adamu yakomeje gukomeraho na nyuma yo gusohorwa mu marembo ya Paradizo. Iyo mu

mibanire yabo abashyingiranywe bazirikanye kandi bakumvira amahame y'Imana, ugushyingiranwa kuba umugisha. Kurinda ubutungane n'umunezero by'inyokomuntu, biha umuntu ibyo akenera mu mibanire ye n'abandi, kandi bigatuma agira ubuzima bwiza haba ku gihagararo, ku bwenge no mu mico mbonera. (3).

Uwatanze Eva ngo abane na Adamu ni we wakoze igitangaza cya mbere mu birori by'ubukwe. Mu cyumba ubukwe bwaberagamo aho incuti ze na bene wabo bari bateraniye bishimye, ni ho yatangiriye umurimo we ku mugaragaro. Bityo, Yesu yahaye umugisha ubukwe, azirikana ko ari umuhango ubwe yari yarashyizeho …

Kristo yahaye icyubahiro isano abashyingiranwe bagirana ayigira ikimenyetso kigaragaza ubumwe hagati Ye n'abo yacunguye. Kristo ni Umukwe, naho Itorero rikaba umugeni we yitoranyirije. Aravuga ati: "Uri mwiza bihebuje mukunzi wanjye, nta nenge ufite " Indirimbo ya Salomo 4:7 (4)

Bahawe Ikintu Cyose Bari Bakeneye: Adamu yari akikijwe n'ikintu cyose umutima we washoboraga kwifuza. Icyo yabaga akeneye cyose yarakibonaga. Mu ngobyi y'agahozo ya Edeni nta cyaha cyabagayo kandi nta kimenyetso na gito cyo kwangirika cyarangwagayo. Abamarayika b'Imana baganiraga n'uwo mugabo n'umugore we baziraga inenge, bakabishyikiraho nk'incuti magara. Inyoni zahanikaga utujwi twazo ziririmba indirimbo z'umunezero zo gusingiza Umuremyi wazo. Inyamaswa z'inyamahoro mu munezero wazo zakiniraga hafi ya Adamu na Eva, kandi zikumvira ibyo bazibwiye. Adamu yari afite igihagararo n'uburanga by'agahozo, ahebuje ibyo Imana yaremye byose." (5)

Nta gihu na gitoya cyabatandukanyaga n'Umuremyi wabo. Bari bazi Imana nk'umubyeyi wabo ubagirira neza, kandi ubushake bwabo bwakurikizaga ubushake bw'Imana mu bintu byose. Imico y'Imana yagaragaraga muri Adamu, kandi ikuzo ryayo ryagaragariraga mu bintu byose yaremye. (6)

Umurimo Washyiriweho Kugira ngo Uzanire Umuntu Umunezero: Imana ikunda ikintu cyose cyiza. Yaduhaye ibihamya bidashidikanywaho kuri ibi ibinyujije mu byo yaremye. Imana yateguriye ababyeyi bacu ba mbere umurima mwiza cyane mu ngobyi ya Edeni. Ibiti byiza cyane byameze muri wo, harimo ibiti by'amoko yose by'ingirakamaro kandi byo kuharimbisha. Hameze uburabyo bwiza cyane, bw'agahozo, bw'amabara yose kandi buhumura neza bigatuma umwuka waho wuzura impumuro nziza..... Umugambi w'Imana wari uko umuntu yagombaga kubonera umunezero mu murimo wo kwita ku byo Imana yaremye, kandi ko ibyo yajyaga gukenera yari kubikura ku mbuto z'ibiti byari muri uwo murima. (7)

Adamu yahawe inshingano yo kwita kuri uwo murima. Umuremyi yari azi neza ko Adamu atashoboraga kunezerwa adafite icyo akora. Ubwiza bw'ubwo busitani bwaramushimishaga, ariko ntibyari bihagije kuri we. Yagombaga kugira icyo akora kugira ngo akoreshe ingingo z'umubiri we waremwe mu buryo butangaje. Iyo Imana ireba igasanga umuntu yari kunezerwa bitewe no kutagira icyo akora, uyu muntu mu butungane bwe buzira amakemwa ntaba yarahawe umurimo wo gukora. Ariko Imana yo yaremye umuntu, yari izi icyatuma agira umunezero; ni cyo cyatumye ikimara kumurema yarahise imuha umurimo wo gukora. Isezerano ry'ubwiza buhebuje bw'ahazaza n'itegeko ryahawe umuntu ry'uko azarya abanje kwiyuha akuya, byombi byatanzwe n'Imana. (8)

Urugo rwa Gikristo Ruhesha Imana Icyubahiro: Ababyeyi bombi bagira Imana nyambere mu rugo rwabo, kandi bakigisha abana babo ko kubaha Uwiteka ari ryo shingiro ry'ubwenge, baba bahesha Imana icyubahiro imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu, babinyujije mu kwereka ab'isi umuryango ufite gahunda nziza ugenderaho n'imyitwarire iboneye - umuryango ukunda Imana kandi ukayubaha, aho kuyigomekaho. Kristo ntaba ari umushyitsi mu ngo zabo; izina rye riba rimenyerewe muri urwo rugo, rirubahwa kandi rigasingizwa. Abamarayika bishimira kuba mu rugo ruganjemo Imana kandi abana bigishwa kubaha idini,

Bibiliya n'Umuremyi wabo. Bene iyo miryango ishobora gusaba Imana kuyisohoreza iri sezerano rivuga ngo: "... kuko abanyubaha ari bo nzubaha," (1Samweli 2:30). Iyo se w'abana avuye muri bene urwo rugo agiye gukora imirimo ye ya buri munsi, ayikora afite umutima ukeye, kandi wacishijwe bugufi n'umushyikirano agirana n'Imana. (9)

Kuba mu rugo kwa Kristo ni ko konyine gushobora gutuma abagabo n'abagore banezerwa. Kristo ashobora guhindura amazi yose asanzwe atunga ubugingo mo divayi yo mu ijuru. Ubwo ni bwo urugo ruhinduka nka Edeni inezerewe bitangaje; umuryango ugahinduka ikimenyetso cy'agahozo kigereranya umuryango wo mu ijuru. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *The Youth's Instructor,* August 10, 1899.
2. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 29.[2016]
3. *Id.,* p. 29. [2016]
4. *Ministry of Healig,* p. 356.
5. *Signs of Times* , June 11, 1874.
6. *The Youth's Instructor,* June 2, 1898.
7. *The Health Reformer,* July, 1871.
8. *The Youth's Instructor,* February 27, 1902.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.5, p. 424.
10. *Manuscript* 43, 1900.

UMUGABANE WA 2

UMUCYO MU BATURANYI

Igice Cya 4

IMPINDUKA ZIGERA KURE URUGO RUSHOBORA GUTEZA

Urugo rwa Gikristo ni Icyitegererezo: Umurimo urugo rwa Gikristo rugomba gusohoza ntugarukira ku barubarizwamo gusa. Urugo rwa Gikristo rukwiriye kuba icyitegererezo kigaragaza ubutungane no gukomera kw'amahame y'ukuri y'imibereho. Icyo cyitegererezo kizaba imbaraga ikomeye iganisha abantu ku cyiza mu isi. … … Uko urubyiruko ruzajya rusohoka muri iyo miryango rukajya ahandi, ni ko amasomo rwize rugenda ruyacengeza mu bandi. Amahame ndangagaciro mu buzima azagenda yinjizwa mu yindi miryango, kandi n'imbaraga izahura abantu ugende ikorera no mu muryango mugari. (1)

Urugo usangamo abarugize ari Abakristo bafite ikinyabupfura n'urugwiro ruteza impinduka zigera kure ziganisha abantu ku cyiza. Noneho indi miryango izajya ireba ibyiza bigerwaho na bene urwo rugo, kandi izakurikiza urugero rw'uwo muryango, bityo nayo ibashe kwirinda imbaraga ziyobya z'umwanzi Satani. Akenshi abamarayika b'Imana bazajya bagenderera urugo rurangwamo gukurikiza ubushake bw'Imana. Kubw'imbaraga y'ubuntu bw'Imana, urwo rugo ruhinduka ahantu abagenzi bananiwe kandi batentebutse baruhukira kandi bakahahembukira. Kubwo kwirinda no kuba maso, inarinjye irakumirwa ntiyigaragaze. Usanga ingeso nziza ari zo ziremwa mu bagize urwo rugo kandi hakabaho kuzirikanana ubwitonzi uburenganzira bw'abandi. Ukwizera gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo ni ko kuba ku ruhembe rw'imbere, maze kukayobora abo muri urwo rugo bose. Bitewe n'imbaraga ihindura ikomoka kuri uwo muryango, ihame riboneka mu Ijambo ry'Imana rivuga ko abantu ari abavandimwe rirushaho kwamamara no kubahirizwa.(2)

Impinduka Iterwa n'Umuryango Ukurikiza Gahunda: Ntabwo ari ikintu cyoroshye kugira ngo abagize umuryango bashobore guhagararira Yesu kandi bakurikize amategeko y'Imana mu gihe baturanye n'abatizera. Dusabwa kuba inzandiko nzima, zizwi kandi zisomwa n'abantu bose. Uyu mwanya turimo ukubiyemo inshingano ziteye ubwoba. (3)

Umuryango ukurikiza gahunda kandi ukagira imyitwarire myiza uba ugaragaza byinshi bihamya idini rya Gikristo kurenza ibibwirizwa byose

bishobora kubwirizwa. Bene uwo muryango witwara utyo uba igihamya cyerekana ko ababyeyi bashoboye gukurikiza amabwirizwa y'Imana, kandi ko abana babo bazayikorera mu itorero. Imbaraga ihindura bateza mu bandi igenda ikura; kubera ko uko bagira ibyo batanga, bongera guhabwa kugira ngo n'ubundi batange. Ababyeyi babigiramo amahirwe kuko abana babo bababera abafasha bageza ku bandi inyigisho bungukiye mu muryango wabo. Abaturanyi babo babungukiraho kubera ko bunguka imyitwarire izabagirira akamaro by'iteka. Abagize umuryango bose birundurira mu murimo wa Shebuja; kandi kubw'urugero rwabo rwo kubaha Imana, usanga abandi nabo bareherezwa kuba abanyakuri no gukiranukira Imana mu byo bagirira umukumbi wayo mwiza. (4)

Igihamya gihebuje ibindi cyerekana ko idini rya Gikristo rifite imbaraga rishobora gushyira ab'isi ni uko habaho umuryango ugendera kuri gahunda kandi ukarangwa n'imyitwarire myiza. Umuryango nk'uyu ugaragaza kandi ugahesha agaciro ukuri kurenza uko ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyabikora, kubera ko uyu muryango uba ari igihamya kizima cyerekana ububasha bw'ukuri mu byerekeye guhindura umutima. (5)

Ubukristo bw'umuryango ni ubwoko bw'imico ikomoka mu mikorere yawo. Ibikorwa birangurura kurusha imvugo nziza cyane ivuga uburyo umuntu yubaha Imana. (6)

Umurimo twahawe hano ku isi … ni ukureba ubwoko bw'indangagaciro dushobora kwigisha abana bacu n'imiryango yacu kugira ngo bazigire, bityo bazabashe kugira impinduka bateza mu miryango yabo. Kubw'ibyo rero, dushobora guhinduka imbaraga yigisha abandi nubwo tutaba twaricaye mu ishuri. Umuryango ugendera kuri gahunda kandi watojwe neza ni uw'agaciro kenshi mu maso y'Imana kurusha izahabu nziza, ndetse no kurusha izahabu nziza ya Ofiri. (7)

Dufite Amahirwe Atangaje: Igihe dufite hano ku isi ni kigufi. Tuza ku isi rimwe gusa kandi tukayimaraho igihe gito. Mu gihe rero turi abagenzi bihitira, nimutyo dukoreshe neza ubuzima bwacu. Umurimo twahamagariwe gukora ntudusaba ubutunzi cyangwa kuba mu mwanya ukomeye cyangwa ngo udusabe ubushobozi buhanitse. Uradusaba umwuka w'ubugwaneza, wo kwitanga n'uwo gushikama ku ntego yacu. Itara nubwo ryaba ari rito rite, iyo rikomeje gucanwa rigakomeza kwaka, rishobora gukongeza andi menshi. Aho dufitiye ubushobozi bwo kugira icyo tuhahindura hashobora kuba hatagutse, dushobora kugira ubushobozi buke n'amahirwe make cyane, ndetse n'ibyo twagezeho bikaba ari bike cyane; nyamara dufite amahirwe atangaje binyuze mu gukoresha amahirwe dufite mu ngo zacu dukiranutse. Nituramuka dukinguye imitima yacu n'ingo zacu maze amahame mvajuru agenga imibereho agashobora kwinjiramo, tuzahinduka imiyoboro inyuzwamo ububasha bukiza. Icyo gihe mu ngo zacu hazaturuka imigezi

y'amazi akiza, amazi atanga ubuzima kandi agatanga ubwiza n'uburumbuke ahantu h'umutagwe kandi harangwa amapfa.(8)

Ababyeyi bubaha Imana bazakwiza hose umwuka uteza impinduka nziza uturuka mu miryango yabo bwite maze ugere mu miryango y'abandi bityo uwo mwuka ukore nk'umusemburo washyizwe mu myariko itatu y'ifu (Luka 13:21). (9)

Umurimo wakoranywe gukiranuka mu rugo wigisha n'abandi gukora batyo bakawigana. Umwuka wo gukiranukira Imana ni nk'umusemburo, kandi nugaragazwa mu itorero, uzagira icyo uhindura ku bandi, ndetse amaherezo ube icyitegererezo ahantu hose harangwa Ubukristo. Igikorwa cy'abasirikare biyeguriye Kristo bamaramaje kigera kure cyane nk'ibihe bidashira. None se ni iki gituma umwuka nk'uwo wo kwita ku murimo w'ibwirizabutumwa ubuze mu matorero yacu. Biterwa no gukerensa ubutungane bukwiriye kurangwa mu rugo. (10)

Imbaraga Ihindura y'Umuryango Udafite Uburere Bwiza: Ibikorwa by'umuryango udafite uburere bwiza bikwira hose kandi bigateza abantu akaga. Bikoranya umuraba w'ibibi byangiza ingo, imiryango n'igihugu. (11)

Ntidushobora kubaho ku isi tutagira impinduka runaka duteza mu isi. Nta muntu n'umwe wo mu muryango ushobora kuba ukwe kwa wenyine ngo abandi bagize umuryango be kumva kandi be kugerwaho n'impinduka ashobora guteza ndetse n'umwuka umukomokaho. Uko umuntu yigaragaza mu maso he konyine guteza impinduka iganisha ku cyiza cyangwa se ku kibi. Umwuka we, amagambo ye, ibikorwa bye n'uko yitwara ku bandi ntibyihishira. Niba ari umunyabugugu, aba akikijwe n'umwuka utera abandi umususu ; ariko naba yuzuwe n'urukundo rwa Kristo, azagaragaza urugwiro, kwicisha bugufi, ubugwaneza no guha agaciro amarangamutima y'abandi, ndetse kubw'ibikorwa bye by'urukundo, abo ahura nabo n'abo babana azabacengezamo umwuka w'ubugwaneza, ubwuzu n'umunezero. Bizagaragara ko ariho ku bwa Yesu, kandi ko buri munsi yigira ku birenge bya Kristo, akahahererwa umucyo n'amahoro bituruka kuri We. Ubwo nibwo azabasha kubwira Uwiteka ati: "Ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo," (Zaburi 18:36), (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing,* p. 352.
2. *Letter* 272.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 106.
4. *Review and Herald,* June 6, 1899.
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 4. p. 304.
6. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 493.
7. *Manuscript* 12, 1895.

8. *Ministry of Healing,* p. 355.
9. *Signs of the Times,* Sept. 17, 1894.
10. *Review and Herald, Feb. 19,* 1895.
11. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 492.
12. *The Youth's Instructor,* June 22, 1893.

IGICE CYA 5

UMUKRISTO UTANGA UBUHAMYA BUKOMEYE

Ababwirizabutumwa Bakomeye Bakomoka mu Miryango ya Gikristo: Ababwirizabutumwa bakorera Imana barushaho gutegurirwa neza gukora umurimo wo mu mahanga iyo barerewe mu muryango wa Gikristo, umuryango utinya Imana, ukayikunda, ukayisenga, aho gukiranuka byahindutse kamere ya kabiri. Bishoka kandi iyo barerewe mu rugo rutihanganira ko inshingano z'urugo zikorwa mu buryo butuzuye bw'akajagari cyangwa ko zirengagizwa, aho gushyikirana n'Imana bigirwa nyambere kugira ngo umuntu abashe gukora inshingano ze za buri munsi akiranutse. (1)

Inshingano zo mu rugo zikwiriye gukorwa umuntu azirikana ko iyo zikoranwe umutima mwiza, zihesha umuntu ubunararibonye buzamubashisha gukorera Kristo mu buryo buhoraho kandi butunganye. Yooo! Mbese umukristo muzima ni kintu ki atashobora gukora mu byiciro byose bigize umurimo w'ivugabutumwa ngo akore inshingano ze za buri munsi akiramutse, ashimishwa no kwikorera umusaraba, adakerensa umurimo uwo ari wo wose nubwo waba usuzuguritse ukurikije imyumvure isanzwe ya kamere! (2)

Umurimo dukorera Kristo ukwiriye gutangirira mu muryango, cyangwa mu rugo…. Nta murimo w'ivugabutumwa w'ingirakamaro waruta uwo dukorera mu rugo…

Abantu benshi bagiye birengagiza bene uyu murimo ku buryo buteye isoni, ariko iki ni cyo gihe ubushobozi ndetse n'umuti biva ku Mana bitanzwe kugira ngo iki kibi kibashe gukosorwa. (3)

Mu miryango yabo bwite ni ho urubyiruko rugomba gukorera inshingano yarwo ihebuje izindi, rukabera umugisha ababyeyi babo n'abavandimwe babo binyuze mu kubagaragariza urukundo no kubitaho nta rwiyerurutso. Iwabo mu muryango ni ho bashobora kwerekanira kwigomwa no kwiyibagirwa binyuze mu kwita ku bandi no kubakorera. … Mbega ububasha buhindurira ku cyiza umukobwa yagira kuri basaze be! Aramutse aranzwe no kuba umunyakuri, yatuma abavandimwe be bagira

imico myiza. Amasengesho ye, ubugwaneza bwe n'urukundo rwe bibasha gukora ibintu byinshi mu rugo rw'iwabo. (4)

Mu rugo, abakiriye Kristo bagomba kwereka abandi icyo ubuntu bw'Imana bwabamariye. "Icyakora abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." (Yohana 1:12). Hari ubutware bwigarurira umuyoboke nyakuri wa Kristo, bugatuma imbaraga yabwo ihindura yumvikana mu bagize urugo bose. Ibyo bituma imico y'abari muri urwo rugo bose itungana. (5)

Igihamya n'Utizera Imana Adashobora Guhakana: Urugo rurimo gahunda ni igihamya gikomeye cyane yerekana ukuri kw'idini ya Gikristo: ni ingingo utizera adashobora kugiramo ijambo. Abantu bose bashobora kubona ko mu muryango hari impinduka ishobora kugera no ku bana, kandi ko Imana y'Aburahamu iri kumwe na bo. Iyaba ingo z'abiyita Abakristo zagiraga isura nyakuri y'Ubukristo, zajyaga kugira imbaraga ikomeye ihindurira ku gukora ibyiza. Zajyaga kandi kuba "umucyo w'isi." Imana yo mu ijuru irabwira buri mubyeyi wese w'indahemuka ikoresheje amagambo yabwiye Aburahamu iti, "Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka bakora ibyo gukiranuka, baca imanza zitabera." (6)

Abana Bashobora Kumenyesha Abandi Amahame ya Bibiliya: Abana bahawe uburere bwiza, abana bakunda kuba ingirakamaro, bagafasha ababyeyi babo, bazageza ku bo bazacudika nabo bose ibitekerezo bitunganye n'amahame ya Bibiliya. (7)

Ingo zacu niziramuka zubatswe nk'uko bikwiriye, ntituzakundira abana bacu gukurana ubunebwe no gukerensa icyo Imana ibasaba ko bakwiriye kugirira abakene bari ahabakikije hose. Nk'umurage w'Uwiteka, bazagira ubushobozi bwo kugira icyo bakora aho bazaba bari hose. Umucyo uzaturuka muri iyo miryango, maze umurikire abarindagirira mu bujiji, ubayobore ku isōko y'ubumenyi bwose. Hazagaragara ubushobozi buhindura buzaba imbaraga iganisha abantu ku Mana no ku kuri kwayo. (8)

Ababyeyi utabasha kugeraho hifashishijwe ubundi buryo ubwo ari bo bwose akenshi bagerwaho binyuze ku bana babo. (9)

Ingo Zirangwamo Umunezero Zizabera Abaturanyi Umucyo: Dukeneye ababyeyi benshi n'abakristo benshi bahinduka imuri zimurikira abandi. Turarushaho kwifungirana, tukihugiraho. Ibihe byinshi usanga abana bacu, abakandamizwa ndetse n'abacitse intege tubavutsa kumva amagambo y'ubugwaneza, yo kubakomeza kandi ntitubamwenyurire.

Babyeyi, mufite inshingano yo kuba abatwaramucyo kandi mukawumurikishiriza abandi. Nimurabagirane nk'umucyo mu miryango

yanyu, maze mubonereshereze abana banyu inzira banyuramo. Nimubigenza mutyo, umucyo wanyu uzamurikira n'abatari abo mu rugo rwanyu. (10)

Mu rugo rw'Umukristo wese, hagomba kumurika umucyo utunganye. Hakwiriye gutemba urukundo rwuje imbabazi, ubugwaneza, no kutikunda. Hari ingo iri hame ryashyizwe mu bikorwa: usanga Imana isengerwamo kandi urukundo nyakuri rukaba ari rwo rubagenga. Muri izo ngo, isengesho rya mugitondo na nimugoroba rizamuka rijya ku Mana rimeze nk'umubavu uhumura neza, maze imbabazi zayo n'imigisha yayo bikamanukira abayishaka bimeze nk'ikime cya mu gitondo. (11)

Imbuto Ziva ku Bumwe bw'Umuryango: Igikorwa cy'ibanze Abakristo basabwa gukora ni ukunga ubumwe mu muryango. Nyuma y'icyo gikorwa, umurimo wabo uraguka ukagera ku baturanyi babo babegereye n'aba

kure. Abamaze kwakira umucyo bagomba kureka uwo mucyo ukamurika imirasire yawo irabagirana. Amagambo yabo yuzuye impumuro y'urukundo rwa Kristo akwiriye kuba "impumuro y'ubugingo izana ubugingo," 2 Abakorinto 2:16. (12)

Uko abagize umuryango barushaho kunga ubumwe mu murimo bakora mu rugo rwabo, ni ko imbaraga ihindurira abandi ku cyiza iva ku babyeyi bombi n'abana babo b'abakobwa n'abahungu izarushaho kuzahura no gufasha abandi kandi ikigaragariza ku bo hanze y'urugo rwabo. (13)

Hakenewe Abantu beza Kurenza Abafite Ibitekerezo Bihambaye: Umunezero wo mu miryango no mu matorero ushingiye ku bibera mu ngo. Kuzagira ibyiza by'iteka ryose bishingiye ku gusohoza inshingano zo muri ubu buzima uko bikwiriye. Ntabwo isi ikeneye cyane abantu bafite ibitekerezo bihambaye nk'uko ikeneye abantu beza bazabera umugisha abo mu ngo zabo. (14)

Irinde Amakosa Ashobora Gukinga Inzugi: Iyo idini igaragajwe mu rugo, imbaraga ihindura iyikomokaho izagaragarira mu itorero no mu baturanyi. Nyamara haba ubwo bamwe mu bavuga ko ari Abakristo baganira n'abaturanyi babo iby'ingorane bafite mu ngo zabo. Babatekerereza agahinda n'intimba bafite kugira ngo babagirire impuhwe; ariko ni ikosa rikomeye kubwira abandi ibibazo byacu, cyane cyane iyo imyinshi muri iyo mibabaro yacu ari twe tuyitera cyangwa se ikaba iriho bitewe n'imibereho yacu itarangwa no kubaha Imana ndetse n'imico yacu irangwamo ibitotsi. Abantu bahagurutswa no kujya kubwira abandi amabanga y'ibibabaje, byakabaye byiza bagumye mu rugo bagasenga, maze bakegurira Imana ubushake bwabo bwangiritse, bakikubita kuri Rutare, maze akabajajangura, bagapfa ku narijye yabo kugira ngo Yesu abahindure ibikoresho bimuhesha icyubahiro. (15)

Kubura urugwiro, ukabura igihe warangwa n'umwuka mwiza, kuvuga ijambo rimwe rikocamye kandi ry'ubupfapfa, bizangiriza isura yawe mu bantu kandi bishobora gukinga urugi rugana ku mitima y'abantu ku buryo utazigera ubasha kubageraho. (16)

Ubukristo mu Rugo Bumurika Ahantu Hose: Umwete wo kugira ngo urugo rube nk'uko bikwiriye (kuba rushushanya ijuru) udutegurira gukora umurimo ahantu hagari. Uburezi abana bahabwa binyuze mu migirire yo kurebana neza no kubahana, butubashisha kumenya uko twagera ku mitima y'abantu ikeneye kwigishwa amahame y'idini y'ukuri. Itorero rikeneye abantu bafite imbaraga zose mu by'umwuka abantu bashobora kugeraho, kugira ngo abantu bose kandi abana n'urubyiruko bo mu muryango w'Imana by'umwihariko babashe kwitabwaho mu buryo bwitondewe. Ukuri bagenderamo mu mibereho yo mu muryango kwigaragariza mu murimo bakorera ahandi kandi bakawukorana umwete batizigamye. Umuntu wese

ushyira mu bikorwa imibereho ya Gikristo imihura azarabagirana kandi abe urumuri rumurika ahantu hose. (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 140, 1897.
2. *Signs of the Times,* Sept. 1, 1898.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 6, pp. 429, 430.
4. *Id.,* Vol.3, pp. 80, 81.
5. *Manuscript* 140, 1897.
6. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 113.
7. *Letter* 28, 1890.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 6, p. 430.
9. *Id.,* Vol. 4, p. 70.
10. *Review and Herald,* Jan. 29, 1901.
11. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 113.
12. *Manuscript* 11, 1901.
13. *Letter* 189, 1903.
14. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 522.
15. *Signs of Times,* Nov. 14, 1892.
16. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 335.
17. *Signs of the Times,* Sept. 1, 1898.

Umugabane Wa 3

GUHITAMO UWO MUZABANA

Igice Cya 6

ICYEMEZO GIKOMEYE

Urugo Runezerewe Cyangwa Rubabaye?: Niba abari kwitegura gushyingiranwa batifuza kuzagira ibitekerezo bibi kandi bibabaje byo kwicuza icyo bakoze nyuma yo gushyingirwa, bagomba kubanza kubitekerezaho neza babyitondeye. Iyo iyi ntambwe iteranwe ubupfapfa, iba imwe mu buryo bugera ku ntego rwose bwo kurimbura amahirwe no kuba ingirakamaro by'abasore n'inkumi. Ubuzima bubahindukira umutwaro n'umuvumo. Nta muntu ushobora kwangiza umunezero w'umugore no kuba ingirakamaro kwe, kandi ngo atume ubuzima bwe bumubera umutwaro umuhagaritse umutima kurenza umugabo we. Kandi na none nta muntu n'umwe ushobora gutuma nibura kimwe cy'ijana cy'ibyiringiro by'umugabo n'ibyo agambirira biyoyoka, akagwabiza imbaraga ze kandi akarimbura ububasha bwo guhindura abandi yari afite ndetse n'ibyiza yatekerezaga kuzageraho keretse umugore we. Ku bagabo benshi n'abagore benshi, isaha bashyingiriweho ni yo iba itangiriro ry'intsinzi cyangwa gutsindwa bazagira muri ubu buzima, ndetse n'iy'ibyiringiro byabo by'ubuzima buzaza dutegereje. (1)

Iyaba byashobokaga ngo mfashe abasore babashe kubona no kumva neza akaga bafite, ariko cyane cyane akaga ko kubaka ingo zitazarangwamo umunezero. (2)

Gushyingirwa ni ikintu kizateza impinduka kandi kigaha icyerekezo ubuzima bwo kuri iyi si ndetse n'ubw'isi izaza. Umukristo nyakuri ntazakomeza kujya mbere mu migambi ye yo gushyingiranwa atabanje kumenya ko Imana yemera inzira yahisemo. Ntazifuza kwihitiramo, ahubwo aziyumvamo ko Imana ari yo ikwiriye kumuhitiramo. Ntidukwiriye kwishimisha ubwacu kuko na Kristo ubwe atigeze agenza atyo. Ariko ntabwo nshaka ko abantu bumva ko umuntu yashaka uwo adakunda. Icyo cyaba ari icyaha. Ariko kurarikira ndetse na kamere y'amarangamutima ntibikwiriye kwemererwa kujyana umuntu mu irimbukiro. Imana isaba [kubyinjiranamo] umutima wose, n'urukundo rwimazeyo. (3)

Irinde Guhubuka: Abantu bake gusa ni bo baba bafite ibitekerezo biboneye ku byerekeye gushyingirwa. Abantu benshi basa n'abatekereza ko

gushyingirwa ari ukugera ku munezero w'agahozo; ariko iyaba bari bazi ¼ cy'abagore n'abagabo barwaye imitima, baboshywe n'umunyururu w'indahiro yo gushyingiranwa badashobora guhangara gucika, ntibatangazwa no kubona nanditse aya magambo. Ku ngo nyinshi zubakwa, usanga kubaka ari uburetwa bukomeye kandi bubabaza cyane kurenza ubundi bwose. Hari ingo ibihumbi n'ibihumbi zubakwa, abagabo n'abagore bakabana ariko badakwiranye. Ibitabo byo mu ijuru byuzuye imivumo, gukiranirwa, ndetse n'ihohoterwa byihishe mu mwambaro wo gushyingiranwa. Ni cyo gituma mburira abasore n'inkumi bari mu kigero cyo gushyingirwa ngo bajye bagenza make mu guhitamo uwo bazabana mu kubaho kwabo. Inzira y'ubuzima bw'abashyingiranwe ishobora kugaragara ko ari nziza kandi yuzuyemo umunezero; ariko se ni iki kikubwira ko utazabura icyo wari witeze nk'uko byagendekeye abandi bantu ibihumbi n'ibihumbi? (4)

Abatekereza gushyingiranwa bakwiriye kuzirikana uko bifuza ko urugo bashaka gushinga ruzaba ruteye ndetse n'impinduka nziza rukwiriye kuzazana mu bantu. Nibamara kubyara, bazaba baragijwe ubutunzi bwera. Ku ruhande runini, imibereho myiza y'abana babo muri iyi si ni bo izaba ishingiyeho, ndetse ni nabo umunezero wabo wo mu isi dutegereje uzaba ushingiyeho. Ku rwego rukomeye, bafite inshingano yo kugena imiterere y'umubiri n'iy'imico mbonera abana bato bagira. Kandi imibereho n'imiterere by'umuryango mugari w'abantu bishingira ku miterere y'urugo. Uburemere bw'impinduka urugo rumwe rushobora guteza buzagena niba ingaruka zizaba mu ruhande rw'ibyiza cyangwa se mu ruhande rw'ibibi. (5)

Ibintu by'Ingenzi byo Kwitabwaho mu Guhitamo: Urubyiruko rw'Abakristo rukwiriye kwitonda cyane mu byerekeye gucudika no guhitamo abo bazabana. Nimwitonde, nibitaba bityo ibyo mutekereza ubu ko ari izahabu nziza byahinduka ibuye ry'agaciro gake. Kwifatanya n'ab'isi bikunze gushyira inkomyi mu nzira igana ku murimo mukorera Imana, kandi ubugingo bw'abantu benshi burimburwa no kwifatanya n'abandi kutanejeje, kwaba mu byerekeye ubucuruzi cyangwa se gushyingiranwa. Bifatanya n'abantu badashobora gutuma bakuza amajyambere cyangwa ngo biheshe agaciro. (6)

Banza ushyire ku gipimo amarangamutima yawe yose, kandi witegereze iterambere ryose ry'imico y'uwo utekereza kuzafatanya nawe ubuzima kugeza ku iherezo. Intambwe ushaka gutera ni imwe mu ntwambwe z'ingenzi kurusha izindi zose uzatera mu buzima bwawe bwose, Kubera iyo mpamvu, ntukwiriye kuyitera uhubutse cyangwa se hutihuti. Nubwo wakunda, ntugakunde buhumyi.

Suzumana ubushishozi maze urebe ko imibereho yanyu mwarashyingiranwe izaba iy'umunezero cyangwa ko muzahorana

ubwumvikane buke n'impagarara. Banza wibaze ibi bibazo uti: "Mbese uku gushyingirwa kuzamfasha nkomeze urugendo rugana mu ijuru? Mbese kuzanyongerera urukundo nkunda Imana? Mbese kuzagura uruziga rwanjye rwo kuba ingirakamaro muri ubu buzima? Nusanga ibisubizo ubona kuri ibi babazo bitanga icyizere, azabe ari ho ubona gukomeza ufite kubaha Imana.

Mu kwinjira muri gahunda yo gushyingiranwa, abagabo n'abagore bagiye bakora nk'aho ikibazo rukumbi bagomba gusubiza ari icyo kumenya niba bakundana koko. Nyamara bagombye kumenya ko hari inshingano irenze iyi bafite muri uko gushyingiranwa kwabo. Bakwiriye kuzirikana niba urubyaro rwabo ruzagira amagara mazima, rukagira imbaraga z'ubwenge ndetse n'iz'imico mbonera. Nyamara ku rwego rwo hejuru, bake gusa ni bo bagiye batera iyi ntambwe bafite impamvu zikomeye no kuzirikana ko batashoboraga kwiregangiza mu buryo bworoheje.

Bazirikanaga ko umuryango mugari w'abantu ufite ibyo ubasaba kuzuza, kandi ko uburemere bw'impinduka umuryango wabo ushobora guteza buzagaragaza ko bari ku rugero rwo hejuru cyangwa urwo hasi. (8)

Guhitamo uwo muzabana mu buzima bikwiriye gukoranwa ubwitonzi cyane kugira ngo bizazane imibereho myiza y'ababyeyi n'iy'abana babo mu byerekeye umubiri, intekerezo no mu bya Mwuka, bityo bizabashishe ababyeyi n'abana guhesha umugisha bagenzi babo no kubaha Umuremyi wabo. (9)

Ibyo Ugomba Kureba kuwo Wifuza ko Yazakubera Umugore: Nimureke umusore ashake uzamuhagarara iruhande kandi abe ari wa wundi ukwiriye kandi ushoboye kwikorera uruhare rwe rw'imitwaro y'ubuzima, wa wundi ufite imbaraga ihindura izamuhesha agaciro ikamutunganya, kandi akazatuma ahorana umunezero kubera urukundo amukunda.

"... Ariko umugore witonda amuhabwa n'Uwiteka." "Umutima w'umugabo we uhora umwiringira. ... Ahora amugirira neza ntabwo amugirira nabi." "Abumbuza akanwa ke ubwenge kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo... Amenya neza imico yo mu rugo rwe kandi ntarya ibyokurya by'ubute. Abana be barahaguruka bakamwita munyamugisha, n'umugabo we aramushima ati: "Abagore benshi bagenza neza, ariko wowe urabarusha." Ubonye umugore w'ingeso nziza aba afite umugisha, ayo ni amahirwe akesha Uhoraho." (Imigani 19:14; 31:11-12, 26-29; 18:22). (10)

Dore ibintu bimwe bikwiriye kwitabwaho mu guhitamo uwo muzabana: Mbese uwo ushaka ko muzabana azaba umusemburo

w'umunezero mu rugo rwanyu? Mbese ni umuntu uzi gucunga umutungo, cyangwa se nimumara gushyingirwa ntazajya akoresha ibyo yinjije byose gusa, ahubwo azakoresha n'ibyo nawe winjiza kugira ngo anezeze kamere y'ubwibone no gukunda kugaragara neza inyuma? Mbese amahame agenderaho aratunganye ku bijyana no gucunga umutungo? Mbese ubu hari ikintu afite cyamubeshaho? ... Nzi neza ko ku bwenge bw'umugabo wafashwe n'ikibatsi cy'urukundo n'ibitekerezo byo gushyigirwa bene ibi bibazo bitazahabwa agaciro, ko ahubwo azabifata nk'aho bitazamugiraho ingaruka. Nyamara ibi bintu bikwiriye kwitabwaho nta kujenjeka kuko bizagira ingaruka ku buzima bwawe bw'ahazaza. ...

Igihe urambagiza umukobwa, jya ubanza wige imico ye. Ibaze uti: "Mbese azabasha kwihangana no gukunda imirimo? Cyangwa azareka kwita ku babyeyi bawe igihe bazaba bakeneye umuhungu wabo ufite imbaraga ngo bamwishingikirizeho? Cyangwa se umugore azamuca ku babyeyi be kugira ngo ajye asohoza imigambi ye gusa ndetse amukorere ibimushimisha ubwe, bityo aho kugira ngo se na nyina babe bungutse umukazana wuje urukundo, ahubwo bazabe batakaje n'umuhungu wabo? (11)

Ibyo Ugomba Kureba kuwo Wifuza ko Yazakubera Umugabo: Mbere yo gurambura ikiganza afata icyemezo cyo gushyingirwa, umukobwa wese akwiriye kubanza gusobanukirwa niba uwo agiye kwifatanya nawe mu buzima bwe bwose akwiriye. Agomba kwibaza ati: "Mbese yitwaraga ate mu mibereho ye yashize? Mbese imibereho ye iratunganye? Mbese urukundo anyereka ni urukundo rwubahwa kandi rugendana n'imico myiza ntangarugero? Cyangwa arabiterwa gusa n'ikibatsi cy'amarangamutima? Mbese yaba afite imico ishobora kuzaba umusemburo w'umunezero ku mugore we? Mbese ashobora kubonera amahoro nyakuri n'ibyishimo mu rukundo rw'uwo mugabo? Mbese umugore azagira umudendezo wo gukurikiza umutimanama we, cyangwa se gutekereza no gushyira mu gaciro bye bizegurirwa gutegekwa n'umugabo we? ... Mbese azashobora kugira uburenganzira bwo kugira nyambere ibyo Imana imusaba? Mbese umubiri, ubugingo, ibitekerezo bye n'imigambi ye bizarindwa, bihore biboneye kandi byera? Ibi bibazo bifite agaciro gakomeye ku mibereho myiza y'umukobwa wese ugiye gushyingirwa. (12)

Nimureke umukobwa wifuza kuzubaka urugo rubamo amahoro n'umunezero, akaba ashaka guca ukubiri n'imibabaro n'agahinda, mbere y'uko yirekura mu rukundo rwe abanze abaze ati: "Mbese umukunzi wanjye afite nyina? Mbese imico nyina yamutoje iteye ite? Mbese umukunzi wanjye azirikana inshingano afite ku mubyeyi we? Mbese

ajya yita ku byo yifuza no ku byamunezeza? Niba atubaha nyina ngo amuheshe icyubahiro, mbese aho azubaha umugore we, amukunde kandi amwiteho? Mbese igihe kumparara kuzaba gushize nyuma yo gushyingirwa aho azakomeza kunkunda? Mbese azihanganira amakosa yanjye, cyangwa azajya ahora anenga, ananize kandi antwaze igitugu? Urukundo nyakuri ruzirengagiza amakosa menshi, kandi urukundo ntiruzigera ruyitaho. (13)

Emera gusa Umuntu ufite Imico Myiza ya Kigabo: Mureke umukobwa yemere ko uwo bazabana mu buzima bwose ari wa wundi ufite imico itunganye kandi ya kigabo, wa wundi udakebakeba, umusore ugira imigambi, w'inyangamugayo, wa wundi ukunda Imana kandi akayubaha. (14)

Jya wirinda abanyagasuzuguro. Jya wirinda umuntu w'umunebwe, jya wirinda umuntu usuzugura ibyejejwe. Jya wirinda itsinda ry'abantu bakoresha imvugo nyandagazi, cyangwa se uwabashwe no kunywa inzoga n'ubwo cyaba ari ikirahure kimwe. Ntugategе amatwi ibyo usezeranirwa n'umuntu utarasobanukirwa n'inshingano afite ku Mana. Ukuri nyako kweza ubugingo kuzaguha ubutwari bwo kwitandukanya n'abantu uzi ko badakunda Imana kandi ntibayubahe, ndetse batagira n'icyo bazi ku mahame yo gukiranuka nyakuri. Dushobora guhora twihanganira gufudika kw'incuti no kudasobanukirwa kwe, ariko ntidushobora na mba kwihanganira ingeso mbi ze. (15)

Gukora Ikosa Biroroha Kuruta Kurikosora: Ugushyingiranwa guhutiyeho kandi kwateguwe mu mwuka w'ubwikanyize muri rusange ntikugira umusaruro mwiza, ahubwo akenshi usanga ingo zisenyuka ku buryo buteye agahinda. Umugabo n'umugore, bombi basanga barashutswe, bagashaka ukuntu bakosora iryo kosa bakoze babitewe n'amarangamutima yo gutwarwa bikabananira. Gukora ikosa nk'iryo biroroha cyane ariko kurikosora biraruhanya. (16)

Icyiza ni Ugusesa Amasezerano Arangwamo Ubupfapfa: Nubwo waba warinjiye mu masezerano utabanje gusobanukirwa neza imico y'uwo ushaka ko muzabana, ntukwiriye gutekereza ko icyo wiyemeje gituma biba ngombwa ko utera indi ntambwe yo gutanga indahiro yo gushyingiranwa ngo wifatanye mu buzima bwawe bwose n'umuntu utazashobora gukunda no kubaha. Jya witondera cyane uko winjira mu masezerano agomba kugira ibibanza kuzuzwa; ariko ikiruta byose ni uko wasesa ayo masezerano mbere yo gushyingirwa aho kugira ngo muzatandukane hanyuma, nk'uko benshi babigenza. (17)

Ushobora kuvuga uti: "Ariko namaze kubimwemerera, none se nzivuguruze mbivemo?" Reka ngusubize: "Niba warabimusezeraniye,

ukaba warabikoze unyuranyije n'Ibyanditswe Byera, kora uko ushoboye kose umuhakanire udatindiganyije, kandi noneho wicishe bugufi imbere y'Imana, maze wihane ikosa wakoze ryo kugendera ku kibatsi cy'amarangamutima yawe yakuyoboye mu nzira yo gutanga amasezerano uhubutse. Mu rwego rwo kubaha Imana, ibyiza cyane ni ugusesa iryo sezerano, aho kurikomeza hanyuma rikazakubera intandaro yo gusuzugura Umuremyi wawe." (18)

Reka intambwe yose utera igamije amasezerano yo gushyingiranwa irangwe no kugenda buhoro, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kuba umunyakuri no kugira umugambi ushikamye wo gukora ibishimisha Imana kandi bikayihesha icyubahiro. Gushyingirwa kugira ingaruka ku buzima bwo muri iyi si no ku bwo mu isi nshya dutegereje. Umukristo nyakuri ntazakora imishinga Imana idashobora kwemera. (19)

Ibitabo , Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 622.
3. *Review and Herald,* Sept. 25, 1888.
4. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886.
5. *Ministry of Healing,* p. 357.
6. *Fundamentals of Christian Education,* p. 500.
7. *Id.,* pp. 104, 105.
8. *Ubutumwa ku Basore,* p. 459.
9. *Ministry of Healing,* pp. 357, 358.
10. *Id.,* p.359.
11. *Letter* 23, 1889.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 362.
13. *Fundamentals of Christian Education,* p. 105.
14. *Ministry of Healing,* p. 359.
15. *Letter* 51, 1894.
16. *Letter* 23, 1886.
17. *Fundamentals of Christian Education,* p. 105.
18. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 365.
19. *Ministry of Healing,* p. 359.

Igice Cya 7

URUKUNDO NYAKURI CYANGWA URW'AGAHARARO

Urukundo ni Impano Nziza Itangwa na Yesu: Urukundo ni impano y'agahebuzo duhabwa na Yesu. Urukundo ruboneye kandi rwera si amarangamutima, ahubwo ni ihame. Abantu bayoborwa n'urukundo nyakuri ntibabura gutekereza kandi si n'impumyi. (1)

Hariho urukundo rumwe nyakuri, rw'umwimerere, rwitanga kandi ruboneye. Bene uru rukundo rw'agaciro kenshi ni ingume mu bantu. Usanga gutwarwa n'agahararo ari byo abantu bita urukundo. (2)

Urukundo nyakuri ni ihame rihambaye kandi ryera, byombi bitandukanye cyane n'urukundo rukomotse ku irari ry'umubiri kandi rushira mu kanya gato iyo rugeragejwe bikomeye. (3)

Urukundo ni igiti gikomoka ku Mana, kandi gikwiriye kurindwa ndetse kikagaburirwa. Abantu nibaba buzuye urukundo nyarukundo n'amagambo y'ukuri kandi yuje urukundo, bizatuma mu miryango haba umunezero kandi bitume imbaraga izahura igahindura abantu igera ku bantu bose bahura n'iyo miryango. (4)

Urukundo Nyakuri Ruhabanye n'Amarangamutima: Urukundo … ntirutera gukereza bugoryi; nta nubwo ari impumyi. Urukundo ruraboneye kandi rurera. Ariko kandi gutwarwa k'umutima wa kamere nako ni ikindi kintu. Mu gihe urukundo nyakuri ruzazirikana Imana mu byo rugambirira byose, kandi ntirubusanye rwose na Mwuka w'Imana, amarangamutima y'agahararo yo ntiyemera kugirwa inama ngo areke ibyo yagambiriye, arahubuka, ntashyira mu gaciro, asuzugura ibiyakoma imbere byose, kandi icyo yahisemo gihinduka ikigirwamana. Ubuntu bw'Imana buzagaragarizwa mu myitwarire yose y'umuntu ufite urukundo nyakuri. Kwiyubaha, kwiyoroshya, kuba umunyakuri, gushyira mu gaciro no kubaha Imana bizaranga intambwe yose iganisha ku masezerano yo gushyingiranwa. Abantu bose bagengwa n'iyo myitwarire ntibazahugira mu kurangazwa na bagenzi babo ngo bareke kwita ku materaniro yo gusenga no gukora imirimo y'iby'idini. Ubwuzu bagirira ukuri ntibuzayoyoka bitewe no gukerensa amahirwe Imana yabahereye ubuntu. (5)

Urukundo rudashingiye ku kindi uretse kunezeza irari ry'umubiri gusa ntirwemera kugirwa inama, ni impumyi kandi nta kirutegeka. Icyubahiro, ukuri n'imbaraga yose itunganye kandi y'icyubahiro iranga intekerezo bisigara mu bubata bw'amarangamutima yo gutwarwa. Umuntu waboshywe n'iyo minyururu y'amarangamutima y'agahararo akenshi ntiyumva ijwi ry'inyurabwenge n'iry'umutimanama. Nta gitekerezo wamuha kandi nta kwinginga kwabaho gushobora kumutera kubona ubupfapfa buri mu migirire ye. (6)

Urukundo nyakuri si amarangamutima akomeye kandi y'ikibatsi ndetse ahutiraho. Ibiramambu, mu miterere yarwo urukundo nyakuri rurangwa n'ituze kandi ruba rwimbitse. Ruragenda rukagera kure y'ibyo abantu barebesha amaso, kandi rukururwa gusa n'ibyiza biri mu mico y'umuntu. Rurangwa n'ubwenge n'ubushishozi, kandi rwitanga rutaziganije, ubudatezuka. (7)

Iyo urukundo rumaze kurenga amarangamutima no guhubuka, rufata kamare y'ibya Mwuka, maze rukagaragarizwa mu magambo aherekejwe n'ibikorwa. Umukristo akwiriye kugira ineza n'urukundo byejejwe bitarangwamo kurambirwa cyangwa kutihangana. Imyifatire irangwa no kwikakaza n'ubukana igomba koroshywa n'ubuntu bwa Kristo. (8)

Kwirinda Gutwarwa n'Amarangamutima nk'uko Umuntu Yirinda Ibibembe: Abantu bakwiriye kwirinda ibitekerezo n'urukundo rw'agahararo nk'uwirinda ibibembe. Muri iki gihe, abasore n'inkumi benshi cyane babuze imico mbonera; bityo rero, kwitonda cyane birakenewe . . . Abashoboye kubumbatira imico irangwamo indangagaciro ziboneye, nubwo bashobora kugira ibindi byiza byifuzwa batujuje, bashobora kuba bafite imico mbonera y'ingenzi. (9)

Hariho abantu bigeze kwigaragaza ko ari abanyadini ariko ubu mu migambi yose n'ibyo bagamije bakaba badakorana n'Imana kandi bakaba batakigira umutima uhana. Ni abantu bavuga ibitagira agaciro kandi bisuzuguritse; kandi usanga ibiganiro byabo ari ibyo ku rwego rwo hasi. Ibitekerezo byo kurambagizanya no gushyingirwa ni byo byatwaye intekerezo kugeza ubwo nta bitekerezo byo ku rwego rwo hejuru kandi byubashywe biba mu bwenge. (10)

Urubyiruko rwatwawe ubwenge n'ibitekerezo byo kureshya no gushyingiranwa. Urukundo rushingiye ku marangamutima ni rwo rugezweho. Hakenewe kuba maso n'ubushishozi kugira ngo turinde urubyiruko rwacu iyo mbaraga mbi irukurura. (11)

Abakobwa ntibigishwa uburyo bwo kwiyanga no kwitegeka. Barateteshwa cyane, maze ubwibone bwabo bugahabwa intebe. Bemererwa gukurikiza ibitekerezo byabo bwite kugeza ubwo baba batacyemera kugirwa inama, bakaba

ibyigenge, bityo ukaba utakibasha kumenya icyo wakora kugira ngo ubakize kurimbuka. Satani abayobora mu nzira ituma bahinduka iciro ry'imigani mu batizera Imana bitewe no guhangara kwabo, kutamenya kwifata no kwihagararaho nk'abakobwa. Abahungu na bo usanga barekwa bagakurikira inzira bishakiye. Usanga ari mbarwa bagera mu bugimbi batarimenyereza kugendana n'abakobwa bari mu kigero cyabo, bakabaherekeza iwabo kandi bakabashakaho ubucuti. Usanga ababyeyi babo bari mu bubata binyuze mu kurera bajeyi kwabo bwite ndetse n'urukundo rupfuye bakunda abana babo ku buryo badahangara gufata icyemezo kidakuka cyo kugira ibyo bahindura no gukumira abana babo bageze muri icyo kigero. (12)

Inama ku Mukobwa Wihebeye Umuhungu: Waguye mu ikosa rikomeye cyane, ikosa ryiganje muri iki gihe abantu bataye umuco, cyane cyane abakobwa. Ukunda birenze urugero uwo mudahuje igitsina. Ukunda gucudika n'abagabo/abahungu, usanga ari bo ibitekerezo byawe birangamira, ndetse ushishikarira kandi ukemera ubucuti butagendanye iteka n'inama tugirwa n'Intumwa y'Imana igira iti: "Mwirinde igisa n'ikibi cyose ..." (1 Tes.5:22).

Kura intekerezo zawe mu mishinga yo gutwarwa n'urukundo ukunda abagabo n'abahungu. Uvanga idini yawe n'amarangamutima ararikiye uwo mudahuje igitsina, kandi ibyo ntibikubahisha ahubwo bigutesha agaciro gusa. Ntabwo ari wowe wenyine bigiraho ingaruka gusa; ahubwo n'abandi bangizwa n'icyitegererezo utanga .... Kurarikira ibintu bidafite ishingiro no gutwarwa n'urukundo byagutesheje agaciro, biguhindura imburamumaro. Wibera mu isi itabaho y'inzozi gusa; wabaye umuntu utwarwa n'ibitekerezo bidafite ishingiro n'umukristo wo mu nzozi gusa.

Muri iki gihe isi igezemo, hariho uku gutwarwa n'amarangamutima kw'agaciro gake kuvanze n'imibereho y'iby'idini ku basore n'inkumi benshi. Mushiki wanjye, Imana irashaka ko uhinduka. Ndakwinginze, zamura intekerezo zawe zigana mu rukundo. Egurira ubushobozi bwawe bw'intekerezo n'ubw'umubiri gukorera Umucunguzi wawe wakuguze amaraso ye. Eza ibitekerezo byawe n'amarangamutima yawe kugira ngo imirimo yawe yose ikorerwe mu Mana. (13)

Inama ku Musore w'Umunyeshuri: Ubu uri mu buzima bwa kinyeshuri; erekeza ibitekerezo byawe ku bintu bya Mwuka. Shyira kure y'ubuzima bwawe amarangamutima yose akujyana kurarikira. Ihe amabwiriza adakebakeba ukwiriye gukurikiza, kandi wimenyereze kwitegeka. Ubu uri mu kigero cyo kurema no guha umurongo imico yawe; bityo rero nta kintu na kimwe kuri wowe gikwiriye kuba imburamumaro cyangwa ikidafite agaciro uko cyangana kose kuko gishobora kukuvutsa inyungu zihebuje izindi kandi zera, ndetse no kuba ingirakamaro mu mwiteguro ufite wo gukora umurimo Imana yagushinze. (14)

Ingaruka zo Gucudika no Gushyingirwa mu Bupfapfa: Tubona ko duhura n'ingorane zitabarika ku ntambwe yose dutera mu buzima bwacu. Icyaha cyahawe intebe n'urubyiruko ndetse n'abakuze. Kurambagizanya no gushyingiranwa birimo ubupfapfa kandi bitejejwe ntibibura kuzana ingaruka zirimo intonganya, amakimbirane, kurwana, gushihana, gutesha umutwe, kwishimisha mu buryo bubangamiye mugenzi wawe, guca inyuma uwo mwashakanye, ubushake buke bwo gukumira ibyifuzo bibi, ndetse no gukerensa ibintu bifite inyungu zizahoraho iteka ryose....

Abantu benshi cyane biyita ko Abakristo bakurikiza Bibiliya ntibakunda ukwera kw'ibyo Imana yavuze. Bitewe n'imyitwarire yabo yo kutagira icyo bitaho no kwidegembya, berekana ko bashaka kuba ibyigenge, bagakora ibyo bishakiye nta kibakoma imbere. Ntabwo bashaka ko ibibashimisha bijyana na kamere yabo byakomwa imbere. (15)

Rinda Urukundo Rwawe: Intumwa Petero atugira inama yo kurinda ibitekerezo byacu muri aya magambo: "Nuko mukenyere mu mitima yanyu," (1Petero 1:13). Bityo rero, tegeka ibitekerezo byawe, ntubyemerere kurangamira ibintu byose. Uramutse wiyemeje mu mbaraga zawe, ibitekerezo bishobora kurindwa kandi bigategekwa. Nutekereza ibitekerezo bitunganye, uzakora ibikorwa by'ukuri. Bityo rero, ugomba kurinda urukundo rwawe n'amarangamutima ajyana narwo, nturwemerere ngo rujarajare kandi ngo rwomatane n'ibintu bidatunganye. Yesu yakuguze ubugingo bwe, uri uwe. Kubera iyo mpamvu, ugomba kumugisha inama mu bintu byose, ndetse no mu birebana n'uburyo wakoresha imbaraga z'ubwenge bwawe n'urukundo rw'umutima wawe. (16)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing,* pp. 538, 539.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 381.
3. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 140 (2016).
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 4. p. 548.
5. *Review and Herald,* Sept. 25, 1888.
6. *Signs of Times,* July 1, 1903.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 133.
8. *Id.,* Vol. 5, p. 335.
9. *Id.,* Vol. 5, p. 123
10. *Id.,* Vol. 4, p. 589
11. *Id.,* Vol. 5, p. 60
12. *Id.,* Vol.2, p. 460
13. *Id.,* Vol. 2, pp. 248-251
14. *Letter* 23, 1893
15. *Manuscript* 14, 1888
16. *The Youth's Instructor,* April 21, 1886.



Igice Cya 8

IMIGIRIRE IMENYEREWE MU IRAMBAGIZA

Ibitekerezo Bipfuye Byerekeye Kurambagiza no Gushyingirwa: Ibitekerezo bijyana no kurema ubucuti bugamije gushyingiranwa bishingiye ku bitekerezo bipfuye abantu baba bafite ku byerekeye gushyingirwa. Bakurikiza irari ribasunika n'urukundo rw'agahararo rubatwara buhumyi. Usanga kurambagizanya bikorwa mu mwuka w'urukundo rw'agahararo. Akenshi abagirana ubwo bucuti barenga ku mategeko agenga kwitwararika no kwifata, kandi n'iyo batishe itegeko ry'Imana, baba bafite igishinja cy'uko ibyo bakora bitarangwamo ubushishozi. Ntibasobanukirwa neza n'umugambi uhanitse, wera kandi w'ingenzi w'Imana ku bijyanye n'umuhango wo gushyingiranwa; bityo bigatuma hatabaho gutezwa imbere kw'imico itunganye rwose n'urukundo rutagira amakemwa ruvuye ku mutima.

Nta jambo na rimwe rikwiriye kuvugwa, nta gikorwa na kimwe gikwiriye gukorwa utakwifuza ko abamarayika bitegereza kandi bakandika mu bitabo byo mu ijuru. Ukwiriye guhanga amaso ku bwiza bw'Imana. Umutima wawe ukwiriye kugira urukundo ruboneye kandi rwejejwe gusa, urukundo rukwiriye kuranga abayoboke ba Yesu Kristo, urukundo rwubahwa muri kamere yarwo, kandi rurangamiye ijuru kuruta uko rurangamira isi. Ikintu cyose gihabanye n'ibi gikorwa mu kureshyanya kiba kigamije gutesha agaciro no guhemuza. Kandi gushyingiranwa ntigushobora kuba ukwera kandi ngo kubahwe imbere y'amaso y'Imana yera kandi itunganye, keretse gusa gukozwe mu buryo buhamanya n'amahame y'Ibyanditswe Byera. (1)

Abasore biringira cyane gukurikiza imbaraga ibakoresha badategeka. Ntibakwiriye kwitanga ngo bashyingirwe mu buryo bworoshye, kandi ngo batwarwe mu buryo bworoshye n'ibigaragara inyuma bikurura by'umukunzi wabo. Kureshyanya nk'uko gukorwa muri iki gihe, ni umugambi w'ubushukanyi n'uburyarya, kandi umwanzi w'imitima abigiramo uruhare runini cyane kurenza urwo Umwami Imana abigiramo. Gutekereza neza no gushyira mu gaciro birakenewe kuri iyi ngingo kimwe n'ahandi hose; ariko ukuri kugaragara ni uko bene uko gutekereza kudahabwa agaciro mu kurambagizanya. (2)

Kugira Akamenyero ko Gutinda Kuryama: Ingeso yo gukomeza kwicarana muganira kugeza mu gicuku yabaye akamenyero; ariko ibyo ntibishimisha Imana kabone nubwo mwembi mwaba muri Abakristo. Ayo masaha y'imburagihe yangiza ubuzima, kandi agatuma bucya ubwenge ubwenge bwanyu butiteguye gusohoza inshingano z'umunsi ukurikiraho, kandi uretse n'ibyo, bigaragara nabi. Muvandimwe, ndiringira ko uzajya wiyubaha bihagije ukirinda bene ubwo bucuti. Niba ikiguhangayikishije kuruta ibindi ari uguhesha Imana icyubahiro, uzatera intambwe ufite gushishoza no gutekereza. Ntuzemera ko gutwarwa n'amarangamutima akugira nk'umurwayi biguhindura impumyi ku buryo udashobora kuzirikana neza ibyo Imana igusaba nk'Umukristo. (3)

Abamarayika ba Satani bahora bitegereza abantu bamara amasaha menshi y'ijoro bari kureshyanya. Iyaba amaso yabo yahumukaga, babona marayika w'Imana ari kwandika ibyo bavuga n'ibyo bakora. Bica amategeko y'ubuzima n'ayo kwiyubaha. Icyari kubabera cyiza ni ukureka amwe mu masaha bataramana mbere yo gushyingirwa akazigamirwa kuzakoreshwa baramaze gushyingiranwa. Ariko muri rusange, usanga gushyingirwa gushyira iherezo ku gusabana kwimbitse kwagiye kugaragazwa mu gihe cyo kurambagizanya.

Muri iki gihe cyo kwiyandarika, aya masaha yo gushayisha kwa mu gicuku aragenda akenshi aganisha ku kurimbura impande zombi ziyagiramo uruhare. Iyo abagabo n'abagore (abahungu n'abakobwa) biyandaritse Satani arishima cyane ariko Imana igasuzugurwa. Izina ryiza ry'icyubahiro riraribatwa bitewe n'uyu mwuka wo gutwarwa n'ikibatsi cy'urukundo rw'agahararo, kandi gushyingiranwa kw'abantu bitwara batyo ntigushobora gukorwa kwemewe n'Imana. Bashyingiranwa bitewe n'uko urukundo rubagurumanamo rw'agahararo ari rwo rwabasunitse, kandi iyo ka gahararo gashize, ni bwo batangira gusobanukirwa n'icyo bakoze. (4)

Satani asobanukiwe neza n'abantu agomba kwibasira, bityo agaragariza ubucakura bwe bw'ikuzimu mu bikoresho bitari bimwe kugira ngo afatire abantu mu mutego abarimbure. Yitegereza intambwe yose umuntu atera, maze akamugira inama nyinshi, kandi akenshi inyinshi muri zo zirakurikizwa aho gukurikiza inama z'Ijambo ry'Imana! Uru rushundura ruboshywe neza ariko ruteza akaga rwateguranywe ubwenge kugira ngo ruzafate urubyiruko rw'abasore n'abatagira amakenga. Akenshi, urwo rushundura rushobora kwiyoberanya rwitwikiriye umucyo; ariko abo rufata bahura n'umubabaro mwinshi iyo bashaka kurusohokamo. Ingaruka zivamo, ni uko ahantu hose tuhabona ukwangirika gukomeye kw'inyokomuntu. (5)

Gukinisha Imitima: Gukinisha imitima ni icyaha gikomeye cyane mu maso y'Imana yera. Nyamara hari abasore benshi bagaragariza

abakobwa ko bababengutswe maze bagatera abo bakobwa kuberekezaho umutima, byarangira bakifatira indi nzira maze bakibagirwa ibintu byose bijyana n'amagambo bababwiye n'ingaruka zayo. Babona undi mukobwa bagakururwa, maze bakamusubiriramo amagambo nk'ayo babwiye uwabanje, ndetse bakamwerekezaho umutima nk'uko babigenje ku wundi.

Bene iyo migirire izigaragariza ubwayo mu mibereho yabo baramaze no gushyingiranwa. Iteka gushyingiranwa ntibizatuma umuntu ufite intekerezo zijahagurika atuza ngo ashikame, ngo bitume ujyanwa hirya no hino ashikama kandi ngo ye gutezuka ku ihame. Bananirwa gushyitsa imitima hamwe, kandi ibitekerezo bibi bikigaragariza mu bikorwa byabo bibi. Mbega ukuntu ari ingenzi ko abasore n'inkumi bahora bakenyeye mu mitima kandi bakarinda imyitwarire yabo kugira ngo Satani atabateshura inzira y'ubutungane! (6)

Imigirire Ishukana Irangwa mu Irambagiza: Umusore w'umuhungu wishimira kubana n'umukobwa kandi akamugira incuti ababyeyi b'uwo mukobwa batabizi ntabwo aba yitwaye nk'umukristo kuri uwo mukobwa ndetse no ku babyeyi be. Binyuze mu gushyikirana no kujya bahura kenshi mu ibanga, umuhungu ashobora kwigarurira intekerezo ze, ariko mu kugenza atyo ntabwo aba agaragaje ukwiyubaha n'ubunyangamugayo bwo mu mutima buri mwana w'Imana wese agomba kugira. Kugira ngo bagere ku migambi yabo, ibyo bakora ntibiba biri mu kuri no mu mucyo, kandi ntibakurikiza umurongo ukwiriye Bibiliya itanga, bityo ntibagaragaze ko ari abanyakuri ku [babyeyi babo] babakunda ndetse bagerageza kubabera abarinzi b'indahemuka. Ugushyingiranwa kubayeho binyuze muri ubwo buryo ntikuba kwemewe n'Ijambo ry'Imana. Ushuka umukobwa akamuteshura inshingano ye, akangiza ibitekerezo bye ku bijyana n'umugambi w'Imana n'amategeko yayo atunganye yo kumvira no kubaha ababyeyi be, bene uwo musore ntabwo ari we wazaba indahemuka ku nshingano zijyana no gushyingira....

"Ntukibe," ni itegeko Imana ubwayo yanditse ku bisate by'amabuye ikoresheje urutoki rwayo. Ariko se ni kangahe habaho kwiba abantu mu byerekeye urukundo kandi tukabitangira urwitwazo! Bakomeza kureshyanya mu buryarya, bakajya baganira banahana amakuru mu ibanga, kugeza ubwo urukundo n'amarangamutima by'umukobwa udafite ubunararibonye kandi utazi iyo ibyo biva n'iyo bijya, bitandukanywa n'ababyeyi be maze bikerekezwa ku muhungu ugaragarisha imigirire ye ko atari akwiriye kwegurirwa urukundo rw'uwo mukobwa. Bibiliya iciraho iteka imigirire yose y'uburiganya,....

Ubu buryo bufifitse kandi bukorwa mu ibanga kurambagiza no gushyingiranwa bikorwamo ni bwo ntandaro y'umubabaro

mwinshi, kandi uburemere bw'uwo mubabaro n'akaga bizwi n'Imana yonyine. Kuri icyo gitare ni ho abantu ibihumbi byinshi batikuye ubwato bw'ubugingo bwabo maze buramenagurika. Abantu bitwa ngo ni abakristo, bafite imibereho igaragaza ko bubaha Imana kandi ukabona basa n'abitaye ku bindi bintu byose, aha ho bahakorera ikosa riteye ubwoba. Bahagaragaza igitekerezo biyemeje n'icyo bashaka badakebakeba ku buryo inyurabwenge yabo idashobora guhinduka. Batwarwa n'amarangamutima ya muntu n'imbaraga ibasunikira kugira icyo bakora ku buryo baba batifuza kugenzura ngo barebe icyo Bibiliya ivuga kandi ngo barusheho komatana n'Imana. (7)

Irinde Gutera Intambwe ya Mbere Iganisha ku Kugwa: Iyo umuntu yishe itegeko rimwe ryo mu Mategeko cumi, gutera izindi ntambwe zimuganisha ku kugwa biba bishoboka nta kabuza. Iyo inzitizo zo kwiyubaha bya gikobwa zimaze gukurwaho, kwiyandarika n'ubwomanzi ntibigaragara nk'icyaha gikabije. Nyamara, mbega ingaruka ziteye ubwoba ziterwa n'imyitwarire mibi y'abagore dushobora kubona mu isi muri iki gihe! Kubera gukururwa "n'abagore b'inzaduka" abagabo ibihumbi byinshi bafungiwe mu byumba bya gereza, abandi biyambura ubuzima bwabo, naho abandi bakabuvutsa bagenzi babo. Mbega amagambo yo mu Byanditswe Byera avuga ukuri agira ati: "Ibirenge bye bimanuka bijya ku rupfu, intambwe ze ziherera ikuzumu." (Imigani 5:5)

Ibyapa byanditsweho imiburo byashinzwe impande zombi z'inzira tunyuramo mu buzima bwacu kugira ngo abantu bategera ubutaka bwabakururira akaga kandi bwabuzanijwe. Ariko nubwo bimeze bityo, abantu benshi bahitamo kunyura mu nzira ibakururira akaga, ari yo nzira ihabanye n'ibyo umutimanama ubabwira maze bakirengagiza amategeko y'Imana, kandi bakihandagaza bagasuzugura n'igihano Imana yavuze ko izahana abakora batyo.

Abantu bashaka kubungabunga ubuzima bwabo bw'umubiri, bakagira ubwenge bufite imbaraga, ndetse n'imico mbonera ikwiriye bagomba "guhunga . . . irari rya gisore." Abantu baziyemeza gukora uko bashoboye, bagakoresha umwete udacogora barwanya ikibi gihagurukira kuganza ndetse n'umuntu usuzugura abandi akora ibyo adakwiriye gukora, bene abo bantu bangwa kandi bagacurirwa imigambi mibi n'inkozi z'ibibi zose, ariko bazashimwa kandi bagororerwe n'Imana. (8)

Biba Imbuto Mbi -Usarure Umusaruro Mubi: Ntimugomba gushyira ubugingo bwanyu mu kaga mubiba imbuto mbi. Ntabwo mukwiriye kuba abatagira icyo bitaho ku bijyanye n'incuti muhitamo. (9)

Basore ncuti, umwanya muto mumara mubiba imbuto mbi uzatanga umusaruro uzatuma ubuzima bwanyu buhora bushaririwe. Isaha imwe

mumara mu bupfapfa, iyo mwishoye mu gishuko, ishobora koreka ubuzima bwanyu bwose ikabujyana mu nzira mbi. Kuba umusore bigira igihe kimwe cyabyo, bityo rero mwe kugipfusha ubusa. Niba hari igihe wigeze urenga urubibi, ntushobora na rimwe kugaruka ngo ukosore amakosa wakoze. Uwanga kwifatanya n'Imana, akijyana mu nzira y'ibigeragezo, nta kabuza amaherezo azagwa. Imana irageragezа umusore wese. Abasore benshi bagiye batanga inzitwazo ku kutagira icyo bitaho no kutubaha kwabo bitewe n'urugero rubi bahawe n'ababifitemo uburambe. Nyamara ibi ntibikwiriye kugira uwo bibuza gukora ibikwiriye. Ku munsi wo kwerekwa imirimo wakoze ntuzatanga izo nzitwazo utanga ubu. (10)

Ibitabo , Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 4a, 1885.
2. *Fundamentals of Christian Education,* p.105.
3. *Testimonies for the Church,* Vol.3, pp. 44, 45.
4. *Review and Herald,* Sept. 25, 1888.
5. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 104., 105.
6. *Review and Herald,* Nov. 4, 1884.
7. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 101-103.
8. *Signs of Times,* July 1, 1903.
9. *Ubutumwa ku Basore,* p. 146.
10. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, pp.622, 623.

IGICE CYA 9

UGUSHYINGIRWA KUBUZANYIJWE

Gushyingirwa kw'Abakristo n'Abatizera: Mu Bakristo harimo kwirengagiza gutangaje kandi guteye ubwoba, bakerensa inyigisho z'Ijambo ry'Imana ku byerekeye gushyingiranwa kw'Abakristo n'abatizera. Abenshi bavuga ko bakunda Imana kandi bakayubaha bahitamo kwerekera aho ibitekerezo byabo bibogamiye aho gukurikiza inama zatanzwe na Bwenge butagerwa. Ku bijyanye n'ikibazo gifitanye isano n'umunezero n'imibereho myiza bombi bazagira kuri iyi si no mu isi dutegereje, usanga gushyira mu gaciro, gutekereza neza no kubaha Imana bishyirwa iruhande; noneho imbaraga ibatwara buhumyi no gutsimbarara ku cyemezo bikemererwa kuba ari byo bibayobora.

Abagabo n'abagore, mu bisanzwe usanga bashyira mu gaciro, iyo babagiriye inama biziba amatwi. Bakomeza kwica amatwi ngo batumva kurarika no kwinginga kw'incuti zabo, abo basangiye isano y'umuryango ndetse n'abagaragu b'Imana. Kwigengesera bahamagarirwa n'imiburo babwirwa bifatwa ko ari ukwivanga mu buzima bwabo bwite; maze incuti yiringirwa bihagije ku buryo ishobora kubabwiza ukuri ibahana, bakayifata nk'umwanzi wabo. Iyo bigenze bityo, biba bikozwe nk'uko Satani abyifuza. Satani aboha umutima w'umuntu, ugashukwashukwa maze ugatwarwa. Umutimanama urazibukira maze imbaraga zo kwitegeka zikayoborwa n'irari; urukundo rutejejwe rukiganza, byashyira kera, uwo muntu agakanguka ari mu makuba n'ububata. Ibi mvuga si ibintu by'ibihimbano binje mu mutwe, ahubwo ndasubiramo ibintu bibaho. Ntabwo Imana yemera ugushyingiranwa yabuzanyije. (1)

Amategeko y'Imana Arasobanutse: Uwiteka yategetse ubwoko bw'Abisirayeli bwa kera kutazajya bashyingirana n'amahanga abazengurutse yasengaga ibigirwamana. Yaravuze iti: "Kandi ntuzashyingirane na bo, ngo umukobwa wawe umushyingire umuhungu wabo, n'umukobwa wabo ngo umusabire umuhungu wawe" (Gutegeka kwa Kabiri 7:3). Kandi Imana yatanze impamvu. Bwenge butagerwa yaboneraga kure ingaruka zari kuzabaho maze aravuga ati: "Kuko bahindura umuhungu wawe ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana, ibyo bigatuma

wikongerezaho uburakari bw'Uwiteka, akakurimbura vuba." "Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, kandi Uwiteka Imana yawe ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye" (Gutegeka kwa Kabiri 7:4, 6). ...

No mu Isezerano Rishya hari amabwiriza abuza Abakristo gushyingiranwa n'abatubaha Imana. Intumwa Pawulo mu rwandiko rwe rwa mbere yandikiye Abakorinto, yarababwiye ati: "Umugore ahambirwa ku mugabo we akiriho, ariko iyo umugabo apfuye, nta kimubuza gucyurwa n'uwo ashaka, icyakora iyo ari uri mu Mwami wacu." (1Abakorinto 7:39). Yongeye kubandikira mu rwandiko rwa kabiri ati: "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye, mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umuco n'umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali, cyangwa uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki? Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti: "Nzatura muri bo, ngendere muri bo, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi mwitandukanye na bo ni ko Uwiteka avuga. Kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanya, nanjye nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga," 2 Abakorinto 6:14-18. (2)

Umuvumo w'Imana ugera ku bashyingiranwa mu buryo budakwiriye bikorwa muri iki gihe isi igezemo. Iyaba Bibiliya itaragize icyo ivuga kuri ibi bibazo kandi ntibitangeho umucyo, inzira abasore n'inkumi benshi bo muri iki gihe banyuramo bagana mu kwifatanya kwabo yaba irushijeho kwihanganirwa no kugira urwitwazo. Ariko ibyo Bibiliya isaba gukurikiza ntabwo ari amabwiriza y'igice; ahubwo idusaba kugira ibitekerezo biboneye, kuvuga amagambo atunganye n'ibikorwa bizira amakemwa. Turashimira Imana kubera ko Ijambo ryayo ari umucyo umurikira ibirenge byacu, kandi nta muntu wayoba inzira imuganisha mu gusohoza inshingano ye. Urubyiruko rukwiriye kwiha umukoro wo gushakashaka muri Bibiliya no kumvira inama itanga, kubera ko guca ukubiri n'amabwiriza yayo iteka bitera abantu gukora amakosa abazanira ingaruka zibababaza cyane. (3)

Imana Ibuza Abizera Gushyingiranwa n'Abatizera: Ubwoko bw'Imana ntibukwiriye na rimwe guhangara ngo bukandagize ikirenge ku butaka bwabuzanijwe. Imana yabuzanyije gushyingiranwa kw'abizera n'abatizera. Ariko akenshi, umutima utarahinduka ukurikiza ibyifuzo byawo, maze hakabaho gushyingiranwa kutemewe n'Imana. Kubera iyi migirire, abagabo n'abagore benshi baba ku isi batagira ibyiringiro kandi badafite Imana. Imigambi myiza bari bafite yarapfapfanye; umunyururu w'ibyababayeho n'ibibabaho ubaboheye mu mutego wa Satani. Abemera

kuyoborwa n'irari n'imbaraga ibasunikira kugira icyo bakora badatekereje bazasarura imbuto zisharira muri ubu buzima, kandi imyitwarire yabo ishobora kubabera intandaro yo kuzimiza ubugingo bwabo. (4)

Abavuga ko bizera ukuri bahindura ubusa ubushake bw'Imana bashyingiranwa n'abatizera. Bivutsa gushimwa nayo kandi bagatuma kwihana kwabo kurushaho kubabera umurimo ubashiriye. Umuntu utizera ashobora kugira imico itagira amakemwa, ariko kubera yuko aba atakurikije ibyo Imana isaba, kandi akaba yarakerensheje agakiza gakomeye gatyo, iyo mpamvu iba ihagije ngo uko gushyingiranwa kwe kubaho. Imico y'uwo utizera ishobora kuba ihuye n'iya wa musore Yesu yabwiye aya magambo ati: "Ushigaje kimwe" (Mariko 10:21); kandi icyo kintu cyari ingenzi. (5)

Urugero rw'Umwami Salomo: Hariho abakene benshi kandi batajijutse; abo Imana ikaba ishaka kwemera imibereho yabo kandi ikayuzuza kuba ingirakamaro kuri iyi si, ndetse ikazaba iy'icyubahiro mu ijuru, ariko Satani akora ubudahwema kugira ngo aburizemo uwo mugambi w'Imana, akabakurubana mu nzira igana mu irimbukiro abinyujije mu gushyingiranwa n'abantu bafite imico iteye ku buryo ihita ibabera inkomyi mu nzira igana ku bugingo. Bake gusa nibo bava muri uwo mutego batsinze. (6)

Satani yari azi neza umusaruro uzaturuka mu kumvira Imana; kandi mu myaka ya mbere y'ubwami bwa Salomo (imyaka yabaye iy'agahozo bitewe n'ubwenge, ubugwaneza n'ubutungane bw'umwami), Satani yashatse uko yinjiza imbaraga zihindura zari kugenda buhoro buhoro zicogoza kudatezuka ku ihame byarangaga Salomo maze ibyo bikamutera gutandukana n'Imana. Kandi tuzi ko ibyanditswe byerekana ko umwanzi yageze ku ntego muri uwo muhati we. "Salomo yuzura na Farawo umwami wa Egiputa, arongora umukobwa we, amuzana mu mudugudu wa Dawidi." (1Abami 3:1).

Mu kugirana amasezerano n'ishyanga ry'abapagani, no gushimangira ayo masezerano abinyujije mu kurongora umukobwa w'umwami wasengaga ibigirwamana, Salomo yihutiye gusuzugura inama nziza Imana yari yaratanze ngo ubwoko bwayo bukomeze kuba ubwera. Ibyiringiro Salomo yagize by'uko uwo Munyegiputakazi yari guhinduka bwari uburyo bwo gushaka urwitwazo rw'icyo cyaha. Muri uko kwica itegeko ritaziguye ryatanzwe n'Imana ry'uko bagomba kwitandukanya n'andi mahanga, umwami yari ahuje imbaraga ze n'intwaro z'umubiri.

Mu gihe runaka, kubera imbabazi zayo zitarondoreka, Imana yihanganiye iryo kosa rikomeye. Umugore wa Salomo yaje guhinduka; kandi icyo gihe, umwami iyo aza kubigenza neza, aba yarakoze byinshi

kugira ngo ashegeshe imbaraga z'ikibi yari yaratangije bitewe no guhubuka kwe. Ariko Salomo yatangiye kwibagirwa Isoko y'imbaraga ze n'icyubahiro cye. Kubogamira ku kibi kwe kwaganje gushyira mu gaciro. Uko yarushagaho kugwiza kwigirira icyizere, yashatse uko yasohoza umugambi w'Imana mu nzira yihitiyemo ubwe. …

Nk'uko Salomo yabigenje, abantu benshi biyita Abakristo batekereza ko bashobora kwifatanya n'abatubaha Imana bagashyingiranwa bitewe n'uko imbaraga ibarimo ihindura abari mu nzira y'ubuyobe izatanga umusaruro mwiza; nyamara akenshi usanga ari bo ubwabo baguye muri uwo mutego, bagatsindwa, bakazibukira kwizera kwabo kwera, bakarenga ku ihame bagenderagaho, maze bakitandukanya n'Imana. Intambwe imwe ipfuye umuntu atera iganisha ku gutera indi kugeza ubwo amaherezo bazishyira ahantu badashobora kugira ibyiringiro byo kubasha guca iminyururu ibaboshye. (7)

Urwitwazo: "Ntabangamiye Itorero." Rimwe na rimwe habaho urwitwazo ko utari umwizera atagize icyo atwaye idini y'umuntu kandi ko yujuje ibisabwa byose umuntu yakwifuza kuwo bazabana uretse ikintu kimwe gusa abura - "kuba atari umukristo." Nubwo mu myumvire y'umwizera yabona neza ko kwifatanya mu buzima bwe bwose n'utizera bidakwiriye, nyamara usanga abantu icyenda mu icumi bakurikiza amarangamutima ya kamere. Kudohoka mu bya Mwuka bitangira igihe bahaniye amasezerano yo gushyingiranwa bari ku ruhimbi; ubwuzu bw'iby'idini bugenda bukendera, bityo ibihome by'iby'umwuka bikagenda bisenyuka urukurikirane, kugeza ubwo umugabo n'umugore bahagararana munsi y'ibendera ry'umukara rya Satani. Ndetse no mu birori by'ubukwe usanga umwuka w'ab'isi waganje umutimanama, kwizera n'ukuri. Muri urwo rugo rushya, isaha yo gusenga ntiyubahirizwa. Umukwe n'umugeni baba barakundanye, umwe yarahisemo undi, ariko Yesu baramusezereye. (8)

Impinduka Ziba Ku Mwizera: Iyo bagitangira kubana, utizera ashobora kuterekana kurwanya mugenzi we muri iyo sano iba ikiri nshya bagiranye. Ariko iyo hari ingingo y'ukuri kwa Bibiliya ivuzwe ngo bayiteho kandi bayiganireho, uwo mwanya amarangamutima ahita ahaguruka akavuga ati: "Wanshatse uzi uwo ndi we; sinshaka umuntu untesha umutwe. Guhera uyu mwanya, byumvikane neza ko ikiganiro ku byerekeye ibitekerezo byawe wihariye kitazongera guhabwa umwanya." Umwizera aramutse agaragaje gushikama kwihariye ku kwizera kwe uko ari ko kose, byagaragara nk'inabi agirira wa wundi udashimishwa n'imibereho ya Gikristo.

Uwizera muri bo atekereza ko mu isano rishyashya afitanye n'uwo yahisemo agomba kuvirira akumvikana na mugenzi we. Ibinezeza byerekeye ibikorwa mbonezamubano n'imyidagaduro y'ab'isi bihabwa

intebe. Mu minsi ibanza, abikora yifatafata mu marangamutima ye cyane, ariko gukunda ukuri bikagenda bigabanuka buhoro buhoro, maze kwizera yari afite kugasimburwa no gushidikanya no kutizera. Nta muntu wari kubasha gutekereza ko wa mwizera wari ushikamye, ushyira mu gaciro kandi akaba umuyoboke wa Kristo udakebakeba noneho yabasha guhinduka umuntu ushidikanya, akaba nyamujyiryanino. Oh! Mbega guhinduka guterwa no gushyingiranwa kutatekerejweho neza! (9)

Kugirana amasezerano n'ab'isi biteza akaga. Satani azi neza ko isaha iberaho gushyingiranwa kw'abasore n'inkumi benshi iba ari yo herezo ry'amateka y'imibereho yabo mu by'idini no kuba ingirakamaro. Baba baciye ukubiri na Kristo. Bashobora kumara igihe gito bagira umwete wo kurangwa n'imibereho ya Gikristo, ariko guhatana kose bagira baba barwanya n'imbaraga itanyeganyezwa ihanganye nabo ku rundi ruhande. Mu gihe kuvuga ibyo kwizera kwabo n'ibyiringiro bafite byigeze kuba ari amahirwe kuri bo, ubu noneho nta bushake na buke baba bafite bwo kugira icyo bavuga kuri iyo ngingo kubera ko baba bazi ko uwo uwo basezeranye kuzabana by'iteka atabyitayeho. Ingaruka zikurikiraho ni uko kwizera ukuri kw'agaciro kenshi bari bafite mu mitima kubakamukamo, maze Satani akabazingira mu rushundura rwo gushidikanya. (10)

Kwivutsa Umunezero w'Ijuru: "Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?" (Amosi 3:3). "Kandi ndakubwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose bazagikorerwa na Data wo mu ijuru" (Matayo 18:19). Mbega uburyo ibigaraga bitangaje! Igihe umwe muri abo bombi bashyingiranwe aba ahugiye mu kwiga ijambo ry'Imana, undi aba ntacyo yitayeho; igihe umwe aba ari gushakisha inzira imuganisha ku bugingo buhoraho, undi aba ari mu nzira ngari igana ku rupfu.

Abantu amagana menshi baretse Kristo n'ijuru biturutse ku gushyingiranwa n'abantu batahindutse. Mbese bishoboka ko urukundo bakundaga Kristo no gusabana na we byagira agaciro gake ku buryo bahitamo kugirana ubucuti n'ibiremwa byo mu rwego rwo hasi kandi bipfa? Mbese ijuru rihabwa agaciro gake ku buryo bahitamo kureka ibyishimo bizarirangwamo bakabigurana kwifatanya n'umuntu udakunda Umukiza wacu w'igikundiro? (11)

Kwifatanya n'utizera ni ukwishyira ku kibuga cya Satani. Utera agahinda Umwuka w'Imana kandi uvutswa uburinzi bwayo. Mbese urumva wahangara kurwana iyo ntambara ikomeye yo kukuvutsa amahirwe yo kuzabona ubugingo buhoraho? (12)

Ngaho ibaze ubwawe uti: "Mbese umugabo utizera ntazayobya intekerezo zanjye akaziteshura kuri Kristo? Mbese akunda ibinezeza

kurenza uko akunda Imana; mbese ntazanshora mu gushimishwa n'ibimushimisha?" Inzira igana ku bugingo buhoraho irazamuka cyane kandi ni uruharabuge. Reka kwikorera imitwaro y'inyongera itakubuza kujya mbere. (13)

Urugo Ruhoramo Icuraburindi: Umutima wifuza cyane gukundwa n'abantu, ariko uru rukundo rw'umwana w'umuntu ntiruba rukomeye cyane, ntiruba ruboneye bihagije kandi si n'urw'agaciro ku buryo rwaziba icyuho cy'urukundo rwa Yesu. Mu Mukiza we, ni ho honyine umugore ashobora kubonera ubwenge, imbaraga n'ikinyabupfura bimubashisha guhangana n'ibihagarika umutima, gusohoza inshingano no kwihanganira imibabaro byo muri ubu buzima. Akwiriye kugira Kristo imbaraga ze n'umuyobozi we. Reka umukobwa/umugore abanze kwiyegurira Kristo mbere y'uko yiha incuti iyo ari yo yose yo ku isi, kandi ye kugira ubucuti yinjiramo buzaba bubangamiye iryo hame. Abashaka kugira umunezero nyakuri bagomba kugira umugisha w'Imana ku bintu byose batunze no ku byo bakora byose. Kutubaha Imana ni byo byuzuza amakuba n'ibyago mu mitima y'abantu benshi no mu ngo nyinshi. Muvandimwe wanjye, keretse gusa niba ushaka kuzagira urugo ruhora rucuze umwijima, niba atari ibyo, ntukifatanye n'umwanzi w'Imana. (14)

Imitekerereze y'Umukristo: Umukristo wese yakora iki igihe ageze mu mwanya w'ikigeragezo usuzuma ko ihame ry'iby'idini agenderaho ari ihame rizima? Mu gushikama gukwiriye kwiganwa n'abandi, akwiriye kuvuga ashize amanga ati: "Ndi umukristo kandi mbikuye ku mutima. Nizera ko umunsi wa karindwi w'icyumweru ari wo Sabato ivugwa na Bibiliya. Kwizera kwacu n'amahame yacu ndabona atwerekeza ahantu hahabanye. Ntibishoboka ko twagira umunezero tubana, kubera ko niba nkomeje kunguka ubumenyi butunganye bwo gusobaukirwa ubushake bw'Imana, nzagenda ndushaho gutandukana n'abantu b'isi, kandi ni ko nzajya ndushaho gusa na Kristo. Niba ukomeje ntubone ubwiza bwa Kristo, kandi ntubone n'ukuri mu bigukurura bikureshya, uzakunda iby'isi, kandi njye simbasha kubikunda kuko nkunda iby'Imana, kandi nawe ukaba udashobora kubikunda. Iby'umwuka bisobanuzwa iby'umwuka bindi. Mu gihe udafite ubumenyi mu bya Mwuka, ntuzashobora kumenya icyo Imana insaba kuyikorera, cyangwa ngo usobanukirwe n'inshingano mfite kuri Databuja nkorera. Kubw'ibyo rero, uzatekereza ko nkwirengagiza kubwo gukora inshingano z'iby'idini. Ntabwo uzishima; ahubwo uzagira ishyari kubera urukundo nkunda Imana, kandi ku ruhande rwanjye, nzumva ndi jyenyine ku byerekeye imyizerere yanjye y'idini. Igihe uzaba wisubiyeho, igihe umutima wawe uzahugukira gukurukiza ibyo Imana isaba, maze ukiga gukunda Umukiza wanjye, nibwo tuziyunga, maze tuvugurure umubano wacu."

Uko ni ko umwizera agira icyo yigomwa ku bwa Kristo kubera umutimanama we ubyemera, kandi bikerekana ko aha agaciro gakomeye cyane ubugingo buhoraho ku buryo atakwigerezaho byatuma abwivutsa. Yumva ko ibyiza kuri we ari uko yakomeza kubaho atarashatse kuruta uko inyungu ze z'ubugingo yazomatanya n'umuntu wihitiramo iby'isi akabirutisha Yesu, kandi ushobora kumutandukanya n'umusaraba wa Kristo. (15)

Ugushyingirwa Kudakemangwa: Muri Kristo ni ho honyine amasezerano yo gushyingiranwa ashobora kubera ntagire ingorane. Urukundo rw'umuntu rwagombye kuba rushingiye cyane ku rukundo mvajuru. Aho Kristo aganje akahaba umwami honyine ni ho hashobora kuba urukundo rwimbitse, rw'ukuri kandi rutikanyiza. (16)

Iyo Umwe mu Bashyingiranwe Ahindutse Nyuma yo Gushyingirwa: Umuntu wese ushyingiwe atarahinduka mu myizerere ye, kubwo amasezerano, aba yishyize mu nshingano zikomeye zo kudahemukira mugenzi we naho baba badahuje kwizera. Nyamara kandi ibikwiriye kugirwa nyambere y'ayandi masano yose tugirira ku isi, ni ibyo Imana ishaka n'ubwo hashobora kuvamo ibigeragezo n'akarengane. Umwuka w'urukundo no kwiyoroshya ushobora gukiza umuntu utizera. (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, pp. 565, 356.
2. *Id.,* Vol. 5, pp. 363, 364.
3. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 102, 103
4. *Id.,* pp. 500, 501.
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 505.
6. *Id.,* Vol. 5, p.124.
7. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 499, 500.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 505.
9. *Id.,* Vol. 4, pp. 505, 506.
10. *Id.,* Vol. 4, pp. 504, 505.
11. *Id.,* Vol. 4, p. 507.
12. *Id.,* Vol. 5, p. 364.
13. *Id.,* Vol. 5, p. 363.
14. *Id.,* Vol. 5,pp. 362, 363.
15. *Id.,* Vol. 4, pp. 506, 507.
16. *Ministry of Healing,* p. 358.
17. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 138.



IGICE CYA 10

IGIHE HAKENEWE INAMA

Gisha Inama Bibiliya: Gushyingiranwa ni umuhango wera washyizweho n'Imana, kandi ntukwiriye gukorwa abantu bafite umwuka w'ubwikanyize. Abantu bateganya gutera iyo ntambwe bakwiriye gutekereza ku gaciro kayo batajenjetse kandi basenga; ikindi kandi bakagisha inama Imana kugira ngo bamenye neza ko inzira bari gucamo ihuje n'ubushake bw'Imana. Amabwiriza yatanzwe mu Ijambo ry'Imana kuri iyi ngingo akwiriye guhabwa agaciro mu buryo bwitondewe. Ijuru ryitegerezanya ibyishimo ugushyingiranwa gukozwe mu buryo abashyingiranwa baba bafite icyifuzo kidakebakeba cyo gukurikiza amabwiriza yatanzwe mu Byanditswe Byera. (1)

Niba hari ingingo yagombye kubanza gutekerezwaho mu mutuzo no gushyira mu gaciro, hatabayeho guhubuka, ni ingingo yo gushyingiranwa. Niba kandi hari igihe Bibiliya iba ikenewe ngo ibe umujyanama, ni mbere yo gutera intambwe ihuza abantu babiri ngo bazabane mu buzima bwabo bwose. Ariko ikiri rusange ni uko kuri iyi ngingo abantu bayoborwa n'amarangamutima, kandi akenshi gutwarwa n'ikibatsi cy'urukundo rw'agahararo ni byo biganza maze bikaganisha mu irimbukiro nta kabuza. Aha ni ho abasore n'inkumi bagaragariza ubwenge buke kurenza izindi ngingo zose. Iyo ngingo ni yo banga kugirwaho inama no kungurwa ibitekerezo. Ikibazo cyo gushyingirwa gisa nk'aho gifite imbaraga rukuruzi zibayobora. Ntibiyegurira Imana ngo ibe ari yo ibayobora. Ibyumviro byabo biba biboshywe n'umunyururu, maze bagakomeza gutera intambwe rwihishwa bajya mbere muri urwo rugendo nk'aho batinya ko hagira umuntu witambika mu migambi yabo. (2)

Abasore n'inkumi benshi bagashya ubwato bwabo babuganisha ku cyambu gifite ingusho. Bakeneye umusare; ariko bakerensa kwemera ubufasha bakeneye cyane, bakiyumvamo ko bafite ubushobozi bwo kuyobora ubwato bwabo, ariko ntibabone ko bwenda gusekura igitare cyihishe gishobora gutuma ukwizera kwabo n'umunezero wabo bimenagurika. … Keretse gusa babaye abigishwa badakebakeba ba Bibiliya, naho ubundi bazakora amakosa akomeye cyane azangiza umunezero wabo ataretse n'uw'abandi, haba muri ubu buzima bwa none n'ubwo mu gihe kizaza. (3)

Gusenga Birakenewe Kugira ngo Hafatwe Icyemezo Gitunganye: Niba abasore n'inkumi bari bafite akamenyero ko gusenga kabiri ku munsi mbere yo gutekereza ibyo gushyingirwa, umunsi batangiye gutekereza gutera iyo ntambwe bari bakwiriye noneho gusenga incuro enye. Gushaka ni ikintu kizagira uko gihindura ubuzima bwawe haba kubw'iyi si no mu isi izaza dutegereje. ...

Ugushyingiranwa kwinshi ko muri iki gihe cyacu n'uburyo gukorwa, ubwabyo bibigira kimwe mu bimenyetso biranga iminsi ya nyuma. Abagabo n'abagore ntibava ku izima, kandi barinangiye cyane ku buryo Imana idashyirwa muri gahunda yo gushyingiranwa kwabo. Iby'idini bishyirwa ku ruhande nk'aho nta ruhare bifite muri iyi gahunda ikomeye kandi y'ingenzi cyane. (4)

Igihe Gutwarwa n'Ikibatsi cy'Urukundo Bituma Umuntu Atumva Inama: Abantu babiri baramenyana; umutima wa buri wese ugatwarwa n'uwa mugenzi we, maze intekerezo zabo zose zigatwarwa. Gutekereza neza kwabo guhinduka impumyi, kandi gushyira mu gaciro bigakurwaho. Ntibaba bagishaka kumvira inama iyo ari yo yose cyangwa ngo bemere amabwiriza uko yaba ameze kose, ahubwo batsimbarara ku gukurikiza ibyo bishakiye batitaye ku ngaruka zabyo. Gutwarwa n'ikibatsi cy'urukundo kiba cyabafashe biba byabaye nk'indwara y'icyorezo cyangwa indwara yandura igomba kuyogoza igihugu; bityo bigasa n'aho nta kintu cyabaho cyayihagarika.

Bishoboka ko hari abantu bamwe babakikije bashobora kureba bagasanga uwo mukobwa n'umuhungu baramutse bashyingiranywe bashobora kuzarangwa n'umubabaro mu buzima bwabo bwose. Ariko kubahendahenda n'inama babagira bikaba iby'ubusa. Bishoboka ko ugushyingiranwa kw'abo bantu bombi kwazatuma akamaro umwe muri bo Imana yari kuzahera umugisha mu murimo wayo kagwabira kandi kakaburizwamo burundu; ariko ntibumvire inama zose no guhendahendwa kose. Ikintu cyose gishobora kuvugwa n'abagabo n'abagore babifitemo ubunararibonye ntigihabwa agaciro; kandi ntigishobora guhindura icyemezo ibyifuzo byabo byabateye gufata. Ntibaba bacyita ku materaniro yo gusenga ndetse no kintu cyose gifitanye isano n'idini. Bakundana urukundo rutitangira, bigatuma birengangiza inshingano bafite mu buzima nk'aho ari iz'agaciro gake. (5)

Urubyiruko Rukeneye Inama z'Ubwenge bw'Abantu Bakuze kandi Bafite Ubunararibonye: None se ko hari amakuba aturuka ku gushyingiranwa [muri ubwo buryo], ni mpamvu ki urubyiruko rudashaka kuba abanyabwenge? Kuki rwakomeza kumva ko rudakeneye inama z'abantu bakuru kandi bafite ubunararibonye? Mu byerekeye ubucuruzi, abagore n'abagabo bagaragaza ubushishozi bukomeye. Mbere

yo gutangira igikorwa cyose cy'ingenzi, babanza kwitegura neza uwo murimo. Iyo gahunda bayiha igihe, bakayishyiramo amafaranga ndetse bagakora n'inyigo ikoranywe ubushishozi, kugira ngo batazahomba mu mushinga wabo.

None se ni ubushishozi bungana iki bwari bukwiriye gukoreshwa mu mushinga wo kwinjira mu isano yo gushyingiranwa - isano ifite ingaruka ku rubyaro ruzabakomokaho no ku buzima bw'ahazaza? Aho kugira ngo babyitondere, bashyingirwa batabihaye agaciro, bikinira, batwarwa n'ikibatsi cy'amarangamutima, bakabikora buhumyi kandi badashishoje na gake. Ubusobanuro bwonyine bw'iyi migirire ni uko Satani ashimishwa no kubona akaga, ubuhanya no kurimbuka muri iyi si, nuko akabohera imitego ye kugira ngo afate mpiri ubugingo bw'abantu. Ashimishwa no kubona abo bantu batagira icyo bitaho bivutsa umunezero wabo muri iyi si kandi bakanivutsa urugo bateguriwe mu isi nshya. (6).

Ibitekerezo by'Ababyeyi Bikwiriye Guhabwa Agaciro: Mbese abana bakwiriye kugisha inama ibyifuzo byabo bwite n'irari ryabo bakirengagiza ibitekerezo n'inama by'ababyeyi babo? Bamwe muri bo bisa nk'aho batigera batekereza ku byifuzo by'ababyeyi babo n'ibyiza babereka, kandi ntibita no ku mitekerereze yabo yuzuye ubunararibonye. Kwikanyiza kuba kwarakinze urugi rw'imitima yabo, ntibabe bagikingurira urukundo ababyeyi babo babakunda. Ku bijyana n'iyi ngingo, ubwenge bw'urubyiruko bukeneye gukangurwa. Itegeko rya gatunu ni ryo tegeko ryonyine ririmo isezerano, ariko bariha agaciro gake ndetse hari n'abasore n'inkumi baryirengaza bashingiye gusa kubyo umukunzi wabo ashaka. Guha agaciro gake urukundo nyoko agufitiye ukagerekaho no gusuzugura uburyo so akwitaho ni ibyaha byanditswe imbere y'amazina y'abasore n'inkumi benshi.

Rimwe mu makosa akomeye cyane afitanye isano n'iyi ngingo ni uko urubyiruko n'abatarabisobanukirwa bumva ntawe ugomba kubangamira urukundo rwabo, kandi ko ntawe ugomba kwivanga muri urwo rukundo. Niba harigeze kubaho ingingo ikeneye kuganirwaho abantu barebye impande zose, ni iyingiyi. Kwifashisha ubunararibonye abandi bagize ndetse no kugenzurana ubushishozi n'ubwitonzi iyo ngingo ku mpande zombi ni ibintu by'ingenzi cyane. Nyamara ikibabaje ni uko umubare munini w'abantu batiga kuri iyi ngingo mu buremere bwayo. Rubyiruko, ncuti zanjye, mujye musaba inama Imana ndetse n'ababyeyi banyu bubaha Imana, kandi mubisengere. (7)

Bwira Amabanga yawe Ababyeyi Bubaha Imana: Niba ufite umugisha wo kugira ababyeyi bubaha Imana, basabe inama. Babwire ibyiringiro byawe n'imigambi ufite; iga amasomo wigishwa n'ubunararibonye bagize mu buzima bwabo. (8)

Iyaba abana barushagaho kwisanga ku babyeyi babo, iyaba bababitsaga amabanga yabo kandi bakababwira ibibashimisha n'imibabaro bafite, bashobora kwirinda ibintu byinshi byari kuzababuza amahoro. Igihe bahangayikishijwe no kumenya igitunganye bakwiriye gukora, nimutyo icyo kibazo bagishyire imbere y'ababyeyi babo nk'uko bacyumva, maze babagishe inama. Ni bantu ki bari mu mwanya mwiza wo kubereka akaga kabategereje baruta ababyeyi bubaha Imana? Ni nde wundi ushobora kumva neza amarangamutima yihariye y'imitima yabo nk'abo babyeyi? Ku bana b'Abakristo, urukundo bakunda ababyeyi babo bubaha Imana ndetse no kwemerwa nabo bazabiha agaciro kurenza imigisha yose yo mu isi. Ababyeyi bashobora kwifatanya n'abana babo mu bibarushya, bakabasengera kandi bagafatanya no gusenga kugira ngo Imana ijye ibarinda kandi ibayobore. Mbere y'ibintu byose, ababyeyi bazayobora abo bana ku Ncuti n'Umujyanama wabo utigera utsindwa. (9)

Ababyeyi Bakwiriye Kuyobora Urubyiruko mu Byerekeye Gukundana: Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bakwiriye kwiyumvisha ko bafite inshingano yo kuyobora urukundo rw'urubyiruko, kugira ngo bashobore gushaka abagore bakwiriye. Bagomba kwiyumvamo iyo nshingano, binyuze mu nyigisho no mu cyitegererezo batanga, bafasha kubwo ubuntu bw'Imana, kugira ngo batungaye imico mbonera y'abana bakiri bato, ngo babe indakemwa n'imbonera kandi bareshywe n'ibyiza n'ukuri. Ibisa birasabirana. Mureke gukunda ukuri, kubonera n'ineza bishinge imizi mu mitima hakiri kare, kandi urubyiruko ruzashaka kujya mu muryango urangwa n'ibyo. (10)

Urugero Isaka Yatanze: Ababyeyi ntibakwiriye kwibagirwa inshingano yabo yo gutegura umunezero w'abana babo mu gihe kizaza. Kuba Isaka atarirengagije inama za se byatewe n'uko yari yaratojwe kandi akundishwa imibereho yo kumvira. (11)

Isaka yagiriye umugisha ku Mana, ubwo yabaga umuragwa w'amasezerano isi yagombaga kuboneramo umugisha; nyamara ageze ku myaka mirongo ine y'amavuko yicisha bugufi imbere ya se, wari umugaragu wubaha Imana, ngo amushakire umugeni. Kandi ingaruka yuko gushyingiranwa, nk'uko Ibyanditswe bibyerekana, ni icyitegererezo cyiza kigaragaza umunezero mu rugo "Isaka azana Rebeka mu ihema ryari irya nyina Sara, aramurongora aba umugore we: aramukundwakaza. Isaka ashira umubabaro wa nyina yapfushije." (Itangiriro 24:67). (12)

Ababyeyi b'Abanyabwenge Bazita ku Bana babo kandi Babubahe: Urabaza uti: "Mbese ababyeyi bakwiriye guhitiramo umuhungu cyangwa umukobwa wabo uwo bazabana birengagije uko abo bana babo biyumva?" Reka iki kibazo nkikubaze nk'uko cyagombye kubazwa: "Mbese umuhungu cyangwa umukobwa akwiriye guhitamo uwo bazabana atabanje kubaza

ababyeyi be, mu gihe iyo ntambwe yahungabanya umunezero w'ababyeyi igihe bakunda abana babo? Mbese uwo mwana akwiriye gutsimbarara maze agakurikira inzira yishakiye yirengagije inama z'ababyeyi be no kwinginga kwabo? Reka mbisubize nta cyo nishisha: Oya rwose; nubwo yareka kuzashyingirwa ntakwiriye kugenza atyo. Itegeko rya gatanu ribuza abasore n'inkumi kwitwara batyo. "Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." (Kuva 20:12). Iri ni itegeko rifite isezerano Imana izasohoreza abana bubaha ababyeyi babo nta kabuza. Ababyeyi b'abanyabwenge ntibazigera batoranyiriza abana babo abo bazashyingiranwa birengagije ibyifuzo byabo. (13)

Ibitabo , Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Letter* 17, 1896.
2. *Fundamentals of Christian Education,* p. 103
3. *Id.,* p. 100
4. *Ubutumwa ku Basore,* p. 457-458
5. *Review and Herald,* Sept. 25, 1888
6. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886
7. *Fundamentals of Christian Education,* p. 104
8. *Ministry of Healing,* p. 358.
9. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 105, 106.
10. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 139. (2016)
11. *Id.,* pp. 139. . (2016)
12. *Id.,* p. 138. (2016)
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p.108.

Umugabane Wa 4

IBINTU BITUMA INGO ZUBAKWA NEZA N'IBITUMA ZISENYUKA

Igice Cya 11

GUSHYINGIRANWA GUHUTIYEHO KANDI KUTAGEJEJE IGIHE

Akaga Gaterwa no Gushyingiranwa Abantu Bakiri Bato: Gushyingiranwa imburagihe ntibikwiriye gushyigikirwa. Isano ikomeye cyane nk'iyi yo gushyingiranwa kandi igira ingaruka zigera kure cyane ntikwiriye kwinjirwamo ihubukiwe nta myiteguro ihagije ibayeho, kandi na mbere y'uko imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri ziba zikuze bihagije. (1)

Abahungu n'abakobwa bashyingiranwa urukundo rwabo rutari rwakura, ibitekerezo bitaragimbuka, amarangamutima yabo atarakomera kandi ngo agere ku rwego rwo hejuru, maze bakagirana amasezerano n'indahiro bashyingiranwa babitewe gusa no gutwarwa n'amarangamutima y'ingimbi n'abangavu. . . .. …

Gushyingiranwa kubayeho mu bwana kwagiye akenshi kubyara imibanire itarangwamo umunezero cyangwa se hakabaho gutandukana gukojeje isoni. Kubana kwa babiri gukozwe bakiri bato kandi n'ababyeyi batabyemeye, ni gake cyane kwagiye kuzana umunezero. Urukundo rwo mu buto rukwiriye gukumirwa kugeza ubwo igihe kizagera maze imyaka y'ubukure n'ubunararibonye bihagije bikazatuma kubana kwabo kuba kubahitse kandi gukomeye ku buryo nta cyapfa kubatandukanya.

Abatazifata bazajya mu kaga ko kubaho igihe kirekire nta munezero bafite.

Umuhungu utarageza ku myaka makumyabiri aba afite ibitekerezo nkene ku muntu wo mu kigero cye ugomba kumubera incuti magara bazabana mu buzima bwose. Igihe intekerezo zabo ziba zimaze gukura biruseho, bibona bamaze kwihuza ubwabo ngo babane mu buzima bwose kandi ahari batarigeze batekereza kubyo kunezezanya. Ubwo nibwo aho kugira ngo bakore ibishoboka byose ngo banoze umubano wabo, habaho kwitana ba mwaba, ibyuho hagati yabo bikarushaho kwaguka kugeza ubwo buri wese aba atacyitaye kuri mugenzi we ndetse bakanasuzugurana. Kuri bo, ijambo umuryango nta kintu cyera baribonamo. Umwuka wo mu muryango wabo wanduzwa n'amagambo atarangwamo urukundo ndetse no gushihurana. (2)

Gushyingiranwa imburagihe ni isoko y'ibibi byinshi cyane biriho muri iki gihe. Imbaraga z'umubiri ndetse n'iz'ubwenge ntizikomezwa kandi ngo zitezwe imbere no gushyingiranwa gukozwe abantu bakiri bato cyane. Ku bijyanye n'iyi ngingo usanga abantu bakoresha inyurabwenge ku rwego ruto cyane. Abasore benshi bakoreshwa n'imbaraga ya kamere ibasunikira gukora batabitekerejeho. Iyi ntambwe ibazanira ibyiza bikomeye cyangwa se ikabazanira ibibi, bikaba byababera umugisha mu buzima bwabo bwose cyangwa se bikababera umuvumo, usanga akenshi bayitera bahubutse bakoreshejwe n'amarangamutima. Benshi ntibatega amatwi inyurabwenge yabo cyangwa ngo bumvire amabwiriza ashingiye ku myumvire ya Gikristo . . . (3)

Satani akora ubudahwema agamije kwihutisha urubyiruko rutarasobanukirwa ngo rusinye amasezerano yo gushyingirwa. Ariko ibyiza kurutaho ni uko tugabanya kwishimira ubukwe butaha muri iki gihe. (4)

Mu ngaruka ziterwa no gushyingirwa hutihuti harimo kwahukana, gutandukana kw'abashakanye n'urujijo rukabije mu Itorero. Ibyo kandi biboneka no mu biyita ubwoko bw'Imana. (5)

Mbega guhabana kuri hagati y'imishakire ya Isaka n'uburyo urubyiruko rw'iki gihe rwitwara, ndetse n'abavuga ko ari Abakristo! Kenshi abasore bibwira ko gushaka abo bakunda ari bo bireba bonyine kandi ko nta wundi ukwiriye kubigishwamo inama. Bakibwira ko yaba Imana cyangwa ababyeyi nta n'umwe ukwiye kugiramo uruhare. Mbere y'uko bagera mu myaka yo gushaka, bibwira ko bo ubwabo bafite ubushobozi bwo kwihitiramo, ababyeyi babo batabafashije. Imyaka mike bamara bashakanye irahagije kugira ngo babone amafuti yabo, ariko biba bitagifite igaruriro. Bwa bwenge buke no kutifata byatumve umuntu ahitamo atitegereje bituma icyo cyaha kiba kibi bikabije, kugeza ubwo abashakanye bibabera umutego ukomeye. Muri ubwo buryo rero, abantu benshi bangiza umunezero wabo muri ubu bugingo n'ibyiringiro by'ubugingo bw'ahazaza. (6)

Abakozi b'Imana Bafite Impano Bagiye Bafatwa mu Mutego: Abasore n'inkumi bagiye bakira ukuri kandi bakitwara neza mu gihe runaka, ariko Satani yaboshye umushundura rwo kuzengurutsa bene urwo rushako rutarangwamo gushishoza kandi rudahamye. Ubu ni bwo buryo yabonye bwagera ku ntego kurusha ubundi yakoresha kugira ngo abateshure mu nzira yo kwera. (7)

Neretswe ko abasore n'inkumi bo muri iki gihe badasobanukiwe neza n'akaga gakomeye bafite. Hari abasore n'inkumi benshi Imana yari yiteguye kwemera ngo bayikorere muri amwe mu mashami y'umurimo wayo, ariko Satani abyivangamo, akabagusha mu mutego we kugira ngo

batandukane n'Imana kandi be kugira imbaraga mu murimo wayo. Satani ni umukozi ukorana umwete mwinshi kandi ntarambirwa. Azi uburyo bwo kugusha mu mutego abatagira amakenga, kandi ikigaragara cyane kibabaje ni uko abasore bake gusa ari bo bashobora gusimbuka ubwo buhendanyi bwe. Ntabwo babona akaga kabategereje kandi ntibirinda imitego ye. Abashushubikanyiriza komatana mu rukundo batagishije Imana inama cyangwa ngo bayigishe abo Imana yohereje kuburira abantu, kubacyaha no kubagira inama. Bumva bihagije ubwabo bityo ntibihanganire ubakoma mu nkokora. (8)

Inama Yagiriwe Ingimbi: Ibitekerezo byawe byo mu bugimbi byerekeye gukunda abakobwa bari mu kigero cyawe (abangavu) nta muntu n'umwe bituma akugiraho imyumvire myiza. Kubwo kureka intekerezo zawe zigatwarwa n'abakobwa, wangiza ibitekerezo wari ufite byo kwiga. Ibyo bizatuma urema ubucuti bubi; kandi inzira zawe ndetse n'iz'abandi zizangirika. Uko ni ko ibyawe mbibona, kandi igihe cyose ukomeza kwinangira mu gukurikira inzira wishakiye, umuntu wese uzagerageza kukuyobora, kugukebura, cyangwa kukubuza uzamurwanya wivuye inyuma kubera ko umutima wawe ucisha ukubiri n'ukuri no gukiranuka. (9)

Ubuhabane mu Myaka y'Ubukuru: Abarambagizanya bashobora kutagira ubutunzi bw'isi, ariko bakwiriye kugira umugisha utagereranywa w'amagara mazima. Kandi ahenshi, ntihakwiriye kubaho kurutana mu myaka y'ubukuru mu buryo bukabije. Kwirengagiza iri tegeko bishobora kubyara kwangirika gukomeye k'ubuzima bw'umwe muri bo ufite imyaka mike. Kandi akenshi usanga abana bakomotse kuri abo babyeyi bavutswa ubushobozi mu by'umubiri no mu ntekerezo. Niba se cyangwa nyina akuze, ntashobora kubitaho neza no gusabana na bo kandi baba babikeneye mu buto bwabo, ndetse n'urupfu rushobora kubambura se cyangwa nyina igihe urukundo rwe n'ubuyobozi bwe byari bikenewe cyane. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing*, p. 358.
2. *Ubutumwa ku Basore*, p. 438.
3. *Id.*, p. 449.
4. *Testimonies for the Church*, Vol.2, p. 252
5. *Review and Herald*, Sept. 25, 188.
6. *Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 138,139.
7. *Testimonies for the Church*, Vol.5, pp. 114, 115.
8. *Id.*, Vol.5, pp. 105,106.
9. *Manuscript* 15a, 1896.
10. *Ministry of Healing*, p. 358.



Igice Cya 12

GUKWIRANA KW'ABASHAKANYE

Kwisanisha kw'Abashakanye: Mu miryango myinshi ntihaba ikinyabupfura cya Gikristo, nta rugwiro nyakuri, nta kubaha no kubahana byategurira abana bawubamo kuzashyingirwa no kuzagira imiryango yishimye ubwabo. Mu cyimbo cyo kwihangana, ubugwaneza, kwicisha bugufi, impuhwe za gikristo n'urukundo, harangwa amagambo asharira, ibitekerezo by'ubushyamirane, kunenga n'umwuka wo gutegekesha igitugu. (1)

Niko bikunda kumera iyo abantu batagize umwanya uhagije wo kumenyana mu mico no mu migirire mbere yo gushyingiranwa, kandi ku byerekeye imibereho ya buri munsi, ntibaba baziranye igihe basezeranira ku ruhimbi ko bazabana. Benshi basanga kuba badahuje bitakigize igaruriro, maze kubana kwabo bikabaviramo kubaho nabi mu mibereho yabo yose. Kenshi umugore n'abana babaho nabi bitewe n'ubunebwe n'imikorere mibi cyangwa ingeso mbi by'umugabo kandi w'umubyeyi. (2)

Muri iki gihe isi yuzuye amakuba n'ibyaha kandi ibyo ni bimwe mu ngaruka z'uko abantu bashyingiranwa badahuje. Akenshi usanga bitwara amezi make cyane kugira ngo umugabo n'umugore babone ko badashobora guhuza; bityo ingaruka ikaba kutumvikana kudashira mu miryango kandi ari ho hagombye kurangwa urukundo no guhuza biranga ijuru.

Kubwo kutumvikana ku ngingo z'agaciro gake, umwuka wo gusharira ugenda ukura. Kutumvikana kweruye n'intonganya bizana umubabaro ukomeye bitavugwa mu muryango, bityo bigatandukanya abagombye kuba bomatanyijwe n'umurunga w'urukundo. Uko ni ko abantu ibihumbi byinshi bagiye bigerezaho, haba ku bugingo bwabo no ku mubiri binyuze mu gushyingiranwa mu bupfapfa, kandi bakaba baroramye mu nzira igana irimbukiro. (3)

Kudahuza Guhoraho mu Rugo Rurimo Amacakubiri: Umunezero no kugubwa neza mu mibereho y'abashyingiranywe bishingira ku bumwe bombi bafitanye. Ni buryo ki intekerezo za kamere zishobora guhuza n'intekerezo zasanishijwe n'iza Kristo? Umwe abibira mu mubiri,

agatekereza kandi agakora akurikije ibyo umutima we umutegetse ako kanya; naho undi abibira mu Mwuka, ahirimbanira kurwanya ubwikanyize, gutsinda irari ry'umubiri kandi agashaka kubaho yubaha Shebuja, uwo avuga ko abereye umugaragu. Kubw'ibyo rero, habaho kudahuza guhoraho mu bibashimisha, mu byo bararikira no mu byo bagambirira. Keretse gusa uwizera nabasha guhindura mugenzi utizera binyuze mu gushikama ku mahame kwe, naho ubundi nk'uko bikunze kugenda, azacika intege bityo amahame y'iby'idini yagenderagaho ayagurane komatana n'umuntu udakorana n'Imana. (4)

Ingo Zashenywe no Kudahuza kw'Abashakanye: Ugushyingiranwa kwa benshi nta kindi kubyara uretse ubuhanya. Nyamara intekerezo z'urubyiruko ziroha muri iyi nzira bitewe n'uko Satani ari we ubayoboyemo, akabatera kwizera ko bagomba gushyingirwa kugira ngo banezererwe, kandi badafite ubushobozi bwo kwitegeka cyangwa bwo kwibonera ibyo umuryango ukenera. Ababa badafite ubushake bwo kwisanisha n'ibyo bagenzi babo bakunda, ku buryo birinda ibibatandukanya bidashimisha n'impaka bagirana, ibyaba byiza ni uko batatera intambwe yo gushyingiranwa. Ariko uyu ni umwe mu mitego ifite imbaraga rukuruzi yo muri iyi minsi y'imperuka, aho abantu ibihumbi byinshi barimbukira bakabura ubuzima bwabo bwo muri iyi minsi n'ubugingo bwo mu gihe kizaza. (5)

Ingaruka z'Urukundo rw'Ubuhumyi: Ubushobozi mu mitekerereze bw'abantu bose bandura iyo ndwara (urukundo rugenda buhumyi) buratsindwa maze iyo ndwara ikabutegeka. . . . Basa n'aho batakigira ubwenge butekereza neza, kandi imikorere yabo ikaba iteye ishozi ababareba bose .... Ku bantu benshi, gushakana igihe kitageze ni byo bigaragara ko iyo ndwara yabarembeje, bityo iyo agahararo gashize, ya mbaraga yabareherezaga gukundana igashira, umwe muri bo - (cyangwa bombi) - ni ho akanguka akamenya neza uko ibintu bimeze. Nibwo bamenya ko bahisemo nabi, ariko kandi bakaba baramaze kwifatanya ngo bazabane by'iteka. Kubera ko baba baramaze komatanywa n'amasezerano akomeye kurusha andi yose yo gushyingiranwa, bitegereza imibereho ibabaje bagiye kuzagira maze bagakuka imitima. Ubwo ni bwo baba bakwiriye gukora ibishoboka ngo bashake icyiza babyaza muri ubwo buzima barimo, ariko abenshi ntibazabikora. Hariho bamwe bahitamo gutatira amasezerano yo gushyingiranwa bagiranye cyangwa se kugira ngo bature umutwaro biyikoreje kubwo kwinangira kwabo bakawushyira ku majosi yabo bityo ukaba urushaho kubaremerera, abatari bake mu bugwari bwabo bahitamo gushyira iherezo ku buzima bwabo. (6)

Bityo rero mu buzima bwabo bwose, umugabo n'umugore bari bakwiriye guhora biga uko bakwirinda ikintu cyose cyatera amakimbirane

kandi bakarinda amasezerano yo gushyingiranwa bagiranye ntazigere aseswa. (7)

Ibyabaye ku Bandi ni Umuburo: Bwana A. afite kamere iteye ku buryo Satani ayikoresha akagera ku ntego ze bitamuruhije cyane. Iyi mibereho ya bwana A. ikwiriye kubera urubyiruko isomo ku byerekeye gushyingirwa. Mu guhitamo uwo bazabana, umugore we aho guhitamo akurikije imitekerereze mizima no gushyira mu gaciro, yakurikije amarangamutima n'imbaraga kamere imutera gufata imyanzuro adatekerejeho. Mbese gushyingiranwa kwabo kwabaye umusaruro w'urukundo nyakuri? Oya, oya rwose! Ahubwo kwabaye umusaruro wo gutwarwa badatekereje: rwari urukundo rw'ubuhumyi, n'irari ribi. Ari we cyangwa se umugore we nta n'umwe muri bo wari wujuje ibyangombwa byo kuba yafata inshingano z'ubuzima bw'abashakanye. Mbese igihe agahararo ko gushyingiranwa kari karangiye, buri wese amaze gusobanukirwa na mugenzi we, urukundo rwabo rwarakomeye, kwishimirana gukomeza kwimbika, kandi imibereho yabo bombi iromatana ku buryo babanaga mu bwumvikane buzira amakemwa? Oya. Ahubwo byabaye ibihabanye n'ibyo rwose. Uko iminsi yagendaga ihita ni ko ibibi byo mu mico yabo byatangiye kujya byimbika; bityo aho kugira ngo imibereho yabo nk'abashakanye irangwe n'umunezero, yarangwaga n'ingorane zahoraga ziyongera. (8)

Guhera mu imyaka myinshi ishize nagiye nkomeza kwakira inzandiko z'abantu bagiye bagira urushako rubi rutanejeje, kandi inkuru zo kwivumbura kwabo nagiye nsoma zirahagije rwose ngo zinshengure umutima. Kugira ngo ufate icyemezo cy'inama waha abo banyamahirwe make, cyangwa ngo ubone uburyo bwo kuborohereza uwo mutwaro ubaremereye, ntabwo byoroshye; ariko ubuzima bwabo bubabaje bukwiriye kubera abandi umuburo. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886.
2. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 150.
3. *Ubutumwa ku Basore,* p. 451.
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, pp. 507, 508.
5. *Id.,* Vol. 5, pp. 122, 123.
6. *Id.,* Vol. 5, pp. 110, 111.
7. *Id.,* Vol. 5, p. 122.
8. *Id.,* Vol. 5, pp. 121, 122.
9. *Id.,* Vol. 5, p. 366.

IGICE CYA 13

UBURERE BWO MU MURYANGO

Kwitegura Gushyingirwa ni Umugabane w'Ingenzi mu Burezi: Nta bantu bakwiriye kwinjira mu isano yo gushyingiranwa batabanje kugira ubumenyi buhagije ku nshingano zifatika z'ibikorwa mu buzima bwo mu rugo. Umugore akwiriye gutyazwa ubwenge kandi akigishwa imigirire kugira ngo yuzuze ibyangombwa bikwiriye bimubashisha kurera abana ashobora kunguka. (1)

Abagore benshi babarwa mu bantu bize cyane kandi neza, bakaba barabonye impamyabumenyi bahawe n'amashuri runaka akomeye, ndetse barabonye amanota meza, usanga ukuntu batazi gukora inshingano zifatika zo mu buzima bikojeje isoni. Ntibafite ubushobozi bukenewe ku bagore butuma imibereho y'umuryango igenda neza, kandi bukaba ari ingenzi kugira ngo urugo runezerwe. Bashobora kuvuga gusa ibyerekeye umwanya wo hejuru abagore bafite n'uburenganzira bwabo, nyamara ugasanga bo ubwabo bari munsi cyane y'urwego nyakuri umugore akwiriye kubaho.

Umukobwa wese ukomoka kuri Eva, afite inshingano yo kugira ubumenyi buhagije ku byerekeye inshingano zo mu rugo no guhugurwa mu byiciro byose bigize imirimo yo mu rugo. Buri mukobwa w'inkumi wese akwiriye kwigishwa ku buryo naba ahamagariwe kwicara mu mwanya nk'umugore mu rugo na nyina w'abana, azabasha kuhaba nk'umwamikazi mu gihugu cye. Akwiriye kugira ubushobozi buhagije kugira ngo abashe kuyobora no kwigisha abana be, kandi anayobore abakozi bo mu rugo rwe, cyangwa se n'igihe bibaye ngombwa, abashe gukoresha amaboko ye kugira ngo akemure ibyo urugo rwe rukeneye. Afite inshingano yo gusobanukirwa imikorere y'umubiri w'umuntu n'amahame yerekeye isuku, ndetse n'ibyerekeye imirire n'imyambarire, imirimo n'ikiruhuko (imyidagaduro), n'ibindi bintu byinshi bifitanye isano ya bugufi n'imibereho myiza y'umuryango. Afite kandi inshingano yo kunguka ubumenyi bwerekeye uburyo bwiza bwo kuvura indwara kugira ngo abashe kwita ku bana be igihe barwaye aho kugira ngo umutungo we w'agaciro kenshi azajye awusiga mu biganza by'abaforomo/kazi n'abaganga atazi gusa.

Igitekerezo kivuga yuko umugabo cyangwa umugore wiyubashye arangwa no kutamenya gukora imirimo yo mu rugo gihabanye n'umugambi Imana yari ifite ubwo yaremaga umuntu. Ubunebwe ni icyaha, kandi gusuzugura inshingano zoroheje ni ingaruka z'ubupfapfa umuntu afite, kandi amaherezo bikazatera umuntu kwicuza bikomeye. (2)

Abakobwa b'inkumi batekereza ko guteka no gukora indi mirimo yo mu rugo ari uburetwa; bityo kubw'iyo mpamvu, abakobwa benshi bashyingirwa kandi bakaba bagomba kwita ku miryango yabo usanga bafite ibitekerezo nkene ku bijyana n'inshingano z'umugore akaba na nyina w'abana. (3)

Bikwiriye kuba itegeko ko abasore n'inkumi batagomba gushyingirwa bataramenya uburyo bwo kwita no kurera abana bazavuka mu muryango wabo. Bakwiriye kumenya uburyo bwo gufata neza inzu Imana yabahaye. Keretse gusa nibasobanukirwa ibijyanye n'amategeko Imana yashyizeho ngo akurikizwe muri gahunda z'imibereho y'umuryango, naho ubundi ntibazashobora gusobanukirwa n'inshingano bafite ku Mana yabo cyangwa kuri bo ubwabo. (4)

Imirimo yo mu Rugo Ikwiriye Kwinjizwa mu Nteganyanyigisho yo mu Mashuri: Uburezi abana b'abakobwa n'abahungu bagana amashuri yacu bakwiriye guhabwa ku bijyane n'ubuzima bwo mu rugo bukwiriye kwitabwaho mu buryo bwihariye. Ni iby'agaciro gakomeye mu murimo wo kubaka imico ko abanyeshuri biga mu mashuri yacu bigishwa uburyo bwo gukora imirimo bahawe, bakazibukira umwuka wose w'ubunebwe. Bakeneye kwimenyereza gukora imirimo yo mu buzima bwa buri munsi. Bakwiriye kwigishwa gukora neza imirimo yo mu rugo bakayitunganya, badasakuza kandi nta kajagari. Ikintu cyose gikwiriye gukorwa mu buryo bwiza kandi kuri gahunda. Igikoni n'ibindi byumba bigize inzu bikwiriye guhora bikubuwe kandi birangwa n'isuku. Ibitabo bikwiriye gushyirwa iruhande kugeza igihe umwanya wo kubikoresha ugera, kandi nta bindi bikwiriye kwigwa uretse ibyo basoma hatabayeho no kwirengagiza inshingano zo mu rugo. Kwiga ibiba mu bitabo ntabwo ari ugupakira ubwonko ku buryo habaho kwirengagiza inshingano zo mu rugo zimwe kugubwa neza k'umuryango gushingiyeho.

Igihe izo nshingano zikorwa ingeso zo kutita ku bintu, ubunenganenzi, n'akajagari zikwiriye gutsindwa; kubera ko nizidakosorwa, izo ngeso zazinjira mu ntambwe zose z'ubuzima bazanyuramo, bityo ubuzima bwabo bukazangirika ntibabe bakibaye ingirakamaro. (5)

Kumenya Gusigasira Urugo ni Ingenzi: Byinshi mu byigishwa mu mashuri harimo amasomo menshi atwara igihe cy'abigishwa kandi atari ingenzi mu kubagirira umumaro cyangwa kubazanira umunezero.

Nyamara ni ingenzi ko umusore n'inkumi wese amenya gukora inshingano zose zo mu buzima bwa buri munsi. Bibaye ngombwa, umukobwa yareka kumenya Igifaransa n'ubuhanga mu mibare, ndetse ntamenye no gucuranga piyano; ariko ni ngombwa ko amenya guteka umugati mwiza, akamenya kwidodera imyenda neza kandi akamenya gutunganya neza imirimo yo mu rugo. Nta kintu cy'ingirakamaro cyubaka ubuzima bwiza n'umunezero by'abagize umuryango kurenza ubuhanga n'ubwenge umutetsi afite. Bitewe n'ibyokurya biteguwe nabi ndetse bidatera umubiri kugubwa neza, umutētsi ashobora kwangiriza cyangwa kwica ubuzima bw'abagize umuryango bakuru ntibabe ingirakamaro naho imikurire y'abana yo ikahadindirira. Cyangwa se kubwo kugabura ibyokurya bihuje n'ibyo umubiri ukeneye, kandi biteye ipfa ndetse biryoshye, umutetsi ashobora kugera ku bintu byinshi bitunganye kimwe n'uko iyo bitagenze bityo abona ibibi byinshi. Burya rero, akenshi kugira umunezero mu buzima bifitanye isano no kuba indahemuka no gukorana umurava mu nshingano zisanzwe. (6)

Kwita ku Mahame Yerekeye Isuku: Amabwiriza y'isuku mu byerekeye imirire, imyitozo ngororamubiri, kwita ku bana, kuvura indwara, n'izindi ngingo nk'izo, bikwiriye kwitabwaho cyane kuruta uko bisanzwe byitabwaho. (7)

Igihe biga ibyerekeye isuku, umwigisha uzi icyo akora azakoresha umwanya wose abonye kugira ngo yerekane ko isuku ari ngombwa haba ku muntu ku giti cye ndetse n'ahamukikije hose. Azashimangira akamaro ko kwiyuhagira buri munsi kugira ngo umuntu agire ubuzima buzira umuze no gutuma intekerezo ze zikangukira gukora neza. Azita cyane kandi ku kamaro k'umucyo w'izuba, kwinjiza umwuka mwiza mu nzu, isuku y'icyumba cyo kuryamamo ndetse n'iy'igikoni. Igisha abanyeshuri ko icyumba cyo kuryamamo kirimo ibyangombwa bitera ubuzima buzira umuze, igikoni gisukuye n'ameza yo kuriraho ateguye neza kandi ariho ibyokurya bitangiza ubuzima, ari byo bizagira uruhare mu gutuma ab'umuryango banezerwa kandi n'abashyitsi bashishoza bakabishima. Ibyo biruta cyane uko basanga igikoresho gihenze mu cyumba cy'uruganiriro. Muri iki gihe dukeneye biruseho kwiga icyigisho Umwigisha mvajuru yigishije mu myaka isaga ibihumbi bibiri ishize agira ati: "Kuko ubugingo buruta ibyokurya, n'umubiri uruta imyambaro." Luka 12:23. (8)

Umukobwa Wagiriwe Inama yo Kwimenyereza Imirimo y'Amaboko: Ufite imiterere yihariye yo mu mico yawe ikeneye kubanza gushyirwa ku murongo mu buryo bukomeye no kuyoborwa mu buryo butajenjetse mbere y'uko wakwinjira muri gahunda yo gushyingirwa wumva ufite umutekano. Kubw'iyo mpamvu, ibyo gushyingirwa ugomba kubyibagirwa igihe cyose utaratsinda izo nenge zigaragara mu mico yawe,

kubera ko izo ngeso zitazatuma uba umugore unezerewe. Wirengagije kwiyigisha no kwitoza imirimo yo mu rugo yose. Ntabwo wigeze ubona ko kwimenyereza gukoresha amaboko ari ngombwa. Iyo umuntu yatoye akamenyero ko kwishimira gukoresha amaboko, bene ako kamenyero ntikazigera kamuvamo. Icyo gihe ni bwo uba uteguriwe kuba washyirwa mu nshingano iyo ari yo yose mu buzima, kandi uwo mwanya wazaba uwukwiriye rwose. Uzige gukunda umurimo. Uramutse ushimishijwe n'umurimo w'ingirakamaro, intekerezo zawe zahugira ku murimo ukora, bityo ntuzongere kubona igihe cyo gupfusha ubusa uri mu nzozi z'iby'utekereza kuzageraho bitanashoboka.

Kumenya gukora umurimo w'ingirakamaro bizafasha intekerezo zawe zidahama hamwe kandi zitanyurwa maze bizihe imbaraga, gutanga umusaruro n'agaciro gakwiriye, bityo biguheshe kubahwa. (9)

Agaciro k'Inyigisho Zerekeye Imirimo Isanzwe ku Bakobwa: Ababyeyi benshi babona ko ari ngombwa kwigisha umwana w'umuhungu bamutegurira kuzirwanaho mu gihe kizaza basa n'aho babifata ko atari ngombwa cyane ku mukobwa, ahubwo bakabona ko kwigisha abakobwa ngo bunguke ubumenyi buzatuma bashobora kwibeshaho no kudahora bateze amakiriro ku bandi byakorwa cyangwa se ntibikorwe. Mu ishuri, umukobwa yiga ibintu bike bizatuma agira icyo akora kizamuhesha ibyokurya bya buri munsi; ariko iyo ari imuhira, ntahabwa inyigisho zihariye zerekeye amabanga y'igikoni n'imibereho yo mu rugo. Akura ari imburamumaro rwose, ndetse ari umutwaro ku babyeyi be....

Umukobwa wigishijwe kwiyitaho usanga ari na we umenya kwita ku bandi. Ntazabera umutwaro umuryango we cyangwa umuryango mugari w'abantu. Igihe azagira amahirwe make akabura icyo akora, azabona ahandi hantu azajya akora akabona ikimubeshaho atandavuye, kandi agafasha n'abandi bamutezeho amakiriro. Umukobwa (cyangwa umugore) akwiriye kwigishwa umwuga runaka ubyara inyungu ushobora kumutunga bibaye ngombwa. Hejuru y'indi mirimo yose y'icyubahiro, umukobwa wese akwiriye kwiga kwita ku bijyana n'inshingano z'urugo, akwiriye kuba umutetsi ubizi, agacunga iby'urugo ndetse akamenya no kudoda. Akwiriye gusobanukirwa n'ibintu byose bya ngombwa umugore nk'umuyobozi mu rugo akwiriye kumenya, yaba ari uwo mu muryango ukize cyangwa se ukennye. Ibyo bituma iyo habaye impinduka, aba yiteguye kugira icyo akora ngo agoboke. Mu yandi magambo, ntabwo ibibaho bihindagurika bimugenga ahubwo ni we ubigenga. (10)

Kumenya ibijyana n'inshingano zo mu rugo ni iby'agaciro katagereranywa ku mugore wese. Hari imiryango itabarika yabuze umunezero bitewe n'uko umugore ari na we nyina w'abana aba ari ntacyo ashoboye. Mbese si iby'agaciro ko abakobwa bacu biga gusiga

amarangi, gutera amabara, gucuranga, kwiga imibare cyangwa ubusizi n'ikeshamvugo, kimwe n'uko biga gupima, gukata no kwidorera imyenda yabo no kuyisana, cyangwa se gutegura ibyokurya byiza mu buryo bunoze. Igihe umwana w'umukobwa ari mu kigero cy'imyaka 9 cyangwa se 10, aba akwiriye gusabwa kugira uruhare yuzuza mu nshingano zo mu rugo uko abishoboye, kandi akwiriye kubazwa uburyo yakoze umurimo we. Dore uko umugabo w'umunyabwenge yashubije igihe bamubazaga icyo agambiriye kuzakorera abakobwa be. Yarasubije ati: "Mfite umugambi wo kuzabigisha gufatira urugero kuri nyina w'indashyikirwa, kugira ngo bazige ubuhanga bwo gukoresha igihe neza, ndetse no kuba abantu bakwiriye kuzahinduka abagore n'ababyeyi beza, bakazayobora imiryango yabo, ndetse bakazaba abantu b'ingirakamaro mu muryango mugari w'abantu." (11)

Umusore Witegura Kuzaba Umugabo mu Rugo Akwiriye Kumenya Kudasesagura Umutungo kandi Agakunda Gukora: Mu bihe bya kera, iyo umusore yajyaga gushaka umugore, mbere y'uko ubukwe buba, yagombaga guha sebukwe umubare w'amafaranga runaka cyangwa ibintu bifite agaciro kangana n'ayo mafaranga, hakurikijwe uko yabaga ashoboye. Ibyo byagaragaraga nk'ibihamya isano y'abashakanye. Ababyeyi ntibizeraga ko abakobwa babo bazatunganirwa baramutse basanze abagabo batigeze bateganya ibyangombwa byo kuzafasha umuryango wabo. Iyo babaga badafite ubutunzi buhagije n'umwete byo gukora ngo babone amatungo cyangwa amasambu, byateraga impungenge ko imibereho yabo nta gaciro izagira. Ariko hari uburyo bwari bwarashyizweho bwo kugerageza ababaga ntacyo bafite cyo gukwa ngo bahabwe umugeni. Bemererwaga gukorera se w'umukobwa bakunda, bagakora igihe kingana n'agaciro k'inkwano basabwe. Iyo umusore yerekanaga ko ari indahemuka mu byo akora kandi ko akwiriye, yahabwaga umukobwa akamugira umugore we; kandi nk'uko bisanzwe, inkwano se w'umukobwa yabaga akwerewe, yahabwaga uwo mukobwa ho indongoranyo igihe ashyingiwe. ...

Umuco wa kera nubwo kenshi na kenshi wateshwaga agaciro nk'uko Labani yabigenje, watangaga umusaruro mwiza. Iyo umusore ushaka umugeni yategekwaga gukora kugira ngo amuhabwe, ubukwe bw'ikubagahu barabwirindaga, maze hakabaho umwanya wo kugerageza urukundo rw'umusore ndetse n'ubushobozi bwe bwo kwita ku muryango. Muri iki gihe cyacu, iyo benshi bagerageje gukurikiza inzira ihabanye n'iyo ingorane nyinshi ziravuka. (12)

Nta mugabo n'umwe ukwiriye kwemererwa urwitwazo rwe rwo kutagira ubushobozi mu by'umutungo. Hari abagabo benshi bavugwaho aya magambo ngo, 'Ni umugabo ugwa neza, agira ubuntu, ni umugabo mwiza, ni Umukristo; ariko ntafite ubushobozi bwo gucunga neza

umurimo we ubyara inyungu.' Ku bijyanye n'ubutunzi bugaragara inyuma, bene uwo mugabo ni umwana bwana. Ntabwo ababyeyi be bamureze bamwigisha gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa amahame ajyana no kwirwanaho adateze amakiriro ku bandi. (13)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Pacific Health Journal,* May 1890.
2. *Fundamentals of Christian Education,* p. 75.
3. *Ministry of Healing,* p. 303.
4. *Manuscript* 19, 1887.
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 6, pp.169, 170.
6. *Uburezi,* p. 227, 228.
7. *Id.,* p. 205.
8. *Id.,* p. 208,209.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.3, p. 336.
10. *Health Reformer,* Dec. 1877.
11. *Fundamentals of Christian Education,* p. 74.
12. *Abakurambere n'Abahanuzi,* pp. 149, 150.
13. *Letter* 123, 1900.

Igice Cya 14

GUHINDUKA BY'UKURI NI ICYANGOMBWA GIKWIRIYE KUBANZA KUZUZWA

Idini Ituma mu Muryango Haba Umunezero: Imibereho y'idini iranga umuryango ni imbaraga itangaje. Imyitwarire y'umugabo ku mugore we n'iy'umugore ku mugabo we bishobora kuba biteye ku buryo bwatuma imibereho y'umuryango wabo ihinduka umwiteguro wo kuzinjira mu muryango wo mu ijuru. (1)

Imitima yuzuye urukundo rwa Kristo ntishobora gutandukana cyane. Idini ni urukundo, kandi urugo rwa gikristo ni ahantu urukundo ruganje, ndetse rukahigaragariza haba mu magambo no mu bikorwa by'ubugwaneza, kubahana n'urugwiro. (2)

Idini irakenewe mu muryango. Ni yo yonyine ishobora gukumira amakosa ababaje cyane akunze gutuma imibereho y'urushako isharira. Aho Kristo aganje honyine ni ho hashobora kuba urukundo rwimbitse, urukundo nyakuri kandi ruzira ubwikanyize. Ubwo ni bwo ubugingo bw'umugabo n'ubw'umugore buzomatana, maze imibereho yabo ibe mahwi. Abamarayika b'Imana bazaba abashyitsi bo muri urwo rugo, kandi gusabana kwabo kwejejwe kuzeza icyumba cy'abashakanye. Irari ry'umubiri ritesha agaciro ntirizaharangwa. Ibitekerezo byabo bizerekezwa ku Mana; kandi ukwitanga k'umutima kuzazamuka kwerekeye kuri Yo. (3)

Mu muryango wose Kristo abamo, buri wese mu bawugize azagaragaza kwita kuri mugenzi we mu mutima w'ineza n'urukundo; si urukundo rw'igihe runaka rwa rundi rugaragara igihe umwe akuyakuya undi, ahubwo ni urukundo rwimbitse kandi ruhoraho. (4)

Ubukristo Bukwiriye Imbaraga Igenga Imibanire y'Abashakanye: Ubukristo bwagombye kuba ari bwo mbaraga iyobora abantu mu gushyingiranwa, ariko ni kenshi cyane impamvu zitera abantu gushyingiranwa ziba zidashingiye ku kubahiriza amahame ya Gikristo. Satani ahora ashaka gukomeza ububasha bwe ku bantu b'Imana akoresheje kubashora mu kwifatanya n'abakozi be; kandi kugira ngo ibyo abigereho, ashishikarira kubyutsa irari mu mitima y'abantu. Ariko mu Ijambo

rye, Uwiteka yahaye abantu be amabwiriza yumvikana ko badakwiriye kwifatanya n'abadafite urukundo rwe muri bo. (5)

Inama Zahawe Abashyingiwe Vuba: Gushyingirwa, ni ukunga ubumwe n'uwo muzabana mu buzima bwanyu bwose, ni ikimenyetso cy'ubumwe Kristo afitanye n'Itorero rye. Umutima Kristo agaragariza itorero rye ni nawo mutima umugabo n'umugore bagomba kugaragarizanya. Niba bakunda Imana kuruta byose, nabo ubwabo bazakundana muri Kristo, bubahana kandi babumbatira ubumwe mu rugo rwabo. Mu mutima bagira wo kwitangirirana kandi buri wese akiyanga kubwa mugenzi we, buri wese azabera umugisha mugenzi we.…

Mwembi mukeneye guhinduka. Nta n'umwe muri mwe ufite igitekerezo gitunganye ku cyo "kubaha Imana" bisobanuye. Ngaho nimwige aya magambo: "Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateraniriza hamwe arasandaza." (Matayo 12:30). Ndiringira mbikuye ku mutima ko mwembi muzahinduka abana b'Imana by'ukuri, mukazaba abagaragu b'Imana yo ibasha kubaha inshingano musohoza. Ubwo ni bwo muzagira amahoro, ibyiringiro no kwigirira icyizere. Ni iby'ukuri, mushobora kuba Abakristo barangwa n'umunezero kandi bashikamye. Nimwimenyereze imyumvire ikangutse kandi itunganye kugira ngo mubashe kumenya guhitamo icyiza no kwanga ikibi. Mujye mwiga Ijambo ry'Imana. Umwami Yesu arashaka ko mukizwa. Muvandimwe, yakurinze mu buryo butangaje kugira ngo imibereho yawe izabe ingirakamaro cyane. Ngaho yikoreshe imirimo myiza yose ishoboka.

Keretse gusa nimugira icyifuzo kidakebakeba cyo guhinduka abana b'Imana, naho ubundi ntimuzabasha gusobanukirwa neza n'uburyo mwajya mwunganirana. Mujye mukundana kandi buri wese ajye azirikana mugenzi we, buri wese azibukire ibyifuzo bye n'imigambi ye ku giti cye kugira ngo mubashe kunezezanya. Buri munsi mushobora kujya mutera intambwe mu byo kwisobanukirwa neza. Buri munsi kandi mubasha kumenya neza uburyo bwo gukomezanya ku ngingo zirangwamo intege nke zo mu mico yanyu. Umwami Yesu azababera umucyo, ababere imbaraga kandi ababere ikamba ry'ibyishimo kubera ko ubushake bwanyu muzaba mwabweguriye mu bwe.

Mukeneye ubuntu bw'Imana bunesha mu mitima yanyu. Ntimukifuze kugira imibereho iboroheye kandi itagira icyo ikora. Abantu bose bafite aho bahuriye n'umurimo w'Uwiteka bagomba guhora iteka bari maso birinda ubwikanyize. Amatara yanyu ajye ahora yaka kandi amurika. Bityo ntimuzaba imburamumaro haba mu magambo yanyu no mu byo mukora. Mwese muzahorana umunezero igihe cyose buri wese azajya ahirimbanira icyashimisha mugenzi we. Nimureke amadirishya y'imitima yanyu ajye ahora akinzwe aherekeye isi, ariko ahore akinguwe aherekeye ijuru.

Abagabo n'abagore bashobora kugera ku rwego ruhanitse nibaramuka bazirikanye ko Kristo ari Umukiza wabo bwite. Mube maso musenge, kandi ibyanyu byose mubyegurire Imana. Kumenya ko muri guharanira ubugingo buhoraho bizabakomeza kandi bibahumurize mwembi. Mugomba kuba umucyo mu isi, haba mu bitekerezo, mu magambo no mu bikorwa. Mwihe gahunda nziza mukurikiza mu Mwami wacu; kuko yabahaye inshingano zera mudashobora gusohoza uko bikwiriye muramutse mutihaye gahunda mukurikiza. Kubwo kwizera Yesu, ntabwo muzakiza ubugingo bwanyu gusa, ahubwo kubwo gukurikiza itegeko no kuba intangarugero, mugomba gushaka uko mukiza ubugingo bw'abandi. Mujye mufata Kristo ho icyitegererezo cyanyu. Nimumwerereze kuko ari we wenyine ushobora kubaha imbaraga zibabashisha gutsinda. Nimurandure umuzi wo kwikanyiza. Nimuhe Imana ikuzo kandi muyisingize kuko muri abana bayo. Muhe icyubahiro Umucunguzi wanyu, na We azabaha umwanya mu bwami bwe. (6)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Letter* 57, 1902.
2. *Testimonies for the Church,* Vol.5, p. 335.
3. *Id.,* Vol. 5, p. 362.
4. *Review and Herald,* Feb. 2, 1886.
5. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 477.
6. *Letter* 57, 1902.

Umugabane Wa 5

UHEREYE KU RUHIMBI AHABEREYE AMASEZERANO YO GUSHYINGIRANWA

IGICE CYA 15

AMASEZERANO AKOMEYE KANDI AGOMBA KWITONDERWA CYANE

Umugambi Imana Ifitiye Umugabo n'Umugore: Imana yaremye umugore imukuye mu mugabo kugira ngo amubere mugenzi we n'umufasha we, ngo abe umwe na we, ngo ajye amukomeza, amuhumurize kandi amubere isōko y'umugisha, kandi ngo umugabo na we amubere umufasha ukomeye. Abashyingiranwe bose bafite umugambi wera, (umugabo afite umugambi wo kubona urukundo rutagira ikizinga ruva mu mutima w'umugore we, kandi umugore nawe akoroshya kandi akanoza imico y'umugabo ndetse ikaba ishyitse rwose)- basohoza umugambi Imana ibafitiye.

Kristo ntiyazanywe no gukuraho uwo muhango, ahubwo yazanywe no kuwuvugurura kugira ngo usubirane ukwera kwawo n'icyubahiro cyawo by'umwimerere. Yazanywe no kugarura ishusho y'Imana mu muntu, kandi yatangiye umurimo we hano ku isi ashimangira ugushyingiranwa. (1)

Uwaremye Eva akamuha Adamu ngo amubere umufasha umukwiriye ni we wakoze igitangaza cya mbere mu birori by'ubukwe. Muri icyo cyumba kinini cy'ibirori aho incuti n'abavandimwe bishimiraga hamwe, ni ho Kristo yatangiriye umurimo we ku mugaragaro. Uko ni ko yashyigikiye gushyingiranwa, azirikana ko ari umuhango yari yarashyizeho ubwe. Yetegetse ko abagabo n'abagore bakwiriye gufatanywa mu murunga wera, kugira ngo bakomokweho n'imiryango igizwe n'abantu batamirijwe icyubahiro kandi bakwiriye kumenyekana ko ari bamwe mu bagize umuryango wo mu ijuru. (2)

Yesu Ashaka ko Abashyingiranwe Bagira Umunezero: Urukundo mvajuru ruturuka kuri Kristo ntirurimbura urukundo rw'abantu, ahubwo rurarusigasira. Urukundo rwe ni rwo ruboneza kandi rugatunganya urukundo rwa kimuntu. Ntabwo urukundo rw'abantu rubasha kwera imbuto zarwo z'agaciro kenshi igihe rutarahuzwa na kamere y'Imana kandi rukigishwa gukura rugana mu Ijuru. Yesu ashaka ko abashyingiranwe bagira umunezero, n'urugo rukaba rwishimye. (3)

Kimwe n'izindi mpano nziza zose Imana yaragije umuntu, gushyingiranwa kwagiye guhindanywa n'icyaha; ariko umugambi w'ubutumwa bwiza ni ukuvugurura ukubonera k'ubukwe n'ubwiza bwabwo …

Ubuntu bwa Kristo bwonyine ni bwo bushobora gutuma uyu muhango uba uko Imana yagennye ko ukwiriye kumera – ukaba igikoresho gihesha umugisha kandi kizahura inyokomuntu. Iyo bigenze bityo, nibwo imiryango yo ku isi, yunze ubumwe mu mahoro no mu rukundo, ishobora kwerekana umuryango wo mu ijuru.

Uko umuryango mugari umeze bitanga isura ibabaje ku ishusho nziza Ijuru ryari ryiteze kuri iyi sano yera. Nyamara n'abahuye no gusharirirwa no kubura ibyo bari biteze bakabiburira aho bari biringiye kubonera umubano mwiza n'umunezero, ubutumwa bwiza bwa Kristo burabahumuriza mwese. (4)

Igihe Gishimishije: Ibyanditswe bivuga ko Yesu n'abigishwa be bari batumiwe mu birori by'ubukwe bw'i Kana. Kristo ntiyigeze agira icyo abwira Abakristo bakwiriye kuvuga igihe batumiwe mu birori by'ubukwe ngo bahakane bati: "Ntidukwiriye kuzajya muri biriya birori bishimishije." Kubwo kwitabira ibyo birori by'ubukwe [i Kana], Kristo yigishije ko ashaka ko twishimana n'abishimira mu kubahiriza amategeko Ye. Ntiyigeze na rimwe abuzanya ibirori byiza abantu bakora igihe bikozwe bitanyuranije n'amategeko y'Imana. Iteraniro Kristo yubahishije kwitabira ubwe, nta kibi kiri mu kuba n'abayoboke be baryitabira. Nyuma yo kwitabira ubwo bukwe, Kristo yagiye ajya no mu bindi birori byinshi, akabyejesha kubibamo kwe ndetse n'inyigisho yabitangagamo. (5)

Kwiyerekana, Kwaya n'Urusaku Ruvanze n'Urwenya no Kuvuyarara Ntibikwiriye Mu Birori by'Ubukwe: Imihango y'ubukwe yagizwe uburyo buha abantu umwanya wo kwiyerekana, kwaya no kuvuyarara. Ariko abashyingiranwa baramutse bemeranya ku myizerere n'imigirire y'iby'idini, kandi ibintu byose bikaba biri ku murongo, kandi ibyo birori bigakorwa hatabayeho kwiyerekana no kwaya, icyo gihe ubukwe ntibwabura kunezeza Imana. (6)

Nta mpamvu ikwiriye gutuma dukora imyiyereko ikomeye cyangwa kwiyerekana uko ari ko kose kabone nubwo bene ubwo bukwe baba babyumvikanyeho. (7)

Kuri jye iteka ryose nagiye mbona bisa n'ibidakwiriye kubona umuhango w'ubukwe urimo ibiganiro n'indirimbo byo gusetsa no kuvuyarara, n'ibindi bitagira icyo bimaze. Ibyo ntibikwiriye. Ubukwe ni umuhango wejejwe n'Imana, kugira ngo uko abantu bawufata bajye bawuha icyubahiro gikomeye cyane. Uko imibanire y'umuryango ikorwa hano ku isi, bigomba gutanga ishusho y'uko umuryango wo

mu ijuru uzaba uteye. Icyubahiro cy'Imana ni cyo gikwiriye kuba nyambere. (8)

Ubukwe Bwabereye mu Muryango wa Madamu White: Ku wa Gatatu w'Isabato, ahagana saa tanu, mu cyumba cyacu kinini cyo kuriramo hari hateguriwe umuhango w'ubukwe. Mwene Data B. ni we wayoboye uwo muhango, kandi ubukwe bwagenze neza pe. Hatanzwe icyifuzo cy'uko mushiki wacu White ari we wasenga isengesho risoza umuhango wo gushyingira. Uwiteka yampaye umudendezo udasanzwe. Numvise umutima wanjye worohejwe kandi wasabwe n'Umwuka w'Imana. Muri ubwo bukwe, nta bimenyetso bidahwitse byahakorewe kandi nta magambo y'ubupfapfa yahavugiwe: Ikintu cyose wasangaga gikozwe mu buryo bwiyubashye kandi kigakora ku mutima. Uwiteka yejeje ubwo bukwe, kandi ubwo abo bombi bari bamaze gushyingirwa, bashimishijwe no gufatanyiriza hamwe gukora umurimo w'Imana mu kindi gihugu, bajya gushaka no gukiza inzimizi. Imana izabahera umugisha mu murimo wabo nibajya bagendana nayo bicishije bugufi, kandi bakishingikiriza ku masezerano yayo batizigamye. (9)

Kuvanga Imibereho y'Abantu Babiri:[1] Iki ni igihe cy'ingenzi cyane mu mateka y'abantu bahagaze imbere yawe, biyemeje guhuriza hamwe inyungu zabo, ibibababaza, urukundo rwabo, n'imirimo yabo mu murimo wo gukiza imitima. Mu gushyingiranwa hari intambwe y'ingenzi cyane iterwa: ni uguhuza abantu babiri bakaba umwe … Bihuje n'ubushake bw'Imana ko umugabo n'umugore bakwiriye guhuzwa bagakora umurimo wayo, bakawuteza imbere mu buryo bushyitse kandi bwera. Ibyo bashobora kubikora.

Umugisha w'Imana mu rugo ruzarangwamo bene ubu bumwe uzaba ari nk'umucyo w'izuba uvuye mu ijuru, bitewe n'uko ari ubushake bw'Imana ko umugabo n'umugore bakwiriye gufatanishwa umurunga w'ubumwe wera, bari munsi y'ubutware bwa Yesu Kristo, akabategeka kandi akabayoboza Umwuka we.…

Imana ishaka ko urugo ruba ahantu harangwa umunezero kurusha ahandi ku isi, rukaba ikimenyetso nyacyo cyerekana urugo rwo mu ijuru. Umugabo n'umugore bashobora gusangira umunezero mu bumwe abamarayika b'Imana bashyigikira, bagasohoza inshingano z'urushako mu muryango wabo, ibibashimisha bakabihuza na Yesu Kristo, kandi bakisunga amaboko ye n'ibyiringiro atanga.

Gushyingiranwa ntikugabanya kuba ingirakamaro kwabo, ahubwo bikongerera imbaraga. Imibereho yo gushyingiranwa kwabo bashobora

1. Aya ni amagambo yavuzwe na Ellen G. White mu birori by'ubukwe byabereye ku ivuriro i California, mu mwaka wa 1905.

kuyigira inzira yo kuzana abantu kuri Kristo. Ibyo mvuga ndabizi kubera ko mu myaka 36 namaranye n'umugabo wanjye twari twunze ubumwe, kandi twagiye ahantu hose Imana yatubwiraga kujya. Kuri iyi ngingo, tuzi neza ko Imana idushimira imibanire twagiranye mu rushako rwacu. Nuko rero, gushyingirwa ni umuhango wera. ...

Ubu noneho, nshobora gufata ukuboko uyu mwenedata; ... na mushiki wacu, ari we mugore we, maze tukabingingira gukora umurimo w'Imana bafatanyije. Ndababwira nti, "Mujye mugira Imana ho Umujyanama wanyu. Mujye mufatanyiriza hamwe." (10)

Inama Yahawe Abari Bashyingiranwe Vuba: Bavandimwe banjye nkunda, mwagiranye amasezerano yo kuzabana mu buzima bwanyu bwose. Mwatangiye ishuri ryigirwamo imibereho y'abashakanye. Umwaka wa mbere w'urushako ni umwaka wo kwiga uko urugo rwanyu ruzamera, ni umwaka umugabo n'umugore bamara buri wese yiga imico ya mugenzi we iba itandukanye n'iy'undi, nk'uko umwana yiga isomo mu ishuri. Muramenye, muri uyu mwaka wa mbere wo kubana kwanyu, ntihakagire ibice bimwe biwurangwamo byazangiriza umunezero mwari kuzagira mu bihe bizaza . ...

Musaza wanjye, guhera nonaha igihe cy'umugore wawe, imbaraga ze n'umunezero we byomatanyijwe n'ibyawe. Imbaraga ihindura ikuvaho imwerekeraho ishobora kumubera "impumuro y'ubugingo izana ubugingo cyangwa se impumuro y'urupfu izana urupfu." (2Abakorinto 2:16)

Muvandimwe wanjye, guhera none ugomba kwiga amasomo abanza kandi afatika yerekeye inshingano zijyana n'ubuzima bw'abashyingiranwe. Ukwiriye kwiga ayo masomo buri munsi kandi ukiranutse. Uzajye uhora wirinda cyane guha urwaho ubwikanyize.

Muri ubu buzima mwiyemeje bwo kubana akaramata, urukundo rwanyu rukwiriye kuba rugamije kuba isōko y'umunezero wanyu mwembi. Buri wese agomba gukora icyatuma mugenzi we anezerwa. Icyo ni cyo Imana ibashakaho. Ariko nubwo mugomba komatana mukaba nk'umuntu umwe, nta n'umwe muri mwe ugomba gutakariza umwihariko w'ubumuntu bwe muri mugenzi we. Imana ni yo nyir'impagarike yawe yose. Ni yo mukwiriye kujya mubaza muti: "Icyiza ni ikihe? Ikibi ni ikihe? Ni buryo ki narushaho gusohoza umugambi wo kuremwa kwanjye?"(11).

Amasezerano Yagiriwe Imbere y'Abahamya bo mu Ijuru: Imana yategetse ko hagati y'abinjira mu isano yo gushyingiranwa haba urukundo ruzira amakemwa no guhuza. Nimutyo umukwe n'umugeni, bari imbere y'isanzure ry'ijuru, bagirane amasezerano yo gukundana nk'uko Imana yabitegetse. . . . Umugore akwiriye kubaha umugabo

kandi akamwumvira, kandi umugabo nawe akwiriye gukunda umugore we, akamukundwakaza. (12)

Mu itangira ry'ubuzima bwo gushyingiranwa, abagabo n'abagore bakwiriye kongera kwiyegurīra Imana. (13)

Nk'uko icyuma gikomera, abe ari ko namwe mukomera ku masezerano yo gushyingirwa, kandi haba mu magambo, mu bitekerezo no mu bikorwa, ujye wanga kwangiza ibizavugwa ku buzima bwawe nk'umuntu wubaha Imana kandi agakurikiza amategeko yayo. (14)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 16, 1899.
2. *Ministry of Healing*, p. 356.
3. *Bible Echo*, Sept. 1899.
4. *Review and Herald*, Dec. 10, 1908.
5. *Manuscript* 16, 1899.
6. *Review and Herald*, Sept. 25, 1888.
7. *Testimonies for the Church*, Vol. 4, p. 515.
8. *Manuscript* 170, 1905.
9. *Manuscript* 23, 1894.
10. *Manuscript* 170, 1905.
11. *Testimonies for the Church*, Vol. 7, p.45.
12. *Bible Echo*, Sept. 4, 1899.
13. *Manuscript* 70, 1903.
14. *Letter* 231, 1903.

IMIBANIRE ISHIMISHIJE KANDI IGERA KU NTEGO

Kugirwa Umwe kw'Abashakanye ni Imibereho y'Ubuzima Bwose: Gusobanukirwa neza n'isano abashakanye bafitanye ni umurimo ukorwa mu mibereho yabo yose. Abashyingiranwe baba binjiye mu ishuri batazigera barangiza kwiga muri ubu buzima. (1)

Uko abantu bashobora kuba barashyingiranwe babikoranye ubwitonzi n'ubushishozi kose, usanga igihe umuhango w'ubukwe ukozwe abashyingiranwa bake ari bo baba bomatanye rwose. Guhuzwa nyakuri k'umugabo n'umugore mu gushyingiranwa ni umurimo ubaho mu myaka izakurikiraho. (2)

Iyo abashyingiwe vuba binjiye mu buzima butaburamo imitwaro y'ibihagarika umutima ndetse n'ingorane, usanga rwa rukundo rw'ikibatsi akenshi ruba rwarabateye gushyingiranwa ruyoyoka. Umugabo n'umugore buri wese yiga imico ya mugenzi we mu buryo batari gushobora kuyiga batyo mu mibanire yabo ya mbere. Iki ni igihe kiba gikomeye cyane mu mibanire yabo. Umunezero no kuba ingirakamaro bizaranga ubuzima bwabo bwose bw'ahazaza bishingiye ku ntambwe itunganye batera none. Incuro nyinshi, buri wese abona kuri mugenzi we intege nke n'inenge atakekaga; ariko imitima yomatanyijwe n'urukundo izabona n'imicombonera y'agahebuzo batari barigeze bamenya mbere. Reka buri wese ashake uko yabona imico mbonera ihebuje [muri mugenzi we] aho kubona inenge. Akenshi inyifato yacu ubwacu (umwuka utugaragaraho impande zose) ni yo igena uko tubona abandi. (3)

Urukundo Rugomba Gusuzumwa no Kugeragezwa: Urukundo rushobora kuba rwererana nk'ikirahure kandi ari rwiza mu kubonera kwarwo, ariko rushobora kuba rutimbitse bitewe n'uko rutasuzumwe kandi ngo rushungurwe. Mujye mugira Kristo uwa mbere n'uwa nyuma kandi abe inyamibwa muri byose. Mujye muhora mumuhanze amaso, bityo uko urukundo mumukunda ruzajya rushungurwa kandi rukageragezwa, ruzarushaho kwimbika no gukomera buri munsi. Ndetse uko urukundo mumukunda ruzajya rwiyongera, ni na ko

n'urukundo mukundana ruzajya rurushaho kwimbika no kugira imbaraga. (4)

Nubwo ingorane n'imibabaro ndetse n'ibicantege byahaguruka, mureke yaba umugabo cyangwa umugore we he kubaho ugira igitekerezo ko kubana kwabo ari ikosa ryabayeho cyangwa ko habayeho kwibeshya. Ahubwo buri wese yiyemeze kubera mugenzi we icyo ashoboye kuba cyo cyose. Mukomeze kwitanaho nk'uko mwatangiye. Uko byagenda kose, mujye muterana ubutwari mu kurwana intambara zo mu buzima. Nimwige ukuntu buri wese yajya ateza imbere umunezero wa mugenzi we. Mukwiriye gukundana no kwihanganirana. Bityo rero, aho kugira ngo gushyingiranwa kwanyu guhinduke iherezo ry'urukundo rwanyu, ahubwo kuzatume biba nk'uko byari bimeze mu itangira ry'urukundo rwanyu. Ubushyuhe bw'ubucuti nyakuri, urukundo rwomatanya imitima ya babiri, ruba umusogongero w'umunezero tuzagira mu ijuru. (5)

Umugabo n'umugore bakwiriye kwimenyereza kwihangana. Kubw'umutima wo kugwa neza no kwihangana, urukundo nyakuri rushobora guhorana ubushyuhe mu mutima, kandi hazabaho gukuza imico ijuru ryemera. (6)

Umwanzi Azahirimbanira Kubiba Amacakubiri: Satani ahora arekereje kubonera urwaho ku ngingo itumvikanweho, kandi kubwo kuririra ku kintu giteza impaka, (nk'ibigize imico umugabo cyangwa umugore akomora ku babyeyi be), Satani azageragеza guteza kutumvikana kw'abantu bungiye ubumwe mu masezerano akomeye kandi yera bagiriye imbere y'Imana. Mu ndahiro yo gushyingiranwa batanze, basezeranye kuba umwe, umugore asezeranira umugabo we ko azajya amukunda kandi akamwubaha, n'umugabo asezerana kuzakunda no kuzakundwakaza umugore we. Amategeko y'Imana nuyumvirwa, umudayimoni utera intonganya ntazabona icyuho mu muryango, kandi nta gutandukanya inyungu kuzabaho. Nta kirogoya bazemerera kwinjira mu rukundo rwabo. (7)

Inama Yagiriwe Umugabo n'Umugore we Bafite Imitima Yinangira: Nta mugabo cyangwa umugore we ugomba gushegera gutegeka. Uwiteka yashyizeho ihame rigomba gukurikizwa kuri iyi ngingo. Umugabo akwiriye gukunda umugore nk'uko Kristo yakunze Itorero. Kandi n'umugore agomba kubaha no gukunda umugabo we. Bombi bagomba gukuza umwuka w'ineza, bakaba biyemeje rwose kutajya bababazanya cyangwa bakomeretsanya. . . .

Ntukagerageze guhatira mugenzi wawe gukora nk'uko ushaka. Ntabwo mushobora kugenza mutyo kandi ngo buri wese akomeze gukunda mugenzi we. Kugaragaza umwuka wo gushyira imbere ubushake bwawe bwite bisenya amahoro n'umunezero mu rugo. Ntimugatume ubuzima bwanyu nk'abashakanye buba ubuzima bw'amakimbirane. Nimutuma

buba ubw'amakimbirane, mwembi ntimuzanezerwa. Jya uvuga amagambo y'ubugwaneza kandi witonde mu bikorwa byawe, buri wese azibukire ibyifuzo bye bwite. Mujye mwitondera amagambo muvuga, kuko afite imbaraga ikomeye iganisha abantu ku cyiza cyangwa ku kibi. Mu majwi yanyu ntihakumvikanemo ubukana. Ubuzima muhurijwemo nimubuzanemo impumuro nzza ya Kristo. (8)

Garagariza Urukundo Rwawe mu Magambo no mu Bikorwa: Hariho abantu benshi bafata ko kugaragaza urukundo ari intege nke, maze bakagira kwifata gutuma bagenzi babo batabegera. Bene uyu mwuka utuma atagaragariza ubwuzu mugenzi we. Iyo imbaraga zisunikira umuntu gusabana no kugira ubuntu zipfukiranwe cyangwa zigakumirwa, zirumagara maze umutima ukaba nk'akara kandi ugakonja. Dukwiriye kwirinda iryo kosa. Urukundo ntirushobora kuramba ruramutse rutagaragajwe. Ntugatume umutima w'uwo mwashakanye usonzera ineza n'urukundo byawe. . . .

Mureke buri wese atange urukundo aho gusaba ko bamukunda. Nimushishikarire gukuza imico ihebuje mu kubonera, kandi mwihutire kubona ibyiza buri wese muri mugenzi we. Kwiyumvamo ko abantu bashima ibyo ukora ni imbaraga itangaje ikongerera ubwuzu bwo gukora kandi bigatuma unyurwa. Ubwuzu no kubaha bitera umwete umuntu ushaka kuba ingenzi mu byo akora, kandi urukundo ubwarwo narwo rugenda rwiyongera uko rurehereza umuntu kugambirira kugera ku ntego zo mu rwego rwo hejuru. (9)

Impamvu ituma mu isi yacu harimo abagabo n'abagore benshi bafite imitima inangiye ni uko kugaragaza urukundo nyakuri byagiye bifatwa nk'aho ari intege nke, ndetse baruca intege kandi bararupfukirana. Uruhande rwiza rwa kamere y'abantu bo muri uru rwego rwangirijwe ndetse rupyinagazwa mu bwana bwabo, kandi umunezero wa bene abo bantu wamaze gukendera by'iteka ryose keretse gusa baramutse barasiwe n'imyambi y'umucyo mvajuru ngo ubatamurureho ubwo bukonje n'ubwikanyize burangwa n'umutima unangiye. Niba dushaka kugira imitima yuje urukundo nk'uwo Kristo yari afite igihe yari hano ku isi, kandi tukagira n'umutima w'impuhwe wejejwe nk'uwo abamarayika bagirira abanyabyaha bapfa, tugomba gutoza no kumenyereza umutima w'impuhwe mu bwana, ari nako kwiyoroshya. Ubwo nibwo tuzatunganywa, tugezwe ku rwego ruhanitse kandi tuyoborwe n'amahame mvajuru. (10)

Tujya tuzana mu miryango yacu imibabaro n'imitwaro myinshi, kandi ntitwimakaze kwiyoroshya n'amahoro n'umunezero. Hakwiriye kubaho kutita cyane kubyo abo hanze bashobora kutuvugaho, ahubwo tukarushaho kuzirikana no kwita ku bagize imiryango yacu. Mu basangiye urugo hakwiriye kutarangwa kwigaragaza cyane no gushaka kwerekana ikinyabupfura cyo ku isi, ahubwo ineza n'urukundo, umunezero n'ubwuzu

bya gikristo akaba ari byo turushaho kugaragaza. Abantu benshi bakeneye kwiga uburyo bwakoreshwa kugira ngo ingo zabo zibe ahantu hareshya abandi, ahantu harangwa ibyishimo n'umunezero. Imitima yuzuye ishimwe n'indoro yuje ineza ni iby'agaciro kenshi kuruta ubukungu no kuvuyarara muri byinshi, Kunyurwa n'ibintu bicirirtse bizatuma urugo rugira umunezero iyo hari urukundo. (11)

Kwita ku Bintu Bito Ni Ingenzi: Imana idushungura kandi ikatugeragereshа ibintu bito bibaho mu buzima. Ibintu bito ni byo bihishura ibiri mu mutima w'umuntu. Ibintu bito twitaho, ibibaho bito bito bitabarika ndetse n'ubwuzu tugaragaza mu buryo bworoheje mu buzima, ibyo ni byo bikomatanyiriza hamwe bikarema umunezero w'imibereho yacu. Ibiri amambu, kwirengagiza amagambo meza, amagambo akomeza, yuje ineza n'urukundo ndetse n'ubwuzu bugaragazwa mu buryo bworoheje mu buzima ni byo bibyara ubuhanya n'imibabaro birangwa mu mibereho y'abantu. Mu iherezo, bizagaragara ko kugira ibyo twigomwa bijyana n'inarijye yacu kubwo gushakira ibyiza n'umunezero abatuzengurutse ari byo bizaba bifite umwanya w'ingenzi ku byanditswe mu ijuru ku mibereho yacu. Kandi nanone bizagaragara ko kwizirikana ubwawe utitaye ku byiza n'umunezero by'abandi bidasoba amaso ya Data wa twese wo mu ijuru. (12)

Umugabo Utaragaragaje Urukundo: Urugo rurangwamo urukundo, aho urukundo rugaragarizwa mu magambo, mu ndoro no mu bikorwa, ni ahantu abamarayika bakunda kuza kandi bakahejesha imyambi y'umucyo uturuka ku bwiza bw'Imana. Muri urwo rugo, usanga bishimira gukora imirimo iciye bugufi. Igihe bimeze bityo, nta n'imwe mu nshingano zo mu buzima itazanezeza umugore wawe. Umugore wawe azajya azikorana ibyishimo n'ubwuzu, kandi azaba nk'umurasire w'izuba ku bamukikije bose, ndetse azajya akora ari nako aririmbira mu mutima we indirimbo zo gusingiza Umwami Imana. Muri iyi minsi yiyumvamo ko rwose adafite urukundo rwawe; ko utakimukunda. Ni wowe wamuteye kwiyumva atyo. Ukora inshingano zose zikenewe kandi zikureba nk'umuyobozi w'umuryango, ariko ntibihagije hari ikibuze. Habuze cyane imbaraga y'agaciro kenshi y'urukundo igutera kumwitaho mu mutima w'ineza. Urukundo rukwiriye kugaragarira mu ndoro n'imigirire, kandi rukanumvikana mu ijwi ryawe. (13)

Umugore w'Urucantege kandi Wikubira: Imico y'abantu bashyingiranwe ishobora gukura ikagera ku rwego ruhanitse cyangwa igasigingizwa n'uko gushyingiranwa kwabo. Ndetse umurimo wo gusigingira kw'iyo mico uba warakozwe na kamere igira imyumvire yo hasi, ishukana kandi yo kwikanyiza usanga utangira nyuma gato y'ibirori by'ubukwe. Umusore aramutse ahisemo neza, yagira umufasha umuhora iruhande, uzakoresha ubushobozi bwe bwose agakora uruhare rwe mu mitwaro y'ubuzima, wa wundi uzamuhesha

icyubahiro kandi akamutunganya, ndetse akamunezeza mu rukundo amukunda. Ariko niba umugore ahorana amashagaga, akiyemera, agashaka ko ikintu gikorwa byanze bikunze, agashinja amakosa umugabo we, agahoza umugabo we ku nkeke biturutse ku mpamvu n'amarangamutima akomoka gusa ku mico ye yataye umurongo; niba adafite guhugukirwa n'ibintu no gutandukanya ibintu neza ngo abone urukundo umugabo we amukunda ndetse ngo anyurwe narwo, ahubwo akavuga gusa ko atamwitaho ndetse yabuze urukundo rwe bitewe n'uko adahaza ibyifuzo bye byose, byanze bikunze azatuma ibintu bigenda nk'uko asa n'ubyerekana. Uwo mugore azatuma ibyo birego byose biba ukuri. (14)

Ibiranga Umugore akaba n'Umubyeyi w'Abana Ubana neza n'Umugabo we: Aho kugira ngo abe umucakara w'urugo rwe, mureke umugore kandi akaba na nyina w'abana ajye afata igihe cyo gusoma, igihe cyo kumenya amakuru, abe umufasha na mugenzi w'umugabo we, kandi abone uko asabana n'ubwenge bw'abana be buba butera imbere. Mureke akoreshe neza umwanya afite ubu wo kuyobora abana be akunda mu nzira igana mu buzima buhebuje bwo mu ijuru. Akwiriye gufata igihe cyo gusabana n'Umukiza kugira ngo amugire Incuti magara ya buri munsi. Mureke ajye afata igihe cyo kwiga Ijambo rya Kristo, afate igihe cyo kujya ajyana n'abana mu misozi no kwigana na bo ibyerekeye Imana bifashishije ubwiza bw'ibyo yaremye.

Akwiriye kwimenyereza guhora anezerewe kandi acyeye. Aho gukoresha igihe cye cyose akora imirimo y'ubudozi idashira, akwiriye gutuma umugoroba wo mu rugo rwe uba umwanya ushimishije wo gusabana kw'abagize umuryango, umwanya wo kongera guhura kwabo nyuma yo gusoza inshingano z'umunsi. Bigenze bityo, abagabo benshi bazahitamo kugumana n'imiryango yabo kuruta uko bajya aho bahurira na bagenzi babo kunywa cyangwa gukora ibindi. Abana benshi b'ababungu ntibajya bajya kuzerera mu mihanda cyangwa kujya gutoragura ibintu hafi y'amaduka. Abana b'ababakobwa benshi nabo batabarwa ntibirohe mu bucuti burangwa n'ubupfapfa no gushayisha. Imbaraga ihindura kandi ikurura y'urugo rwabo yabera ababyeyi n'abana icyo Imana yagennye ko urugo rukwiriye kuba cyo. Rwababera umugisha mu buzima bwabo bwose. (15).

Ubuzima bw'abashakanye si ko buhora ari ibinezeza gusa; bugira ingorane zabwo zifatika n'ibindi bitandukanye byo mu rugo. Umugore ntakwiriye kwifata nk'umwana warezwe bajeyi, ahubwo ni umugore; wa wundi ushyira ku ntugu ze imitwaro ifatika y'ubuzima, ntayifate nk'inzozi, kandi akarangwa n'imibereho isobanukiwe ndetse agatekereza, akazirikana ko hari ibindi bintu byinshi agomba gutekereza aho kwitekerezaho gusa … Ubuzima nyabuzima bugira ibirushya n'imibabaro byihariye. Ibyago bigomba kugera ku muntu wese. Satani arakora ubudahwema kugira ngo ahungabanye ukwizera kandi arimbure ubutwari n'ibyiringiro by'umuntu wese. (16)

Inama Yagiriwe Abashakanye Bahoranaga Umubabaro: Ubuzima bwanyu nk'abashakanye bwagiye bumera cyane nk'ubutayu –ariko ni ahantu hake cyane wasubiza amaso inyuma ukahabona utwatsi dutoshye maze wabyibuka ugashima. Ntibyari bikwiriye kumera bityo.

Nk'uko udashobora gucana umuriro ngo ukomeze kwaka udafite inkwi, ni na ko n'urukundo rudashobora gukomeza kubaho rutigaragariza inyuma mu bikorwa bifatika. Muvandimwe C, wiyumvisemo ko waba witesheje agaciro igihe wagaragarizaga umugore wawe ko umukunda wifashishije ibikorwa byuje ineza kandi ugashaka ibihe byo kumwereka ko umukunda, umubwira amagambo meza no kumureba neza. Amarangamutima yawe ahinduka buri kanya kandi ahindurwa cyane n'ibibaho bikuzengurutse, ... Igihe uvuye ku mirimo yawe isanzwe, jya usigayo ibibazo by'akazi kawe n'ibiguhagarika umutima. Jya uza mu muryango wawe mu maso hawe hagaragaza umunezero n'impuhwe, ubugwaneza n'urukundo. Ibyo bizaba byiza kuruta gutanga amafaranga menshi uvuza umugore wawe ku baganga no kugura imiti. Nubigenza utyo bizatuma mugira amagara mazima ku mubiri ndetse n'imbaraga mu bya Mwuka. Imibereho yanyu yakomeje kurangwa n'umubabaro. Kandi mwembi mwabigizemo uruhare. Ntabwo Imana ishimishwa n'akaga murimo; ahubwo nimwe mwakiteye bitewe no kutagira kwitegeka.

Ureka amarangamutima yawe akaba ari yo aganza. Muvandimwe C. utekereza ko kugaragaza urukundo no kuvuga amagambo yuzuye ubugwaneza n'urukundo ari ukwitesha agaciro. Utekereza ko ayo magambo yose y'ubugwaneza agaragaza ko uyavuga ari umuntu woroheje kandi w'umunyantege nke, kandi ko atari ngombwa. Ariko uyasimbuza amagambo yuzuye ubushotoranyi, amagambo y'umwiryane, intonganya no kujorana . ...

Ntabwo mufite ibigize umutima unezerewe. Muhora mutekereza ku ngorane mufite; ibyo mwifuza mutekereza ndetse n'ubukene mubona busa n'ububasatiriye imbere yanyu; mwumva mubabaye, muhorana agahinda, muhora muhangayitse; bisa n'aho ubwonko bwanyu buhora bugurumana, kandi muratentebutse. Ntimukunda Imana kandi ngo mugire kuyishima mu mitima yanyu kubera imigisha So wo mu ijuru ubakunda yabacunshumuyeho. Ubupfapfa bw'ab'isi bubakingiraniye mu gisa n'igicu cya rukokoma kandi kiremereye ndetse cyijimye. Satani abishima hejuru kubera ko muzagira akaga kandi amahoro n'umunezero byari biri imbere yanyu. (17)

Gukundana no Kwihanganirana Bigira Ingororano: Hatabayeho kwihanganirana n'urukundo, nta bushobozi bwo mu isi bwashobora kubahuriza hamwe mu mirunga y'ubumwe bwa Gikristo. Ubumwe mufitanye nk'abashakanye bukwiriye kurangwa no gushyikirana, ubugwaneza, kwera

n'ubupfura, kandi bugahumeka imbaraga y'umwuka mu mibereho yanyu, kugira ngo buri wese abere mugenzi we icyo ari cyo cyose ijambo ry'Imana rimusaba. Nimuramuka mwujuje ibyo Umwami wacu ashaka ko mugeraho, muzabona ijuru riri kumwe namwe kandi muzabona n'Imana mu mibereho yanyu. (18)

Mwene Data na mushiki wanjye nkunda, mwibuke ko Imana ari urukundo kandi ko kubw'ubuntu bwayo mushobora kugera ku ntego y'uko buri wese yanezeza mugenzi we nk'uko mwabirahiriye mu masezerano yo gushyingiranwa kwanyu. (19)

Abagabo n'abagore bashobora kugera ku rugero Imana ibifuriza baramutse bemeye ko Kristo abibafashamo. Ibidashobokera ubwenge bw'umwana w'umuntu, ubuntu bw'Imana buzabishoboza abantu bayiyegurira bayiringiye kandi bayikunda. Ubuntu bw'Imana bushobora guhuriza imitima mu mirunga ikomoka mu ijuru. Urukundo ntiruzaba gupfa kubwirana amagambo yoroheje kandi yo gushyeshya. Imashini y'umudozi wo mu ijuru idoda ikoresheje ubwoya n'ubudodo bwatunganijwe neza, ariko bukarushaho gukomera kurenza ubwadodwa n'imashini yo ku isi. Umurunga uvamo ntabwo ari umwenda usanzwe, ahubwo ni umwenda udasaza kandi uzihanganira ishungura n'igeragezwa. Imitima izomatanywa n'imirunga y'izahabu y'urukundo ruhoraho. (20)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church*, Vol. 7, p. 45.
2. *Ministry of Healing*, pp. 359, 360.
3. *Id.*, p. 360.
4. *Testimonies for the Church*, Vol. 7, p. 46.
5. *Ministry of Healing*, p. 360.
6. *Review and Herald*. Feb. 2, 1886.
7. *Letter* 18a, 1891,
8. *Testimonies for the Church*, Vol. 7, p. 47.
9. *Ministry of Healing*, pp. 360, 361.
10. *Testimonies for the Church*, Vol. 3, 539.
11. *Id.*, Vol. 4, pp. 621, 622.
12. *Id.*, Vol. 2, pp. 133,134.
13. *Id.*, Vol. 2, pp. 417, 418.
14. *Letter* 10, 1889.
15. *Ministry of Healing*, p. 292.
16. *Letter* 34, 1890.
17. *Testimonies for the Church*, Vol. 7, p. 49.
18. *Ministry of Healing*, p. 362.

IGICE CYA 17

INSHINGANO BURI WESE MU BASHAKANYE AFITE KURI MUGENZI WE

Buri Wese Afite Inshingano Ze: Abantu babiri bahuriza hamwe inyungu z'ubuzima bwabo [bagashyingiranwa] bazagira ibibaranga bitandukanye kandi buri wese agire n'inshingano ze. Buri wese azagira umurimo nshinganwa, ariko rero agaciro k'abagore ntikagomba gushingira ku mirimo myinshi bashobora gukora nk'uko biri ku nyamaswa zikorera imitwaro. Umugore agomba guhesha agaciro umuryango we, nk'umugore kandi akaba n'incuti y'umugabo w'umunyabwenge. Kuri buri ntambwe ateye, akwiriye kwibaza ati: "Mbese uru rwego mpagazeho ni urwego nyakuri rukwiriye umugore nyawe?" "Ni buryo ki impinduka nzana mu rugo rwanjye zasa n'izo Kristo yahazana?" Umugabo yari akwiriye kugaragariza umugore we ko anyurwa n'umurimo akora. (1)

Umugore agomba kubaha umugabo we. Umugabo agomba gukunda umugore we no kumukundwakaza; kandi nk'uko indahiro yo gushyingiranwa bagiranye ibagira umwe, ni nako kwizera Kristo kwabo gukwiriye kubagira umwe muri We. Mbese hari ikintu cyarushaho gushimisha Imana kirenze kubona abagiranye amasezerano yo gushyingirwa bafatanyiriza hamwe gushaka kwigira kuri Yesu no kurushaho kuzuzwa Umwuka We? (2)

Ubu mufite inshingano mugomba gukora mutari mufite mbere yo gushyingiranwa. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Mwambare umutima w'imbabazi n'ineza, no kwicisha bugufi n'ubugiraneza no kwihangana." (Abakolosayi 3:12). "Mugendere mu rukundo nk'uko Kristo yadukunze." Aya mabwiriza muyige neza muyitondeye: "Bagore, mugandukire abagabo banyu nk'uko mugandukira Umwami wacu. Kuko umugabo ari we mutwe w'umugore we, nk'uko Kristo ari umutwe w'itorero. . . . . Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo, abe ari ko abagore bagandukira abagabo babo muri byose. Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze itorero akaryitangira." Abefeso 5:22-25 (3)



Amabwiriza Imana Yahaye Eva: Eva yabwiwe agahinda n'umubabaro azagira. Maze Uhoraho aramubwira ati, "Kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo na we azagutwara." Imana yari yaramuremanye uburenganzira bungana n'ubwa Adamu. Iyo baza gukomeza kumvira Imana, bagakomeza kugendera mu mategeko yayo y'urukundo, na bo ubwabo bari gukomeza kumvikana; ariko icyaha cyazanye kutumvikana, bituma kugira ngo umubano wabo ubonere, ari uko umwe yakorohera undi. Eva ni we wabanje gucumura. Kandi yacumujwe no kuba yaratandukanye na mugenzi we, bikaba byari binyuranyije n'amategeko y'ijuru. Adamu na we yacumujwe no kwinginga kwa Eva, noneho Imana iha Eva gutegekwa n'umugabo we. Iyo ubwo bwoko bwacumuye buza kwishimira amahame yo mu itegeko ry'Imana, nubwo baramiraga mu ngaruka z'icyaha, urubanza bari baciriwe rwari kubabera umugisha; ariko umugabo yakoresheje nabi isumbwe yahawe, bituma umugore abona uwo mutwaro uremereye imibereho ye.

Mu rugo rwe rwo muri Edeni, Eva yari yarahagiriye umunezero wuzuye igihe yari iruhande rw'umugabo we muri Edeni; nyamara nk'uko ba "Eva" b'iki gihe bakunze kubyibwira, yarishutse yibwira ko imibereho ye izasumba iyo Imana yari yamuhaye. Ubwo yageragezaga kuzamuka mu ntera yari afite, ni bwo ahubwo yaguye bidasubirwaho. Uko niko bizamera ku bashaka kwishyira mu mwanya w'Imana bakanyuranya n'umugambi wayo. (4)

Bagore Muganduke; Bagabo Mukunde: Abantu bakunze kubaza iki kibazo bati: "Mbese umugore ntazagira gukurikiza ubushake bwe bwite?" Bibiliya ivuga yeruye ko umugabo ari umutwe w'urugo: "Bagore, mugandukire abagabo banyu." (Abakolosayi 3:18). Iyo iri tegeko rigarukira aha gusa, twashoboraga kuvuga ko umwanya umugore afite atari umwanya wo kwifuzwa. Waba ari umwanya ugoye cyane kandi w'ibigeragezo kuri benshi, bityo rero byaba byiza ko abashyingiranwa baba bake cyane. Abagabo benshi bahagararira kuri aya magambo ngo: "Bagore, mugandukire abagabo banyu," ariko turasoma n'umwanzuro w'iryo tegeko ari wo ugira uti, "nk'uko bikwiriye abari mu Mwami."

Imana isaba ko umugore akwiriye guhoza imbere kuyubaha no kuyihesha icyubahiro. Kuganduka kuzuye k'umugore kugomba kwerekezwa gusa ku Mwami Yesu Kristo we wenyine wamucunguye akamugira umwana we atanze igiciro kitagerwa cy'ubugingo bwe. Imana yamuhaye umutimanama adashobora kurenga kubyo umubwira ngo azabure guhanwa. Ubumuntu bwe yihariye ntibushobora kuvangwa n'ubw'umugabo we, kuko Kristo yamuguze amaraso ye ku giti cye. Ni ikosa gutekereza yuko, (bifatanyije no kumvira buhumyi), umugore agomba gukora ibintu byose nk'uko umugabo we abivuze mu gihe azi

neza ko mu kugenza atyo umubiri we n'umwuka n'ubugingo bishobora kuhazaharira kandi byaracunguwe bikavanwa mu buretwa bwa Satani. Imbere y'umugore, hariho undi uri hejuru cyane, usumba umugabo we; uwo ni Umucunguzi we, ni cyo gituma kugandukira umugabo we bikwiriye gukorwa nk'uko Imana yabitegetse - "Nk'uko bikwiriye abari mu Mwami."

Igihe abagabo bashaka ko abagore babo babagandukira muri byose nta gisigaye, bakavuga ko mu muryango abagore nta jambo cyangwa ubushake bwabo bwite bafite, ko ahubwo bagomba kubagandukira batizigamye, abo bagabo baba bashyize abagore babo mu mwanya uhabanye n'uwo Ibyanditswe bivuga. Iyo basobanuye Ibyanditswe Byera batyo, baba barengereye kandi bishe umugambi wa gahunda yo gushyingiranwa. Ubwo busobanuro babutanga gusa ari ukugira ngo babashe gukandamiza, kandi ibyo nta burenganzira babifitiye. Ariko dukomeza gusoma ngo, "Bagabo, mukunde abagore banyu, ntimukabasharirire." Ni kuki umugabo yasharirira umugore we? Niba umugabo yabonye guteshuka k'umugore we kandi kuzuye amakosa, umwuka w'ubusharire ntuzatanga umuti ukemura ikibi cyakozwe. (5)

Abagore Baganduke Gusa nk'Uko Abagabo Bagandukira Kristo: Abagabo benshi mu mibanire yabo n'abagore babo ntibagaragaje Umwami Yesu uko bikwiriye ku bijyana n'isano afitanye n'Itorero, kubera ko badakurikiza inzira y'Uwiteka. Bavuga ko abagore babo babagandukira mu bintu byose. Nyamara ntibyari muri gahunda y'Imana ko umugabo nk'umutwe w'umuryango agenga umugore we, mu gihe na we ubwe atagandukira Kristo. Agomba kubanza kuba munsi y'ubutware bwa Kristo kugira ngo abashe kugaragaza isano Kristo afitanye n'Itorero. Niba umugabo yitwara nabi, ahora asakuza, ari umwibone, umunyabugugu, yikakaza kandi ari mudakurwa ku izima, ntihakagire ijambo rimusohokamo ko umugabo ari umutwe w'umugore, kandi ko umugore akwiriye kumugandukira muri byose; kuko atari Umwami, kandi ntabwo bene uwo ari umugabo mu busobanuro nyakuri bw'iri jambo . . .

Abagabo bakwiriye kwiga ibyerekeye icyitegererezo bahawe kandi bagashaka kumenya ubusobanuro bw'ikimenyetso cyakoreshejwe mu rwandiko rwandikiwe Abefeso, ari cyo 'sano Kristo afitanye n'Itorero'. Umugabo agomba kwitwara nk'Umukiza mu muryango we. Mbese nk'umugabo azahagarara mu mwanya we w'icyubahiro yahawe n'Imana, ahore ahirimbanira guteza imbere imibereho myiza y'umugore we n'iy'abana be? Mbese ahamukikije azahasakaza umwuka mwiza? Mbese ntazashimangira urukundo rwa Yesu, akarugira ihame rigomba gukurikizwa mu rugo rwe nk'uko na we azashimangira guharanira ubutegetsi?

Mureke umugabo ari nawe se w'abana yige uko yasobanukirwa n'amagambo ya Kristo, ayige atabogamye, adatinda gusa ku byerekeye uko umugore akwiriye kugandukira umugabo we, ahubwo mu mucyo w'umusara w'i Kaluvari, yige ya magambo ya Yesu ayasanishe n'umwanya afite ubwe mu muryango we. "Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze itorero akaryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye." (Abefeso 5:25-26). Yesu yaritanze, apfira ku musaraba kugira ngo atwezeho kandi aturinde ibyaha byose n'umwanda wose binyuze mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge. (6)

Kwihanganirana Birakenewe: Dukwiriye kugira Umwuka w'Imana; bitaba ibyo ntidushobore kugira ubumwe mu ngo zacu. Umugore aramutse afite umwuka wa Kristo, yakwigengesera mu magambo avuga. Azitegeka kandi azaganduka, nyamara igihe agenza atyo ntazumva ko ari umucakara, ahubwo azumva ari incuti y'umugabo we. Niba umugabo ari umugaragu w'Imana, ntazitwara nk'umwami ku mugore we; ntazategekesha igitugu kandi ngo abe wa wundi uhoza abandi ku rutoto. Ntidushobora kwishimira urukundo rwo mu muryango igihe dukabya gukurikirana akantu kose; kuko iyo Umwuka w'Imana ari mu rugo, urwo rugo ruba ari ishusho y'ijuru .... Umwe naramuka akosheje, undi azamugaragariza kwihangana nk'ukwa Kristo ntabwo azamutererana. (7)

Yaba umugabo cyangwa se umugore, nta n'umwe ukwiriye gutegekesha igitugu mugenzi we. Ntihakagire ugerageza guhatira undi kwemera ibyo yifuza. Ntabwo mushobora kugenza mutyo ngo mukomeze gukundana. Ahubwo mube abagwaneza, mwihanganirana, mugirirane imbabazi kandi mugaragarizanye ubwuzu. Kubw'ubuntu bw'Imana, mushobora kugera ku ntego yo kunezezanya nk'uko mwabisezeranye mu ndahiro mwagiranye ubwo mwashyingiranwaga. (8)

Mukwiriye Koroherana: Mu mibanire y'abashakanye, rimwe na rimwe abagabo n'abagore bitwara nk'abana bafite uburere buke kandi bashimishwa no gukora nabi. Usanga umugabo ashaka gukora uko yishakiye, n'umugore bikaba uko, bityo ugasanga nta n'umwe muri bo ushaka kuva ku izima. Iyo babana muri ubwo buryo, nta kindi bibazanira uretse umubabaro mwinshi. Umugabo n'umugore bakwiriye kuba bafite ubushake bwo kureka imyumvire yabo n'ibitekerezo byabo [bibaye ngombwa]. Ntabwo umunezero ushobora kuboneka mu rugo igihe bombi badakurwa ku ijambo mu gukora icyo buri wese yishakiye. (9)

Keretse gusa abagabo n'abagore nibigira kuri Kristo, bakigira ku bugwaneza bwe no kwicisha bugufi, naho ubundi bazagaragaza umwuka ukunze kuranga abana wo guhubuka no gukora ibintu batabanje kubitekerezaho neza. Uwo mwuka w'umugaga utarangwa n'ikinyabupfura uzashaka uko ubayobora. Bene abo bakeneye kwiga amagambo intumwa

Pawulo yavuze iti: "Nkiri umwana muto navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto, nkibwira nk'umwana muto. Ariko maze gukura, mva mu by'ubwana." 1 Abakorinto 13:11. (10)

Gukemura Ibibazo byo mu Muryango: Iyo umugabo n'umugore bateguriye Imana umutima wabo, ntabwo gukemura ingorane cyangwa se ibibazo bivutse mu rugo bijya byoroha, kabone n'ubwo baba bashaka ko izo ngorane ku byerekeye inshingano zabo nyinshi zakemuka mu buryo buciye mu mucyo kandi butungane. None se ni gute umugabo n'umugore bashobora kugabana inyungu z'imibereho y'urugo rwabo hanyuma bagakomeza komatana mu rukundo kandi bashikamye? Bagombye kuba bahurije hamwe mu bintu byose bijyana no gusigasira urugo rwabo, kandi niba umugore ari Umukristo, azajya ahora ahuza inyungu ze n'iz'umugabo we, nk'umufasha we; kuko umugabo ari umutwe w'urugo. (11)

Inama Yahawe Imiryango Itavuga Rumwe: Uri umunyamakosa. Iyo ugize uruhande ubogamiraho, ntabwo usuzumana ibintu ubwitonzi kandi ngo uzirikane ingaruka zishobora kuva ku gutsimbarara ku bitekerezo byawe, ahubwo ku bushake bwawe ubyinjiza mu masengesho musenga no mu biganiro mugirana kandi uzi neza ko umugore wawe adahuje nawe ibyo bitekerezo. Aho kugira ngo wubahe amarangamutima y'umugore wawe n'uko yiyumva, ngo nk'umugabo wirinde kuzana bene izo ngingo uzi neza ko mutumvikanaho, wakomeje gutinda kuri izo ngingo zikurura impaka, kandi wagaragaje gutsimbarara uvuga ibitekerezo byawe utitaye ku bagukikije abo ari bo bose. Wiyumvamo ko abandi bantu badafite uburenganzira bwo kubona ibintu mu buryo butandukanye n'ubwawe. Ntabwo izo mbuto zera ku giti cya Gikristo. (12)

Mwene Data nawe mushiki wanjye, nimwugururire inzugi z'imitima yanyu kwakira Yesu. Nimumurarike aze mu rusengero rw'ubugingo bwanyu. Nimufashanye gutsinda inzitizi zikunze kuba mu buzima bw'abashakanye bose. Muzagira urugamba rukomeye rwo gutsinda umwanzi wanyu Satani, kandi niba mushaka ko Imana ibafasha muri uru rugamba, mugomba gufatanyiriza hamwe kwiyemeza gutsinda, mugafunga iminwa yanyu ngo mutavuga ijambo ribi iryo ari ryo ryose, nubwo muba mugomba gupfukama mugataka muti: "Uwiteka aguhane, yewe Satani." Zekariya 3:2. (13)

Kristo Uri mu Mutima wa Buri Wese Azazana Ubumwe: Ubushake bw'Imana nibukurikizwa, umugabo n'umugore bazubahana, kandi bimenyereze gukundana no kwizerana. Ikintu cyose cyatuma amahoro n'ubumwe by'umuryango bihungabana bakwiriye kucyamagana bashikamye, kandi bakwiriye kwimenyereza ubugwaneza n'urukundo. Umuntu ugaragaza umwuka w'impuhwe, kwihangana n'urukundo azabona ko uwo mwuka uzamugarukira. Aho Umwuka w'Imana aganje

ntihazaba kuvuga ku bidakwiriye mu mibanire y'abashakanye. Iyo Kristo we byiringiro by'umugisha yinjiye mu bugingo, ubumwe n'urukundo bishinga imizi mu rugo. Kristo uri mu mutima w'umugore azumvikana na Kristo uri mu mutima w'umugabo. Bombi bazafatanya guhirimbanira kuzaba mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda. (14)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 17, 1891.
2. *Manuscript* 36, 1899.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 7, p. 47.
4. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 40. (2016)
5. *Letter* 18, 1891.
6. *Manuscript* 17, 1891.
7. *Letter* 18, 1891.
8. *Ministry of Healing,* p.361.
9. *Manuscript* 39, 1911.
10. *Letter,* 1902.
11. *Manuscript* 31, 1911.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 418.
13. *Letter* 105, 1893.
14. *Signs of the Times,* Nov. 14, 1892.

IGICE CYA 18

INSHINGANO N'AMAHIRWE BY'ABASHAKANYE

Yesu Ntiyahatiye Abantu Kubaho ari Ingaragu: Abantu bazirikana ko gushyingiranwa ari rimwe mu mabwiriza yera y'Imana, kandi iryo bwirizwa rikaba ririndwa n'itegeko ryayo ryera, bazagengwa n'ibyo umutimanama ubategeka. (1)

Ntabwo Yesu yigeze ahatira abantu abo mu rwego urwo ari rwo rwose kubaho ari ingaragu. Ntiyazanywe no gusenya isano yera yo gushyingiranwa, ahubwo yazanywe no kuyihesha agaciro no kuyizahura ngo isubire ku kwera kwayo k'umwimerere. Iyo Yesu abona imibanire yo mu muryango ahaganje urukundo rwera kandi rutinyiza, biramunezeza. (2)

Gushaka Kwemewe n'Amategeko kandi Kurera: Nta cyaha kiri mu kurya no kunywa, cyangwa se mu gushyingiranwa. Mu gihe cya Nowa, gushyingiranwa byari byemewe n'amategeko kandi ni nako bikiri n'ubu; ariko mu gihe ibyo byemewe n'amategeko bifashwe mu buryo butunganye kandi ntibikorwe mu buryo bwo gushayisha mu cyaha. Ariko mu gihe cya Nowa, abantu bashyingirwaga batabanje kugisha inama Imana cyangwa gushaka ubuyobozi bwayo ndetse n'inama ibaha. . . .

Kuba amasano tugirana n'abandi muri iyi mibereho ataramba, bikwiriye kugira impinduka bitera kubyo dukora n'ibyo tuvuga byose. Mu gihe cya Nowa, urukundo rutitangira kandi rwarangwaga no kurenza urugero (rufatiye ku rukundo rwari rwemewe n'amategeko ubwarwo mu gihe rwabaga rukoreshejwe neza), ni rwo rwatumye gushyingiranwa guhinduka icyaha imbere y'Imana. Muri iyi minsi isi igezemo, hariho abantu benshi bagenda batakaza ubugingo bwabo bitewe no kwirundurira mu bitekerezo by'irari ndetse no gushyingiranwa ubwako. (3)

Gushyingirwa kurera, ariko muri iki gihe kigoramye kuzuyemo ibibi by'uburyo bwose. Bikorwa mu buryo bw'iteshagaciro kandi byahindutse icyaha gikomeye kibarizwa muri bimwe mu bimenyetso by'iminsi y'imperuka, ndetse gushyingirwa kwabaye nk'uko mu minsi yabanjirije umwuzure, aho kwari kwarahindutse icyaha. … Imiterere yera yo gushyingiranwa ndetse n'ibyo gusaba nibyumvikana neza,

uko gushyingiranwa kuzemerwa n'Ijuru; kandi umusaruro uzavamo uzaba umunezero ku bashakanye bombi, kandi Imana nayo izahabwa icyubahiro. (4)

Amahirwe Ajyana n'Isano yo Kubana kw'Abashakanye: Abiyita Abakristo .... bakwiriye gusuzuma bitonze amahirwe yose ajyana n'isano yo gushyingiranwa, kandi icyo bakora cyose kigomba kuba gishingiye ku ihame ryera. (5)

Ibihe byinshi, ababyeyi... bagiye bakoresha nabi amahirwe yo kuba barashyigiranwe, bityo batesha agaciro amahirwe bafite yo kuba barashyingiranwe, kandi kubwo gukabya no gushayisha batije umurindi iruba ryabo rya kinyamaswa. (6)

Inshingano yo Kwirinda Kurenza Urugero: Gukora ibyari byemewe n'amategeko maze ukarenza urugero ni byo bituma kiba icyaha gikomeye cyane. (7)

Ababyeyi benshi ntibahabwa ubumenyi bari bakwiriye kubonera mu mibereho y'abashakanye. Ntabwo barinzwe ngo Satani abe yabura akito ko kubigarurira no gutegeka ubwenge bwabo n'imibereho yabo. Ntabwo babona ko Imana ibasaba gutegeka imibereho yabo nk'abashakanye kugira ngo be gushayisha. Nyamara ni bake gusa bumva ko gutegeka irari ryabo ari inshingano yabo y'iby'idini. Bifatanyije binyuze mu gushyingirwa babyihitiyemo bityo batekereza ko gushyingirwa byeza gushayisha kw'irari ribi. Ndetse abagabo n'abagore bavuga ko bubaha Imana, usanga badohoka bagatwarwa n'ibyifuzo by'irari ryabo bityo ntibatekereze ko Imana izababaza icyatumye basesagura imbaraga z'ubuzima bwabo, kandi ari byo bica intege amagara yabo ndetse bigacogoza ingingo zose z'umubiri wabo. (8)

Mureke Kwiyanga no Kwirinda Bibabere Ihame Mukurikiza: Yooo! Icyampa ngo numvishe abantu bose ibyerekeye inshingano bafite ku Mana yo gusigasira umubiri wabo ku gihagararo no mu bwenge ukaba umerewe neza kugira ngo babashe gukorera Umuremyi wabo umurimo utunganye! Mureke umugore w'Umukristo yifate mu byo akora no mu byo avuga, ye kubyutsa irari rya kinyamaswa ry'umugabo we. Hari benshi badafite imbaraga rwose zo gupfusha ubusa muri icyo cyerekezo. Bananije ubwonko bwabo kuva mu busore bwabo kandi bacogoje buhoro buhoro intege z'umubiri binyuze mu guhaza irari rya kinyamaswa. Kwiyanga no kwirinda byari bikwiriye kubabera ihame bakurikiza mu mibereho yabo y'abashakanye. (9)

Dufite inshingano zikomeye Imana yaduhaye zo kurinda ubugingo bwacu bukaba butunganye kandi n'umubiri ukaba uzira umuze kugira ngo tubashe kugirira inyokomuntu akamaro kandi ngo dukorere Imana

umurimo utunganye. Dore uko intumwa Pawulo avuga: "Noneho ntimukimike ibyaha mu mibiri yanyu izapfa" (Abaroma 6:16). Yarongeye aravuga ati: "Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose," (1Abakorinto 9:25). Yongera kwinginga abantu bose biyita Abakristo agira ati: "Nuko bene Data ndabinginga, kubw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu ngo ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana... ." (Abaroma 12:1). Arongera ati: "Ahubwo mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi, nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe." (1Abakorinto 9:27). (10).

Urukundo rutunganye rwose si rwo rutera umugabo guhindura umugore we igikoresho cyo guhaza irari ry'umubiri we. Ahubwo ni irari rya kinyamaswa riba risaba gushayisha. Mbega uburyo ari abagabo bake cyane bagaragaza urukundo rwabo mu buryo bwavuzwe n'intumwa Pawulo agira ati: "Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze itorero akaryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye, aryishyire rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu cyose gisa gityo" (Abefeso 5:25-27)! Urwo ni ryo rukundo

rw'abashyingiwe Imana ifata ko rwera. Urukundo ni ihame riboneye kandi ryera, ariko iruba ry'umubiri ntirikundira nyiraryo kwitegeka kandi ntiryemera kuyoborwa n'umutimanama. Rihuma amaso nyiraryo ntabashe kureba ingaruka zaryo; kandi ntiritera gutekereza ngo umuntu arebe impamvu y'icyo agiye gukora n'ingaruka zizavamo. (11)

Impamvu Satani aba Ashaka Kugwabiza Ubushobozi bwo Kwitegeka: Satani ashaka gushyira ku rwego rwo hasi urugero rukwiriye rw'ubutungane ndetse no guca intege ubushobozi bwo kwitegeka bw'abashyingiranwe kubera ko azi neza ko igihe irari ry'umubiri rizajya rirushaho kwiyongera, ari na ko imbaraga z'imico mbonera zizarushaho kugenda zidohoka, bityo rero ntazaba agikeneye guhangayikishwa no gukura kwabo mu bya Mwuka. Azi neza kandi ko nta bundi buryo bwarushaho kuba bwiza bwo gushyira ikimenyetso cye ku rubyaro rwabo, kandi ko abigenje atyo ashobora guhindura imico y'urubyaro rukaba rwiteguye cyane guhinduka kurusha uko imico y'ababyeyi babo yahinduka. (12)

Ingaruka Ziterwa no Gukabya: Bagabo namwe bagore, umunsi umwe muzamenya irari icyo ari cyo kandi muzasobanukirwa n'ingaruka zo kurinezeza. Irari ribi rishobora kuboneka mu mibanire y'abashakanye ndetse no ku batarashyingiranwe. (13)

None se amaherezo yo kwimika irari ry'umubiri ni ayahe? ... Icyumba cyo kuryamamo, aho abamarayika b'Imana bagombye kugenga, usanga cyandurishwa imigirire itarangwamo kwera. Kandi bitewe n'uko ingeso za kinyamaswa z'urukozasoni ari zo ziganje, imibiri yarangiritse; kuko imigirire iteye ishozi ikurura indwara nazo ziteye ishozi. Ibyo Imana yatanze ngo bibe umugisha byahinduwe umuvumo. (14)

Imibonano mpuzabitsina y'abashakanye irengeje urugero izarimbura rwose gukunda gusenga, izahanagura mu bwonko icyari gikenewemo ngo gitunge ubugingo bwose, kandi ikirenze ibyo ikazamara rwose intege mu mubiri. Nta mugore wari ukwiriye gufasha umugabo we muri uwo murimo wo kwirimbura. Niba akunda umugabo we by'ukuri kandi akaba amurikiwe n'umucyo, ntazabikora.

Uko irari rya kinyamaswa zirushaho guhazwa, ni ko na ryo rirushaho gukomera maze rigahora risaba ko baricubya. Nimutyo abagabo n'abagore bubaha Imana bakangukire inshingano yabo. Abantu benshi bitwa ko ari Abakristo usanga barwaye indwara yo kugwa ikinya kw'imyakura n'ubwonko bitewe no kutirinda kwabo mu byerekeye imibonano mpuzabitsina. (15)

Abagabo Bakwiriye Kuba Abanyamakenga: Abagabo bakwiriye kuba abigengesera bitonda, badahindagurika, abiringirwa kandi barangwa

n'umwuka w'ubugwaneza. Bakwiriye kugaragaza urukundo n'impuhwe. Nibaramuka basohoje ibyo Kristo yavuze, urukundo rwabo ntiruzaba urw'ingeso z'urukozasoni kandi z'ab'isi, ngo barangwe n'iruba rizarimbura imibiri yabo kandi rikamugaza abagore ndetse bakarwaragurika. Ntibazirundurira mu guhaza iruba ryabo kandi bakomeze kubwira abagore babo ko bagomba kubagandukira muri byose. Umugabo naramuka agize ingeso nziza, akagira umutima uboneye, akagira ubwenge bwo ku rwego rwo hejuru Umukristo nyakuri wese agomba kugira, bizagaragarira mu miryamanire ye n'umugore we. Niba umugabo we afite umutima nk'uwari muri Kristo, ntazaba umurimbuzi w'umubiri, ahubwo azuzurwamo n'urukundo rurangwa n'ineza, ahirimbanira kugera ku rugero ruhanitse muri Kristo. (16)

Igihe Habaye Gushidikanya: Nta mugabo ushobora kuba akunda umugore we by'ukuri niba uwo mugore amugandukira ku rwego rw'uko ahinduka imbata ye kandi akamukorera ibyo iruba rye rimusaba. Muri uko kuganduka kwemera byose, umugore atakaza agaciro yigeze kugira mu maso y'umugabo we. Umugabo aramureba agasanga yaragiye ku rwego rwo hasi cyane atandukana n'ikintu cyose gikuza umuntu, maze bidatinze agakeka ko uwo mugore azemera guteshwa agaciro n'undi mugabo nk'uko nawe abigira. Atangira gushidikanya kudahuzagurika no gutungana k'umugore we, akamuhararukwa, bityo agashaka abandi bashya bo kurushaho kubyutsa irari n'iruba by'umubiri we, bikarushaho gukaza umurego. Icyo gihe amategeko y'Imana ntaba akiyacira n'akari urutega. Abagabo nk'abo ni babi kuruta inyamaswa z'inkazi; ni abadayimoni bitwikiriye uruhu rw'umuntu. Ntabwo bazi amahame y'urukundo nyakuri kandi rwejejwe, amahame ashyira umuntu hejuru akamuhesha agaciro.

Umugore na we afuhira umugabo we maze agakeka ko aramutse abonye uburyo ashobora kwadukira undi mugore nk'uko nawe amugenza. Abona ko umugabo we atayoborwa n'umutimanama cyangwa ngo yubahe Imana. Ibyo bihindizo byose byejejwe bikubitwa hasi kandi bigasenywa n'irari ry'iruba; bityo ibyarangaga Imana mu mugabo byose bikagirwa imbata y'iruba rya kinyamaswa. (17)

Ikibazo cy'Ibisabwa Bidafite Ishingiro: Ikibazo kigomba gukemurwa ni iki ngo: Mbese umugore azumva ko bikwiriye kujya yemera atajuyaje ibyo umugabo we amusaba igihe nta kindi aba abona uretse iruba riba rimutegeka, ndetse n'igihe intekerezo ze n'umutimanama bye biba bimwemeza neza ko ibyo akora byangiza umubiri we, uwo Imana yamushinze ngo awutunge wejejwe kandi ari uw'icyubahiro, ndetse awusigasire nk'igitambo kizima ku Mana?

Si urukundo ruboneye kandi rwera rutera umugore guhaza imico ya kinyamaswa y'umugabo we yangiza amagara ye n'ubuzima bwe.

Niba afite urukundo n'ubwenge, uwo mugore azashaka uko agorora intekerezo z'umugabo we ze kurangamira kunezeza iruba ry'umubiri, ahubwo zerekere ku nsanganyamatsiko zihanitse z'iby'umwuka binyuze mu gutekereza ku ngingo z'ingirakamaro mu by'umwuka. Ahari byaba na ngombwa ko umugore amuhendahenda yicishije bugufi mu rukundo, kugeza nubwo byababaza umugabo we kugira ngo uwo mugore adatesha agaciro umubiri we binyuze mu kwemera gukoreshwa imibonano mpuzabitsina irenze urugero. N'umutima woroheje kandi wuje ineza, umugore akwiriye kwibutsa umugabo we ko Imana ari yo mugenga w'ikirenga w'ubugingo bwe, kandi ko adashobora kwirengagiza ubutware bwayo kuri we, kuko ibyo azabibazwa ku munsi ukomeye w'Imana. ...

Umugore nazamura urukundo rwe ku rwego rwo hejuru, kandi mu kwera n'icyubahiro agasigasira icyubahiro cye nk'umugore, abasha gukora byinshi kubw'impinduka nziza ateza akeza umugabo we bityo akaba akoze umurimo we w'ikirenga. Mu kugenza atyo, umugore ashobora kwikiza ubwe agakiza n'umugabo we bityo akaba akoze imirimo ibiri icyarimwe. Kuri iyi ngingo igoye kandi ikomeye gukemura, hakenewe ubwenge no kwihangana kwinshi, kandi ni ngombwa kubikorana ubutwari no kudatezuka. Imbaraga n'ubuntu bishobora kubonerwa mu isengesho. Urukundo rutaryarya rugomba kuba ihame ritegeka mu mutima we. Gukunda Imana n'umugabo we ni byo byonyine bishobora kuba ishingiro ry'ibyo akora . ...

Igihe umugore yemeye ko umubiri we n'intekerezo ze bigengwa n'umugabo we, akaba ari wa wundi wemera iteka ibyo umugabo ashaka byose, ntabe agikoresha umutimanama we, agahara icyubahiro cye ndetse n'agaciro ke, uwo mugore aba atakaje amahirwe yari afite yo kugaragaza ya mbaraga ihindurira abantu ku cyiza kugira ngo abe yazahura umugabo we. Ashobora koroshya kamere y'umugabo we inangiye, kandi imbaraga ihindura yeza imukomokaho ishobora gukoreshwa mu buryo buzatunganya kandi bukaboneza umugabo we, bikamugeza ku guharanira gutegeka iruba rye no kurushaho kujya azirikana iby'umwuka, kugira ngo bombi babashe kuba abaragwa ba kamere mvajuru, bamaze gucika kwangirika kwazanwe mu isi n'irari. Imbaraga z'ubushobozi bwo guhindura abandi zishobora kuba zikomeye ku buryo zayobora intekerezo z'umuntu akita ku bintu by'agaciro kandi bihanitse, intekerezo zikarenga ibintu bicishije bugufi no guhaza irari n'iruba, ibyo umutima utaragizwe mushya n'ubuntu bw'Imana uhora ushaka. Niba umugore atekereza ko yashimisha umugabo we ari uko aciye bugufi akagera ku rwego rumwe n'umugabo we, igihe iruba rya kinyamaswa ari ryo mahame shingiro ry'urukundo rw'umugabo we kandi akaba ari ryo rigenga ibikorwa bye, uwo mugore ntanezeza Imana kuko aba ananiwe kugaragariza umugabo we imbaraga yeza. Niba yumva ko agomba kwemera ibyo iruba rya kinyamaswa ry'umugabo we risaba atagize n'ijambo na rimwe ryo

kumukebura avuga, uwo mugore ntaba asobanukiwe n'inshingano ye ku mugabo we n'iyo agomba gukorera Imana. (18)

Imibiri Yacu Ni Ubutunzi Bwacunguwe: Irari rigayitse ryamaze gushinga icyicaro mu mubiri kandi riwukoreramo. Amagambo "inyama," cyangwa "iby'umubiri" cyangwa "irari ry'umubiri" avuga kamere icishije bugufi kandi yangiritse. Umubiri ubwawo ntushobora gukora ibihabanye n'ubushake bw'Imana. Dutegetswe kubamba kamere (umubiri), n'irari n'iruba ryayo. (Abagalatiya 5:24). Mbese tuzabigenza dute? Mbese tuzababaza imibiri yacu? Oya! Ahubwo tuzica ibishuko bitujyana ku cyaha. Dukwiriye kwirukana igitekerezo kibi. Intekerezo zacu zose zikwiriye kwigarurirwa na Yesu Kristo zikaba imbata ze. Irari ryose rya kinyamaswa rikwiriye kugengwa n'imbaraga ikomeye y'ubugingo. Urukundo rw'Imana rukwiriye kwimikwa mu mitima yacu; kandi Kristo agomba guhabwa intebe akaganza ku ntebe y'ubwami. Imibiri yacu ikwiriye gufatwa nk'ubutunzi bwe yicunguriye. Ingingo z'umubiri wacu zikwiriye guhinduka ibikoresho byo gukiranuka. (19)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Solemn Appeal,* p. 139.
2. *Manuscript* 126, 1903.
3. *Review and Herald,* Sept. 2, 1888.
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 252.
5. *Id.,* Vol. 2. p. 380.
6. *Id.,* Vol. 2, p. 391.
7. *Id.,* Vol. 4, p. 305.
8. *Id.,* Vol. 2, p.472.
9. *Id.,* Vol. 2, pp. 477, 478.
10. *Id.,* Vol. 2, p.381.
11. *Id.,* Vol. 2, p.473.
12. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 130.
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 473
14. *Manuscript* 1, 1888.
15. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 477.
16. *Manuscript* 17, 1891.
17. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, pp. 474,475.
18. *Id.,* Vol. 2, pp. 475-477.
19. *Manuscript* 1, 1888.

UMUGABANE WA 6

URUGO RUSHYA

IGICE CYA 19

NI HEHE HABEREYE KUBAKWA URUGO?

Amahame Ngenderwaho mu Gutoranya Aho Kubaka: Mu guhitamo aho gutura, Imana ishaka ko mbere ya byose dukwiriye kubanza gutekereza neza ku bintu bizaba bituzengurutse kandi bizengurutse n'imiryango yacu bishobora guteza impinduka haba mu myitwarire mbonera n'iby'idini. (1)

Dukwiriye guhitamo abo tubana batuma habaho imigendekere myiza y'iterambere ryacu mu by'umwuka kandi tukabasha gusingira ubufasha bwose buboneka aho tubasha kugera; kuko Satani azashyiraho inzitizi zose kugira ngo atume urugendo rwacu rwerekeza mu ijuru rurushaho gukomera uko bishoboka kose. Dushobora gushyirwa mu myanya ibonekamo ibitugerageza, kuko abantu benshi badashobora kugira ahabakikije hahuje n'uko bashaka. Nyamara ku bushake bwacu ntidukwiriye kwishyira ahari imbaraga zihindura zibangamira kuremwa kw'imico ya Gikristo muri twe. Igihe inshingano dufite idusaba gukora ikintu runaka, dukwiriye kuba amaso kandi tugasenga kugira ngo kubw'ubuntu bw'Imana tubashe guhagarara tudafite ikizinga. (2)

Ubutumwa bwiza… butwigisha ko dukwiriye guha ibintu agaciro kabikwiriye, kandi tugashyira umuhati mwinshi ku bintu by'agaciro gakomeye – ari byo bintu bizaramba. Iri somo rikeneye kwigwa n'abafite inshingano yo gutoranya aho gutura. Ntibakwiriye ubwabo kwemera icyabateshura ku ntego ihanitse kurusha izindi . …

Igihe mushakisha aho mutura, mujye mureka uyu mugambi abe ari wo uyobora amahitamo yanyu. Ntimugategekwe no kwifuza ubutunzi, gukururwa n'ibigezweho cyangwa imigenzo ikurikizwa mu muryango mugari w'abantu. Mujye muzirikana ibyazabaganisha cyane ku kwiyoroshya, gutungana, amagara mazima n'agaciro nyako …

Aho gutura ahagaragara imirimo y'abantu gusa, ha hantu ibyo ureba n'amajwi wumva bihora bikangura ibitekerezo bibi, aho imidugararo n'urudubi binaniza umuntu kandi bikamutera guhagarika umutima, jya aho ushobora kureba iby'Imana yaremye. Shakira uburuhukiro

bw'umutima ahari ibyiza, ituze n'amahoro mu byaremwe. Reka amaso yawe yitegereze imirima itoshye, udushyamba n'udusozi. Reba hejuru witegereze ijuru rikeye, ritijimishijwe n'umukungugu wo mu mujyi n'umwotsi, maze uhumeke umwuka ugarura ubuyanja wo mu kirere.

Urugo rwa Mbere Rwari Icyitegererezo: Urugo rw'ababyeyi bacu ba mbere rwajyaga kuba intangarugero ku ngo z'abana babo bajyaga gutura mu isi. Urugo rurimbishijwe n'ukuboko kw'Imana ubwayo, ntirwari kubura kuba ingoro ishimishije. Bitewe n'ubwibone, abantu bashimishwa no gutura mu mazu y'ibitabashwa kandi ahenze cyane maze bakirata imirimo y'intoki zabo, nyamara Imana yatuje Adamu mu busitani. Aho niho hari icumbi rye. Ijuru niryo ryari igisenge cy'inzu ye; isi n'ibiyiriho byari ikirambi, naho amashami atoshye y'ibiti byiza yari umusego. Inkuta z'iyo nzu zari zirimbishijwe n'ibintu by'igiciro – ariyo mirimo ikomeye y'Umuhanzi w'Icyatwa. Ibyo biremwa bitagira inenge byari bikikijwe n'icyigisho cy'ibihe byose kivuga ko umunezero nyakuri utabonerwa mu kwishyira hejuru n'umurengwe, ahubwo uturuka ku mushyikirano tugirana n'Imana binyuze mu byo yaremye. Iyaba abantu bahaga agaciro gake ibintu bidasanzwe, bakimenyereza ibyoroheje, baba barashyikiriye umugambi Imana yabaremeye. Ubwibone no kwikuza ntibijya binyurwa, ariko abanyabwenge nyakuri umunezero wabo uzakomoka mu kwishimira ibyo Imana yabahaye. (4)

Urugo rwo ku Isi Imana Yahitiyemo Umwana Wayo: Yesu yaje kuri iyi si kugira ngo arangize umurimo w'ingenzi kuruta iyindi wigeze ukorwa mu bantu. Yaje ahagarariye Imana, azanywe no kutwereka uko dukwiriye kubaho kugira ngo dushobore kuronka ibyiza bihebuje biba ku buzima. Mbese ni mibereho ki uwo Mubyeyi Uhoraho yahitiyemo Umwana we? Yamuhitiyemo urugo ruri ahitaruye izindi mu misozi y'i Galilaya; mu muryango wari utunzwe no gukora umurimo urangwa n'ubunyangamugayo no kwiyubaha; ukarangwa n'imibereho yiyoroheje; kandi uhora mu ngorane n'imiruho; kwitanga, gukoresha umutungo neza, gukorera abandi ufite kwihangana n'ibyishimo; akagira isaha yo kwigira iruhande rwa nyina, bakarambura umuzingo w'Ibyanditswe Byera. Umuseke wo mu kibaya gitoshye; imirimo yera igaragara mu byaremwe, kwiga ibyerekeye irema n'ubushobozi bwa Rurema, ndetse n'uburyo ubugingo bw'umuntu busabana n'Imana, ibyo byose byari bigize imibereho n'amahirwe Yesu yari afite mu buto bwe. (5)

Ingo zo mu Cyaro mu Gihugu cy'Isezerano: Mu gihugu cy'Isezerano, imyitwarire Abisirayeli bari baratangiye kwimenyereza bakiri mu butayu baje kuyikomeza ubwo bari bageze mu bihe bituma bakuza ingeso nziza. Ntabwo abantu bari batuye birundanije mu mijyi, ahubwo buri muryango wabaga ufite isambu wahaweho gakondo, bigatuma bose

baronka imigisha itanga amagara mazima iva ku mibereho myiza kandi y'umwimerere. (6)

Ingaruka z'Ibikikiza Umuntu ku Mico ya Yohana: Yohana Umubatiza, integuza ya Kristo, yahawe uburere bwo mu myaka ye ya mbere n'ababyeyi be. Umugabane munini w'ubuzima bwe yawumaze mu butayu … Yohana ni we wihitiyemo kwigomwa ibinezeza no kudamarara biranga imibereho yo mu mujyi maze ajya kuba mu buzima buruhije mu butayu. Aho mu butayu ibyari bimukikije byatumaga akuza imico yo kwiyoroshya no kwiyanga. Kubera kutarogowa n'urusaku rw'abantu, aho mu butayu yashoboraga kuhigira amasomo ava mu byaremwe, ahigira ibyerekeye guhishurirwa n'ubushobozi bw'Imana …. Kuva mu bwana bwe yahoraga azirikana umurimo yagombaga kuzakora, kandi yemeye iyo nshingano yera yahawe. Kuri we, kuba wenyine mu butayu bwari uburyo bwiza bwo kwitandukanya n'abantu bari barabaswe rwose n'urwikekwe, kutizera no gushayisha. Ntabwo yiringiraga ko imbaraga ze ubwe zamubashisha gutsinda ibishuko maze ava aho yashoboraga guhora yitsirita ku cyaha kugira ngo atagwa ikinya ntabashe kumva ububi bwacyo. (7)

Abandi Banyacyubahiro Barerewe mu Cyaro: Ni ko bimeze ku mubare munini cyane w'abantu b'inyangamugayo kandi babaga bakomeye bo mu bihe byose. Nimusome amateka ya Aburahamu, Yakobo, Yosefu, Mose, Dawidi na Elisa. Mwongere mwige ibyerekeye imibereho y'abakurikiyeho bagiye bahabwa inshingano n'imyanya bikomeye.

Mbega ukuntu ari benshi muri bo babaga bararerewe mu miryango yo mu cyaro. Ntibabaga bazi cyane ibyerekeye imibereho yo gukabya kwinezeza. Mu busore bwabo ntibigeze bajya mu byo kwinezeza. Byabaye ngombwa ko benshi muri bo bahangana n'ubukene n'imiruho. Babaga barigishijwe gukora bakiri bato, maze imibereho yo gukorera hanze hari umwuka uhagije ikabahesha imbaraga z'umubiri kandi n'ingingo z'umubiri zose zikaba zoroheje zitarimo umugaga. Kubera ko bagombaga kubeshwaho n'ibyabavuye mu maboko ubwabo, bize guhangana n'ingorane no kurenga inzitizi, kandi bagiye bunguka ubutwari no kwihangana. Bize amasomo yo kwigirira icyizere no kwitegeka. Kubera ko babaga bikinze bikomeye kwifatanya n'abantu babi. Babaga banyuzwe n'ibinezeza by'umwimerere no kwifatanya n'abantu batabashora mu bibi. Bakundaga ibintu byoroheje kandi mu mico yabo bakitonda. Bayoborwaga n'ihame bakurikizaga, bityo bakura baboneye, bafite imbaraga kandi ari abanyakuri. Igihe bahamagarirwaga gukora umurimo bagombaga gusohoza mu buzima bwabo, bawinjiranyemo imbaraga z'umubiri iz'ubwenge, n'iz'umwuka, bakagaragaza ubushobozi bwo kugena ingamba no kuzishyira mu bikorwa, kandi bagahagarara bashikamye barwanya ikibi, ibyo bigatuma baba imbaraga nziza yimakaza icyiza mu isi.(8)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Abakurambere n'Abahanuzi,* pp.132, 133
2. *Ubutumwa ku Basore,* p. 417.
3. *Ministry of Healing,* pp. 363, 366, 367.
4. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 32.
5. *Ministry of Healing,* pp. 365, 366.
6. *Id.,* p. 280.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 8, p.221.
8. *Ministry of Healing,* p. 366.

IGICE CYA 20

UMURYANGO N'UMUJYI

Akaga Gaterwa no Kuba mu Mujyi: Imibereho yo mu mijyi si myiza kandi nta mwimerere uyisangamo. Inyota nyinshi yo kubona ifaranga, urusaku ruva mu kuba abantu baba batwawe ndetse no gushaka kwinezeza, inyota yo gushaka kwiyerekana, iraha no kwaya, ibyo byose ni imbaraga ziri guteshura ubwenge bw'abantu batabarika ku mugambi nyakuri w'ubuzima. Bari gukingurira urugi ibibi ibihumbi byinshi ngo byinjire. Izo mbaraga zifite ububasha ku rubyiruko rusa n'urudashobora gutsinda. Kimwe mu bishuko bikomeye kandi biteza akaga byibasiye abana n'urubyiruko mu mijyi ni ugukunda ibinezeza. Ibiruhuko bibakurura ntibibarika; imikino n'isiganwa ry'amafarashi bikurura benshi, bityo urusaku ruva mu kuba abantu batwawe ndetse no kwinezeza birabakurura bikababuza gukora imirimo y'ingenzi mu buzima. Bityo amafaranga yagombye kuzigamwa ngo azakoreshwe ibyiza biruseho bayapfusha ubusa bishimisha. (1)

Kuzirikana uko Ubuzima Buzamererwa: Akenshi ibidukikije byo mu mijyi biba biteza akaga ubuzima bw'abantu bahatuye. Kuba abantu baba bashobora kwandura indwara igihe icyo ari cyo cyose, kuba harangwa umwuka n'amazi byanduye, ibyokurya bihumanye, kuba abantu batuye bacucitse, kuba hijimye, kuba aho batuye hadatuma bagira amagara mazima, ibyo byose ni bimwe mu bibi byinshi abantu bahura na byo mu mijyi.

Ntabwo wari umugambi w'Imana ko abantu bakwirundanya mu mijyi, baba mu mazu afatanye no mu macumbi acucitse. Mu itangira, Imana yatuje ababyeyi bacu ba mbere hagati y'ibintu byiza by'agahebuzo bitegerezaga ndetse n'amajwi meza, ari na byo yifuza ko natwe twakwishimira muri iki gihe. Uko turushaho gukurikiza umugambi w'ibanze Imana yari ifite mu irema, ni ko tuzaba turushijeho guhagarara mu mwanya mwiza watuma dusigasira ubuzima bwiza bw'imibiri yacu, intekerezo n'ubugingo.(2)

Imijyi ni Indiri y'Ibicumuro: Imijyi yuzuyemo ibishuko. Twari dukwiriye gutegura ibyo tuzakora ku buryo tuzarinda abana n'urubyiruko rwacu bagatandukana cyane no kwanduzwa n'ibyo bibi.(3)

Abana n'abasore bakwiriye kurindanwa ubushishozi bwinshi. Bakwiriye gushyirwa kure y'indiri z'ibicumuro zikunze kuboneka mu mijyi yacu. (4)

Imivurungano n'Urudubi: Si ubushake bw'Imana ko ubwoko bwayo bwatura mu mijyi, ahahora imivurungano n'urudubi. Abana bakwiriye kurindwa bene aha hantu kubera ko imyanya yose y'umubiri n'imikorere yayo bicibwa intege na za jugujugu, kwihuta ndetse n'urusaku byo mu mijyi.(5)

Impagarara mu Rwego rw'Imirimo: Binyuze mu mikorere y'ibigo binini ndetse n'ingaruka ziva ku mashyirahamwe y'abakozi n'imyigaragambyo, usanga imibereho yo mu mujyi ihora irushaho kuba mibi. Imbere yacu hari ingorane zikomeye zidutegereje; kubera izo mpamvu, bizaba ngombwa ko imiryango myinshi yimuka ikava mu mijyi.(6)

Kurimbuka Kwegereje: Igihe cyo kurimbura imijyi igahanagurika ku isi kiri bugufi. None se ni nde witeguye kurangiza uyu murimo Imana yadutegetse, akawukora abikuye ku mutima we wose? (7)

Iyaba ubwoko bw'Imana bwazirikinaga kurimbuka gutegereje imijyi ibihumbi byinshi ubu yashayishije mu gusenga ibigirwamana! (8)

Kubwo Gushaka Inyungu z'Isi no Gukunda Indamu: Akenshi ababyeyi ntibigengesera ku byerekeye gukikiza abana babo ibishobora kubazanira impinduka nziza. Iyo bahitamo aho bazatura, batekereza cyane ku nyungu zabo z'iby'isi kurusha uko batekereza ku mwuka w'iby'imico mbonera n'imibanire y'abantu n'abandi uzaharanga, bityo abana babo bagacudika n'abantu badatuma bakuza ubutungane n'imico iboneye ....

Mbese babyeyi mwebwe muciraho iteka Abanyakanani ngo batambiraga abana babo ikigirwamana "Moleki", mwe murakora iki? Muri gutamba igitambo cy'agaciro kenshi cyane muritura ikigirwamana cyanyu Mamoni; bityo rero, igihe abana banyu bakura batabona urukundo rwa kibyeyi kandi imico yabo atari iyo gukundwa, igihe bagaragaza kutera no gukiranirwa, muba mugayishije ukwizera kwanyu kubera ko kuba kwarananiwe gukiza abana banyu. Muri gusarura ibyo mwabibye. Muri kubona umusaruro wo kwikunda kwanyu mukunda iby'isi maze mugakerensa inzira z'ubuntu [bw'Imana]. Mwimuriye imiryango yanyu mu ndiri y'ibishuko; ariko ntimuzirikana ko inkuge y'Imana, yo kuzo ryanyu n'igihome kibakingira ari ingenzi; kandi ibyo byatumye Uwiteka adakora igitangaza cyo gukiza abana banyu ibishuko.(9)

Nta Nyungu Nyakuri Ziboneka mu Mijyi: Ku miryango ijana (100) nta muryango n'umwe wasanga warahabonye inyungu zubaka umuntu mu byerekeye umubiri, intekerezo, cyangwa mu by'umwuka bitewe no gutura mu mujyi. Kwizera, ibyiringiro, urukundo n'umunezero birushaho

kubonerwa ahantu hitaruye, aho usanga imirima, imisozi n'ibiti. Nimuvane abana banyu mu byo babona mu mijyi no mu rusaku rwaho, mubajyane kure yo gusuma kw'imodoka zihora zicicikana n'induru y'abantu, bityo ibyo bizatuma ubwenge bwabo burushaho kuba inziramuze. Nibiba bityo, bizaborohera cyane gucengeza ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu mitima yabo.(10)

Inama Zigirwa Abimuka mu Cyaro Bajya Gutura mu Mijyi: Ababyeyi benshi bimuka mu cyaro bakajya gutura mu mijyi, bagafata umujyi nk'ahantu harushijeho kwifuzwa kandi babonera inyungu nyinshi. Ariko kubw'izo mpinduka bakora, baba bashyize abana babo imbere y'ibishuko byinshi kandi bikomeye. Abahungu babo ntibabona akazi bakora, ahubwo babona uburere bwo mu muhanda, maze bakagenda batera intambwe zo kwangirika mu mico kugeza ubwo bazazinukwa ikintu cyiza cyose, kiboneye kandi cyera. Mbega ukuntu byari kushaho kuba byiza iyo ababyeyi bigumanira n'imiryango yabo mu cyaro ahari ibyatuma barushaho gukuza imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge! Mureke urubyiruko rwigishwe gukora, ruhinge kandi rujye ruryama rusinzire neza bitewe n'umunaniro w'uko rwakoze kandi nta bibi birurangwaho.

Kubera gukerensa ababyeyi bagira, urubyiruko rwacu ruba mu mijyi ruri kwangiza imigirire yarwo kandi rugahumanya ubugingo bwarwo imbere y'Imana. Iyo ni yo ngaruka itabura kuboneka ku bantu batagira icyo bakora. Ibigo byakira abantu b'impezamajyo, inzu z'imbohe n'ibigo bafungirwamo abakatiwe urwo gupfa bitanga amakuru ateye agahinda y'inshingano ababyeyi birengagije. (11)

Ibyiza ni uko umuntu yaheba inyungu izo ari zo zose zo mu isi aho gushyira mu kaga abana b'agaciro kenshi waragijwe. Abana banyu bazibasirwa n'ibishuko kandi bakwiriye kwigishwa guhangana nabyo bakabitsinda; ariko mufite inshingano yo kuvanaho icyabakururira mu bishuko cyose, mugacika ku ngeso mbi yose, mugaca ingoyi yose yabaziga, ikababera inkomyi ibabuza kwiyegurira Imana ubwanyu ndetse n'imiryango yanyu.

Aho kugira ngo muture mu mujyi icucitse, nimushake ahantu hitaruye abana bantu bazaba maze mu buryo bushoboka bwose bakaba bikinze ibishuko; kandi aho hantu mukahabatoreza kuba ingirakamaro. Umuhanuzi Ezekiyeli avuga impamvu zabaye imbarutso y'ibyaha bya Sodomu no kurimbuka kwayo agira ati: "Yari afite ubwibone n'ibyokurya byinshi, n'ubukire bwe bwinshi n'ubw'abakobwa be, kandi ntiyakomezaga ukuboko kw'abakene n'indushyi." (Ezekiyeli 16:49). Abashaka bose guhunga akaga kazaba kuri Sodomu bagomba kwirinda imigirire nk'iyatumye amateka y'Imana agera kuri uwo mudugudu w'ubugome.(12)

Ubwo Loti yageraga i Sodomu, yari yiteguye byimazeyo kwirinda gukiranirwa no gutegeka ab'inzu ye kumukurikiza. Ariko ntiyabishobora. Kwangirika kwaho kwagize ingaruka zikomeye ku kwizera kwe, kandi kuba abana be bari bifatanyije cyane n'abaturage ba Sodomu, byatumye ibyifuzo bye bigendana n'ibyabo. Ingaruka turazibona. Benshi baracyakora ikosa nk'iri. (13)

Nimwige uko mwatoranya [ahantu muzatura] kandi mukore uko mushoboye kose ingo zanyu zibe kure cyane Sodomu na Gomora. Mujye mwirinda gutura mu mijyi minini. Niba bishoboka, mujye mutura ahantu hitaruye kandi hatuje ho mu cyaro, kabone n'ubwo mudashobora guhinduka abaherwe bitewe no kugenza mutyo. Mujye mutura ahantu muzabonera ibiganisha imiryango yanyu ku cyiza.(14)

Umwami Imana yacu yansabye kuburira abizera bacu ngo boye kwirukira mu mijyi ngo bahatuze imiryango yabo. Nategetswe kubwira ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore ngo: "Ntimukirengagize kugumana n'abana banyu mu ngo zanyu." (15)

Igihe cyo Kuva mu Mijyi Kirageze: Ubutumwa mbabwira ni ubu ngo, 'Nimuvane imiryango yanyu mu mijyi.' (16)

Ubwo Imana ikidukinguriye inzira, igihe kirageze ngo imiryango ive mu mijyi. Abana bakwiriye kujyanwa mu cyaro. Ababyeyi bakwiriye gushakayo ahantu haba heza hakwiranye n'ubushobozi bwabo. Nubwo inzu yaba ari nto, igikuru ni uko haboneka akarima kayegereye gashobora guhingwa. (17)

Mbere y'uko igihano gikomeye kigera ku batuye isi, Uwiteka arahamagara Abisirayeli bose by'ukuri ngo bitegure uwo munsi ukomeye. Araburira ababyeyi agira ati: "Nimuteranirize abana banyu mu mazu yanyu; nimubatandukanye n'abasuzugura amategeko y'Imana, bigisha gukora ibibi kandi bakabishyira mu bikorwa. Nimugire bwangu uko bishobora kose muve mu mijyi minini. (18)

Imana Izafasha Ubwoko Bwayo: Ababyeyi bashobora kubaka inzu ntoya mu cyaro, kandi bakahagira n'umurima wo guhinga, aho bazagira ubusitani buzitiye bashobora guhingamo imboga n'imbuto bizasimbura ibyokurya byuzuyemo inyama zangiza amaraso y'umubiri w'umuntu igihe ibizivamo bica mu mitsi itwara amaraso. Bene aho mu cyaro abana ntibazaba bakikijwe n'ibyangiza imico yabo birangwa mu buzima bwo mu mujyi. Imana izafasha ubwoko bwayo kubona bene aho hantu bwatura hitaruye imijyi. (19)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing*, p.364.
2. *Id.*, p. 365.
3. *Country Living*, p. 20
4. *Ibid.*, p. 12.
5. *Ibid.*, p.30.
6. *Ministry of Healing*, p. 364.
7. *Ivugabutumwa*, p. 28
8. *Review and Herald*, Sept. 10, 1903.
9. *Testimonies for the Church*, Vol.5, p. 320.
10. *Country Living*, p. 13.
11. *Review and Herald*, Sept. 13, 1881.
12. *Testimonies for the Church*, pp. 232, 233.
13. *Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 132. (2016)
14. *Manuscript* 57, 1897.
15. *Country Living*, pp. 12, 13.
16. *Ibid.*, p. 30.
17. *Ibid.*, p. 24.
18. *Testimonies for the Church*, Vol.6, p. 195.
19. *Medical Ministry*, p. 310.



IGICE CYA 21

IBYIZA BYO GUTURA MU CYARO

Kugira Akarima n'Inzu Nziza: Igihe cyose bishobotse, ababyeyi bafite inshingano yo gushyira ingo zabo mu cyaro kugira ngo abana babo abe ari ho bibera.(1)

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bifitiye isambu n'inzu nziza yo kubamo ni abami n'abamikazi.(2)

Igihe muhamagariwe kuva mu mijyi ngo mujye gutura mu cyaro ntimukabifate nk'aho hari icyo muvukijwe. Aho mu cyaro, hari imigisha myinshi itegereje abantu biteguye kuyakira.(3)

Gutura mu Cyaro Bigira Uruhare mu Mutekano mu Bukungu: Ibihe byinshi, Umwami Imana yagiye abwira abantu bacu ko bagomba kuvana imiryango yabo mu mijyi bakayijyana mu cyaro, aho bashobora kwishakira uburyo bwo kubona ibibatunga ubwabo kubera ko mu gihe kizaza ikibazo cyo kugura no kugurisha kizaba gikomeye cyane. Twari dukwiriye gutangira gukurikiza amabwiriza twahawe ibihe byinshi agira ati: Nimwimuke muve mu mijyi mujye gutura mu turere tw'icyaro, ahari amazu adacucitse, kandi mukahaba mutivanga n'ubuzima bw'abanzi banyu. (4)

Inama Yagiriwe Umuntu wari Utuye mu Mujyi: Cyaba ari ikintu cyiza rwose kuri wowe uramutse wiyambuye ibikuziga biguhagarika umutima maze ukajya gushaka aho wibera mu cyaro ukaharuhukira, ahatari imbaraga nyinshi cyane zangiza imicombonera y'urubyiruko. Birumvikana ko mu cyaro utazabura guhura n'ibibazo n'ibiguhagarika umutima, ariko nibura uzirinda ibibi byinshi kandi wikinge umwuzure w'ibigeragezo urekereje ushaka kwigarurira intekerezo z'abana bawe. Bakeneye kugira icyo bakora no guhinduranya ibyo bahugiramo. Kuba mu rugo iwabo hahora gahunda z'ibintu bihora bigenda umujyo umwe bituma bumva badatekanye kandi badatuje, bityo batoye ingeso yo kujya kwifatanya n'abandi bana b'inzererezi zo mu mujyi, nuko batora uburere bwo mu muhanda ....

Kwibera mu cyaro byari kubabera ingirakamaro cyane. Ubuzima bwo gukora no kuba hanze mu mirimo byakuza imibereho myiza muri bo haba

ku byerekeye umubiri no mu ntekerezo. Bakwiriye kugira akarima ko guhinga aho babona uko bidagadura bagakora n'imirimo y'ingirakamaro. Kubigisha guhinga indabo n'ibimera bitandukanye bituma ubushobozi bwabo bwo gukunda ibyiza binejeje ndetse no gushyira mu gaciro burushaho kubonera, ari nako kumenyerana n'iby'Imana yaremye kandi byuje ubwiza bizana mu ntekerezo zabo imbaraga itunganya kandi ihesha agaciro, maze bikazerekeza ku Muremyi n'Umugenga w'ibintu byose.(5)

Imigisha Myinshi Yasezeraniwe Abatuye mu Cyaro: Isi ifite imigisha myinshi yahishwe mu butaka ishobora kubonwa gusa n'abafite umwete, ubushake no kudacogora byo gukusanya ubwo butunzi .... Abahinzi benshi bananiwe kubona umusaruro ukwiriye uturuka mu murima wabo bitewe n'uko batangiye umurimo w'ubuhinzi bawufata nk'umurimo usuzuguritse. Ntibabona ko muri uwo murimo harimo umugisha bo ubwabo n'imiryango yabo bungukiramo.(6)

Umurimo Uzakangura Intekerezo kandi Ugatunganya Imico: Mu murimo wo guhinga ubutaka, umukozi ureba kure azatahura ko ubutunzi atajyaga atekerezaho cyane ari bwo buri kwigaragaza imbere ye. Nta muntu n'umwe ushobora kugera ku musaruro mu buhinzi ubwo ari bwo bwose aramutse yirengagije gukurikiza amategeko abigenga. Agomba kwiga ibintu byihariye buri gihingwa gikenera. Amoko anyuranye y'ibihingwa asaba ubutaka bunyuranye ndetse no guhingwa kwabyo kunyuranye, kandi gukurikiza amategeko agenga imihingire ya buri bwoko ni icyangombwa kitakwirengagizwa kugira ngo hazaboneke umusaruro. Ubushishozi busabwa mu kwimura urugemwe kugira ngo hatagira imizi yangirika cyangwa ngo ishyirwe ahadakwiriye, kwita ku ngemwe, gukonora no kuvomerera, kuzirinda ikime cyinshi nijoro n'izuba ku manywa, kuzirinda ibyatsi bizangiza, indwara n'udusimba, n'ibindi, ibyo byose ntibyigisha gusa amasomo y'ingenzi yerekeye ugukura kw'imico, ahubwo uwo murimo ubwawo ni uburyo bukuza imico. Igihe wigisha kwigengesera, kwihangana, kwitondera utuntu duto tw'ingenzi no kumvira amategeko, ibyo bitoza [urubyiruko] ikintu cy'ingenzi kandi gihebuje. Iyo abana bahora babona ubwiru bwerekeye ubuzima ndetse n'ubwiza bw'ibyaremwe, kandi bakabona ubwitonzi busabwa mu kwita kuri ibyo bintu byiza Imana yaremye, ibyo bikangura intekerezo zabo, kandi bigatunganya imico yabo ikajya ku rwego rwo hejuru. (7)

Imana Izajijura Kandi Yigishe: Uwigishije Adamu na Eva mu murima wa Edeni uburyo bwo kwita kuri ubwo busitani no muri iyi minsi azigisha abantu. Umuntu ufata isuka agatera ibimera kandi akabiba n'imbuto aba afite ubwenge. Isi ifite ubutunzi bwayo buhishwe, kandi Imana yashimishwa no kubona abantu ibihumbi byinshi cyane birunze mu mijyi bashakisha uko babona uburyo bwo kuronka ikibatunga. . ...

Abantu bazimurira imiryango yabo mu cyaro bazaba bayishyize aho izahura n'ibishuko bike cyane. Abana babana n'ababyeyi bakunda Imana kandi bakayubaha, baba bari ahantu heza cyane bashobora kumenyera inyigisho z'Umwigisha Mukuru, kuko ari we sōko y'ubwenge. Baba bafite amahirwe menshi yo kunguka ibyangombwa bituma baba bakwiriye kuba mu bwami bwo mu ijuru.(8)

Umugambi Imana Yari Ifitiye Igihugu cya Isirayeli: Bitewe no gusuzugura Imana, Adamu na Eva batakaje uburenganzira ku murima wa Edeni, kandi bitewe n'icyaha isi yose yaravumwe. Nyamara iyo ubwoko bw'Imana buza gukurikiza amabwiriza yayo, igihugu cyabo cyari gusubirana uburumbuke n'ubwiza cyahoranye. Imana ubwayo ni Yo yabahaye amabwiriza yerekeye guhinga ubutaka, kandi bagombaga gufatanya na Yo mu murimo wo kuzahura isi. Uko ni ko igihe yari kuba igengwa n'Imana isi yose yari guhinduka inyigisho abantu bigiraho ukuri kw'iby'umwuka. Kubwo kumvira amategeko y'Imana agenga ibyaremwe, isi yari kwera ubutunzi bwayo bwinshi, kandi kubwo kumvira amategeko yayo agenga imico mbonera, imitima y'abantu yari kugaragaza ibiranga imico y'Imana.(9)

Jya Ubona Inyigisho z'ibya Mwuka mu Mibereho ya Buri Munsi: Imana yadukikije ibyiza binogeye amaso biri mu byaremwe kugira ngo bikurure intekerezo zacu kandi bizishimishe. Ni umugambi w'Imana ko twagombye guhuza imico yayo n'ibyiza bihebuje biboneka mu byaremwe. Nitwiga neza igitabo cy'ibyaremwe, tuzabona ko ari isoko nziza itera umuntu kwitegereza urukundo rw'Imana rutagerwa n'imbaraga zayo. (10)

Kristo ntiyagiye ahuza inyigisho ze n'umunsi w'ikiruhuko gusa, ahubwo yanazihuje n'icyumweru cy'imirimo .... Mu mirimo yo guhinga no kubiba no gusarura, Kristo ahatwigishiriza kureba ishusho y'umurimo w'ubuntu bwe uko bukorera mu mutima. Bityo rero, mu cyerekezo cyose cy'umurimo w'ingirakamaro ndetse no mu bo duhura nabo bose mu buzima, Kristo yifuza ko tubiboneramo isomo ry'ukuri kwerekeye Imana. Ubwo ni bwo imirimo yacu ya buri munsi itazatwara intekerezo zacu ngo idutere kwibagirwa Imana. Ahubwo izakomeza kujya itwibutsa Umuremyi n'Umucunguzi wacu. Gutekereza Imana kuzahora kumeze nk'urudodo rw'izahabu runyura mu biduhagarika umutima byose n'imirimo dukorera iwacu umuhira. Kuri twe, icyubahiro cy'ubwiza bwayo kizongera kubyo yaremye. Tuzahora twiga inyigisho nshya zerekeye ukuri mvajuru ari na ko dukurira mu ishusho y'ubutungane bwayo.(11)

Amategeko Agenga Ibyaremwe asa n'Agenga Ikiremwamuntu: Umwigisha Mukuru yajyanaga abamuteze amatwi akabigishiriza mu byaremwe kugira ngo babashe gutega amatwi ijwi ryumvikanira mu byaremwe byose. Kandi uko imitima yagendaga yoroha n'ubwenge

bwabo bukaba bwiteguye kumva, yabafashaga gusobanura inyigisho z'iby'umwuka ziri mu byo babaga bitegereza. .... Mu byigisho bye habaga harimo ikintu kinejeje buri wese kandi kigakora ku mitima ya bose.

Uko ni ko aho kugira ngo inshingano ya buri munsi ibe umurimo uhoraho kandi ugoranye, ndetse utarangwamo ibitekerezo byagutse, ibiramambu yabaga inejeje kandi igahabwa agaciro n'ibyahoraga bimwibutsa iby'umwuka n'ibitagaragara.

Ubwo ni bwo buryo dukwiriye gukoresha mu myigishirize yacu. Nimutyo twigishe abana bacu kurebera urukundo rw'Imana n'ubwenge bwayo mu byaremwe. Nimutyo kureba inyoni n'uburabyo ndetse n'ibiti bihuzwe no gutekereza Imana. Nimureke ibintu byose bigaragara bihindukire abana imfashanyigisho zibasobanurira ibitagaragara, kandi n'ibindi bintu byose bibaho mu buzima bihinduke uburyo bwo kwifashisha mu nyigisho zituruka ku Mana.

Mu gihe abana bamenya batyo kwigira ku byaremwe byose, ndetse n'ibintu byose biba mu buzima, ujye ubereka ko amategeko agenga ibyaremwe n'ibibaho mu buzima ari na yo agomba kutugenga. Bereke ko ayo mategeko yatangiwe kugira ngo tugubwe neza, kandi ko dushobora kubona umunezero nyakuri no kugera ku byo turangamiye binyuze mu kuyubahiriza gusa. (12)

Inyigisho Zifatika Twigira ku Buhinzi: Mu nyigisho zitabarika zigishirijwe ku ntambwe zinyuranye z'imikurire, zimwe mu nyigisho z'ingirakamaro cyane ni izigishirijwe mu mugani Umukiza wacu yaciye werekeye kubiba imbuto. Uyu mugani ufite inyigisho zireba abakuze n'urubyiruko. ...

Ukumera kw'akabuto kugereranya itangira ry'ubuzima bw'iby'umwuka, naho gukura kw'igihingwa kukagereranywa no gukura kw'imico.. ... Igihe ababyeyi n'abarezi bagerageza kwigisha bene ibi byigisho, bagomba kubishyira mu bikorwa. Nimureke abana ubwabo bahinge ubutaka maze abe ari bo biterera imbuto. Mu gihe abana bakora ibyo, umubyeyi cyangwa umwigisha aboneraho kubasobanurira ko umutima w'umuntu ari umurima, kandi ushobora kubibwamo imbuto nziza cyangwa mbi, kandi ko nk'uko umurima ugomba gutegurwa ugahingwa ngo uzaterwemo imbuto, ni na ko umutima ukwiriye gutegurwa kugira ngo ubibwemo imbuto y'ukuri.. ... Nta muntu ushobora gutegereza umusaruro ahantu h'ikigunda gisa atahinze. Agomba gukora ashyizeho umwete kandi yihanganye agategura ubutaka, agatera imbuto kandi akazibagarira. Uko ni ko bigomba kumera no mu byerekeye kubiba imbuto z'umwuka. (13)

Ingeso Mbi Zifatwa nk'Ibyatsi Byangiza Imyaka: Bibaye bishoboka, umuryango wagombye gutura hanze y'umujyi, aho abana bashobora

kubona umurima wo guhinga. Mureke buri mwana agire akarima k'umwihariko we. Igihe muzaba mubigisha uburyo bwo guhinga ako karima, mukabereka uko bategura ubutaka bagateramo imbuto, ndetse mukabereka n'akamaro ko kubagara barandura ibyatsi byangiza imyaka, mubonereho no kubigisha uburyo ari ingirakamaro ko batagomba kugaragaza ingeso mbi mu mibereho yabo. Mubigishe kurandura ingeso mbi bazifashe hasi nk'uko babigenza ku byatsi byangiza imyaka byo mu turima twabo. Kwigisha ayo masomo bizatwara igihe, ariko bizatanga umusaruro ndetse mwinshi cyane. (14)

Umwuka Urangwa mu Rugo Ugomba Kugaragaza Ibyo Twizera: Imbere y'Imana, ababyeyi bafite inshingano yo gutuma ahabakikije hagaragaza isura rwose y'ukuri bavuga ko bizera. Ubwo ni bwo bazaba bashobora kwigisha abana babo amasomo atunganye, kandi abana baziga guhuza isano urugo rwo ku isi rufitanye n'urugo rwo mu ijuru. Uko bishoboka kose, umuryango wa hano ku isi ugomba kuba icyitegererezo cy'umuryango wo mu ijuru. Ubwo ni bwo ibishuko bikururira abantu gushayisha mu bintu by'agaciro gake bizatakaza imbaraga zabyo nyinshi. Abana bakwiriye kwigishwa ko kuri iyi si bahaba mu gihe cy'imenyerezwa, kandi bagatozwa guhinduka abaturage bazaba mu mazu Kristo ari gutegurira abamukunda bakitondera amategeko Ye. Iyo ni yo nshingano isumba izindi ababyeyi bagomba gukora. (15)

Babyeyi, Nimuture mu Cyaro: Igihe cyose Imana impaye imbaraga zo kugira icyo mbwira abizera bacu, nzakomeza guhamagarira ababyeyi kwimuka mu mijyi bakajya gutura mu cyaro, aho bashobora guhinga kandi bakigira amasomo y'ubutungane no kwiyoroshya mu gitabo cy'ibyaremwe. Ibintu biboneka mu byaremwe ni abakozi b'Imana bakora bucece twaherewe kugira ngo bitwigishe ukuri kw'iby'Umwuka. Ibyaremwe bitubwira iby'urukundo rw'Imana kandi bigatangaza iby'ubwenge bw'Umuhanzi w'icyatwa.

Jyewe nkunda uburabyo bwiza. Bunyibutsa Edeni, kandi bukanyereka igihugu gihiriwe tugiye kwinjiramo bidatinze niba dukiranuka. Uwiteka ari kuyobora intekerezo zanjye ku byangombwa bitanga amagara mazima biboneka mu burabyo no mu biti.(16)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Country Living*, p. 12.
2. *Fundamentals of Christian Education*, p. 327.
3. *Country Living*, p. 14.
4. *Id.*, pp. 9,10.
5. *Testimonies for the Church*, Vol.4, p. 136.
6 *Fundamentals of Christian Education*, pp. 326, 327.
7. *Uburezi*, pp. 114, 115.

8. *Fundamentals of Christian Education*, p. 326.
9. *Christ's Object Lessons*, p. 289.
10. *Ubutumwa ku Basore*, p. 367.
11. *Christ's Object Lessons*, pp. 26, 27.
12. *Uburezi*, pp. 105, 106.
13. *Id.*, pp. 107, 108, 109, 113, 114.
14. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p.124.
15. *Christian Temperance and Bible Hygiene*, p. 144.
16. *Letter* 47, 1903.

IGICE CYA 22

KUBAKA INZU NO KUYIRIMBISHA

Teganya Ahanyura Umwuka Mwiza, Imirasire y'Izuba, uce n'Imiyoboro y'Amazi: Mu myubakire y'inzu, zaba izo gukoreramo imirimo rusange cyagwa se izo guturwamo n'abantu ku giti cyabo, hakwiriye kubaho ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo umwuka mwiza n'imirasire y'izuba ihagije bijye byinjira mu nzu. Akenshi usanga hari insengero n'ibyumba by'amashuri bitujuje ibi byangombwa. Kwirengagiza ko inyubaho igerwamo n'umwuka uko bikwiriye ni byo ntandaro yo gusinzira [mu rusengero] kwinshi kubaho ndetse no kutagirira ubwuzu ibivugwa kandi ibyo birimbura umusaruro ibibwirizwa byinshi byajyaga kugira kandi bigatuma mu ishuri umwarimu ananizwa n'umurimo we kandi ntutange umusaruro.

Uko bishoboka kose, amazu yagenewe guturwamo yari akwiriye kubakwa ahantu hegutse, ku kibanza gifite imiyoboro y'amazi iciye neza. Aho ni ahantu hari ubutaka bwumutse .... Akenshi usanga icyo kintu cyirengangizwa. Ubuzima buhorana umuze, kurwaragurika ndetse n'impfu nyinshi biterwa n'ubukonje na malariya bikunze kuba ahantu hafite ubutumburuke bwo hasi kandi usanga imiyoboro yaho y'amazi idaciye neza.

Mu gihe bubaka amazu, ni ikintu cy'ingirakamaro guteganya ahazanyura umwuka mwiza mwinshi n'umucyo w'izuba uhagije. Nimwubake ku buryo cyumba cy'inzu cyinjiramo umwuka mwiza n'umucyo w'izuba bihagije. Ibyumba byo kuryamamo bikwiriye kuba biri ahantu ku buryo byinjirwamo n'umwuka mwiza ku manywa na nijoro. Nta cyumba gikwiriye kuba icyo kuryamamo igihe bitashoboka ko cyajya gikingurwa ku manywa kugira ngo umwuka n'umucyo w'izuba byinjiremo. Mu bihugu byinshi, usanga biba ngombwa guteganya uburyo bwo gushyushya ibyumba byo kuryamamo kugira ngo bibe bisusurukije uko bikwiriye kandi byumutse mu bihe by'imbeho cyangwa se by'ubukonje.

Icyumba cy'abashyitsi na cyo gikwiriye kwitabwaho muri ubwo buryo kimwe n'ibyumba bikoreshwa iminsi yose. Nk'ibindi byumba byo

kuryamamo, gikwiriye kugira umwuka mwiza n'umucyo w'izuba, kandi hagateganywa uburyo bwo kurwanyamo ubukonje bukunze kurangwa mu cyumba kidakoreshwa buri gihe. Umuntu wese uryama mu cyumba kitagerwamo n'umucyo w'izuba cyangwa se akaryama ku gitanda kitumutse neza kandi ngo icyo cyumba ntikibe cyinjiramo umwuka uko bikwiriye, aba ashyira ubuzima bwe mu kaga, ndetse aba yigerezaho. . ..

Imiryango ifite abantu bageze mu zabukuru baba bagomba kwitaho, bakwiriye kwibuka ko abo bantu bakuru baba bakeneye cyane ibyumba bishyuha kandi byiza. Uko imyaka igenda yiyongera ni ko n'intege z'umubiri zigenda zigabanuka, bityo umuntu agasigarana ubudahangarwa buke bwo guhangana n'ibishobora kwangiza umubiri. Iyo ni yo mpamvu abageze mu zabukuru baba bakeneye kubona umucyo w'izuba uhagije n'umwuka mwiza. (1)

Ntimugature mu Bishanga: Niba dushaka ko ingo zacu ziba ahantu harangwa ubuzima bwiza n'umunezero, tugomba kubaka amazu ahantu hegutse, hitaruye urwokotsi n'ibihu bikunze kuba mu mibande kandi tukayaha uburyo buhagije butuma ibyangombwa bitanga ubuzima bikomoka mu ijuru byinjiramo nta nkomyi. Ntidukwiriye gushyira ku madirishya amarido aremereye, mukingure amadirishya n'ibindi bishobora gukumira umucyo. Ntitugatume hagira ibiti cyangwa se ibindi bimera bitwikira amadirishya, kabone n'ubwo byaba ari byiza bite, kandi ntimukagire ibiti mwemera ko bikura byegereye inzu ku buryo byatuma umucyo w'izuba utagera mu nzu. Yego izuba rishobora kumisha imitako n'imiteguro yose bigahindura ishusho, ariko uzatuma abana bakura neza. (2)

Ahakikije Inzu: Ubusitani burimbishijwe n'ibiti bitegeranye ndetse n'uduhuru duke biri mu mwanya ukwiriye byitaruye inzu bizanira umunezero abagize umuryango, kandi nibyitabwaho neza, nta ngaruka mbi bizagira ku buzima bw'abantu. Ariko iyo hari ibiti biteye bicucitse n'ibihuru byegereye inzu kandi biyikikije, bituma iyo nzu idafasha ababyibamo kugira ubuzima bwiza kubera ko bibuza umwuka mwiza kugera hose nta nkomyi, kandi bigakumira imirasire y'izuba. Ingaruka zabyo ni uko mu nzu haba ubukonje nk'ahatose cyane cyane mu bihe by'ubukonje. (3)

Uruhare rw'Ubwiza Karemano ku Mibereho y'ab'Umuryango: Imana ikunda icyiza. Isi n'ijuru yabyambitse ubwiza, kandi ijisho ryayo rya kibyeyi rinezezwa no kwitegereza ibishimisha abana bayo biri mu byo yaremye. Imana yifuza ko amazu yacu twayazengurutsa ibyiza karemano.

Abantu batuye mu cyaro hafi ya bose, uko baba bakennye kose, bakwiriye gutera utwatsi ahazengurutse amazu yabo, bakahatera uduti tuzana amahumbezi, bakahatera ibyatsi byera uburabyo, cyangwa buhumura neza. Kandi ibirenze kurimbisha uko ari ko kose abantu bakoresha ibyo

bitunganyirije, ibyo byatsi n'utwo duti bizazanira umunezero abagize umuryango. Bizazana mu rugo imbaraga yoroshya imitima, igatuma bagubwa neza, bakarushaho gukunda ibyaremwe, kandi bigatuma abagize umuryango barushaho kwegerana basabana ubwabo kandi barusheho no kwegera Imana. (4)

Ibikoresho byo mu Nzu n'Ibiyirimbishije Bikwiriye Kuba Ibyoroheje: Ingeso zacu zo gukunda ibintu bitari karemano zituvutsa ibyishimo byinshi n'imigisha myinshi, kandi zigatuma tutabasha kurangwa n'imibereho iruseho kuba ingirakamaro. Kugira ibikoresho by'akataraboneka kandi bihenze si uburyo bwo gupfusha ubusa amafaranga gusa, ahubwo ni no gutakaza ikintu kirushijeho kugira agaciro incuro ibihumbi byinshi. Bibera umuryango umutwaro uremereye wo kubyitaho n'imirimo no guhangayikisha. . . .

Mujye mushyira mu nzu zanyu ibikoresho biciriritse kandi byoroheje, ibintu bitazagorana kubifata neza, bikagirirwa isuku mu buryo bworoheje kandi bikaba byasimbuzwa ibindi bitaguhenze cyane. Kubwo gukoresha ibintu byiza, urugo ruciriritse rushobora kuba urunezeza kandi rukireherezaho abantu, niba rurangwamo urukundo n'umunezero. (5)

Ntabwo umunezero uboneka mu kumanika imitako myinshi. Uko gahunda y'urugo rugendera mu murongo mwiza irushaho kuba iyoroheje, ni na ko abarubamo barushaho kugubwa neza. (6)

Irinde Kurushanwa: Usanga ubuzima ari urucantege n'umuruho ku bantu benshi bitewe n'imirimo itari na ngombwa biyikoreza ikabaremerera bashaka kugera ku rugero rw'ibyamenyerewe bikorwa aho babarizwa. Intekerezo zabo zihora zabujijwe amahwemo no guhangayikishwa no gukemura amakene yaje ari imbuto zeze ku bwibone no gukunda ibigezweho. …

Amafaranga akoreshwa, kwitabwaho ndetse n'imirimo bigenda ku bintu bitari ngombwa, niba ubwabyo bitanangiza, ayo mafaranga yagombye kugera kure mu guteza imbere umurimo w'Imana aramutse akoreshejwe kubw'umugambi w'agaciro kurutaho. Abantu benshi usanga birukira ibintu bita ko ari ibinezeza byo mu buzima, bagahara amagara yabo, imbaraga zabo, ubushobozi bwabo n'amafaranga kugira ngo babigereho. Umwuka uteye agahinda wo kurushanwa ugaragara mu bantu bari mu rwego rumwe, ugasanga basa n'abashaka uzarusha abandi kwiyerekana cyane mu myambarire no mu bikoresho byo mu nzu. Ijambo ryiza rinejeje ryitwa "urugo" riragorekwa mu busobanuro bwaryo maze bukaba "ikintu gifite inkuta enye, cyuzuye ibikoresho bigezweho n'imitako y'agahebuzo" mu gihe abarubamo bahora bahangayikishijwe no kugera ku bisabwa n'akamenyero kagezweho mu nzego zose zigize imibereho. (7)

Abantu benshi ntibanejejwe n'imibereho yo mu ngo zabo bitewe n'uko bahora bahirimbanira kugaragara neza. Bakoresha amafaranga menshi cyane kandi bagakora ubutaruhuka kugira ngo bigaragaze kandi bashimwe na bagenzi babo mu by'ukuri batabitayeho cyangwa ngo bite ku gutunga no gutunganirwa kwabo. Bagenda bongeranya ibintu bibwira ko ari ngombwa cyane mu rugo rwabo, kugeza ubwo usanga ibintu bihenze cyane byararundanyijwe nyamara bitagira icyo byongera na gito ku kugubwa neza k'umuryango, uretse gusa ko biba bigaragarira ijisho neza, bikanyura ubwibone no kurarikira kwabo. Nyamara kandi ibyo bintu bibatwara imbaraga no kwihangana, ndetse byabatwaye n'igihe cy'ingirakamaro bagombaga gukoresha mu murimo w'Imana.

Ubuntu bw'Imana bw'agaciro kenshi babushyira ku mwanya wa kabiri bugakurikira ibintu bitagira umumaro nyakuri. Kandi igihe abantu benshi birundanyaho ibintu ngo bibashimishe, baba bagwabiza inganzo y'umunezero. Amaherezo barareba bagasanga ibyo batunze bitabasha kubaha kunyurwa bari bariringiye kubikuramo. Uko guhora bahihibikana, ndetse no guhagarika umutima bashaka kurimbisha inzu yabo ngo abashyitsi n'abanyamahanga bayitangarire ntibyigera bibazanira inyungu iva ku gihe n'ubutunzi batakaza batyo. Ahubwo, baba bashyize ku gikanu cyabo umutwaaro w'uburetwa urushijeho kurushya kwihanganirwa.(8)

Kugereranya Ingo Ebyiri Zasuwe: Mu miryango imwe n'imwe usanga bakabya rwose. Isuku na gahunda ni ingenzi kugira ngo abantu bagubwe neza, ariko rero izo ndangagaciro ntizari zikwiriye gukabirizwa kugeza ubwo bituma ubuzima buba igihe cy'imirimo y'agahato idashira kandi bigatuma ababa muri urwo rugo babura amahoro. Mu mazu y'abantu bamwe twubaha cyane, uhasanga imitegurire idakebakeba igaragaza uko ibikoresho byo mu nzu bigomba kuba bitondetswe ku buryo usanga rwose bitanogeye amaso nk'uko byamera bene iyo gahunda ibaye idahari. Uko kugira ibintu biri ku murongo ariko byaruhanije ngo inzu yose itungane bituma bidashoboka ko umuntu ahabonera cya kiruhuko yari yiteze kubonera mu rugo nyakuri.

Iyo umuntu anyarukiye gusura incuti ze akunda cyane, ntibimushimisha kubona buri kanya muhamagaza umweyo n'agakoresho gahanagura umukungugu, bityo igihe wari wagennye ko uri bwishimane n'incuti zawe muganira kigashira bari gushyira ibintu mu murongo ndetse no gukubita hirya no hino mu mfuruka z'inzu bashakisha agatebo gashyirwamo umukungugu cyangwa umyeyo. Nubwo ibyo bishobora gukorerwa kukubahira ko waje mu rugo rwabo, nyamara wumva ubabajwe rwose n'uko kuhaba kwawe ari iby'agaciro gake ku ncuti zawe ubigereranyije n'ibitekerezo byabo byo gukabya bahugiye mu isuku.

Nyamara ibihabanye na bene izo ngo, hari urugo rumwe twasuye mu mpeshyi yo mu mwaka wa 1878. Muri urwo rugo, amasaha make twahamaze ntiyakoreshejwe mu mirimo idafite akamaro cyangwa mu gukora ibyajyaga gukorwa mu kindi gihe, ahubwo ayo masaha twayakoresheje mu buryo bunejeje kandi butwungura, turuhura intekerezo n'umubiri icyarimwe. Nubwo iyo nzu yarimo ibintu bicirirtse, yari icyitegererezo cy'ahantu umuntu yumva aguwe neza. Ibyumba byose byari bifite amatara kandi byinjiramo umwuka uhagije, . . . kandi ibyo ni byo bifite agaciro kuruta imitako ihenze. Ntabwo mu ruganiriro harimo ibintu by'akataraboneka binaniza amaso kubera kubyitegereza, ahubwo harimo ibikoresho byo mu nzu binyuranye kandi binejeje.

Muri rusange intebe zari zoroheje, zose zidakozwe kimwe, ariko buri ntebe ijyanye no kugubwa neza kw'abagize uwo muryango batandukanye. Harimo amafoteyi magufi, intebe zegamirwa zituma uzicayeho aba arambuye umugongo neza. Harimo intebe ngari umuntu yicaramo agahindukira uko ashaka, harimo udutebe duto, ndetse hakaba n'amafoteyi meza asa n'arehereza abantu kuza kuyicaramo. Hari kandi n'ameza ariho ibitabo n'ibinyamakuru. Byose byari biboneye kandi bireshya amaso, ariko bidafite ukuntu bitondetswe kudahinduka, kandi gusa n'ukubuza ababyitegereza bose kutagira icyo bakoraho ngo hato batagikura mu mwanya wacyo.

Ba nyir'urugo rushimishije bari bafite amikoro ku buryo bajyaga kuba baraguze ibikoresho byinshi kandi bararimbishije aho baba mu buryo buhenze, ariko batekereje neza bahitamo kugubwa neza kuruta kwigaragaza. Nta kintu na kimwe cyagaragaraga ko ari cyiza cyane ku buryo kitahakoreshwa, kandi imyenda yo mu madirishya yahoraga ifunguye kugira ngo tapi igumane isura yayo ndetse n'ibikoresho byo mu nzu bye kugajuka. Umucyo w'izuba n'umwuka mwiza Imana itanga ndetse n'impumuro nziza ikomoka ku buryabyo bwo mu karima, byinjiraga mu nzu nta nkomyi. Birumvikana ko abagize uwo muryango bari bitaye kuby'urugo; bari bafite akanyamuneza kandi bakatuganiriza, ndetse bakoraga igikenewe cyose kugira ngo tugubwe neza, ariko ntibitume tubitaho cyane ngo bidutere gutinya ko twababangamiye. Mu by'ukuri, twumvise twabonye ahantu ho kuruhukira. Urwo rwari urugo mu busobanuro bwuzuye bw'iryo jambo.(9)

Ihame Rikurikizwa mu Kurimbisha Inzu: Ya mitegurire idakebakeba twavuze ko ari isura itanejeje y'inzu nyinshi cyane, ntabwo ihuje na gahunda ikomeye y'ibyaremwe. Ntabwo Imana yatumye mu murima uburabyo bujya bumera ahantu hadahindagurika, hari n'imbibi butarenga, ahubwo yabukwirakwije hose nk'amabuye y'agaciro mu bwatsi butoshye, bityo ubwo burabyo burimbishisha isi imiterere yabwo n'amabara

yabwo bitandukanye. Erega n'ibiti byo mu ishyamba na byo ntibiteye ku murongo umwe. Kwitegereza uruhererekane rw'ibiri mu byaremwe, mu mashyamba, ku dusozi n'ibikombe, ibibaya n'inzuzi biruhura amaso n'intekerezo, maze umuntu akanezezwa n'urusobe rutagira iherezo rugizwe n'amoko anyuranye y'ibyaremwe n'amabara yabyo, kandi akareba ubwiza buzanwa n'uko ibiti byegeranye, hakabaho ibihuru ndetse n'uburabyo bikomatanyirijwe hamwe mu busitani bw'ibyaremwe, bigatuma bigira ishusho y'agahozo. Aho ni ho abana, urubyiruko n'abageze mu zabukuru bashobora kubonera ikirihuko no kwishimisha.

Iri tegeko ry'urunyurane rw'ibintu rishobora gukurikizwa mu rugo ku rwego runaka. Mu rugo hakwiriye kuba ubwuzuzanye bukwiriye bw'amabara kandi no mu kurimbisha inzu ibintu bikaba bijyaniranye muri rusange. Ariko kugira ngo ibintu bigaragare neza, si ngombwa ko ibikoresho byose bishyirwa mu cyumba cy'inzu biba bifite ishusho imwe, bikozwe mu kintu kimwe cyangwa byambitswe kimwe. Ahubwo birushaho kunogera amaso iyo hari urunyurane rwabyo rwuzuzanya.

Ariko rero urugo rwaba rucirirtse cyangwa se rukungahaye rute, ibikoresho birurimo bikaba bihenze cyangwa se bihendutse, nta munezero uzaba muri iyo nzu keretse gusa imitima y'abayibamo niba igendana n'ubushake bw'Imana. Ibyishimo bikwiriye kwimikwa mu rugo. (10)

Ababa mu nzu bagomba buri munsi gukoresha umugabane uhebuje indi w'inzu yabo, bagakoresha ibyumba birusha ibindi kwakira umucyo w'izuba n'umwuka, kandi bakifashisha n'ibikoresho bihebuje ibindi kubatera kugubwa neza. Nibigenda bityo, urugo ruzaba ahantu hashimishije abarubamo ndetse n'incuti nyancuti zituzirikana, za zindi dushobora kugira icyo twungura kandi na zo zikaba zagira icyo zitwungura. (11)

Zirikana Kugubwa neza n'Imibereho Myiza y'Abana: Kugira ngo abana babashe kunyurwa kandi bishimire mu rugo rwabo, ntibisaba ko mu nzu haba hakikijwe n'ibikoresho by'igitangaza bihenze, ahubwo ni ingenzi ko ababyeyi babakunda urukundo rwuje impuhwe kandi bakabitaho. (12)

Inkuta enye z'inzu, ibikoresho byo muri yo bihenze, tapi zirabagirana, ibirahure by'agahebuzo n'amafoto meza cyane ntibishobora kugira urugo mu gihe impuhwe n'urukundo bibuze. Iryo jambo ryihariye rivuga "urugo" ntabwo ari iryo kwitiranya n'amazu arabagirana atigera arangwamo ibyishimo biba mu buzima bwo muryango.....

Mu by'ukuri, kugubwa neza n'imibereho myiza y'abana ni byo bitekerezwaho nyuma muri bene urwo rugo. Abana birengagizwa na nyina uba ukoresha igihe cye cyose mu gutuma urugo rukomeza kugaragara neza no kuzuza ibisabwa bijyana n'igihe kigezweho. Usanga intekerezo

z'abana zitarahawe umurongo; biga ingeso mbi maze bagahinduka inzererezi kandi ntibanyurwe. Kubera kutabona ibibanezeza iwabo mu rugo, ahubwo bakahabona amabwiriza agira ibyo ababuza ku buryo batabona aho bahumekera, abana bakora uko bashoboye bagacika bakava mu rugo byihuse. Biroha mu isi bafite imbaraga nke cyane zibakumira, batagira kwifata bakomora mu muryango no ku nama nziza baherewe mu rugo. (13)

Ntimukamere nk'ababyeyi benshi numvise babwira abana ngo: "Nta mwanya mufite hano mu ruganiriro. Muramenye muticara kuri iriya ntebe iriho umwenda. Ntabwo dushaka ko mwicara kuri iriya futeye." Maze abana bakwigira mu kindi cyumba, nanone ababyeyi bakababwira bati: "Ntidushaka ko musakuriza aho." Nuko abana bajya mu gikoni, umukozi nawe akababwira ati: "Sinshaka ko mundogoya ahangaha. Hoshi nimusohoke aha n'urusaku rwanyu; murambuza amahoro mutyo, mukandushya." None se iyo bigenze bityo, ni hehe berekera bajya gukura uburere? Nta handi uretse mu muhanda. (14)

Ubugwaneza n'Urukundo ni iby'Agaciro Kuruta Ibintu Bihenze: Hari ibitera guhagarika umutima byinshi ndetse n'imitwaro byinjizwa mu miryango yacu, ahubwo ugasanga ukwiyoroshya, amahoro n'umunezero ntibiharangwa. Mu miryango yacu ntihakwiriye kurangwa no kwita cyane ku byo abandi bo hanze y'umuryango bazavuga, ahubwo dukwiriye kwita cyane ku bifitiye akamaro abo mu muryango wacu. Hakwiriye kubaho kutigaragaza cyane kandi ntitwigane imyitwarire y'ab'isi, ahubwo turangwe cyane cyane n'ubugwaneza, urukundo, ibyishimo no kubahana bya gikristo mu bagize imiryango yacu. Abantu benshi bakeneye kwiga uburyo bwo guhindura urugo rwabo ahantu harehereza abantu kuhaba, kandi bishimira. Imitima ishima n'indoro yuje ineza ni iby'agaciro kenshi kuruta ubukungu n'ibintu by'igiciro, kandi kunyurwa n'ibyoroheje bizatuma urugo rusakaramo umunezero igihe urukundo ruharangwa.

Yesu, Umucunguzi wacu yabaye hano ku isi, afite icyubahiro cy'Umwami; ariko yari umugwaneza kandi yoroheje mu mutima. Yari umucyo kandi akaba n'umugisha kuri buri rugo kubera ko yagendanaga ibyishimo, ibyiringiro, n'ubutwari. Yooo! Iyaba twanyurwaga no kutagira byinshi imitima yacu irarikira, ntiduhatanire cyane ibintu bigoye kugeraho twibwira kurimbisha amazu yacu nyamara tudakunda ibyo Imana iha agaciro kuruta imaragarita, ari byo umwuka w'ubugwaneza n'umutima utuje! Umutima wo kwiyoroshya, ubugwaneza n'ubwuzu nyakuri byatuma urugo rucirirtse kurusha izindi ruhinduka paradizo. Ibyiza ni ukwihanganira ibirushya ufite ubutwari, kuruta kwivutsa amahoro n'ibyishimo.(15)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing*, pp.274, 275
2. *Id.*, p.275
3. *Christian Temperance and Bible Hygiene*, p. 107.
4. *Ministry of Healing*, p. 370.
5. *Id.*, pp. 367, 370.
6. *Signs of the Times*, August 23, 1877.
7. *Signs of the Times*, August 23, 1877.
8. *Signs of the Times*, Oct. 2, 1894
9. *Signs of the Times*, August 23, 1877.
10. *Signs of the Times*, Augusst 23, 1877.
11. *Signs of the Times*, October 2, 1884.
12. *Signs of the Times*, October 2, 1884.
13. *Signs of the Times*, Oct. 2, 1884.
14. *Manuscript* 43a, 1894.
15. *Testimonies for the Church*, Vol.4, pp.621, 621.

Umugabane Wa 7

UMURAGE DUHABWA N'UWITEKA



IGICE CYA 23

ABANA NI UMUGISHA

Imana Yateguye uko Imiryango Ikwiriye Kumera: Uwahaye Adamu Eva ngo amubere umufasha. … yategetse ko abagabo n'abagore bakwiriye gufatanywa mu buryo bwera, bakubaka imiryango itamirijwe icyubahiro, kandi abayigize bakwiriye kuzirikanwa ko ari ab'umuryango wo mu ijuru. (1)

Abana ni umwandu uturuka ku Uwiteka, kandi tugomba kuzasobanurira Uwiteka uko twita ku mutungo we yaturagije..... Mureke ababyeyi bakorere ingo zabo bafite urukundo, kwizera kandi basenga, kugeza ubwo bazashobora kuza imbere y'Imana banezerewe bayibwira bati: "Dore ndi hano, jyewe n'abana Imana yampaye" (Yesaya 8:18; Abaheburayo 2:13).

Urugo rudafite umwana ruba ruri mu bwigunge. Imitima y'abarurimo iba iri mu kaga ko guhinduka abanyabugugu, bagakunda cyane ibiboroheye, kandi bagakurikiza ibyo bifuza n'ibibashimisha. Bashishikazwa no kubona abantu babagirira impuhwe, ariko bo ntibaba bitaye cyane ku bandi.(3)

Inama Yahawe Umugabo n'Umugore we Batagiraga Umwana: Ubwikanyize bugaragara mu buryo butandukanye bitewe n'ibihe runaka, cyangwa se bitewe na gahunda zikomeye abantu bafata, bukwiriye gushira. Iyo muza kuba mufite abana, ibitekerezo byanyu byari kubahatira kureka kwizirikana ubwanyu ahubwo mukabitaho, mukabigisha, kandi mukababera urugero rwiza. Ibyo ni byo byari kubazanira inyungu .... Igihe abantu babiri ari bo bagize umuryango nk'uko biri kuri mwe, kandi ntubemo abana babasaba kwimenyereza kwihangana n'urukundo nyakuri, muba mukeneye guhora muri maso kugira ngo ubwikanyize budafata icyicaro, kandi ngo mwe ubwanyu mudahinduka abumva ibintu byose ari bo byakwerekeraho, ndetse mugasaba kwitabwaho, no kuzirikanwa nyamara mwumva mwe nta nshingano mufite yo kubikorera abandi.(4)

Abantu benshi barwara indwara z'umubiri, mu ntekerezo no mu marangamutima bitewe n'uko intekerezo zabo ari bo zihora zerekeyeho gusa. Bene abo bashobora gukira iyo mibereho yo kwihugiraho bitewe

n'abana bato b'inziramuze, bafite ibitekerezo binyuranye ndetse n'imbaraga z'ubuto bakoresha ubutaruhuka.(5)

Ababyeyi Bakuza Imico Myiza Binyuze mu Kwita ku Bana: Jyewe numva nitaye ku bana bose kandi mbafitiye urugwiro kubera ko nahindutse umunyamibabaro nkiri muto cyane. Nagiye mfata abana benshi kugira ngo mbiteho, kandi iteka nagiye niyumvamo ko kwifatanya no kwiyoroshya biranga abana bato byanzaniye imigisha itarondoreka. ...

Impuhwe, kwihangana n'urukundo bisabwa mu kwita ku bana bikwiriye kuba umugisha mu muryango uwo ari wo wose. Izo ndangagaciro zagombye koroshya no kuganza imico yashinze imizi mu bashaka kurushaho kwishima no guhorana umutuzo. Kugira umwana mu rugo bitera ababyeyi kumva bafite umutima utuje kandi bikabatunganya. Umwana urezwe atozwa kubaha Uwiteka abera umuryango umugisha. (6)

Kwita ku bana dushinzwe no kubakunda bidutamururaho imico mibi ya kamare yacu, bikatugira abagwaneza n'abanyampuhwe, kandi bikagira imbaraga yo guteza imbere ibyiza bihebuje birangwa mu mico yacu.(7)

Imbaraga Ihindura y'Umwana kuri Henoki: Umuhungu we w'imfura amaze kuvuka, Henoki yageze ku rwego rusumbyeho; yateye intambwe yo gushyikirana n'Imana biruseho. Yasobanukiwe neza ibyo asabwa n'inshingano ye nk'umwana w'Imana. Ubwo yitegerezaga urukundo umwana akunda se, uburyo yiringira ko ntacyo yaba bari kumwe; ubwo yumvaga mu mutima we asabwe n'impuhwe kubw'uwo muhungu we w'imfura, byamwigishije icyigisho gikomeye cyane ku byerekeye urukundo ruhebuje Imana ikunda abantu ubwo yatangaga Umwana wayo, n'icyizere abana b'Imana bagomba kugirira Data wo mu ijuru. (8)

Indagizo y'Agaciro: Abana Imana yabahaye ababyeyi babo nk'indagizo y'agaciro. Umunsi umwe Imana izababaza uko babafashe. Dukwiriye gutanga igihe kinini tubigisha, tubatoza, turushaho kubitaho no kubasengera. Bakeneye cyane inyigisho zikwiriye kandi zitunganye ....

Mujye mwibuka ko abakobwa n'abahungu banyu bari mu mubare w'abakiri bato bagize umuryango w'Imana. Imana yarababahaye ngo mubiteho, mubatoze, mubigishe kandi mubarerere kuzaba mu ujuru. Muzasobanurira Imana ukuntu mwacunze izo ndagizo zera yabahaye.(9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Ministry of Healing,* p. 356.
2. *Christ's Object Lessons,* pp. 195,196.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 54 .

4. *Id.,* Vol. 2, pp. 230, 231.
5. *Id.,* Vol. 2, p. 647.
6. *Letter* 329, 1904.
7. *Testimonies for the Church,* Vol 2, p.647 .
8. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 62 .
9. *Review and Herald,* June 13, 1882.

IGICE CYA 24

UKO UMURYANGO UKWIRIYE KUNGANA

Ikibi Kibabaza cyane Gikorerwa Ababyeyi b'Abagore, Abana n'Umuryango Mugari: Hariho ababyeyi buzuza amazu yabo utwana duto tutagira kivurira, kandi duteze kwishingikiriza rwose ku babyeyi ngo batwiteho kandi batwigishe, ariko abo babyeyi ntibatekereze niba bazashobora guha uwo muryango mugari ibiwukwiriye.... Iki ni ikibi kibabaza cyane, atari ku mubyeyi w'umugore gusa, ahubwo no ku bana ubwabo ndetse no ku muryango mugari. . ...

Ababyeyi bakwiriye guhora batekereza ahazaza heza h'abana babo. Ntibakwiriye kwishyira mu buzima butuma isaha yose y'ubuzima baba bakora imirimo ivunanye ngo bakunde babone ibyo bakeneye mu buzima. (1)

Mbere yo kongera abagize umuryango, bari bakwiriye kubanza gutekereza niba Imana izahabwa ikuzo cyangwa se niba izasuzuguzwa n'uko bazanye abana kuri iyi si. Uhereye mu mwaka bashyingiriwemo ukageza mu mwaka wose wo kubana kwabo nk'abashakanye, bakwiriye guharanira guhesha Imana icyubahiro.(2)

Ubuzima bw'Umubyeyi w'Umugore ni Ingenzi: Iyo dutekereje ku nshingano zireba ababyeyi, hakwiriye kubaho kuzirikanana ubushishozi niba ari byiza ko hagira abandi bana bavuka muri uwo muryango. Bari bakwiriye kwibaza bati: Mbese umugore afite imbaraga zihagije zizamufasha kwita ku bana azabyara? Kandi se w'abana afite ubushobozi buzatuma agorora imico y'umwana kandi akamwigisha? Mbega ukuntu ababyeyi benshi baha agaciro gake ahazaza h'abana babo! Usanga kunezeza irari ari byo bitekerereza gusa, maze bakagereka imitwaro ku mugore ari nawe nyina w'abana, bityo bigacogoza intege z'umubiri we kandi bikagwabiza imbaraga ze mu by'umwuka. Igihe afite amagara make kandi acogoye mu ntekerezo, yisanga akikijwe n'umukumbi muto adashoboye kwitaho nk'uko bikwiriye. Kubera kubura uburere bari bakwiriye, abana bakurana imyitwarire ituma bakoza Imana isoni, kandi bakanduza abandi gukora ibibi bya kamare yabo, bityo umubare w' ingabo za Satani ukaba uriyongereye, akabakoresha ibyo ashaka byose. (3)

Ibindi Bikwiriye Kwitabwaho: Imana ishaka ko ababyeyi bahora bashyira mu gaciro, kandi bakabaho mu buryo butuma umwana wabo wese abasha kurerwa uko bikwiriye, kugira ngo nyina w'abana abe yagira imbaraga n'igihe akoresherezamo imbaraga ze z'ubwenge mu gutoza imico myiza abana be kugira ngo bazabashe kubana n'abamarayika. Akwiriye kugira ubutwari bumubashisha kurangiza inshingano ye neza, kandi agakora umurimo we yubaha Imana kandi ayikunda, kugira ngo abana be babere umugisha abo mu rugo n'umuryango mugari muri rusange.

Umugabo nka se w'abana akwiriye kuzirikana ibyo bintu byose kugira ngo umugore we ari nawe nyina w'abana be adakora imirimo y'ikirenga bityo bikaba byamutera gucika intege no gutentebuka. Umugabo akwiriye kubona ko nyina w'abana be atashyizwe mu mwanya aho adashobora gukorera abana be benshi ibibakwiriye byose, kugira ngo babe bakura batarigishijwe uko bikwiriye. (4)

Ababyeyi ntibakwiriye kongera umubare w'abagize umuryango wabo ku muvuduko wihuse kuruta uko baba bazi neza ko abana babo bashobora kwitabwaho no kurerwa neza. Ndetse kubona umugore ahora akikiye umwana buri mwaka ni akarengane gakomeye aba agirirwa. Ibyo bica intege ndetse akenshi bikarimbura kwishimira gusabana n'abandi kwe kandi bikongera akaga mu rugo. Bivutsa abana babo amahirwe yo kwitabwaho, kurerwa ndetse n'umunezero ababyeyi bagombye kumva ko ari inshingano yabo guha abo bana babo. (5)

Inama Igirwa Ababyeyi Bafite Abana Benshi: Ikibazo mugomba gusubiza ni iki ngo: "Mbese ndi kurera umuryango w'abana ku buryo ndi gutiza umurindi ingabo z'umwijima kandi nkongera umubare wazo, cyangwa se ndi kurera abana mbarerera Kristo?"

Niba mudashoboye kuyobora abana banyu no kugorora imico yabo ku buryo bagera ku byo Imana ibatezeho, abana bake cyane nibaba ari bo bahura n'umubabaro uturutse ku burere bukocamye mubaha, ibyo ni byo byababera byiza nk'ababyeyi babo, kandi bikazaba byiza no ku muryango mugari. Ni icyaha kongera abagize umuryango, keretse gusa niba abana bashobora kurerwa no gutozwa uhereye bakiri impinja, bigakorwa na nyina ushyira mu gaciro, w'umunyabwenge kandi w'umuhanga, uyobora abo mu rugo rwe mu nzira yo kubaha Imana, akagorora imico yabo ngo igere ku rugero rukwiriye rwo gukiranuka. Imana yabahaye ubwenge, bityo irabasaba kubukoresha. (6)

Babyeyi, igihe muzi neza ko mudafite ubumenyi bwatuma murerera abana banyu Uwiteka, ni kuki bitagira icyo bibigisha? Kuki mukomeza gushyira abana mu isi mukongera umubare w'ingabo za Satani? Mbese mutekereza ko Imana ishimishwa n'ibyo bintu? Igihe mubona ko kugira

umuryango munini bitubya umutungo w'umuryango ku buryo bubabaje, kandi mukabona ko ari uguha nyina w'abana abo ahora akikiye buzuye mu biganza bye, kandi ko nta gihe abona gica hagati yo kuvuka kwabo ngo abe yakora umurimo umubyeyi wese akeneye gukora, kuki mutazirikana ingaruka zitazabura kubaho? Umwana wese avoma ibimwubaka mu buzima bwa nyina, kandi iyo ababyeyi bombi badakoresheje ubwenge bwabo ngo batekereze kuri ibi, ni ayahe mahirwe aba ahabwa ababyeyi n'abana kugira ngo batozwe imico itunganye nk'uko bikwiriye? Uwiteka arasaba ababyeyi ngo basuzume iki kibazo mu mucyo w'ubuzima buzahoraho iteka ryose dutegereje. (7)

Kuzirikana Ibyerekeye Umutungo: Ababyeyi bakwiriye kwiga batajenjetse ikibazo cyerekeye guteganyiriza abana babo. Nta burenganzira bafite bwo gushyira abana ku isi bazabera abandi umutwaro. Mbese baba bafite umurimo ubyara inyungu bashobora kwishingikirizaho ko watunga umuryango ku buryo abana batazabera abandi umutwaro? Niba ntawo bafite, baba bakoze icyaha gikomeye cyane gushyira ku isi abana bazahababarira kubera kutitabwaho uko bikwiriye, no kutabona ibyokurya ndetse n'imyambaro. (8)

Abantu batazi icyo bakora mu mirimo ibyara inyungu, kandi badashoboye rwose guhangana n'ubuzima bw'iyi si, usanga muri rusange buzuza abana mu mazu yabo; naho abafite ubushobozi bwo kongera umutungo, usanga badafite abana benshi barenze abo bashobora guha ibibakwiriye. Abantu badashobora kwiyitaho ubwabo no kwibeshaho ntibagombye kubyara.(9)

Ukuntu Rimwe na Rimwe Itorero Ryikorezwa Imitwaro: Hari abantu benshi babaho nta n'amikoro yo kubabeshaho bakiri ingaragu, ariko bagahitamo gushaka no kubyara abana kandi bazi neza ko nta cyo bafite cyo kubunganira. Kandi ikibabaje cyane, ni uko usanga bene abo bantu badashoboye kuyobora umuryango. Ibikorwa mu muryango wabo byose birangwa n'ingeso mbi bagira yo gukerensa no kuba abanyamwete muke. Usanga batitegeka kandi barararikira, ntibihangana ndetse barakazwa n'ubusa. Iyo abo bantu bakiriye ubutumwa bwacu, batekereza ko bafite uburenganzira bwo gufashwa na bene Data b'abakire; bityo iyo ibyo bari biteze bitagezweho, bitotombera abagize itorero bakagenda babasebya ko badashyira mu bikorwa ibyo bizera. Ariko se, dushyize mu gaciro, ni nde ukwiriye kwikorera uwo mutwaro? Mbese umurimo w'Imana ukwiriye kugenda usenywa ni ruto ni ruto, kandi ububiko bw'umutungo w'itorero ahantu hatandukanye bugasigaramo ubusa kugira ngo bite kuri iyo miryango ikennye kandi ifite abana benshi? Ntibikwiriye rwose! Ababyeyi ni bo bakwiriye kugorwa n'uwo mutwaro. Muri rusange, nyuma yo kwemera Isabato, abo bantu ntibazagira

imibereho iruhije cyane kurenza iyo bari bafite mbere yo kwemera ukuri kw'Isabato. (10)

Uko Umurimo wo Kwamamaza Ubutumwa Ushobora Kugira Inkomyi: Mu kohereza abavugabutumwa mu bihugu bya kure, hakwiriye gutoranywa abagabo bazi gucunga umutungo wabo neza, kandi badafite abana benshi, ndetse basobanukiwe ko igihe ari gito bakamenya n'umurimo ukomeye bagomba kurangiza. Bene abo ntibazuzuza abana mu biganza byabo n'ingo zabo, ahubwo bazakora uko bishoboka kose bitandukanye n'ikintu cyose gishobora guteshura intekerezo zabo ku murimo umwe rukumbi bafite. Niba umugore yaritangiye gukora umurimo w'Imana kandi akaba nta kimuziga ngo awukore, kubwo kuba hafi y'umugabo we akamufasha, nawe ashobora gukora byinshi nk'umugabo we. Imana yahaye umugisha abagore, ibaha impano kugira ngo zikoreshwe mu kuyihesha icyubahiro bazana abahungu n'abakobwa benshi kuri Yo; ariko abenshi mu bagore bagombye kuba abakozi batanga umusaruro bazirikiwe mu rugo no kwita ku twana twabo duto.

Dushaka ababwirizabutumwa batari ku izina gusa, ahubwo dukeneye ba bandi bazibukira kwikanyiza kose maze umurimo w'Imana bakawugira nyambere. Abo ni abakora bahanze amaso ku cyubahiro cy'Imana, kandi bakaba ari abagabo badakebakeba bahora biteguye kujya ahantu hose Imana izabatuma, ndetse bagakoresha ubushobozi bwabo bwose bagakwiza hose ukuri kukamenyekana. Abagabo bafite abagore bakunda Imana bakayubaha, kandi bashobora kubafasha mu mirimo, bene abo bakenewe aho umurimo w'ivugabutumwa ukorerwa. Ababwirizabutumwa benshi bafite imiryango bajya mu turere twa kure kwamamaza ubutumwa, ariko ntibirundurira mu murimo. Intekerezo zabo ntiziba ziri hamwe. Umugore n'abana babakura mu murimo bakoraga ndetse akenshi usanga bababuza kujya aho bagombaga gukorera umurimo bakabatera gutekereza ko bagombye gukorera hafi y'imiryango yabo. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Review and Herald,* June 24, 1890.
2. *Testimonies for the Church,* Vo. 2, p. 380.
3. *Review and Herald,* Oct. 25, 1892.
4. *Review and Herald,* June 24, 1890.
5. *Solemn Appeal,* pp.110, 111.
6. *Testimonies for the Church* , vol. 5, pp. 323, 324.
7. *Letter* 107, 1898.
8. *Testimonies for the Church,* Vol.2, p. 380.
9. *Solemn Appeals,* p.103.
10. *Testimonies for the Church,* Vol, 1, p. 373.
11. *Review and Herald, Dec. 8,* 1885.

IGICE CYA 25

KWITA KU BANA B'IMPEZAMAJYO

Abana b'Imfubyi: Ababyeyi benshi bapfa bizeye kandi biringiye isezerano rihoraho Imana yatanze, basize abana babo maze bapfa biringiye rwose ko Uwiteka azabitaho. None se Uwiteka agoboka izo mfubyi zasigaye ate? Ntabwo akora ibitangaza ngo amanure manu iturutse mu ijuru; ntabwo kandi yohereza ibikona ngo bibazanire ibyokurya; ahubwo akora igitangaza ku mitima y'abantu, akirukana ubwikanyize mu bugingo bwabo, maze akagomorora amasoko y'ubugiraneza. Uwiteka apima urukundo rw'abiyita abayoboke be, maze mu mpuhwe zabo akabashyira imbere abatentebutse n'imfubyi zitagira kivurira.

Nimutyo abafite urukundo rw'Imana bakingure imitima yabo n'ingo zabo, maze izo mfubyi zinjire. …

Hari umurimo munini utegereje abantu bose bashaka gukorera Shebuja bita kuri abo bana n'urwo rubyiruko rwabuze uburere bw'ababyeyi babitagaho kandi bakaba barabuze n'imbaraga igenga ubugingo iboneka mu rugo rwa gikristo. Abenshi muri bo banduye imico mibi; kandi kubareka bagakurira muri ubwo bujiji byazatuma bagira abo bacudika nabo maze bakabashora mu ngeso mbi no mu bwicanyi. Abo bana basa n'aho nta mahirwe bazagira mu buzima bakeneye kurererwa ahantu heza hatuma bakuza imico itunganye kugira ngo babashe guhinduka abahungu n'abakobwa b'Imana. (1)

Inshingano y'Itorero: Abana batagira ababyeyi bari mu biganza by'itorero, kandi Kristo abwira abayoboke be ati: "Nimufate abo bana batagira shinge na rugero, maze mubanderere, namwe muzagororerwa." Nabonye kwikanyiza kwinshi kwagiye kugaragazwa muri iyi gahunda. Igihe batarabona igihamya cyihariye ko bo ubwabo bazagira inyungu bakura mu kuzana mu muryango wabo abana bakeneye aho baba, bamwe bakuramo akabo karenge maze bagasubiza bati: 'Oya.' Basa n'abatitaye ku kwita kuri abo bana no kumenya ko bakizwa cyangwa bakarimbuka buheriheri. Batekereza ko ibyo bitabareba. Bavuga nka Kayini bati: "Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?" Ntibashaka kwishyiraho umutwaro

cyangwa ngo bitangire imfubyi, bityo mu kutagira icyo bitaho kwabo bakajugunya abo bana mu maboko y'ab'isi rimwe na rimwe usanga bafite ubushake bwinshi bwo kubakira kurenza abiyita Abakristo. Ku munsi w'Imana, abo Imana yahaye amahirwe yo kugira abo bakiza ntibabikore bazabibazwa. Ariko bishakira gutanga urwitwazo, kandi ntibashakaga kugira uruhare mu mirimo myiza ngo keretse gusa igihe bashobora kugira inyungu bakuramo. Neretswe ko abantu banze gukoresha ayo mahirwe yo gukora ibyiza bazumva Yesu ababwira ati: "Ubwo mutabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, nanjye mutabinkoreye." Matayo 25:45. Soma no muri Yesaya 58:5-11.(2)

Irarika Ryahawe Ababyeyi Badafite Abana: Abantu bamwe badafite abana bakwiriye kwiga gukunda no kwita ku bana b'abandi. Bashobora kudahamagarirwa kujya mu murimo w'ivugabutumwa mu mahanga, ariko bashobora kurarikirwa kugira icyo bakora aho batuye. Mu mwanya wo kwita cyane ku matungo babana mu ngo zabo, bagahundagaza urukundo rwabo ku nyamaswa zitavuga, nimutyo bakoreshe impano zabo ku bantu bagenzi babo bafite ijuru bagomba gutsindira kujyamo na gihenomu bagomba guhunga. Nimutyo bajye bita ku bana bato bagifite imico ishobora kugororwa kandi igatunganyirizwa gusa n'iy'Imana. Nimushyire urukundo rwanyu ku bana bato badafite aho baba bari ahabakikije. Aho kwirengagiza bamwe mu bagize umuryango w'ikiremwamuntu, nimushake uburyo bamwe muri abo bana batagira aho baba mwabarera mubigisha kugendera mu mabwiriza y'Uwiteka. Hari imirimo myinshi cyane ku bantu bose bafite ubushake bwo kugira icyo bakora. Kubwo kugira uruhare muri icyo cyerekezo cy'umurimo wa Gikristo, umubare w'abizera b'itorero ushobora kwiyongera kandi bikababera amendeze yo gukungahara mu bya Mwuka. Umurimo wo gukiza abana batagira iwabo n'abapfushije ababyeyi ni umurimo ureba umuntu wese. (3)

Iyaba abantu badafite abana ariko Uwiteka akaba yarabagize ibisonga by'ubutunzi bwe bakinguriraga imitima yabo kwita ku bana bakeneye urukundo, impuhwe no kunganirwa bahabwa inkunga y'ibikoresho bikenerwa muri iyi si, barushaho kunezerwa kurenza uko bameze ubu. Mu gihe cyose abana b'urubyiruko badafite se ubitaho n'umutima w'ineza kandi ntibabone urukundo rwa kibyeyi rwa nyina, baba bugururiwe amarembo y'imbaraga zangiza imico zo muri iyi minsi ya nyuma. Bityo rero, ni inshingano y'umuntu runaka kuziba icyuho akajya mu mwanya wa se cyangwa nyina wa bamwe muri abo bana. Nimwige kubakunda no kubagirira impuhwe kandi mubereke umwuka w'ubugwaneza. Abantu bose bavuga ko bafite Se uri mu ijuru, bakaba biringira ko azabitaho kandi amaherezo akazabajyana mu rugo yabateguriye, bakwiriye kumva ko bafite inshingano ikomeye yo kuba incuti y'abatagira incuti no kuba ababyeyi b'imfubyi, kandi bagafasha abapfakazi, ndetse bakaba

ingirakamaro mu buryo bufatika muri iyi si bagira icyo bungura inyokomuntu. (4)

Mbese Abagore b'Abagabura Bakwiriye Kwakira Imfubyi Bakazigira Abana babo? Babajije ikibazo, bashaka kumenya niba umugore w'umupasitoro yakwakira imfubyi akaziyandikishaho nk'umubyeyi wazo. Dore igisubizo ntanga: Niba adakwiriye kandi adafite ubushake bwo kujya gukora umurimo w'ivugabutumwa ahatari iwabo, ahubwo akiyumvamo inshingano yo kwakira imfubyi akazitaho, yaba akoze umurimo mwiza. Ariko mbere na mbere, akwiriye guhera ku bana basigaye ari imfubyi kandi bari bafite ababyeyi baruhukaga Isabato. Imana izaha umugisha abagabo n'abagore igihe cyose bazaba bafite umutima w'ubushake wo gusangira urugo rwabo n'imfubyi zitagira aho ziba. Ariko niba umugore w'umupasitoro ashobora kugira uruhare mu murimo wo kurera abandi, akwiriye kwegurira Imana imbaraga ze ngo imukoreshe nk'umukozi w'Umukristo. Akwiriye kuba umufasha nyakuri wunganira umugabo we, akamufasha mu murimo we, agatuma arushaho kugwiza ubwenge ndetse akamufasha no kwamamaza ubutumwa bwiza. Inzira yugururiwe abagore bicisha bugufi kandi bejejwe, bambitswe icyubahiro n'ubuntu bwa Kristo kugira ngo bajye basura abakeneye ubufasha kandi bageze umucyo ku bafite imitima itentebutse. Bashobora kubyutsa abacitse intege binyuze mu gufatanya nabo gusenga kandi bakabereka Kristo. Bene abo bagore ntibakwiriye gukoresha igihe cyabo n'imbaraga zabo bita ku mwana umwe muto utagira kivurira ukeneye kwitabwaho buri kanya. Ntibakwiriye kwihambira ku murimo w'ubukorerabushake uteye utyo. (5)

Mukingurire Imiryango y'Ingo Zanyu Imfubyi n'Abatagira Incuti: Igihe mubishoboye, mwakire iwanyu abadafite aho baba. Nimutyo buri muntu wese abe yiteguye kugira uruhare mu gutanga umufasha bwe muri uyu murimo. Umwami Yesu yabwiye Petero ati: "Ragira intama zanjye." Natwe turahabwa iryo tegeko, kandi kubwo gukingura ingo zacu kugira ngo imfubyi zinjire, tuba dufashije mu kurishyira mu bikorwa. Nimutyo twe gutenguha Yesu.

Nimwakire abo bana maze mubature Imana nk'umubavu uhumura neza. Musabe Imana ibahe umugisha, hanyuma mujye mugorora imico yabo kandi mubarere mukurikije gahunda ya Kristo. Mbese abantu bacu bazemera iyi nshingano yera. (6)

Igipimo ku Bwoko bw'Imana: Mu myaka ishize neretswe ko ubwoko bw'Imana buzageragerezwa kuri iyi ngingo yo kwakira mu miryango yabo abatagira aho baba; nerekwa ko hazabaho abantu benshi bazaba badafite aho baba bitewe n'uko bahisemo kwizera ukuri. Nabonye ko kurwanywa ndetse n'akarengane byari gutuma abizera batakaza amazu yabo, kandi byari kuba inshingano y'abari bagifite amazu gukingurira imiryango

abatayafite. Mperutse kandi kwerekwa ko Imana izashyira ku gipimo abavuga ko ari ubwoko bwayo by'umwihariko kuri iyi ngingo. Kristo yahindutse umukene ku bwacu kugira ngo ubukene bwe budutungishe. Yitanzeho igitambo kugira ngo abagenzi n'abimukira bazerera mu isi bashaka igihugu kiruseho kuba cyiza, ari cyo cyo mu ijuru, abashe kubabonera aho bazaba iteka.(7)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church,* vol 6, pp.281, 282.
2. *Id.,* vol.2, p.33.
3. *Manuscript* 38, 1895.
4. *Testimonies for the Church*, vol. 2, p. 329.
5. *Id.,* vol.6, p.285.
6. *Id.,* vol. 6, p. 284.
7. *Id.,* vol.2, pp. 27,28.



IGICE CYA 26

UMURAGE ABABYEYI BASIGIRA ABANA BABO

Itegeko Rigenga Uruhererekane rw'Imico mu Muryango: Imiterere y'umubiri ndetse n'iy'ubwenge y'ababyeyi babiraga ababakomokaho. Ariko icyo kintu abenshi ntibacyitaho nk'uko bikwiriye. Ahantu hose imigirire y'ababyeyi iba idakurikiza amategeko agenga umubiri, akaga biteza ntikazabura no kwigaragariza mu rubyaro rw'ibisekuru bizakurikiraho. …

Abantu bose bashobora guhinduka abakozi bakorana na Kristo binyuze mu gutoza imibiri yabo, intekerezo n'imico yabo gukora neza. Ariko burya ibyinshi bishingiye ku babyeyi. Biri mu biganza by'ababyeyi gufata icyemezo niba bazashyira abana ku isi bakazayihindukira umugisha cyangwa niba bazayibera umuvumo.(1)

Uko ababyeyi barushaho kugira imigambi myiza, kandi ubushobozi bwabo mu by'ubwenge n'iby'umwuka bukarushaho kuba ku rwego rwo hejuru, ni ko imbaraga zabo z'umubiri zirushaho gutera imbere, kandi ni ko ibigize ubuzima baha abana babo nabyo birushaho kuba byiza. Iyo ababyeyi bihatira kwimenyereza ibyiza cyane muri bo, haba hari imbaraga ihindura umuryango mugari bari gutanga kandi baba bazahura abo mu bisekuru bizakurikiraho. (2)

Ababyeyi Benshi ni Injiji Bikabije: Abafite inshingano yo kurera umutungo w'Imana ari wo bugingo n'umubiri by'abana baremwe ku ishusho yayo, bari bakwiriye kugotesha abana babo inzitiro zikumira gushayisha mu by'irari ry'umubiri biranga iki gihe tugezemo, kandi biri kurimbura ubuzima bw'umubiri n'intekerezo by'abantu ibihumbi byinshi. Iyaba ibyaha bikomeye birimo n'ubwicanyi bikorwa muri iki gihe byashakirwaga impamvu zabyo nyakuri, byagaragara ko byabarwa ku bujiji bw'ababyeyi b'abagabo n'abagore batita kuri icyo kibazo. Ubuzima bw'abo bana n'imibereho yabo birangirika bitewe n'ubu bujiji buteye agahinda. Babyeyi, niba munaniwe guha abana banyu uburere Imana yabahayeho inshingano yo gutanga, haba mu kubaha amategeko no kubabera icyitegererezo cyiza, Imana izabasaba gusobanura iby'ingaruka zizavuka. Izo ngaruka ntizizaba ku bana banyu gusa, ahubwo zizagera no

ku bisekuru bizabakomokaho. Kandi nk'uko igiti cyera amahwa kimwe iyo cyemerewe gukurira mu murima cyera imbuto zacyo, ni ko ibyaha bikomoka ku kwirengagiza n'ubujiji byanyu bizazanira kurimbuka abantu bose bazagerwaho n'impinduka zizava ku bana banyu.(3)

Ibibi Bikomoka ku Kutirinda Bikomeza Kubaho: Ubuzima bwarunduriwe mu gukabya kwinezeza no kunywa ibisindisha bwangiza amaraso, bugatuma iruba rigurukamana, kandi bukabyara indwara z'amoko yose. Ariko ikibi ntikirangirira aho. Ababyeyi basigira abana babo indwara ho umurage. Ni ihame ko umuntu wese utirinda urera abana yanduza abamukomokaho ibibi bye n'ingeso ze mbi. Abanduza indwara zikomoka mu maraso ye bwite aba agurumana iruba kandi yanduye. Irari n'iruba bitagira rutangira, indwara ndetse n'intege nke mu bwenge biherererekanywa nk'umurage w'umuvumo umubyeyi w'umugabo araga umuhungu we ukazaba uruhererekane no ku bazabakomokaho bose, kandi ibyo bizana agahinda n'umubabaro mu isi ndetse nta kindi bihinduka cyo uretse ukwisubiramo kw'igicumuro cya muntu . . . .

Nyamara kandi nta kubitekerezaho no kubyitaho cyane, usanga abagabo n'abagore bo muri iki gihe bashayisha mu kutirinda maze bakavuyarara kandi bakanywa bagasinda, bityo umurage basigira igisekuru kizakurikiraho ukaba indwara, ubushobozi buke bw'ubwenge, n'imico mbonera yangiritse.(4)

Hari Impamvu Ikwiriye Gutuma Habaho Gusobanukirwa ko Kwihangana Bikenewe Incuro Ebyiri: Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bakwiriye kwigira imico yabo bwite mu myitwarire y'abana babo. Akenshi bashobora kubona amasomo ateje ikimwaro igihe bitegereza ingeso zabo mbi zigaragarira mu bahungu babo n'abakobwa babo. Mu gihe rero bashakisha uburyo bahanagura kandi bagakosora imyitwarire abana babo bavukanye ibaganisha ku kibi, ababyeyi bakwiriye kwihangana, kutanamuka ndetse no kugaragaza urukundo incuro ebyiri.(5)

Mbese iyo umwana agaragaje imico idahwitse akomora ku babyeyi, ibyo byatuma ababyeyi bakankamira umwana bitewe n'uko kwigaragaza kw'ibibi byabo ubwabo? Oya, oya rwose! Ahubwo ababyeyi ubwabo bakwiriye kuba maso, bakirinda gukora ibidahwitse no kwikakaza kugira ngo izo nenge zitazongera kugaragara mu bana babo.(6)

Babyeyi, mugaragaze kwiyoroshya n'ubugwaneza bya Kristo mu byo mugirira abana bato bashaka kwikurikirira inzira yabo bwite. Iteka mujye muhora muzirikana ko ubwo bubi no kwigomeka kwabo ari umurage bakomoye kuri se na nyina. Kubw'ibyo rero, mujye mwihanganira abana bavukanye ibirangwa mu mico yanyu mwabaraze. (7)

Ababyeyi bagomba kwiringira badashidikanya imbaraga za Kristo zibasha guhindura kamere yo gushaka gukora ibibi baraze abana babo. (8)

Babyeyi b'abagabo n'abagore, mujye mwihangana. Akenshi kwirengagiza mwagize mu gihe cyashize kuzatuma umurimo wanyu ubakomerera. Ariko nimwiringira Imana, izabaha imbaraga. Ibyo mugirira abana banyu, mubikorane ubwenge n'ubugwaneza.(9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 3, 1897.
2. *Ministry of Healing*, p. 371.
3. *Manuscript* 58, 1899.
4. *Testimonies for the Church*, Vol.4, pp. 30,31.
5. *Review and Herald*, August 30, 1881.
6. *Signs of the Times*, Sept 25, 1901.
7. *Manuscript* 142. 1898.
8. *Manuscript* 79, 1901.
9. *Manuscript* 80, 1901.

Umugabane Wa 8

UMURYANGO UTUNGANIWE



Igice Cya 27

URUZIGA RWEJEJWE

Ukwera k'Uruziga rw'Umuryango: Ahazengurutse umuryango wose hari uruziga rwera rukeneye kurindwa ntawe uruvogera. Nta muntu wundi ufite uburenganzira bwo kwinjira muri urwo rubuga. Umugabo n'umugore bakwiriye kubana umwe ari uwa mugenzi we. Umugore ntakwiriye kugira amabanga yihariye ahisha umugabo ngo abe yayabwira abandi bantu, kandi n'umugabo na we ni uko ntakwiriye kugira amabanga ahisha umugore we ngo ayabwire abandi. Umutima w'umugore we ukwiriye kuba imva ashyinguramo amafuti y'umugabo, kandi n'umutima w'umugabo nawo ukwiriye kuba imva y'amafuti y'umugore we. Nta n'umwe muri bo ukwiriye gukunda gutera urwenya ku buryo akomeretsa amarangamutima ya mugenzi we. Nta n'umwe muri bo haba ari mu rwenya cyangwa mu bundi buryo ukwiriye kwivovotera mugenzi we ku wundi muntu; kuko akenshi gukunda gukora iby'ubu bupfapfa ndetse n'ibishobora kugaragara neza ko ari urwenya rudafite uwo rukomeretsa bishobora kuzabaviramo intonganya, ndetse hakaba n'ubwo bitera umwe kuba atagikunda undi. Neretswe ko umuryango wose ukwiriye kuba ukikijwe n'ingabo yejejwe.(1)

Uruziga rw'umuryango rukwiriye gufatwa nk'ahantu hera, hacurera ijuru, kandi hakaba indorerwamo twireberamo. Ni byo koko dushobora kugira incuti n'abandi tumenyana, ariko ntibakwiriye na rimwe kwivanga mu mibereho y'urugo. Abagize umuryango bakwiriye kwiyumvamo cyane ko urwo rugo ari urwabo, bikabaha kumva batunganiwe bakisanzura, bakahaturiza kandi hakabaho kwizerana. (2)

Ururimi, Amatwi n'Amaso Bikwiriye Kwezwa: Nimureke abagize umuryango bajye basaba Imana ngo yeze indimi zabo, amatwi yabo, amaso yabo ndetse n'ingingo zose z'umubiri wabo. Igihe dusakiranye n'ikibi, ntabwo ari ngombwa ko dutsindwa na cyo. Kristo yakoze ibishoboka byose kugira ngo imico yacu ikwize impumuro nziza ahatuzengurutse.…

Mbega ukuntu abantu benshi basuzuguza Kristo kandi bakagaragaza nabi imico ye mu muryango wabo! Ni bangahe se bagaragaza kwihangana, kwihanganirana, kubabarira n'urukundo rutagira uburyarya! Abenshi baba bafite ibyo bakunda n'ibyo badakunda maze bakumva bafite umudendezo

wo kugaragaza kamere yabo mbi aho kugaragaza umutima, imirimo ndetse n'imico bya Kristo. Imibereho ya Yesu yuzuye ineza n'urukundo. Mbese twaba turi gukura tugana kuri kamere mvajuru ya Kristo? (3)

Ubumwe, Urukundo n'Amahoro: Mureke ababyeyi b'abagabo n'abagore bagirane isezerano rikomeye n'Imana bavuga ko bakunda kandi bumvira, maze kubw'ubuntu bwayo basezerane ko batazagirana ubwumvikane buke, ahubwo ko mu mibereho yabo n'imico yabo bazagaragaza umwuka mwiza bifuza ko wazajya uranga n'abana babo. (4)

Ababyeyi bakwiriye kuba maso kugira ngo batemerera umwuka w'impaka no kutumvikana kwinjira mu rugo rwabo; kuko ari kimwe mu bikoresho Satani akoresha kugira ngo yigarurire imico y'umuntu. Ababyeyi baramutse bahirimbaniye gushaka ubumwe mu rugo rwabo babikesheje gucengeza amahame yagengaga imibereho ya Kristo, ubwumvikane buke bwacika mu rugo, maze hakimikwa ubumwe n'urukundo. Ababyeyi n'abana bazahabwa impano ya Mwuka Muziranenge. (5)

Mureke umugabo n'umugore bibuke ko bafite imitwaro ihagije bagomba kwikorera bityo imibereho yabo be kuyigira impezamajyo binyuze mu kwemerera amacakubiri kuyinjiramo. Ababyeyi baha akito ukutumvikana n'iyo kwaba guke, baba bararikira Satani kwinjira mu rugo rwabo. Abana batora umwuka w'intonganya bafatiye no ku tuntu tw'amafuti. Abakozi ba Satani bakora uruhare rwabo kugira ngo batume ababyeyi n'abana bataba indahemuka ku Mana. (6)

Nubwo ibigeragezo byavuka mu mibereho y'abashakanye, umugabo n'umugore bagomba gushikama bagakomeza gukunda Imana mu bugingo bwabo. Se w'abana akwiriye kureba nyina w'abana be nk'umuntu ukwiriye kugirirwa ineza, akagaragarizwa ubugwaneza n'impuhwe.(7)

Ibanga ry'Ubumwe mu Muryango: Impamvu y'amacakubiri no kutumvikana mu miryango ndetse no mu itorero, ni ugutandukana na Kristo. Kwegera Kristo ni ko kwegerana na mugenzi wawe. Ibanga ry'ubumwe nyakuri mu itorero no mu muryango si ukumenya uburyo bw'imikoranire myiza n'abandi, si ukumenya uko utwara abantu, ntabwo kandi ari imbaraga zidasanzwe z'umuntu zimubashisha gutsinda ingorane ahura nazo (nubwo ibi nabyo bizakenerwa cyane), ahubwo kunga ubumwe na Kristo ni ryo banga.

Ngaho shushanya uruziga rugari maze urushamikireho imirongo myinshi igana mu izingiro ryayo. Uko iyo mirongo irushaho kwegera izingiro, ni ko nayo irushaho kwegerana.

Uko ni nako bigenda mu mibereho ya Gikristo. Uko turushaho kwegera Kristo, ni ko natwe tuzarushaho kwegerana. Imana ihabwa ikuzo iyo ubwoko bwayo bushyize hamwe mu gikorwa ntawe ubusanya n'undi.(8)

Mufashanye: Umuryango ni urwego rwejejwe kandi rw'imibanire y'abantu mu muryango mugari w'abantu, aho buri wese mu bawugize agomba kugira uruhare, afasha abandi. Igikorwa cyose cyo mu muryango gikwiriye gukorwa mu buryo butarimo umugaga, nk'uko ibice bitandukanye by'imashini ireze neza bikorana. (9)

Buri muntu mu bagize umuryango yari akwiriye kuzirikana ko afite inshingano ye yihariye yo gukora uruhare rwe atanga umusanzu we mu kwimakaza umutuzo, gahunda mu rugo, no gukora icyatuma ibintu bigenda neza. Ntawe ukwiriye gukora asenya undi. Bose bari bakwiriye gufatanyiriza hamwe gukora umurimo mwiza wo guterana umwete; bakagaragarizanya ineza no kwihanganirana, bagakoresha ijwi riciye bugufi kandi rituje, bakirinda guteza impagarara; kandi buri wese agakora uko ashoboye kose kugira ngo yorohereze nyina imitwaro imuvuna …

Buri wese mu bagize umuryango yari akwiriye gusobanukirwa n'uruhare yitezweho kuzuza afatanyije n'abandi. Uhereye ku mwana w'imyaka 6 ukazamura, bose bakwiriye gusobanukirwa ko basabwa kugira uruhare bikorera ku mitwaro y'ubuzima. (10)

Icyemezo Gikwiriye: Kugira ngo ibyo nkora byose bibe bifite imbaraga zikomoka ku mico mbonera, ngomba gukurira mu buntu bw'Imana mu rugo rwacu ndetse n'aho naba ndi hose. Igihe ndi imuhira, ngomba kurinda umwuka ngaragaza, ibikorwa byanjye n'amagambo yanjye. Ngomba gufata igihe cyo kwiyigisha, kwitoza no kwihugura mu byerekeye amahame y'ukuri. Ngomba kubera abandi intangarugero. Ngomba gutekereza ku ijambo ry'Imana ku manywa na nijoro kandi nkarikurikiza mu mibereho yanjye. Inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana, ni yo nkota yonyine nshobora gukoresha singire ikibazo. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript 1*, 1855.
2. *Letter* 17, 1895.
3. *Manuscript* 18, 1891.
4. *Manuscript* 38, 1895.
5. *Manuscript* 53, 1912.
6. *Letter* 133, 1904.
7. *Letter* 198, 1901.
8. *Letter* 49, 1904.
9. *Manuscript* 129, 1903.
10. *Testimonies for the Church*. Vol.2, p. 609.
11. *Manuscript* 13, 1891.



IGICE CYA 28

ISHURI RYA MBERE RY'UMWANA

Gahunda y'Umwimerere y'Imana ku Burezi: Gahunda y'uburezi yashyiriweho muri Edeni yari ishingiye ku muryango. Adamu yari "umwana w'Imana." (Luka 3:36), kandi abana b'Isumbabyose bakiraga ubwenge bukomotse kuri Se. Mu magambo yumvikana neza cyane, ishuri ryabo ryari ishuri ry'umuryango.

Mu mugambi w'Imana w'uburezi nk'uko waje guhuzwa rwose n'uko umuntu yari ameze nyuma yo gucumura, Kristo ni we uhagarariye Se, akaba n'iteme rihuza Imana n'umuntu. Kristo ni Umwigisha mukuru w'inyokomuntu. Yategetse ko abagabo n'abagore bakwiriye kumuhagararira. Umuryango wari ishuri, naho ababyeyi bakaba abigisha.

Uburezi bushingiye mu muryango ni bwo bwari buganje mu gihe cy'abakurambere. Kubw'ayo mashuri yabaga yarahanzwe atyo, Imana ubwayo yatangaga ibikenewe byatuma imyigire igenda neza kugira ngo habeho gukura kw'imico. Abakurikizaga amabwiriza yayo bakurikiraga umugambi w'ubuzima Imana yari yarashyizeho mu itangiriro rya byose. Abitandukanyije n'Imana biyubakiye imijyi, bakajya bayiteraniramo, bakishimira ubwiza buhebuje, ubuzima bwuzuye umurengwe ndetse n'ingeso mbi bituma imijyi yo muri iki gihe iba impamvu y'ubwibone n'umuvumo ku isi. Nyamara abantu bashikamye ku mahame agenga ubuzima Imana yatanze bakomezaga gutura mu mirima no mu misozi. Bakoraga umurimo w'ubuhinzi, bakaragira amashyo n'imikumbi yabo, kandi muri ubwo buzima babagamo, burangwa n'umudendezo, ndetse n'amahirwe bwabahaga yo gukora no kwiga no gutekereza, bamenyaga iby'Imana kandi bakigisha abana babo iby'imirimo ya Yo n'inzira zayo. Ubu ni bwo buryo bw'uburezi Imana yifuzaga kwinjiza mu Bisirayeli. (1)

Mu buzima busanzwe, umuryango wabaga ishuri kandi ukaba n'urusengero. Icyo gihe ababyeyi babaga ari abigisha mu by'imibereho isanzwe no mu by'iyobokamana. (2)

Umuryango ni Ishuri: Mu bwenge bwe, Uwiteka yategetse ko umuryango uzaba ikigo cy'uburezi gikomeye kurusha ibindi byose. Uburere

bw'umwana bugomba gutangirira mu rugo iwabo. Aho mu rugo ni ryo shuri rye rya mbere. Ari kumwe n'ababyeyi be nk'abigisha be, aho mu rugo ni ho agomba kwigira amasomo azamuyobora mu buzima bwe bwose, ari yo masomo yo kubaha, kumvira no kwitegeka. Imbaraga zihindura ziva mu burezi butangirwa mu rugo ni imbaraga zidakebakeba zishobora guhindura umwana akaba mubi cyangwa se mwiza. Mu byerekezo bitari bimwe, izo mbaraga zikora bucece kandi intambwe ku ntambwe, ariko iyo zikoreshejwe mu ruhande rw'ibyiza, zihinduka imbaraga zitangaje zimakaza ukuri no gukiranuka. Iyo umwana atabona uburere butunganye ari iwabo, Satani aba azamwigisha yifashishije ibikoresho yihitiyemo. Mbega ukuntu ishuri ryo mu muryango ari ishuri ry'ingenzi!(3)

Mujye mufata uruziga rw'umuryango nk'ishuri abana batorezwamo, aho mutegurira abana banyu kuzakora inshingano haba iwabo mu rugo, mu muryango mugari no mu itorero. (4)

Uburere bwo mu Muryango ni bwo bw'Ingenzi: Ni ukuri kubabaje kubona uburere n'inyigisho byo mu muryango bitacyitabwaho ku rubyiruko rwo muri iki gihe, kandi bisa n'ibyemewe ku isi yose ndetse biteye n'agahinda. (5)

Nta handi hantu h'ingenzi hagaragarizwa umuhati [wo kurera abana] haruta ahahawe abashinze umuryango bakaba ari na bo barinzi bawo. Nta murimo wahawe abantu ushobora gutanga umusaruro mwinshi cyane ndetse w'akataraboneka waruta umurimo wahawe ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore.

Abana n'urubyiruko rw'iki gihe ni bo shingiro ry'ahazaza h'umuryango mugari w'abantu, kandi uko abo bana n'urubyiruko bazamera bishingiye ku muryango bakuriramo. Indwara, ubuhanya n'ubwicanyi byabereye inyokomuntu umuvumo bifite inkomoko ku kutabona uburere butunganye bwo mu muryango. Iyaba imibereho y'umuryango yabaga iboneye kandi igendera mu kuri, iyaba abana basohoka mu muryango babaga barateguriwe gusohoza inshingano basabwa mu buzima no guhangana n'ibyago bibubonekamo, mbega ukuntu ku isi haba impinduka! (6)

Ibindi Byose Biza ku Mwanya wa Kabiri: Umwana wese uvutse ku isi ni umutungo wa Yesu Kristo, kandi hagendewe ku itegeko no ku rugero ahabwa, akwiriye kwigishwa gukunda Imana no kuyubaha. Ariko ababyeyi benshi batagira ingano birengagije umurimo Imana yabahaye; banga kurera no kwigisha abana babo bakiri mu kigero cyo kumva no gusobanukirwa kugira ngo babashe kumenya Kristo kandi bamukunde. Ababyeyi bakwiriye gukoresha umwete mwinshi bakarinda umuryango winjira mu ntekerezo z'abana kandi zakira ibyo zumvise, maze ibindi byose byerekeye imibereho y'umuryango bikaza mu mwanya wa kabiri bikurikiye

inshingano nziza bahawe n'Imana ari yo yo kwigisha abana babo babatoza kumvira amabwiriza n'imbuzi by'Uwiteka. (7)

Ababyeyi ntibakwiriye kwemerera ibibahagarika umutima bibazanira inyungu, imigenzo n'imiziririzo by'ab'isi, ndetse n'ibigezweho ngo bibe byabategeka kugeza ubwo bituma batita ku bana babo kuva bakiri bato kandi bakaba batashobora kubaha uburere bukwiriye uko bagenda bakura. (8)

Impamvu ikomeye ituma hari ibibi byinshi ku isi muri iki gihe, ni uko ababyeyi bahugira mu bindi bintu maze bakirengagiza icy'ingenzi ari cyo cyerekeye uburyo bwo guhuza imibereho yabo n'umurimo wo kwigisha abana babo kuyoboka inzira y'Uwiteka bafite kwihangana n'ubugwaneza. Iyaba umwenda utwikiriye wabashaga gukurwaho, twashobora kubona abana benshi bazimiye, baciye ukubiri n'inzira zibaganisha ku cyiza bitewe n'uko kwirengagiza. Babyeyi, mbese mwakwemera ko bibagendekera bityo? Nta gikorwa icyo ari cyo cyose mwagombye kugira icy'ingenzi ku buryo cyababuza guha abana banyu igihe cyose cya ngombwa kugira babashe gusobanukirwa icyo kubaha Imana no kuyiringira rwose bishatse kuvuga.

None se muzasarura iki nk'ingororano muzahabwa kubera umuhati mukorana? Muzajya mubona abana babagenda iruhande, bashaka kwitanga no gufatanya namwe mu nzira muzaba muberetse. Nimureba, muzasanga umurimo wanyu uboroheye. (9)

Abigisha Imana Yashyize mu Ishuri ryo mu Rugo: Mu buryo bwihariye, ababyeyi bari bakwiriye kwibona nk'abakozi b'Imana yashyiriyeho kwigisha abana babo kugendera mu nzira y'Umwami Uwiteka nk'uko Aburahamu yabigenje. Ariko ababyeyi bakwiriye gushakashaka mu Byanditswe bashyizeho umwete, kugira ngo bamenye inzira y'Imana iyo ari yo, bityo babashe kuyigisha abo mu muryango wabo. Umuhanuzi Mika yaravuze ati: "Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka, no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." (Mika 6:8). Kugira ngo ababyeyi bahinduke abigisha, bakwiriye kubanza kuba abigishwa, bagahora bakura umucyo mu Ijambo ry'Imana kandi kubwo gukurikiza amategeko no kuba intangarugero, uyu mucyo w'agaciro kenshi bakawinjiza mu burere bw'abana babo.(10)

Nkurikije umucyo Imana yampaye, nzi ko umugore n'umugabo mu rugo bashobora gukora imirimo itandukanye: baba ababwiriza, abaganga, abaforomo, abaforomokazi n'abigisha, bo ubwabo bakomatana n'abana babo kandi bakabomatanya n'Imana, bakabigisha kwirinda ingeso mbi zose zishobora kuzabangamira umurimo w'Imana mu bugingo bwabo, kandi bakabigisha gufata neza urugingo rwose rugize umubiri wabo. (11)

Muri uwo murimo wo kwigisha, nyina w'abana ni we ukwiriye kuba umwigisha wa mbere. Mu gihe nanone inshingano zikomeye kandi z'ingenzi zikorwa na se w'abana, nyina w'abana ari nawe umarana na bo igihe kirekire, cyane cyane mu myaka ibanza, agomba iteka kubabera umwigisha w'akataraboneka n'incuti. Yari akwiriye kwigengesera cyane agacengeza gahunda n'isuku mu bana, akabayobora mu kurema imico itunganye no gukunda ibyiza. Akwiriye kubatoza gukorana umwete, kwigira no gufasha abandi; kubaho no gukora iteka nk'abari imbere y'Imana.(12)

Bashiki bacu bakuru bashobora kugira impinduka ikomeye bateza abakiri bato bo mu muryango. Abakiri bato nibitegereza urugero rw'abakuru, bazajya babigana kurusha uko bakurikiza amategeko ahora asubirwamo. Umukobwa w'imfura akwiriye guhora azirikana inshingano afite nk'Umukristo, yo gufasha nyina imirimo myinshi imuremereye.(13)

Ababyeyi bari bakwiriye kuba imuhira ibihe byinshi bishoboka. Kubw'amategeko n'urugero rwiza batanga, bakwiriye kwigisha abana babo gukunda Imana no kuyubaha, bakabigisha kuba abanyabwenge, kubana n'abandi neza no gukundana, kubamenyereza gukorana umwete, kuzigama no kwigomwa. Kubwo guha abana babo urukundo, kubagaragariza impuhwe no kubatera umwete igihe bari imuhira, ababyeyi babasha guha abo bana ubuhungiro bwiza butekanye bikingamo ibishuko byinshi byo muri iyi si. (14)

Gutegurirwa Kwinjira mu Ishuri ry'Itorero: Mu ishuri ryo mu rugo ni ho abahungu n'abakobwa bacu bagomba gutegurirwa kuzajya kwiga mu ishuri ry'itorero. Ababyeyi bakwiriye iteka guhora bazirikana ibi. Nk'abarezi mu miryango, bakwiriye kwegurira Imana imbaraga zabo zose kugira ngo babashe gusohoza inshingano ikomeye kandi yera bahawe. Inyigisho zidakebakeba kandi zitunganye zitangirwa imuhira, ni zo mwiteguro uruta indi abana bashobora guhabwa mu ishuri ry'ubuzima.(15)

Amabwiriza y'Imana Agomba Kugirwa Nyambere: Dufite amabwiriza muri Bibiliya yagenewe kuyobora abantu bose, ari ababyeyi cyangwa se abana. Ni amabwiriza ahanitse kandi yera ku buryo utabona uko uyagoreka. Amabwiriza y'Imana ni yo agomba kugirwa nyambere. Mureke ababyeyi bombi baramburire Ijambo ry'Imana imbere yayo, Yo igenzura imitima maze bayibaze babikuye ku mutima bati: "Mbese Mana aya magambo avuze iki?" (16)

Mwigishe abana banyu gukunda ukuri kuko ari ukuri, kandi kubera ko bagomba kwereshwa ukuri bityo bakaba ku rugero rukwiriye ruzababashisha guhagarara imbere y'isuzuma rikomeye rizagena niba bashobora kujya mu murimo wo ku rwego ruhanitse ndetse bagahinduka bamwe mu bagize umuryango wa cyami, bakazaba abana b'Umwami wo mu ijuru. (17)

Kwitegura Intambara Iri Gututumba: Satani ari gukoranya ingabo ze. Mbese buri wese muri twe yaba yiteguye guhangana ku rugamba ruteye ubwoba ruri imbere yacu? Mbese turi gutegurira abana bacu kuzanyura mu kaga gakomeye? Mbese twe ubwacu ndetse n'ab'imiryango yacu turi kwitegura gusobanukirwa n'ibirindiro by'abanzi bacu n'uburyo barwana? Mbese abana bacu bari gukuza akamenyero ko gufata icyemezo, kugira ngo babashe gushikama kandi be gutezuka ku ngingo yose irebana n'ihame n'inshingano basabwa kuzuza? Ndasaba Imana ngo twese dusobanukirwe n'ibimenyetso by'ibihe, kandi ngo twe ubwacu n'abana bacu tube twiteguye kugira ngo mu gihe cy'urwo rugamba Imana izatubere ubuhungiro n'umutabazi. (18)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Uburezi.* pp.32, 33.
2. *Id.*, p.41.
3. *Counsels to Teachers, Parents and Students.* p.107.
4. *Signs of Times,* Sept.10, 1894.
5. *Review and Herald,* August 30, 1881.
6. *Ministry of Healing,* p.351.
7. *Manuscript* 126, 1896.
8. *Signs of Times,* Sept. 17, 1894.
9. *Manuscript* 53, 1912.
10. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 145
11. *Manuscript* 100, 1902 .
12. *Pacific Health Journal,* January 1890.
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p.337.
14. *Fondamentals of Christian Education,* p. 65.
15. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 150.
16. *Review and Herald,* Sept.15, 1891.
17. *Signs of Times,* Sept. 10, 1894.
18. *Review and Herald,* April 23, 1889.

IGICE CYA 29

UMURIMO UDASHOBORA GUHABWA UNDI MUNTU

Inshingano z'Ababyeyi Zitakorwa n'Undi Muntu: Babyeyi, mufite inshingano idashobora kurangizwa n'undi muntu wese. Igihe cyose mukiriho, mufite inshingano ku Mana yo kugendera mu nzira zayo. … Ababyeyi bemera kuyoborwa n'Ijambo ry'Imana, kandi bagasobanukirwa n'ukuntu imico iremwa mu bana babo ari bo ishingiyeho, bazatanga urugero abana babo bazakurikiza nta mbogamizi. (1)

Ababyeyi bombi ni bo bafite inshingano ku buzima bw'abana babo, imikurire yabo n'iterambere ry'imico yabo. Nta wundi muntu bagomba guharira uyu murimo ngo awukore. Igihe muhindutse ababyeyi b'abana, muba mwemeye gufatanya n'Umwami wacu umurimo wo kubarera mubigisha amahame atunganye. (2)

Mbega ukuntu bibabaje kubona ababyeyi benshi barirengagije inshingano Imana yabahaye yo kurera abana babo, ariko bakanezezwa n'uko abantu batazi ari bo babakorera iyo nshingano! Bashaka ko abana babo bitabwaho n'abandi bantu, ngo bivaneho uwo muruho. (3)

Ababyeyi benshi usanga barizwa no guta umurongo kw'abana babo, ni bo bakwiriye kwigaya ubwabo aho kugaya abana. Nibasome Bibiliya zabo, maze barebe icyo Imana ibategeka nk'ababyeyi n'abarinzi b'abana babo. Nimutyo basubire ku nshingano zabo bamaze igihe kirekire barirengagije. Ababyeyi bakwiriye kwicisha bugufi no kwihana imbere y'Imana kubera ko birengagije gukurikiza amabwiriza yabahaye kugenderaho mu burezi bw'abana babo. Bakeneye guhindura imikorere yabo, maze bagakurikiza Bibiliya nk'umuyobozi n'umujyanama wabo badakebakeba, kandi bakabikorana ubushishozi. (4)

Itorero Ryonyine Ntirishobora Gukora izo Nshingano: Mbega ukuntu byaba byiza urubyiruko n'abana beguriye Kristo imitima yabo! Mbega ukuntu baba ari ingabo zatojwe kuzana abandi mu nzira yo gukiranuka! Ariko ababyeyi ntibakwiriye guharira itorero iyo nshingano ryonyine. (5)

N'umupasitoro Ntiyabishobora: Musunikira inshingano nyinshi ku mubwiriza maze mukamugira umuntu uzabazwa ubugingo bw'abana

banyu; ariko mukirengagiza inshingano yanyu bwite nk'ababyeyi n'abarezi. ... Abahungu n'abakobwa banyu babaye babi bitewe n'urugero mubaha, no kudakurikiza amategeko nk'uko ari. Nyamara nubwo muzi ko abana nta burere baherewe mu rugo, muba mwiteze ko umugabura abakorera umurimo mwagombye gukora buri munsi maze akaba ari we ugera ku musaruro utangaje wo gutoza imitima yabo n'ubuzima bwabo kuba imbonera n'intungane. Iyo umugabura amaze gukora ibyo yashoboraga gukorera itorero byose binyuze mu kurikebura akiranuka, akarigezaho imiburo yuje urukundo kandi yihanganye ndetse asenga amaramaje kugira ngo akize ubugingo bwabo ariko ntibitange umusaruro, akenshi ababyeyi bombi baramuveba babitewe n'uko abana babo batahindutse, nyamara bishobora kuba byaratewe no kwirengagiza kwabo ubwabo. Burya umutwaro uracyafite ababyeyi. Mbese ababyeyi bazakora umurimo Imana yabashinze maze bawukorane ubudahemuka? Mbese ababyeyi bazakomeza gutera intambwe bajya mbere kandi bazamuka, bakorane kwicisha bugufi no kwihangana kugira ngo ubwabo bagere ku rugero ruhanitse ndetse barugeraneho n'abana babo? (6)

Mbese ababyeyi benshi ntibikuraho inshingano zabo bakazigereka ku bandi? Mbese aho abenshi muri bo ntibaba batekereza ko umupasitoro akwiriye kwikorera umutwaro ku buryo babona abana babo bahindutse ndetse n'ikimenyetso cy'Imana kigashyirwa kuri bo?"(7)

N'Ishuri ryo ku Isabato Ntiryabishobora: Ababyeyi bafite amahirwe yo gufasha abana babo kunguka ubumenyi bazakenera mu mibereho yabo y'ahazaza. Ariko kubera impamvu runaka, ababyeyi bamwe ntibakunda kwigisha abana babo ibyerekeye idini. Barabareka ngo bajye bigira mu ishuri ryo ku Isabato maze bungukireyo ubumenyi bushobora kugira icyo bubahinduraho ku byerekeye inshingano Imana ibatezeho. Ababyeyi bitwara batyo, bakeneye gusobanukirwa ko Imana ishaka ko barera abana babo, bakabakebura kandi bakabatoza, bagahora babibutsa ko bari kurema imico ikwiriye kubaranga mu buzima bwo muri iki gihe n'ubw'igihe kizaza. (8)

Nimureke kwishingikiriza ku bigisha b'Ishuri ryo ku Isabato ngo abe ari bo babakorera umurimo wo kwigisha no gutoza abana banyu inzira bakwiriye gucamo. Ishuri ryo ku Isabato ni umugisha ukomeye; rishobora kukunganira mu murimo wawe, ariko nta na rimwe rigomba kugusimbura. Imana yahaye ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore inshingano yo kuzana abana babo bose kuri Yesu, no kubigisha gusenga no kwizera Ijambo ry'Imana.

Mu burere bw'abana banyu, ntimukirengagize kubigisha ukuri gukomeye kwa Bibiliya mwibwira ko abigisha b'Ishuri ryo ku Isabato n'umupasitoro ari bo bazabakorera umurimo mwirengagije. Bibiliya si igitabo cyera kandi gihambaye ku buryo umuntu atakirambura buri munsi kandi ngo acyige

yitonze. Ukuri kw'ijambo ry'Imana kugomba guhuzwa n'ibintu twita ko ari bito bigize imibereho. Uko kuri nikwitabwaho uko bikwiriye, kuzamurikira imibereho yabo, kubashyiremo impamvu zibatera kumvira kandi kubahe n'amahame azatuma bagira imico itunganye. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Letter* 356, 1907.
2. *Manuscript* 126, 1897.
3. *Review and Herald,* Oct. 25, 1892.
4. *Manuscript* 57, 1897.
5. *Signs of Times,* Aug. 13, 1896.
6. *Testimonies for the Church,* Vol.5, pp.494. 495.
7. *Review and Herald,* May 21, 1895.
8. *Review and Herald,* June 6, 1899.
9. *Manuscript* 5, 1896.



IGICE CYA 30

UMUBANO NO GUSABANA K'UMURYANGO

Ababyeyi Bakwiriye Kumenyerena n'Abana Babo: Hariho ababyeyi badasobanukiwe abana babo ku buryo buhagije ndetse ntibanamenyeranye nabo. Akenshi usanga hagati y'abana n'ababyeyi hari intera nini ibatandukanya. Iyaba ababyeyi bashakaga gucengera mu marangamutima y'abana babo bityo bakagira ibyo bamenya mu bibari ku mutima, ibyo byateza impinduka nziza kuri bo. (1)

Ababyeyi bombi bakwiriye gukorera hamwe buzuye impuhwe buri wese agirira mugenzi we. Bakwiriye guhinduka incuti magara z'abana babo. (2)

Ababyeyi bakwiriye kwiga uburyo bwiza buhebuje ubundi kandi bugera ku musaruro kurutaho bwo kwigarurira urukundo n'icyizere by'abana babo kugira ngo babashe kubayobora mu nzira nziza. Bakwiriye kumurikisha umucyo w'urukundo mu bagize umuryango bose. (3)

Gutera Abana Umwete no Kubashima: Abana bakiri bato bakunda gushimishwa no kuba bari kumwe n'abandi bantu, bityo si kenshi bakunda kuba bonyine. Bakunda cyane kugaragarizwa ineza n'umutima utuje. Batekereza ko ibibashimisha ari nabyo bizanezeza nyina wababyaye, bityo rero ni ibisanzwe kuri bo kumusanga bamutuye ibyishimo byabo n'agahinda kabo. Umubyeyi wabo ntakwiriye gukomeretsa imitima yabo iba yoroshye bitewe no kutita ku byo bamubwiye, nubwo byaba ari utuntu tworoheje kuri bo, kuko kuri bo aba ari iby'agaciro gakomeye. Kugaragaza ko yifatanyije nabo no kwakira ibyo bamubwiye ni iby'agaciro. Indoro igaragaza ko yemeye ibyo bavuze, ijambo ribatera ubutwari cyangwa ribashimira, rizaba nk'umucyo w'izuba urashe mu mitima yabo, akenshi bitume birirwa banezerewe uwo munsi wose. (4)

Ababyeyi Bakwiriye Kuba Abanyamabanga b'Abana Babo: Ababyeyi bakwiriye gushishikariza abana babo kubabitsa amabanga yabo no kubabwira ibishengura umutima, ibibabuza amahoro bito bya buri munsi ndetse n'ibigeragezo bahura nabyo. (5)

Mujye mubigisha mwitonze kandi mubahoze ku mutima. Abo bana baba bageze mu irera ribi. Hari imbaraga zibareshya zizabakikiza kugira

ngo zibabakureho mugomba kurwanya. Mujye mubigisha kujya babagira abanyamabanga babo. Mureke bajye babongorera bababwire ibigeragezo bahuye na byo n'ibyabashimishije. (6)

Abana baramutse bashyikirana n'ababyeyi babo, byajya bakingirwa ibibi byinshi. Ababyeyi bakwiriye kubatera umwete wo kujya babisanzuraho no kubabwiza ukuri, bakabasanga maze bakababwira ingorane bafite igihe baba bahangayikishijwe n'icyo bakwiriye gukora gitunganye, bakabwira ababyeyi babo ikibazo nk'uko kiri ndetse bakabagisha inama. None se ni nde ufite ubumenyi buhagije bwo kubona no kugaragaza ibyago bafite kurusha ababyeyi bubaha Imana? Ni nde ushobora gusobanukirwa n'amatwara y'abana babo kurenza ababyeyi ubwabo? Nyina w'abana wakurikiranye imitekerereze yabo kuva mu bwana, kandi akaba amenyereye neza ibya kamere yabo, ni we uba witeguye kubagira inama kurusha abandi bantu bose. Mbese ni nde wabasha kuvuga ibigize imico y'umwana bikwiriye gukosorwa no gukumirwa nka nyina umubyara afashijwe na se?" (7)

Nta Gihe: Se w'abana aravuga ati: "Nta gihe mfite cyo kwigisha abana banjye, nta n'icyo mfite cyo gusabana no kwishimana n'umuryango wanjye." Niba bimeze bityo, ntiwari ukwiriye kwemera inshingano yo kubaka urugo. Iyo wimye ab'umuryango igihe bari bafitiye uburenganzira, uba ubavukije uburere bari bagutezeho. Niba ufite abana, ufite umurimo ugomba gukora ufatanyije na nyina w'abana, ari wo murimo wo kubatoza imico myiza. (8)

Ababyeyi b'abagore batari bake na bo baravuga bati: "Nta gihe mfite cyo kubana n'abana banjye." Babyeyi, ndabasabye kubw'izina rya Kristo, mujye mumara igihe gito mwita ku myambaro n'imyambarire yanyu. Mujye mwirengagiza kwirimbisha, kandi mwirengagiza kwitaba telefone cyangwa guhamaragara no kohereza ubutumwa. Mujye mwirengagiza guteka ibyokurya by'amoko atagira ingano muteka ntimurangize. Ariko ntimukigere na rimwe mwirengagiza abana banyu. Mbese umurama ni iki ku ngano? Ntimukagire ikintu na kimwe mwemerera kwitambika hagati yanyu n'ibyiza bihebuje abana banyu bakeneye. (9)

Kubera ibirushya byinshi, rimwe na rimwe ababyeyi (ba nyina w'abana) bumva ko badashobora gufata igihe ngo bigishe abana babo batuje kandi ngo babahe agahe ko kubereka urukundo n'impuhwe. Ariko bakwiriye kwibuka ko abana nibatabona mu babyeyi babo no mu muryango wabo ibinyura kwifuza impuhwe kwabo n'urugwiro, bazashaka andi masoko babivomamo, kandi aho hantu hazashyira mu kaga intekerezo zabo n'imico yabo. (10)

Fatanya n'Abana Banyu Gukora no Gukina: Babyeyi, mujye mugira amasaha runaka y'imyidagaduro yanyu maze muyaharire abana banyu.

Mufatanye na bo imirimo bakora n'imikino bakina, kandi mutume babagirira icyizere. Mutume bakuza ubucuti mufitanye. (11)

Mureke amasaha y'ikigoroba ababyeyi bajye bayaharira kuba mu miryango yabo. Nimushyire iruhande imibabaro yose n'ibibahagarika umutima bijyana n'imirimo yanyu ya buri munsi. (12)

Inama ku Babyeyi Bifata Cyane kandi Bakandamiza: Hari akaga ku babyeyi n'abarimu bakabya gutanga amategeko no gutwaza igitugu, nyamara ugasanga badasabana bihagije n'abana babo n'abanyeshuri babo. Usanga akenshi bakunze kwifata kandi bagakoresha ububasha bafite mu buryo budashimishije ndetse butarangwamo impuhwe, uburyo budatuma babasha kwigarurira imitima y'abana babo n'abanyeshuri bigisha. Iyaba babashaga kwiyegereza abana no kebereka ko babakunda, ndetse bakabagaragariza ko bishimiye umuhati wose bagira n'imikino yabo, ndetse rimwe na rimwe nabo bagasa n'abigira abana, byatuma abana banezerwa cyane, na bo bakababakunda cyane kandi bakabagirira icyizere. Bidatinze, abana bakubaha kandi bagakunda ubuyobozi bw'ababyeyi n'abigisha babo.(13)

Ababi Bahanganye n'Umuryango: Satani n'ingabo ze bakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bigarurire intekerezo z'abana, bityo rero abana bagomba kugaragarizwa umutima w'ineza, urukundo n'ubugwaneza bya Gikristo. Ibyo bizatuma ugira ijambo rikomeye mu bana, kandi nabo bazumva ko bashobora kukugirira icyizere batagononwa. Gotesha abana bawe urukundo rw'imuhira no kubana nabo. Nubigenza utyo, ntibazifuza cyane kujya kwifatanya n'abana bagenzi babo. … Kubera ikibi cyiganje mu isi ya none, n'amabwiriza ya ngombwa akumira abana bakwiriye gushyirirwaho, ababyeyi bakwiriye kugaragaza kwita ku bana incuro ebyiri kugira ngo babazirike ku mitima yabo kandi batume abana babona ko babashakira ibyabanezeza. (14)

Ababyeyi Bakwiriye Kumenyana n'Abana Babo: Nta ruzitiro rwo kudasabana no kwifata rukwiriye kubakwa hagati y'ababyeyi n'abana babo. Ababyeyi bakwiriye gushaka uburyo bwo kumenyana neza n'abana babo, bagashaka uko basobanukirwa n'ibyo bakunda n'amatwara yabo, bagacengera mu marangamutima yabo, bityo bakavumbura ibiri mu mitima yabo.

Babyeyi, nimureke abana banyu babone ko mubakunda kandi ko muzakora ibyo muzashobora byose kugira ngo mubanezeze. Nimubigenza mutyo, ibyo muzajya mubabuza mubona ko ari ngombwa bizajya bigira uburemere bwinshi mu ntekerezo zabo zikiri nto. Nimubayoborane ubugwaneza n'impuhwe, mujye mwibuka ko « abamarayika babo bo mu ijuru bahora bahanze amaso Data wo mu ijuru.» Niba mwifuza

ko abamarayika bakorera abana banyu umurimo Imana yabahaye, nimufatanye na bo murangiza uruhare rwanyu.

Abana nibarererwa mu rugo rurimo ubuyobozi burangwa n'ubwenge n'urukundo, ntibazifuza kujya kuraragira bashaka ibibashimisha n'izindi ncuti. Ntabwo bazakururwa n'ikibi. Umwuka uganje mu rugo uzagorora imico yabo. Bazagira ingeso nziza n'amahame bagenderaho bizababera igihome gikomeye kibakingira ibishuko ubwo bazaba bavuye mu rugo iwanyu bakajya kuba ahandi. (15)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church,* vol.1 p. 396.
2. *Manuscript* 45, 1912.
3. *Review and Herald,* Aug.30, 1881.
4. *Ministry of Healing,* p. 388.
5. *Testimonies for the Church,* Vol.1, p.391.
6. *Id.,* Vol. 1, p. 387.
7. *Id.,* Vol. 1, p. 392.
8. *Fundemantals of Christian Education,* pp. 65,66.
9. *Signs of Times,* April 3, 1901.
10. *Ministry of Healing,* p. 389.
11. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 124.
12. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p.65.
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, pp.134,135.
14. *Id.,* Vol.1, pp.387,388.
15. *Ministry of Healing,* p.394.

IGICE CYA 31

GUTEKANA BINYUZE MU RUKUNDO

Ububasha bw'Umurimo Ukozwe mu Rukundo: Abakoreshwa n'urukundo bafite imbaraga itangaje kuko bakoreshwa n'Imana. Turamutse twigiye ku gisubizo cyiza "gihosha uburakari," urukundo "rwihanganira byose, rukababarira byose, ntirwishimire gukiranirwa kw'abandi..." (Imigani 15:1 ; 1 Abakorinto 13:4; 1Petero 4:8), mbega ukuntu imibereho yacu yahabwa imbaraga yo gukiza! Mbega ukuntu ubuzima bwahinduka, kandi isi yacu igahinduka nk'ijuru ndetse ikaba umusogongero waryo!

Ibi byigisho by'agaciro kenshi byakwigishwa mu buryo bworoshye ku buryo n'abana bato babisobanukirwa. Umwana agira umutima woroshye ndetse biroroshye kumushimisha; kandi igihe abakuze duhindutse "nk'abana bato" (Matayo 18:3); tukamenya kwiyoroshya, kugira neza n'urukundo by'Umukiza, ntabwo tuzabona ko gukora ku mitima y'abana bato no kubigisha iby'umurimo wo gukiza wuje urukundo ari umurimo ukomeye. (1)

Ukurikije imitekerereze y'ab'isi, ifaranga rifite ububasha; ariko mu mirebere ya Gikristo, urukundo ni rwo rufite imbaraga. Iri hame rikubiyemo imbaraga mu by'ubwenge no mu by'umwuka. Urukundo rutunganye rwose rufite ubushobozi bwo gukora ibyiza, kandi nta kindi rwakora, uretse ibyiza gusa. Rufite ubushobozi bwo gukumira amacakubiri n'akaga, maze rukazana umunezero nyakuri mu rugo. Akenshi ubukire ni isoko yo kwangirika kw'imico no kurimbura. Gukoresha imbaraga bifite ububasha bukomeye bwo kugirira abandi nabi; ariko ukuri n'ubugwaneza ni byo bigize urukundo rutunganye rwose. (2)

Urukundo ni Igiti Kigomba Kugaburirwa: Urugo rukwiriye kuba ipfundo ry'urukundo ruboneye kandi ruhanitse. Amahoro, ubwumvikane, urukundo n'umunezero bikwiriye kwimakazwa buri munsi mu mwuka wo kwihangana kugeza ubwo byinjira mu mitima y'abantu bose bagize umuryango. Igiti cy'urukundo kigomba kugaburirwa mu buryo bwitondewe, nibitaba bityo kizuma. Niba dushaka ko rishinga imizi mu bugingo, ihame ryiza ryose rigomba gukundwa kandi rigakundwakaza. Imbuto Satani abiba mu mitima ari zo: igomwa, ishyari, umujinya, kuvuga ibibi, kutihangana,

urwikekwe, kwifuza kubi n'ubwibone, zigomba kurandurwa. Ibyo bintu bibi nibyemererwa kuguma mu bugingo, amaherezo bizera imbuto zizanduza abantu benshi. Yooo, mbega uburyo hari abantu benshi batera imbuto y'ubumara yica imbuto z'agaciro kenshi z'urukundo kandi ikanduza ubugingo bw'abantu! (3)

Mwibuke Ubwana Bwanyu: Ntimugahore musharirira abana banyu, ngo mwibagirwe ubwana bwanyu namwe, kandi ngo mwiyibagize ko na bo bakiri abana. Ntimukwiriye kwitega ko baba intungane cyangwa ngo mugerageze kubahindura abagore n'abagabo mu mikorere yabo. Nimubigenza mutyo, muzaba mufunze umuryango mwari kwinjiriramo mukagera ku mitima yabo, kandi muzabatera gukingurira urugi imbaraga zibaganisha mu bibi, maze abandi bantu bashyire uburozi mu ntekerezo z'abo bana zikiri nto mwe mutarakanguka ngo mumenye akaga barimo. . .

Ababyeyi ntibakwiriye kwibagirwa ibihe by'ubwana bwabo, ngo bibagirwe uburyo babaga bakeneye kugaragarizwa impuhwe n'urukundo, n'ukuntu bababazwaga n'uko babakosoye, babacyahana ubukana. Ababyeyi bari bakwiriye kongera guhinduka abana mu marangamutima yabo, maze bakamanura intekerezo zabo kugira ngo basobanukirwe n'icyo abana babo bakeneye. (4)

Abana bakeneye kubwirwa amagambo atuje kandi abakomeza. Mbega ukuntu byorohera ababyeyi b'abagore kubwira abana amagambo y'ineza n'impuhwe, amagambo azacengera mu mitima y'abana bato nk'imirasire y'izuba, maze akabibagiza ibibazo bari bafite!(5)

Babyeyi, mujye mugaragariza abana banyu urukundo: mubagaragarize urukundo bakiri impinja, mu bwana bwabo no mu mabyiruka yabo. Ntimukabarebe muzinze umunya ahubwo mujye muhora mukeye mu maso nk'umucyo w'izuba. (6)

Mujye Murerera Abana Ahantu Heza: Igihe abana bababaye, mujye mubahoza mubahumurizanye ubwitonzi. Abana bari mu kigero kiri hagati y'ubuhinja no kugimbuka usanga muri rusange batitabwaho nk'uko byari bikwiriye. Dukeneye ababyeyi b'abagore bazayobora kandi bakarera abana babo ku buryo abo bana baziyumvamo ko na bo ari bamwe mu bagize umuryango. Mureke nyina w'abana abaganirize iby'ibyiringiro bafite ndetse n'ibibahangayikishije. Ababyeyi bakwiriye kwibuka ko abana babo ari bo bakwiriye kwitabwaho mbere y'abashyitsi. Bakwiriye kurererwa ahantu hashimishije kandi bagakurikiranwa na nyina. (7)

Nimufashe abana banyu kugera ku ntsinzi.... Nimubazengurutse umwuka w'urukundo, bityo muzashobora gutsinda kwinangira kw'imitima yabo. (8)

Igihe Abana Bakeneye Urukundo Kurusha Ibyokurya: Ababyeyi b'abagore benshi birengagiza abana babo ku buryo buteye isoni kugira ngo bakunde babone igihe cyo kudoda imyenda y'abana babo cyangwa se kuyishyiraho indi mitako itagira icyo imaze. Igihe abana baba bananiwe cyane kandi bakeneye kwitabwaho n'umubyeyi wabo, barirengagizwa cyangwa se bakabaha ibyokurya. Ntabwo ari uko bari badakeneye ibyokurya gusa, ahubwo ibyo muba mukoze birabakomeretsa. Icyo baba bakeneye cyane cyane ni impuhwe za kibyeyi. Buri mubyeyi w'umugore yari akwiriye kujya ashaka igihe afata akabwira abana be amagambo mato y'urukundo usanga aba akenewe cyane mu bwana bwabo. Naramuka abigenje atyo, uwo mubyeyi azatuma imitima yabo n'umunezero wabo byomatana n'ibye. Uwo mubyeyi afitiye abana akamaro nk'ako Imana idufitiye. (9)

Ibyifuzo Bifite Ishingiro Bikwiriye Kubahirizwa: Mukwiriye iteka kumvisha abana banyu ko mubakunda; ko ibyo mukora byose byose ari ibiganije kubazanira inyungu; ko icyo mukunda cyane ari uko banezerwa kandi ko mubifuriza ibyiza gusa. Igihe cyose mubishoboye, mwari mukwiriye kubaha ibyo bakeneye. (10)

Igihe muyobora abana banyu, mujye mwirinda guhubuka. Mujye mukoresha ububasha buvanze n'urukundo. Mujye mukunda kandi mukuze ibyiza byose kandi bikundwa mu bana banyu, ndetse mubatere kwifuza kugera ku cyiza gisumbyeho mubinyujije mu guhora mubereka Kristo. Igihe mwanga kubaha ibintu muzi ko byajyaga kubagirira nabi, mureke bajye babona ko mubakunda kandi ko mubifuriza umunezero. Uko barushaho kutishima no kutarangwa n'urukundo, ni ko mwe nk'ababyeyi bizabagora cyane kubereka ko mubakunda. Igihe umwana yizeye ko uharanira icyatuma anezerwa, urukundo ruzakuraho inzitizi zose. Iryo hame ni ryo Umukiza wacu akoresha mu byo agirira umuntu; kandi ni ryo hame rikwiriye kwinjizwa mu itorero. (11)

Urukundo Rukwiriye Kugaragazwa: Mu miryango myinshi habuze cyane kugaragarizanya urukundo. Nubwo bidakenewe gutwarwa n'amarangamutima gusa, kugaragarizanya urukundo n'ineza mu buryo burangwamo umutima mwiza, kubonera n'icyubahiro byo birakenewe nta shiti. Abantu benshi bakuza umutima unangiye kandi mu magambo yabo n'ibikorwa byabo bakagaragaza imico ya Satani. Urukundo rwuje ineza rukwiriye iteka kurangwa hagati y'umugabo n'umugore, ababyeyi n'abana, ndetse n'abavandimwe. Ijambo ryose ry'uburakari ntiryari rikwiriye kuvugwa kandi ntihakwiriye no kubaho n'icyagaragara ko urukundo rubuze hagati yabo. Buri muntu wese mu bagize umuryango afite inshingano yo kwishima no kuvugana ineza. (12)

Mujye mwimenyereza ubugwaneza, impuhwe n'urukundo, mubigaragariza mu bikorwa bito birangwamo urugwiro, mu mvugo mukoresha ndetse no mu kuzirikanana. (13)

Uburyo bwiza bwo kwigisha abana kubaha se na nyina, ni ukubaha amahirwe yo kubona se ubabyara yitaye kuri nyina mu mutima w'ineza kandi na nyina akubaha se, akamuha n'agaciro. Kwitegereza uko ababyeyi babo bakundana ni byo bitera abana kumvira itegeko rya gatanu no gukurikiza inama yatanzwe n'intumwa Pawulo agira ati: "Bana, mujye mwumvire ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko ari byo bikwiriye" Abefeso 6:1. (14)

Urukundo rwa Yesu Rugomba Kugaragarira mu Babyeyi: Iyo nyina w'abana yamaze kwigarurira icyizere cy'abana be, kandi akaba yarabigishije kumukunda no kumwubaha, ubwo azaba yarabigishije icyigisho cy'ibanze mu mibereho ya Gikristo. Bagomba gukunda, kwiringira no kubaha Umukiza wabo nk'uko bakunda, bakiringira kandi bakubaha ababyeyi babo. Urukundo se cyangwa nyina w'umwana amugaragariza mu buryo amwitaho n'uburere amutoza, rugaragaza urukundo Yesu akunda ubwoko bwe bumukiranukira. (15)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Uburezi*, p. 117.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p.138.
3. *Signs of the Time,* June 20, 1911.
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, pp.387, 388.
5. *Review and Herald,* July 7, 1901.
6. *Manuscript* 129, 1898.
7. *Manuscript* 127, 1898.
8. *Manuscript* 114, 1903.
9. *Manuscript* 43, 1903.
10. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, 140.
11. *Manuscript* 4, 1893.
12. *Signs of Times,* Nov. 14, 1892.
13. *The Youth's Instructor,* April 21, 1886.
14. *Review and Herald,* Nov. 15, 1892.
15. *Signs of Times,* April 4, 1911.



Igice Cya 32

GUFATA NEZA UMURIMA W'UMUTIMA

Ababyeyi ni nk'Abahinzi: Uwiteka Imana yahaye ababyeyi umurimo ukomeye kandi wera. Bagomba guhinga neza ubutaka bw'umutima. Nibiba bityo, bazaba abakozi bakorana n'Imana. Imana ibitezeho ko barinda kandi bagakorera uwo murima ari yo mitima y'abana babo, kandi bakabikorana ubwitonzi. Bakwiriye kuwubibamo imbuto nziza kandi bakawuranduramo icyatsi kibi cyose. Inenge yose yo mu mico n'ikosa ryose ryo mu byo barangamira, akwiriye gukurwaho kuko iyo niyemererwa gukomeza kubaho, azashyira icyasha ku bwiza bw'imico. (1)

Babyeyi, urugo rwanyu ni wo murima wa mbere mwahamagariwe gukoramo. Ibintu by'agaciro kenshi biri mu murima w'urugo rwanyu bikeneye ko mubyitaho mbere y'ibindi byose. Mwahawe inshingano yo kurinda imitima yabo muzirikana ko muzayibazwa. Nimwinire mwibaze ibyerekeye umurimo mwahawe, imiterere yawo, uko ungana n'umusaruro uzawuvamo. (2)

Imbere y'urugi rwawe bwite hari umurima muto ugomba kwitaho, kandi Imana izakubaza ukuntu witaye kuri uyu murimo yagushinze. (3)

Kwita ku Murima: Imbaraga iganje mu mikorere y'isi ni iyo kureka urubyiruko rukikurikirira inzira imitima ya kamere yabo yishakira. Kandi iyo nta kinyabupfura bagira bakiri bato, ababyeyi bo bavuga ko abo bana bazajya mu murongo mwiza nyuma y'igihe runaka, kandi igihe bazaba bujuje imyaka cumi n'itandatu cyangwa cumi n'umunani, bazajya bitekerereza ndetse bazibukire imico yabo mibi bityo amaherezo bazahinduke abagabo n'abagore b'ingirakamaro. Mbega ikosa! Ababyeyi bamara imyaka myinshi barahaye umwanzi urwaho rwo kugira ibyo abiba mu murima w'imitima y'abana babo. Batuma amahame apfuye akurira mu bana babo, kandi akenshi umurimo uzakorerwa kuri uwo murima hanyuma nta musaruro uzatanga. …

Ababyeyi bamwe batumye abana babo bakuza ingeso mbi, kandi ibimenyetso byazo bishobora kugaragarira mu buzima bwabo bwose. Iki cyaha kibarwa ku babyeyi. Abo bana bashobora kwiyita Abakristo,

nyamara nihatabaho umurimo udasanzwe w'ubuntu bw'Imana bukorera mu mitima yabo kandi mu buzima bwabo ntihabe ivugurura ritunganye rwose, ingeso zabo mbi zo mu gihe cyashize zizigaragaza mu mibereho yabo yose, kandi bazagaragaza imico ababyeyi babo babemereye gukuza muri bo. (4)

Urubyiruko ntirwari rukwiriye kwemererwa kwiga ibibi n'ibyiza bivangitiranyijwe batekereza ko igihe runaka mu minsi izaza icyiza ari cyo kizaganza maze ikibi kigatakaza imbaraga zacyo kuri bo. Ibiramambu, ikibi kizakura bwangu kuruta icyiza. Bishoboka ko ikibi bamenye cyazarandurwa nyuma y'imyaka myinshi; ariko se ni nde wakinisha ibi? Igihe ni kigufi. Icyoroshye cyane kandi gitanga icyizere ni ukubiba imbuto nziza kandi itagira amakemwa mu mitima y'abana banyu kuruta ko nyuma y'aho mwarandura ibibi. Ibyinjiye mu ntekerezo z'urubyiruko biragoye kubihanagura. Mbega ukuntu ari ingenzi ko ibyinjizwa muri izo ntekerezo byagombye kuba ari ibitunganye kugira ngo intekerezo z'urubyiruko zicyaguka cyane zizabashe kwerekera mu cyerekezo cy'ukuri! (5)

Kubiba Imbuto no Kuzibagarira: Guhera mu myaka ibanza y'imibereho y'umwana, ubutaka bw'umutima we bukwiriye guteguranwa ubwitonzi kugira ngo buzabashe kwakira ibitonyanga by'ubuntu bw'Imana. Ubwo ni bwo imbuto z'ukuri ziba zigomba kubibanwa ubushishozi kandi zikitabwaho nk'uko bikwiriye. Kandi Imana yo igororera umwete wose wakoreshejwe mu izina ryayo, ni yo ishyira ubuzima mu rubuto rwabibwe; maze hakabanza kugaragara umumero, akatsi, imigengararo, amahundo, hanyuma amahundo akazatanga impeke.

Bitewe n'uburangare bukabije bw'ababyeyi, akenshi Satani abiba imbuto mu mitima y'abana babo, bakazasarura agahinda no gukorwa n'isoni. Isi ya none ntirangwamo imico myiza bitewe n'uko ababyeyi bananiwe kwiyegereza abana babo, ngo babane mu rugo. Ntabwo bashoboye kubabuza gucudika n'incuti mbi zirangwa n'ubunenganenzi no kutagira icyo zitaho. Bityo abana nabo bakomeje urugendo berekeza mu isi bajya kubiba imbuto z'urupfu. (6)

Umurimo ukomeye w'uburezi, ariwo wo kurandura ibyatsi bibi kandi by'uburozi ni ingenzi cyane, kuko iyo ibyo bibi biretswe, birakura kugeza ubwo binize imyaka y'igiciro cyinshi ari zo mahame y'imico mbonera n'ukuri. (7)

Iyo umurima udahinzwe, ukarara, umeramo ibyatsi bibi bizaruhanya cyane guca muri uwo murima. Ni ngombwa rero ko ubutaka buhingwa, ibyatsi bibi bikarandurwa mbere y'uko imyaka ifite akamaro ikura. Mbere y'uko imyaka y'agaciro ikura, imbuto zigomba kubibanwa ubwitonzi. Ababyeyi b'abagore nibirengagiza kubiba imbuto nziza maze bakiringira

ko bazasarura impeke z'agaciro, amaherezo bazakorwa n'isoni kuko bazasarura amahwa n'ibitovu. Satani ahora yubikiye kandi yiteguye kubiba imbuto zizakura, zikazabyara umusaruro mwinshi uhwanye n'imico ye.(8)

Dukwiriye guhora turi maso, tukita ku bana bacu. Satani akoresha ingamba ze zitabarika, atangira gukorana na kamere yabo n'ubushake bwabo kuva bakivuka. Umutekano wabo ushingiye ku bwenge no kuba maso kw'ababyeyi babo. Kubw'urukundo rwabo no kubaha Imana kwabo, ababyeyi bagomba gushishikarira kwita ku murima ari wo mitima y'abana babo, bakabibamo imbuto nziza z'umwuka w'ukuri, ingeso nziza, gukunda Imana no kuyubaha.(9)

Kugaragaza Ubwiza Karemano: Ababyeyi n'abarimu bakwiriye gushakana umwete ubwenge Yesu ahora yiteguye gutanga, kubera ko baba bakorana n'intekerezo za muntu mu gihe cy'imikurire ye giteye amatsiko cyane kandi kirangwa no kwakira vuba ibiza mu ntekerezo. Bakwiriye kugambirira kumenyereza intekerezo z'urubyiruko n'ibyo rushaka kwerekeramo kugira ngo kuri buri kigero cy'ubuzima bwabo babashe kugaragaza ubwiza kamere bujyanye n'icyo kigero, bagende babugaragaza buhoro buhoro nk'uko bigenda ku myaka n'uburabyo byo mu mirima. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 138, 1898.
2. *Signs of Times,* July 1, 1886.
3. *Review and Herald,* Sept.13, 1886.
4. *Testimonies for the Church.* Vol. 1, p. 403.
5. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* pp. 138, 139.
6. *Manuscript* 40, 1901.
7. *Review and Herald,* April 14, 1885.
8. *Manuscript* 45, 1900.
9. *Manuscript* 7, 1899.
10. *Testimonies for the Church.* Vol.6, pp. 204, 205.



IGICE CYA 33

AMASEZERANO YO KUYOBORWA N'IMANA

Uburyo Kumenya ko Dufite Incuti yo mu Ijuru ari Byiza: Umukiza wanyu wuzuye ibambe ahora abitegerezanya urukundo n'impuhwe kandi yiteguye gutega amatwi amasengesho yanyu no kubaha ibyo mukeneye. Azi neza imitwaro iremereye nyina w'abana uwo ari we wese, kandi ni we ncuti ye magara mu byihutirwa byose akeneye. Amaboko ye ahoraho iteka ryose ashyigikira umubyeyi wubaha Imana kandi ukiranuka. Igihe yari ku isi, yari afite nyina wahoraga arwana n'ubukene, bigatuma ahorana imibabaro n'ibihagarika umutima byinshi. Bityo rero, yifatanya n'umubyeyi wese w'umukristo mu mibabaro ye no mu bimurushya. Uwo Mukiza wagenze urugendo rurerure ajya guhumuriza umugore wari ufite umwana watewe n'abadayimoni, azumva amasengesho ya nyina w'abana kandi ahe abana be umugisha.

Uwagaruriye umupfakazi umuhungu we w'ikinege bari bagiye gushyingura, muri iki gihe ashengurwa n'umubabaro ukomeye w'umubyeyi upfushije umwana we. Wa wundi wabogoreje amarira ku mva ya Lazaro kubw'impuhwe yari afite, maze akagarurira Marita na Mariya musaza wabo wari warahambwe; uwababariye Mariya Magadalena; wa wundi wibutse nyina igihe yasambaga amanitswe ku musaraba; wa wundi wabonekeye abagore bariho barira, agahita abagira intumwa zo kujya kwamamaza inkuru nziza bwa mbere y'uko Umukiza yazutse, uyu munsi ni we ncuti magara y'umubyeyi wese, kandi yiteguye kumufasha mu byo ahura nabyo byose mu buzima bwe.(1)

Nta murimo wahwana n'uw'umubyeyi w'Umukristo. Uyu mubyeyi akora umurimo we azirikana icyo kurera no gukosora abana akurikije uko itegeko rya Kristo bivuze. Ni kangahe uwo mubyeyi azumva imitwaro ye imuremereye ku buryo atabasha kuyikorera? Nanone kandi mbega amahirwe atangaje yifitiye yo gushyira iyo mitwaro yose Umukiza wuje impuhwe mu masengesho! Ashobora kurambika iyo mitwaro ku birenge by'Umukiza maze agakura imbere ye imbaraga izamukomeza kandi ikamuha ishema, ibyiringiro, ubutwari n'ubwenge mu bihe biruhije kuruta ibindi. Mbega uburyo kumenya ko afite incuti imukunda ityo ari byiza

cyane ku mubyeyi ufite ibimuhagaritse umutima byose bingana bityo! Iyaba ababyeyi b'abagore bajyaga imbere ya Kristo kenshi bishoboka kandi bakamwiringira rwose, imitwaro yabo yaborohera kandi babona uburuhukiro bw'imitima yabo. (2)

Imana yo mu Ijuru Yumva Amasengesho Yanyu: Ntimushobora kurera abana banyu nk'uko bikwiriye mudafashijwe n'Imana; kubera ko kamere y'icyaha dukomora kuri Adamu ihora ishaka gutegeka. Umutima ugomba gutegurirwa kwakira amahame y'ukuri kugira ngo ashinge imizi mu bugingo. (3)

Ababyeyi bakwiriye gusobanukirwa ko igihe cyose bakurikije amabwiriza y'Imana mu burere baha abana babo nta kabuza bazabona ubufasha buturutse mu ijuru. Na bo ubwabo bagiramo inyungu nyinshi; kuko iyo bigisha abana babo na bo baba biga. Abana babo bazagera ku nsinzi binyuze mu bumenyi bakiriye ku bijyanye no kugendera mu nzira y'Uwiteka. Babashishwa gutsinda imbaraga za kamere ibajyana mu bibi bakomora ku bakurambere babo.(4)

Mbese babyeyi, mujya mukorana umwete mwinshi kubw'inyungu z'abana banyu? Imana yo mu ijuru yandika uko mubitaho, umurimo mukora mushishikaye, ndetse no kuba maso kwanyu. Yumva amasengesho yanyu. Nimurere abana banyu Umwami wacu mufite kwihangana n'ubugwaneza. Ijuru ryose uko ryakabaye ryitaye ku murimo wanyu . . . Imana izafatanya namwe, bitume umuhati wanyu utanga umusaruro. (5)

Igihe uzaba ugerageza kubasobanurira ukuri kwerekeye agakiza kandi ukabereka ko Kristo ari Umukiza wa buri mu muntu ku giti cye, abamarayika bazakuba iruhande. Uwiteka azagirira ubuntu ababyeyi b'abagabo n'abagore maze bashobore gukundisha abana babo igitekerezo cy'Umwana wavukiye i Betelehemu, kandi akaba ari we byiringiro by'abatuye isi.(6)

Musabe Muzahabwa: Mu murimo wabo ukomeye, ababyeyi bagomba gusaba ubufasha bw'Imana kandi bakabuhabwa. Kabone nubwo imico, ingeso n'imigirire by'ababyeyi byaba byaragorowe ariko ku rwego rucirirtse rwo hasi maze inyigisho bahawe mu bwana n'igihe bari bamaze kubyiruka zaba zarabateye kugira imico mibi, ntibakwiriye kwiheba. Ububasha buhindura bw'Imana bushobora guhindura kamere bakomoye ku babyeyi babo ndetse n'iyo bimenyereje ubwabo kuko idini ya Yesu ari iyo gukiza umuntu ikamuzahura. "Kuvuka ubwa kabiri" bisobanuye uguhindurwa, n'ivuka rishya muri Kristo Yesu.(7)

Nimutyo turere abana bacu tubigisha inyigisho zo mu Ijambo ry'Imana. Nimwambaza Imana izabasubiza. Izababwira iti: Ndi hano, murashaka ko mbakorera iki? Ijuru rifatanye n'isi kugira ngo umuntu wese abashishwe

gusohoza inshingano yahawe. Umwami Imana akunda abo bana. Ashaka ko bakura basobanukiwe n'umuhamagaro wabo ukomeye.(8)

Mwuka Muziranenge Azajya Abayobora: Umubyeyi ari we nyina w'umwana akwiriye kwiyumvamo ko akeneye kuyoborwa na Mwuka Muziranenge kugira ngo we ubwe agire ubunararibonye nyakuri bwo kuyoboka inzira z'Imana no gukurikiza ubushake bwayo. Nibiba bityo, kubw'ubuntu bwa Kristo ashobora kuba umwigisha w'umunyabwenge, w'umugwaneza kandi wuje urukundo.(9)

Kristo yakoze ibishoboka byose kugira ngo ababyeyi bazayoborwa na Mwuka Muziranenge bazahabwe imbaraga n'ubuntu bibabashisha kuba abarezi mu rugo rwabo. Ubu burezi n'uburere bitangirwa mu rugo bizagira imbaraga ihindura kandi igorora imico. (10)

Imbaraga z'Imana Zizafatanya n'Umwete w'Umuntu: Umuntu atagize umuhati, umwete w'Imana nta cyo wamumarira. Imana izakorana imbaraga igihe mu kwishingikiriza kuri yo kandi bayiringiye, ababyeyi bazakangukira gusohoza inshingano yera bahawe kandi bagashaka uko barera abana babo neza. Imana izakorana n'ababyeyi barera abana babo bigengesereye kandi basenga, basohoza agakiza kabo n'ak'abana babo. Izabatera gukunda no gukora ibyiza biyishimisha.(11)

Umuhati wa kimuntu wonyine ntuzabasha gufasha abana banyu gutunganya imico ikwiriye kuzaba mu ijuru. Ariko nimubifashwamo n'Imana, umurimo w'akataraboneka kandi wera ushobora gukorwa. (12)

Nk'umubyeyi, iyo ukora inshingano zawe mu mbaraga z'Imana, ukazikora wiyemeje kudatezuka mu muhati wawe cyangwa ngo uvirire umwanya ukoreraho inshingano yawe uharanira ko umwana wawe yaba nk'uko Imana yifuza ko aba, icyo gihe Imana irakwitegereza ikabishima. Izi neza ko uri gukora uko ushoboye kose, kandi izakongera imbaraga. Imana ubwayo izirangiriza uruhare rw'umurimo ababyeyi b'umwana batashobora gukora. Imana izakorana n'umwete urimo ubwenge, kwihangana kandi ukoreshwa mu cyerekezo cyiza by'umubyeyi w'umugore wubaha Imana. Babyeyi, ntimugire ngo Imana ifite umugambi wo gukora umurimo yabasigiye ngo muwukore ubwanyu mu rugo rwanyu. Niba mushaka ko abana banyu barokoka akaga kabakikije muri iyi si, ntimukwiriye kuba abagaragu b'abanebwe n'abanenganenzi. (13)

Mugundire Yesu Ibigeragezo Nibiza: Babyeyi, nimwegeranye imirasire y'umucyo uvuye mu ijuru umurika mu nzira munyuramo. Nimugendere mu mucyo nk'uko Kristo na We ari mu mucyo. Uko muzakora umurimo wo gukiza abana banyu no kuguma mu mwanya wanyu mu nzira y'ubutungane, ibigeragezo bikomeye cyane bizabibasira. Ariko ntimuzacike intege ngo mugamburure. Nimugundire Yesu kuko

avuga ati: "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye," (Yesaya 27:5). Ingorane ntizizabura kuvuka. Muzahura n'inzitizi. Mujye muhora mutumbiriye Yesu. Igihe muzaba mukeneye ubufasha bwihutirwa, mujye mwiyambaza umwami wacu mumubaze muti: "Mwami, ubu nkore iki?" (14)

Uko urugamba rurushaho gukomera, ni ko n'ababyeyi barushaho gukenera ubufasha buturuka kwa Data wo mu ijuru, kandi ni na ko bazarushaho kugera ku ntsinzi ikomeye.(15)

Nuko Mukorane Kwizera: Ababyeyi bakwiriye gukora umurimo bahawe bafite kwihangana, buje urukundo, kandi bakawukora nk'ibisonga bikiranuka by'ubuntu bwa Kristo butagira akagero. Ababyeyi bitezweho kuzasangwa bakiranuka. Ibyo bakora byose bakwiriye kubikorana kwizera. Bagomba gusenga ubudahwema kugira ngo Imana igirire ubuntu abana babo. Ntibakwiriye gucogora, ngo barambirwe, cyangwa ngo babe abanyabute mu murimo wabo. Bagomba komatana n'Imana ndetse n'abana babo. Ababyeyi nibakorana kwihangana n'urukundo, bagashishikarira gufasha abana babo kugera ku rwego ruhanitse rw'ubutungane no kwicisha bugufi, amaherezo bazagera ku ntsinzi.(16)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Signs of Times*, Sept. 9, 1886.
2. *Signs of Times*, Sept. 13, 1877.
3. *Review and Herald*, Oct. 25, 1892.
4. *Review and Herald*, June 6, 1899.
5. *Review and Herald*, Jan. 29, 1901.
6. *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.406. (2018).
7. *Review and Herald*, April 13, 1897.
8. *Manuscript* 31, 1909.
9. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p. 128.
10. *Manuscript* 36, 1899.
11. *Signs of Times*, Sept. 25, 1901.
12. *Review and Herald*, Oct. 25, 1892.
13. *Review and Herald*, July 10, 1888.
14. *Manuscript* 67, 1901.
15. *Review and Herald*, Aug.30, 1881. 16. Manuscript 138, 1881.

UMUGABANE WA 9

UMUGABO NI INKINGI Y'URUGO



IGICE CYA 34

UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUBYEYI W'UMUGABO MU RUGO

Ubusobanuro Nyakuri bw'Ijambo "Umugabo": Urugo ni urwego rwashyizweho n'Imana. Imana yashatse ko abagize uruziga rw'umuryango ari bo: umubyeyi w'umugabo, umubyeyi w'umugore n'abana, bakwiriye kuba muri iyi si nk'urwego ruhamye. (1)

Umurimo wo gukora icyatuma mu rugo haba umunezero ntureba nyina w'abana gusa. Ababyeyi b'abagabo bafite uruhare rw'ingenzi cyane bagomba gukora. Umugabo ni inkingi yubakirwaho ubutunzi bw'urugo, agahuriza hamwe abagize umuryango we (umugore we n'abana) mu mirunga ikomeye y'ubumwe akoresheje urukundo rwe rukomeye, ruzira uburyarya kandi rurangwa no kwitanga. (2)

Izina rye, "inkingi y'urugo," ni bwo busobanuro nyakuri bw'umubyeyi w'umugabo .... Nabonye ko hari ababyeyi b'abagabo bake cyane bita ku nshingano yabo. (3)

Umugabo ni Umutwe w'Urugo: Umugabo, akaba na se w'abana ni we mutwe w'urugo. Umugore we aba amutezeho ko amukunda, akamugirira impuhwe, kandi akamwunganira mu burere bw'abana babo; kandi ibyo biratunganye. Abana ni ababo bombi, kandi umugabo nawe akwiriye kwita ku mibereho myiza yabo nk'uko umugore abigenza. Abana baba bahanze se amaso ngo abunganire kandi abayobore. Bityo rero, umugabo akwiriye kugira imyumvire itunganye ku buzima ndetse n'imbaraga zihindura n'ibyo yifatanya nabyo bikwiriye gukikiza umuryango we. Kuri ibyo byose, akwiriye gutegekwa n'urukundo no kubaha Imana, n'inyigisho z'Ijambo ry'Imana kugira ngo abashe kuyobora intambwe z'abana be mu nzira itunganye.

Umubyeyi w'umugabo akwiriye gukora uruhare rwe kugira ngo abo mu rugo rwe banezerwe. Ntakwiriye gukundira ibimuhagarika umutima n'ingorane z'uburyo bwose yaba afite gutwikira umuryango we ngo biwuzanemo umwijima. Akwiriye kwinjira mu rugo amwenyura kandi avuga n'amagambo anejeje. (4)

Ushyiraho Amategeko Akaba n'Umutambyi: Ab'urugo bose bahurira kuri se w'abana. Ni we ushyiraho amategeko, akagaragariza imico

mbonera idakebakeba mu mibereho ye ya kigabo: imbaraga, ubupfura, kuba umunyakuri, kwihangana, kugira umwete no kuba ingirakamaro. Ku ruhande rumwe, umugabo ni we mutambyi w'abagize umuryango, agashyira ku gicaniro cy'Imana igitambo cya mu gitondo n'icya nimugoroba. Umugore n'abana bakwiriye gushishikarizwa gufatanyiriza hamwe muri iyo gahunda yo gutura igitambo no kugira uruhare mu kurirmba indirimbo zo guhimbaza Imana. Mu gitondo na nimugoroba, umugabo, nk'umutambyi w'urugo, akwiriye kwaturira Imana ibyaha yakoze ubwe n'ibyakozwe n'abana be uwo munsi. Akwiriye kwatura ibyaha byose yaba yamenye cyangwa se ibyakorewe mu rwihisho byabonywe n'Imana yonyine. Iyi migenzereze, iyo ishyizwe mu bikorwa n'umubyeyi w'umugabo igihe ahari cyangwa uw'umugore igihe umugabo adahari, izahindukira uwo muryango isōko y'imigisha. (5)

Umubyeyi w'umugabo mu muryango we ahagarariye Umutware wo mu ijuru watanze amategeko. Umugabo afatanya n'Imana, agashyira mu bikorwa imigambi yuje ubuntu y'Imana kandi agashimangira amahame atunganye mu bana be, akababashisha kugira imico itunganye kandi iboneye, kubera ko ubugingo bwe yaburunduriye mu bizabashisha abana be kutubaha umubyeyi wabo wo ku isi gusa, ahubwo bakazubaha na Se wo mu ijuru.(6)

Umubyeyi w'umugabo ntakwiriye gutatira icyizere yagiriwe. Uko byagenda kose, ntagomba kuvirira ubutware afite bwo kuba umubyeyi. (7)

Kugendana n'Imana: Umubyeyi w'umugabo … azomatanya abana be n'intebe y'ubwami bw'Imana binyuze mu kwizera kuzima kumuranga. Ntiyishingikiriza ku mbaraga ze bwite, ahubwo ubugingo bwe bw'impezamajyo abwegurira Yesu maze agasingira imbaraga y'Isumbabyose. Bene Data, buri gitondo na buri mugoroba mujye musengera hamwe iwanyu mu muryango wanyu; mujye musengana umwete muri mu cyumba; kandi n'igihe muhugiye mu mirimo yanyu ya buri munsi, mujye mwerekeza imitima yanyu ku Mana mu isengesho. Uko ni ko Enoki yagendanaga n'Imana. Isengesho ry'ubugingo rya bucece kandi rivuye ku mutima rizazamuka nk'umubavu wera rijye ku ntebe y'ubuntu kandi rizemerwa n'Imana nk'aho ari ituro ryatangiwe mu buturo. Ku bantu bashaka Kristo batyo bose, Kristo abahindukira umufasha utabura igihe cyose bamukeneye. Bene abo bazakomera mu munsi wo kugeragezwa. (8)

Gukura mu Bunararibonye Gukenewe: Se w'abana ntakwiriye kwifata nk'umwana, ukora ibyo atabanje gutekerezaho. Imirunga yejejwe ni yo imufatanije n'umuryango we. (9)

Impinduka azazana mu rugo zizagenwa n'uko azi Imana y'ukuri yonyine kandi akamenya na Yesu Kristo uwo yatumye. Intumwa Pawulo aravuga ati:

"Nkiri umwana muto, navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto, nkibwira nk'umwana muto. Ariko maze gukura, mva mu by'ubwana." (1Abakorinto 13:11). Umubyeyi w'umugabo agomba kuba ku isonga mu muryango we, atari nk'umuhungu utagira uburere wakuze bwangu ku gihagararo gusa, ahubwo ari umugabo ufite imico ya kigabo, utegeka amarangamutima ye n'ibyo arariki ra. Agomba kwigishwa akagwiza uburere mu bijyanye n'imico mbonera itunganye. Imyitwarire ye mu mibereho y'urugo igomba kuyoborwa kandi ikajya ikumirirwa n'amahame atunganye y'Ijambo ry'Imana. Ubwo ni bwo azakura akagera ku kigero cy'umuntu ushyitse muri Kristo Yesu. (10)

Kwegurira Imana Ubushake: Ndifuza kubwira aya magambo umugabo ari na we se w'abana nti: "Kora ibishoboka ngo umwuka uboneye kandi wera abe ari wo ukikiza ubugingo bwawe … Ugomba kujya wigira kuri Kristo buri munsi. Ntukigere na rimwe ugaragaza umwuka w'igitugu no gukandamiza mu rugo. Umugabo ugenza utyo, aba ari umufatanyabikorwa n'abakozi ba Satani. Egurira ubushake bwawe kugengwa n'ubushake bw'Imana. Jya ukora uko ushoboye kose kugira ngo ubuzima bw'umugore wawe bumushimishe kandi bumunezeze. Fata Ijambo ry'Imana abe ari ryo ugira umujyanama wawe. Mu rugo rwawe, jya ugaragariza inyigisho z'Ijambo ry'Imana mu bikorwa byawe. Ubwo ni bwo uzanazigaragariza mu itorero kandi ukajyana nazo aho ukorera. Amahame y'ijuru azahesha agaciro ibyo uzajya ukora byose. Abamarayika b'Imana bazafatanya nawe, maze bagufashe kumenyesha ab'isi Kristo.(11)

Isengesho Ribereye Umugabo Urakara Vuba: Ntukemerere ibikubabaza byo mu kazi ukora kuzana umwijima mu mibereho y'urugo rwawe. Nihagira ibintu bito bibaho ariko ntibigende nk'uko watekerezaga ko byagombye kugenda, unanirwa kugaragaza kwihangana, kwikomeza, ubugwaneza n'urukundo. Bityo rero, ugaragaza ko utahisemo kuba incuti ya wa wundi wagukunze cyane agatanga ubugingo bwe ku bwawe kugira ngo ube umwe na we.

Mu mibereho ya buri munsi, uzajya uhura n'ibintu bigutunguye, kubura ibyo wari witeze ndetse uhure n'ibishuko. Mbese ijambo ry'Imana ryavuze iki? "Nuko rero mugandukire Imana, ariko murwanye Satani na we azabahunga. Mwegere Imana na Yo izabegera." "N'aho bitaba bityo, ahubwo yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye: ndetse niyuzure nanjye." (Yakobo 4:7,8; Yesaya 27:5). Hanga amaso Yesu igihe cyose n'aho waba uri hose, maze ujye usenga bucece ubikuye ku mutima utaryarya kugira ngo ubashe kumenya uko wakora ibyo ashaka. Bityo, umwanzi nagutera ameze nk'umwuzure, Umwuka w'Uwiteka azakuzamurira inkota yo kurwanya umwanzi. Igihe uzaba wenda gucika intege ngo uvirire, uri hafi gutakaza kwihangana no kwitegeka, uri hafi kuvirira, kubona amakosa

y'abandi no kubarega, iki kizaba ari cyo gihe kuri wowe ngo isengesho ryawe uryerekeze mu ijuru uvuga uti: "Mana yanjye, mfasha ngo mbashe gutsinda igishuko, ngo mbashe gukura mu mutima wanjye ubusharire n'umujinya n'amagambo y'amanjwe. Mpa ubugwaneza bwawe no kwicisha bugufi kwawe, mpa kwihangana kwawe n'urukundo rwawe. Ntundeke ngo nsuzuguze Umucunguzi wanjye, noye kugoreka ubusobanuro bw'amagambo n'ibitekerezo by'umugore wanjye, abana banjye, abavandimwe banjye na bashiki banjye dusangiye kwizera. Mfasha ngo mbe umugwaneza, umunyampuhwe, niyoroshye kandi ndangwe no kugira imbabazi. Mfasha kugira ngo mbe inkingi nyakuri y'urugo mu muryango wanjye, kandi ngaragarize abandi imico ya Kristo." (12)

Jya Utegekana Kwicisha Bugufi: Kuba umugabo mu rugo ntibigaragazwa n'uko umugabo ahora atsimbaraye ku mwanya afite muri wo nk'umutwe w'umuryango. Kumwumva avuga amasomo yo mu Byanditswe agamije gushyigikira ubutegetsi bwe ntibimwongerera icyubahiro. Gusaba umugore we, ari we nyina w'abana be gukurikiza imigambi ye nk'aho itabamo kwibeshya, si byo bizatuma arushaho kuba umugabo nyamugabo. Uwiteka yashyizeho umugabo ngo abe umutwe w'umugore we kugira ngo amubere umurinzi. Ni we nkingi y'urugo mu muryango, agahuriza hamwe abagize umuryango nk'uko Kristo ari umutwe w'Itorero n'Umukiza waryo nk'umubiri we. Mureke umugabo wese uvuga ko akunda Imana yigane ubushishozi ibyo Imana imusaba kuba yujuje muri uwo mwanya arimo. Ubutware bwa Kristo bukoreshwa mu bwenge, mu bugwaneza bwose no kwiyoroshya mu mutima kose. Bityo rero, uko ni ko n'umugabo akwiriye gukoresha ububasha bwe kandi yigane Umutwe mukuru w'Itorero.(13)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 36, 1899.
2. *Signs of Times,* Sept. 13, 1877.
3. *Testimonies for the Church,* Vol.1, p. 547.
4. *Ministry of Healting.* pp. 390, 392.
5. *Testimonies for the Church,* Vol.2, p.701.
6. *Signs of Times,* Sept. 10, 1894.
7. *Letter* 9, 1904.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p.616.
9. *Id.,* Vol. 1, p.647.
10. *Manuscript* 36, 1899.
11. *Letter* 272, 1903.
12. *Letter* 105, 1893.
13. *Letter* 18b, 1891.

IGICE CYA 35

KWAKIRANA IMITWARO

Inshingano ya Se w'Abana Ntishobora Guhabwa Undi: Inshingano se w'abana abafiteho ntishobora guhabwa nyina w'abana. Niba nyina w'abana akora inshingano ye, afite umutwaro umuhagije rwose agomba kwikorera. Iyo ababyeyi bombi bahurije hamwe ni ho bashobora gusohoza umurimo Imana yabashinze. (1)

Se w'abana ntakwiriye kugira urwitwazo atanga ubwe rwo kudakora uruhare rwe mu murimo wo kurera abana be ngo bazabashe guhangana n'ubuzima kandi bazambikwe no kudapfa. Agomba gufatanya n'umugore we iyo nshingano. Bombi bategetswe gukora iyo nshingano. Hagati y'ababyeyi bombi hagomba kubaho urukundo no kubahana niba bashaka ko iyo mico yakurira mu bana babo. (2)

Se w'abana akwiriye gutera umwete no gushyigikira nyina w'abana mu murimo akora wo kwita ku bana, akoresheje kumurebana indoro nziza no kumubwira amagambo y'ubugwaneza.(3)

Mugabo, gerageza gufasha umugore wawe mu ngorane ziba ziri imbere ye. Jya witondera amagambo uvuga, wimenyereze kwitwara neza mu byo ukora, urangwe no kubaha, ubugwaneza n'ubwitonzi, bityo nugenza utyo uzagororerwa. (4)

Ubugwaneza Buzoroshya Umutwaro wa Nyina w'Abana: Uko umurimo yahamagariwe gukora waba uri kose n'ibirushya biwurangwamo, mureke se w'abana yinjirane mu rugo rwe isura igaragaraho kumwenyura n'imvugo inejeje. Mureke umugore yiyumvemo ko ashobora kwishingikiriza ku rukundo rwagutse rw'umugabo we, yumve ko amaboko ye azamwongera imbaraga kandi amushyigikire mu mirimo akora no mu bimuhagarika umutima, yumve ko ubushobozi bw'umugabo we buzamushyigikira - kandi ko imitwaro ye izagabanuka uburemere ho kimwe cya kabiri. Mbese abo bana si abe kimwe n'uko ari ab'umugore we?(5)

Umugore ashobora kwirundanyirizaho imitwaro yibwira ko ari iy'agaciro kenshi kurusha gufasha umugabo we igihe akora uruhare rwe mu nshingano afite; kandi ibyo bishobora kuba no ku mugabo. Gukorerana mu

bugwaneza ni iby'agaciro. Haba ubwo umugabo agira imyitwarire yo kumva ko afite umudendezo wo kujya hanze kwitemberera, maze akajya akunda gutaha iwe nk'umuntu uje gufata amafunguro kuruta uko ari umugabo muri uwo muryango.(6)

Imirimo yo mu rugo ni iyera kandi ni ingenzi; nyamara akenshi ikorwa muri gahunda idahinduka kandi inaniza. Ibigomba kwitabwaho bitabarika n'ibirushya bihinduka ibitera abantu kurakara iyo hatabayeho kugenda bahindagura ngo habeho n'akanya ko kuruhuka kanejeje akenshi umugabo kandi akaba na se w'abana aba afite mu bubasha bwe guha umugore we aramutse abishatse – cyangwa se igihe atekereza ko ari ngombwa cyangwa ko kubikora ari ikintu cyifuzwa. Imibereho y'umubyeyi w'umugore mu mirimo ye icishije bugufi mu buzima ni imibereho irangwa no kwitanga ubudatuza, ariko irushaho kumuhindukira umugogoro iyo umugabo we atanyurwa n'ibirushya bijyana n'umwanya uwo mugore arimo kandi ntabe yamwunganira. (7)

Kugaragariza Impuhwe Umugore Ufite Intege nke: Umugabo akwiriye kugaragaza ko yitaye cyane ku muryango we. Cyane cyane akwiriye kugaragaza impuhwe umugore we kubera ko agira intege nke. Abigenje atyo, ashobora gukinga umuryango indwara nyinshi zajyaga kwinjiriramo. Amagambo y'ubugwaneza, akomeza kandi atera umwete, azagaragara ko ari ingirakamaro kurusha imiti izwiho kuvura cyane. Bene ayo magambo azazana ubutwari mu mutima w'utentebutse kandi ucitse intege, kandi umunezero n'imirasire y'izuba bizanwe mu muryango n'ibikorwa byiza n'amagambo atera ubutwari bizamuriha ka jana imbaraga zose azaba yakoresheje. Umugabo akwiriye kwibuka ko myinshi mu mirimo igoye yo kurera abana ikorwa n'umubyeyi w'umugore, kandi ko uwo mubyeyi afite byinshi agomba gukora bijyana no kurema imico yabo. Ibyo byagombaga kumutera kumugaragariza urukundo, kandi akamworohereza imitwaro yikoreye. Umugabo akwiriye kumushishikariza ku rukundo rwe rwinshi no kwerekeza intekerezo ze mu ijuru, ahari imbaraga, amahoro n'ikiruhuko giheruka ku bananiwe bose. Umugabo ntakwiriye gutaha mu rugo rwe azinze umunya, ahubwo kuba mu rugo kwe kwari gukwiriye kuhazana umucyo w'izuba, kandi akwiriye gushishikariza umugore we kubura amaso ye akizera Imana. Bafatanyirije hamwe, bashobora gusaba Imana kubasohoreza amasezerano yayo no gusesekaza imigisha yayo myinshi mu muryango wabo. (8)

"Yoborana Ubugwaneza." – Abagabo benshi bakaba na ba se b'abana bakwiriye kwigira isomo ry'ingirakamaro ku bugwaneza bw'umwungeri ukiranuka. Igihe Yakobo yagombaga gufata urugendo rwihutirwa kandi rumugoye yaravuze ati: "Databuja, uzi yuko abana badafite imbaraga, kandi ko imikumbi n'amashyo mfite byonsa, babigendesha uruhato, n'aho byaba

umunsi gusa byapfa byose. ...nanjye ndagenda buhoro, nk'uko kugenda kw'amatungo nshoreye kuri, kandi nk'uko kugenda kw'abana kuri." (Itangiriro 33:13-14).

Mu nzira iruhije y'ubuzima, reka umugabo akaba na se w'abana "ayoborane ubugwaneza," ku rugero uwo bafatanyije urugendo ashoboye kwihanganira. Hagati mu masiganwa ab'isi barimo bashaka kugera ku butunzi n'ububasha, umugabo niyige kugenza intambwe ze gake gake, kugira ngo ashobore guhumuriza no gufasha uwahamagariwe kumugenda iruhande bagafatanya urugendo. . . .

Mureke umugabo afashe umugore we, amugaragariza impuhwe n'urukundo rudacogora. Niba umugabo yifuza ko umugore we ahorana itoto kandi agahora yishimye, kugira ngo abashe kuba nk'imirasire y'izuba mu rugo, akwiriye kujya amufasha kwikorera imitwaro afite. Ineza ye n'urugwiro azajya amugaragariza bizamubera uburyo bwo kumukomeza bw'agaciro kenshi, kandi umunezero azajya amutera kugira uzajya usakaza amahoro n'ibyishimo mu mutima we bwite.

Iyo nyina w'abana atitaweho kandi ngo ahumurizwe nk'uko yari abikwiriye, iyo yemerewe kumarira imbaraga ze zose mu gukora birenze urugero cyangwa mu kugira impagarara n'agahinda gakabije, abana be ntibazagira imbaraga zigaragaza umuntu mutaraga, ntibazagira ubwenge bwaguka n'umwuka wo kurangwa n'akanyamuneza bagombye kurangwa n'abababyaye. Ibyaba byiza cyane ni ugutuma ubuzima bw'umubyeyi w'umugore buba bumushimishije kandi bumunejeje, akarindwa kwifuza icyo yari akeneye, akarindwa imirimo ivunanye n'ibimuhagarika umutima bimutera gutentebuka. Ibyo bizatuma abana be baragwa amagara mazima kugira ngo babashe guhatana mu nzira yabo mu buzima bakoresheje imbaraga zabo. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Fundamentals fo Christian Education*, p. 69.
2. *Signs of Times*, July 22, 1889.
3. *Signs of Times*, Sept. 13, 1877.
4. *Testimonies for the Church*, Vol.2, p.84.
5. *Christian Temperance and Bible Hygiene*, p. 70.
6. *Manuscript* 80, 1898.
7. *Signs of Times*, Dec.6, 1887.
8. *Testimonies for the Church*, Vol.1, pp.306,307.
9. *Ministry of Healing*, p. 374.



IGICE CYA 36

INCUTI MAGARA Y'ABANA BE

Fata Igihe Ubane n'Abana: Umugabane munini w'ababyeyi b'abagabo bapfusha ubusa ibihe by'ingenzi bari gukoresha bireherezaho abana babo no gutuma bomatana nabo. Igihe umubyeyi w'umugabo agarutse mu rugo akitse imirimo ye, akwiriye kubona ko gufata umwanya akawumarana n'abana be ari impinduka inejeje aba akoze.(1)

Ababyeyi b'abagabo bari bakwiriye guca bugufi bakareka icyubahiro kidafashije, bakivutsa ibintu bito byajyaga gushimisha kamere yabo mu gihe bafite no mu myidagaduro kugira ngo babane n'abana babo, bababarane nabo mu tubazo twabo, bomatanye imitima yabo n'iy'abana bakoresheje imirunga ikomeye y'urukundo, kandi bashimangire imbaraga ibireherezaho mu ntekerezo z'abana ziba zicyaguka ku buryo inama bazajya babaha zizajya zibabera izejejwe. (2)

Jya Wita ku Bana b'Abahungu mu buryo Bwihariye: Umubyeyi w'umugabo ufite abana b'abahungu yari akwiriye kujya ababa bugufi cyane, akajya abigishiriza ku bunararibonye bwagutse afite, kandi akababwirana kwiyoroshya n'ubugwaneza bituma yigarurira imitima yabo. Akwiriye gutuma babona ko igihe cyose ahora ahihibikanira ikintu cyose kibafitiye akamaro kandi cyabazanira umunezero. (3)

Umugabo ufite umuryango urimo abana b'abahungu agomba gusobanukirwa ko, ibyo yaba yarahamagariwe gukora byose, ntabwo agomba kwirengagiza ubugingo bw'abana yahawe kwitaho. Ni we wazanye abo bana mu isi bityo yihaye inshingano imbere y'Imana yo gukora icyo ashoboye cyose akabarinda kwifatanya n'ibitejejwe ndetse n'incuti mbi. Ntabwo akwiriye guharira umugore we uburere bw'abana b'abahungu bahora bakubita hirya no hino. Uyu ni umutwaro uremereye nyina w'abana cyane. Umugabo akwiriye gutunganya ibintu kubw'inyungu zisumba izindi z'umugore n'abana. Haba ubwo kwitegeka no kwitwara neza mu murimo wo kurera abana be byakomerera nyina w'abana cyane. Iyo bimeze bityo, umubyeyi w'umugabo akwiriye kwikorera bwe umugabane uremereye w'uwo mutwaro mu bugingo. Akwiriye kwiyemeza adakebakeba ko azakora uko ashoboye kose kugira ngo abana be bazabone agakiza. (4)

Toza Abana Bazabe Ingirakamaro: Umubyeyi w'umugabo, nk'umutware w'urugo rwe, akwiriye gusobanukirwa uburyo bwo gutoza abana be ngo bazabe ingirakakamaro kandi bajye bita ku nshingano bahawe. Uyu ni wo murimo we wihariye kandi uri hejuru y'indi yose. Mu myaka mike ibanza y'ubuzima bw'umwana, ku ikubitiro kugorora imico ye bishinzwe nyina; ariko nyina akwiriye guhora yumva ko muri uwo murimo we afatanyije na se w'abo bana. Niba se w'abana akora umurimo umuziga cyane ku buryo atabona akanya ko kuba ingirakamaro mu muryango we, akwiriye gushaka akandi kazi katazamubuza kugira igihe runaka atanga yita ku bana be. Niba atabitaho, aba akiranirwa ku nshingano Imana yamuhaye.

Se w'abana ashobora kubagiraho ububasha buzaba bufite imbaraga kurusha ibibareshyareshya by'isi. Akwiriye kwiga imiterere n'imico ya buri wese mu bagize umuryango we kugira ngo abashe gusobanukirwa ibyo bakeneye n'ingorane bafite bityo abe yiteguye kurwanya ikibi no gushyigikira icyiza. (5)

Umurimo yaba akora uwo ari wo wose, ntabwo ari uw'agaciro kenshi ku buryo yatangirwa urwitwazo rw'impamvu yirengagiza umurimo wo kurera no gutoza abana be kugendera mu nzira y'Uwiteka.(6)

Menya Imiterere y'Abana Itandukanye: Se w'abana ntakwiriye guhugira mu buzima bw'akazi akora cyangwa ngo ahugire mu gusoma ibitabo ku buryo adashobora gufata igihe ngo yige imiterere y'abana be n'ibyo baba bakeneye. Akwiriye gufasha mu gushaka uburyo babona imirimo y'ingirakamaro bahugiramo ariko ikwiranye n'imiterere yabo nayo iba inyuranye.(7)

Babyeyi b'abagabo, mujye mugira igihe gihagije gishoboka mumarana n'abana banyu. Mujye mushaka uko mumenya imiterere yabo itandukanye kugira ngo mubone uko mubarera mu buryo buhuje n'Ijambo ry'Imana. Ntihakagire ijambo na rimwe ry'urucantege risohoka mu kanwa kanyu. Ntimukigere muzana umwijima mu rugo rwanyu. Mujye mwishima, mube abagwaneza, kandi mukunde abana banyu, ariko ntimukagire ubupfapfa ngo mubarere bajeyi. Mujye mubareka bahangane n'ibicantege bito bahura nabyo kuko buri wese aba agomba guhura nabyo. Ntimukabashishikarize kujya babasanga babaregera utubazo tw'ubusabusa bagiranye. Mujye mubigisha kwihanganirana no gushaka uko buri wese yakubaka icyizere cya mugenzi we kandi bakubahana. (8)

Mujye Mufatanya nabo Imirimo n'Imikino: Babyeyi b'abagabo... mujye muvanga ubutware mufite n'urukundo, ubugwaneza n'impuhwe no kwitegeka kudacogora. Amasaha amwe yo kwidagadura kwanyu mujye muyaha abana banyu; mumenyerane nabo; mufatanye nabo mu mirimo yabo no mu mikino yabo bityo bibatere kubagirira icyizere. Mujye

mwubaka ubucuti hagati yanyu nabo, ariko cyane cyane abana b'abahungu. Nimugenza mutyo, muzahinduka imbaraga ikomeye iberekeza ku cyiza.(9)

Mujye Mubigishiriza ku Byaremwe: Mureke umugabo ashake uko yakorohereza umugore we inshingano afite.... Ajye yereka abana uburabyo bwiza, ibiti by'inganzamarumbo bifite ibibabi abana babonamo umurimo w'Imana n'urukundo rwayo. Akwiriye kubigisha ko Imana yaremye ibyo bintu byose ikunda ikintu bibereye ijisho n'ibyiza. Kristo yararikiye abigishwa be kwitegereza uburabyo bwo mu mirima n'inyoni zo mu kirere, abereka uko Imana ibyitaho, kandi ibyo abiberekera kuba igihamya cy'uko azita ku muntu urusha inyoni n'uburyabyo agaciro cyane. Nimubwire abana ko igihe abantu bakoresha uko cyaba kingana kose bagerageza kwiyerekana,uko tugaragara inyuma, mu buranga n'ubwiza bidashobora na gato kugereranywa n'ubwiza bw'uburabyo bwo mu gasozi. Uko ni ko bashobora gukura intekerezo zabo ku bwiza buhimbano maze bakazerekeza ku bwiza karemano. Bashobora kumenya ko Imana yabahaye ibyo bintu byose byiza ngo babyishimishe, kandi ko ishaka ko bayiha urukundo rwo mu mutima wabo ruvuye ku mutima kandi rwera. (10)

Se w'abana ashobora kubajyana mu murima, maze akabereka imigondoro iri kumera, akabereka n'uburabyo bunyuranye buri kubumbura. Binyuze muri izo nzira se w'abana ashobora kubigisha amasomo y'ingenzi yerekeye Umuremyi binyuze mu kuramburira imbere yabo igitabo gikomeye cy'ibyaremwe, aho urukundo rw'Imana rugaragarira ku giti cyose, ku rurabyo rwose no ku katsi kose. Ashobora gucengeza mu ntekerezo zabo ukuri ko niba Imana yita cyane ku biti no ku burabyo ityo, izarushaho kwita ku biremwa yaremye mu ishusho yayo. Ashobora kubatera hakiri kare gusobanukirwa ko Imana ishaka ko abana baba babereye ijisho, bidaturutse ku mirimbo yakozwe n'abantu, ahubwo ko bagira uburanga bwo mu mico, n'ubugwaneza n'urukundo bizatuma imitima yabo isabwa n'ibyishimo n'umunezero. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* Dec. 6, 1877.
2. *Signs of Times,* Dec. 6, 1877.
3. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.128.
4. *Manuscript* 79, 1907.
5. *Review and Herald,* August, 30, 1881.
6. *Signs of Times,* Sept.10, 1894.
7. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp.127, 128.
8. *Manuscript* 60, 1903.
9. *Ministry of Healing,* pp. 391, 392.
10. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 70.
11. *Signs of Times,* Dec. 6, 1877.



IGICE CYA 37

UMUGABO KU IZINA

Umugabo Witega ko Umugore Yikorera Imitwaro Ibiri: Mu miryango myinshi hari abana barutana. Bamwe muri bo ntibakeneye kwitabwaho no gutozwa ikinyabupfura na nyina gusa, ahubwo bakeneye n'igitsure cya se ariko kirangwamo urukundo. Ababyeyi b'abagabo bake gusa ni bo bita kuri iyo ngingo bakayiha agaciro kayikwiriye. Bagwa mu ikosa ryo kwirengagiza inshingano yabo, maze bakarunda imitwaro iremereye kuri nyina w'abana, ari nako bumva bafite umudendezo wo kunenga no kugaya ibyo yakoze bashingiye ku myumvire yabo. Kubera kuba munsi y'iyo nshingano iremereye no kunengwa, akenshi uwo mugore warenganye ari nawe nyina w'abana yumva ko yakosheje koko, kandi yicuza ibyo yakoranye umutima mwiza cyangwa yabitewe no kudasobanukirwa, kandi ibihe byinshi ntako aba atagize akurikije ibihe n'uburyo aba afite. Nyamara aho kugira ngo ashimirwe umuhati yakoresheje akageza ubwo ananirwa, kandi ngo bitume umutima we usabwa n'ibyishimo, biba ngombwa ko ashengurwa n'umwijima w'agahinda no kumva aciriweho iteka bitewe n'uko umugabo we aba amwitezeho gusohoza inshingano ze bwite n'iz'umugabo we kugeza anyuzwe nyamara atitaye ku byaba byamubereye inkomyi kandi umugabo nawe ubwe yirengagije inshingano imureba. (1)

Abagabo benshi ntibasobanukiwe bihagije kandi ntibaha agaciro imirimo n'imiruho abagore babo bagira kandi muri rusange umunsi wose ushira bahugiye mu mirimo y'urugo idashira. Akenshi usanga abagabo bataha bazinze umunya, ntibazane umucyo na muke w'izuba mu miryango yabo. Iyo ibyokurya bitabonekeye igihe, wa mugore unaniwe usanga akenshi akomatanya inshingano zo gutunganya urugo, guteka, kuvura ab'umuryango no kurera abana byose akabikomatanya, usanga umugabo amusuhuza amucunaguza. Uwo mugabo w'umunyarutoto yagombye guca bugufi agaterura umwana uririra mu ntoki za nyina kugira ngo imirimo yo gutegurira umuryango ibyokurya ibashe kwihuta. Ariko umwana niyanga guceceka, akagumya gutera amahane, si kenshi umubyeyi w'umugabo azumva ko afite inshingano yo kumuhendahenda no kumuhoza. Uwo mugabo ntiyigera atuza ngo atekereze umubare w'amasaha nyina w'umwana amara yihanganira uwo mwana umurushya, maze kubwo kutihangana kwe

agahamagara avuga ati: "Madamu, ngwino ufate umwana wawe." Mbese uwo mwana si uw'uwo mugabo kimwe n'uko ari uw'umugore? Mbese uwo mugabo nta nshingano afite yo kugira uruhare mu kwikorera umutwaro w'uburere bw'abana be? (2)

Inama Yahawe Umugabo w'Umunyagitugu kandi Udakurwa ku Izima: Imibereho yawe yarushaho kuzura umunezero uramutse wivanyemo igitekerezo cyo kumva ko wahawe ubutware ntavuguruzwa ngo bishingiye gusa ko uri umugabo na se w'abana. Imigirire yawe yerekana ko ugaragaza nabi umwanya wawe wo kuba inkingi y'urugo. Urarakara cyane kandi utegekesha igitugu, ndetse akenshi ugaragaza kudashyira mu gaciro, ku buryo uko wafata bene iyo migirire yawe kose muri ibyo bihe, ntiyagaragara ko ikwiriye umugore wawe n'abana bawe. Iyo ufashe icyemezo, si kenshi wumva ko wakivirira ukakireka. Wiyemeje gushyira mu bikorwa imigambi yawe, kandi akenshi ntugendera mu nzira nziza. Ibyo ukeneye cyane, ndetse cyane biruseho ni urukundo no kwihangana, maze ukagabanya kumaramaza gukurikira inzira yawe bwite haba mu byo uvuga no mu byo ukora. Mu mikorere ufite ubu, aho guhinduka inkingi y'urugo n'umurunga urubumbatira, uzatwaza abandi igitugu kandi ubabuza amahwemo ....

Iyo ugerageza guhatira abandi gushyira mu bikorwa ibitekerezo byawe mu tuntu twose, akenshi wangiza ibintu cyane kuruta uko wazibukira bene ibyo bitekerezo. Ibi ni ukuri n'igihe ibitekerezo byawe ubwabyo ari iby'ukuri, ariko rero mu bintu byinshi ntabwo ibyo bitekerezo biba bitunganye. Biba biremereye abantu cyane bitewe n'umwihariko urangwa mu mikorere yawe; bityo rero ukomeza ikintu gikocamye kandi ukagitwara mu buryo budatekerejweho neza. (3)

Ufite ibitekerezo by'indashyikirwa ku bijyanye n'uko uyobora umuryango wawe. Urigenga, ugategekesha igitugu bityo ibyo bikabuza abo mubana kwishyira bakizana. Utekereza ko ari wowe kamara ngo ube umutwe w'umuryango wawe kandi ukumva ko ibyo utekereza bihagije ngo biyobore abagize umuryango wawe bose nk'uko imashini ikoreshwa n'umukozi. Ushyiraho itegeko maze ukigarurira ubutegetsi bwose. Bene iyo migirire ntishimisha Imana kandi itera abamarayika agahinda. Mu muryango wawe wagiye witwara nk'aho wihagije kwiyobora ubwawe. Ibyo byagukojeje isoni ku rwego rw'uko umugore wawe ahangara kuvuguruza igitekerezo cyawe cyangwa kwibaza ku byemezo ufata. (4)

Abagabo b'Abanyamujinya kandi b'Abanyamushiha: Bagabo, muhe abagore banyu amahirwe kubw'ubuzima bwabo bw'iby'umwuka ... Abagabo benshi bakuza umuco wo kurakara ubusa kugeza ubwo bahinduka nk'abana mu isura y'abantu bakuze. Uwo muco wo mu buzima bwabo bwa cyana ntibawusiga inyuma. Baha intebe bene ayo marangamutima yo kurakara ubusa kugeza ubwo ubuzima bwabo bwose bupfukiranwa

kandi bugasigingizwa no kwitotomba kwabo. Si ubuzima bwabo bwite gusa, ahubwo ibyo biba no ku bw'abandi. Bagendana umwuka nk'uwa Ishimayeli wagiye arwanya umuntu wese, kandi azi ko abantu bose biteguye kumurwanya.

Umugabo w'Umunyamwaga kandi Uhora Yijimye: Mwene Data B. ntafite imico izana umucyo w'izuba mu muryango we. Aha mu muryango we ni ho hantu heza agomba gutangirira umurimo. Mwene Data B. ni igicu cyijimye kuruta uko aba umwambi w'umucyo. Arikanyiza cyane ku buryo avuga amagambo adashobora kwemerwa n'abo mu muryango we, cyane cyane umugore we wagombye kuba amukunda cyane kandi amwubaha cyane kurusha abandi. Ahora yijimye, ntanyurwa, ni umunyagitugu; akenshi amagambo ye arakomeretsa kandi agasiga uruguma atirirwa agerageza komora abinyujije mu gucisha make, kwemera amakosa ye no kwihana ibibi bye ....

Mwene Data B. yari akwiriye gucisha make, yari akwiriye kwiga kuvuga neza n'urugwiro. Akwiriye kurangwa n'ubugwaneza no kwiyoroshya ku mugore we uhwanye na we mu bintu byose. Ntabwo yari akwiriye kuvuga ijambo ryatuma umutima w'umugore we ucura igihunya. Akwiriye gutangirira umurimo w'ubugorozi mu rugo rwe; akwiriye kwimakaza urukundo agatsinda kuvuga nabi, ubuhubutsi no kutagira ubuntu n'impuhwe birangwa mu mico ye. (6)

Umugabo akaba na se w'abana wijimye, w'umunyabugugu kandi utegekesha igitugu si we wenyine wibuza umunezero, ahubwo anateza umwijima mu bo mu rugo rwe bose. Azasarura icyo yabibye ubwo azabona umugore we yihebye kandi atentebutse n'abana be barangirijwe n'imico ye mibi. (7)

Umugabo Wikunda kandi Utagira icyo Yihanganira: Musaza wanjye, witega kubona ibintu byinshi bikabije ku mugore wawe n'abana bawe. Ukabya kugaya ibintu. Uramutse wihatiye kurangwa n'umwuka w'ineza n'umunezero kandi ukajya ubavugisha n'umutima mwiza n'ikinyabupfura, wazana umucyo w'izuba mu rugo rwawe aho kuruzanamo ibicu, umubabaro n'agahinda. Utekereza cyane ku byo wibwira; wagiye ukabya, kandi ntiwagiye ushaka ko ibitekerezo by'umugore wawe bigira agaciro byagombye kugira mu muryango wawe. Ntabwo wigeze ushishikarira kubaha umugore wawe kandi nta nubwo wigeze utoza abana bawe kubaha ibitekerezo bya nyina. Ntabwo wamufashe nk'umuntu muhwanye, ahubwo ubuyobozi bwose n'ubutware bwose wabishyize mu maboko yawe kandi ubikomeraho. Nta mwuka w'urukundo n'ubugwaneza ukuranga. Ukeneye kubaka no gukuza iyo mico niba ushaka kuba umuneshi kandi ukaba wifuza n'umugisha w'Imana mu muryango wawe. (8)

Ubutumwa Bwagenewe Umuntu Uhinyura Ubwuzu n'Urugwiro bya Gikristo: Kuba umugwaneza, kwiyoroshya no kurangwa n'impuhwe wabifashe nk'intege nke, kandi wagiye utekereza ko kuvugisha umugore wawe mu mwuka w'ubugwaneza, gutuza n'urukundo ari ibintu biciye munsi y'icyubahiro cyawe. Ahangaha wibeshya cyane ku cyo kuba umugabo nyakuri ndetse n'icyubahiro bivuze. Umwuka wo kureka ibikorwa by'ubugwaneza ntibikorwe ni intege nke zigaragara kandi ni n'inenge irangwa mu mico yawe. Ibyo ubona ko ari intege nke Imana yo ibifata ko ari byo kinyabupfura nyakuri cya Gikristo gikwiriye kuranga Umukristo wese kubera ko uwo ari wo mwuka waranze Kristo. (9)

Abagabo Bakwiriye Gukundwa no Kugirirwa Impuhwe: Iyo umugabo ari umunyagitugu, agatoteza umugore we, agashaka ko akantu kose gakorwa nk'uko abyifuza, akajya agaya ibikorwa by'umugore we, ntabwo ashobora gutuma umugore we amwubaha kandi ngo amukunde, bityo imibanire yabo nk'abashakanye ntizamushimisha. Umugore ntazakunda umugabo we kubera ko umugabo atagerageza gutuma umugore aba uwo gukundwa.... Abagabo bakwiriye kwigengesera, bagatega amatwi, bakitwararika, bakaba abiringirwa kandi bakarangwa n'impuhwe.... Iyo umugabo afite imico myiza, akabonera mu mutima, akagira intekerezo zihanitse Umukristo nyakuri wese akwiriye kugira, bigaragarira mu mibanire ye n'uwo bashakanye. . . . Uwo mugabo azashaka uko umugore we akomeza kugira amagara mazima n'ubutwari. Azaharanira kuvuga amagambo yo guhumuriza, no kuzana umwuka w'amahoro mu rugo.(10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* Dec. 6, 1877.
2. *Signs of Times,* Dec.6, 1877.
3. *Letter* 19a, 1891.
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 253.
5. *Letter* 107, 1898.
6. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, pp.36,37.
7. *Ministry of Healing,* pp. 374, 375.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p.255.
9. *Id.,* Vol. 4, p.250.
10. *Manuscript* 17, 1891.

UMUGABANE WA 10

NYINA W'ABANA - UMWAMIKAZI MU RUGO



IGICE CYA 38

UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUGORE

Umugore Areshya n'Umugabo we: Umugore akwiriye kuba mu mwanya Imana yamugeneye katanga ka mbere, akaba uhwanye n'umugabo we. Isi ikeneye ababyeyi b'abagore batari ababyeyi ku izina gusa, ahubwo b'ababyeyi nyabo mu busobanuro nyabwo bw'iryo jambo. Dushobora kuvuga tudashidikanya ko inshingano zihariye z'umubyeyi w'umugore ari izera cyane kurusha iz'umugabo. Reka umugore azirikane ukwera k'umurimo we, maze akore inshingano yahawe mu buzima afite imbaraga no kubaha Imana. Mureke arere abana be abatoza kuba ingirakamaro muri iyi si kandi abarerere kuzaba mu isi izarushaho kuba nziza. (1)

Umugore ari nawe nyina w'abana ntakwiriye gukoresha ingufu ze zose kandi ngo areke gukoresha imbaraga ze, ngo yishingikirize ku mugabo we gusa we ntacyo akora. Ubumuntu bwe yihariye ntibukwiriye kuzimirira mu bw'umugabo we. Umugore akwiriye kumva ko abarwa kimwe n'umugabo we, ko agomba kumuba iruhande, agakiranuka mu mwanya w'inshingano yahawe kandi n'umugabo nawe bikaba bityo. Umurimo we mu burere bw'abana babo mu ngingo zose ziwugize ni uw'icyubahiro kandi ni uw'agaciro kimwe n'indi nshingano iyo ari yo yose ashobora guhamagarirwa gukora, nubwo yaba iyo kuba umukuru w'ubutabera mu gihugu.(2)

Umugore ni Umwamikazi mu Rugo: Umwami uganje ku ntebe ye y'ubwami ntafite umurimo uhanitse uruta uw'umubyeyi w'umugore. Umubyeyi w'umugore ni umwamikazi w'ab'urugo rwe. Afite ubushobozi bwo guhindura imico y'abana be, kugira ngo babe bakwiriye kuzahabwa ubugingo buhebuje kandi budapfa. Nta mumarayika wasaba umurimo uhanitse uruta uw'umubyeyi w'umugore; kuko igihe cyose umubyeyi akora uyu murimo aba akorera Imana. Akwiriye gusobanukirwa n'agaciro gahanitse k'inshingano afite, bityo bizamutera ubutwari. Mureke azirikane agaciro k'umurimo we maze yambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo abashe gutsinda ibishuko bimurehereza kwisanisha n'ab'isi. Umurimo we ufite umusaruro muri iki gihe n'iteka ryose. (3)

Umubyeyi nyina w'abana ni umwamikazi w'urugo, kandi abana ni abambari be. Agomba kuyoborana urugo rwe ubwenge, kandi agahesha agaciro umwanya

we nk'umubyeyi. Imbaraga ihindura abandi agaragaza mu rugo igomba kuba iy'agaciro gakomeye; haba mu ijambo avuga n'itegeko atanga. Niba ari Umukristo ugengwa n'Imana, azatera abana be kumwubaha. (4)

Abana bagomba kwigishwa kudafata nyina nk'aho ari umucakara ugomba kubitaho, ahubwo bakajya bamufata nk'umwamikazi ugomba kubayobora no kubigisha inzira bakwiriye kunyuramo, akabigisha umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko. (5)

Kugereranya Agaciro [k'Umurimo w'Umugore n'uw'Umugabo]: Si kenshi umubyeyi w'umugore anyurwa n'umurimo we, kandi akenshi aha umurimo we agaciro gake kuko awufata nk'umurimo usuzuguritse wo mu rugo. Uko bukeye n'uko bwije, icyumweru kirashira, ikindi kigataha, ahora akora imirimo imwe nta musaruro wihariye ugaragara abona. Ku mugoroba ntashobora kubara utuntu duto yakoze. Iyo ibyo yakoze abigereranyije n'iby'umugabo we, yumva we nta n'icyo yakoze gikwiriye kuvugwa.

Akenshi umugabo ataha yuzuye kunyurwa maze akavugana ishema ibyo yakoze muri uwo munsi. Ibyo aba avuga biba byerekana noneho ko umugore we agomba kumwitaho kubera ko we nta bintu byinshi yakoze uretse kwirirwa arera abana, guteka ibyokurya no gushyira ibyo mu rugo kuri gahunda. Nta murimo ubyara inyungu aba yakoze, ntacyo aba yahashye nta n'icyo aba yagurishije; ntabwo aba yahinze ngo ashikure imishike; nta mirimo y'ubukanishi aba yakoze, bityo bikumvikana ko nta kintu yakoze cyamunanije. Umugabo atangira kujora ibyo umugore yakoze, akabinenga kandi agatanga amategeko nk'aho ari umwami waremye ibintu byose. Ibyo rero ni byo birushaho kubabaza umugore ari nawe nyina w'abana kubera ko aba yananijwe cyane n'inshingano ze z'uwo munsi, nyamara akaba adashobora kubona ibyo yakoze bityo ibyo bikamuca intege rwose.

Iyaba umwenda ukingirije washobora gukurwaho ngo umugabo n'umugore babashe kubona umurimo wakozwe uwo munsi nk'uko Imana iwubona, bakareba uburyo ijisho ryayo rigereranya umurimo ukorwa na buri wese muri bo, batangazwa n'ibyo ijuru ryabahishurira. Umugabo yarebera imirimo yakoze mu mucyo urushijeho kugaragara neza, ariko nako umugore yagira ubutwari bushya n'imbaraga byo gukomeza umurimo we afite ubwenge, umwete no kwihangana. Noneho aba azi agaciro kawo. Mu gihe umugabo yakoresheje igihe cye ahugiye mu bintu bigomba kuzashira kandi by'igihe gito, umugore we yakoresheje cya gihe ari guteza imbere intekerezo n'imico, atari gukora ibifite akamaro muri iki gihe gusa ahubwo bizatanga umusaruro uzahoraho iteka ryose. (6)

Imana Yamuhaye Umurimo: Iyaba buri mubyeyi w'umugore wese yasobanukirwaga uburyo imirimo n'inshingano yahawe bikomeye, akamenya n'uburyo ingororano yo gukiranuka kwe izaba ikomeye. (7)

Umubyeyi w'umugore ukora inshingano yayahawe yishimye azumva ko ubuzima ari ubw'agaciro kuri we kuko Imana yamuhaye umurimo agomba gukora. Muri uyu murimo ntakwiriye gukerensa intekerezo ze cyangwa ngo atere ubwenge bwe gutentebuka. (8)

Umurimo w'umubyeyi w'umugore yawuhawe n'Imana kugira ngo arere abana be bamenye Uwiteka kandi bamwumvire. Gukunda Imana no kuyubaha bikwiriye iteka guhora mu ntekerezo zabo guhera bakiri bato. Mu gihe bibaye ngombwa kubakosora, bakwiriye kwigishwa bakumva ko ari Imana ibacyaha, ko itanezezwa n'uburiganya, ibinyoma n'ibikorwa bibi. Uko ni ko intekerezo z'abana zishobora komatanywa n'Imana ku buryo ibyo bakora n'ibyo bavuga byose bizaba bijyanye no guha Imana icyuhiro; kandi mu myaka izakurikiraho ntibazabe nk'urubingo ruhuhwa n'umuyaga, ari ba nyamujyiryanino hagati y'inshingano bafite n'aho kamere yabo ibajyana. (9)

Kuyobora abana kuri Yesu sibyo bikenewe gusa. …Ahubwo abo bana bakwiriye kwigishwa no guhabwa uburere butuma baba abigishwa ba Kristo, "kugira ngo abahungu bacu babe nk'ibiti byikuririza bakiri abasore, n'abakobwa bacu bamere nk'amabuye akomeza imfuruka, abajwe nk'uko babaza amabuye arimbisha inyumba." (Zaburi 144:12). Uyu murimo wo kugorora imico y'abana no kuyitunganya ikaba inoze, ni umurimo w'umubyeyi w'umugore. Imico y'umwana ikwiriye kubakwa igatera imbere. Nyina agomba kwandika ku mutima w'umwana ibyigisho bizahahora iteka; kandi naramuka yirengagije uwo murimo wera cyangwa akagira ikindi yemerera kuwitambika imbere, ntabwo Imana izamwishimira.… Umurimo w'umubyeyi w'umukristokazi yawushinzwe n'Imana, kandi naramuka yomatanye n'Imana ndetse akaba yuzuye Umwuka wayo ntabwo azawirengagiza. (10)

Inshingano Ikomeye kandi y'Inyamibwa: Umubyeyi w'umugore wese yahawe amahirwe afite agaciro katagerwa, ndetse n'ibyiza bitagereranywa. Inshingano zicishije bugufi abagore babona yuko ziruhanyije bakwiriye kuzifata ko ari umurimo w'ingenzi kandi w'icyubahiro. Ni amahirwe y'umubyeyi guhesha isi umugisha kubw'impinduka nziza ashobora guteza, kandi igihe akora ibi, nawe azizanira amahoro mu mutima. Akwiriye gutegurira abana be inzira zigororotse, zinyura aho umucyo w'izuba umurika no mu gicucu zigana ahera ho mu ijuru. Igihe gusa mu mibereho ye umubyeyi aharanira gukurikiza inyigisho za Kristo, ni ho ashobora kwiringira ko azagorora imico y'abana be igahuza n'uko Imana ishaka. (11)

Mu mirimo yose ikorerwa muri ubu buzima, inshingano y'ingenzi kandi yera yahawe umubyeyi w'umugore ni iyo kwita ku bana be. Ariko se ni kangahe iyi nshingano yirengagizwa kugira ngo bikurikirire kunezeza kamere yabo! Inyungu z'abana, zaba iz'iki gihe cya none cyangwa iz'iteka ryose zashinzwe ababyeyi babo. Bakwiriye gutegeka no kuyobora ingo zabo

mu buryo buhesha Imana icyubahiro. Amategeko y'Imana ni yo akwiriye kubabera urugero ngenderwaho bakurikiza, kandi urukundo akaba ari rwo rugenga ibintu byose. (12)

Nta Murimo Ukomeye Kandi Wera Kuruta Uwo: Iyo abagabo bubatse bagiye ku murimo, bagasiga abagore babo bari kwita ku bana mu rugo, icyo gihe umugore akaba na nyina w'abana aba ari gukora umurimo ukomeye kandi w'ingirakamaro nk'uw'umugabo we. Nubwo umwe aba yagiye mu murimo wo kubwiriza ubutumwa, umugore nawe aba ari umuvugabutumwa wo mu rugo ufite ibimuhagarika umutima, ibimuremeye n'imitwaro usanga akenshi biruta cyane iby'umugabo we akaba na se w'abana. Umurimo w'umugore urakomeye cyane kandi ni ingenzi .... Mu murimo w'ivugabutumwa, umugabo ashobora kubahwa n'abantu, ariko wa mubyeyi ugokera mu rugo we ntagire ingororano yo ku isi ahabwa kubw'umurimo akora. Nyamara iyo akora agamije ko umuryango we ubona ibyiza bihebuje ibindi, agahirimbanira kubaka imico yabo ngo ikurikize Umwana w'Imana twahaweho icyitegererezo, marayika wandika ibikorwa by'umuntu wese yandika izina rye ko ari umwe mu babwirizabutumwa b'ibirangirire mu isi. Ntabwo Imana ireba ibintu nk'uko umuntu ureba hafi abibona. (13)

Nyina w'abana ni umukozi w'Imana ushinzwe gutera abo mu muryango guhinduka Abakristo. Agomba kuba icyitegererezo kireberwaho ibyo idini ya Bibiliya yigisha, akerekana uburyo imbaraga ihindura y'iyo dini ari yo igomba kutugenga mu nshingano zacu za buri munsi no mu bitunezeza, akigisha abana be ko bashobora gukizwa n'ubuntu bw'Imana bwonyine, babiheshejwe no kwizera, kuko ari impano y'Imana. Iyi nyigisho ya buri munsi ivuga icyo Kristo atumariye n'icyo amariye abana, iby'urukundo rwe, iby'ubugwaneza bwe n'iby'imbabazi ze byahishuriwe mu nama ikomeye y'agakiza, bizakora ku mitima yabo biyitere kwera. (14)

Kurera abana ni umugabane w'ingenzi w'umugambi w'Imana wo kwerekana imbaraga z'idini ya Gikristo. Ababyeyi bahawe inshingano ikomeye yo kurera abana kugira ngo igihe bazaba bageze mu b'isi, be kuzakorera ibibi abo bazabana nabo ahubwo bazabakorere ibyiza. (15)

Ni Umufasha w'Umugabura: Umugabura afite umurimo ashinzwe agomba kurangiza, n'umugore we na we afite uwe. Umugore afite inshingano yo kuzanira abana be Yesu ngo abahe umugisha. Agomba gukunda amagambo ya Kristo kandi akayigisha abana be. Akwiriye kubigisha ikinyabupfura ahereye bakiri impinja, akabigisha kwitegeka no kwiyanga, akabigisha ingeso nziza, bakarangwa n'isuku no kugira gahunda. Umugore ashobora kurera abana be ku buryo bazajya bajya kumva amagambo y'abagaragu b'Imana bafite imitima ikinguye kandi yiyoroheje. Uwiteka akeneye ababyeyi bazakoresha neza impano Imana yabahaye mu

nshingano zose z'ibikorwa mu rugo, kandi bakarera abana babo neza kugira ngo bizihire kuzaba mu muryango wo mu ijuru.

Umurimo ukoranywe gukiranuka mu rugo uba ukorewe Imana ndetse kurenza uw'umuntu wigisha ijambo ry'Imana. Nk'uko abarezi bakora umurimo ukomeye mu ishuri, ni ko n'umugabo n'umugore bagomba kwiyumvamo ko ari abarezi b'abana babo. (16)

Aho kuba ingirakamaro k'umubyeyi w'Umukristokazi kugarukira ntihagombye gutubywa no kwibanda ku mirimo yo mu rugo. Imbaraga nziza ihindura agaragariza mu rugo rwe ibasha kuzasakaza ibyiza byayo ahamukikije no mu Itorero ry'Imana. Ntabwo urugo ari gereza yagenewe gufungirwamo umubyeyi w'umugore witanga. (17)

Afite Umurimo Agomba Gukora mu Buzima bwe Bwose: Mureke umugore asobanukirwe no kwera k'umurimo we, kandi mu mbaraga z'Imana no kuyubaha akore umurimo yashinzwe mu buzima bwe bwose. Narerere abana be kuzaba ingirakamaro muri iyi si kandi babe abantu bakwiriye kuzaba mu isi irushijeho kuba nziza. Turabwira ababyeyi b'abakristokazi. Turabinginga ngo muzirikane inshingano yanyu y'ububyeyi kandi ngo mwe kuberaho kwinezeza ubwanyu ahubwo mujye muberaho guhesha Imana icyubahiro. Ntabwo Kristo yinejeje ubwe, ahubwo yenze akamero k'umugaragu. (18)

Isi yuzuye imbaraga ziganisha mu gushayisha. Ibigezweho n'imigenzo bikurura abasore bikoresheje imbaraga nyinshi. Iyo umubyeyi w'umugore mu nshingano ze atabashije kwigisha, kuyobora no gucyaha, abana be bazemera ikibi maze betere umugongo icyiza. Nimucyo incuro nyinshi umubyeyi wese asange Umukiza we asenga ati: "Twigishe, mbese dukwiriye kuyobora umwana dute kandi tuzamugenza dute?" (Abacamanza 13:8). Mureke uwo mubyeyi yumvire amabwiriza Imana yatanze mu Ijambo ryayo, bityo azahabwa ubwenge nk'uko abukeneye. (19)

Guha Umwana Ishusho y'Ab'ijuru: Mu ijuru hari Imana, kandi umucyo n'icyubahiro bituruka ku ntebe y'ubwami bwayo biba ku mubyeyi w'umugore ukiranuka ku nshingano ye igihe agerageza kwigisha abana be kurwanya imbaraga ibarehereza kujya mu bibi. Nta wundi murimo ushobora kunganya agaciro n'umurimo we. Ni koko ntabwo ameze nk'umunyabugeni ngo ashushanye ishusho nziza. Ntabwo ameze nk'umunyabukorikori ngo akorogoshore ibuye aribyaze ishusho nziza. Yewe, si n'umwanditsi ushyira igitekerezo cye mu magambo afite imbaraga, cyangwa se umuhimbyi ushyira amarangamutima ye y'agahozo mu njyana y'indirimbo. Kubwo gufashwa n'Imana, umubyeyi w'umugore afite inshingano yo guteza imbere ishusho y'ubumana mu bugingo bw'umuntu.

Umubyeyi nyina w'abana ushimishwa n'iyi nshingano, azabona afite amahirwe y'agaciro katagerwa. Mu mico ye bwite no mu buryo akoresha arera abana be, azahirimbanira gushyira imbere y'abana be urugero rukwiriye bagomba kugeraho ruhebuje izindi. Mu kudakebakeba, kwihangana n'ubutwari, azashishikarira kurushaho gukoresha neza ubushobozi bwe kugira ngo abashe gukoresha neza imbaraga zihebuje z'ubwenge mu kurera abana be. Kuri buri ntambwe atera azajya abaza ashimikiriye ati: "Mbese Imana yavuze iki?" Azajya yiga Ijambo ry'Imana abishishikariye. Azakomeza guhanga amaso ye kuri Yesu Kristo kugira ngo imibereho ye ya buri munsi mu byoroheje agomba kwitaho n'inshingano zicishije bugufi afite abashe kugaragaza Sōko y'ubugingo uko bikwiriye. (20)

Umubyeyi w'Umugore Ukiranuka Yandikwa mu Gitabo cy'Ibirangirire Bizambikwa Kudapfa: Kwiyanga no kwikorera umusaraba ni byo mugabane wacu. Mbese turawemera? Nta muntu n'umwe muri twe ukwiriye kwitega ko igihe ibigeragezo bikomeye bizaba bitugezeho ariho umwuka wo kwitanga no gukunda gakondo yacu uzahita ukura muri twe mu kanya gato kubera ko tuzaba tuwukeneye. Oya rwose. Ahubwo uyu mwuka ugomba kwivanga mu mibereho yacu ya buri munsi kandi ugacengezwa mu ntekerezo n'imitima by'abana bacu, haba mu nyigisho cyangwa mu ngero tubaha. Ababyeyi b'abagore muri Isirayeli bashobora ubwabo kutaba abarwanyi bakomeye, ariko bashobora kurera ingabo zizambara intwaro zose maze zikarwaka kigabo mu rugamba rw'Uwiteka. (21)

Babyeyi b'abagore, ahazaza h'abana banyu hari mu biganza byanyu ku rwego rukomeye. Iyo mudasohoje inshingano yanyu, mushobora kubashyira mu ngabo z'umwanzi, maze akabagira abakozi be bashinzwe kurimbura ubugingo bw'abantu. Ariko kubwo kubaha urugero rwo kubaha Imana no kuba abigishwa bakiranuka ba Kristo, mushobora kubayobora kuri Kristo kandi mukabagira ibikoresho biri mu biganza bye ngo bakoreshwe umurimo wo gukiza ubugingo bw'abantu benshi. (22)

Iyo umubyeyi w'umukristokazi akoze umurimo we akiranukira Imana, uhinduka umurimo utazibagirana iteka ryose. Abantu biyeguriye kugendana n'imideri igezweho ntibazigera babona cyangwa ngo basobanukirwe n'ubwiza butagajuka bw'uwo murimo w'umubyeyi w'umukristokazi, kandi bazaneguriza izuru uburyo adodesha imyambaro mu buryo butakijyanye n'igihe ndetse n'imyambaro imukwije kandi itariho imirimbo; mu gihe Umutware ukomeye wo mu ijuru we azandika izina ry'uwo mubyeyi ukiranuka mu gitabo cy'ibirangirire bizambikwa kudapfa. (23)

Ibihe bye ni iby'Agaciro Katagerwa: Imibereho yose Mose yagize, umurimo ukomeye yasohoje nk'umuyobozi w'Abisirayeli, bigaragaza akamaro k'umurimo w'umubyeyi w'Umukristo. Nta wundi murimo wangana n'uwo. . ... Ababyeyi bakwiriye kwigisha no gutoza abana babo

bakiri bato kugira ngo bazakure ari Abakristo. Twahawe abana kugira ngo tubigishe, atari nk'abazaragwa intebe y'ubwami bw'isi, ahubwo nk'abami bazimana n'Imana ibihe bidashira.

Mureke umubyeyi wese w'umugore yumve ko ibihe bye ntacyo yabigura; kandi ko umurimo we uzasuzumwa ku munsi w'urubanza. Ku munsi w'amateka bizagaragara ko ibyaha byinshi n'ubugome bw'abagabo n'abagore ari ingaruka z'ubujiji n'uburangare bw'abari bafite inshingano yo kuyobora ibirenge by'abana mu nzira y'ukuri. Ni nabwo bizagaragara ko benshi bahesheje isi umugisha kubera umucyo w'ubuhanga, n'ukuri no gukiranuka babikesha ababyeyi babo basenga kandi b'Abakristo. (24)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p.77.
2. *Pacific Health Journal,* June, 1890.
3. *Signs of Times,* March 16, 1891.
4. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.111.
5. *Letter* 272, 1903.
6. *Signs of Times,* Sept, 13, 1877.
7. *Signs of Times,* Oct.11, 1910.
8. *Pacific Health Journal,* June, 1890.
9. *Good Health,* January, 1880.
10. *Good Health,* January, 1880.
11. *Abakurambere n'Abahanuzi,* 2016:486, 487.
12. *Signs of Times,* March 16, 1891.
13. *Testimonies for the Church,* Vol.5, p. 594.
14. *Review and Herald,* Sept. 15, 1891.
15. *Manuscript* 49, 1901.
16. *Manuscript* 32, 1899.
17. *Pacific Health Journal,* June, 1890.
18. *Testimonies for the Church,* Vol.3. p. 565.
19. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 487 [2016]
20. *Ministry of Healing,* pp.377.
21. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p.135.
22. *Signs of Times,* March 11, 1886.
23. *Signs Times,* Sept. 13, 1877.
24. *Abakurambere n'Abahanuzi,* 199 [2016]



IGICE CYA 39

IMBARAGA IHINDURA UMUBYEYI W'UMUGORE AFITE

Impinduka Umubyeyi w'Umugore Ateza Ziba iz'Iteka Ryose: Urwego umubyeyi w'umugore akoreramo umurimo rushobora kuba ruciye bugufi; ariko impinduka ateza afatanyije n'iya se w'abana, ni impinduka ihoraho by'iteka ryose. Inyuma y'Imana, imbaraga iyobora ku cyiza ikomoka ku mubyeyi w'umugore ni yo mbaraga ikomeye cyane mu mbaraga zizwi ku isi. (1)

Imbaraga ihindura iva ku mubyeyi w'umugore ni imbaraga itagira ubwo ihagarara; kandi iteka niramuka iganisha ku cyiza, imico y'abana be izagaragaza ubutwari bw'imico mbonera ye n'agaciro ke. Kumwenyurira abana be no kubatera umwete bishobora kubongeramo imbaraga. Ashobora kwinjiza umucyo mu mitima w'umwana we amubwiye ijambo ry'urukundo no kumumwenyurira amwereka ko amwemera. . . . .

Iyo impinduka ateza ziganisha ku kuri no ku mico mbonera, iyo ayobowe n'ubwenge mvajuru, mbega uburyo ubuzima bwe buzaba imbaraga iganisha abantu kuri Kristo! Imbaraga ihindura imukomokaho izaba iy'iteka ryose. Mbega igitekerezo gitangaje : kubona indoro y'umubyeyi w'umugore, amagambo ye n'ibikorwa bye byera imbuto z'iteka ryose, kandi agakiza cyangwa kurimbuka kw'abantu benshi bikazaba umusaruro uvuye ku mpinduka yateje! (2)

Umubyeyi w'umugore ntasobanukirwa cyane ko imbaraga ihindura agira mu burere butunganye aha abana be ifite ububasha bwo kugira icyo ihindura muri ubu buzima, kandi ikaguka ikagera mu buzima buzaza buzarangwamo kudapfa. Kurema imico ikamera nk'iya Kristo bisaba gukiranuka bihagije no gukorana umwete no kutarambirwa. Ariko uwo murimo uzatanga umusaruro, kuko Imana igororera umuhati wose ukoreshwa neza mu gukiza ubugingo bw'abantu. (3)

Inyana ni iya Mweru: Umurunga w'ubugwaneza ukomeye kuri iyi si ni ufatanyije umwana na nyina. Imibereho ya nyina w'umwana n'urugero amuha ni byo bigira icyo bihindura cyane ku buzuma bw'umwana kurenza ibya se wamubyaye, kubera ko hari umurunga ukomeye cyane uhuza umwana na nyina.(4)

Ibitekerezo n'amarangamutima bya nyina w'abana bizagira icyo bihindura ku murage aha umwana we. Iyo yemereye intekerezo ze gutsimbarara ku marangamutima ye bwite, iyo ashimishwa no kwihugiraho, iyo ari umunyamushiha n'umunyagahato, imyitwarire y'umwana we izabigaragaza. Uko ni ko abantu benshi bakiriye umurage w'imyitwarire ibaganisha mu kibi isa n'idashobora gutsindwa. Umwanzi w'imitima asobanukiwe ibi cyane kurusha ababyeyi benshi. Azazana ibigeragezo bye maze byibasire umubyeyi, azi ko uwo mugore natamurwanya azabona urwaho rwo kwangiza umwana we amukoresheje. Ibyiringiro rukumbi by'umubyeyi biri mu Mana honyine. Ashobora kuyihungiraho ngo imuhe imbaraga n'ubuntu; kandi ntazaruhira ubusa. (5)

Umubyeyi w'umukristokazi azahora ari maso kugira ngo atahure akaga kagose abana be. Azakora ku buryo ubugingo bwe buba mu mwuka mwiza kandi wera. Amarangamutima ye n'amahame agenderaho azabitegekesha ijambo ry'Imana kandi azakora inshingano ye akiranutse, atsinde ibigeragezo bidakomeye bizajya bimwibasira buri gihe. (6)

Imbaraga Nziza Ihindura y'Umubyeyi w'Umugore Wihangana: Ibihe byinshi bya kumanywa, umubyeyi ahora yumva utujwi dutaka tumutabaza mu buryo dusimburana, tuvuga tuti: "Ma, mama!" Mu gusubiza iryo jwi rihamagara, umugore aba agomba gukubita hirya no hino kugira ngo ahe abo bana ibyo basaba. Umwana umwe aba ari mu kaga bityo aba akeneye ubwenge bwa nyina kugira ngo bumubature ave mu bimuhagaritse umutima. Undi aba anejejwe na tumwe mu dukoresho twe aba ashaka ko nyina atubona, yibwira ko turamushimisha nk'uko nawe tumushimisha. Ijambo rishyigikira rizazana umucyo mu mutima kandi uwumaremo amasaha menshi. Umubyeyi ashobora gusakaza umucyo n'ibyishimo mu bana be bakiri bato. Mbega uburyo ashobora komatanya abana be n'umutima we ku buryo kubana nabo kwe kubabera ahantu harangwa umucyo kurusha ahandi hose ku isi.

Ariko haba ubwo kwihangana k'umubyeyi kunanizwa n'ibyo bigeragezo bito bitabarika akenshi usanga bisa n'ibititaweho. Ubukubaganyi bw'abana no gukubita hirya no hino kwabo biha nyina w'abana akazi kenshi no guhagarika umutima cyane. Aba akwiriye kwikomeza akitegeka bitaba ibyo akaba yavuga amagambo yo kwinuba. Haba ubwo yiyibagiwe kenshi, ariko isengesho rya bucece asenze Umucunguzi we w'umunyampuhwe rimugaruramo ubuyanja, bityo akabasha kwitegeka kandi atuje. Avuga mu ijwi rituje, ariko biba byamutwaye imbaraga kugira ngo akumire amagambo asharira, kandi ngo atsinde amarangamutima y'uburakari kuko iyo aza kugaragazwa yari gusenya impinduka nziza ateza [ku bana], kandi bikaba byari kuzamutwara igihe kirekire ngo asubize ibintu ku murongo.

Abana bumva vuba, kandi bashobora gutandukanya imvugo irimo kwihangana n'urukundo n'imvugo irimo kurambirwa no gutanga

amategeko bituma urukundo rugenda rucwekera mu mitima yabo. Umubyeyi w'umukristokazi nyakuri ntazirukana abana be ngo bamuve iruhande babitewe no kutagira umutima utuje kwe no kubura urukundo rukuyakuya abana be. (7)

Kubaka Intekerezo no Kugorora Imico: Iyi ni inshingano y'umubyeyi w'umugore mu buryo bwihariye. Amaraso ye ni yo atunga umwana kandi akarema umubiri we. Ni nawe kandi umuha imbaraga zigira aho zimwerekeza mu by'ubwenge n'iby'umwuka ziganisha mu kubaka no kugorora imico. Yokebedi, Umuheburayokazi wari ufite ukwizera kutajegajega ni we "utaratinye itegeko ry'umwami," kandi ni we wabyaye Mose warokoye Abisirayeli. Hana, umugore w'umunyamasengesho, warangwaga no kwitanga no kuyoborwa n'ijuru, ni we wabyaye Samweli, umwana warezwe hakurikijwe amabwiriza y'Imana, akaba umucamanza udaca urwakibera, kandi akaba yarahanze amashuri yera y'abana b'ababahanuzi muri Isirayeli. Elizabeti, mwene wabo wa Mariya w'i Nazareti, ni we wibarutse integuza y'Umukiza. (8)

Umwenda Isi Ibereyemo Ababyeyi b'Abagore: Umunsi w'Uwiteka uzahishura ukuntu isi ibereyemo umwenda ababyeyi bubaha Imana kubw'abantu babaye intwari bagahagararira ukuri n'ubugorozi – abantu bahagaze bashikamye bagakora kandi bakihandagaza, abantu bahagaze ubutanyeganyezwa bari hagati y'ibishuko n'ibigeragezo; abantu bahisemo inyungu zera kandi zihanitse z'ukuri n'ikuzo ry'Imana, aho guhitamo icyubahiro cy'isi cyangwa ubuzima bwo ku isi ubwabwo. (9)

Babyeyi, mukangukire kuzirikana ko imbaraga ihindura ibakomokaho ndetse n'urugero mutanga bigira ingaruka ku mico y'abana banyu no ku hazaza habo. Kandi ku bijyanye n'inshingano yanyu, mujye mukuza intekerezo zitunganye n'imico iboneye igaragaza iby'ukuri, ibyiza kandi bizira amakemwa.(10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Good Health,* March, 1888.
2. *Signs of Times,* March 16, 1891.
3. *Good Health,* July, 1880.
4. *Testimonies for the Church,* Vol.2, p.536.
5. *Signs of Times,* Sept.11, 1910.
6. *Letter* 60, 1896.
7. *Signs of Times,* Sept. 13, 1877.
8. *Ministry of Healing,* p. 372.
9. *Signs of Times,* Oct. 11, 1910.
10. *Signs of Times,* Sept. 9, 1886.

IGICE CYA 40

KUDASOBANUKIRWA N'UMURIMO WA NYINA W'ABANA

Nyina w'Abana Agira Igishuko cyo Kumva ko Umurimo Akora ari Imburamumaro: Akenshi umubyeyi w'umugore abona ko umurimo we nta kamaro ufite. Si umurimo abantu bishimira kenshi. Abandi bazi bike cyane ku mitwaro ye n'ibimuhagarika umutima byinshi. Iminsi ye yose iba yuzuyemo inshingano nto nyinshi kandi zose zisaba umwete urangwa no kwihangana, kwitegeka, kwigengesera, ubwenge n'urukundo rwitanga. Ariko ntashobora kwirata ibyo yakoze nk'aho ari igikorwa runaka cy'indashyikirwa yagezeho. Icyo aba yakoze gusa ni ugushyira ibintu kuri gahunda mu rugo. Akenshi aba yaguye agacuho kandi ahangayitse, kuko aba yagiye agerageza kubwira abana amagambo y'ubugwaneza, akabahugenza kandi ashaka ikibanezeza, ari nako ayobora intambwe zabo nto mu nzira itunganye. Iyo yakoze atyo yumva ko ntacyo yakoze, ariko si ko biri. Abamarayika bo mu ijuru bahora bahanze amaso uwo mubyeyi wacogojwe n'imirimo, buri munsi bakandika imitwaro yikorera. Bishoboka ko izina rye ritamenyekana ku isi, ariko ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama w'Imana. (1)

Umugore n'umubyeyi nyakuri … azasohoza inshingano ze afite ishema kandi yishimye. Ntazafata ko byamutesha agaciro gukoresha amaboko ye akora igikenewe cyose mu rugo rwe ngo rutungane rwose.(2)

Umurimo Akora Uhabwa Agaciro Gake Ugereranyije n'Umurimo w'Ivugabutumwa: Mbega umurimo w'ingirakamaro! Nyamara kandi tujya twumva ababyeyi b'abagore bitsa imitima bifuza gukora umurimo wo kujya kwamamaza ubutumwa! Iyaba babashaga kujya mu gihugu cy'amahanga, bakumva ko bari basanzwe bakora umurimo ufite agaciro. Nyamara, gukora inshingano zabo za buri munsi mu rugo ndetse no kuzikomeza bisa n'aho bibabereye umurimo unaniza kandi badashimirwa. (3)

Ababyeyi b'abagore bifuza kuba bakora umurimo w'ivugabutumwa bawufite mu ntoki zabo no mu ngo zabo. . . . Mbese ubugingo bw'abana babo ntibunganya agaciro n'ubw'abapagani? Ni ubuhe bushishozi n'ubugwaneza umugore yagombye gukoresha yita ku ntekerezo z'abana be ziba zigikura kandi akayobora ibitekerezo byabo byose ku Mana! None se ni nde wundi washobora gukora ibyo kurusha umubyeyi wubaha Imana? (4)

Hari bamwe bibwira ko igihe cyose bazaba badakora umurimo w'itorero mu buryo butaziguye batazaba bakora ibihuje n'ubushake bw'Imana; ariko ibyo ni ukwibeshya. Umuntu wese afite umurimo agomba gukorera Shebuja. Gukora umurimo watuma urugo rwawe rumera neza no gukora ikintu cyose cyatuma ruba nk'uko Imana ibishaka, ni umurimo mwiza bitangaje. Umutima w'umuntu ufite impano zicishije bugufi niwegurirwa Imana, izo mpano zizatuma imibereho yo mu rugo imera nk'uko Imana ibishaka. Umusaruro uzava kuri uwo murimo ukoranwe umutima wose akorera Imana ni uko umucyo urabagirana uzarasa. Abagabo n'abagore bashobora gukorera Imana bumvira ibyo bumvise badakebakeba, bigisha abana babo kubaho batinya gutukisha Imana, bakabikora nk'uko umugabura uri ku ruhimbi ashobora kubikora. (5)

Abo bagore bakorana ubushake bwose ibiri hafi yabo bashobora gukora n'umutima ukunze, bagafasha abagabo babo kwikorera imitwaro yabo kandi bakigisha abana babo kubaha Imana, ni ababwirizabutumwa ku rwego rwo hejuru. (6)

Imirimo y'Itorero Ntikwiriye Gusimbura Kwita ku Rugo: Niba utita ku nshingano yawe nk'umugore n'ububyeyi, ugategera Imana amashyi uyisaba kuguha undi murimo, umenye neza yuko itazivuguruza. Ikwereka inshingano ugomba gukorera mu rugo rwawe. Niba utekereza ko hari undi murimo ukomeye cyane kandi wera kurenza uyu Imana yaguhaye, uribeshya rwose. Uramutse witaye ku nshingano z'urugo ukiranuka, ugakora wita ku bugingo bw'abakwegereye kuruta abandi, ushobora kuhakura ubushobozi buzakubashisha gukorera Kristo ahantu hari umurimo mugari. Ariko umenye neza ko abantu bakerensa inshingano yabo mu rugo bataba biteguye gukorera abandi. (7)

Umwami Imana ntiyaguhamagariye kutita ku rugo rwawe, umugabo wawe n'abana bawe. Ntabwo Imana yigera ikora muri ubwo buryo; kandi nta nubwo izigera ikora ityo . . . Ntukigere na gato utekereza ko Imana yaguhaye umurimo ugusaba gutandukana n'umukumbi muto wawe w'agaciro kenshi. Ntukigere ubasiga bonyine ngo bateshurwe ku mico mbonera n'abantu badakwiriye bifatanya nabo, kandi ngo babe bakwinangira imitima bakakuzinukwa nk'umubyeyi wabo. Uko kwaba ari ugutuma umucyo wawe umurika mu nzira itari yo; byongeye kandi uri gutuma bikomerera abana bawe guhinduka uko Imana ishaka ko baba kandi amaherezo bikazabavutsa kuragwa ijuru. Imana yita kuri abo bana, kandi nawe niba uvuga ko uri umwana wayo ugomba kubitaho. (8)

Mu myaka ibanza y'ubuzima bwabo ni cyo gihe ukwiriye gukora, ukaba maso kandi ugasenga, ukajya ubatera umwete mu cyerekezo cyiza cyose bashaka gufata. Uyu murimo ugomba gukomeza ubudahagarara. Ushobora kurarikirwa kwitabira amateraniro y'abagore no gufatanya n'amatsinda

y'ubudozi kugira ngo ubashe gukora umurimo w'ivugabutumwa. Ariko uretse gusa igihe waba ufite umwigisha cyangwa umurezi ukiranuka kandi usobanukiwe wasigira abana bawe, na ho ubundi ufite inshingano yo gusubiza ubwo butumire ko Uwiteka yaguhaye undi murimo udashobora kwirengagiza uko byamera bite. Nta wundi murimo ushobora gukora ku rwego ruhanitse utabanje gutakaza ibyangombwa bikwiriye bituma ukora umurimo wo kurera abana bawe bato no kubahindura nk'uko Imana ishaka ko baba. Nk'umufatanyabikorwa na Kristo, ukwiriye kubamwereka bafite ikinyabupfura kandi baratojwe imico myiza. (9)

Inyinshi mu nenge ziboneka mu mico y'umwana warezwe nabi zikingurirwa urugi na nyina. Umubyeyi w'umugore ntiyari akwiriye kwemera inshingano mu murimo w'Itorero zimutera kutita ku bana be. Umurimo mwiza umubyeyi w'umugore ashobora gukora ni uwo kureba niba nta bibi byinjizwa mu burere bw'abana be ....

Nta bundi buryo umubyeyi w'umugore yafashamo itorero bwaruta ubwo gutanga igihe cye yita ku bana bamutezeho kubigisha no kubatoza [uburere bwiza]. (10)

Kwifuza Kujya mu Murimo w'Ivugabutumwa Ahantu Hagutse ni iby'Ubusa: Ababyeyi b'abagore bamwe bifuza cyane kujya gukora umurimo w'ivugabutumwa, nyamara bagakerensa inshingano bafite zoroheje. Ntibita ku bana babo, urugo rwabo ntiruba rususurutse kandi rushimishije ab'umuryango wabo. Kuvugana uburakari no kwitotomba bikunze kubaho kenshi, bityo abana bahabyirukiye bagakura bumva ko mu rugo atari ahantu hashimishije kuruta ahandi baba. Ingaruka ibivamo ni uko usanga barambirwa bagahanga amaso igihe bazavira muri urwo rugo, bityo bishora mu isi nta kugenza make, nta kwitangira gutewe n'ibyo batorejwe mu rugo bakuriyemo ndetse n'inama zuje ubugwaneza za kibyeyi.

Ababyeyi bagombaga kuba bafite umugambi wo kwizirikaho imitima y'abo bana babo ikiri mito no kubayobora neza, bapfusha ubusa amahirwe Imana yabahaye. Usanga abo babyeyi ari impumyi batitaye ku nshingano z'ingenzi kuruta izindi bahawe mu buzima bwabo, bakaruhira ubusa bifuza kujya gukora mu murimo wagutse w'ivugabutumwa. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Counsels to Teachers,* Parents and Students, p. 144.
2. *Signs of Times,* Sept.9, 1886.
3. *Review and Herald,* July 9, 1901.
4. *Manuscript* 43, 1900.
5. *Manuscript* 32, 1899.
6. *Testimonies for the Church,* Vol.2, p. 466.

7. *Review and Herald*, Sept.15, 1891.
8. *Letter* 28, 1890.
9. *Manuscript* 32, 1899.
10. *Manuscript* 75, 1901.
11. *Health Reformer* Oct. 1876.

IGICE CYA 41

IBYITEGEREREZO BIKOCAMYE KU KUBA UMUBYEYI

Urenganywa Abishaka Cyane: Ingo nyinshi zirababara cyane bitewe n'uko umugore nyir'urugo ahorana amaganya adafite agaciro, kuko ava mu nshingano zoroheje zo mu rugo zijyana n'imibereho ye yo mu muryango yumva atanezerewe. Iyo yitegereje imirimo ye n'ibyo agomba kwitaho n'inshingano ze abifata nk'imiruho; maze ibitajyaga gushimisha no gutera amatsiko gusa binyuze mu kubikorana ubwuzu, ahubwo bikazana n'inyungu, abona ko bihindutse uburetwa. Yitegereza uburetwa arimo mu mibereho ye bikamutera iseseme maze akiyumvamo ko ari inzirakarengane.

Ni ukuri koko, ibikorerwa mu rugo ntibizahora bigenda neza; haba ibisaba kwihangana kandi bigatwara abantu imbaraga. Ariko nubwo ababyeyi b'abagore batabarwaho ibibaho badafiteho ubushobozi, ntacyo byaba bimaze guhakana ko ibibaho bizana itandukaniro rikomeye ku babyeyi mu murimo bakora mu mibereho yabo. Nabo bacirwa urubanza iyo bemeye ko ibibaho bibategeka kandi bikabateshura ku ihame bagenderaho, igihe barambirwa ntibabe bagikora inshingano ikomeye bahawe ndetse bakirengagiza inshingano yabo izwi neza.

Umubyeyi akaba na nyina w'abana ushobora gutsinda ingorane zabaye ingorabahizi ku bandi kubw'uko babuze kwihangana n'ubutwari bwo gushikama, ntabwo ahinduka umunyambaraga wenyine mu gukora inshingano ye, ahubwo ubunararibonye bwe mu gutsinda ibishuko no kurenga imbogamizi bimuhesha ububasha bwo gufasha abandi neza, haba mu magambo ye n'urugero atanga. Abantu benshi bakora neza imirimo yabo nk'uko bikwiriye igihe bamerewe neza bajya bahinduka mu mico iyo bahuye n'ibihe bibi n'ikigeragezo; bagenda badohoka bakurikije amakuba bafite. Ntabwo Imana yagennye ko tugomba kuba abantu bagira imico ikurikiza ibihe turimo. (1)

Gutiza Umurindi Umwuka Mubi wo Kutanyurwa: Abagabo benshi ndetse n'abana ntibabona ikintu na kimwe kibarehereza kuba mu rugo bitewe n'uko iyo batashye bahora bakirizwa amagambo mabi no kwitotomba, usanga bashakira icyabarema agatima n'icyabashimisha ahatari mu rugo rwabo nko mu kabare cyangwa ahandi harangwa ibinezeza bibuzanyijwe.

Umubyeyi nyina w'abana, usanga ahugiye mu bimuhagaritse umutima by'imirimo yo mu rugo, maze akenshi ntiyite ku rugwiro rwa hato na hato rwa rundi rutuma mu rugo haba ahantu hanejeje umugabo we n'abana, nubwo yakwirinda gutinda ku bimubabaje byihariye ndetse n'ingorane ze igihe ari imbere yabo. Igihe ahugiye mu guteka ibyokurya cyangwa ari gutegura imyambaro, umugabo we n'abahungu be barinjira, bakongera kwisohokera bakigendera nk'abashyitsi.

Nubwo umugore mu rugo ashobora gukora inshingano ze zigaragara inyuma nk'uko bikwiriye, ntibimubuza gukomeza kwinubira uburetwa abamo, kandi agakuririza inshingano ze n'imbogamizi ze binyuze mu kugereranya imibereho abamo n'imibereho afata ko ari yo ku rwego rwo hejuru ku mugore . . . Igihe aharanira cyane kugira ubuzima burenze ubwo afite ariko ntabigereho, aba ari gutiza umurindi umwuka mubi wo kutanyurwa, bigatuma urugo rwe rurushaho kudashimisha umugabo we n'abana be. (2)

Guhugira mu Bupfapfa bw'ab'isi: Satani yateguriye ababyeyi ndetse n'abana ibintu bishimishije byo kubareshya. Azi ko aramutse ashoboye gukoresha imbaraga y'ubushukanyi bwe ku babyeyi b'abagore azaba abonye intsinzi ikomeye. Inzira z'isi zuzuyemo ubushukanyi n'uburiganya n'imibabaro, zigaragazwa nk'izireshyareshya abantu. Bityo niba abana n'abasore bataratojwe byitondewe kandi ngo bahabwe ikinyabupfura, nta kabuza bazayoba inzira. Kubera ko badafite amahame atajegajega bakurikiza, guhangana n'ibishuko ntibizaborohera. (3)

Kwishyiraho Imitwaro Itari Ngombwa: Ababyeyi benshi b'abagore bamara igihe cyabo bakora ibintu bidafite akamaro. Intekerezo zabo zose bazishyira mu by'igihe barimo kandi bishira maze ntibatuze ngo batekereze ku bintu bizahoraho iteka. Mbega ukuntu ari ababyeyi benshi birengagiza abana babo, maze abo bana bagakurana ikinyabupfura gike, bakaba intumva zitagira umuco!(4)

Igihe ababyeyi, cyane cyane ba nyina w'abana, bazaba bafite imyumvire nyakuri ku murimo w'ingirakamaro kandi w'ingenzi Imana yabahaye, ntibazajya bijandika cyane mu bibazo bireba abaturanyi babo, ibyo badafite icyo babikoraho. Ntabwo bazajya birirwa bava mu rugo bajya mu rundi bari mu mazimwe y'ibigezweho, baganira ku mafuti n'amakosa no guhuzagurika birangwa mu baturanyi babo. Ahubwo bazumva ko bafite umutwaro ukomeye wo kwita ku bana babo bwite ku buryo batazabona igihe cyo kunegura abaturanyi babo. (5)

Umugore naramuka ahanze Imana amaso ngo imuhe imbaraga kandi imukomeze, maze mu kuyubaha agaharanira gukora inshingano ze za buri munsi, azabasha kubahwa no kugirirwa icyizere n'umugabo we, kandi



azabona abana be bakura babe abagabo n'abagore biyubaha, bafite imbaraga z'imico mbonera zibatera gukora ibyiza. Ariko ababyeyi b'abagore bakerensa amahirwe bafite ubu, maze inshingano bafite n'imirimo bagombye gukora bakabiharira abandi, amaherezo bazasobanukirwa ko inshingano yabo idahinduka, bityo ibyo babibye mu kutagira icyo bitaho no kwirengagiza kwabo bazagisaruremo umubabaro. Muri ubu buzima nta kintu gipfa kwikora; ahubwo umusaruro uzagenwa n'imiterere y'imbuto yabibwe. (6)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times*, Nov. 29, 1877.
2. *Signs of Times*, Nov. 29, 1877.
3. *Review and Herald*, June 27, 1899.
4. *Signs of Times*, July 22, 1889.
5. *Testimonies for the Church*, Vol.2, p.466.
6. *Signs of Times*, April 4, 1911.

IGICE CYA 42

UBUZIMA BW'UMUBYEYI N'UKO AGARAGARA

Ubuzima bw'Umubyeyi w'Umugore Bugomba Kwitabwaho cyane: Imbaraga z'umubyeyi ari we nyina w'abana zikwiriye kubungwabungwa cyane. Aho kugira ngo amarire imbaraga ze z'agaciro kenshi mu mirimo imugusha agacuho, igikwiriye ni uko ibimutera guhagarika umutima n'imitwaro imuremerera bigabanywa. Akenshi umugabo ari we se w'abana ntamenya amategeko agenga umubiri agomba gukurikizwa kugira ngo umuryango we umererwe neza. Kubera guhugira mu rugamba rwo gushaka imibereho, cyangwa gutwarwa no kugwiza ubutunzi no kuremererwa no guhangayika, umugabo atuma umugore we -akaba na nyina w'abana- yikorera imitwaro imukamuramo imbaraga mu gihe kiba kimugoye cyane bityo bikamukururira gucika intege ndetse n'indwara.(1)

Kubw'inyungu ze bwite n'iz'umuryango we, aba agomba kwirinda kwinaniza cyane bitari ngombwa, kandi agakoresha uburyo bwose afite ngo abungabunge ubuzima bwe, amagara ye n'imbaraga Imana yamuhaye; kubera ko azakenera gukoresha ingufu z'ubushobozi bwose bw'umubiri kugira ngo arangize umurimo ukomeye yahawe. Umugabane umwe w'igihe cye yari akwiriye kuwumara hanze y'urugo, akora imyitozo ngororamubiri kugira ngo abashe gusubirana imbaraga zimubashisha gukora imirimo yo mu rugo anezerewe kandi akayinoza neza bityo akaba umucyo n'umugisha ku rugo rwe.(2)

Ababyeyi b'Abagore Bakwiriye Kuba Abavugizi b'Ivugurura mu by'Ubuzima: Ubushake bw'Imana bwasobanuriwe neza ababyeyi b'abagore bose. Kubw'itegeko n'icyitegererezo batanga, Imana yifuza ko baba abavugizi b'ivugurura mu byerekeye ubuzima. Bakwiriye guhagarara bashikamye ku ihame, bakirinda kwica amategeko agenga imikorere y'umubiri Imana yashimangiye muri kamere yabo. Kubwo "guhagarara ku mugambi w'ukuri" bafite gukiranuka gushikamye, ababyeyi b'abagore bazagira imbaraga mu mitekerereze n'ubuntu buva ku Mana bibashishe umucyo wabo kumurikira isi, haba mu mikorere yabo idakebakeba no mu mico iboneye y'abana babo.(3)

Kwitegeka mu Byerekeye Imirire: Umubyeyi w'umugore akeneye kuba afite kwitegeka gutunganye rwose; kandi kugira ngo ibyo abigereho, akwiriye

gufata ingamba zose zo kwirinda kumererwa nabi kwaba ku mubiri cyangwa mu ntekerezo. Imibereho ye ikwiriye gukurikiza amategeko y'Imana n'amategeko agenga ubuzima. Kubera ko imirire igira ingaruka ku ntekerezo no ku myifatire y'abantu, umugore akwiriye kwigengesera cyane kuri iyo ngingo yihariye, akarya ibiribwa birimo intungamubiri ariko bitawukabura, kugira ngo imyakura ye ibe ituje kandi ye kuba umuntu urakazwa n'ubusa uhora yiteguye guhangana. Ubwo ni bwo azasanga bimworohera kurangwa no kwihangana igihe ari kwita ku mico itandukanye y'abana be kandi agakomeza kubayobora ashikamye ariko abagaragariza n'urukundo.(4)

Kumurika nk'Izuba mu Bihe Ibyo ari byo Byose: Umubyeyi w'umugore ashobora kandi akwiriye gukora ibishoboka byose agategeka imyakura ye n'intekerezo ze igihe agize ikintu kimubabaje; ndetse niba abyimenyereza ubwe, n'igihe arwaye ashobora kugaragaza akanyamuneza no kwishima ndetse ashobora kwihanganira urusaku rwinshi birenze uko yigeze atekereza ko byashoboka. Ntakwiriye gutuma abana be babona intege nke ze kandi ngo intekerezo zabo zikiri nto ndetse zifata ibintu cyane zijimishwe n'agahinda ko mu mutima we, ngo abatere kumva ko inzu yabo ari nk'imva naho icyumba cy'umubyeyi wabo kikaba ahantu habi cyane hababaje muri iyi si. Ubwenge n'imyakura y'ubwonko bimererwa neza kandi bikagwiza imbaraga binyuze mu gukoresha ubushake. Mu bihe byinshi imbaraga z'ubushake zizaba umuti ushoboye koroshya imyakura. Ntukigere wemerera abana bawe kukubona ubabaye wijimye mu maso. (5)

Kuzirikana Agaciro k'Umugabo n'ak'Abana: Igihe bari mu murimo wabo, bashiki bacu ntibakwiriye kwambara imyambaro ituma bagaragara nka za kadahwema zo gukanga inyoni zona imyaka. Bishimisha cyane abagabo babo n'abana babo kubabona bambaye imyenda myiza kandi bikwije kurenza uko byashimisha abashyitsi basanzwe cyangwa se rubanda rwose. Abagore bamwe n'ababyeyi basa n'abatekereza ko uko bagaragara bari mu mirimo ntacyo bivuze n'igihe barebwa n'abagabo babo n'abana babo gusa, ariko ugasanga baragaragaza umwihariko cyane mu myambarire kugira ngo banezeze amaso y'abantu batabafiteho umwihariko. Mbese agaciro n'urukundo by'umugabo wawe n'abana bawe si byo bikwiriye guhabwa agaciro kurusha abashyitsi cyangwa incuti zisanzwe? Umunezero w'umugabo n'uw'abana ukwiriye kurushaho kwitonderwa cyane na buri mugore wese na nyina w'abana kurenza uw'abandi bantu bose.(6)

Jya wambara imyambaro ikwizihiye. Ibyo bizongera icyubahiro abana bawe baguha. Genzura kandi urebe ko nabo bambaye neza. Ntukabakundire kwiga ingeso yo kurangwa n'umwanda no kudashyira ibintu kuri gahunda. (7)

Nta Kuba Imbata y'ibyo Batekereza: Akenshi ababyeyi b'abagore bagaragaza imyumvire mibi ku bijyanye n'ibyo abandi bantu bashobora gutekereza ku ngeso zabo, ku myambarire yabo no ku bitekerezo byabo.

Kandi ku rwego rukomeye, usanga barabaye imbata zo gutekereza ku kuntu abandi bashobora kubafata. Mbese ntibibabaje cyane kubona abantu bafite inyurabwenge bashobora gutinda cyane ku byo abaturanyi babo bazabatekerezaho aho guhangayikishwa n'inshingano bafite ku Mana? Natwe akenshi ukuri turagupfukirana kugira ngo tujyane n'umuco, bityo twirinde guseba. ...

Umubyeyi w'umugore ntakwiriye kwemera kuba imbata y'ibyo abandi batekereza; kubera ko agomba gutoza abana be kuba muri ubu buzima no mu buzima bw'ahazaza. Mu myambarire, ababyeyi b'abagore ntibakwiriye guharanira kwigaragaza binyuze mu kwambara imirimbo n'imitako itari ngombwa. (8)

Kwigisha Amasomo Yerekeye Isuku no Kubonera: Iyo ababyeyi b'abagore bimenyereje kwambara imyambaro yanduye bari imuhira, baba bigisha abana babo kwigana uwo mwanda bagira. Abenshi mu babyeyi b'abagore batekereza ko kwambara umwambaro ubonetse wose umuntu ari imuhira nta cyo biba bitwaye, waba wanduye cyangwa se usuzuguritse. Iyo bagenje batyo, bidatinze batakaza icyubahiro bari bafite mu muryango. Abana bagereranya imyambaro y'umubyeyi wabo n'iy'abandi bambara neza, maze kumwubaha bari bafite kukagabanuka.

Babyeyi, mujye mugerageza kwiyitaho mugaragare neza uko mushoboye kose; mudakoresheje kwambara imyambaro y'akataraboneka, ahubwo mwambare imyambaro isukuye ndetse ibakwije. Muri ubwo buryo, muzaba mwigisha abana banyu amasomo ahoraho yo kurangwa n'isuku no kubonera. Gukunda abana no kububaha bikwiriye kuba iby'agaciro gakomeye cyane ku mubyeyi wese w'umugore. Ikintu cyose kuri we cyagombye kubigisha isuku na gahunda kandi mu ntekerezo zabo kigahuzwa no kubonera no kwera. Mu ntekerezo z'umwana muto wese habamo kubonera, hakabamo igitekerezo cy'ibintu bikwiriye kandi bitunganye. None se abo bana bacengerwa bate no kwifuza ibitunganye kandi byera mu gihe buri munsi amaso yabo areba imyambaro yanduye n'ibyumba by'iwabo birimo akajagari? Ni gute abashyitsi baturutse mu ijuru (aho usanga ibintu byose biboneye kandi byera), batumirwa bakaza muri urwo rugo rw'akajagari rutyo? (9)

Kugira gahunda n'isuku ni itegeko ry'ijuru; kandi niba dushaka kutabusanya n'uko abo mu ijuru bagenza, dufite inshingano yo kugira isuku no guhitamo ibintu byiza. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Ministry of Healing,* p.373.
2. *Pacific Health Journal,* June, 1890.

3. *Good Health*, Feb. 1880.
4. *Pacific Health Journal*, May, 1890.
5. *Testimonies for the Church*, Vol. 1, p. 387.
6. *Id.*, Vol. pp. 464, 465.
7. *Letter* 47a, 1902.
8. *Review and Herald*, March 31, 1891.
9. *Christian Temperance and Bible Hygiene*, pp. 143,144.
10. *Testimonies for the Church*, Vol.4, pp. 142,143.

IGICE CYA 43

IMPINDUKA ZITANGIRA MU GIHE UMUGORE ATWITE

Abagore Bakwiriye Kuzuza Ibyangombwa by'Ububyeyi: Mbere y'uko abagore bahinduka ba nyina b'abana, bakeneye kwihangana cyane. Imana yategetse ko bagomba gutegurirwa uwo murimo. Umurimo w'umubyeyi w'umugore uhinduka umurimo utagira aho ugarukira binyuze mu komatana na Kristo kwe. Kubisobanukirwa biraturenze! Umurimo w'umugore urera. Birakenewe ko Kristo aba mu muryango; kubera ko imirimo y'urukundo ikorwa na nyina w'abana ishobora guhindura urugo rukaba Beteli. Umugabo n'umugore we bakwiriye gufatanya. Mbega uko isi yacu yamera iyaba ababyeyi bose b'abagore bitangaga ubwabo ku gicaniro cy'Imana, kandi bakeguriraga Imana umwana wabo haba mbere ndetse na nyuma yo kuvuka kwe! (1)

Akamaro k'Impinduka Zitangizwa Mbere yo Kubyara: Ababyeyi benshi babona ko ingaruka z'impinduka zitangizwa mbere yo kubyara ari akabazo kamara igihe gito cyane; ariko ijuru ryo ntiribibona rityo. Ubutumwa bwoherejwe n'umumarayika w'Imana, kandi bugasubirwamo kabiri mu buryo bukomeye, byerekana ko ari ubutumwa dukwiriye gutekerezaho twitonze cyane.

Mu magambo yabwiwe umubyeyi w'Umuheburayokazi [umugore wa Manowa], burya Imana yabwiraga ababyeyi bose b'ibihe byose. Marayika yaravuze ati: "...Ibyo nabwiye uyu mugore byose abyirinde.. . . Nuko yitondere ibyo namubwiye byose." (Abacamanza 13:13-14). Imibereho myiza y'umwana izatezwa impinduka runaka n'imico ya nyina. Ipfa rye n'ibyo ararikira cyane bigomba kugira ihame ribigenga. Niba asohoza umugambi Imana imufitiye imuha umwana, hari ibintu agomba kwirinda, hakaba n'ibindi agomba kurwanya. (2)

Isi yuzuye imitego yatezwe mu nzira abakiri bato bacamo. Abantu benshi bakururwa n'ubuzima bwo kwikanyiza no gukunda ibinezeza umubiri. Ntabwo bashobora gushishoza ngo bamenye akaga kabubikiriye rwihishwa cyangwa amaherezo ateye ubwoba y'inzira igaragara nk'aho ari inzira y'umunezero kuri bo. Binyuze mu gukabya bahaza ipfa ry'inda n'irari, bapfusha ubusa imbaraga zabo, kandi abantu miliyoni nyinshi bakarimbuka

babuze ubuzima bwo kuri iyi si n'ubugingo bwo mu isi izaza. Ababyeyi bakwiriye kwibuka ko abana babo bagomba guhura n'ibyo bishuko. Ndetse na mbere y'ivuka ry'umwana, hakwiriye gutangira imyiteguro izamubashisha kuzarwana akanesha mu rugamba azaba ahanganiyemo n'ikibi. (3)

Niba umugore ahaza inarinjye ye igihe atwite, akaba umunyabugugu, ntiyihangane, akaba ari umuntu uhabwa ntanyurwe, bene iyo mico izigaragariza mu mico y'umwana uzavuka. Uko ni ko abana benshi bakiriye imyitwarire isa n'aho itatsindwa rwose ibaganisha mu bibi bayihabwa nk'umurage.

Ariko iyo umubyeyi ashikamye ku mahame atunganye adakebakeba, iyo yirinda kandi yiyanga, iyo ari umugwaneza, yitonda, kandi ntiyikanyize, ashobora guha umwana we iyo mico y'agaciro kenshi.(4)

Ibyangombwa mu Kwita ku Mugore Utwite: Kutagira itandukaniro rikorwa mu buzima bw'umugore utwite ni ikosa rikorwa na benshi muri rusange. Muri icyo gihe cy'ingenzi cyane, umubyeyi akwiriye koroherezwa imirimo. Mu mubiri we haba hari kubera impinduka zikomeye. Biba bisaba ko agira amaraso menshi, bityo akaba akeneye kongera ibyokurya bikungahaye ku ntungamubiri bizabyara amaraso. Iyo atariye ibyokurya bihagije kandi byuzuye intungamubiri, ntashobora gukomeza kugira imbaraga z'umubiri yari asanganywe, bityo urubyaro rwe ntirugire amagara mazima.[2] Imyambaro yambara nayo ikwiriye kwitonderwa. Hakwiriye kubaho kwigengesera kugira ngo arinde umubiri we imbeho nyinshi. Ntakwiriye kumva ko imbaraga z'umubiri zireba inyuma gusa ashakisha imyambaro ihagije. Igihe umubyeyi atabonye indyo ihagije yuzuye kandi ikungahaye, azagira amaraso make kandi nkene. Itembera ry'amaraso mu mubiri we rizaba nkene, kandi n'umwana we ni uko bizamugendekera. Icyo gihe urubyaro rwe ntiruzabasha kugira indyo ikwiriye umubiri ubasha guhinduramo amaraso meza yo kuwutunga. Kugubwa neza k'umubyeyi w'umugore n'umwana we bishingiye cyane ku myambaro myiza kandi isusurutse no kubyokurya bikungahayemo intungamubiri. (5)

Hakwiriye kubaho kwigengesera gukomeye kugira ngo ahakikije nyina w'abana habe hashimishije kandi hanejeje. Umugabo akaba na se w'abana afite inshingano yihariye yo gukora uko ashoboye kose kugira ngo yoroshye umutwaro w'umugore we akaba na nyina w'abana be. Uko bishoboka kose akwiriye kwihanganira uko umugore we amerewe. Umugabo akwiriye kujya amwishimira, akamugaragariza ubwuzu, ineza n'urugwiro, kandi

2 Kugira ngo umenye andi mabwiriza kuri iyi ngingo, soma igitabo Inama ku Mirire n'Ibyokurya, p. 222, igice kivuga ngo: "Imirire y'umubyeyi utwite."

cyane cyane akamutega amatwi ku byo akeneye byose. Abagore bamwe batwite ntibitabwaho nibura na kimwe cya kabiri cy'uburyo abantu bita ku matungo ari mu kiraro.(6)

Ipfa Ryonyine Si ryo Muyobozi Wizewe: Igitekerezo kivuga ko bitewe n'uko abagore baba bamerewe kwihariye bashobora guhaza irari ry'ibyo bakeneye mu buryo bukabije ni ikosa rishingiye ku kamenyero, ntigishingiye ku myumvire mizima. Irari cyangwa ipfa ry'abagore batwite ribasha guhindagurika, bakagira ibyo batwarira, kandi ntibibe byoroshye kurihaza; ndetse rimwe na rimwe umuco uba ubemerera ko bagomba guhabwa ibyo bifuza nta kugisha inama umutimanama ngo bibaze niba ibyo byokurya bibasha guhaza no kugwa neza imibiri yabo, kandi ngo bitume imikurire y'umwana igenda neza. Ibyokurya bigomba kuba bifite intungamubiri, bidafite ibikabura umubiri . . . Niba hari igihe kibaho kiba gikenewemo kwiyoroshya mu mirire no kwigengesera byihariye ku bijyana n'ibyokurya, ni muri iki gihe umugore aba atwite.

Abagore bafite ihame bagenderaho, kandi bigishijwe ntibazareka gukoresha indyo yoroheje mu gihe nk'iki kurenza ibihe byose. Bazazirikana ko hari undi muntu ubakesha ubuzima ku buryo bazajya bitondera ibyo bagize akamenyero ariko by'umwihariko mu mirire. Ntibakwiriye kurya ibyokurya bitagira intungamubiri kandi bikabura umubiri bashingiye gusa ko bibaryohera. Bazabona abajyanama benshi babemeza ibyo bagomba gukora binyuranye n'icyo umutimanama wabo ubabuza gukora. Abana bavukana uburwayi bitewe n'uko ababyeyi babo bategekwa n'inda. ...

Iyo umuntu ashyize ibyokurya byinshi mu gifu ku buryo imyanya ishinzwe igogora isigara ihatirwa gukora birenze urugero kugira ngo isohore ibyashyizwemo no kugira ngo ikure mu mubiri ibinyabutabire biwutera kuryaryatwa, icyo gihe umubyeyi aba yihemukira ubwe kandi aba ashyiraho urufatiro rw'indwara ku mwana azabyara. Niba yiyemeje kurya uko ashaka n'ibyo ararikiye byose, ntiyite ku ngaruka zamubaho, si we wenyine uzagerwaho n'igihano. Umwana we w'inzirakarengane nawe azababara bitewe no kudashyira mu gaciro kwe. (7)

Kwitegeka no Kwirinda Birakenewe: Ibyo umubyeyi nyina w'abana akeneye byerekeye umubiri ntibikwiriye kwirengagizwa na rimwe. Ubuzima bw'abantu babiri niwe buba bushingiyeho, bityo ibyo yifuza bikwiriye kwitabwaho kandi agahabwa ibyo akeneye mu mwuka w'ineza. Ariko icyo gihe hari ibintu agomba kwirinda kurenza ibindi byose, mu byerekeye ibyokurya n'ibindi bintu, ni ikintu cyose gishobora kugabanya imbaraga zumubiri n'iz'ubwenge. Itegeko ry'Imana ubwayo rimusaba rikomeje ko agomba kwitegeka. (8)

Umusingi w'imico itunganye mu muntu wo mu gihe kizaza ukomezwa n'akamenyero ko kwirinda kudakebakeba kuranga umubyeyi igihe ategereje kubyara. … Ntabwo iri somo rikwiriye kutitabwaho.(9)

Mushishikarize Ababyeyi Kugira Akanyamuneza n'Umutima Wishimye: Ibyaba bikikije umugore wese witegura kuba umubyeyi, akwiriye gushishikarira guhora yishimye, afite akanyamuneza, n'umutima unezerewe, azi neza ko umuhati wose muri iki cyerekezo azawiturwa incuro cumi mu mbaraga z'umubiri n'imico mbonera y'urubyaro rwe. Byongeye kandi, kubw'akamenyero yihaye, ashobora kwimenyereza imitekerereze inejeje, bityo akihatira kugira intekerezo zishimye maze ibyishimo bivuye mu munezero w'umutima we akabigeza ku bagize umuryango we n'abo ahura nabo bose. Nibiba bityo, ubuzima bw'impagarike ye buzarushaho kumera neza ku rwego rukomeye. Hari imbaraga izahabwa amasoko y'ubuzima, maze amaraso ye gutembera buhoho buhoro nk'uko byajyaga kugenda iyo aza kuba yatakaje ibyiringiro kandi yijimye. Ubuzima bwe bwo mu mutwe n'ubw'imico mbonera buhabwa imbaraga n'akanyamuneza kamuranga. Imbaraga z'umutimanama zishobora kurwanya ibireshyareshya bizanwe n'intekerezo kandi zizajya zitera imyakura ye gutuza. Abana bavukijwe iyo mbaraga y'ubuzima bagombye kuba bararazwe n'ababyeyi babo, bakwiriye kwitabwaho bikomeye. Kubwo kwita cyane ku mategeko agenga ubuzima bwabo, ibintu bishobora kurushaho kumera neza. (10)

Kwimakaza Umwuka w'Amahoro no Kwizerana: Umukobwa wese witegura kuzaba umubyeyi akwiriye kurindira ubugingo bwe mu rukundo rw'Imana. Intekerezo ze zikwiriye kuba mu mahoro; akwiriye guturiza mu rukundo rwa Yesu, agashyira mu bikorwa amagambo ya Kristo. Akwiriye kwibuka ko umubyeyi nyina w'abana ari umukozi ukorana n'Imana. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Manuscript* 43, 1900.
2. *Ministry of Healing,* p.372.
3. *Id.,* p. 371.
4. *Id.,* pp.372,373.
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, pp. 381,382.
6. *Id.,* Vol. 2, p. 383.
7. *Id.,* Vol. 2, pp. 382, 383.
8. *Ministry of Healing,* p.373.
9. *Good Health,* Feb. 1880.
10. *Solemn Appeal,* pp. 123, 124.
11. *Signs of Times,* April 9, 1896.



IGICE CYA 44

KWITA KU BANA BATO

Inyifato Itunganye ku Mubyeyi Wonsa: Ibyokurya bihebuje ibindi ku ruhinja ni amashereka. Uruhinja ntirukwiriye kuvutswa ibyo byokurya. Byaba ari ukutagira umutima umubyeyi aramutse ashatse uko yakwikuraho umurimo wuje impuhwe wo konsa umwana we bitewe n'inyungu ze bwite cyangwa gushaka kwishimisha. (1)

Igihe uruhinja rutangira konka amashereka ya nyina kiba ari igihe kigoranye. Abagore benshi, mu gihe bonsa, usanga bakora imirimo ibarenze yo mu gikoni, bakiyuha akuya, amaraso yabo agashyuha, maze ingaruka zikagera kuri urwo ruhinja, bidatewe gusa no kuba amashereka y'umubyeyi aba yashyuhiranye, ahubwo no kuba amaraso ye bwite aba yandujwe n'uburozi butewe n'imirire mibi y'umubyeyi iba yateje umubiri wose gukora nabi, bityo bikagira ingaruka ku byokurya (ku mashereka) by'umwana.

Umwana kandi agerwaho n'ingaruka z'imibereho y'imitekerereze ya nyina. Niba nyina atishimye, niba ahura n'ibimutera kudatuza, akarakazwa n'ubusa, akagaragaza amarangamutima vuba, ibyokurya umwana ahabwa na nyina bizakongezwa n'ibyo, akenshi bimutere uburibwe mu nda, kwikanya kw'imikaya, ndetse n'ibihe runaka, bikaba byatera umubiri we kugagara, n'uburwayi bwa gitunguro.

Imico umwana agira kandi iterwa ku buryo bukomeye cyangwa bworoheje n'imiterere y'amashereka ahabwa na nyina. Mbega ukuntu ari ingenzi cyane ko igihe umubyeyi ari konsa umwana we akwiriye kugira intekerezo zirangwa n'ibyishimo, akaba umuntu urinda cyane umutima we. Mu gihe bigenze bityo, ibyokurya by'umwana ntibizateza akaga, kandi hamwe no kugira umutuzo, kwihangana umubyeyi akomeza kugaragaza igihe arera umwana bigira icyo bikora gikomeye mu kurema intekerezo z'umwana. Niba umwana arangwa no kurakara no kudatuza, imyitwarire yo kwigengesera no kwitonda bizagenda bihosha kandi bikosore iyo mico y'umwana, kandi ubuzima bwe buzarushaho kugenda bumererwa neza. (2)

Iyo imibereho y'umwana irimo ituza kandi yoroheje, nibwo akura neza ku gihagararo no mu ntekerezo. Igihe cyose nyina w'umwana aba akwiriye guharanira guhorana ituza kandi akitegeka. (3)

Ibyokurya Ntibisimbura Kwita ku Mwana: Abana bato benshi bagiye bahohoterwa bikomeye binyuze mu gufatwa uko bidakwiriye. Igihe babaga bafite amahane, muri rusange bagiye bahabwa ibyokurya kugira ngo batuze, mu gihe akenshi impamvu nyakuri y'ayo mahane bagira ari uko bagaburiwe ibyokurya byinshi cyane, ndetse byangirijwe n'ingeso mbi za nyina. Kubongera ibyokurya byagiye bituma ibintu birushaho kujya irudubi, kubera ko ibifu byabo byari byamaze kuzura bikarenza urugero.

Muri rusange abana bakurwa mu turiri twabo bajyanwa mu guhaza irari ry'inda kandi bakigishwa ko babereyeho kurya. Umubyeyi nyina w'abana akora byinshi mu kurema imico y'abana be bakiri bato. Ashobora kubigisha gutegeka ipfa ry'inda, cyangwa se akabigisha gukabya mu mirire bagahinduka ibisambo. Akenshi akora gahunda y'imirimo ari bukore mu munsi; maze igihe abana bamurogoye, aho kugira ngo afate abahoze kubw'umubabaro baba bafite, kandi ngo abazengagize, abaha icyo barya kugira ngo batuze, maze ibyo bikabatera gutuza ariko by'akanya gato. Mu by'ukuri ibyo bituma abana barushaho kumererwa nabi. Ibifu by'abana biba byapakiwemo ibyokurya mu gihe batari bakeneye na gato. Icyasabwaga gusa cyari agahe gato nyina yari gufata akabitaho. Nyamara uwo mubyeyi aba yafashe ko igihe cye ari icy'agaciro kenshi ku buryo atagikoresha akina n'abana be. Ahari yibwira ko gutunganya ibintu byo mu rugo rwe mu buryo bwiza bushimisha abashyitsi bamugana, no guteka ibyokurya byiza mu buryo bugezweho ari byo akwiriye kwitaho cyane kuruta umunezero n'ubuzima bwiza by'abana be. (4)

Ibyokurya Bikwiriye Kuba Ibitera Amagara Mazima, Ibitera ipfa, ariko Byoroheje: Ibyokurya bikwiriye kuba byoroje cyane ku buryo gutegurwa kwabyo kudatwara igihe cyose cy'umubyeyi. Ni koko, birakwiye ko ameza ajyaho ibyokurya bitera amagara mazima byatetswe neza kandi bitera ipfa umuntu ubirebye. Ntimutekereze ko ibintu ibyo ari byo byose mushobora kuvangitiranya mutabyitayeho maze mukabigabura nk'ibyokurya ari byiza bihagije ngo bibe byagaburirwa abana. Ariko mwari mukwiriye kutajya mutanga igihe kinini mutegura ibyokurya bitari byiza ngo munezeze ipfa ryamaze kwangirika. Ahubwo mukwiriye gukoresha igihe gisumbyeho mu kurera no gutoza abana banyu. (5)

Gutegura Utwenda tw'Uruhinja: Mu gutegura ububiko bw'utwenda tw'umwana, hakwiriye kwita myenda ikwiriye, ituma agubwa neza kandi akagira amagara mazima mbere y'uko umubyeyi ashakisha ibigezweho cyangwa ngo yifuze ibyatuma atangarirwa. Umubyeyi ntakwiriye guta igihe cye atera amabara cyangwa akora imideli ngo imyenda y'umwana ikunde ibe akataraboneka, bityo akaba ari kwiha akazi katari ngombwa ari nako

yangiza ubuzima bwe n'ubw'umwana we. Ntakwiriye kujya amara igihe kinini yunamye adoda imyenda ku buryo byangiza bikomeye amaso ye n'imyakura ye, mu gihe yari akeneye kuruhuka cyane no gukora imyitozo ngororamubiri ikwiriye. Uyu mubyeyi akwiriye kubona ko inshingano ye ari ugusigasira imbaraga ze z'umubiri kugira ngo abashe kuba yasohoza ibyo asabwa nk'umubyeyi. (6)

Girira Umwana Isuku, Umurinde Imbeho kandi Abone Umwuka Mwiza: Impinja zikenera ubushyuhe, ariko hari ikosa rikomeye cyane rikorwa kenshi igihe impinja ziryamishwa mu cyumba gishyushye cyane, kitageramo umwuka mwiza w'amahumbezi....

Uruhinja rukwiriye kurindwa ikintu cyose cyaca intege umubiri warwo cyangwa kikawuhumanya. Hakwiriye kubaho kwigengesera bikomeye kugira ngo ikintu cyose kijyana n'uruhinja kibe ari cyiza kandi gifite isuku. Mu gihe bibaye ngombwa kurinda abana b'impinja ihindagurika ry'ubushyuhe ritunguranye cyangwa rikomeye cyane, hakwiriye kubaho kwitonda kugira ngo abo bana baba basinziriye cyangwa bari maso, haba ku manywa cyangwa nijoro, babashe guhumeka umwuka mwiza ubagaruraramo ubuyanja. (7)

Kwita ku Bana Barwaye: Akenshi, uburwayi bw'abana bushobora guhuzwa n'amakosa akorwa mu kubitaho. Kutarira igihe, imyambaro idahagije mu gihe cy'umugoroba ukonje, kudakora imyitozo ngororamubiri itera imbaraga ituma amaraso akomeza gutembera neza, cyangwa kutaboneka k'umwuka mwiza uhagije wo kuyasukura, ibyo byose bishobora kuba intandaro y'ibyago. Nimutyo ababyeyi bige uko batahura impamvu z'uburwayi bityo bakosore ibidakwiriye mu maguru mashya.

Ababyeyi bose bafite ubushobozi bwo kwiga byinshi bijyanye no kwita ku bana, kubarinda no kubavura indwara. By'umwihariko, umubyeyi w'umugore akwiriye kumenya icyo yakora mu gihe cy'uburwayi busanzwe mu muryango we. Akwiriye kumenya uko agenzereza umwana we urwaye. Urukundo rwe no gushyira mu gaciro kwe bikwiriye kumubashisha kugira ibyo akorera umwana we bitahabwa undi muntu ngo abe ari we ubikora. (8)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Ministry of Healing,* p.383.
2. *Inama ku Mirire n'Ibyokurya,* pp. 232, 233.
3. *Ministry of Healing,* p. 381.
4. *Solemn Appeal,* pp. 125, 126.
5. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 141.
6. *Ministry of Healing,* pp. 381,382.
7. *Ministry of Healing,* p. 381.
8. *Ministry of Healing,* p. 385.

IGICE CYA 45

UMURIMO W'IBANZE W'UMUBYEYI NI UKUMENYEREZA ABANA

Amahirwe y'Umwana Watojwe Neza: Imana ibona amahirwe yose ari muri uwo muntu ukiri muto. Ibona ko namenyerezwa uko bikwiriye, umwana azahinduka imbaraga y'ikiza mu isi. Imana ihora ihanze amaso ababyeyi ibyitayeho cyane ngo irebe niba basohoza umugambi wayo cyangwa niba bazarimbura umugambi wayo binyuze mu kugaragaza ineza ikocamye bemerera umwana kwijandika mu bimuzanira kurimbuka muri iki gihe n'iteka ryose. Guhindura iki kiremwa kitagira agatege kigaragara nk'aho nta kamaro cyagira maze ukagihindurira kubera isi umugisha no guhesha Imana icyubahiro, ni umurimo ukomeye kandi w'ingirakamaro. Ababyeyi ntibakwiriye kugira icyo bemerera kwitambika hagati yabo n'inshingano bafite ku bana babo. (1)

Umurimo w'Imana n'Igihugu: Ababyeyi bakurikiza amategeko y'Imana barebana abana babo amarangamutima atagerwa y'ibyiringiro n'ubwoba, bibaza uruhare bazagira mu rugamba rukomeye rubategereje. Umubyeyi ugirira abana be akayihayiho aribaza ati: "Mbese aba bana bazahitamo kujya mu ruhe ruhande? Ni iki nakora ngo mbategurire gusohoza uruhare rwabo neza, bityo bazahabwe ikuzo rizahoraho?" Babyeyi b'abagore, mufite inshingano zikomeye. Nubwo mutabasha guhagarara mu nama nkuru z'igihugu, … mushobora gukorera Imana n'igihugu cyanyu umurimo ukomeye. Mushobora kurera abana banyu. Mushobora kubafasha gukuza imico itazajya ihindagurika cyangwa ngo ishorwe mu gukora ikibi, ahubwo ikazayobora abandi ku gukora ibitunganye. Kubw'amasengesho musengana umwete no kwizera, mushobora kunyeganyeza ukuboko kunyeganyeza isi. (2)

Mu bwana no mu bugimbi ni cyo gihe abana baba bakeneye kwigishwa. Abana bakwiriye kwigishwa kugira ngo bazabe ingirakamaro. Bakwiriye kwigishwa gukora ibintu bikenerwa mu mibereho y'umuryango; kandi ababyeyi bagakora ibishoboka byose kugira ngo iyo mirimo ishimishe abana babo bakoresheje amagambo yuje ineza igihe babaha amabwiriza n'igihe babashimira.(3)

Uburere bwo mu Rugo Ntibwitabwaho na Benshi: Nubwo hariho iterambere ryiratwa ryagezweho mu bijyanye n'uburyo bwo kwigisha, muri

iki gihe gutoza no kurera abana bikorwa nabi mu buryo bubabaje cyane. Ababyeyi, ariko by'umwihariko abagore, ntibabona inshingano bafite. Nta kwihangana bagira ngo bigishe [abana] kandi nta n'ubwenge bafite bwo gukurikirana abo bana bato baragijwe ngo babiteho. (4)

Ni iby'ukuri rwose ko ababyeyi b'abagore bateshutse ku nshingano bahawe. Ntibakiranuka ku nshingano y'ububyeyi bafite. Imana ntidusaba icyo tutashobora gukora mu mbaraga zayo, kandi nta n'icyo idusaba kitagamije icyiza kuri twe no ku bana bacu. (5)

Ababyeyi b'Abagore Bagomba Gushaka Ubufasha ku Mana: Iyaba ababyeyi b'abagore bamenyaga agaciro k'umurimo bahawe, barushaho kugira isengesho ryo mu rwiherero, bereka Yesu abana babo, bamusaba kubaha umugisha, kandi bamusaba kubaha ubwenge bwo gusohoza neza inshingano zera bahawe. Nimutyo umubyeyi w'umugore akoreshe neza amahirwe yose afite yo kugorora no kuyobora inyifato n'ingeso by'abana be. Mureke asuzumane ubwitonzi imikurire y'imico y'abana be, amenye uko acunga imico ikunze kwigaragaza kandi akosore ibitagenda neza. Imibereho ye bwite ikwiriye kuba icyitegererezo kitagira amakemwa kandi cyubahwa ku bijyana n'inshingano y'agaciro kenshi yahawe.

Umugore akwiriye kwinjira mu murimo we afite ubutwari n'imbaraga, agahora yishingikirije ku bufasha bw'Imana mu muhati wose agira. Ntakwiriye kumva anyuzwe atarabona gukura guhoraho kw'imico y'abana be, bataragira umugambi uhanitse mu buzima bwabo aho kwishakira ibibanezeza gusa. (6)

Ntawashobora kugereranya ububasha bw'imbaraga ihindura iva ku mugore ukunda gusenga. Ahora azirikana Imana mu nzira zose anyuramo. Ajyana abana be imbere y'intebe y'ubuntu maze akabereka Yesu, akamutakambira ngo abahe umugisha. Imbaraga ihindura iva kuri ayo masengesho ibera abo bana "isōko y'ubugingo." Ayo masengesho asenganywe kwizera, ahindukira umubyeyi w'Umukristo inkunga n'imbaraga. Gukerensa inshingano yo gusengera hamwe n'abana bacu ni ukwivutsa imwe mu migisha ikomeye cyane twari guhabwa, kandi ni ukwivutsa bumwe mu bufasha bukomeye cyane mu bihagarika abantu imitima, mu miruho n'imitwaro birangwa mu byo dukora mu buzima bwacu.

Imbaraga z'amasengesho nyina w'abana asenga ntawabasha kumenya agaciro kayo uko bikwiriye. Umubyeyi w'umugore upfukama irihande rw'umuhungu we n'umukobwa we igihe bahura n'impinduka zibabaje mu bwana bwabo, no mu makuba bahura nayo mu ibyiruka ryabo, ku munsi w'urubanza nibwo azamenya impinduka amasengesho ye yagize ku buzima bw'abana be. Niba kwizera ari ko kumwomatanyije n'Umwana w'Imana,

ukuboko kuje ineza k'umubyeyi w'umugore gushobora gukumira umwana we w'umuhungu kukamurinda imbaraga z'ibishuko, kandi kukabuza umukobwa we gusaya mu byaha. Iyo ibyo bararikira biri kurwanira gutegeka, imbaraga y'urukundo, imbaraga ikumira kandi idakebakeba ya nyina w'umwana, ishobora gutuma ubugingo bwe bwerekera mu ruhande rw'ibitunganye. (8)

Igihe Abashyitsi Batunguranye: Ukwiriye gufata umwanya wo kuganira no gusengera hamwe n'abana bawe, kandi ntukwiriye kugira ikintu na kimwe wemerera kurogoya igihe cyo gusabana n'Imana ndetse n'abana bawe. Ushobora kubwira abashyitsi bagusuye uti: "Imana yampaye umurimo ngomba gukora, bityo nta gihe mfite cyo kunegurana." Ukwiriye kumva ko ufite umurimo ugomba gukora kubw'igihe ufite no kubw'iteka ryose. Inshingano yawe ya mbere uyifite ku bana bawe. (9)

Abana bawe bakwiriye kuza mbere y'abashyitsi na mbere y'ikindi cyose uha agaciro … Umurimo ugomba gukorera umwana wawe akiri muto ntukwiriye kuwudebekera. Nta gihe kibaho mu mibereho y'umwana wawe aho iri tegeko rikwiriye kwibagirana. (10)

Ntukigere ubabwira ngo nibajye hanze ngo ubone uko uganiriza abashyitsi bagusuye, ahubwo jya ubigisha kudasakuza no kubaha igihe mufite abashyitsi. (11)

Ababyeyi b'Abagore Bakwiriye kuba Ibyitegerezo by'Ubugwaneza n'Ubupfura: Babyeyi, mujye mwitondera ibihe by'agaciro kenshi mufite. Mujye mwibuka ko abana banyu bakura bagana aho mutashobora kubigisha no kubatoza. Mushobora kubabera icyitegererezo cy'ibyiza byose, bitunganye kandi biboneye. Mujye musanisha inyungu zanyu n'izabo. (12)

Nubwo mwaba ibigwari mu bindi, nyamuneka ntimugakebakebe mu kurera abana banyu. Abana banyu nibava mu rugo rwanyu baratojwe neza kandi bafite imico mbonera ihanitse, nibajya mu mwanya woroheje cyane ndetse uri hanyuma y'indi mu mugambi ukomeye w'Imana wo guha isi ibyiza, ntimuzigera mwitwa ko mwatsinzwe mu buzima bwanyu cyangwa ngo mugire igishinja no kwicuza ku mitima yanyu. (13)

Abana bakiri bato ni indorerwamo umubyeyi ashobora kureberamo ingeso ze n'imyitwarire ye. Mbega ukuntu yari akwiriye kwitondera imvugo ye n'imyitwarire ye imbere y'abo bigishwa be bakiri bato! Ni we ugomba gucengeza muri abo bana imico iyo ari yo yose yifuza kubona igenda ikurira muri bo. (14)

Gambirira Ibihanitse Birenze Urugero rw'Ab'Isi: Umubyeyi w'umugore ntakwiriye kuyoborwa n'ibitekerezo by'ab'isi, kandi ntakwiriye no gukora agamije kugera ku rugero isi ishyiraho. Akwiriye kwifatira

icyemezo ku bijyanye n'icyo iherezo n'intego bikomeye ku buzima ari byo, bityo imbaraga ze zose akazerekeza ku kugera kuri ya ntego. Kubera kubura igihe, ashobora kwirengagiza ibintu byinshi byerekeye urugo rwe, nyamara ibyo ntibigire ingaruka mbi bitera. Nyamara ntashobora kwirengagiza gutoza abana be ikinyabupfura gikwiriye ngo azabure kubihanirwa. Ubupfayongo buzajya buboneka mu mico yabo buzashyira ahagaragara kudakiranuka mu nshingano ze kwe. Ibibi yemera ko bikomeza atabikosoye, imigirire ikocamye kandi idahwitse, agasuzuguro no kutumvira, ingeso y'ubunebwe no kutagira icyo yitaho, ibyo byose bizamushyiraho igisuzuguriro kandi bitume asharirirwa mu buzima bwe. Babyeyi b'abagore, ahazaza n'iherezo by'abana banyu biri mu maboko yanyu ku rwego rukomeye. Nimunanirwa gukora inshingano yanyu, mushobora gushyira abo bana mu mubare w'ingabo za Satani bityo bahinduke ibikoresho bye byo kurimbura abandi. Nyamara ikinyabupfura mubatoza mukiranuka ndetse n'urugero mubaha rwo kubaha Imana bishobora kubayobora kuri Kristo, maze nabo bakazatera abandi gusanga Kristo, bityo abantu benshi bagashobora gukizwa kubera mwe. (15)

Imakaza Icyiza, Wamagane Ikibi: Ababyeyi bakwiriye gufatanya n'Imana barerera abana babo mu rukundo rwayo no kuyubaha. Ntacyo ababyeyi bakora cyababaza Imana cyaruta kwirengagiza gutoza abana babo inzira itunganye.... Bakwiriye kurindana ubushishozi amagambo n'ibikorwa by'abana babo bato, nibitaba ibyo umwanzi azabigarurira abategeke. Icyo ni cyo umwanzi yifuza cyane gukora, kugira ngo agwabize umugambi w'Imana. Ababyeyi bakwiriye kwita ku bana babo mu bugwaneza kandi babitayeho, bashimangira icyiza cyose muri bo ari nako bagwabiza ikibi cyose gishaka gukurira mu mico y'abana babo. (16)

Ibyishimo Biva ku Murimo Wakozwe neza: Abana ni umurage twahawe n'Uwiteka, bityo azatubaza uko twacunze uwo murage we. Umurimo w'ikirenga ababyeyi bashobora gukorera Imana ni uwo kwigisha no kumenyereza abana babo bakaba Abakristo. Ni umurimo usaba kwihangana – ugasaba umwete udakebakeba, kandi udacogora mu kubaho kwabo kose. Iyo twirengagije iyi nshingano twahawe tuba tugaragaje ko turi ibisonga bikiranirwa...

Mureke ababyeyi bakorere ab'urugo rwabo mu rukundo, kwizera kandi basenga, kugeza ubwo bashobora gusanga Imana bakayibwirana ibyishimo bati: "Ndi hano, jye n'abana Uwiteka yampaye." (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* Sept. 25, 1901.
2. *Review and Herald,* April 23, 1889.

3. *Manuscript 12,* 1898.
4. *Signs of Times,* March 11, 1886.
5. *Signs of Times,* Feb. 9, 1882.
6. *Signs of Times,* May 25, 1882.
7. *Good Health,* July, 1880.
8. *Signs of Times,* March 16, 1891.
9. *Signs of Times,* July 22, 1889.
10. *Counsels to Teachers, Patients and Students.* p.129.
11. *Signs of Times,* August 23, 1899.
12. *Reviw and Herald,* Sept. 15, 1891.
13 *Testimonies for the Church,* Vol.5, p. 44.
14. *Signs of Times,* Sept,8, 1886.
15. *Signs of Times,* Feb. 9, 1882.
16. *Manuscript* 49, 1901.
17. *Christ's Object Lessons,* pp. 1995, 1996.



IGICE CYA 46

MUKA SE W'ABANA

Inama Yagiriwe Muka se w'Abana: Kuba warashyingiranwe n'umugabo ufite abana bizakubera umugisha. … Wari uri mu kaga ko kuba nyamwigendaho. Wari ufite ibiranga imico yawe by'agaciro kenshi byari bikeneye gukangurwa no gukoreshwa.… Mu mubano mushya winjiyemo uzunguka ubunararibonye buzakwigisha uko ugomba kwitwara ku bantu. Kubwo kwita ku bana, urugwiro, urukundo n'ubugwaneza biriyongera. Inshingano ufite mu muryango wawe zishobora kukubera isoko y'umugisha ukomeye. Abo bana bazakubera igitabo cy'agaciro kenshi. Nusoma ibyo bitabo uko bikwiriye, bizakuzanira imigisha myinshi. Ibitekerezo bizakangurwa no kubitaho bizatuma ugaragaza ubugwaneza, urukundo n'imbabazi. Nubwo abo bana atari abawe ku mubiri no ku maraso, bahindutse abawe kubera ko washyingiranwe na se, kugira ngo ubakunde, ukabakundwakaze, ubigishe kandi ubarere. Isano mufitanye izagusaba gukoresha intekerezo no kugira imigambi bizaguhesha inyungu nyakuri.… Kubera ubunararibonye uzungukira mu rugo rwawe, uzatakaza ibitekerezo byo kwihugiraho usanga bishaka kwangiza umurimo wawe, kandi uzahindura imigambi wari ufite yari ikeneye koroshywa no kwigarurirwa . . . .

Wari ukeneye gukuza ubugwaneza bukomeye no kugira impuhwe kugira ngo ubashe gushyikirana n'abakeneye amagambo atuje, yuje ineza n'urukundo. Abana bawe bazakangura iyo mico kandi bazagufasha kwagura intekerezo zawe no gushyira mu gaciro. Kubwo kubana nabo mu rukundo, uzarushaho kwiga kuba umugwaneza n'umunyampuhwe mu murimo ukora wo gutabara imbabare. (1)

Kunenga Muka Se w'Abana Utaragiraga Urukundo: Wakunze umugabo wawe kandi mwarashyingiranwe. Igihe mwashyingirwaga wari uzi ko usezeranye guhinduka nyina w'abana be. Ariko nabonye hari icyo ubura kuri iyi ngingo. Ntabwo wujuje ibyangombwa rwose ku rwego rubabaje. Ntabwo ukunda abana b'umugabo wawe, kandi nihatabaho impinduka zimbitse, ngo muri wowe habeho kuvugururwa nyakuri no mu buryo ubafata, ariya masaro y'agaciro kenshi azarimbuka rwose. Urukundo no kugaragaza urugwiro ntibirangwa mu byo ubagirira . …

Uratuma ubuzima bw'abo bana burushaho gusharirirwa, ariko cyane cyane ubw'umukobwa ubarimo. None se urugwiro, kubakoraho byuje urukundo no kubihanganira biri he? Umutima wawe utejejwe wuzuyemo urwango aho kubamo urukundo. Akanwa kawe gahora kadudubiza amagambo yo kubaveba aho kubashimira ibyo bakoze no kubatera ubutwari. Kuri kariya kana k'agakobwa, uburyo ubabanira, uburyo ubakarira na kamere yawe itarangwamo impuhwe, bimeze nk'urubura rurimbura rugwa ku rugemwe rw'ikimera. Urugemwe ruhondagurwa n'akabuye kose k'urubura kugeza ubwo rubaye nk'ishingwe, rukavunagurika.

Uko ubayobora gukamya imiyoboro y'urukundo, ibyiringiro n'ibyishimo mu bana bawe. Umubabaro udashira uhora ugaragara mu maso ya kariya gakobwa, ariko aho kugira ngo bihembere impuhwe n'ubugwaneza muri wowe, bigutera kutihangana no kurushaho kubanga. Uramutse ubishatse, ushobora guhindura iyo myitwarire, maze ukarangwa n'umunezero n'ibyishimo. …

Abana basoma isura y'umubyeyi w'umugore; maze bakamenya ko yerekanye ko abakunda cyangwa se ko atabishimiye. Ntabwo uzi umurimo uri gukora. Mbese ariya maso mato yashenguwe n'umubabaro n'iriya ndoro iremerewe ituruka ku mutima ushengutse usonzeye urukundo ntibigutera impuhwe koko? (2)

Ingaruka z'Igitsure Gikabije: Mu myaka yashize neretswe iby'uwitwa J. Amakosa n'amafuti bya madamu J. yashyizwe imbere ye nk'uko yakabaye; ariko mu iyerekwa mperutse kugira, nabonye ko ibyo bibi bikiriho, mbona ko nta bwuzu agira nta n'impuhwe agirira abana b'umugabo we. Ntabwo abakosora kandi ngo abacyahire amakosa akomeye gusa, ahubwo ibyo abikora no ku dukosa tw'ubusabusa twagombye kwirengagizwa. Guhora ujora igikozwe cyose ni bibi, kandi Umwuka wa Kristo ntushobora gutura mu mutima w'umuntu umeze atyo. Uwo mugore yirengagiza nkana ibyiza abo bana bakora ntagire ijambo ryo kubashimira avuga, ariko agahora yiteguye kubahanira akantu kose bakosheje. Iteka iyi myitwarire ica intege abana igatuma bahinduka intumva. Ibi binyutsa ikibi mu mutima kandi bikawutera kugubwa nabi no guhangayika. Mu bana bamenyerejwe guhora banengwa hazabonekamo umwuka wa "ntacyo bimbwiye," kandi akenshi kugambirira ibibi kuzabagaragaraho batitaye ku ngaruka byabagiraho. …

Mushiki wacu J. akwiriye kwimakaza urukundo n'impuhwe. Akwiriye kugaragariza urukundo abana agomba kwitaho bapfushije nyina. Abigenje atyo byabera abo bana umugisha w'urukundo rw'Imana kandi nawe byamugarukira akagaragarizwa ubwuzu n'urukundo. (3)

Igihe Kwitabwaho Bikenewe Inkubwe Ebyiri: Abana babuze uwo bavomagaho urukundo rwa kibyeyi mu gituza, baba baragize igihombo

kidashobora gusibanganywa na gato. Ariko iyo hari uwiyemeje kujya mu mwanya wa nyina akabera umubyeyi uwo mukumbi muto washenguwe n'intimba, uwo muntu aba afite inshingano yo kubitaho inkubwe ebyiri kandi afite n'umutwaro wo kubakunda cyane akarushaho biramutse bishobotse, akihanganira cyane kubanenga no kubakangisha ndetse akabikora kurusha uko nyina ubabyara yari kubigenza, bityo muri ubu buryo akaziba icyuho uwo mukumbi muto wahuye nacyo. (4)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Letter* 329, 1904.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, pp. 56-58.
3. *Id.,* Vol. 3, pp. 531,532.
4. *Id.,* Vol. 2, p. 58.

Igice Cya 47

KRISTO AKOMEZA ABABYEYI B'ABAGORE

Yesu Yahaye Abana Umugisha: Igihe Kristo yari ku isi, ababyeyi bamuzaniraga abana babo ngo abahe umugisha abarambitseho ibiganza. Kubw'iki gikorwa, babaga berekana ko bizeye Yesu, bakaba banerekanye icyifuzo gikomeye kiri ku mitima yabo kijyanye n'imibereho myiza yo muri icyo gihe n'iyo mu gihe cyajyaga kuzaza y'abana bashinzwe kwitaho. Ariko abigishwa ntibabonaga impamvu yatuma abo babyeyi barogoya Umwigisha ngo akunde yite ku bana. Bityo, igihe birukanaga abo babyeyi, Yesu yarabacyashye, ategeka abari mu iteraniro guha inzira abo babyeyi b'indahemuka n'abana babo. Yaravuze ati: "Mureke abana bato bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo, ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." Luka 18:16.

Igihe ababyeyi banyuraga mu nzira irimo umukungugu bakaza begera Umukiza, yabonaga uko babogoza amarira, iminwa yabo inyeganyega ari nako basenga bucece basabira abana babo. Yumvise amagambo abigishwa be bavugaga bacyaha abo babyeyi maze aherako avuguruza iryo tegeko batangaga. Umutima we wuje urukundo wari witeguye kwakira abana. Yarabateruraga umwe umwe maze akabaha umugisha. Nuko umwana muto aherako asinzirira mu gituza cye. Yesu yabwiye ababyeyi amagambo yo kubakomeza, abatera umwete mu murimo bakora. Mbega uburyo ayo magambo yabazaniye ihumure mu mitima yabo! Mbega ibyishimo bagiraga igihe batekerezaga ku neza n'imbabazi bya Yesu ubwo basubizaga amaso inyuma bakibuka bya bihe bari kumwe nawe! Amagambo ye y'ubugwaneza yabatuye umutwaro watsikamiraga imitima yabo, maze abuzuza umwete n'ibyiringiro bishya. Gutentebuka kose kwabaga kwabashizemo.

Iki ni icyigisho gikomeza ababyeyi b'abagore bo mu bihe byose. Igihe barangije gukorera abana babo ibyiza byose bashoboye, bakwiriye kubazanira Yesu. N'uduhinja bateruye mu ntoki na two ni utw'agaciro kenshi mu maso ye. Kandi igihe umutima w'umubyeyi wifuza cyane ubufasha n'ubuntu azi neza ko adashobora gutanga ubwe, maze we ubwe n'abana be akishyira mu maboko ya Kristo yuzuye impuhwe, Kristo azabakira kandi abahe umugisha. Uwo mubyeyi n'abana be azabaha amahoro, ibyiringiro

n'umunezero. Aya ni amahirwe y'agaciro kenshi Yesu yahaye ababyeyi bose b'abagore. (1)

Yesu Aracyararika Ababyeyi b'Abagore: Kristo, Nyiricyubahiro wo mu ijuru aravuga ati: "Mureke abana bato bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo, ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." Yesu ntiyohereza abana ku bigisha b'Abayuda; ntabwo abohereza ku Bafarisayo kuko azi neza ko abo bantu babigisha kwanga Incuti yabo magara. Ababyeyi bajyanye abana babo kuri Yesu bakoze ibikwiriye. ... Mureke no muri iki gihe ababyeyi bayobore abana babo kuri Kristo. Nimutyo abagabura b'ubutumwa bwiza baterure abana mu maboko yabo maze babahe umugisha mu izina rya Yesu. Nimutyo abo bana babwirwe amagambo y'urukundo n'ubugwaneza; kuko Yesu yateruye abana b'intama bo mu mukumbi akabaha umugisha. (2)

Nimureke ababyeyi basange Yesu maze bamuture ibibaremereye byose. Bazahabwa ubuntu bubahagije ngo bubafashe kurera abana babo. Amarembo akinguriwe umubyeyi wese wifuza kuzana imitwaro ye ku birenge by'Umukiza. . . . [Umukiza] . . . aracyararikira ababyeyi kumuzanira abana babo kugira ngo abahe umugisha. Kandi n'uruhinja ruri mu maboko y'umubyeyi warwo, narwo rushobora kuhaba nk'ururi mu gicucu cy'Isumbabyose binyuze mu kwizera k'umubyeyi usenga. Yohana Umubatiza yari yuzuye Mwuka Muziranenge guhera mu ivuka rye. Nitugirana umushyikirano n'Imana, natwe tuziringira ko Mwuka w'Imana azahindura abana bacu, ndetse uhereye mu buhinja bwabo. (3)

Imitima y'Abana Yakira Ibintu Vuba: Kristo yisanishaga n'aboroheje, n'abakene ndetse n'abanyamibabaro. Yateruraga abana bato maze akamanuka agaca bugufi akajya ku rwego rw'urubyiruko. Umutima we wuje urukundo washoboraga gusobanukirwa ibigeragezo n'ubukene bafite, kandi yishimanaga nabo. Iyo mu bugingo yabaga ananijwe n'uruvunge rw'abantu n'ibintu mu mijyi yari ituwe cyane, ananijwe no kubana n'abantu b'abanyamayeri kandi b'indyarya, yaboneraga ikiruhuko n'amahoro mu kwibanira n'abana b'abaziranenge. Kubegera kwe ntikwatumaga bamuhunga. Nyiricyubahiro wo mu ijuru yacaga bugufi agasubiza ibibazo bamubazaga kandi akoroshya inyigisho ze zabaga ari ingirakamaro kugira ngo bashobore kuzisobanukirwa mu myumvire yabo ya cyana. Intekerezo zabo zabaga zikiri nto kandi zicyaguka yazibibagamo imbuto z'ukuri zashoboraga kumera maze zikazatanga umusaruro utubutse igihe bazaba bamaze gukura. (4)

Yesu yari azi ko abo bana bazumva inama abagira maze bakamwakira nk'Umucunguzi wabo, mu gihe abari bazi ubwenge bw'isi kandi barinangiye imitima batari gukangukira cyane kumukurikira ngo bazabone umwanya mu bwami bw'Imana. Kubwo kuza kuri Kristo no kwakira inama ze n'imigisha yabahaga, ishusho ye n'amagambo ye yuje ubuntu byiyandikaga

ubutazahanagurika mu bwenge bwabo bwabaga bugikura. Dukwiriye kugira isomo twigira kuri iki gikorwa cya Kristo, tukamenya ko imitima y'abana ishobora kwakira cyane inyigisho za Gikristo, ikaba yayoborwa mu butungane n'ukuri mu buryo bworoshye, kandi ubwenge bwabo bukaba bufite imbaraga zo gufata ibyo bwakiriye. (5)

"Mureke abana bato bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo, ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo" (Luka 18:16). Aya magambo y'agahozo ntakwiriye kwitabwaho bikomeye n'ababyeyi b'abagore gusa, ahubwo n'abagabo nabo. Aya ni amagambo atera umwete ababyeyi ngo begereze Yesu abana babo, ngo basabe Data wa twese mu izina rya Kristo abashe gucuncumura umugisha we ku muryango wabo wose. Si abana bakunzwe cyane gusa bakeneye kwitabwaho mu buryo bwihariye, ahubwo n'abana b'inkubaganyi, n'ab'intumva baba bakeneye kumenyerezwa mu bushishozi bwinshi kandi bakayoboranwa urukundo. (6)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Good Health, January,* 1880.
2. *Review and Herald,* March 24, 1896.
3. *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.403(2018).
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p.141.
5. *Id.,* Vol. 4, p. 142.
6. *Signs of Times,* August 13, 1896.

Umugabane Wa 11

ABANA NI ABAFATANYABIKORWA BAKIRI BATO



IGICE CYA 48

AGACIRO IJURU RIHA ABANA

Abana Bacungujwe Amaraso ya Kristo: Kristo yahaye abana banyu agaciro gakomeye ku buryo byatumye abatangira ubugingo bwe. Mujye mubafata nk'abo yaguze amaraso ye. Mujye mubamurerera mufite kwihangana kandi mutajenjetse. Mujye mubakebura mu rukundo mufite no kwihangana. Igihe mugenza mutyo, bazababera ikamba ry'ibyishimo kandi bazamurika nk'umucyo mu batuye isi. (1)

Umwana muto cyane ukunda Imana kandi akayubaha ni igihangange mu maso yayo kuruta umuntu ufite impano zihambaye kandi wize cyane usuzugura agakiza gakomeye. Abasore begurira Imana imitima yabo n'ubugingo bwabo baba bifatanyije n'Isoko y'ubwenge bwose no gukomera kose.(2)

«Abameze Batyo Ubwami bwo mu Ijuru ni Ubwabo»: Ubugingo bw'umwana muto wizera Kristo bufite agaciro kenshi imbere ye nk'ak'abamarayika bagose intebe ye y'ubwami. Abo bana bagomba gushyirwa Kristo kandi bakarererwa Kristo. Bakwiriye kuyoborwa mu nzira yo kubaha, ntibatwarwe n'irari ry'inda cyangwa ubwirasi. (3)

Iyaba twigaga amasomo y'agahozo Yesu yashatse kwigisha abigishwa be ahereye ku mwana muto, mbega uburyo muri iki gihe hari ibintu byinshi bimeze nk'ingorane umuntu atatambuka byavaho burundu! Igihe abigishwa ba Yesu bamusangaga bakamubaza bati: «Umukuru mu bwami bwo mu ijuru ni nde ? . . . Yesu yahamagaye umwana muto amuhagarika hagati yabo, arababwira ati: «Ndababwira ukuri yuko nimudahinduka ngo mumere nk' abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru. Nuko uzicisha bugufi nk'uyu mwana muto, ni we mukuru mu bwami bwo mu ijuru.» Matayo 18 :1-4. (4)

Abana ni Umutungo Imana Yaragije Ababyeyi: Ubuzima n'imibereho by'abana babikesha ababyeyi babo, ariko kandi abana bawe bafite ubuzima binyuze mu mbaraga irema y'Imana, kuko Imana ari yo Mutangabugingo. Mureke rero tujye twibuka ko tutagomba gufata abana nk'aho ari umutungo

wacu bwite. Abana ni umurage w'Uwiteka, kandi umugambi wo gucungura umuntu ukubiyemo agakiza kabo n'akacu. Baragijwe ababyeyi kugira ngo babarere babigisha gukurikiza amabwiriza y'Uwiteka, bityo babashe kuzuza ibyangombwa bibabashisha kurangiza inshingano zabo muri iki gihe no mu bihe by'iteka ryose. (5)

Babyeyi b'abagore, mujye mukorana ubugwaneza mu byo mugirira abana banyu. Kristo na we yigeze kuba umwana muto. Mujye mwubaha abana kubwe. Mujye mubafata nk'ikibitsanyo cyera mwahawe, mutagomba gukabya kubatetesha, kubarera bajeyi no kubafata nk'ibigirwamana, ahubwo mubigishe kugira imibereho itunganye irangwa n'ubupfura. Ni umutungo w'Imana; irabakunda, bityo rero ibararikira gufatanya na Yo mu gufasha abo bana ngo bagire imico izira amakemwa. (6)

Niba mwifuza gusanga Imana mufite amahoro, nimugaburire umukumbi wayo ibyokurya by'umwuka, kuko umwana wese afite ubushobozi bwo kuzagera mu bugingo buhoraho. Abana n'urubyiruko ni umutungo w'Imana w'umwihariko. (7)

Urubyiruko rukeneye gusobanukirwa ukuri kuvuga ko impano rufite atari umutungo warwo bwite. Imbaraga zarwo, igihe n'ubwenge bwabo, byose ni ubutunzi batijwe. Izo mpano ni umutungo w'Imana, kandi ni cyo gituma buri musore n'inkumi bakwiriye kwiyemeza kuzikoresha iby'agaciro gahanitse. Buri wese ni ishami Imana itezeho amatunda; ni igisonga cyaragijwe umutungo ugomba kunguka; ni umucyo ugomba kumurikira mu mwijima ubundikiye isi. Umusore wese n'inkumi n'umwana wese, bose bafite umurimo bagomba gukora kugira ngo baheshe Imana icyubahiro kandi bazahure ikiremwamuntu. (8)

Inzira Ijya mu Ijuru Ikwiranye n'Ubushobozi bw'Abana: Neretswe ko Yesu azi intege nke zacu ndetse ko we ubwe yanyuze mu byo tunyuramo byose, uretse ko nta cyaha yigeze akora. Kubw'ibyo rero, yaduteguriye inzira ducamo ihuje n'imbaraga zacu n'ubushobozi bwacu, nk'uko Yakobo yagendaga buhoro buhoro iruhande rw'abana be uko bari bashoboye kugenda. Nawe ni ko abigenza kugira ngo abashe kutumara irungu binyuze mu kudukomeresha kubana natwe no kutubera umuyobozi uhoraho. Nta mwana wo mukumbi we asuzugura, cyangwa ngo amukerense cyangwa se ngo amusige inyuma. Ntabwo Yesu yadutegetse gukomeza urugendo tujya mbere ngo tubasige inyuma. Ntabwo na We yihuse ngo twe n'abana bacu adusige. Oya, rwose; ahubwo yatunganyije inzira igana ku bugingo ngo n'abana bayinyuremo; ni cyo gituma, mu izina rye, ababyeyi basabwa kuyobora abana mu nzira ifunganye. Imana yadushyiriyeho inzira ikwiranye n'imbaraga n'ubushobozi by'abana. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* April 3, 1901.
2. *Ubutumwa ku Basore,* p. 327.
3. *Review and Herald,* March 30, 1897.
4. *Manuscript* 13, 1891.
5. *Signs of the Time,* Sept.10, 1894.
6. *Signs of the Times,* August, 1899.
7. *Letter* 105, 1893.
8. *Uburezi,* pp. 59.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.1, pp. 388, 389.

IGICE CYA 49

ABANA NI ABAFASHA BA NYINA UBABYARA

Abana Bakwiriye Kuba Abafatanyabikorwa mu Bibera mu Muryango: Abana kimwe n'ababyeyi babo bafite inshingano z'ingenzi mu rugo. Bakwiriye kwigishwa ko bafite uruhare mu bibera mu rugo. Baragaburirwa, bakambikwa, bakitabwaho kandi bagakundwa. Nabo bari bakwiriye kwitura ibyo bakorerwa maze bagakora uruhare rwabo mu nshingano zo mu rugo kandi bagaharanira kuzana umunezero wose ushoboka mu muryango babarizwamo.(1)

Mureke umubyeyi w'umugore wese yigishe abana be ko ari bamwe mu bagize umuryango kandi ko bagomba kugira uruhare mu nshingano zawo. Buri muntu mu bagize umuryango akwiriye gusohoza izo nshingano akiranutse nk'uko abagize Itorero basohoza inshingano zijyana n'isano bafitanye naryo.

Mureke abana bamenye ko igihe cyose bagize uturimo bakora baba bafashije ababyeyi babo. Mujye mubaha uturimo babakorera, kandi mubabwire ko nyuma yo gukora bashobora kubona akanya ko gukina. (2)

Abana baba bafite ubwonko bukora cyane, bityo rero bakeneye gukoreshwa mu gusohoza inshingano zo mu buzima busanzwe. . . Ntabwo abana bakwiriye kurekwa ngo bikorere ibyo bishakiye. Ababyeyi ubwabo ni bo bakwiriye kwita kuri iyo ngingo. (3)

Ababyeyi n'Abana Bafite Inshingano: Ababyeyi bafite inshingano yo kugaburira abana, kubambika no kubigisha. Abana na bo bafite inshingano yo gufasha ababyeyi mu bunyangamugayo babyishimiye kandi bashyizeho umwete. None se niba abana baretse kumva ko bafite inshingano yo gufatanya n'ababyeyi imiruho n'imitwaro, mbese bizaba bite ababyeyi nabo nibareka kumva ko bafite inshingano yo kubaha ibyo bakeneye? Iyo abana baretse gukora inshingano yabo yo kugirira umumaro ababyeyi babo, baborohereza imitwaro binyuze mu gukora imirimo yasa n'itabanejeje kandi irimo imvune, icyo gihe abana baba batakobwe amahirwe bari

bafite yo kuronka uburere bw'agaciro kenshi bwari kuzabagira abantu b'ingirakamaro mu gihe kizaza. (4)

Imana ishaka ko guhera bakiri bato abana b'abizera bose bamenyerezwa gukora imirimo ababyeyi babo baba bagomba gukora babitaho. Bahabwa ibyumba bimwe by'inzu ho umugabane wabo kandi bagahabwa uburenganzira n'amahirwe byo kugira umwanya ku meza y'umuryango. Imana itegeka ababyeyi kugaburira no kwambika abana babo. Ariko rero inshingano z'ababyeyi n'iz'abana ni magirirane. Ku ruhande rwabo, abana basabwa kubaha no kumvira ababyeyi babo. (5)

Ntabwo ababyeyi bagomba kuba abacakara b'abana babo ngo bavunwe n'akantu kose, mu gihe abana bemererwa gukura ntacyo bitaho ndetse bumva nta n'ikibareba, ahubwo bakagereka imitwaro yose ku babyeyi babo. (6)

Ubunebwe Bwakuruwe no Kwitiranya Ubugwaneza: Abana bakwiriye kwigishwa bakiri bato bakamenya kuba ingirakamaro, kwifasha no gufasha abandi. Muri iki gihe hari abakobwa benshi bashobora kurebera ba nyina bakora ubutaruhuka, bateka, bamesa, cyangwa batera ipasi mu gihe bo ntacyo biba bibabwiye ahubwo biyicariye mu ruganiriro bisomera inkuru, cyangwa baboha imipira cyangwa se bafuma ibitambaro. Imitima yabo ntiba icyumva, iba yarahindutse nk'ibuye.

Ariko se iyi ngeso mbi iba yarakomotse he ? Ubusanzwe ni nde wagawa kurusha undi kuri iyi myitwarire ? Ni ababyeyi gito baba barishutse. Birengagiza ibyiza byo mu gihe kizaza ku bana babo, bityo mu kubakunda kurangwamo kwishuka bakabareka bakicara ari inkorabusa cyangwa se bakaba bakora umurimo w'agaciro gake, udasaba gukoresha ubwenge cyangwa ingufu z'umubiri, maze ugasanga bavugira neza abakobwa babo b'abanebwe ngo nta mbaraga bifitiye. Mbese ni iki kiba cyarabagize abanyantege nke? Akenshi biba byaratewe n'imigenzereze mibi y'ababyeyi babo. Imirimo ikwiriye ikorerwa mu rugo yagombye gutuma ubwenge n'umubiri birushaho gukora neza. Ariko usanga abana bavutswa ayo mahirwe bitewe n'ibitekerezo bipfuye, kugeza ubwo bakura banga umurimo urunuka. (7)

Iyo utamenyereje abana bawe gukora, nibagira akarimo bakora bazananirwa bidatinze. Uzasanga bataka ngo barababara mu mbavu, mu bitugu, amaguru n'amaboko. Maze kubw'impuhwe uzabagirira, uzajya mu kaga ko gukora iyo mirimo aho kubareka ngo bababare gato. Banza ujye ubaha imirimo yoroheje cyane, hanyuma uko bukeye bukira ujye wongeraho gake gake kugeza ubwo bazashobora gukora umurimo ukwiriye batananiwe cyane. (8)

Akaga Gaterwa n'Ubunebwe: Neretswe ko ubunebwe ari intandaro y'ibyaha byinshi. Amaboko n'intekerezo bifite umurimo bikora ntibibona

igihe cyo kumvira ibishuko by'umwanzi, ariko amaboko n'ubwonko bitagira icyo bikora bihora byiteguye kuyoborwa na Satani. Iyo ubwonko budafite ibyo buhugiyemo mu buryo bukwiriye, butekereza ibibi. Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo ko ubunebwe ari icyaha. (9)

Nta kintu gishora abana mu bibi nko kutagira inshingano n'imwe ubaha, ukabareka bakabaho mu buzima bw'ubunebwe, kandi butagira intego ntacyo bakora, cyangwa kubareka bakajya bikorera ibyo bishakiye. Ubwenge bw'abana burakora cyane, bityo iyo budafite ibyo buhugiyemo byiza kandi by'ingirakamaro, nta kabuza baboneza inzira ibaganisha mu bibi. Nubwo ari byiza kandi bikaba ari ngombwa ko bagira umwanya wo kwidagadura, bakwiriye kwigishwa gukora, bakagira amasaha adahinduka yo gukora imirimo y'amaboko, bakagira n'ayo gusoma n'ayo kwiga. Mujye mureba ko bafite umurimo uhuje n'imyaka yabo kandi ko bafite ibitabo by'ingirakamaro bishimishije. (10)

Umurimo w'Ingirakamaro ni Umurinzi: Bumwe mu burinzi bwizewe ku basore n'inkumi ni ukugira icyo bakora gifite akamaro. Baramutse bamenyerejwe gukora ku buryo amasaha yabo yose akoreshwa mu buryo bw'ingirakamaro, nta gihe bagira cyo kujya mu byo bishakiye cyangwa ngo bajye birirwa bameze nk'abari mu nzozi. Nta kaga kenshi baba barimo ko kugira ingeso mbi no kwifatanya n'abantu babi. (11)

Ababyeyi nibahugira cyane mu bindi bintu byinshi ku buryo badashobora gushyira abana babo mu murimo w'ingirakamaro, Satani azabashakira ibyo bahugiramo. (12)

Abana Bakwiriye Kwiga Gukora Inshingano Ziremereye: Ababyeyi bakwiriye gukanguka bakamenya ko isomo ry'ingenzi kuruta andi abana babo bakwiriye kwiga ari uko bagomba gukora uruhare rwabo basohoza inshingano zo mu rugo . ... Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo bagasobanukirwa n'uku ubuzima bumeze muri rusange, bagasobanukirwa ko bagomba kuba ingirakamaro mu isi. Igihe bari mu rugo, bacungwa n'umubyeyi w'umugore w'umunyabwenge, abakobwa n'abahungu bakwiriye guhabwa inyigisho z'ibanze zijyanye no gukora inshingano ziremereye mu buzima. (13)

Uburere bw'umwana bumutegurira ibyiza cyangwa ibibi butangira mu myaka ye y'ubuto.... Iyo abana bakuru bamaze kugimbuka, baba bakwiriye gufasha ababyeyi mu kwita kuri barumuna babo bakiri bato mu muryango. Umubyeyi w'umugore ntakwiriye kwinaniza akora imirimo abana bakwiriye kandi bagombye gukora. (14)

Kugabana Inshingano Birashimisha: Babyeyi, mujye mufasha abana banyu gukora ibyo Imana ishaka kandi bagakora bakiranuka igihe basohoza inshingano bafite nk'abagize umuryango. Ibyo bizatuma

bagwiza ubunararibonye bw'agaciro gakomeye. Bizabigisha ko badakwiriye kwitekerezaho ubwabo gusa, ko badakwiriye gukora ibibanezeza, cyangwa kwishimisha. Mubigishe mwihanganye bajye bakora uruhare rwabo mu muryango, mubigishe kugera ku ntego mu muhati bagira basaranganya na se na nyina n'abavandimwe babo inshingano zabo. Nibiba bityo, bizatuma banyurwa no kumenya ko ari ingirakamaro rwose. (15)

Abana bashobora kwigishwa kuba ingirakamaro. Ubusanzwe barakora cyane kandi bakunda kugira imirimo bahugiramo. Iyi mikorere yabo ishobora kumenyerezwa no kwerekezwa mu murongo utunganye. Igihe bakiri bato, abana bashobora kwigishwa gukora inshingano zabo za buri munsi zoroheje, umwana wese akagira umurimo wihariye agomba kubazwa n'ababyeyi be cyangwa umurezi we niba yawurangije. Uko ni ko bazimenyereza gukora inshingano bahawe bakiri bato; kandi gukora inshingano zabo nto bizabashimisha, bibazanire umunezero uzanwa gusa no gukora neza. Bazamenyera gukora, bamenyere inshingano, kandi bazishimira cyane gukora, basobanukirwe ko ubuzima bubabikiye undi murimo w'ingenzi cyane uruta uwo kwishimisha . ....

Umurimo ni mwiza ku bana. Abana barushaho kunezerwa iyo bafite icyo bakora mu gihe kinini bafite. Nyuma yo kurangiza neza inshingano zabo, bishimira cyane imikino ibanezeza. Umurimo ukomeza umubiri n'ubwenge. Ababyeyi b'abagore bashobora kugira abana babo abafasha babo bato ariko b'agaciro kenshi; kandi igihe babigisha kuba ingirakamaro, nabo ubwabo bashobora kunguka ubumenyi mu byerekeye kamere y'umuntu n'uburyo bajya bitwara kuri ibyo biremwa bikiri bito, no gutuma imitima y'abo ubwabo isusurutswa no kubana n'abo bana bato. Bityo ubwo abana babo bazajya babarebana icyizere n'urukundo, ni ko bazahanga amaso Umukiza ubakunda ngo abafashe kandi abayobore. Uko barushaho kugwiza imyaka y'ubukuru, abana barezwe neza biga gukunda umurimo woroshya uburemere bw'inshingano zitsikamira abandi. (16)

Umurimo Utuma Intekerezo Zikora neza: Mu gusohoza inshingano baba bahawe, abana bashobora kunguka imbaraga z'ubwonko n'imikorere myiza yabwo, kimwe no kugira imico ihamye n'imikorere myiza. Umunsi n'inshingano nto ziwukorwamo, usaba gutekereza, kubara no kugena ingamba. Uko abana bagenda bakura, ni ko barushaho kugenda basabwa gukora imirimo yisumbuye. Ariko umurimo bahabwa ntukwiriye kuba ubamaramo imbaraga, cyangwa ngo ube uwo bamaramo igihe kirekire cyane kugeza ubwo ubananiza ukabaca intege. Ahubwo ukwiriye gutoranywa neza hashingiwe ku mikurire yifuzwa cyane ku mubiri wabo n'uburyo bwiza bwo gukuza intekerezo n'imico myiza. (17)

Umurimo Uduhuza n'Abakozi bo mu Ijuru: Iyaba abana bigishwaga gufata inshingano bahabwa yoroheje ya buri munsi nk'inzira bayobowemo

n'Imana, cyangwa nk'ishuri bagomba gutorezwamo gukora umurimo wizewe kandi utanga umusaruro, mbega uko umurimo wabo warushaho kuba ushimishije kandi wubahwa. Gukora inshingano yose nk'uyikorera Uwiteka, bikundisha umuntu umurimo ucishije bugufi kuruta indi kandi bigahuza abakozi bakorera ku isi n'abamarayika bera bakora ibyo Imana ishaka mu ijuru. (18)

Mu ijuru bahora bakora, nta munebwe ubayo. Kristo yaravuze ati: « Data arakora kugeza n'ubu, najye ndakora» (Yohana 5:17). Ntabwo dushobora kwibwira ko igihe kunesha gukeruka kuzabaho maze tukinjira mu mazu twateguriwe, tuzabaho mu bunebwe tudakora, kandi ko tuzaruhuka, twidamararire ntacyo dukora. (19)

Umurimo ni Umurunga Ukomeza Ubumwe bw'Umuryango: Mu burere urubyiruko ruhererwa mu muryango, ihame ryo gufatanyiriza hamwe ntirigira icyo waringanya . . . . . Abana bakuru bakwiriye guhinduka abafasha b'ababyeyi babo, bakagira uruhare mu migambi yabo kandi bagafatanya na bo inshingano bafite n'ibibaremereye. Nimutyo ababyeyi bafate igihe cyo kwigisha abana babo, nimutyo babereke ko baha agaciro ubufasha bwabo, ko bashaka kubagirira icyizere, kandi bashimishwa no gukorana na bo, bityo abana na bo ntibazajya bagenda biguru ntege. Nibiba bityo, ntabwo umutwaro w'ababyeyi uzoroha kandi ngo abana babone uburezi mu ngiro bw'agaciro katagerwa gusa, ahubwo hazabaho no gukomera k'umurunga womatanya abagize umuryango. Icyo gihe imfatiro z'imico mbonera zizarushaho kwimbika. (20)

Umurimo Utuma Umuntu Akura mu Ntekerezo, mu Micombonera no mu bya Mwuka: Abana n'abasore bakwiriye kwishimira koroshya imiruho y'ababyeyi babo, berekana kwita ku byo mu rugo batikanyiza. Igihe boroshya uburemere bw'imitwaro bikorezwa, baba bigishwa amasomo azabategurira guhabwa imyanya y'icyubahiro kandi y'ingirakamaro. Buri mwaka bagomba gutera imbere badakebakeba, intambwe ku ntambwe ariko badahuzagurika, bakagenda basezera ku bunararibonye buke buranga abana, ingimbi n'abangavu, maze bakagwiza ubunararibonye buranga abagabo n'abagore. Mu gusohoza inshingano z'imuhira zoroheje bahabwa bakiranutse, abahungu n'abakobwa baba bashinga urufatiro rwo kugera ku rugero ruhanitse mu by'ubwenge, imico mbonera n'iby'umwuka. (21)

Umurimo ni Isoko y'Amagara Mazima, n'Amahoro yo mu Mutima: Imana yemera abana bakora uruhare rwabo mu nshingano zo mu rugo, bagafatanya n'ababyeyi babo kwikorera imitwaro ibaremereye. Bene abo bana bazagororerwa kugira amagara mazima n'amahoro mu mutima; kandi bazanezezwa no kubona ababyeyi babo bashimishwa n'uburyo bashyikirana kandi bafatanya mu myidagaduro ituma bagira amagara mazima, bityo bigatuma barama. Abana batojwe gukora inshingano zifatika

zo mu buzima bazasohoka mu rugo iwabo bajye kuba bamwe mu bagize umuryango mugari b'ingirakamaro. Bazaba bafite uburere busumba kure ubwo bunguka igihe bari mu cyumba cy'ishuri bakiri bato, igihe umubiri n'intekerezo byabo biba bitaragira imbaraga zihagije zo kwihanganira imirimo ibasaba ingufu. (22)

Rimwe na rimwe, byaba byiza abana bagiye bigishwa ibintu bike mu ishuri ahubwo bakamenyerezwa ibiruseho mu bijyana no gukora imirimo yo mu rugo. Mbere ya byose, bakwiriye kwigishwa gutekereza bagashyira mu gaciro no kuba ingirakamaro. Ibintu byinshi baba bagomba kwigira mu bitabo usanga atari ingenzi cyane kuruta amasomo yo gukora ibintu bifatika no kurangwa n'ikinyabupfura. (23)

Umurimo Utuma Umuntu Asinzira Akaruhuka: Ababyeyi b'abagore bakwiriye kujya bajyana n'abakobwa babo mu gikoni maze bakabigisha bafite kwihangana. Impagarike yabo izaba ikwiranye rwose n'uwo murimo, imikaya yabo izanunuka kandi igire imbaraga, ndetse ubwo buzaba bwije bakitse imirimo, akanya ko kwegerana n'Imana kazarushaho kuba keza kandi kubahwe. Bashobora kuba barushye cyane, nyamara, mbega ukuntu ikiruhuko umuntu agira akitse imirimo kinezeza! Ibitotsi (ari bwo buryo karemano bwo gusubiza umubiri ubuyanja), bisubiza imbaraga umubiri wari wananiwe kandi bikawutegurira gukora inshingano z'umunsi ukurikiraho. Ntimugateteshe abana banyu ku buryo bumva ko bakora cyangwa ntibakore ntacyo bitwaye. Mujye mubigisha ko ubufasha bwabo bukenewe, ko igihe bafite ari icy'agaciro, kandi ko mwishingikirije ku murimo wabo. (24)

Kureka abana bagakurira mu bunebwe ni icyaha. Nimureke bakoreshe amaboko yabo n'imikaya yabo, kabone nubwo byaba bibananiza. Niba badakoze imirimo ivunanye, ni gute umunaniro wabagirira nabi kuruta uko bikugendekera wowe nk'umubyeyi? Hari itandukaniro rinini hagati yo kunanirwa no gukora kugeza imbaraga zigushizemo. Abana bakeneye guhora bahinduranya imirimo bakora ndetse n'umwanya w'ikiruhuko uca hagati yo gukora kurusha uko bigenda ku bantu bakuru. Ariko n'igihe bakiri bato cyane, bashobora gutangira kwiga gukora, kandi bazanezezwa no gutekereza ko bari kwimenyereza kuba ingirakamaro. Nibaba barangije gukora umurimo utangiriza umubiri wabo, bazasinzira neza, kandi bazagarura ubuyanja babashe gukora mu munsi ukurikiyeho. (25)

Ntukavuge uti: "Abana Banjye Barambangamira." Ababyeyi bamwe usanga bavuga bati: "Yewe, iyo abana banjye bagerageje kumfasha barambangamira." N'abanjye ni ko babigenzaga, ariko se mutekereza ko natumaga babimenya? Mujye mushimira abana banyu. Mujye mubigisha umurongo ku murongo, n'itegeko ku itegeko. Ibyo bibarutira gusoma udutabo tw'inkuru, bikaruta guta umwanya kuri telefone bahamagara, kandi bikanaruta gukurikiza ibigezweho. (26)

Kurebera ku Cyitegererezo: Mu gihe runaka, Umutware ukomeye wo mu ijuru, Umwami w'icyubahiro, yabaye uruhinja i Betelehemu, kandi yashoboraga guhagararira uruhinja rwose ruri mu maboko y'umubyeyi warwo. Mu bwana bwe bwose yakoraga imirimo y'umwana wubaha, agakurikiza ibyifuzo by'ababyeyi, agakora imirimo ikwiranye n'ubushobozi bwe nk'umwana. Uko ni ko abana bashobora gukora, kandi bakwiriye kurerwa no kwigishwa ku buryo babasha gukurikiza urugero rwa Kristo. Kristo yakoraga ku buryo abera umugisha urugo yabaga arimo, kubera ko yumviraga ababyeyi be bityo agakora n'umurimo wo kubwiriza ubutumwa mu mibereho ye yo mu rugo. Byanditswe ngo: "Umwana arakura, agwiza imbaraga, akomeza kugwiza ubwenge abyiruka ashimwa n'Imana n'abantu," Luka 2:52. (27)

Ni amahirwe atangaje abarezi n'ababyeyi bafite yo gufatanya kwigisha abana uburyo bwo gusogongera ku byishimo by'imibereho ya Kristo biga gukurikiza icyitegererezo cye. Imyaka ibanza mu buto bw'Umukiza yabaye imyaka y'ingirakamaro. Yafashaga nyina imirimo yo mu rugo; kandi igihe yakoraga inshingano zo mu rugo cyangwa akora mu ibarizo yabaga anasohoza inshingano yamuzanye kimwe n'igihe yabaga ari gukorera umurimo we w'ibwirizabutumwa mu ruhame. (28)

Mu buzima bwe bwo ku isi, Kristo yari icyitegerezo ku miryango yose y'abana b'abantu, kandi mu rugo yarumviraga agafasha n'abandi. Yize umwuga w'umubaji kandi yakoreshaga amaboko ye mu ibarizo rito i Nazareti .... Igihe yakoraga mu bwana bwe n'igihe yari ingimbi, yakuzaga ubwenge n'umubiri. Ntiyakoreshaga imbaraga ze z'umubiri ahubutse, ahubwo yakoraga mu buryo umubiri we ukomeza kugira amagara mazima, kugira ngo abashe gukora umurimo unoze mu byo akora byose. (29)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Ministry of Healing,* p. 394.
2. *Review and Herald,* June 23, 1903.
3. *Manuscript* 57, 1897.
4. *The Youth's Instructor,* July 20, 1891.
5. *Manuscript* 128, 1901.
6. *Manuscript* 126, 1897.
7. *Testimonies for the Church,* vol.2. p. 686.
8. *Id.,* vol., p. 687.
9. *Id.,* vol.2, p. 395.
10. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* pp. 134,135.
11. *Review and Herald,* Sept. 13, 1881.
12. *Signs of the Times,* April 3, 1901.
13. *Letter* 106, 1901.

14. *Manuscript* 126, 1903.
15. *Manuscript* 27, 1896.
16. *Health Reformer,* December, 1887.
17. *Health Reformer,* December 1877.
18. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p 488 [2016].
19. *Manuscript* 126, 1897.
20. *Uburezi,* p.297.
21. *Ubutumwa ku Basore,* p.200.
22. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.148.
23. *Manuscript* 126, 1903.
24. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, p.395.
25. *Chritian Temperance and Bible Hygiene,* p. 135.
26. *Manuscript* 31, 1901.
27. *Signs of the Times,* Sept. 17, 1894.
28. *Review and Herald,* May, 6, 1909.
29. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.147.

ICYUBAHIRO GIKWIRIYE ABABYEYI

Umwenda Abana Babereyemo Ababyeyi: Abana bakwiriye gusobanukirwa ko babereyemo umwenda ababyeyi babo babitayeho mu bwana kandi barwara bakabarwaza. Bakwiriye kumenya ko ababyeyi babo bahangayitse cyane kubwabo. By'umwihariko ku babyeyi bazirikana kandi bubaha Imana, bagiye bumva bashishikajwe cyane n'uko abana babo bagombye gukurikira inzira itunganye. Mbega ukuntu bashengukaga imitima igihe babonaga abana babo bakoze amakosa! Iyaba abana batumye imitima y'ababyeyi babo ishenguka babonaga ingaruka z'imyitwarire yabo, nta kabuza bakwisubiraho. Iyaba bashoboraga kureba amarira nyina ubabyara yabogozaga kandi bakumva amasengesho yaturaga Imana abasabira, iyaba bashoboraga kwiyumvira iminiho y'umubyeyi wabo iturutse ku mutima ushengutse, bakorwa ku mitima maze bakihutira kwihana amakosa bakoze ndetse bagasaba imbabazi. (1)

Igihe abana bazaba bamaze kuba bakuru, bazajya bashimira umubyeyi wakiranutse mu murimo we, maze ntabakundire kwihambira ku marangamutima mabi cyangwa gushayisha mu ngeso mbi. (2)

Itegeko Rireba Umuntu Wese: "Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." (Kuva 20:12). Iri ni ryo tegeko rya mbere ririmo isezerano. Rireba abana, abasore n'inkumi, rikareba abakuru n'abasheshe akanguhe. Nta kigero umuntu ageramo mu buzima ngo abe asonewe kubaha ababyeyi be. Iri tegeko ryera rireba umuhungu n'umukobwa wese, kandi ni kimwe mu byangombwa basabwa kuzuza kugira ngo babashe kuramira mu gihugu Imana izaraga abakiranutsi. Ntabwo iyi ari ingingo idakwiriye kwitabwaho, ahubwo ifite agaciro gakomeye cyane. Isezerano ryatanzwe risaba ko habaho kubaha. Niwubaha [ababyeyi bawe] uzaramira mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha. Ariko nutubaha, ntabwo uzaramira muri icyo gihugu. (3)

Ababyeyi bakwiriye gukundwa no kubahwa ku rwego undi muntu wese atagezaho. Imana ubwayo yabahaye inshingano yo kwita kuri abo bana baragijwe, yagennye ko mu myaka ibanza y'ubuzima, ababyeyi bazaba

mu cyimbo cy'Imana ku bana babo. Bityo umuntu utumvira ubutware butunganye bw'ababyeyi be, aba yirengagiza ubutware bw'Imana. Itegeko rya gatanu ntiritegeka abana kubaha ababyeyi no kubumvira gusa, ahubwo ribategeka no kubakunda kandi bakabagirira impuhwe, bakaborohereza imiruho, bakarinda icyubahiro cyabo, bakabafasha kandi bakababahumuriza mu zabukuru. (4)

Imana ntishobora guhira abana basuzugura inshingano isobanutse neza yavuzwe mu Ijambo ryayo, ari yo nshingano abana bafite ku babyeyi babo ....Niba batubaha kandi ntibumvire ababyeyi babo bo ku isi, ntibazubaha kandi ngo bakunde Umuremyi wabo. (5)

Igihe abana bafite ababyeyi batizera Imana, kandi amategeko babategeka akaba avuguruza ibyo Kristo abasaba, icyo gihe nubwo byaba ibibababaza, baba bagomba kumvira Imana maze bakayiragiza ingaruka zishobora kuvuka. (6)

Benshi Bica Itegeko rya Gatanu: Muri iyi minsi iheruka, abana bazwiho cyane gusuzugura no kutubaha ku buryo Imana ubwayo yabyiboneye mu buryo bwihariye, kandi iki ni ikimenyetso cyerekana ko imperuka iri bugufi. Ibi byerekana ko Satani asa rwose n'uwigaruriye intekerezo z'urubyiruko. Abenshi muri bo ntibacyubaha abasheshe akanguhe. (7)

Hariho abana benshi bavuga ko bazi ukuri ariko badaha ababyeyi babo icyubahiro kibakwiriye cyangwa ngo babakunde nk'uko bibakwiriye. Ahubwo bagaragariza ababyeyi babo urukundo ruke ndetse bagaragaza kutabubaha birengagiza ibyo babifuzaho kandi ntibashakishe uko baborohereza mu bibatera guhagarika umutima. Benshi bavuga ko ari Abakristo ntibazi icyo amagambo ngo, "wubahe so na nyoko" asobanuye, kandi ingaruka izabamo ni uko bazamenya bike cyane ku busobanuro bw'aya magambo ngo, "kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." (8)

Muri iki gihe cy'ubugome, abana batarezwe neza ngo bahabwe n'ikinyabupfura basobanukiwe gake cyane n'inshingano bafite ku babyeyi babo. Akenshi, uko ababyeyi barushaho kugira ibyo babakorera, ni ko abana barushako kuba indashima kandi ntibabubahe. Abana bateteshejwe cyane kandi bakajya bakorerwa ibintu byose iteka baba biteze ko bagenzerezwa batyo. Bityo, iyo ibyo bari biteze bitagezweho, birabazonga, bagacika intege. Bene iyo myitwarire izagenda igaragara mu buzima bwabo bwose, bazaba impezamajyo, bahore bateze ko abandi ari bo babafasha, bitege ko abandi bantu barabagirira impuhwe kandi barababererekera. Iyo hagize utavuga rumwe nabo ndetse n'igihe bamaze gukura ari abagabo n'abagore, batekereza ko bahohotewe; bityo bagahora bahagangayikiye mu nzira bacamo mu isi, ntibiborohere kwikorera n'imitwaro yabo bwite, ahubwo

akenshi bagahora bitotomba kandi bahagaritse umutima bitewe n'uko ibintu byose binyuranyije n'ibyo bifuza. (9)

Abana Badashima nta Mwanya Bafite mu Bwami bwo mu Ijuru: Neretswe ko Satani yahumye ubwenge bw'abasore kugira ngo badasobanukirwa n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Ibyumviro byabo byabaye ibinya ku buryo batita ku mabwiriza yatanzwe n'intumwa yera yavuze iti:

"Bana, mujye mwumvira ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko ari byo bikwiriye. Wubahe so na nyoko (ni itegeko rya mbere ririmo isezerano) kugira ngo ubone amahoro, uramire mu isi [nshya]" (Abefeso 6:1-3). Yarongeye ati: "Bana, mwumvire ababyeyi banyu muri byose, kuko ibyo ari byo Umwami ashima". (Abakolosayi 3:20). Abana batubaha kandi bagasuzugura ababyeyi babo, ndetse bagahinyura inama babagira n'inyigisho babaha, nta mugabane bateze mu isi nshya. Isi nshya izaba yejejwe ntizaba ahantu ho guturwa n'abahungu n'abakobwa b'ibyigomeke, abanyagasuzuguro n'indashima. Keretse bene abo nibiga kumvira no kubaha bakiri hano kuri iyi si, naho ubundi ntibazigera na rimwe babyiga. Amahoro y'abacunguwe ntazazanwamo agatotsi n'abana b'abanyagasuzuguro, ibyigenge n'intumva. Abica amategeko ntibashobora kuragwa ubwami bw'Imana. (10)

Urukundo Rukwiriye Kugaragazwa: Nabonye abana basa n'aho batagira urukundo rwo guha ababyeyi babo, ntibagaragaza urukundo n'ubugwaneza bikwiriye ababyeyi babo kandi bagombaga kwishimira. Ahubwo bashyira urukundo rwinshi ku bantu bihitiyemo bakabagaragariza ko ari bo bishakira. Mbese ibyo babikora nk'uko Imana yifuza ko biba? Reka da! Basore, mujye muzana imirasire yose y'umucyo, urukundo n'ineza muryango wanyu. So na nyoko bazajya bishimira ubwo buryo buto mushobora kugaragaza mubitaho. Umwete mukoresha kugira ngo muborohereze imitwaro, kandi ngo mukureho ijambo ryose ryo guhangayika no kudashima, ugaragaza ko muri abantu bashyira mu gaciro, kandi ko mwanyuzwe n'uburyo ababyeyi babitagaho n'urukundo babakunze igihe mwari mukiri utwana duto tw'impezamajyo. (11)

Bana, ni ngombwa kuzirikana ko ba nyoko babakunda, bitagenze bityo, ntabwo muzanezerwa cyane. None se ntibikwiriye ko abana na bo bakunda ababyeyi babo, bakaberekanisha urwo rukundo indoro nziza, amagambo anejeje, gufatanya nabo bafite ubwuzu kandi babikuye ku mutima, bagafasha ba se mu mirimo yo hanze, kandi bagafasha ba nyina mu mirimo yo mu rugo? (12)

Ibikorwa Bifatwa nk'aho Bikorewe Yesu: Niba warahindutse by'ukuri, niba uri umwana wa Yesu, uzubaha ababyeyi bawe. Ntabwo uzajya ukora ibyo bakubwiye gusa ahubwo uzajya ushaka n'uburyo wabafashamo. Igihe ugenza utyo, uba ukorera Yesu. Yesu afata uko kwita ku babyeyi ndetse

n'ibyo bikorwa bivuye ku mutima nk'aho ari we bikorewe. Uyu ni wo murimo w'ivugabutumwa ukomeye kurusha iyindi; kandi abakiranuka kuri izo nshingano nto za buri munsi baronka ubunararibonye bw'agaciro kenshi.(13)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* vol. 1. pp.395,396.
2. *Signs of the Times,* July 13, 1888.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, pp.80, 81.
4. *Abakurambere n'Abahanuzi,* 249. (2016).
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 232.
6. *Review and Herald,* Nov. 15, 1892.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 1. pp. 217, 218.
8. *Ubutumwa ku Basore,* p. 329.
9. *Testimonies for the Church,* Vol. 1. pp.392. 393.
10. *Id.,* Vol. 1. pp. 497, 498.
11. *The Youth's Instructor,* April 21, 1886.
12. *Manuscript* 129, 1898.
13. *The Youth's Instructor,* January 30, 1884.



INAMA IHABWA ABANA

Shaka Imana Ukiri Muto: Abana n'abasore n'inkumi bakwiriye gutangira kare bagashaka Imana kubera ko ingeso n'ibyacengeye umuntu hakiri kare bizajya kenshi bigira icyo bikora ku buzima no ku mico ye. Ni cyo gituma urubyiruko rwifuza kuba nka Samweli, cyangwa Yohana, ariko cyane cyane nka Kristo, rugomba gukiranuka mu bintu bito, rukitandukanya n'incuti zarwo zitegura imigambi mibi kandi zitekereza ko imibereho yazo muri iyi si igomba kuba iyo kwishimisha no kunezeza inarinjye. Imyinshi mu mirimo y'imuhira ifatwa nk'aho nta gaciro ifite; ariko niba ibyo bintu bito byirengagizwa, n'inshingano zagutse nazo zizirengagizwa. Murashaka kuba abagabo n'abagore buzuye, bafite imico itunganye, iboneye kandi yubahwa. Nimutangirire umurimo mu rugo; muhafate inshingano nto kandi muzitunganye neza. Uwiteka nabona ukiranuka mu tuntu duto, azaguha inshingano zikomeye. Ujye witondera uburyo wubaka n'ibikoresho ushyira ku nyubako yawe. Imico uri kubaka ubu izamara igihe kirekire nk'icy'iteka ryose.

Reka Yesu yigarurire ubwenge bwawe, umutima yawe n'amarangamutima yawe; kandi ukore nk'uko Kristo yakoraga, ukore inshingano zo mu rugo uzishyizeho umutima, ukore imirimo mito yo kwiyanga n'iy'ubugwaneza. Ujye ukoresha igihe cyawe neza udakebakeba, ukomeze kuba maso wirinde ibyaha n'ibito bito kandi ugire umutima ushimira imigisha mito ubona, bityo amaherezo uzagira ubuhamya bwawe bwite uvugwaho nk'ubwatanzwe kuri Yohana na Samweli, ndetse by'umwihariko kuri Kristo ngo: "Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n'Imana n'abantu." Luka 2:51. (1)

"Mpa Umutima Wawe": Uwiteka arabwira umusore ati: "Mwana wanjye mpa umutima wawe." Umukiza w'isi akunda ko abana n'urubyiruko bamwegurira imitima yabo. Hashobora kubaho ingabo nyinshi z'abana bazasangwa ari indahemuka ku Mana, kubera ko bagendera mu mucyo nk'uko Kristo ari umucyo. Bazakunda Umwami Yesu, kandi bazanezezwa no kumushimisha. Nibacyahwa ntibazabyinubira; ahubwo bazanezeza imitima y'ababyeyi babo bakoresheje kwitonda kwabo, kwihangana ndetse n'ubushake

bwabo bwo gukora ibyo bashoboye byose babafasha mu kwikorera imitwaro y'ubuzima bwa buri munsi. Mu gihe cy'ubuto bwabo n'igihe bazaba ari abasore, bazasangwa ari abigishwa bakiranuka b'Umwami wacu. (2)

Umuntu Akwiriye Kwihitiramo: Mube maso kandi musenge, kandi buri wese agire ubunararibonye yihariye mu bintu by'Imana. Ababyeyi banyu bashobora kubigisha, bashobora kugerageza kuyobora intambwe zanyu mu nzira nziza; ariko ntibashobora guhindura imitima yanyu. Mugomba kwegurira Yesu imitima yanyu kandi mukagendera mu mucyo w'ukuri yabahaye. Mujye mukiranuka ku mirimo y'imuhira, kandi kubw'ubuntu bw'Imana, mushobora gukura mukagera ku gihagararo gishyitse Kristo yifuriza abana gukura bakageraho muri we. Kuba ababyeyi banyu bubahiriza Isabato, kandi bakumvira ukuri, ibyo si byo bibizeza agakiza kanyu bwite. Uwiteka aravuga ati: "Naho [igihugu] cyaba kirimo abantu batatu [Nowa, Yobu na Daniyeli], ndirahiye ko hatagira icyo barokora ari abahungu cyangwa abakobwa, ni bo barokoka bonyine ariko igihugu cyaba umusaka." Ezekiyeli 14:16.

Mu bwana bwanyu no mu busore bwanyu mushobora kwimenyereza umurimo w'Imana. Mujye mukora ibyo muzi ko bitunganye. Mujye mwubaha ababyeyi banyu. Mujye mutega amatwi inama babagira; kuko niba bakunda Imana kandi bakayubaha, bazahabwa inshingano yo kurera, gukebura, no gutoreza ubugingo bwanyu kuzaba mu buzima bw'iteka. Mujye mwemera ubufasha babaha mushima, kandi mutere imitima yabo kunezerwa binyuze mu kugandukira amategeko babategeka avuye ntekerezo zabo zuje ubwenge. Nimugenza mutyo, muzaba mububashye kandi muhaye Imana ikuzo, ndetse mubere umugisha abo mubana. (3)

Bana nimurwane urugamba; kandi mwibuke ko intsinzi yose mugize ituma mwishima umwanzi hejuru. (4)

Abana Bakwiriye Gusenga Basaba Ubufasha: Abana bakwiriye gusenga basaba ubuntu bubabashisha guhangana n'ibishuko bizabageraho: Ni ibishuko bibarehereza kwikurikirira inzira bishakiye no gukora ibishimisha kamere yabo. Uko bazajya basaba Kristo kubafasha mu murimo bakora mu buzima bwabo ngo babe abanyakuri, abagwaneza n'abumvira, kandi ngo bakore inshingano bafite mu rugo rwabo, Kristo azategera amatwi isengesho ryabo ryoroheje. (5)

Yesu yifuza ko abana n'urubyiruko bamusanga bamufitiye icyizere nk'icyo bagenda bafite iyo basanze ababyeyi babo. Nk'uko iyo umwana ashonje asaba se cyangwa nyina ibyokurya, ni na ko Uwiteka ashaka ko mumusaba ibyo mukeneye....

Yesu azi ibyo abana bakeneye, kandi akunda kumva amasengesho yabo. Nimureke abana bagendere kure iby'isi ndetse n'ikintu cyose gishobora

gukurura intekerezo zabo kikaziteshura ku Mana. Mureke kandi bajye bumva ko bihereranye n'Imana bari bonyine, kandi ko amaso yayo areba imbere mu mutima agasoma icyifuzo cy'imbere mu bugingo, ndetse ko bashobora kuvugana n'Imana .....

Bana, nimusabe Imana kubakorera ibyo mutakwishoboza. Nimubwire Yesu byose. Nimumubwire amabanga yo mu mutima wanyu; kuko amaso ye agenzura ibintu bihishwe kure mu bugingo, kandi asoma ibitekerezo byanyu nk'umuntu usoma igitabo kibumbuwe. Igihe muzaba musabye ibintu biri ngombwa kubw'ibyiza by'ubugingo bwanyu, mwizere ko mubihawe kandi muzabibona. (6)

Mujye Mukora Inshingano zo mu Rugo Mwishimye: Abana n'abasore bakwiriye kuba ababwirizabutumwa mu muryango wabo binyuze mu gukora ibikeneye gukorwa byasabaga ko hari undi wabikora . ... Kubwo gukora inshingano nto zasaga n'izidafite agaciro ariko ukazikora ukiranutse, uzaba ugaragaje ko ufite umwuka nyakuri w'ivugabutumwa. Ubushake n'umutima mwiza byo gukora inshingano ziri imbere yanyu no kuruhura umubyeyi wanyu (nyoko) mu mirimo imuremereye cyane, ni byo bizagaragaza ko mukwiriye guhabwa inshingano zikomeye. Ntimutekereza ko koza ibikoresho byo mu gikoni ari umurimo ushimishije, ariko ntimwashimishwa no kuvutswa amahirwe yo kurya ibyokurya byashyizwe kuri ya masahane mwanze koza. Mbese mutekereza ko gukora ibyo bintu bishimishije cyane umubyeyi wanyu kurusha uko namwe byabashimisha? Mushaka ko umurimo mufata ko udashimishije wajya ukorwa n'umubyeyi wanyu uba unanijwe no kubahangayikira, mu gihe mwe muba mwikinira? Hari umurimo wo gukubura ugomba gukorwa, hari uguhungura umukungugu mu miteguro, ndetse n'ibyumba biba bikwiriye gushyirwa kuri gahunda; nyamara igihe musuzugura gukora bene iyo mirimo ntimuhwema kwifuza guhabwa inshingano zikomeye? Mwigeze mutekereza ku ncuro umubyeyi wanyu yakoraga iyo mirimo yose yo mu rugo naho mwe mwagiye kwiga cyangwa muri mwikinira? (7)

Abana benshi bakora inshingano zabo zo mu rugo nk'aho zidashimishije, kandi mu maso habo hakabigaragaza. Bariyenza kandi bakitotomba, bityo ntibagire icyo bakorana umutima ukunze. Ibyo ntibigaragaza umwuka wa Kristo, ahubwo ni umwuka wa Satani, kandi iyo uhaye intebe uwo mwuka, uhinduka nka nyirawo Satani. Nimugenza mutyo, ubwanyu muzajya mu kaga kandi muzashyira mu kaga n'ibibakikije byose. Ntimukinubire ubwinshi bw'ibyo mugomba gukora n'uburyo mufite igihe gito cyo gukina, ahubwo mujye muzirikana ibyo mukora mubyiteho. Nimukoresha igihe cyanyu mu murimo w'ingirakamaro, muzaba muri gukinga urugi ibishuko bya Satani byakwinjiriramo. Mujye mwibuka ko Yesu atabayeho yishimisha ubwe, bityo namwe mugomba kumera nkawe. Iyi ngingo ijye iba imwe

mu mahame y'iby'idini, kandi musabe Yesu kubafasha. Nimumenyereza ubwenge bwanyu gukora mutyo, muzaba mwitegura kuba abantu bakora inshingano ziremereye mu murimo w'Imana nk'uko mwabaye ingirakamaro mu buzima bwo mu rugo. Muzagira impinduka nziza muteza mu bandi kandi mushobora kubazana bakinjira mu murimo wa Kristo. (8)

Mujye Muha Ababyeyi Uburyo bwo Guhindura Umurimo kandi Baruhuke: Biraruhije kugira ngo umubyeyi wuje urukundo asabe abana be kumufasha mu gihe abona ko nta mutima bafite wo gukunda umurimo kandi ko barashaka urwitwazo urwo ari rwo rwose ngo boye gukora umurimo bafata ko utabashimishije. Bana namwe basore, Kristo abahanze amaso. Mbese mubona yari akwiriye kubona ukuntu musuzugura inshingano yabahaye? Niba mwifuza kuba ingirakamaro, mufite amahirwe. Umurimo wa mbere mufite ni uwo gufasha nyoko wabakoreye ibintu bitabarika. Nimumukureho ibimuremera, mumuhe iminsi inejeje yo kuruhuka kubera ko yagiye agira iminsi mike cyane yo kuruhuka ndetse no guhinduranya imirimo guke cyane mu buzima bwe bwose. Mwagiye musaba uburenganzira bwo kugira ibibashimisha by'uburyo bwose n'imyidagaduro, ariko noneho igihe kirageze ngo musakaze imirasire y'umucyo mu rugo. Nimukore inshingano yanyu; mujye ku murimo. Nimuhe umubyeyi wanyu ikiruhuko n'umwanya wo kwishima binyuze mu bwitange bwanyu. (9)

Ingororano Imana Yagenewe ba Daniyeli bo Muri Iki Gihe: Muri iki gihe cyacu dukeneye abagabo bazagira icyo bakora kandi bagatinyuka nka Daniyeli. Isi yacu muri iki gihe ibuze abantu bafite umutima utunganye, b'intwari kandi badatinya. Imana yagennye ko umuntu akwiriye guhora ajya mbere, buri munsi akagenda agera ku rwego ruhanitse rw'ubutungane. Izadufasha niba natwe duharanira kwifasha. Ibyiringiro byacu byo kugira umunezero mu isi turimo n'isi izaza bishingiye ku buryo tujya mbere muri iyi si . . . .

Nshuti basore, Imana irabahamagarira umurimo mushobora gukora kubw'ubuntu bwayo. "Nuko bene Data, ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye." (Abaroma 12:1). Muhagarare mushikamye mugaragaze impano Imana yabahaye yo kuba abagabo n'abagore. Mugaragaze kwera mu bibanezeza, mu byo murarikira, ndetse no mu ngeso zibasha kugereranywa n'izarangaga Daniyeli. Imana izabagororera ibahe imyakura ituje, itume ubwonko busobanukirwa, ibahe gushyira mu gaciro n'imyumvire bizira amakemwa. Abasore bo muri iki gihe bagendera ku mahame ashikamye kandi atanyeganyezwa bazahabwa umugisha wo kuba inziramuze mu mubiri, mu ntekerezo no mu bugingo. (10)

Tangira None Ucungure Igihe Cyapfushijwe Ubusa: Muri iki gihe abasore bari gufata icyemezo kizagena iherezo ryabo ry'iteka ryose,

bityo rero ndabararikira kuzirikana itegeko Imana yatanze rikajyanirana n'isezerano ngo, "Kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." (Kuva 20:12). Bana, mbese mwifuza ubugingo buhoraho? Niba ari ko biri, mujye mwubaha kandi mwumvire ababyeyi banyu. Ntimugakomeretse kandi ngo mutere agahinda imitima yabo. Ntimukabatere kurara basuhuza umutima batewe agahinda kandi bahangayikishijwe n'imyitwarire yanyu. Niba mwarakoze icyaha ntimukunde ababyeyi banyu kandi ntimububahe, guhera none nimutangire gucungura igihe cyashize mwapfushije ubusa. Ntimukwiriye gukinisha gutera indi ntambwe; kuko ibyo byaba bisobanuye ko mubuze ubugingo buhoraho. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *The Youth's Instructor,* Nov. 3, 1886.
2. *Ubutumwa ku Basore,* p. 331.
4. *Manuscript* 19, 1887.
5. *Review and Herald,* Nov. 17, 1896.
6. *The Youth's Instructor,* July 7, 1892.
7. *The Youth's Instructor,* March 2, 1893.
8. *The Youth's Instructor,* January 30, 1884.
9. *The Youth's Instructor,* March 2, 1893.
10. *The Youth's Instructor,* July 9, 1903.
11. *The Youth's Instructor,* June 22, 1893.

Umugabane Wa 12

URUGERO NGENDERWAHO RW'IMIBEREHO Y'UMURYANGO



Igice Cya 52

UBUYOBOZI BW'URUGO

Ihame Ababyeyi Bakwiriye Kugenderaho: Urukundo rw'abantu benshi muri iyi si barwerekeje ku bintu bishobora kuba ari byiza ubwabyo, nyamara intekerezo zabo zinyurwa n'ibyo bintu bityo ntibashake ibyiza bikomeye kandi byo ku rwego rwo hejuru Kristo ashaka kubaha. Nuko rero, ntabwo dukwiriye kugerageza kubabuza ibyo bikundira duhutiyeho. Nimubanze mubahishurire ubwiza bw'ukuri n'agaciro kako. Nimubatere kwitegereza Kristo n'urukundo rwe; bityo bazatera umugongo ikintu cyose cyari kuzabarehereza gutandukana na We. Iri ni ryo hame ababyeyi bari bakwiriye kugenderaho mu burezi bw'abana babo. Binyuze mu buryo ukoresha ugenzereza abana, kubw'ubuntu bwa Kristo ushobora kurema imico yabo bakazabasha kuragwa ubugingo buhoraho. (1)

Mu buzima bwabo bwose, ababyeyi bombi bari bakwiriye guhora biga kugira ngo abana babo begereze guhinduka intungane mu mico nk'uko imbaraga za muntu zikomatanyijwe no gufashwa n'Imana zishobora kubahindura. Kuba barabyaye abana bakabashyira ku isi, ubwo bemeye uyu murimo n'akamaro kawo kose n'inshingano ubasaba kuzuza. (2)

Amategeko Arakenewe mu Miyoborere y'Urugo: Urugo rwose rw'Umukristo rukwiriye kugira amategeko rugenderaho; kandi ababyeyi mu magambo bavuga n'uko buri wese yitwara kuri mugenzi, bakwiriye kubera abana urugero rwiza rw'icyo babifuriza kuba cyo.... Mujye mwigisha abana n'ingimbi n'abangavu kwiyubaha, kuba indahemuka ku Mana no kudateshuka ku ihame. Mubigishe kumvira amategeko y'Imana. Nibiba bityo, aya mahame azagenga imibereho yabo kandi bazajya bayashyira mu bikorwa mu mibanire yabo n'abandi. (3)

Amahame ya Bibiliya Akwiriye Gukurikizwa: Kuba maso igihe cyose birakenewe kugira ngo amahame agize urufatiro rw'imiyoborerwe y'urugo ye kujya yirengagizwa. Uwiteka ashaka ko imiryango yo ku isi icurera umuryango wo mu ijuru. Igihe imiryango yo ku isi izaba iyoborwa mu nzira zitunganye, kweza gukorwa Mwuka Muziranenge kuzagera no mu Itorero. (4)

Ababyeyi ubwabo bakwiriye guhinduka kandi bakamenya icyo kumvira ubushake bw'Imana nk'abana bato bisobanuye, maze ibitekerezo byabo bwite bakabifata mpiri bakabyegurira ubushake bwa Yesu Kristo mbere y'uko bagaragaza ubuyobozi Imana yagennye ko bwarangwa mu muryango uko bikwiriye.(5)

Imana ubwayo ni yo yashyizeho amasano y'umuryango. Ijambo ryayo ni ryo muyobozi w'ukuri rukumbi ku byerekeye uburere bw'abana. Ubucurabwenge bw'abantu ntibwigeze buvumbura ibirenze ibyo Imana izi, cyangwa ngo bube bwarashyizeho gahunda inoze yo kwita ku bana iruta iyo twahawe n'Umukiza wacu. Ni nde washobora gusobanukirwa n'iby'abana bakeneye kurenza Umuremyi wabo? Ni nde washishikazwa bikomeye n'imibereho yabo myiza kurenza uwabacunguje amaraso ye? Iyaba Ijambo ry'Imana ryiganwaga ubushishozi n'ubwitonzi ndetse rikumvirwa nta gukebakeba, gushavura kw'ababyeyi bababazwa n'imyitwarire mibi y'abana b'inkozi z'ibibi kwaba guke.(6)

Mujye Mwubahiriza Uburenganzira bw'Abana: Mujye mwibuka ko abana bafite uburenganzira bugomba kubahirizwa. (7)

Abana bafite uburenganzira ababyeyi bakwiriye kumenya kandi bakabwubahiriza. Bafite uburenganzira bwo kurerwa no kwigishwa kugira ngo hano ku isi bazabe abagize umuryango mugari b'ingirakamaro, bubahwa kandi bakundwa, ndetse bahabwe imico mbonera izababashisha kubana n'intungane z'abera mu isi izaza. Abasore n'inkumi bakwiriye kwigishwa ko imibereho yabo myiza yaba iyo muri iki gihe n'iyo mu gihe kizaza ahanini ishingiye ku mico batora mu bwana bwabo no mu bugimbi n'ubwangavu. Bari bakwiriye kwimenyereza hakiri kare ibyerekeye kubaha, kwigomwa no guharanira icyatuma abandi banezerwa. Bari bakwiriye kwigishwa kudahubuka mu burakari, kutavuga ijambo ry'uburakari, kugaragaza ubugwaneza, ubwuzu no kwitegeka. (8)

Ubutumwa Bwagenewe Umubyeyi Wayobejwe n'Urukundo rw'Impumyi: Urukundo rw'impumyi, ari ko kugaragaza urukundo rw'amajyejuru bikugaragaraho igihe kirekire. Guhobera abana amaboko akazenguruka ijosi biroroshye; ariko iyo myifatire ntukwiriye kuyishyigikira keretse gusa ibaye ihamijwe ko ifite agaciro nyakuri bitewe no kubaha kuzira amakemwa. Kurera bajeyi kwawe no kwirengagiza ibyo Imana isaba, ni ubugome bukomeye. Ushyigikira agasuzuguro kandi ukagatangira urwitwazo uvuga uti: "Umwana wanjye arankunda." Bene urwo rukundo ni nyirarureshwa kandi rurashukana. Ntabwo ari urukundo rwose. Urukundo nyakuri rukwiriye kwimakazwa mu muryango ni urw'agaciro kubera ko rugaragazwa no kumvira. ...

Niba ukunda ubugingo bw'abana bawe, bashyire mu murongo ukwiriye. Nyamara gusomagurana nabo kwawe no guhana impano zigaragaza ko mukundana byaguhumye amaso, kandi n'abana bawe barabizi. Gabanya ibyo ukora bigaragara inyuma byo guhoberana no gusomana, ahubwo uce bugufi ujye ku muzi w'ibintu maze werekane ibigize urukundo rwa kibyeyi. Anga ibyo bakora kuko ari uburiganya n'ubushukanyi keretse gusa biramutse biherekejwe no kubaha no kumvira amategeko ubaha. (9)

Ntukagaragaze Urukundo rw'Impumyi kandi Ntugakarihe mu buryo Budakwiriye: Niba tutagomba kwimakaza urukundo rw'impumyi, ntitunakwiriye kugaragaza gusharirira abana mu buryo budakwiriye. Ntushobora kujyana abana kuri Kristo ku gahato. Bashobora kuyoborwa, ariko ntibakwiriye kubihatirwa. Kristo aravuga ati: "Ni jye mwungeri mwiza, kandi menya izanjye, izanjye zikamenya." (Yohana 10:14). Ntabwo yavuze ati: "Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, maze zigahatirwa kunyumvira." Mu kuyobora abana, ababyeyi bagomba kugaragaza urukundo. Ababyeyi ntibakwiriye kubabaza abana babo babasharirira cyangwa se babategeka ibintu bidafite ishingiro. Gusharira cyane biganisha abantu mu rushundura rwa Satani. (10)

Imbaraga ihindura ikubiye hamwe iva ku gitsure n'urukundo izatuma ubuyobozi bw'umuryango butajegajega kandi burangwemo ubugwaneza. Kuzirikana icyubahiro cy'Imana ndetse n'icyo abana bacu bamugomba bizaturinda kudebeka no gushyigikira ikibi. (11)

Gusharirira Abana si byo Bituma Bubaha: Ntihakagire umuntu utekereza ko gusharira n'igitsure gikabije ari byo bya ngombwa kugira ngo habeho kubaha. Nigeze kubona imiryango yari iyobowe mu buryo bwiza cyane ariko nta jambo ryo gusharira ndetse no kureba ikijisho kuyirangwamo. Nagendereye n'indi miryango yahoraga itangwamo amategeko mu ijwi ry'ubutware bukomeye, ndetse no gucyaha gukakaye, hakarangwa n'ibihano biremereye. Kuri iriya miryango iyobowe neza, abana bakurikizaga imigenzereze y'ababyeyi babo kandi ni gake cyane bavuganaga mu mvugo ikarishye. Ku miryango ya kabiri naho abana biganaga urugero rw'ababyeyi babo; kandi amagambo asesereza, kujora amakosa ku bandi n'impaka byahumvikanaga kuva mu gitondo kugeza nimugoroba. (12)

Amagambo y'iterabwoba, akura umutima kandi yirukana urukundo mu muntu akwiriye kwirindwa. Umubyeyi w'umugabo w'umunyabwenge, w'umugwaneza, kandi wubaha Imana ntazakangaranya abana be, ahubwo azana urukundo mu muryango we. Nitunywa ku mazi y'ubugingo, isoko izadudubiza amazi meza aryoshye, si amazi asharira. (13)

Amagambo akakaye atera umutima gusharirirwa, akomeretsa imitima y'abana, kandi rimwe na rimwe komora bene ibyo bikomere ntibyoroha.

Abana bababazwa cyane n'akarengane gato bagiriwe, kandi bamwe muri bo bacika intege kubw'ako karengane bityo ntibazigere bumvira ijwi riranguruye kandi ririmo uburakari ribategeka ndetse ntibazigere bita ku gukangishwa igihano. (14)

Hariho akaga ko kunenga ibintu bito biba byabaye maze ugakabya cyane. Kunenga gukabije n'amategeko akakaye bitera gusuzugura amabwiriza yose; kandi uko igihe gihita, abana barezwe batyo bazageraho basuzugure n'amategeko ya Kristo. (15)

Kutajenjeka n'Igitsure Birakenewe. Abana bafite kamere yakira ibintu vuba kandi yuje urukundo. Ushobora kubanezeza bitakuruhije, kimwe n'uko ushobora kubababaza bikoroheye. Ababyeyi bashobora kwigarurira imitima y'abana babo bakoresheje kubakebura mu buryo bwitondewe mu magambo n'ibikorwa byuje urukundo. Kugaragaza igitsure gikabije cyane no kuba umubyeyi uha abana amategeko akakaye ni ikosa rikomeye cyane. Kutajenjeka n'igitsure ni ngombwa kugira ngo umuryango wose urangwemo ikinyabupfura. Jya uvuga ibyo ushaka kuvuga utuje, korana ubushishozi kandi ushyire mu bikorwa ibyo uvuga udaciye ku ruhande.

Kwerekana urukundo mu mibanire yawe n'abana bizazana inyungu. Ntukabirukane ubitewe no kudakunda imikino yabo ya cyana, ibibashimisha, n'ibibashavuza. Ntukazinge umunya bakureba kandi ntihakagire ijambo rishaririye risohoka mu kanwa kawe. Ayo magambo yose Imana iyandika mu gitabo cyayo cy'urwibutso. (16)

Amabwiriza n'Imbuzi Ntibihagije. Nshuti bavandimwe, nk'itorero mwirengagije cyane inshingano yanyu ku bana no ku basore n'inkumi. Nubwo bahabwa amategeko n'amabwiriza, hakwiriye gukoreshwa ubushishozi bukomeye mu kubereka uruhande rw'imico yanyu rwerekana imico ya Kristo aho kubereka imico ifitanye isano na Satani. Abana bakeneye gukundwa no guhora bitabwaho. Nimubomatanye n'imitima yanyu, kandi urukundo no kubaha Imana bihore imbere yabo. Ababyeyi b'abagabo n'abagore ntibitegeka ubwabo, ku bw'ibyo rero usanga batujuje ibyangombwa byo kuyobora abandi. Guha abana banyu amabwiriza no kubaburira si byo bisabwa gusa. Mukwiriye kwiga uburyo bwo gukorana ubutabera no gukunda imbabazi, ndetse no kugendana n'Imana mwicishije bugufi. (17)

Inama Yahawe Umubyeyi Ufite Umwana w'Intumva: Umwana wawe si uwawe bwite. Ntabwo ugomba kumugenza uko wishakiye, kubera ko ari umutungo w'Imana. Jya umukurikirana udakebakeba kandi wihanganye; umwigishe ko ari uw'Imana. Nakurana ubwo burere azabera umugisha abamuzengururtse. Ariko bizagusaba ubushishozi buhagije kugira ngo ushobore kuburizamo amatwara afite yo gushaka kubayobora mwembi, gukora ibyo yishakiye no mu buryo bwe, no gukora ibimushimisha. (18)

Ubuyobozi Butajenjetse: Nabonye imiryango myinshi yagiye isenyuka bitewe n'uko abatware bayo bayoborana igitugu, mu gihe iyo binyuze mu kugishanya inama no kugira ibyo abantu bumvikanaho ibintu byose byajyaga kugenda neza mu bwuzuzanye. (19)

Guhuzagurika mu miyoborere y'umuryango bizana akaga gakomeye, kandi mu by'ukuri bihwanyije kuba bibi n'uko nta buyobozi bw'urugo bwaba buhari. Hari ikibazo gikunze kubazwa ngo, 'Kuki abana bafite ababyeyi b'abanyadini akenshi usanga ari intumva, basuzugura, kandi ari ibyigomeke?" Impamvu igomba gushakirwa mu burere bahererwa mu rugo. Inshuro nyinshi cyane usanga ababyeyi bombi batavuga rumwe mu miyoborere y'urugo rwabo. (20)

Imiyoborere ihindagurika irimbuza umwana. Iyo ni imiyoborere usanga igihe kimwe ikomeye ku mirongo ngenderwaho nta gukebakeba, ikindi gihe ugasanga iremera ibyari biciriweho iteka. (21)

Itegeko Ababyeyi n'Abana Bahuriyeho: Imana ni yo iduha amategeko kandi ikaba n'Umwami wacu, bityo rero ababyeyi bakwiriye kujya munsi y'ubutegetsi bwayo. Iri tegeko ribuza ababyeyi gukandamiza uko ari ko kose, kandi rikabuza n'abana gusuzugura. Uwiteka Imana yuzuye ineza, impuhwe n'ukuri. Amategeko yayo arera, arakiranuka kandi ni meza, bityo rero ababyeyi n'abana bagomba kumvira ayo mategeko adaca urwa kibera kandi atunganye. Ababyeyi n'abana bakwiriye kuyubahiriza. Amategeko akwiriye kugenga imibereho y'ababyeyi n'abana akomoka ku mutima wuje urukundo rutagerwa, kandi umugisha utarondoreka utangwa n'Imana uzasendera ku babyeyi bakoresha ayo mategeko mu rugo rwabo no ku bana bayumvira. Imbaraga ihindura ikomatanyije ubutabera n'imbabazi igomba kumvikana mu rugo. "Imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye." (Zaburi 85:11). Imiryango ikurikiza ayo mahame izagendera mu nzira y'Uwiteka, ikorane ubutabera n'ubushishozi. (22)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Manuscript* 4, 1893.
2. *Fundamentals of Christian Education,* p. 67.
3. *Letter* 74, 1896.
4. *Manuscript* 80, 1898.
5. *Review and Herald,* March 13, 1894.
6. *Signs of Times,* November 24, 1881.
7. *Letter* 47a, 1902.
8. *Fundementals of Christian Education,* p. 67.
9. *Letter* 52, 1886.
10. *Review and Herald,* January 29, 1901.
11. *Manuscript* 24, 1887.
12. *Signs of the Times* 11, 1886.

13. *Letter* 8a, 1896.
14. *Testimonies for the Church,* Vol.3, p.532.
15. *Manuscript* 7, 1899.
16. *Testimonies for the Church,* Vol.3, p. 532.
17. *Testimonies for the Church,* Vol.4, p.621.
18. *Letter* 60, 1896.
19. *Testimonies for the Church,* Vol,4, p.127.
20. *Signs of Times,* February 9, 1882.
21. *Letter* 69, 1886.
22. *Manuscript* 133, 1898.

Igice Cya 53

URUGAMBA RUSANANIWE

Inshingano mu Buyobozi Zigomba Gusaranganywa: Ababyeyi bombi bakwiriye gufatanyiriza hamwe kandi basenga bakishyiraho inshingano ikomeye yo kuyobora abana babo mu nzira itunganye. (1)

Ababyeyi bagomba gukorera hamwe nk'itsinda. Nta kwirema ibice gukwiriye kuba hagati yabo. Nyamara ababyeyi benshi babusanya mu ntego, bityo abana babo bakangizwa n'imikorere mibi..... Haba ubwo umwe muri bo aba ari umunyambabazi cyane undi nawe akaba akarishye cyane. Iri tandukaniro riburizamo umusaruro mwiza mu kurema imico y'abana babo. Nta gukoresha ingufu uhubutse bikwiriye kubaho mu gihe mushaka ko [mu muryango] haba amavugurura, ariko na none imbabazi zirangwa n'intege nke nazo ntizikwiriye kugaragazwa. Nyina w'abana ntakwiriye gushakisha uko yahisha umugabo we amakosa abana bakoze, kandi ntakwiriye kubashishikariza gukora ibyo se yababujije. Ku byerekeye ubwenge n'ubushishozi birangwa mu miyoborere ya se w'abana, nta kabuto na kamwe ko gushidikanya nyina w'abana akwiriye kubiba mu ntekerezo zabo. Mu migirire ye, nyina w'abana ntakwiriye kuvuguruza ibyo se w'abana yakoze. (2)

Iyo umugabo n'umugore badahuza, umwe agakora anyuranya n'undi kugira ngo avuguruze icyerekezo cy'undi, umuryango uzabaho udahamye, kandi yaba nyina w'abana cyangwa se w'abana, muri bo ntawe uzahabwa icyubahiro ngo agirirwe n'icyizerere kitabura ku muryango uyobowe neza..... Abana batahura vuba ikintu cyose kibatera gutekereza ku mategeko n'amabwiriza agenderwaho mu muryango wabo, ariko by'umwihariko ya mabwiriza agira ibyo ababuza gukora. (3)

Ababyeyi bombi bakwiriye gufatanyiriza hamwe gukebura abana babo. Buri wese akwiriye gufata inshingano ye, akazirikana ko uko bishoboka kose afite inshingano ikomeye ku Mana yo kurera urubyaro rwabo mu buryo buzatuma rugira amagara mazima ku gihagararo n'imico izira amakemwa. (4)

Uko Umubyeyi Ashobora Kwigisha Umwana Kuriganya: Hariho ababyeyi b'abanyantege nke mu mitekerereze babererekera ibibi bikinjira

mu bana babo kandi bitagombye kwemererwa kubegera n'akanya na gato. Rimwe na rimwe usanga bahisha se w'abana ibibi abana bakoze. Nyina w'abana abaha utuntu tumwe two kwambara cyangwa ibindi bibanezeza azi neza ko se w'abana ntacyo ari bubimenyeho kubera ko se yarwanya ibyo bintu.

Ahangaha abana baba bigishijwe neza isomo ryo kuriganya. Ubundi kandi, iyo se w'abana atahuye ibyo bibi byakozwe, umugore arihohora kandi ntamubwize ukuri kose. Nyina w'abana ntafungura umutima ngo avuge ukuri. Ntabwo azirikana ko se w'abana yitaye ku bana babo nk'uko nawe abitayeho, ndetse ko adakwiriye guhishwa ibibi bikwiriye gukosorwa mu bana bakiri bato. Ibintu biba byaragiye bihishirwa. Abana bamenya ko ababyeyi babo batumvikana, kandi ibyo bigira ingaruka zabyo, bityo abana nabo bagatangira kujya babeshya bakiri bato, bakiga guhishahisha no kuvuga ibintu mu mucyo utandukanye n'uko biri by'ukuri haba kuri nyina ubabyara ndetse no kuri se. Kuri bo gukabya bihinduka ingeso, kandi bakajya bavuga ibinyoma bumva ntacyo bibabwiye ndetse nta n'umutima uhana.

Ayo makosa yatangiwe na nyina igihe yagiraga ibyo ahisha se ubabyara nyamara basangiye kwita ku mico abana babo bari gukuza. Se w'abana aba yaragishijwe inama nta mbebya, kandi aba yarabwiwe ibintu byose. Ariko imigenzereze ihabanye n'iyo yagejeje ubwo ahishwa ibibi abana bakora, maze bishimangira muri bo umuco wo kuriganya, kutavugisha ukuri n'uburyarya.(5)

Ababyeyi b'Abakristo bakwiriye iteka kugira ihame ridakuka ryo kunga ubumwe mu burere bw'abana babo. Ababyeyi bamwe bakora ikosa mu bijyanye n'iyi ngingo ntibarangwe no gushyira hamwe. Rimwe na rimwe ikosa riba irya se w'abana, ariko cyane cyane rikorwa na nyina. Umubyeyi w'umupfapfa arera abana be bajeyi kandi agakabya kubatetesha. Akenshi umugabo aba akora umurimo utamukundira kuba imuhira, no kuba hamwe n'abana be. Impinduka nyina ashobora kubaremamo zirigaragaza. Icyitegererezo atanga gikora byinshi mu bijyanye no kurema imico y'abana. (6)

Abana Baterwa Urujijo no Kunyuranya kw'Ababyeyi: Umuryango ukwiriye gushyirwa kuri gahunda neza. Umugabo n'umugore bakwiriye kuzirikana inshingano bafite, maze bakajya bakora icyo bashinzwe bagisobanukiwe neza. Hagati yabo ntihakwiriye kubaho kubusanya. Nta mubyeyi ukwiriye kunenga imigambi n'imyumvire y'undi imbere y'abana babo.

Niba nyina w'abana ataramenya Imana neza, yari akwiriye gutekereza agahera mu muzi w'ibintu n'ingaruka bizana, akamenya niba imyitwarire

ye iganisha ku kongerera ingorane se w'abana igihe akorana umwete kubw'agakiza k'abana babo. Ikibazo cy'ingenzi akwiriye kwibaza ni iki ngo: "Mbese nkurikira inzira y'Uwiteka?"(7)

Niba hari ikintu ababyeyi bombi batumvikanyeho, bakwiriye kucyunguranaho ibitekerezo bihereye, batari kumwe n'abana, kugeza ubwo bagize icyo bumvikanaho. (8)

Akenshi ababyeyi bombi ntibumvikana ku murongo urugo rugomba kugenderaho. Se w'abana udakunze kuba ari kumwe n'abana, ndetse ntamenye neza imico n'inyifato yabo, usanga ahubuka kandi akabasharirira. Ntabwo ategeka amarangamutima ye, ahubwo abahanana uburakari. Umwana arabimenya, bityo aho kugira ngo yumvire, igihano ahabwa kikamwuzuza uburakari. Rimwe na rimwe nyina w'abana yirengagiza amakosa mato maze ikindi gihe akazayahanira yihanukiriye. Ubwo abana bibabera urujijo, maze bakagwa mu gishuko cyo gushaka uko bazajya bakora ibyaha ariko ntibahanwe. Uko ni ko ababyeyi babiba imbuto z'ikibi, zikazamera, maze zikazakura zikera amatunda. (9)

Ababyeyi nibashyira hamwe muri uyu murimo wo gukebura abana, umwana azasobanukirwa icyo asabwa. Ariko haba mu magambo ndetse mu ndoro, iyo umubyeyi w'umugabo adashyigikira gukebura k'umugore we; iyo yumva ko nyina w'abana ari inkazi maze agatekereza ko agomba korohereza umwana binyuze mu kumutetesha bikabije no kumurera bajeyi, wa mwana azangirika. Bidatinze uwo mwana azamenya ko ashobora kujya yikorera ibyo yishakiye. Ababyeyi bakorera abana babo bene iki cyaha bazaryozwa kurimbuka k'ubugingo bw'abo bana. (10)

Abamarayika bahora bitegereza buri muryango bawitayeho cyane, kugira ngo barebe uko ababyeyi, abarezi cyangwa se inshuti barera cyangwa se bafata abana. Mbega imiyoborere idahwitse bitangaje babona mu muryango aho umugabo n'umugore batavuga rumwe! Bitegereza imvugo ya se w'abana n'iya nyina w'abana, bakumva amagambo bavuga, maze byose bikagaragaza ko batunze ubumwe mu burezi n'uburere by'abana babo. Umugabo ahinyura ibyo umugore we yakoze bityo agatera abana gusuzugura ineza n'urukundo nyina abagaragariza. Nyina w'abana yumva ko akwiriye gusesekaza urukundo rwinshi cyane ku bana, akabatetesha cyane, kandi akabashimisha kubera ko aba atekereza ko se w'abana ari intavumera kandi atihangana, bityo nyina akaba agomba kugira icyo akora ngo agaragaze ibinyuranye n'icyo gitsure gikabije cya se. (11)

Gusenga cyane no Gutekereza Byimbitse Birakenewe: Urukundo ntirushobora kuramba, yemwe no mu muryango, keretse gusa ubushake bw'umuntu n'imico ye bikurikije ubushake bw'Imana. Ubushobozi bwose n'amarangamutima yose bikwiriye guhuzwa n'imico ya Yesu Kristo.



Iyo kubwo gukunda Imana no kuyubaha ababyeyi bombi bafatanyirije hamwe kugira igitsure mu rugo, bazabona ko bakeneye gusenga cyane no gutekereza babikuye ku mutima. Kandi uko bazajya barushaho gushaka Imana, ni ko amaso yabo azahumuka maze babone intumwa ziturutse mu ijuru zije kubarinda, zize ari igisubizo cy'isengesho risenganywe kwizera. Bazatsinda intege nke zo mu mico yabo, maze baromboreze mu nzira yo gutungana. (12)

Imitima Ikwiriye Guhuzwa n'Umurunga Ukomeye w'Urukundo: Babyeyi, nimuhurize imitima yanyu mu bumwe bwimbitse kandi bwuje umunezero. Ntimugatandukane, ahubwo murusheho komatana; ubwo ni bwo muzaba mwiteguye kwizirikaho imitima y'abana banyu mukoresheje umurunga w'urukundo ukomeye. (13)

Nimukomeze kubiba imbuto zizasarurwa muri iki gihe no mu gihe kizahoraho. Ijuru ryose rihanze amaso umwete umubyeyi w'Umukristo akoresha. (14)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 127.
2. *Review and Herald,* March 30, 1897.
3. *Review and Herald,* March 13, 1894.
4. *Pacific Health Journal,* April 1890.
5. *Testimonies for the Church,* Vol.1, pp. 156, 157.
6. *Id.,* Vol.1, p.156.
7. *Manuscript* 79, 1901.
8. *Review and Herald,* March 30, 1897.
9. *Signs of Times,* March 11, 1886.
10. *Review and Herald.,* June 27, 1899.
11. *Review and Herald,* March 13, 1894.
12. *Manuscript* 36, 1899.
13. *Review and Herald,* Sept. 15, 1891.
14. *Review and Herald,* Sept. 15, 189.

IYOBOKAMANA MU MURYANGO

Igisobanuro cy'Idini yo mu Muryango: Idini mu muryango ishingiye mu kurera abana ubamenyereza kandi ubakeburira kubaha Uwiteka. Buri muntu wese mu bagize umuryango akwiriye kugaburirwa inyigisho za Kristo, kandi ibyo umuntu wese arangamira bikwiriye kurindwa nta gukebakeba kugira ngo Satani atagira uwo ashuka akamutandukanya na Kristo. Iyo ni yo ntego buri muryango wari ukwiriye guharanira kugeraho, kandi abagize umuryango bakwiriye kwiyemeza kutazatsindwa no kutazacika intege. Igihe ababyeyi badakebakeba kandi bari maso mu byo bigisha abana babo, ndetse bakabarera bahanze amaso ubwiza bw'Imana, baba bafatanya n'Imana na Yo igafatanya nabo mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abana Kristo yapfiriye. (1)

Inyigisho zerekeye iyobokamana zisobanuye ibirenze inyigisho zisanzwe. Ibyo bishatse kuvuga ko ugomba gufatanya n'abana bawe gusenga, ukabigisha uko bazajya begera Yesu bakamubwira ibyo bakennye. Bisobanuye ko ugomba kwerekanira mu mibereho yawe ko Yesu ari byose kuri wowe, kandi ko urukundo rwe ari rwo rukubashisha kwihangana, gukunda no kugira impuhwe, ariko kandi ugategeka abana bawe kugukurikiza nk'uko Aburahamu yabigenzaga. (2)

Uko witwara mu mibereho yo mu rugo kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Umuntu ushaka kuzaba umwe mu bera bo mu ijuru akwiriye kubanza kuba umuziranenge mu muryango we. Ababyeyi nibaba Abakristo nyakuri mu muryango, bazaba abizera b'ingirakamaro mu Itorero kandi babashe kuyobora imirimo mu itorero no mu muryango mugari nk'uko bayobora ibyo mu muryango wabo. Babyeyi, ndabinginze rwose idini yanyu ntikabe iyo mu magambo gusa, ahubwo ijye iba idini nyayo mu bikorwa. (3)

Iyobokamana Rikwiriye Kwinjizwa mu Burere bwo mu Muryango: Ukuntu iyobokamana mu muryango rikerenswa biteye ubwoba. Abagabo n'abagore bita cyane ku mirimo y'ivugabutumwa ikorerwa mu bindi bihugu. Batangana ubuntu umutungo mwinshi bashyigikira iyo mirimo bityo bagashaka kunezeza umutimanama wabo, bagatekereza ko gutanga

ibikoreshwa mu murimo w'Imana bizahongerera kwirengagiza gutanga urugero rutungaye mu muryango wabo. Nyamara imuhira ni ahantu hihariye bagomba kuvuga ubutumwa, kandi nta rwitwazo Imana yemera rwo kuba umuntu yirengagiza aha hantu. (4)

Aho iyobokamana ari ikintu gishyirwa mu bikorwa mu muryango, hari ibyiza byinshi bigerwaho. Iyobokamana rizatera ababyeyi gukora umurimo Imana yagennye ko ugomba gukorerwa mu rugo. Abana bazakura bubaha Uwiteka kandi bakurikiza amabwiriza ye. (5)

Impamvu urubyiruko rwo muri iki gihe rutita cyane ku by'idini, biterwa n'uko uburere bahawe buba burimo agatotsi. Abana ntibagaragarizwa urukundo nyakuri ahubwo bemererwa gushayisha mu byo bishakiye, cyangwa ntibahanwe igihe basuzuguye amategeko ubaha. Uko ureze umwana ni ko akura. (6)

Niba idini rigomba kugira impinduka rizana mu muryango mugari, rigomba kubanza guhindura ab'umuryango. Abana baramutse bigishijwe gukunda Imana no kuyubaha bakiri iwabo, igihe bazajya mu isi, bazaba barateguriwe gutoza imiryango yabo kubaha Imana, bityo amahame y'ukuri yazashinga imizi mu muryango mugari kandi agateza impinduka zigaragara mu isi. Iyobokamana ntirikwiriye gutandukanywa n'uburere butangirwa mu muryango. (7)

Idini yo mu Rugo Ibanziriza iyo mu Itorero: Mu rugo ni ho hubakirwa urufatiro rwo kugubwa neza kw'itorero. Imbaraga ziyobora mu mibereho yo mu rugo zijyanwa no mu mibereho y'Itorero; bityo rero inshingano zo mu itorero zikwiriye kubanza gutangirira mu miryango. (8)

Imibereho yerekeye idini nigenda neza mu muryango, tuzagira amateraniro y'agahozo mu itorero. Nimukomeze inyubako y'iby'idini mu muryango. Mwegurire Imana umuryango wanyu, kandi mu rugo mujye muvuga ndetse mukore nk'Abakristo. Mujye muba abagwaneza kandi mwihangana mu muryango, muzirikana ko muri abarezi n'abigisha. Buri mubyeyi wese w'umugore ni umwigisha, kandi buri mubyeyi yari akwiriye kuba umwigishwa mu ishuri rya Kristo kugira ngo ahigire uko yajya yigisha [abana be], maze akababaha ishusho y'imico itunganye. (9)

Iyo nta yobokamana rirangwa mu rugo, ibyo abantu bavuga ko bizera nta gaciro biba bifite.... Abantu benshi barishuka, bakibwira ko imico yabo izahinduka igihe Yesu azaba agarutse, ariko nta guhinduka k'umutima kuzabaho ubwo Yesu azaba agarutse. Tugomba kwihana inenge zo mu mico yacu muri iki gihe, kandi kubw'ubuntu bwa Kristo tugomba kuzinesha igihe cy'imbabazi kikiriho. Aha ku isi ni ho dukwiriye kwitegurira kuzaba mu muryango wo mu ijuru.(10)

Iyobokamana ryo mu muryango rirakenewe cyane, kandi amagambo tuvugira mu miryango yacu akwiriye kuba atunganye, nibitaba bityo ubuhamya dutanga mu rusengero buzahinduka imfabusa. Nutagaragaza ubugwaneza, kwiyoroshya n'ubwitonzi mu muryango wawe, imyizerere yawe izaba iy'ubusa. Iyaba mu miryango harangwaga iyobokamana nyakuri, mu itorero naho hagaragara imbaraga iruseho. (11)

Gutinda Guha Abana Inyigisho z'idini ni Ikosa Rikomeye Cyane: Kureka abana bagakura batazi Imana ni ikosa rikomeye cyane. (12)

Ababyeyi bakora ikosa rikomeye iyo birengagije umurimo wo guha abana babo inyigisho z'iyobokamana, bakibwira ko bazajya ku murongo mu gihe kizaza, kandi ko uko bazajya bakura ubwabo bazagira ubwuzu bw'iby'iyobokamana. Mbese babyeyi ntimubona ko nimudatera imbuto z'ukuri, urukundo n'imico y'ab'ijuru mu mitima y'abana banyu, Satani azayibibamo urukungu? (13)

Akenshi ababyeyi bareka abana babo bagakura batazi ibyerekeye iyobokamana, bitewe n'uko ababyeyi babo batekereza ko abana bakiri bato cyane ku buryo batahabwa inshingano za Gikristo . ...

Kubera ko abana ari bamwe mu bagize umuryango, ikibazo cyerekeye inshingano yabo mu by'iyobokama kigomba gufatirwa umwanzuro uhamye. (14)

Ababyeyi bari mu mwanya w'Imana imbere y'abana babo kugira ngo bababwire icyo bakwiriye gukora n'icyo bagomba gukora. Bakwiriye kubabwira bashize amanga no mu mwuka wo kwitegeka. Umwete wose bakoresha ku bana babo buzuye ubugwaneza no kwitegeka uzacengeza mu mico yabo kudakebakeba no kuba abantu bafata ibyemezo.

.... Ababyeyi bombi bafite inshingano yo gukemura iki kibazo hakiri kare kugira ngo uko umwana yirinda gutekereza kwiba bye kuruta uko atekereza kwica Isabato, guhinyura gahunda yo kuramya mu rusengero no gusengera mu muryango. Ababyeyi ubwabo nibo bagomba kubaka uruzitiro rukingira abana babo. (15)

Igihe umwana akiri muto ni cyo gihe cyiza cyo gutangira kumwigisha inzira za Kristo kandi bigahera ubwo bigakomeza. Igihe imitima y'abana ikigirira ubwuzu kwakira ukuri, bagomba kwigishwa iby'ukuri kw'iteka ryose. Ababyeyi bari bakwiriye kwibuka ko uko babaho, uko bavuga n'ibyo bakora bibera imbere y'Imana. (16)

Mbe babyeyi, mukora mute? Mbese mwaba mukora ku gitekerezo kivuga ko mu byerekeye iyobokamana abana banyu bakwiriye kugira umudendezo usesuye ntibagire icyo babuzwa? Mbese murabareka ntimubagire inama kandi ntimubacyahe guhera bakiri bato kugeza mu busore bwabo? Mbese

murabareka bagakora icyo bishakiye? Niba mugenza mutyo, murakerensa inshingano Imana yabahaye. (17)

Mujye Mwigisha Umwana Mukurikije Ikigero Cye: Igihe abana bakiri bato baciye akenge ko gusobanukirwa, ababyeyi babo bakwiriye kubabwira inkuru ya Yesu kugira ngo babashe kunywa ku isoko y'ukuri kwerekeye umwana wavukiye i Betelehemu. Mujye mubacengezamo amatwara yo kubaha Imana ahuje n'ikigero bagezemo n'ubushobozi bwabo. Igihe musenga mujye mutura Yesu abana banyu, kubera ko Yesu yakoze ibishoboka kugira ngo bamenye iby'iyobokamana bibashe kubaka amagambo y'ururimi bavuga. (18)

Igihe abana bakiri bato, nibwo baba babereye kwakira inyigisho z'ijuru. Uwiteka yita kuri abo bana mu buryo bwe bwihariye; kandi igihe bakuze bazi Uwiteka banamwubaha, babera abana babo abafasha aho kubabera imbogamizi. (19)

Ababyeyi Bafatanya Gushimangira Imibereho y'Iyobokamana mu Rugo: Umugabo n'umugore we bafite inshingano yo gusigasira iby'iyobokamana mu rugo rwabo. (20)

Ntimugatume nyina w'abana agira imirimo myinshi imuhagarika umutima ku buryo adashobora gutanga igihe cyo gukemura ubukene bw'iby'umwuka mu muryango we. Nimutyo ababyeyi basabe Imana kubayobora mu murimo wabo. Nibapfukama imbere yayo bazasobanukirwa neza inshingano zabo zikomeye, kandi ubo bazaba bapfukamye bazabasha kwegurira abana babo Imana, Yo yonyine itabasha kwibesha haba mu nama itanga no mu nyigisho zayo . . . .

Se w'abana ntakwiriye guharira umugore we inshingano zo guha abana uburere bw'iby'umwuka. Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bafite umurimo wagutse bagomba gukora, kandi bombi bakwiriye gukora uruhare rwabo bagategurira abana babo wa munsi ukomeye w'urubanza. (21)

Babyeyi, igihe mugiye gukora imirimo y'iby'iyobokamana mujye mujyana n'abana banyu. Mubagoteshe amaboko yo kwizera kwanyu, maze mubegurire Kristo. Ntimukagire ikintu na kimwe cyatuma mureka inshingano yanyu yo kubarera nk'uko bikwiriye. Ntihakagire inyungu iyo ari yo yose y'iby'isi ibatera kwirengagiza abana banyu. Imibereho yanyu ya Gikristo ntikigere ibatera kwitarura abana banyu. Nimujyane nabo imbere y'Uwiteka; mwigishe intekerezo zabo kwimenyereza ukuri kw'Imana. Bajye bacudika n'abakunda Imana. Mujye mubashyira ubwoko bw'Imana nk'abana mwifuza gufasha kugira ngo bubake imico ikwiriye kuzaba mu isi izahoraho iteka. (22)

Mbese ni iki iyobokamana mu muryango ritazageraho? Rizakora wa murimo Imana yagennye ko ugomba gukorwa muri buri muryango.

Abana bazarerwa mu buryo butuma bamenya Imana kandi bayubahe. Ntibazigishwa kandi ngo bamenyerezwe kuba abantu batwawe n'ibibera mu muryango mugari, ahubwo bazaba abagize umuryango w'Uwiteka. (23)

Abana Biteze Kubona Imibereho Idakebakeba ku Babyeyi Babo: Ikintu cyose ababyeyi bakora cyiyandika mu ntekerezo z'urubyiruko. Bitegereza isura, kandi ijwi naryo rigira impinduka ribashyiramo maze bakigana imyitwarire y'ababyeyi babo. Ababyeyi b'abanyamushiha bigisha abana babo inyigisho mbi maze igihe kimwe nabo bakazazigisha isi yose. Iyaba byashobokaga bene abo babyeyi bakarandura inyigisho bigishije. Abana bakwiriye kubona mu babyeyi babo kudahuzagurika kurangwa mu mikorere ihuje n'ibyo bizera. Kubwo kurangwa n'imibereho idakebakeba no kwitegeka, ababyeyi bashobora gutunganya imico y'abana babo. (24)

Imana Yubaha Umuryango Ugira Gahunda: Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bagira Imana nyambere mu ngo zabo, bakigisha abana babo ko kubaha Uwiteka ari ryo shingiro ry'ubwenge, baba bahesheje Imana ikuzo imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu, kuko bereka abatuye isi umuryango ugira gahunda, umuryango watojwe ikinyabupfura, umuryango ukunda Imana kandi ukayubaha aho kuba umuryango uyigomera. Kristo ntaba utazwi muri urwo rugo; izina rye rihora rivugwa muri rwo, rikubahwa kandi rigasingizwa. Abamarayika bashimishwa no kuba mu rugo Imana yimitswemo nk'Umwami w'Ikirenga, kandi abana bakigishwa kubaha iyobokamana, kubaha Bibiliya no kubaha Umuremyi wabo. Bene iyo miryango ishobora gusaba gusohorezwa isezerano rivuga riti: "Nubaha abanyubaha." 1 Samweli 20:30. (25).

Uko Kristo Yinjizwa mu Rugo: Iyo Kristo ari mu mutima, yinjizwa mu muryango. Ababyeyi bombi basobanukirwa akamaro ko kubaho bumvira Mwuka Wera kugira ngo abamarayika bo mu ijuru (bakorera umurimo abazaragwa agakiza), babafashe bababera abigisha mu ngo zabo, babahugure kandi babatoze umurimo wo kwigisha abana babo. Birashoboka ko imuhira haba itorero rito ryubaha Umucunguzi kandi rimuhesha ikuzo. (26)

Tuma Iyobokamana Riba Gahunda Yireherezaho Abantu: Jya utuma imibereho ya Gikristo iba imibereho ireshya abantu. Jya uvuga iby'igihugu abayoboke ba Kristo bazaturamo. Nugenza utyo, Imana izayobora abana bawe mu kuri kose, kandi izabuzuza kwifuza kuzaba mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda. (27)

Ababyeyi ntibakwiriye guhatira abana babo kuba abanyadini ku izina, ahubwo bakwiriye kubashyira imbere amahame y'iteka ryose mu mucyo ubareshyareshya. (28)

Ababyeyi bakwiriye gutuma idini ya Kristo ikundwa bitewe n'umunezero ubaranga, urugwiro rwa Gikristo, ineza yabo n'impuhwe zabo. Ariko kandi

bakwiriye kuba abantu badakebakeba mu gusaba abana babo kubaha no kumvira. Amahame atunganye akwiriye gushimangirwa mu bwenge bw'abana. (29)

Dukwiriye kwereka urubyiruko ikintu kibarehereza gukora ibitunganye. Ntabwo ifeza n'izabahu bihagije mu gukora uwo murimo. Nimutyo tubahishurire urukundo, imbabazi n'ubuntu bya Kristo, tubereke agaciro gakomeye k'ijambo rye (Bibiliya) ndetse n'ibyishimo by'abaneshi. Nimugenza mutyo, muzaba mukoze umurimo uzahoraho iteka ryose. (30)

Impamvu Ababyeyi Bamwe Batsindwa: Nubwo ababyeyi bamwe bavuga ko ari abanyadini, ntabwo babwira abana babo ukuri guhamya ko Imana ikwiriye gukorerwa no kubahwa, ngo babereke ko ibiboroheye, ibibanezeza, cyangwa ibyo bararikira bidakwiriye kubangamira ibyo Imana ibasaba. "Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge." (Zaburi 111:10). Uku kuri gukwiriye gucengezwa mu buzima no mu mico yabo. Gusobanukirwa Imana neza binyuze mu kumenya Kristo wapfuye kugira ngo dukizwe, bikwiriye gushimangirwa mu bwenge bwabo. (31)

Babyeyi, mushobora gutekereza ko nta gihe mufite cyo gukora ibyo byose, ariko mugomba gufata igihe mugakora umurimo mwahawe mu muryango wanyu. Nimutagenza mutyo, Satani niwe uzasiba icyo cyuho. Mu buzima bwanyu nimwitandukanye n'ikintu cyose kibabuza gukora uwo murimo, kandi murere abana banyu mukurikije amabwiriza Imana yatanze. Mujye mwirengagiza ikintu cyose kibereyeho kumara igihe gito, ahubwo munyurwe no kubaho mudasesagura, mwite gusa ku byo mukennye, ariko kubwa Kristo, ubwanyu ntimukirengagize kwiyigisha ibyerekeye iyobokamana ngo mubitoze n'abana banyu. (32)

Buri wese mu Bagize Umuryango Akwiriye Kwegurirwa Imana: Amategeko Mose yatanze yerekeye umunsi mukuru wa Pasika yuzuye ubusobanuro bukomeye, kandi afite uko areba ababyeyi n'abana muri iki gihe isi igezemo. …

Umugabo, ari we se w'abana yagombaga gukora nk'umutambyi w'abo mu rugo rwe. Iyo yapfaga, umwana we mukuru w'umuhungu ni we wakoraga umurimo wera wo kumisha amaraso ku nkomanizo z'umuryango. Iki ni ikimenyetso cyerekana umurimo ugomba gukorwa muri buri muryango. Ababyeyi bakwiriye guteraniriza hamwe abana babo maze bakababwira ko Kristo ari we Pasika yabo. Se w'abana akwiriye kwegurira Imana umuntu wese wo mu rugo rwe kandi agakora umurimo ushushanywa n'umunsi mukuru wa Pasika. Ni akaga gakomeye guharira abandi iyi nshingano yera. (33).

Nimutyo ababyeyi b'Abakristo biyemeze ko bazaba indahemuka ku Mana, kandi bateranirize hamwe abana babo mu rugo rwabo, maze basige amaraso ku nkomanizo z'umuryango. Ayo maraso ashushanya Kristo, We

wenyine ushobora kurinda no gukiza, kugira ngo marayika murimbuzi abashe kunyura kuri iryo tsinda rikundwa ry'abagize umuryango. Mureke ab'isi babone ko hari imbaraga irenze iya muntu iri gukorera mu rugo rwanyu. Mureke ababyeyi bakomeze komatana n'Imana, babe mu ruhande rwa Kristo, maze kubw'ubuntu bwe berekane ikintu cyiza kandi gikomeye gishobora gukorwa binyuze mu babyeyi. (34)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Manuscript* 24b, 1894.
2. *Letter* 8a, 1896.
3. *Manuscript* 53, Undated.
4. *Signs of Times,* August 23, 1899.
5. *Review and Herald,* March 13, 1894.
6. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 702.
7. *Signs of Times,* April 8, 188.
8. *Signs of Times,* Sept. 1, 1898.
9. *Manuscript* 70, Undated.
10. *Signs of Times,* November 14, 1892.
11. *Ubutumwa ku Basore,* p. 325.
12. *Signs of Times,* April 23, 1894.
13. *Signs of Times,* August 6, 1912.
14. *Review and Herald,* April 13, 1897.
15. *Manuscript* 119, 1899.
16. *Review and Herald,* March 13, 1894.
17. *Review and Herald,* March 13, 1894.
18. *Signs of Times,* Agust 27, 1912.
19. *Signs of Times,* April 23, 1912.
20. *Manuscript* 47, 1908.
21. *Letter* 90. 1911.
22. *Signs of Times,* April 23, 1912.
23. *Manuscript* 7, 1899.
24. *Testimonies for the Church,* Vol.4, p. 621.
25. *Testimonies for the Church,* vol.5. p. 424.
26. *Manuscript* 102, 1901.
27. *Reviw and Herald,* January 29, 1901.
28. *Signs of Times,* August 27, 1912.
29. *Review and Herald,* June 27, 1899.
30. *Manuscript* 93, 1909.
31. *Review and Herald,* June 24. 1890.
32. *Manuscript* 12, 1898.
33. *Review and Herald,* May 21, 1895.
34. *Review and Herald,* Feb. 19, 1895.



AMAHAME Y'IMYITWARIRE MBONERA

Satani Ashaka Guhindanya Gahunda yo Gushyingiranwa: Wari umugambi wa Satani yari yarize neza wo guhindanya umuhango wo gushyingiranwa, agaca intege ibisabwa muri wo kandi akagabanya ukwera kwawo. Nta bundi buryo yari yizeye yajyaga gukoresha ngo yangize ishusho y'Imana mu muntu, kandi ngo akingurire urugi ibyago n'ingeso mbi. (1)

Satani azi neza ibyo agomba kurwanya mu mutima w'umuntu. Kubera ko yabyize abishishikariye mu gihe cy'imyaka ibihumbi byinshi, azi impande runaka zo mu mico yigarurira mu buryo bworoshye; kandi mu bisekuruza byinshi byagiye bikurikirana, yagiye agerageza kugusha abagabo bakomeye n'ibikomangoma mu Bisirayeli akoresheje ibigeragezo nk'ibyageze ku ntego yabyo i Bali-Pewori. Mu bihe byagiye bikurikirana, habayeho abantu badafite imico ishikamye bagiye banyerera ku bitare byo kunezeza irari. (2)

Amahano mu Bisirayeli: Icyaha gikomeye cyatumye ibihano by'Imana bisukwa ku Bisirayeli cyabaye icyaha cyo gutwarwa n'iruba. Guhangara kw'abagore bari bagendereye kugusha abantu mu mutego ntikwarangiriye i Bali-Pewori. Nubwo abakoraga ibyaha mu Bisirayeli bahanwaga ako kanya, icyo cyaha cyabaga gihaniwe nticyaburaga gusubirwamo kenshi. Satani yakoraga uko ashoboye kose ngo arimbure ubwoko bwa Isirayeli. (3)

Ubusambanyi bwakozwe n'Abaheburayo bwashohoje kuri bo icyo intambara zose barwanye n'amahanga menshi zitagezeho ndetse n'ibyo imivumo ya Balamu itashoboraga gukora. Batandukanijwe n'Imana yabo. Bakuweho uburinzi bwari bubakingiye. Imana yahindutse umwanzi wabo. Abenshi mu bikomangoma na rubanda bahamwaga n'icyaha cy'ubusambanyi ku buryo cyaje guhinduka icyaha cy'ishyanga ryose, bityo Imana irakarira iteraniro ryose ry'Abisirayeli. (4)

Amateka Agomba Kwisubiramo: Hafi y'umusozo w'amateka y'iyi si, Satani azakorana imbaraga ze zose mu buryo n'ibishuko bihwanye rwose n'uko yashutse Isirayeli ya kera mbere y'uko Abisirayeli binjira mu Gihugu cy'Isezerano. Azajya atega imitego abavuga ko bakurikiza amategeko y'Imana kandi bari hafi rwose kugera ku ngabano z'i Kanani

yo mu ijuru. Azakoresha imbaraga ze zose kugira ngo agushe abantu mu mutego kandi ategere abavuga ko ari ubwoko bw'Imana aho bugaragaza intege nke. Abantu batarazana irari ryabo ngo ritegekwe n'imbaraga zirisumbije ububasha zo mu bugingo bwabo, ba bandi bemereye intekerezo zabo kwishora mu nzira yo kunezeza kamere y'irari ribi, bene abo Satani yamaramaje kubarimbura akoresheje ibishuko bye ari ko kwandurisha ubugingo bwabo gutegekwa n'iruba ry'imibiri yabo. Ntabwo agambiriye kubatera ibyasha bitagaragara cyangwa by'agaciro gake, ahubwo akoresha imitego ye binyuze mu bantu abona ko bashobora kumubera abakozi bo koshya abandi gukora ibyo amategeko y'Imana aciraho iteka bumva bafite umudendezo. Kandi abantu bari mu myanya y'ubuyobozi, bigisha ibyo amategeko y'Imana asaba, abantu akanwa kabo kuzuye ingingo zishyigikira amategeko y'Imana, bene abo ni bo Satani yibasira. Abo nibo yohererereza ingabo ze z'ikuzimu ndetse n'abakozi bamukorera maze akabatsinda yuririye aho bafite intege nke mu mico yabo, kuko azi ko uwishe itegeko ry'Imana nubwo ryaba rimwe aba ayishe yose. Uko ni ko Satani yigarura umuntu wese uko yakabaye. Nuko ubwenge, ubugingo, umubiri n'umutimanama bigashorwa mu irimbukiro. Iyo uwo muntu asanzwe ari intumwa yo gukiranuka kandi akaba yarigeze kwakira umucyo ukomeye, cyangwa se iyo Uwiteka yigeze kumukoresha nk'umukozi we wihariye mu murimo wo kwamamaza ukuri, mbega ukuntu Satani aba ageze ku ntsinzi ikomeye iyo abashije kumugusha! Mbega ukuntu Satani yishima bitavugwa! Mbega ukuntu Imana isuzugurwa! (5)

Gutegekwa n'Iruba Biraganje muri Iki Gihe: Neretswe ishusho iteye ubwoba y'uko isi imeze muri iki gihe. Gutegekwa n'iruba biraraganje ahantu hose. Ubusambanyi ni cyo cyaha cyihariye kiranga iki gihe turimo. Nta kindi gihe iyi ngeso mbi yigeze yubura umutwe wayo wihandagaza nko muri iki gihe tugezemo. Abantu bameze nk'abaguye ikinya, kandi abakunda ubutungane no kugwa neza nyakuri bari hafi gucibwa intege rwose no kwihandagaza kw'iki cyaha, imbaraga zacyo n'uko cyabaye gikwira. Gukiranirwa kuganje ntikugarukira gusa mu batizera n'abakobanyi. Ibyo si ko byagombye kumera ariko ni ko biri. Abagabo n'abagore benshi bavuga ko ari abayoboke b'idini ya Kristo bahamwa n'iki cyaha. Ndetse na bamwe bavuga ko bategereje kumubona atungutse ku bicu ntabwo biteguye uwo munsi kurusha uko Satani ubwe awiteguye. Ntabwo biyozaho imyanda yose. Bamaze igihe kirekire bakorera irari ryabo ku buryo kuba intekerezo zabo zanduye n'imyumvire yabo ikaba ihumanye ari ibintu bisanzwe. Kuri bo, ntibishoboka ko watera intekerezo zabo kuzirikana ibintu bitunganye kandi byera nk'uko utahindukiza icyerekezo cy'amazi y'isumo rya Niyagara (Niagara) akisuka asubira iyo aturuka.... Umukristo wese aziga gutegeka irari ryc

kandi agire ihame rimugenga. Keretse gusa natera iyi ntambwe, naho ubundi nibitaba bityo ntabwo azaba akwiriye kwitwa Umukristo. (6)

Indwara y'urukundo rushingiye ku marangamutima iraganje. Usanga abagabo bubatse barangamiwe n'abagore bubatse nabo ndetse n'abakobwa batarashaka; kandi abagore nabo basa n'abatwawe, ndetse batakaza ubwenge no gushyira mu gaciro mu by'umwuka n'imyumvire isanzwe. Bakora ibintu ijambo ry'Imana riciraho iteka, bya bindi ibihamya bya Mwuka w'Imana bidacira akari urutega. Imiburo no gucyahwa biri imbere yabo mu magambo yumvikana neza, nyamara baratandukira bakishora mu nzira mbi abandi barohamyemo. Bameze nk'abari kwikinira umukino wo kubareshyareshya. Satani arabashorera akabayobora mu kwirimbura ubwabo, mu gushyira mu kaga umurimo w'Imana, mu kwibambira Umwana w'Imana ubwa kabiri no kumukoza isoni ku mugaragaro. (7)

Ubujiji, gukunda ibinezeza, n'ingeso mbi byandaza ubugingo, umubiri n'intekerezo, ibyo byose bitumye isi yuzura ibibembe mu by'imico mbonera. Malariya kirimbuzi mu by'imico mbonera iri guhitana abantu ibihumbi byinshi. None se hakorwa iki ngo dukize urubyiruko rwacu? Hari bike cyane twakora, ariko Imana iriho kandi iganje ku ngoma, ndetse ibasha gukora byinshi birenze. (8)

Ubwoko bw'Imana Bukwiriye Kuba Buhabanye n'ab'Isi: Kwishyira ukizana byogeye muri iki gihe cyo kwangirika [kw'imico] ntibikwiriye kuranga abayoboke ba Kristo. Uko kwiyerekana kugezweho, aho abantu bahurira bagasabana birenze ntigukwiriye kurangwa mu Bakristo bitegura kwambikwa kudapfa. Niba gutwarwa n'iruba, guhumana, ubusambanyi, urugomo n'ubwicanyi ari byo buri munsi birangwa mu batazi ukuri kandi banga kugengwa n'amahame y'ijambo ry'Imana, mbega ukuntu ari ingenzi ko abavuga ko ari abayoboke ba Kristo, bakaba bomatanye n'Imana n'abamarayika bayo, bagombye kubereka inzira iruseho kuba nziza kandi y'icyubahiro! Mbega uburyo ari ingenzi ko kubwo kwitonda no gukiranuka kwabo bagombye kubaho bahabanye by'ihabya n'itsinda ritegekwa n'irari rya kinyamwaswa! (9)

Akaga n'Ibyago Birushaho Kwiyongera: Muri iki gihe cyo gusubira inyuma uzabona abantu benshi bahinduwe impumyi n'icyaha ku buryo bahitamo imibereho igengwa n'iruba bitewe n'uko ihuje n'ibyo umutima wa kamere kandi w'ubupfapfa ubogamiramo. Aho kugira ngo birebere mu ndorerwamo y'amategeko y'Imana, kandi ngo imitima n'imico yabo babisigasire bigere ku rugero Imana ishaka, bemerera abakozi ba Satani kuzamura ibendera rye mu mitima yabo. Abantu bangiritse mu mico batekereza ko kugoreka Ibyanditswe Byera kugira ngo bibashyigikire mu gicumuro cyabo byoroshye kuruta kuvirira kwangirika kwabo n'icyaha cyabo ngo babe batunganye mu mutima no mu bugingo.

Hari benshi cyane bateye batyo kuruta uko abantu benshi bigeze gutekereza, kandi uko tuzajya turushaho kwegera iherezo ry'ibihe ni na ko bazajya barushaho kwiyongera. (10)

Iyo imbaraga ya Satani yigarurira imitima ari yo itegeka umuntu, Imana iribagirana, maze umuntu wuzuye imigambi yangiritse akaba ari we usingizwa. Ubusambanyi bubera mu rwihisho bukorwa n'abo bantu bamaze gushukwa, bakabukora nk'aho ari ingeso nziza. Ubu ni ubwoko bumwe bwo gukorana n'imyuka y'abadayimoni . . . Iteka ryose mu buyobe no mu busambanyi habamo imbaraga ireshya y'abadayimoni. Ubwenge burayobywa ku buryo buba budashobora gutekereza neza, kandi ubuyobe bugakomeza kuyobora ubwenge mu gucisha ukubiri n'ibyo gukiranuka. Amaso y'iby'umwuka acura umwijima, maze abantu batigeze bangirika imico bakajya mu rujijo bitewe n'ibitekerezo biyobya by'abo bakozi ba Satani biyita abatwaramucyo. Ubu buyobe ni bwo buha imbaraga abo bakozi ba Satani. Baramutse bahagurutse bashize amanga maze ibyo badukanye bakabivuga ku mugaragaro, bakwamaganirwa kure nta gushidikanya n'akanya na gato; ariko babanza gukora bajijisha ngo abantu babakunde kandi babagirire icyizere nk'aho ari abantu bera b'Imana kandi bitanga. Nk'intumwa zidasanzwe za Satani, batangira gukora umurimo w'uburiganya wo guteshura abantu mu nzira yo gukiranuka bakoresheje kugerageza gutesha agaciro amategeko y'Imana. (11)

Umugabo n'Umugore we Bakwiriye Kuguma mu Mwanya wabo kandi Bakagira Imibereho Izira Ikinegu: Intekerezo z'umugabo cyangwa iz'umugore ntizipfa guhinduka umunsi umwe ngo zive mu gutungana no kwera zigere mu buhanya, kwiyonona no mu byaha by'inkoraruguma. Bisaba igihe kirekire kugira ngo ikiremwamuntu gihindukirire Imana, cyangwa ngo abantu baremwe mu ishusho y'Imana basigingizwe bahinduke nk'inyamaswa cyangwa bagire ishusho nk'iya Satani. Duhindurwa n'ibyo twitegereza. Nubwo umuntu yaremwe ku ishusho y'Umuremyi we, ashobora kumenyereza ubwenge bwe ko icyaha yigeze kwanga urunuka noneho cyahindutse ikimunezeza. Iyo aretse kuba maso no gusenga, akareka kurinda igihome cye n'umutima we, amaherezo yishora mu cyaha no mu bugome bukomeye. Ubwenge burasigingira, bityo ntibibe bishoboka ko bwazahurwa ngo buve mu bibi mu gihe buri kwigishwa guhindura imbata imbaraga z'umutimanama n'iz'ubwenge no kuzitera gutegekwa n'irari ribi. Tugomba guhora ku rugamba turwanya umutima wa kamere; kandi tugomba gufashwa n'imbaraga itunganya y'ubuntu bw'Imana, kuko ari yo izarehereza intekerezo gutumbira mu ijuru kandi izimenyereze guhora zitekereza ku bintu bitunganye kandi byera. (12)

Nta muntu uwo ari we wese, yaba umusore, inkumi cyangwa umuntu mukuru ushobora kugira umutekano igihe cyose azaba atariyumvisha ko

ari ngombwa kwiyambaza Imana ngo imugire inama ku ntambwe yose atera. Abakomeza komatana n'Imana bonyine nibo baziga guha umuntu agaciro Imana imuha, bige kubaha abatunganye, ababoneye, abicisha bugufi n'abagwaneza. Umutima ugomba kurindwa bikomeye nk'uko uwa Yosefu wari urinzwe. Ubwo ni bwo umuntu azahangana n'ibishuko bimurehereza guteshuka ku bupfura no kudahemuka adakebakeba maze avuge ati: "Nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?" (Itangiriro 39:9). Ikigeragezo gikomeye nticyaba urwitwazo rwo gukora icyaha. Uko waba ushyirwaho igitutu gikomeye gite, icyaha ni igikorwa cyawe bwite. Insiriri y'ingorane ni umutima utarahinduwe mushya. (13)

Iyo turebye akaga kariho muri iki gihe, mbese twe nk'ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo ntitwari dukwiriye kwitandukanya n'icyitwa icyaha cyose, igicumuro n'ubugome bwose bikava hagati muri twe? Mbese abagore bavuga ko bizera ukuri bazirinda ubwabo badakebakeba kugira ngo batazashishikarizwa na gato kugira abo bamenyerana nabo mu buryo butemewe? Niba bazirinda ubudateshuka iteka ryose kandi bakarangwa n'imyitwarire ikwiriye, bakwiriye gukinga imiryango myinshi ibishuko byakwinjiriramo. (14)

Abagore Bagomba Gushikama ku Rugero Ruhanitse rw'Imyitwarire Myiza: Nanditse aya magambo mfite agahinda kanshengura umutima kuko abagore bo muri iki gihe, baba ari abashyingiwe n'abatarashyingirwa akenshi batifata kandi ngo bitware uko bikwiriye. Bitwara nk'ibyomanzi. Bireherezaho abasore batarashaka n'abagabo bubatse, kandi abanyantege nke mu mico mbonera yabo bazafatwa muri uwo mutego. Iyo babyemeye, bigwabiza ibyumviro by'imico mbonera kandi bigatera ubwenge kuba impumyi ku buryo icyaha gikomeye cyane kitagaragara nk'icyaha. Hari ibitekerezo bikangurwa bitajyaga gukanguka iyo umugore aba yabaye mu mwanya we akitwara neza mu buryo bwose kandi yirinda. Ashobora kuba ubwe atari afite umugambi mubi, ariko aba yabishishikarije abagabo bashutswe, kandi baba bakeneye ubufasha bwose bashobora kubona ku bifatanya nabo. Hari ibibi byinshi byakwirindwa kubwo kuba abantu bigengesera, bifata, batigira ibyigenge kandi batemera kwitabwaho mu buryo butemewe, ahubwo bagakomera ku mico mbonera ihanitse no kwihesha agaciro. (15)

Hashize igihe kirekire naragambiriye kuvugisha bashiki banjye maze nkababwira ko, nshingiye ku byo Uwiteka yishimiye kunyereka uko igihe byagiye biha ibindi, hari ikosa rikomeye bakora. Ntabwo bigengesera ngo birinde igisa n'ikibi cyose. Ntabwo birinda mu myitwarire yabo nk'uko bikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana. Amagambo yabo si make kandi ntaba yatoranyijwe nk'amagambo akwiriye kuvugwa n'abagore bakiriye ubuntu bw'Imana. Bakabya kumenyerana na basaza babo.

Usanga baba bashaka kubaba hafi, bakumva batwawe nabo ndetse bagasa n'abahisemo kutabava iruhande. Bashimishwa cyane no kubireherezaho ngo babatekerezeho.

Nkurikije umucyo Uwiteka yampaye, bashiki bacu bakwiriye guhindura imikorere. Bari bakwiriye kurushaho kwifata, ntibagaragaze gutinyuka cyane, ahubwo bagashishikarira "kugira isoni no kwirinda." Iyo abahungu n'abakobwa bahuye usanga bakabya kwimbika mu biganiro bibanezeza. Abagore bavuga ko bubaha Imana birunduriye mu gutera urwenya, gusetsa, n'amashyengo. Ibyo ntibikwiriye rwose kandi bitera Umwuka w'Imana agahinda. Bene iyo migirire igaragaza ko abo bantu badafite gutungana nyakuri kuranga Umukristo. Ntabwo bakomereza ubugingo bwabo mu Mana, ahubwo babwinjizamo umwijima ukomeye. Birukana abamarayika bo mu ijuru bakiranuka kandi batunganye maze abishora muri ibyo bibi bakabatesha agaciro bakajya ku rwego rwo hasi. (16)

Akenshi usanga abagore ari abashukanyi. Kubera impamvu imwe cyangwa se iyindi, bireherezaho abagabo, baba abubatse cyangwa se ingaragu, bityo bakabakurura kugeza ubwo bishe itegeko ry'Imana, bakabatesha agaciro, kandi ubugingo bwabo bukajya mu kaga. … Iyaba abagore bahaga agaciro ubuzima bwabo maze bagahinduka abakozi bakorana na Kristo, binyuze mu mpinduka bashobora guteza, nta kaga kenshi kabaho. Nyamara uko muri iki gihe bifata ntibagire icyo bitaho ku bijyanye n'inshingano n'ibyo Imana ibasaba gukora, akenshi usanga impinduka bateza zifite imbaraga nyinshi zo kuganisha mu bibi. Imbaraga zabo zaragwabiye, bityo umurimo wabo ntufite ikimenyetso ko byemewe n'ijuru. (17)

Hariho abakobwa benshi bashira isoni kandi batinyuka cyane, hari n'abagore bateye batyo kandi bafite ubushobozi bwo kwireherezaho abagabo, bakunda kugendana n'abasore, bakikundisha abagabo bubatse bataretse n'ingaragu ku buryo uramutse udahanze amaso yawe kuri Kristo, ngo ube ushikamye nk'icyuma, nta kabuza uzagushwa mu rushundura rwa Satani. (18)

Nk'intumwa ya Kristo, ndabinginze mwebwe abavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe ngo mwihutire kuzinukwa icyabegereza kwiyanduza kose kandi ntimukagirane umushyikirano n'abahumeka ibitekerezo byanduye. Mwange urunuka ibyo byaha byanduza abantu. Ndetse no mu biganiro, mujye mugendera kure abatuma ubwenge bwerekera muri iyo nzira kuko "ibyuzuye mu mutima ari byo akanwa kavuga" Matayo 12:34.

Nta na rimwe mwari mukwiriye guha umwanya inama yo mu byongorerano kuko ibi bizanduza umutima nk'uko amazi yanduye nayo yanduza umuyoboro anyuramo. (19)

Umugore wemera ko bamubwira amagambo adahwitse cyangwa se ko bamucira amarenga y'ibintu bibi, ntabwo aba yitwaye nk'uko Imana

ibyifuza. Umugore wemera kujya mu gakungu cyangwa mu bitekerezo byanduye ntabwo aba asigasira agaciro ke nk'umugore waremwe ku ishusho y'Imana. (20)

Umugore Arinzwe n'Uruzitiro Rwera rw'Ubutungane: Bashiki bacu bakwiriye kwimenyereza kwicisha bugufi. Ntibakwiriye gushira isoni, ntibakwiriye kuvuga amagambo menshi kandi ngo bakabye gutinyuka, ahubwo bakwiriye kwiyubaha, bakajya bitondera ibyo bavuga. Bashobora kurangwa n'ikinyapfura no kubana neza n'abandi. Kuba abagwaneza, kwiyoroshya, kurangwa n'impuhwe n'imbabazi ni byo bibakwiriye kandi binezeza Imana. Baramutse bitwaye batyo, ntabwo baremererwa no kwitabwaho kudakwiriye guturutse ku bagabo n'abasore baba abo mu itorero cyangwa abo hanze. Abantu bose baziyumvisha ko hari uruziga rwera kandi rw'ubutungane rugose abagore n'abakobwa bubaha Imana rubarinda uwashaka kubisanzuraho wese mu buryo butemewe.

Abagore bamwe bavuga ko bubaha Imana barangwa no kutagira icyo bitaho kandi bariyandarika, bityo ibyo bikabajyana mu makosa no mu kibi. Ariko abagore bubaha Imana, ba bandi intekerezo n'imitima byabo bihora bihugiye mu gutekereza ku nsanganyamatsiko zituma barushaho gutungana mu bugingo, kandi zikazamura ubugingo bugasabana n'Imana, bene abo ntibazayobywa mu buryo bworoshye ngo bateshurwe mu nzira yo kwera no gukiranuka. Bazahabwa imbaraga zo guhangana n'amayeri ya Satani; kandi bazaba biteguye guhangana n'ubushukanyi bwe. (21)

Reka mbararike mwese abayoboke ba Kristo muvuga ko mumwizera mukomeje, kugira ngo mukunde cyane ibuye ry'agaciro kenshi kandi ritagira icyo ryagurwa, ari ryo buye ryo kwiyoroshya. Ibyo bizarinda imico mbonera yanyu. (22)

Gutegeka Intekerezo: Mukwiriye gutegeka intekerezo zanyu. Ntabwo ibyo bizababera umurimo woroshye; ntabwo mushobora kuwurangiza mudashyizeho umwete mwinshi no mu buryo bubaruhije. Nyamara ni byo Imana ibasaba gukora. Ni inshingano yahawe umuntu wese. Imbere y'Imana mufite inshingano yo kuzabazwa ibyo mutekereza. Niba mwirundurira mu gutekereza ibintu bitagira umumaro, mukemerera ubwenge bwanyu gutekereza ibintu bibi, imbere y'Imana muba mukoze icyaha nkaho bya bitekerezo byamaze gushyirwa mu bikorwa. Ibibuza igikorwa kubaho ni ukubura uburyo n'umwanya. Guhora urota ibintu wifuza kugeraho no kwihanika mu bitekerezo ni ingeso mbi kandi ziteza akaga cyane. Iyo izo ngeso zimaze gushinga imizi, ntibyorohera umuntu kuzicikaho no kuyobora intekerezo mu bintu bitunganye, byera kandi by'agaciro. (23)

Mujye Mwirinda Gushyeshya Umuntu: Birambabaza cyane iyo mbonye abagabo basingizwa, bagashyeshywa ndetse bagateteshwa bikabije. Imana

yampishuriye ko bamwe muri abo bagabo bafatwa batyo badakwiriye no kwatura ngo bavuge izina ryayo. Nyamara usanga mu mirebere y'abantu bafite iherezo kandi bareba ibigaragara inyuma gusa bene abo ari bo bahabwa isumbwe rigera ku ijuru. Bashiki banjye, ntimukigere mukabya gutetesha kandi ngo mushyeshye abagabo b'impezamajyo, bibeshya kandi bayoba, baba abakiri bato cyangwa abakuze, baba abubatse cyangwa se ingaragu. Ntimuba muzi integenke zabo, kandi ntimuzi ko uko mubitaho n'uko kubasingiza kwinshi mugira gushobora kubajyana mu irimbukiro. Nterwa ubwoba no kureba hafi kwanyu no kubura ubwenge benshi muri mwe bagaragaza muri ibyo bintu.

Abagabo bakora umurimo w'Imana, kandi bakaba baratuje Kristo mu mitima yabo ntibazamanura urugero rukwiriye rw'imico mbonera, ahubwo bazahora baharanira kuruzamura. Ntabwo bazashimishwa n'amagambo ashyeshya y'abagore cyangwa kubatetesha bikabije. Mureke abagabo baba abubatse cyangwa ingaragu bavuge bati: "Musigeho! Sinzigera ntanga akanya na gato ngo ibyiza byanjye bibe byavugwaho ikibi. Izina ryanjye ni ryiza ndetse ni iry'agaciro karuta izahabu cyangwa ifeza. Nkwiriye kurisigasira ntiribe ryakwanduzwa. Abantu nibibasira iryo zina, ntibizaba bitewe nuko nabahaye urwaho ngo baryibasire, ahubwo bizaterwa n'impamvu nk'iyatumye bavuga Kristo nabi: Byatewe n'uko bangaga ukwera n'ubutungane by'imico ye, kubera ko byahoraga ari igishinja kuri bo." (24)

Niba Umugabura Agerageza Kugushuka: Ibitekerezo bikureshyareshya uko byaba ari bito kose, n'aho bishobora guturuka hose bikurarikira kwinezeza mu cyaha cyangwa kwemerera kwishyira ukizana mu bidakwiriye, bigomba kwamaganirwa kure bigafatwa nk'igitutsi kibi ku cyubahiro cyawe nk'umugore. Kugusoma ku matama mu gihe kidakwiriye n'ahantu hadakwiriye, byagombye kugutera kwamagana intumwa ya Satani wumva uyizinutswe. Igihe bikozwe n'umuntu wo mu nzego zo hejuru, ukora mu nshingano zera, icyo cyaha cye kiba ari kibi incuro cumi kandi ibyo bikwiriye gutera umugore cyangwa se umukobwa wubaha Imana kwitarura uwo muntu ahinda umushyitsi, bidatewe gusa n'icyaha yashakaga kukugushamo, ahubwo bitewe n'uburyarya n'ubukozi bw'ibibi bw'umuntu abantu bubaha nk'umugaragu w'Imana. (25)

Niba umugabura w'ubutumwa bwiza adashobora gutegeka iruba rye, niba ananiwe gukurikiza inama n'urugero rw'intumwa maze agasuzuguza umurimo we no kwizera kwe, kugeza nubwo yirundurira mu cyaha, bashiki bacu bavuga ko bubaha Imana ntibakwiriye n'akanya na gato kwishyeshya ubwabo ngo bavuge ko icyaha cyaba cyatakaje gukomera kwacyo no ku rwego ruto bitewe n'uko umupasitoro wabo yahangaye kugikora. Kuba abantu bari mu myanya y'ubuyobozi bagaragaraho ko bamenyereye gukora icyaha ntibikwiriye koroshya igishinja cy'icyaha n'uburemere bwacyo mu

bwenge bw'umuntu uwo ari we wese. Icyaha gikwiriye kugaragara ko ari icyaha, ndetse ko ari icyo kwangwa urunuka nk'uko cyagaragaye kuva katanga kambere; kandi ubwenge bw'abantu batunganye ndetse biyubaha bukwiriye kuzinukwa no kwirinda umuntu wese ukinisha icyaha nk'uko bakwiriye guhunga inzoka y'ubusagwe bwica. Iyaba bashiki bacu bari biyubashye, kandi bakaba bafite kwera k'umutima, bazajya bamaganira kure inama zose mbi, kabone n'ubwo zaba ziturutse ku mupasitoro wabo, ku buryo atazasubira kubitwaraho atyo. (26)

Mube Indahemuka ku Masezerano yo Gushyingirwa: Mbega ukuntu umugabo akaba na se w'abana akwiriye kwigengesera agakomeza kuba indahemuka ku masezerano yagize ashyingirwa! Mbega uburyo yari akwiriye kwigengesera mu mico ye kugira ngo ibitekerezo bye biterekera ku bakobwa cyangwa ku bagore bashatse, kuko ibyo bitekerezo bidahuje n'urugero ruhanitse kandi rwera twahawe gukurikiza ari rwo "Amategeko y'Imana"! Kristo atwereka ko ayo mategeko yagutse cyane, ndetse areba n'intekerezo, imigambi n'ibyo umutima wibwira ukagambirira. Aho ni ho abantu benshi bararagirira. Ibyo batekereza mu mutima ntibitunganye kandi ntibyera nk'uko Imana ishaka. Kandi uko umuhamagaro wabo waba ukomeye kose, uko baba bafite impano zikomeye kose, Imana izandika igicumuro imbere y'amazina yabo kandi izabafata ko babarwaho icyaha ku rwego rurenze ndetse bakwiriye kugerwaho n'umujinya wayo kurusha abari bafite impano nke, umucyo muke n'ububasha buke ugereranyije nabo. (27)

Nategetswe kubwira abagabo bubatse ngo: "Abagore banyu, akaba ari nabo ba nyina b'abana banyu, ni bo mugomba kubaha kandi mukabegurira urukundo rwanyu. Ni bo bonyine rukumbi mukwiriye kwitaho kandi ibitekerezo byanyu bigomba gutinda ku migambi igamije umunezero wabo". (28)

Neretswe imiryango myinshi aho umugabo ari we se w'abana atagisigasira kwa kwifata na ka gaciro afite nk'umugabo waremwe ku ishusho y'Imana kandi gakwiriye umuyoboke wa Kristo. Ntiyabashije gukorera umugore we bya bikorwa bimukwiriye by'urukundo, ubugwaneza no kumwubaha, kandi ari we yasezeraniye imbere y'Imana n'abamarayika ko azajya amukunda, akamwubaha kandi akamuhesha icyubahiro igihe bombi bazaba bakiriho. Umukobwa bahaye akazi mu rugo yagize umudendezo cyane kugeza n'ubwo yatinyutse umugabo akajya amutunganyiriza imisatsi ndetse bigeza ubwo umugabo amwireherezaho akajya amwitaho cyane, bityo bigashimisha umugabo ndetse birenze urugero. Ntabwo umugabo akigaragariza umugore we urukundo no kumwitaho nk'uko byahoze. Mumenye neza rero ko Satani ari ku murimo muri urwo rugo. Mukwiriye kujya mwubaha ababafasha imirimo mu rugo muhemba, mujye mubagirira neza, mubahe agaciro,

ariko ntimugakabye ngo murengere. Mureke imyitwarire yanyu ikumire ko abo bakozi babamenyera. (29)

Mukomere ku Ibanga ry'Urugo: O! Mbega abantu benshi babaho ubuzima bushaririwe bitewe no gusenya insika zikikije amabanga ya buri muryango, kandi ayo mabanga akaba abereyeho gusigasira kwera n'ubusugire by'uwo muryango! Umugore agirira icyizere undi muntu, maze amabanga y'umuryango we akayabwira iyo nshuti idasanzwe. Ubwo ni uburyo Satani akoresha kugira ngo atandukanye umutima w'umugore n'uw'umugabo we. Mbega ukuntu ibi byagombye guhagarara! Mbega amakuba menshi atabaho iyi myitwarire iramutse ihagaze! Amafuti buri wese azi kuri mugenzi we ajye ayakingiranira mu mutima we. Imana yonyine abe ari yo ujya ubwira ingorane mufite. Imana ni yo ishobora kuguha inama nziza n'ihumure bizaba biboneye, bitarangwamo gusharirirwa. (30)

Iyo umugore abwiye undi mugabo ingorane bafite mu muryango wabo cyangwa akamubwira ibyo yinubira ku mugabo we, aba yishe amasezerano yagiranye na we igihe bashyingirwaga. Aba asuzuguje umugabo we kandi aba ashenye urusika rwubakiwe gukingira ukwera k'umubano wabo ushingiye ku gushyingiranwa. Uwo mugore aba akinguye urugi kandi ararikiye Satani kwinjirana ibishuko bye bikora rwihishwa. Ibyo biba bibaye nk'uko Satani yabyifuzaga. Umugore aramutse asanze mwene data w'Umukristo akamubwira amakuba arimo, ibimuca intege n'ibigeragezo afite, mwene data uwo akwiriye kumugira inama, akamubwira niba atatoranya umwe muri bagenzi be b'abagore yiringira cyane akaba ari we abwira ibimuhagaritse umutima. Nibigenda bityo, nta kibi kizagaragara ngo bibe byateza urubwa umurimo w'Imana. (31)

Uko Wakwirinda Kuyoba: Ndabwira bene Data na bashiki banjye. Nimurushaho kwegera Yesu kandi mugahirimbanira kurimbisha ukwizera kwanyu imibereho igendera kuri gahunda nziza n'ibiganiro bihesha Imana icyubahiro, ibirenge byanyu bizarindwa guteshukira mu nzira zabuzanyijwe. Nimuba maso, mugakomeza kuba maso musenga ubudasiba, nimujya mukora ikintu icyo ari cyose nk'aho muri imbere y'Imana, muzarokorwa mwe gutsindwa n'igishuko kandi muzagira ibyiringiro by'uko muzarindwa mukaba abera, bazira ikizinga kandi batunganye kugeza iherezo. Nimushikama ku byiringiro mwatangiranye mukageza ku iherezo, inzira zanyu zizakomerezwa mu Mana; kandi icyo ubuntu bw'Imana bwatangiye gukorera muri mwe, kizatamirizwa ikamba ry'ubwiza mu bwami bw'Imana yacu. Imbuto za Mwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro no kwihangana, kugira neza n'ingeso nziza, gukiranuka no kugwa neza, no kwirinda; ibimeze bityo, nta mategeko abihana. Kristo naba muri twe tuzabamba kamere, n'iruba n'irari ryayo. (32)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Ababakurambere n'Abahanuzi,* p. 276.(2016)
2. *Id.,* p. 385. (2016)
3. *Review and Herald,* May 17, 1887.
4. *Review and Herald,* May 17, 1887.
5. *Review and Herald.* May 17, 1887.
6. *Testimonies for the Church,* Vol 2, pp. 346,347.
7. *Manuscript* 19a, 1890.
8. *Manuscript* 8, 1894.
9. *Testimonies for the Church,* Vol 2, p. 459.
10. *Id.,* Vol 5, p. 141.
11. *Id.,* Vol 5, pp. 141,142.
12. *Id.,* Vol 2, pp. 478, 479.
13. *Manuscript* 19a, 1890.
14. *Testimonies for the Church,* Vol 5, pp. 601, 602.
15. *Manuscript* 4a, 1884.
16. *Testimonies for the Church,* Vol 2, p. 455.
17. *Id.,* Vol 2, pp. 596, 597.
18. *Medical Ministry,* p. 145.
19. *Testimonies for the Church,* Vol 5, pp. 146, 147.
20. *Manuscript* 4a, 1885.
21. *Testimonies for the Church,* Vol 2, p. 456.
22. *Id.,* Vol 2, p. 458.
23. *Id.,* Vol 2, p. 561.
24. *Id.,* Vol 5, p. 595.
25. *Id.,* Vol 2, pp. 458, 459.
26. *Id.,* Vol 2, p. 457.
27. *Id.,* Vol 2, pp. 594, 595.
28. Letter 213, 1903.
29. *Testimonies for the Church,* Vol 2, p. 461.
30. *Id.,* Vol 2, p. 461.
31. *Id.,* Vol 2, p. 306.
32. *Id.,* Vol 5, p. 148.

IGICE CYA 56

GATANYA

Gushyingiranwa ni Amasezerano Areba Ubuzima Bwose: Mu ntekerezo z'abasore, gushyingiranwa ni igikorwa cyambaye umwenda wo gutwarwa bikomeye n'urukundo, kandi birakomeye kwambura gushyingiranwa iyi shusho baguha mu ntekerezo zabo no gucengeza muri zo kumva inshingano ziremereye zijyana n'amasezerano yo gushyingirwa. Ayo masezerano ahuza ibyo abantu babiri barangamiye maze akabyomatanyisha umurunga ufite ipfundo ridashobora gucibwa n'ikindi icyo ari cyo cyose uretse urupfu. (1)

Kwiyemeza gushyingiranwa gukwiriye kwiganwa ubushishozi, kubera ko gushyingiranwa ari intambwe umuntu atera kubw'ubuzima bwe bwose. Umugabo n'umugore bakwiriye gutekerezanya ubushishozi niba bashobora gukomeza komatana mu gihe ibintu bihindutse mu buzima igihe cyose bombi bazaba bakiriho. (2)

Yesu Yakosoye Imyumvire mibi ku Bijyana no Gushyingiranwa: Mu Bayuda umugabo yari yemerewe gusenda umugore we amuhoye ibyaha bitanakomeye cyane, hanyuma umugore akaba afite umudendezo wo gushaka undi mugabo. Iyi migirire yakururaga ubuhanya n'icyaha bikomeye. Mu Kibwirizwa Yesu yigishirije mu mpinga y'umusozi, yavuze yeruye ko abashakanye badakwiriye gutandukana keretse gusa iyo habayeho gutatira indahiro yo gushyingiranwa. Yaravuze ati: "umuntu wese usenda umugore we atamuhora gusambana, aba amuteye gusambana, kandi uzacyura uwasenzwe, azaba asambanye." Matayo 5:31-32.

Nyuma y'aho ubwo Abafarisayo babazaga Yesu ibyerekeye itegeko rigenga ubutane bw'abashakanye, Yesu yerekeje intekerezo z'abari bamuteze amatwi ku muhango wo gushyingiranwa nk'uko washyizweho mu gihe cy'irema. Yaravuze ati: "Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye, ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo." (Matayo 19:8). Yaberekeje ku minsi yari yuje umugisha muri Edeni igihe Imana yarebaga ibintu byose ikavuga ko "ari byiza cyane." Icyo ni cyo gihe umuhango wo gushyingirwa n'Isabato byashyizweho,

biba gahunda z'impanga zigamije guhesha Imana ikuzo kandi zungura umuntu. Icyo gihe, ubwo Umuremyi yahuzaga ikiganza cya Adamu n'icya Eva bataracumura bagahuzwa n'umurunga wo gushyingiranwa, maze Umuremyi akavuga ati: "Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe" (Itangiriro 2:24), mu buryo bweruye yari atangaje itegeko ryo gushyingiranwa rireba bene Adamu bose kugeza ku iherezo ry'ibihe. Ibyo Data wa twese uhoraho ubwe yivugiye ko ari byiza byari itegeko rihesha umuntu gutera imbere n'umugisha uhebuje. (3)

Yesu yaje kuri iyi si yacu kugira ngo akosore amakosa kandi asubize ishusho y'Imana mu muntu. Ibitekerezo bipfuye ku byerekeye gushyingiranwa byari byarabonye icyicaro mu ntekerezo z'abigisha ba Abisirayeli. Bari basigaye bahindura ubusa umuhango wera wo gushyingiranwa. Umuntu yarushagaho kugenda anangira umutima ku buryo umugabo ashingiye ku rwitwazo rw'akantu gato kadafite ishingiro yashoboraga gutandukana n'umugore we, cyangwa se yabishaka akamutandukanya n'abana be maze akamusenda. Ibi byafatwaga nko gukozwa isoni gukomeye kandi akenshi byakurikirwaga n'umubabaro mwinshi ku rudande rw'uwo mugore wabaga asenzwe.

Kristo yaje gukosora ayo makosa akomeye, kandi igitangaza yakoze ubwa mbere yagikoreye mu birori by'ubukwe. Muri ubwo buryo, yatangarije isi yose ko gushyingiranwa ari umuhango wera ariko by'umwihariko iyo kurinzwe kugakomeza kuba ukwera kandi ntikwanduzwe. (4)

Inama Yahawe Umuntu Utekereza Kuzatandukana n'uwo Bashakanye: Ibyo utekereza ku byerekeye gushyingiranwa birimo ubuyobe. Uretse ubusambanyi bwonyine nta kindi gishobora gutuma amasezerano yo gushyingiranwa aseswa umugabo n'umugore bagatandukana. Turi mu bihe biruhije cyane mu gihe nta handi ibyiringiro by'umuntu byaba bishingiye uretse mu kwizera gushikamye kandi kutanyeganyezwa dufite muri Yesu Kristo. Hatabayeho kuba maso no gusenga, nta mutima w'umuntu utatandukanywa n'Imana binyuze mu buriganya bwa Satani.

Ubuzima bwawe bwari kurushaho kuba bwiza iyo uza kugira amahoro mu ntekerezo zawe kandi ugatuza; ariko zagiye mu rujijo kandi zita umurongo, bityo ku bijyanye n'ikibazo cyo gutandukana kw'abashakanye watekerezaga mu buryo bupfuye. Ibitekerezo byawe ntibishobora gushyigikirwa hashingiwe ku byo wibwira. Ntabwo abagabo bafite uburenganzira bwo kwishyiriraho amategeko ngenderwaho, bakirengagiza itegeko ry'Imana maze bagakora ibishimisha kamere yabo. Bagomba gusanga urugero ngenderwaho rukomeye rw'imico mbonera yo gukiranuka Imana yashyizeho. …

Imana yatanze impamvu imwe rukumbi yagombye gutandukanya umugore n'umugabo we cyangwa umugabo agasiga umugore we. Iyo mpamvu ni ubusambanyi. Nimutyo ikibazo cyo gutandukana n'uwo mwashakanye gisuzumwe mu mwuka wo gusenga. (5)

Inama Yagiriwe Umugabo n'Umugore we Batandukanye: Mwene Data nawe mushiki wanjye, hashize igihe mutabana. Iyo mwembi muza kwimenyereza kwihangana, ubugwaneza n'imbabazi bikwiriye guhora birangwa hagati y'umugore n'umugabo, ntimuba mwarafashe icyo cyemezo ngo mube mwarakoze mutyo. Nta n'umwe muri mwe wari ukwiriye gushyiraho ibyo yishakira kandi ngo agerageze gushyira mu bikorwa ibyo yitekerereza ubwe n'imigambi ye atitaye ku ngaruka zishobora kuvuka. Nta n'umwe muri mwe wari akwiriye kwiyemeza gukora uko yishakiye. Nimureke imbaraga ya Mwuka w'Imana yoroshya imitima kandi ikayitsinda igire icyo ikora ku mitima yanyu maze ibatunganyirize gukora umurimo wo kurera abana banyu . . . Nimutakambire So wo mu ijuru kugira ngo abarinde gutsindwa n'igishuko cyo kuvugana nabi muhubutse, murakaye, muvugana amagambo akakaye kandi asharira, umugabo abwira nabi umugore we n'umugore abwira nabi umugabo we. Mwembi mufite imico itari myiza. Bitewe n'uko mutigeze mugengwa n'Imana, nta wigeze yitwara neza kuri mugenzi we.

Ndabingingira ngo mwiyegurire Imana abe ari yo ibategeka. Igihe mugeze mu gishuko cyo kuvugana mushotorana, mwirinde kugira icyo muvuga. Muzageragerezwa kuri iyi ngingo kubera ko mutigeze mutsinda iyi ngeso mbi. Ariko mugomba gutsinda ingeso mbi yose. Nimwiyegurire Imana burundu. Nimwikubite kuri Rutare ari we Yesu Kristo, maze mushenjagurike. Nk'umugabo n'umugore, nimwihe ikinyabupfura. Nimusange Kristo abafashe. N'ubushake bwinshi, azabuzuza impuhwe mvajuru n'ubuntu bwe atanga nta kiguzi . …

Nimwihanire imbere y'Imana ibyaha mwakoze mu gihe cyashize. Nimugerageze kumvikana, maze mwongere mwunge ubumwe nk'umugabo n'umugore. Nimuzibukire ibitanejeje byaranze imibereho yanyu mu gihe cyashize. Mugire ubutwari mu Mwami. Nimukinge amadirishya y'imitima yanyu areba ku isi maze muyakingure yerekera mu ijuru. Nimuzamura amajwi yanyu musaba Imana umucyo ari we Mwami Yesu, kandi akaba n'umucyo, ubugingo, amahoro n'ibyishimo, azumva gutaka kwanyu. We Zuba ryo Gukiranuka, azamurikira mu byumba by'ubwenge bwanyu, maze aboneshe mu ngoro y'ubugingo bwanyu. Mu rugo rwanyu nimwakira imirasire y'umucyo iturutse kuri We, ntimuzavuga amagambo azabatera kumva mubabaye. (6)

Ubutumwa Bwahawe Umugore Ufashwe Nabi Cyane: Nakiriye ibaruwa yawe, kandi mu kuyisubiza ndashaka kukubwira ko ntashobora

kukugira inama yo gusubira ku mugabo wawe D. keretse gusa umaze kubona ko muri we habaye impinduka zikomeye. Ntabwo Uwiteka ashimishijwe n'ibitekerezo yari afite mu gihe cyashize ku byerekeye uko umugore agomba gufatwa .... Niba umugabo wawe agitsimbaraye ku bitekerezo yahoranye, ntiwibwire ko kuri wowe ahazaza hazaba heza kuruta uko byari bimeze mu gihe cyashize. Ntabwo azi uko umugore agomba gufatwa.

Iki kibazo kirambabaza cyane. Numva umugabo wawe D ambabaje cyane, ariko sinakugira inama yo gusubirana na we unyuranyije n'uko umutima wawe ukubwira. Nkubwije ukuri kose nk'uko navuganye nawe: wongeye kujya munsi y'amategeko ye byakuzanira akaga cyane. Jyewe nari naragize icyizere ko azahinduka ...

Umwami Imana azi neza ibyakubayeho byose... Komera kandi ugire ubutwari mu Mwami wacu; ntabwo azagusiga cyangwa ngo agutererane. Umutima wanjye ugufitiye impuhwe nyinshi. (7)

Inama Yagiriwe Umugabo Watawe n'Umugore We: "Ikorere umusaraba wawe" - Ntabwo nzi ikindi cyakorwa kuri ibi, kandi ntekereza ko ikintu kimwe rukumbi ushobora gukora ari ukuzibukira umugore wawe ukamureka. Niba yariyemeje atyo kutabana nawe, muramutse mugerageje kubana, mwembi mwazarushaho kuba mu kaga. Kandi niba yaramaramaje rwose akiyemeza kwirwariza, nawe icyo ushobora gukora cyonyine ni ukwikorera umusaraba wawe maze ukerekana ko uri umugabo.(8)

Nubwo Batandukanye mu Mategeko y'Abantu, Imbere y'Imana Baracyari Umugabo n'Umugore: Umugore ashobora gutana n'umugabo hakurikijwe amategeko igihugu cyabo kigenderaho; ariko imbere y'Imana kandi hakurikijwe itegeko ryayo rihebuje andi, ntibaba batandukanye. Mu maso y'Imana, icyaha kimwe rukumbi ari cyo cy'ubusambanyi ni cyo gishobora gutandukanya umugabo n'umugore. Nubwo amategeko y'igihugu cyabo ashobora gutanga gatanya, nta kabuza dukurikije umucyo wa Bibiliya n'amategeko y'Imana, baracyari umugabo n'umugore.

Kugeza ubu neretswe ko mushiki wacu . . . adafite uburenganzira bwo gushaka undi mugabo; ariko niba we cyangwa se undi mugore ashobora kubona gatanya yemewe n'amategeko yo mu gihugu bitewe n'uko umugabo we yahamwe n'icyaha cy'ubusambanyi, noneho afite umudendezo wo gushyingiranwa n'undi yihitiyemo. (9)

Gutandukana n'uwo Mwashakanye Utizera: Niba umugore atari umwizera, akaba arwanya imyizerere yawe, nshingiye ku itegeko ry'Imana, umugabo we ntashobora kumusenda amuhora iyo mpamvu. Mu rwego rwo kugendana n'amategeko y'Uwiteka, uwo mugabo agomba kugumana na we keretse umugore ari we wihitiyemo kugenda. Uyu mugabo ashobora kujya ahura no kurwanywa, agakandamizwa

ndetse agateshwa umutwe mu buryo bwinshi. Ariko azajya abonera ihumure n'imbaraga ku Mana, yo yonyine ishobora kumugoboka mu makuba yose. Akwiriye kuba umugabo ufite umutima uboneye, ufite amahame y'ukuri atanyeganyezwa, kandi Imana izamuha ubwenge ku bijyanye n'icyo akwiriye gukora. Amatwara yo guhubuka ntazategeka umutimanama we, ariko umutimanama ni wo uzategeka ibyo akora adakebakeba, kugira ngo iruba rye ritegekwe. (10)

Umugore Wasabwe Guhindura Imyitwarire, Aho Gutandukana: Nabonye urwandiko umugabo wawe yanyandikiye. Icyo navuga kuri rwo ni uko ubusambanyi ari bwo mpamvu imwe rukumbi ishobora gutuma umugabo atandukana n'umugore we mu buryo bwemewe n'amategeko cyangwa umugore agatandukana n'umugabo we.

Niba hari ibitagenda neza kuri wowe, mbese kubw'ikuzo ry'Imana ntibyakubera byiza uhinduye iyo myitwarire?

Umugabo n'umugore bari bakwiriye kwimenyereza kubahana no gukundana. Bakwiriye kurinda umutima wabo, amagambo ndetse n'ibikorwa byabo kugira ngo hatagira ikintu bavuga cyangwa se bakora cyarakaza cyangwa cyakomeretsa undi. Buri wese yari akwiriye kwita kuri mugenzi we, agakora ibishoboka byose kugira ngo bakomeze gushimangira urukundo rwabo.

Mwembi ndababwira ngo mushake Uwiteka. Buri wese akorere mugenzi we inshingano amufiteho mu rukundo n'ubugwaneza. Umugabo yari akwiriye kwimenyereza imirimo, agakora uko ashoboye kose akunganira umuryango we. Ibyo bizatera umugore we kumwubaha. . ..

Mushiki wanjye, ukomeje kwitwara utyo, ntushobora kunezeza Imana. Babarira umugabo wawe. Ni umugabo wawe, kandi nuharanira kuba umugore wita ku nshingano ze ndetse wuje urukundo, uzagira umugisha. Reka mu kanwa kawe hajye hasohoka amagambo y'ineza. Ukwiriye guhindura imyifatire yawe kandi birashoboka. (11)

Mwembi mugomba kwiga uko mwahuriza hamwe aho gusandaza mubusanya . ...Gukoresha uburyo butuje bizazana impinduka itangaje mu mibanire yanyu. (12)

Ibyerekeye Gatanya no Kuba Umwizera w'Itorero: Ku byerekeye mushiki wacu A. G. wagiriwe nabi, icyo twasubiza ku bibazo byabajijwe na ... ni uko ari ko bimeze kuri benshi mu bagiye bafatirwa mu cyaha, nk'uwo byagenze ku mugabo we. Ntabwo abo bantu bemera rwose icyaha cyabo gikomeye. Nyamara bamwe muri bo baracyemera, bakongera kwakirwa mu Itorero, ariko ugasanga ubwoko bw'Imana butarabagirira icyizere hatarabaho kwatura kwimbitse kandi ngo habeho igihe cyo kwihana abikuye

ku mutima. Iki kibazo giteza ingorane z'umwihariko zidakunze kuboneka kuri bamwe, kandi twakongeraho ibi bikurikira gusa:

1. Igihe itegeko rya karindwi (Ntugasambane) ryishwe kandi nyiri kuryica ntagaragaze kwihana nyakuri, iyo umwe mu bashakanye wahemukiwe ryicwa ashobora kubona gatanya ntibibe byagira icyo bihungabanya ku buzima bwe n'ubw'abana babo (niba babafite), nubwo ari amaburakindi, bashobora gutandukana.

2. Niba ubwo butane bwarushaho kubajyana mu mibereho irushijeho kuba mibi bo n'abana babo, nta murongo n'umwe wo mu Byanditswe waciraho iteka uwahemukiwe uhitamo kugumana na mugenzi we wamuhemukiye.

3. Igihe no gusenga, kwihangana, kwizera n'imibereho yubahisha Imana bikwiriye kuzana impinduka. Kubana n'umuntu watatiye indahiro yo gushyingiranwa, kandi akaba atwikiriwe n'isoni n'ikimwaro kubera urukundo yatatiye, nyamara ntabe abibona, ni igisebe gihora kiryana ku mutima; nyamara kandi gutandukana burundu byo ni igishyute kibabaza umubiri igihe cyose umuntu akiriho. Imana igirira ibambe umwe mu bashakanye uba warahemukiwe! Mbere yo gushyingiranwa abantu bari bakwiriye kubanza kubitekerezaho neza.

4. Ni mpamvu ki! Mbese byaba biterwa n'iki! Ni kuki abagabo n'abagore bari bakwiriye kuba biyubashye kandi ari beza ku buryo amaherezo bazagera mu ijuru, kuki bigurisha mu maboko y'umwanzi mu buryo bucirirtse, bagakomeretsa inshuti zabo magara, bagakoza isoni imiryango yabo, bagatukisha umurimo w'Imana maze amaherezo bakazarimbuka? Mana gira impuhwe! Kuki abafatirwa mu cyuho bakora icyaha gikomeye gityo batagaragaza kwihana kunganya uburemere n'icyaha bakoze ngo uko bishoboka kose bahungire kuri Kristo abababarire kandi yomore inguma?*(13)

[*Aya ni amwe mu magambo make yanditswe na James White afatanyije na Ellen White. Kubera ko bombi bayashyizeho umukono, bigaragara ko ibitekerezo biyarimo byemewe rwose na Ellen G. White.] *Abakusanyije inyandiko.*

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church,* vol.4, p. 507.
2. *Letter* 17, 1896.
3. *Thoughts from the Mount of Blessing,* pp. 99,100.
4. *Manuscript* 16, 1899.
5. *Letter* 8, 1888.
6. *Letter* 47, 1902.
7. *Letter* 148, 1907.
8. *Letter* 40, 1888.

9. *Letter* 4a, 1863.
10. *Letter* 8, 1888.
11. *Letter* 168, 1901.
12. *Letter* 157, 1903.
13. *Review and Herald,* March 24, 1868.

IGICE CYA 57

UKO UMUNTU YAKWITWARA KUWO BASHAKANYE UTIZERA

Mbese Umugore ufite Umugabo Utari Umwizera Akwiriye Kumuta? Nakiriye inzandiko z'ababyeyi b'abagore bambwira ibigeragezo bahura na byo mu ngo zabo kandi bangisha inama. Kimwe mu bibazo nakiriye kirahagararira ibindi byinshi. Umugabo ari nawe se w'abana si umukristo, bityo usanga ibintu byose biba byakomereye nyina w'abana muri gahunda yo kurera abana. Umugabo we nta dini agira, ntiyiyubaha, iyo avugisha umugore akoresha imvugo isesereza, kandi yigisha n'abana be gusuzugura ubutware nyina ubabyara abafiteho. Igihe nyina w'abana ari kugerageza gufatanya nabo gusenga, umugabo arinjira maze agasakuza cyane, agatangira kuvuma Imana no gutuka Bibiliya. Umugore acitse intege cyane ku buryo yumva ubuzima bumuremereye. None se ni ikihe kintu cyiza yakora? Mbese ahisemo kuguma muri urwo rugo abana babigiramo nyungu ki? Yumvise afite icyifuzo gikomeye cyo kugira umurimo akora mu ruzabibu rw'Imana kandi yatekereje ko ibyaba byiza kuri we ari uko yatandukana n'umugabo we akava muri uwo muryango kubera ko umugabo we akaba na se w'abana ahora yigisha abana kumusuzugura no kutamwumvira.

Igihe bimeze bityo, dore inama nabagira: Babyeyi b'abagore, ibigeragezo ibyo ari byo byose mushobora guhamagarirwa kwihanganira binyuze mu bukene, mu bikomere n'inguma cyangwa se imibyimba byo ku mutima wanyu bituruka ku kuba abagabo banyu ari bo ba se b'abana banyu babatwaza igitugu kandi bakabasharirira, ntimugasige abana banyu. Ntimukabasige mu maboko ya se ubabyara utubaha Imana. Umurimo wanyu ni uwo guhindura ubusa ibyo se w'abana akora, kuko uko bigaragara akoreshwa na Satani. (1)

Ba Intangarugero mu Kwitegeka: Nzi ko ufite ibigeragezo, ariko hari ikintu ufite cyo kutagaragaza umwuka mwiza. Umugabo wawe akeneye guhora abona urugero ruzima utanga rwo kwihangana no kwitegeka. Jya ukora uko ushoboye kose umushimishe, ariko ntukigere utatira n'ihame ry'ukuri na rimwe …

Kristo ashaka ko umukorera n'impagarike yawe yose (umutima, ubugingo, ubwenge n'imbaraga zawe). Numuha ibyo agusaba, uzamuhagararira

binyuze mu mico yawe. Reka umugabo wawe ajye abona ko Mwuka Wera agukoreramo. Jya wigengesera kandi utekereze, wihangane kandi ugenze make. Ntukamuhatire gukurikiza ukuri. Jya ukora inshingano yawe nk'uko umugore akwiriye kuzikora, hanyuma ujye ureba niba iyo migirire idakabakaba umutima we. Ntukabure kumukunda. Jya umushimisha uko ushoboye kose. Ntugatume imyizerere yawe mu by'idini ibatandukanya. Jya wubaha Imana ubikuye ku mutima, kandi aho ushoboye hose ujye ushimisha umugabo wawe …

Reka abantu bose bajye babona ko ukunda Yesu kandi umwiringira. Jya ugaragariza umugabo wawe, incuti zawe musangiye kwizera n'izo mudahuje kwizera ko wifuza ko babona uburyo ukuri ari kwiza. Ariko ntukagaragaze uwo mubabaro no kwiheba kuko akenshi bitesha agaciro umurimo mwiza ukoze …

Ntukigere utuma hari ijambo ryo kugaya cyangwa kujora umugabo wawe yumva rigukomotseho. Rimwe na rimwe ujya unyura mu nzira itakoroheye, ariko ntukajye uvuga kuri ibyo bigeragezo uhura nabyo. Burya ucecetse ni we ntyoza. Amagambo y'umujinya icyo azakungura ni ukurushaho kukubabaza gusa. Jya uhora unezerewe kandi wishimye. Jya winjiza mu rugo rwawe umucyo w'izuba mwinshi uko ubishoboye kose, maze ukingure amadirishya y'inzu yawe. Reka imyambi irabagirana ituruka kuri Zuba ryo gukiranuka iboneshe mu byumba by'ingoro y'ubugingo bwawe. Ubwo ni bwo umubavu uhumura neza w'imibereho ya Gikristo izinjira mu muryango wawe. Nubigenza utyo, ntabwo hazabaho gutinda ku bintu bidashimishije kuko akenshi nta kuri kuba kubirimo. (2)

Umugore wari Uremerewe n'Urushako Wagiriwe Inama yo Kutagaragaza Umubabaro: Ubu ufite inshingano yikubye kabiri kubera ko umugabo wawe yateye Yesu umugongo ….

Nzi neza ko ku bijyanye no gukurikiza ibyo Ijambo ry'Imana rivuga, guhagarara wenyine bigomba kukubabaza cyane. Ariko se wamenya ute ko imibereho yawe idakebakeba mu kwizera no kumvira ishobora kugarura umugabo wawe agahindukirira ukuri? Reka abo bana ukunda begerezwe Yesu. Bigishe amagambo y'ukuri ukoresheje imvugo yoroheje. Barirmbire indirimbo zinejeje kandi bishimira zihishura urukundo rwa Kristo. Shyira abana bawe Yesu kuko akunda abana bato.

Ukomeze ntukagaragaze umubabaro. Ntiwibagirwe ko ufite Umuhumuriza ari we Mwuka Wera Kristo yohereje. Ntabwo uri wenyine. Nutega amatwi ijwi rivugana nawe ubu, niwihutira gukingurira ukomanga ku rugi rw'umutima wawe, ukavuga uti: "Injira Mwami Yesu kugira ngo dusangire", uwo Mushyitsi wo mu ijuru azinjira. Igihe uwo mushyitsi wo mu ijuru azaba abana nawe, uzagira amahoro kandi ubone uburuhukiro. (3)

Shikama ku Mahame ya Gikristo: Urugo rutaragwamo gahunda yo gusenga Imana rumeze nk'ubwato buri mu nyanja rwagati butagira umusare cyangwa ingashya. Umuraba uraza ukabwikubitaho maze ukabumena, bityo hakaba hari akaga ko ababurimo bose bashobora kurohama. Umenye ko ubugingo bwawe n'ubw'abana bawe bufite agaciro imbere ya Kristo, kuko ugomba kuzahurira nabo ndetse n'umugabo wawe imbere y'intebe ya cyami y'Imana. Amahame adakebakeba ya Gikristo ugenderaho ntagomba gucika intege, ahubwo akwiriye kurushaho gukomera. Uko umugabo wawe yakumva abujijwe umutekano kose, uko ashobora kukurwanya akomeje kose, ugomba kwerekana gushikama kwa Gikristo kudakebakeba kandi kurangwa no gukiranuka. Nibiba bityo, ibyo umugabo wawe ashobora kuvuga byose, niba afite umutima woroshye, azajya akubahira mu mutima no mu byo yibwira. (4)

Ibyo Imana Isaba Bikwiriye Kuba Nyambere: Hanyuma naje kwerekwa iby'umukazana we. Imana iramukunda, ariko ari mu bubata bw'ubucakara. Akorera ku bwoba, ahinda umushitsi, bikamuca intege, bikamutera gushidikanya kandi ikigeretse kuri ibyo akarakazwa n'ubusa. Mushiki wanjye uwo ntiyari akwiriye kwegurira ubushake bwe umugabo ukiri muto utubaha Imana kandi atamuruta ubukuru. Akwiriye kwibuka ko gushyingirwa kwe kudakuraho uburenganzira bwe yihariye. Imana ifite ibyo imusaba bisumba ibyo isi imusaba. Kristo yamucunguje amaraso ye bwite. Bityo rero ntabwo ari uwe ngo yigenge. Mushiki wacu uwo yananiwe gushyira ibyiringiro bye byose mu Mana kandi yemera kuzibukira ibyo yizera n'ibyo umutimanama we umubwira agakurikiza ibyo umugabo w'umunyagitugu amubwira. Umugabo we yuzuzwa uburakari na Satani igihe cyose imbaraga ya Satani iba ibasha gukorera muri we kugira ngo agire uko akangisha uwo mugore uba ufite ubwoba kandi ahinda umushitsi. Inshuro nyinshi uyu mugore yagiye ahindishwa umushitsi ku buryo urwungano rwe rw'imyakura rwangiritse, none ubu ni nk'igishushungwe. Mbese ni ubushake bw'Imana ko mushiki wacu uwo akomeza kuba muri ubwo buzima maze Imana ikavutswa umurimo yayikoreraga? Oya. Gushyingirwa kwe kwabayeho mu buriganya bwa Satani. Ariko uko byamera kose, akwiriye kubyitwaramo neza, akagaragaza ubugwaneza mu byo agirira umugabo we, kandi akamunezeza uko ashoboye kose ariko atanyuranyije n'ibyo umutimanama we umubwira; kuko uyu mugabo nakomeza kuba muri uko kwigomeka, iyi si ni ryo juru azakukana. Ariko kubuza umugore we amahirwe yo kwitabira amateraniro, gushimisha umugabo uruhanya kandi ufite umwuka w'ikiyoka ntibihuje n'ubushake bw'Imana. (5)

"Undi ati: 'Narongoye ni cyo gituma ntabasha kuza." (Luka 14:16-20). Icyaha cy'uyu mugabo ntikiri ku kurongora, ahubwo kiri ku gushyingiranwa n'uwatandukanyije inyungu ze n'inyungu zihanitse kandi zirushijeho kuba ingenzi mu buzima. Umugabo ntakwiriye rwose kwemerera umugore

we n'urugo rwe gukura ibitekerezo bye kuri Kristo cyangwa kumubuza kwitabira ubutumire bw'agahozo bw'ubutumwa bwiza. (6)

Aho Kubura Bose Waramura Bake: Mwene Data K, wagize ibiguca intege byinshi; ariko ukwiriye gukomeza gukiranuka, ugashikama kandi ugafata icyemezo cyo gukora inshingano yawe mu muryango wawe, kandi byagushobokera ukajyana n'ab'umuryango wawe mu nzira wahisemo. Ntukwiriye guhwema kubararikira kujyana nawe mu rugendo wiyemeje rugana mu ijuru. Ariko niba umugore wawe n'abana bawe banze ko mujyana, ahubwo bagashaka kuguteshura ku nshingano zawe n'amahirwe y'iby'idini ufite, ugomba gukomeza urugendo nubwo waba ugiye wenyine. Ugomba kubaho wubaha Imana. Ugomba gukoresha neza amahirwe ufite yo kwitabira amateraniro no kunguka imbaraga zose z'umwuka ushobora kunguka, kuko uzazikenera mu bihe biri imbere. Umutungo wa Loti warakongotse wose. Nibigeza n'igihe ugomba guhura n'igihombo, ntibikaguce intege; kandi niba washobora gukiza nibura bamwe mu muryango wawe, ni byiza cyane kuruta ko wabazimiza bose. (7)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Letter* 28, 1890.
2. *Letter* 145, 1900.
3. *Letter* 124, 1897.
4. *Letter* 767, 1896.
5. *Testimonies for the Church,* Vol, 2. pp. 99, 100.
6. *Manuscript* 24, 1891.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, pp. 112, 113.

IGICE CYA 58

UMURYANGO W'UMUGABURA

Imibereho y'Umugabura mu Muryango Ikwiriye Kugaragaza Ubutumwa Avuga: Imana ishaka ko mu mibereho ye yo mu muryango, umwigisha wa Bibiliya akwiriye kuba icyitererezo cy'ukuri yigisha. Icyo umuntu ari cyo kigira imbaraga ihindura ikomeye cyane kurusha ibyo avuga. Gukiranuka k'umugabura mu mibereho ya buri munsi bizaha imbaraga ubuhamya atangira mu ruhame. Kwihangana, kudahuzagurika n'urukundo bizakora ku mitima itabasha kugerwaho n'ibibwirizwa. (1)

Kurera abana b'umugabura nibikorwa neza uko bikwiriye, bizaba icyitegererezo ku bibwiriza atangira ku ruhimbi. Ariko bitewe n'uburere bubi yahaye abana be, niba umugabura agaragaza ko adashoboye kuyobora abo mu rugo rwe, akeneye kumenya ko Imana imusaba gukebura uko bikwiriye abana yamuhaye mbere y'uko akora inshingano ye nk'umushumba uragiye umukumbi w'Imana. (2)

Inshingano ye ya Mbere Ayifite ku Bana be: Inshingano z'umugabura ziri ahamukikije, hafi na kure. Ariko rero inshingano ye ya mbere ni iyo kwita ku bana be. Ntakwiriye guhugira mu nshingano zo hanze ngo yirengagize kwita ku burere abana be bakeneye. Ashobora gufata ko inshingano ze zo mu rugo ari iz'agaciro gake, ariko mu by'ukuri ni zo rufatiro rw'imibereho myiza kuri buri muntu wese n'umuryango mugari muri rusange. Umunezero w'abagabo n'abagore ndetse no kugera ku byiza kw'itorero bishingiye ahanini ku mbaraga ihindura ikorera mu muryango ....

Nta rwitwazo umugabura yagira rwatuma yirengagiza abo mu rugo rwe akita ku bo mu muryango rusange wagutse. Imibereho myiza mu bya Mwuka y'umuryango we ni yo nyambere. Ku munsi w'urubanza Imana izamubaza icyo yakoze kugira ngo azanire Kristo abana ubwe yiyemeje kubyara akabazana ku isi. Ibintu byiza cyane yakoreye abandi ntibishobora guhanagura umwenda abereyemo Imana wo kwita ku bana yibyariye. (3)

Uburemere bw'Impinduka Umugabura Ashobora Guteza: Rimwe na rimwe abana b'abagabura (abapasitoro) ni bo bana birengagizwa cyane

kurusha abandi mu isi, kubera ko se ubabyara abana nabo agahe gato cyane, bityo bakarekwa ngo bihitiremo icyo bakora n'ibibarangaza. (4)

Ariko uko ibibi bikomoka ku kutaba indahemuka kw'ababyeyi biba bikomeye mu buryo ubwo ari bwo bwose, ibyo bibi byikuba incuro cumi kurutaho iyo bibaye mu miryango y'abashyizweho ngo babe abigisha b'ubwoko bw'Imana. Iyo bene abo bananiwe kuyobora ingo zabo bwite, bitewe n'urwo rugero rubi, bayobya abantu benshi. Icyaha cyabo gikomeye cyane kuruta icy'abandi kubera ko n'inshingano yabo isumba iy'abandi. (5)

Umugore we n'Abana be ni bo Bacamanza Baruta Abandi kuby'Ubutungane bwe: Ntabwo iyobokamana igaragarira ku ruhimbi ari yo igaragaza cyane imico yacu nyakuri, ahubwo iyobokamana yacu mu muryango ni yo iyihishura neza kurushaho. Umugore wa pasitoro, abana be n'abandi bantu akoresha mu rugo ngo bamwunganire mu muryango ni bo bacamanza bujuje ibyangombwa kurusha abandi bahamya ubutungane bwe. Umugabo mwiza azabera umugisha abo mu rugo rwe. Umugore we, abana be n'abakozi be bose bazarushaho kugaragaza neza iyobokamana rye.

Benedata, nimwerekane Kristo mu miryango yanyu, mumwerekane ku ruhimbi ndetse n'aho muzajya mujya hose. Ibyo bizatuma mudakenera kumvisha abandi ko ari ngombwa ko baha agaciro umurimo wanyu w'ubugabura, kubera ko muzaba mugendana ibihamya by'ijuru bizagaragariza abantu bose ko muri abagaragu ba Kristo. (6)

Mbese Umugore w'Umugabura ni Umufasha we cyangwa ni Inzitizi?: Igihe umugabo yemeye inshingano zo kuba umugabura, aba ahamije ko abaye umuvugizi w'Imana, ugomba gutwara amagambo avuye mu kanwa k'Imana maze akayashyira abantu. Mbega ukuntu yari akwiriye kwegera Umwungeri Ukomeye! Mbega ukuntu yari akwiriye kugendera imbere y'Imana yicisha bugufi, ntashyire imbere inarijye ahubwo akareka Kristo akaba ari we wererezwa! Mbega ukuntu ari ingenzi ko imico y'umugore we iba igendera ku mabwiriza ya Bibiliya, kandi n'abana be bakajya bumvira badakebakeba mu buryo bwose!

Umugore w'umugabura w'ubutumwa bwiza ashobora kumubera umufasha w'ingirakamaro n'umugisha ukomeye, cyangwa se akamubera inzitizi mu murimo ashinzwe. Kuba umugabura azagenda azamuka mu ntera buri munsi ku bijyanye no kuba ingirakamaro kwe cyangwa niba azasubira hasi ku rwego rusanzwe bizashingira cyane ku mugore we. (7)

Nabonye ko abagore b'abagabura bakwiriye gufasha abagabo babo mu mihati yabo kandi ntibahushe intego ndetse bakigengesera ku bijyana n'impinduka bateza, kubera ko abantu babitegereza kandi abantu babitezeho byinshi kurusha abandi. Imyambarire yabo yari ikwiriye kubera

abandi urugero. Imibereho yabo n'ibiganiro byabo byari bikwiriye kubera abandi urugero rwiza, bikaba impumuro y'ubugingo aho kuba impumuro y'urupfu. Neretswe ko bakwiriye kuba abagwaneza, bicisha bugufi ariko bagahagarara mu mwanya w'icyubahiro, bityo ntibagire ibiganiro bivuga ku bintu biterekeza intekerezo z'abantu mu ijuru. Ikibazo gikomeye bakwiriye kwibaza ni iki ngo: "Nakiza ubugingo bwanjye bwite nte kandi nahinduka inzira yo gukiza abandi nte?" Nabonye ko kuri iki kibazo Imana itemera umurimo ukozwe bitavuye ku mutima witanze utizigamye. Ishaka umutima w'umuntu wose n'ubushake bwuzuye, bitabaye bityo, ibikorwa byose twakora bizaba impfabusa. Byanze bikunze, inyifato ibasha guhindura abandi bagaragaza ishobora gushyigikira ukuri cyangwa ikakurwanya. Bateranyiriza hamwe na Yesu cyangwa se bagasandaza. Umugore utejejwe ni wo muvumo uruta indi yose umugabura ashobora kugira. (8)

Satani akora ubutaruhuka kugira ngo ace intege kandi ayobye abagabura Imana yatoranyije ngo babwirize ukuri. Inzira akoreramo irusha izindi kumugeza ku musaruro ni iy'impinduka zakomoka mu muryango, no mu bafasha b'abagabura batejejwe. Aramutse abashije kwitegekera intekerezo zabo, yabakoreramo maze agashobora kugera ku mugabo neza kuko ari we wigisha ijambo ry'Imana n'amahame kugira ngo abantu bakizwe … Binyuze mu mbaraga ihindura y'abagore bikanyiza kandi bishakira gukora ibiboroheye, Satani yagiye akora byinshi kugira ngo abashe kugenga uko imirimo y'umugabura ikorwa. (9)

Inama Igirwa Abagabura ku Byerekeye Gucunga Umuryango wabo: Mufite umurimo mugomba gukora mu ngo zanyu mudashobora kureka, ariko kandi mukaba indahemuka ku Mana no ku nshingano yabahaye… Isi ni wo murima ugomba kubibwamo ubutumwa bwiza. Murifuza kubiba ukuri k'ubutumwa bwiza muri uwo murima, mugategereza ko Imana izavomera izo mbuto zabibwe kugira ngo zibashe kwera imbuto. Namwe ubwanyu mwihaye akarima kanyu gato [umuryango wanyu], ariko ako karima kaberegeye mwarakaretse kameramo amahwa n'ibitovu, mu gihe mwe muhugiye mu kubagara imirima y'abandi. Ntabwo uyu ari umurimo muto, ariko ni uw'ingirakamaro cyane. Muri kubwiriza abandi ubutumwa bwiza, ariko mubushyire mu bikorwa mu rugo rwanyu. (10)

Igihe utarafatanya mu murimo wo gukebura umwana wanyu uko bikwiriye, reka umugore wawe agumane n'umwana we, ye kubana nawe aho ukorera umurimo; kubera ko nta rugero rwo kutagira icyo witaho no kurera bajeyi rukwiriye guhabwa itorero ry'Imana.

Namenye abagabura benshi batashyiraga mu gaciro bihagije maze bafata urugendo bakajyana n'umwana utagira ikinyabupfura. Imirimo bakoreraga ku ruhimbi yasenywaga n'imyitwarire mibi abana babo bagaragazaga. (11)

Jya wita no ku Bana b'Abandi: Ntabwo ukwiriye kwita ku muryango wawe gusa ngo wirengagize n'abandi. Niba abavandimwe bawe mu kwizera bajya bakwakira iwabo bakagucumbikira, nabo baba biteze ko hari icyo wabakorera. Jya uhuza ibigushimisha n'ibishimisha abandi babyeyi n'abana babo maze ushake uko ubigisha ndetse unabaheshe umugisha. Iyereze gukora umurimo w'Imana, kandi ubere umugisha abakumara irungu, uganirize ababyeyi utirengagije n'abana. Ntukumve ko umwana wawe ari uw'agaciro cyane mu maso y'Imana kurusha abandi bana. (12)

Kurarika Umuhungu w'Inkubaganyi w'Umugabura: So ni umubwiriza w'ubutumwa bwiza kandi Satani akorana umwete mwinshi kugira ngo atere abana b'abagabura gusuzugura ababyeyi babo. Nibishoboka, Satani azabigarurira abagire ingaruzwamuheto zikora ibyo ashaka, kandi abuzuzemo imico ye mibi. None se uzemerera Satani kugukoreramo kugira ngo atsembe ibyiringiro n'ihumure by'ababyeyi bawe? Mbese bizaba ngombwa ko bakurebana umubabaro udashira bitewe n'uko wiyeguriye Satani ngo agutegeke? Mbese uzatuma bakomeza kubaho bihebye bitewe no gutekereza ko bareze abana banga ko babigisha, abana bikurikira ibyo bishakiye batitaye ku ngaruka izo ari zo zose zabaho? …

Ufite impamvu nziza zigutera kugira icyo ukora, kandi ubyutsa ibyiringiro n'icyizere mu bwenge bw'ababyeyi bawe; ariko rero, wananiwe gutsinda igishuko, kandi Satani ashimishwa cyane n'uko uhora witeguye gukora ibyo ashaka. Akenshi ujya uvuga amagambo atera ababyeyi bawe ibyiringiro, ariko ibihe byinshi ntacyo ugeraho bitewe n'uko utazashobora guhangana n'umwanzi. Ntushobora kwiyumvisha ukuntu so na nyoko bashenguka umutima iyo babona uri mu ruhande rwa Satani. Ibihe byinshi uravuga uti: "Sinshobora gukora ibi, na biriya sinabikora", mu gihe uzi ko ibintu uvuga ko udashobora gukora ari byo bintu bitunganye ugomba gukora. Ushobora kurwanya umwanzi udakoresheje imbaraga zawe bwite, ahubwo wamurwanya mu mbaraga Imana ihora yiteguye kuguha. Niwizera Ijambo ryayo, ntabwo uzigera uvuga uti: "Biriya sinabishobora."…

Ndakwingize mu izina ry'Uwiteka ngo wisubireho uhindukire bitaratinda. Bitewe n'uko ababyeyi bawe ari abakozi bakorana n'Imana, witezweho kuba umuhungu witwara neza; ariko bitewe n'ubukubaganyi bwawe, ibihe byinshi usuzugura so na nyoko, ugasenya umurimo baharanira gukora. Mbese nyoko ntafite ibintu bihagije byo kumuremerera bitabaye ngombwa ko agira n'ubwo bukubaganyi bwawe? Mbese uzakomeza gukora utyo ku buryo umutima wa so uzashengurwa n'intimba? Mbese ushimishwa no kubona abo mu ijuru bose bakurebana agahinda? Mbese kubona ujya mu ruhande rw'umwanzi, ukemera gutegekwa no kuyoborwa na we birakunyura? (13)

Icyampa ngo bicyitwa uyu munsi ubashe kugarukira Uwiteka! Ikintu cyose ukora gituma uba mwiza cyane cyangwa ukaba mubi cyane. Iyo ibyo



ukoze biri mu ruhande rwa Satani, bisiga imbaraga ihindura ikomeza gukora bityo ikera imbuto zayo mbi. Abatunganye gusa, abakiranuka, n'abera ni bo bonyine bazinjira mu murwa w'Imana. "Uyu munsi niwumva ijwi ryayo, ntiwinangire umutima," ahubwo uhindukirire Uwiteka nibwo aho uzajya unyura hatazasigara umubabaro ukomeye. (13)

Umugabura Akwiriye Kugaragariza Abana Ineza n'Urugwiro: Nimutyo ubugwaneza n'urugwiro by'umugabura bigaragarire mu byo agirira abana. Akwiriye guhora atekereza ko abo bana ari bo bagabo n'abagore bo mu gihe kizaza, bakaba ari abagize umuryango w'Imana bakiri bato. Abo bana baramutse bigishijwe neza kandi bagatozwa ikinyabupfura, bashobora kuba bugufi bwa Shebuja kandi bakamukunda cyane, n'igihe bakiri bato. Kristo ababazwa cyane n'ijambo ryose ribabaza, risesereza kandi rititondewe ribwiwe umwana. Uburenganzira bwabo iteka ntibwubahirizwa, kandi akenshi bafatwa nk'aho nta mico bwite bihariye ikeneye gutezwa imbere mu buryo bukwiriye kugira ngo itagorekwa bityo umugambi Imana ifitiye ubugingo bwabo ugapfuba.(14)

Mureke itorero ryite ku bana b'intama zo mu mukumbi mu buryo bwihariye, rikoreshe imbaraga zose rifite kugira ngo abana barikunde kandi ngo bomatane n'ukuri. Abagabura n'abizera b'Itorero bakwiriye kunganira umuhati w'ababyeyi wo kuyobora abana mu nzira itunganye. Imana irahamaga abasore n'inkumi kuko ishaka kubagira abafasha bayo bakora umurimo mwiza bari munsi y'ibendera ryayo. (15)

Ikibwirizwa Gitanga Umusaruro ku Byerekeye Kubaha Imana: Umugabura akwiriye kwigisha abizera ibyerekeye uburyo bwiza bwo kurera abana, kandi abana be bwite bakwiriye kuba intangarugero mu kubaha. (16)

Mu muryango w'umugabura hakwiriye kurangwa ubumwe kuko ari bwo buzabwiriza ikibwirizwa gitanga umusaruro ku bijyanye no kubaha Imana mu buryo bugaragara. Uko umugabura n'umugore we barushaho gukora inshingano zabo zo mu rugo bakiranutse, bagatesha, bagakosora, bagatanga inama kandi bakayobora mu nzira nziza, ni ko barushaho kuzuza ibyangombwa byo gukora mu itorero kandi baba bongera abakozi bazasohoza umurimo w'Imana ukorerwa hanze y'umuryango wabo. Abagize umuryango bahinduka abagize umuryango wo mu ijuru, kandi bagahinduka imbaraga izana icyiza, iteza impinduka igera kuri benshi na kure. (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Gospel Workers*, p. 204.
2. *Letter* 1, 1877.

3. *Gospel Workers*, p. 204.
4. *Gospel Workers*, p. 206.
5. *Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 493.(2016)
6. *Testimonies for the Church*, Vol.5, p. 161.
7. *Letter* 1, 1877.
8. *Testimonies for the Church*, Vol.1, p. 159.
9. *Id.*, Vol.5, pp. 449, 451.
10. *Id.*, Vol.4, p. 381.
11. *Letter* 1, 1877.
12. *Testimonies for the Church*, Vol.4, p. 382.
13. *Letter* 15a, 1896.
14 *Testimonies for the Church*, Vol.4, pp. 397, 398 .
15. *Review and Herald*, Oct. 25, 1892.
16. *Letter* 1, 1877.
17. *Gospel Workers*, pp. 204, 205.



Igice Cya 59

ABABYEYI BAGEZE MU ZABUKURU

"Wubahe so na nyoko": Itegeko abana bahawe ryo kubaha ababyeyi babo ni irigomba kubahirizwa mu buzima bwose. Igihe ababyeyi bafite intege nke kandi bageze mu zabukuru, abana bakwiriye kubagaragariza urukundo kandi bakabitaho hakurikijwe ibyo se na nyina ubabyara bakeneye. Nubwo byaba bibasaba kwiyanga, abana bari bakwiriye guha icyerekezo imikorere yabo mu buryo bwiyubashye kandi badakebakeba, kugira ngo igitekerezo cyose kiganisha ku kwigunga no guhagarika umutima kive mu ntekerezo z'ababyeyi …

Abana bakwiriye kwigishwa gukunda no kwita ku babyeyi babo bombi. Bana, mwe ubwanyu mujye mubitaho; kuko nta wundi muntu washobora kubakorera ibikorwa bito by'ubugwaneza abikunze nk'uko mwe mwabikora. Mukoreshe neza amahirwe akomeye mufite yo kuberera imbuto z'ineza. (1)

Inshingano dufite ku babyeyi bacu ntiyigera irangira. Urukundo tubakunda n'urwo badukunda ntirupimirwa ku myaka cyangwa intera iri hagati yacu nabo, kandi inshingano yacu ntishobora kwirengagizwa na rimwe. (2)

Nimutyo abana bajye bazirikana bitonze maze barebe neza ko ababyeyi babo bageze muzabukuru banezerewe kandi bamerewe neza. None se ni iki cyababaza umutima wabo bikomeye cyane cyaruta kubona abana babo babirengagiza? Ni ikihe cyaha cyaba kibi ku bana cyaruta gutera agahinda se cyangwa nyina w'intege nke kandi ugeze muzabukuru? (3)

Tunganya Inzira: Iyo abana bamaze gukura, bamwe bibwira ko inshingano yabo ari uguha ababyeyi babo icumbi ryo kubamo gusa. Nubwo babaha ibibatunga n'aho kuba, ntibababaha urukundo rwabo cyangwa ineza yabo. Igihe ababyeyi babo bageze mu zabukuru, igihe baba bifuza cyane kubwirwa amagambo y'urukundo n'impuhwe, usanga abana babo batakibitayeho. Nta gihe kigera ubwo abana bakwiriye kutubaha no kudakunda ababyeyi babo. Igihe cyose ababyeyi bakiriho, abana bari bakwiriye gushimishwa no kububaha no kubumvira. Bakwiriye gukora uko bashoboye kose bakazana umunezero wose ndetse n'umucyo mu buzima

bw'ababyeyi babo bageze muzabukuru. Bakwiriye gutunganya inzira y'ababyeyi babo igana ku rupfu. Nta nama nziza muri iyi si iruta iy'uko umwana yubaha ababyeyi be, kandi nta nyandiko nziza yaboneka mu bitabo byo mu ijuru yaruta igaragaza ko umwana yakundaga se na nyina kandi akabubaha. (4)

Kudashima Ababyeyi: Mbese birashoboka ko abana batita ku byo ababyeyi babo baba babakeneyeho? Bakaba mu bushobozi bwabo batakorana ubushake ngo bakureho impamvu zose zatera ababyeyi babo umubabaro, bakabitaho badacogora kandi babishyizeho umutima? Mbese byashoboka ko batazabona ko binejeje gutuma iminsi iheruka y'ababyeyi babo ibababera iminsi y'agahozo mu minsi yose babayeho? Ni gute umwana w'umuhungu cyangwa uw'umukobwa yakumva ashaka gusiga se cyangwa nyina mu biganza by'undi muntu ngo abe ari we ubitaho! Kabone nubwo nyoko yaba atari umwizera kandi akaba afite imico idashimishije, ibyo ntibikura ku mwana inshingano Imana yamuhaye yo kwita ku mubyeyi we. (5)

Ababyeyi Bamwe nibo Batera Abana Kutabubaha: Igihe ababyeyi bemereye umwana kubasuzugura akiri muto, bakamureka akajya avuga amagambo y'amahomvu kandi ashaririye, bajye bitegura ko mu myaka izakurikiraho bazasarura umusaruro ubabaje cyane. Igihe ababyeyi badashoboye gusaba abana kujya bihutira kubaha no mu buryo butunganye, baba bananiwe kubaka urufatiro rutunganye rw'imico y'abana babo. Baba babategurira kuzabasuzugura igihe bazaba bageze mu zabukuru, no kuzababaza imitima yabo igihe bazaba begereje kurangiza ubuzima bwabo ku isi keretse gusa ubuntu bwa Kristo buhinduye imitima n'imico by'abana babo. (6)

Ntukihimure ku Mubyeyi Utaragukiranutseho: Umwana umwe yavuze ibyerekeye nyina ati: "Nahoze nanga mama, kandi na we yaranyangaga." Bene ayo magambo yandikwa mu bitabo byo mu ijuru kugira ngo ku munsi w'urubanza azabumburwe kandi ahishurwe, igihe buri muntu wese azagororerwa ibikwiriye ibyo yakoze.

Niba abana batekereza ko mu bwana bwabo bareranwe ubukana bwinshi, mbese guhembera umwuka wo kwihimura no kwihorera ku babyeyi babo, cyane cyane igihe bageze muzabukuru kandi bafite intege nke bizabafasha gukurira mu buntu no kumenya Kristo? Ese izo ntege nke z'ababyeyi babo ntizisaba ko abana babagaragariza urukundo? Mbese ubukene bwa se na nyina bageze mu zabukuru ntibukwiriye gukangura amarangamutima meza muri bo, kandi kubw'ubuntu bwa Kristo abana ntibakwita ku babyeyi babo bafite umutima w'ineza kandi babubaha? Ooo! Ntugatume umutima wawe winangira ngo ukomere nk'icyuma imbere ya so na nyoko! Ni gute umukobwa uvuga ko yitirirwa izina rya Kristo ashobora kwanga nyina

umubyara, ariko by'umwihariko igihe nyina arwaye cyangwa ageze mu zabukuru? Mureke ubugwaneza n'urukundo zo mbuto zihebuje izindi mu mibereho ya gikristo zibone icyicaro mu mitima y'abana mu byo bagirira ababyeyi babo. (7)

Ihanganire Inenge: Ikibabaje by'umwihariko ni ugutekereza umwana wanga nyina umubyara igihe yageze mu zabukuru kandi yacitse intege, wa mubyeyi usangana inenge mu mico zifata umuntu igihe ashaje yasubiye bwana. Mbega uburyo abana bari bakwiriye kwihanganira uwo mubyeyi, kandi bakagaragaza ubugwaneza mu buryo bamufata! Muri icyo gihe bazavuga amagambo yuje ineza adashobora kumurakaza. Umukristo nyakuri ntazigera arangwa n'inabi. Uko ibintu byamera kose ntazigera akerensa ababyeyi be, ahubwo azumvira itegeko rimubwira riti: "Wubahe so na nyoko." Imana yaravuze iti: "Ujye uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza." Abalewi 19:32. ...

Bana, mujye mukora uko mushoboye kose kugira ngo ababyeyi banyu bamugaye kandi batagishoboye kwiyitaho bajye babona ko iminsi yabo iheruka yuzuremo ibyishimo, amahoro n'urukundo. Kubw'ikuzo rya Kristo, muzareke ababyeyi banyu bagere igihe cyo kujya mu gituro mukibabwira amagambo yuje ineza, urukundo, impuhwe n'imbabazi. Wifuza ko Uwiteka Imana yawe igukunda, ikakugirira impuhwe kandi ikakubabarira, warwara ikagusasira, none ntufata abandi nk'uko nawe wifuza ko bagufata? (8)

Umugambi w'Imana wo Kwita ku Bageze mu Zabukuru: Ikibazo cyo kwita kuri bene Data na bashiki bacu bageze mu zabukuru badafite amasaziro gihora kirushaho gukara. Abantu nk'abo twabakorera iki? Umucyo Imana yampaye kuri icyo kibazo wasubiwemo kenshi ngo: "Si byiza kubaka ibigo bishinzwe kwita ku bageze mu zabukuru, ngo bajye bateranirizwamo babanemo ari abantu bakuze gusa. Ntibakwiriye kandi gukurwa mu ngo zabo ngo bajyanwe aho babitaho. Mureke abagize buri muryango bite ku basaza n'abakecuru babo. Igihe bidashobotse, uwo murimo uzaba uw'itorero, kandi ukwiriye kwemerwa nk'inshingano n'amahirwe rihawe. Abantu bose bafite umwuka wa Kristo bazagaragaza icyubahiro cyihariye n'ubugwaneza mu byo bagirira abo basaza bafite intege nke kandi bageze mu zabukuru. (9)

Amahirwe Atera Kunyurwa no Kunezerwa: Igitekerezo kiba mu bana cy'uko bagize icyo bakora kugira ngo ababyeyi babo bamererwe neza ni igitekerezo kizana kunyurwa mu buzima bwabo bwose, ariko by'umwihariko kizabazanira ibyishimo igihe bo ubwabo bazaba bakeneye gukundwa no kugirirwa impuhwe. Abafite umutima wuzuye urukundo bazabona ko amahirwe bafite yo gufasha ababyeyi babo bageze mu zabukuru kugira ngo basaze neza ari amahirwe atagira uko angana bafite. Bazashimishwa n'uko bagize uruhare mu kuzana ihumure n'amahoro mu

minsi iheruka y'ababyeyi babo bakunda. Niba imitima yacu itarinangiye kandi ngo ibe ikonje nk'ibuye, kudakora ibyo, ukanga gukorera ibikorwa by'ubugwaneza abo banyantege nke bageze muzabukuru, bizatuma umuntu ahorana igishinja mu mutima we, n'iminsi ye yuzuremo guhora yicuza ibyo atujuje. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Manuscript* 18, 1891.
2. *Review and Herald,* November 15, 1892.
3. *Review and Herald,* November 15, 1892.
4. *Review and Herald,* November 15, 1892.
5. *Review and Herald,* November 15, 1892.
6. *Manuscript* 18, 1891.
7. *Manuscript* 18, 1891.
8. *Manuscript* 18, 1891.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.6, p.272.
10. *Review and Herald,* Nov. 15, 1892.

UMUGABANE WA 13

IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA

IGICE CYA 60

IBISONGA BY'IMANA

Tugomba Kumenya ko Imana ari Yo Nyiribyose: Kwemera ko Imana ari yo nyir'ibintu byose, ni yo ntango yo gukiranuka no kurangwa n'ukuri mu mikorere. Umuremyi w'ibintu byose ni we nyirabyo, twe turi ibisonga bye. Ibyo dutunze byose ni Imana yabituragije kugira ngo tubikoreshe dukurikije amabwiriza iduha.

Iyi ni inshingano umuntu wese yahawe, kandi iyi nshingano irebana n'ibyo umuntu akora byose. Twabyemera, tutabyemera, turi ibisonga by'Imana, yaduhaye impano n'uburyo twifashisha, kandi yadushyize mu isi kugira ngo dukore umurimo yaduhaye. (1)

Amafaranga si ayacu; amazu n'amasambu, amashusho n'ibikoresho byo mu nzu, imyambaro n'ibintu by'agaciro byose si ibyacu. Turi abagenzi n'abimukira. Icyo dufite gusa ni impano y'ibyo bintu twahawe kuko tubikeneye ngo tugire amagara mazima n'ubuzima bwiza . . . .

Imigisha dufite kuri iyi si tuyihabwa nk'indagizo, kugira ngo tugaragaze niba dushobora kuzabitswa ubutunzi butazashira. Nidutsinda igerageza ry'Imana, ubwo ni bwo tuzahabwa bwa butunzi yacunguye kugira ngo buzabe ubwacu ari bwo: ikuzo, icyubahiro no kudapfa. (2)

Tuzasobanura uko Twakoresheje Umutungo: Iyaba abizera bacu bashyiraga mu murimo w'Imana amafaranga babikijwe, cyane cyane ayo bakoresha banezeza kamere, mu kuramya ibigirwamana, bakwibikira ubutunzi mu ijuru kandi baba bari gukora umurimo Imana ibasaba gukora. Ariko nk'uko byari bimeze kuri wa mugabo w'umutunzi uvugwa mu mugani, babaho mu buzima bwo kuvuyarara binezeza. Amafaranga Imana yabagurije ngo bayacunge, kandi bayakoreshe kubw'ikuzo ryayo, barayatagaguza. Ntabwo bajya bicara ngo batekereze ko vuba bidatinze hagiye kuzabaho umunsi w'isuzuma, ubwo bazasobanura iby'inshingano y'ubusonga bahawe. (3)

Dukwiriye guhora twibuka ko ku munsi w'urubanza tugomba kuzasobanura uko twakoresheje amafaranga y'Imana. Amenshi muri

yo akoreshwa mu gushimisha inarijye no mu kwinezeza bitagira icyiza gifatika bitwungura, uretse kutwangiriza. Turamutse dusobanukiwe ko Imana ari yo itanga byose, kandi ko n'amafaranga dufite ari ayayo, byatuma dukoresha amafaranga yacu mu bushishozi, tugakurikiza ubushake bwayo bwera. Icyo gihe isi n'imigenzo yayo n'ibigezweho byayo ntibizatubera urugero duharanira kugeraho. Ntabwo tuzifuza gukurikiza imigenzereze yayo; kandi ntituzemerera kamere yacu bwite ngo abe ari yo idutegeka. (4)

Mu mikoreshereze yacu y'amafaranga, dushobora kuyagira igikoresho cyo guteza imbere iby'umwuka tuyafata nk'indagizo yera, aho kuyakoresha mu bwibone, kwirata, guhaza irari ry'inda cyangwa kurarikira. (5)

Neretswe ko marayika wandika ibyo dukora yandika neza adasobwa ituro ryose tweguriye Imana maze rigashyirwa mu bubiko, kandi akandika umusaruro uva muri uwo mutungo uba watanzwe utyo. Ijisho ry'Imana ryita ku kintu cyose cyeguriwe gukoreshwa mu murimo wayo ndetse no ku bushake cyangwa kugononwa biranga utanze. Impamvu iteye umuntu gutanga nayo irandikwa. (6)

Gutanga kuri Gahunda Ihoraho kw'Abagize Umuryango: "Umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera, nk'uko atunze." (1 Abakorinto 16:2). Uhereye ku mwana ukageza ku muntu mukuru, buri wese mu bagize umuryango ashobora kugira uruhare muri uyu murimo w'ubugwaneza. ... Gahunda ihoraho yo kugira ubuntu izarinda buri muryango ibishuko byo gupfusha ubusa amafaranga ku bintu bidakenewe, kandi by'umwihariko izabera umugisha abakungu n'abakire ibarinde kuvuyarara bapfusha ubusa.

Buri cyumweru, ibyo Imana isaba buri muryango byibutswa buri wese mu bawugize ushyira mu bikorwa gahunda yo gutanga ihoraho mu buryo bwuzuye. Kandi kubera ko abagize umuryango baba baririnze kwaya kugira ngo babashe kubona amikoro yo gushyira mu bubiko bw'Uwiteka, icyo gihe imitima yabo iba yaracengewemo n'amasomo y'agaciro ajyanye no kwiyanga kubw'ikuzo ry'Imana. Rimwe mu cyumweru, buri muntu agarura imbere ye ibyo yakoze mu cyumweru gishize - akabasha kubara ibyo yari kwinjiza iyo aza kuba umuntu udapfusha ubusa amafaranga, kandi akabara umutungo atabitse bitewe n'uko yasesaguye. Umutimanama we urakanguka ukamujyana ukamugeza imbere y'Imana, ukamushimira [uko yitwaye] cyangwa se ukamurega. Amenya ko niba ashaka gukomeza kugira amahoro yo mu mutima no kwemerwa n'Imana agomba kurya, kunywa ndetse no kwambara kubwo guhesha Imana icyubahiro.(7)

Gira Nyambere Ibyo Imana Isaba: Ibyo Imana isaba ni byo biza mbere y'ibindi byose. Iyo tuyeguriye ibyasigaye ku byo twinjije nyuma y'uko ibyo dutekereza ko dukennye byose bimaze gukemuka, ntituba dukurikije

ubushake bwayo. Mbere yo gukoresha umugabane uwo ari wo wose w'ibyo twungutse, dukwiriye kubanza gukuramo uriya mugabane idusaba maze tukawuyimurikira. Mu bihe bya kera, ituro ry'ishimwe ryahoraga ryoserezwa ku gicaniro, bityo ibyo bikerekana inshingano itagira iherezo umuntu afite ku Mana. Niba dutunganirwa mu bikorwa dukora muri iyi si, tubikesha umugisha Imana iduha. Umugabane umwe w'ibyo twunguka ugomba guharirwa abakene, kandi undi mugabane utubutse tukawushyira mu murimo w'Imana. Igihe ibyo Imana isaba tumaze kubiyigarurira, ibisigaye bizezwa kandi bihabwe umugisha kugira ngo tubyikoreshereze. Ariko igihe umuntu yibye Imana yanga gutanga ibyo imusaba gutanga, umuvumo w'Imana uzaba butunzi bwe bwose. (8)

Mujye Mwibuka Abugarijwe n'Ubukene: Niba tugaragaza imico ya Kristo, akantu kose kagize kwikanyiza kagomba kwirukanwa mu bugingo bwacu. Mu guteza imbere umurimo Imana yaduhaye, bizaba ngombwa ko dutanga umutungo wose muke wo mu butunzi bwacu dushobora kuzigama. Tuzamenya imiryango ihagaritse imitima kandi yibasiwe n'ubukene, bityo tuzagoboka indushyi n'imbabare. Tuzi bike cyane ku mubabaro wa muntu uri ahatuzengurutse hose; ariko uko tubonye uburyo dukwiriye kwitegura guhita dufasha abababaye cyane kurusha abandi. (9)

Gutagaguza amafaranga mu iraha byambura abakene umutungo wari ukenewe kugira ngo bahabwe ibyokurya n'imyambaro. Umutungo dutanga mu kunezeza umwuka w'ubwibone mu by'imyambaro, mu kubaka amazu, mu bikoresho byo mu nzu no mu mitako byari bikwiriye gukoreshwa mu gukuraho umubabaro w'imiryago myinshi y'impezamajyo kandi iri mu kaga. Ibisonga by'Imana bigomba gutabara imbabare. (10)

Umuti w'Imana Uvura Ubwikanyize no Kwifuza: Gutanga kubayeho ari imbuto ivuye ku kwiyanga gufasha utanze mu buryo butangaje. Bitwungura ubwenge butubashisha gusobanukirwa umurimo wa Kristo mu buryo bwuzuye, We wajyaga hirya no hino akora ibyiza, agakuraho umubabaro, kandi agafasha abakene. (11)

Ubugiraneza buhoraho kandi burangwa no kwiyanga ni wo muti w'Imana wo kuvura ibyaha by'ubwikanyize no kwifuza bimunga abantu. Imana yashyizeho gahunda yo gutangana ubuntu kugira ngo ishyigikire umurimo wayo kandi igoboke imbabare n'abakene. Imana yategetse ko gutanga bikwiriye kuba akamenyero, kugira ngo iburizemo icyaha giteza akaga kandi gishukana cyo kurarikira ubutunzi. Kwimenyereza guhora utanga byica umwuka wo kurarikira. Gutangana ubuntu kuri gahunda ihoraho byabereyeho kugira ngo Imana ifashe abantu bararikira kwikuraho ubutunzi mu buryo bwihuse bakiburonka, bityo babwegurire Uwiteka kuko ari ubwe . . ....

Guhora umuntu ashyira mu bikorwa gahunda y'Imana yo gutangana ubuntu bica intege kurarikira maze bikongera imbaraga umwuka wo gutangana ubuntu. Iyo ubutunzi bwiyongera, usanga abantu barushaho kubushyiraho umutima, ndetse na ba bandi bavuga ko bubaha Imana. Kandi uko barushaho kugira bwinshi ni ko barushaho gutanga bike mu bubiko bw'Uwiteka. Uko ni ko ubukire butera abantu kwikanyiza, kandi kwibikira ubutunzi bikagaburira umutima wo kurarikira; bityo iyo mikorere igatiza umurindi ibyo bibi. Imana izi akaga turimo, bityo yatugotesheje uburyo buturinda kuba twakwirimbuza ubwacu. Idusaba guhora dutangana ubuntu kugira ngo imbaraga z'akamenyero dufite mu gukora ibyiza zibashe kumenagura imbaraga zo kwimenyereza gukora ibibi. (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Uburezi,* p. 141.
2. *Letter* 8, 1889.
3. *Letter* 21, 1898.
4. *Letter* 8, 1889.
5. *Letter* 8, 1889.
6. *Testimonies for the Church,* Vol.2, pp. 518,519.
7. *Id.,* Vol.3. p. 412.
8. *Id.,* Vol. 4, p. 477.
9. *Manuscript* 25, 1894.
10. *Review and Herald,* Dec. 8, 1896.
11. *The Youth's Instructor,* Sept, 10, 1907.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p. 548.

IGICE CYA 61

AMAHAME AGENGA IMARI MU MURYANGO

Amafaranga Ashobora kuba Umugisha cyangwa Umuvumo: Amafaranga si umuvumo byanze bikunze. Ahubwo amafaranga ni ay'agaciro gakomeye kubera ko iyo akoreshejwe neza, ashobora gukora ibyiza mu murimo wo kumenyesha abantu agakiza no mu guhesha umugisha abandi bantu bakennye kuturusha. Ariko bitewe no kuyakoresha mu buryo butitondewe cyangwa nabi, . . . amafaranga azahindukira umutego uyakoresha. Umuntu ukoresha amafaranga ashaka kugira ngo anezeze ubwibone bwe n'imigambi ye ayahindura umuvumo aho kugira ngo abe umugisha. Amafaranga ni igipimo gihoraho gipima urukundo rw'abantu. Umuntu wese uronka amafaranga asaga amuhagije yo kwikenura mu byo akeneye nyakuri akwiriye gusaba ubwenge n'ubuntu bw'Imana kugira ngo abashe kumenya uko umutima we bwe uteye, no kurinda umutima we adakebakeba, bitaba ibyo akagira ibyo yifuza yibwira muri we maze agahinduka igisonga gikiranirwa, kandi gisesagura umutungo Uwiteka yakiragije.

Nidukunda Imana kuruta byose, iby'isi bimara igihe gito bizafata umwanya wabyo ukwiriye mu rukundo rwacu. Nidusaba ubumenyi n'ubushobozi twicishije bugufi kandi tumaramaje kugira ngo tubashe gukoresha neza umutungo w'Umwami wacu, tuzahabwa ubwenge buturutse mu ijuru. Iyo umutima wishingikirije ku byo wifuza n'ibyo urarikira, iyo umuntu atekereza ko amafaranga ashobora gutanga umunezero hatabayeho kugirirwa neza n'Imana, icyo gihe amafaranga ahinduka umutware utwaza igitugu utegeka umuntu. Ayashyiraho icyizere cye n'agaciro ke, bityo akayasenga nk'ikigirwamana. Icyubahiro, ukuri, gukiranuka n'ubutabera bitangwaho ibitambo ku gicaniro cy'amafaranga. Amategeko y'Ijambo ry'Imana ashyirwa iruhande, maze imihango n'imigenzo y'ab'isi byashyizweho n'umwami witwa Mamoni akaba ari yo ihinduka imbaraga itegeka. (1)

Haranira Umutekano mu Mutungo w'Urugo: Iyaba amategeko Imana yatanze yarakomeje gukurikizwa, mbega uko isi yaba itandukanye n'uko imeze ubu, haba mu mico mbonera, mu by'umwuka no mu by'isi!

Ubwikanyize n'ubwibone ntibyabaho nk'uko bimeze muri iki gihe, ahubwo buri wese yahirimbanira icyazanira abandi umunezero n'imibereho myiza .... Aho kugira ngo ibyiciro by'abakene kurusha abandi bikomeze gukandamizwa n'abakire, aho kugira ngo habeho abantu batekerereza abandi kandi babakorera igenamigambi mu bijyana n'ubuzima bw'iby'isi kimwe n'iby'umwuka, bagira amahirwe maze bakigenga mu bitekerezo no mu bikorwa.

Kumva ko amazu babamo ari ayabo byabatera kwifuza kurushaho kugira imibereho myiza. Mu gihe gito baba bamaze kunguka ubuhanga bwo kugena ingamba n'igenamikorere ubwabo. Abana babo bakwigishwa bagatora ingeso nziza yo gukora no kuzigama, kandi ubwenge bwabo bwahabwa imbaraga bikomeye. Bakumva ko ari abantu atari abacakara, kandi babasha kongera gusubirana kwiyubaha n'umudendezo mu myitwarire ku rwego rukomeye. (2)

Nimwigishe abantu bacu kuva mu mijyi bajye gutura mu cyaro, aho bashobora kubona isambu nto kandi bakiyubakira inzu yabo babanamo n'abana babo. (3)

Umuburo Utangwa ku Byerekeye Kugurisha Amazu: Hariho abagabo n'abagore bakennye bajya banyandikira bagira ngo mbagire inama niba bagurisha amazu batuyemo kugira ngo amafaranga avuyemo bayatange akoreshwe umurimo w'Imana. Bavuga ko irarika risaba ubushobozi rikabakaba imitima yabo, bityo bakifuza kugira icyo bakorera Shebuja we wabakoreye ibintu byose. Ndabasubiza nti: "Ntibyaba inshingano yanyu kugurisha inzu zanyu nto aka kanya, ahubwo mwe ubwanyu nimusange Imana; kuko azumva amasengesho yanyu musengana umwete musaba ubwenge ngo mubashe gusobanukirwa n'inshingano yanyu. (4)

Ubu Imana ntihamagarira abantu gutanga amazu ubwoko bwayo bukeneye guturamo; ahubwo niba abantu batunze byinshi batumva ijwi ryayo ngo bitandukanye n'iby'isi, kandi ngo bagire ibyo bigomwa kubera umurimo w'Imana, izabanyuraho maze ihamagare abafite ubushake bwo gukorera Yesu icyo abasaba cyose, ndetse n'iyo byaba kugurisha amazu yabo kugira ngo bakemure ubukene buri mu murimo w'Imana. (5)

Ubwigenge Bushimwa: Hari ubwigenge bushimwa. Kwifuza kwikorera umutwaro wawe bwite ntujye urya ari uko ugaburiwe n'abandi ni gahunda itunganye rwose. Umugambi mwiza kandi wuje kugira ubuntu ni wo utera umuntu kwifuza kwishakira ibimwunganira. Kwimenyereza gukora cyane no kutaya umutungo ni ngombwa. (6)

Guhuza Imibare y'Ibyinjira n'Ibisohoka: Abantu benshi, ndetse benshi cyane ntibigeze biyigisha ko bashobora kugira ibyo batangaho amafaranga batarengereye ngo bakoreshe arenze ayo binjiza. Ntabwo biga

uko bakwitwara ku bihe, bityo baguza amafaranga, bakongera bakaguza kugeza ubwo baremerewe n'imyenda, maze amaherezo bagacika intege ndetse bikabashobera bagakuka imitima. (7)

Jya Ugira aho Wandika Amafaranga Ukoresha: Ingeso zo gushaka guhaza irari ry'umuntu cyangwa kutagira imyitwarire irangwamo amakenga n'ubuhanga ku ruhande rw'umugore akaba na nyina w'abana bishobora kuba inzira ihora icamo umutungo w'urugo. Nyamara, umubyeyi ari we nyina w'abana, ashobora gutekereza ko ari gukora neza cyane bitewe n'uko atigeze yigishwa gukumira ibyifuzo bye byose cyangwa se ibyo abana be baba bifuza, bityo ntiyigere yunguka ubwenge n'ubuhanga mu byerekeye gucunga umutungo w'urugo. Kubw'ibyo umuryango umwe ushobora gusaba ibiwunganira byikubye kabiri ibyahaza undi muryango binganya ubunini.

Abantu bose bari bakwiriye kwiga gucunga umutungo. Abantu bamwe birengagiza uyu murimo bakavuga ko utari ngombwa, ariko ibyo ni ukwibeshya. Ibyatanzweho umutungo byose bikwiriye kwandikwa neza. (8)

Ibibi Biterwa n'Ingeso zo Kwaya Umutungo: Kugira ngo mbashe gukangurira ababyeyi kwigisha abana babo gucunga umutungo badakebakeba, Uwiteka yashimishijwe no kunyereka ibibi bikomoka mu ngeso yo kwaya umutungo. Nimubigishe ko amafaranga batanga ku bintu badakeneye aba adakoreshejwe uko bikwiriye. (9)

Niba mufite ingeso zo kwaya, nimuhite muzicikaho. Nimutazicikaho, muzaba mu gihombo by'iteka ryose. Kwimenyereza gukoresha umutungo neza, gukunda umurimo no kwirinda ni umurage mwiza ku bana banyu usumba kubakwerera cyangwa kubakaho inkwano zitubutse.

Turi abagenzi n'abimukira ku si. Nimutyo twe gukoresha umutungo wacu duhaza ibyifuzo Imana ishaka ko tuzibukira. Nimutyo tugaragaze ukwizera kwacu uko bikwiriye ducubya inyota y'ibyo twifuza. (10)

Umubyeyi Wacyashywe kubwo Kwaya: Ntuzi gukoresha amafaranga neza kandi ntiwiga guhuza ibyo ukeneye n'ibyo winjiza ... Ufite inyota yo kugira amafaranga kugira ngo uyakoreshe uko wishakiye ukurikije ibyo irari ryawe rikwerekezaho, bityo inyigisho yawe n'urugero utanga byabereye abana bawe umuvumo. Mbega ukuntu batita ku kugira ihame bagenderaho! Bagenda barushaho kwibagirwa Imana, ntibatinye cyane ibyo itishimira, bagakabya kutihanganira ugira icyo ababuza. Uko umuntu aronka amafaranga mu buryo bworoheje cyane ni ko arushaho kumva atashima. (11)

Inama Yahawe Umuryango Ubeshwaho n'Ibirengeje Amikoro Ufite: Mukwiriye kwigengesera kugira ngo ibyo musohora bitarenga ibyo mwinjiza. Mujye mugabanya umubare w'ibyo mukenera.

Biteye agahinda cyane kubona umugore wawe nawe ameze nkawe ku birebana n'iki kibazo cyo gukoresha umutungo ku buryo adashobora kubigufashamo, ngo amenye ibigenda bisohoka bito bito ngo bimutere kurinda ko hari byinshi byajya bibaca mu myanya y'intoki. Hari amafaranga ahora akoreshwa bidakenewe mu micungire y'umutungo w'umuryango wawe. Umugore wawe akunda kubona abana be bambaye imyambaro irenze ubushobozi bwabo, kandi kubera iyo mpamvu muba mubamenyereza ingeso mbi yo kwirata n'ubwibone. Iyaba mwigaga gukoresha umutungo mutawutagaguza, kandi mukabona akaga murimo mwe n'urubyaro rwanyu ndetse n'umurimo w'Imana bitewe n'uko gutagaguza umutungo, mwazabivanamo icyigisho cy'ingenzi cyatuma mutunganya imico yanyu ya gikristo. Keretse nimwunguka ubwo bunararibonye naho ubundi igihe cyose bazaba bakiriho abana banyu bazarangwa n'uburere bubi mubaha . . .

Ntabwo mbarehereza kwirundaniriza ubutunzi (kubikora byabarushya); ariko mwembi nabagira inama yo gukoresha amafaranga yanyu mwigengesereye kandi mukareka urugero mutanga buri munsi rukigisha abana banyu amasomo yo kudapfusha ubusa umutungo, kwiyanga no kuzigama. Abana banyu bakeneye kwigishwa hakoreshejwe amategeko n'urugero mubaha. (12)

Umuryango Wahamagariwe Kwigomwa: Mwene Data nawe mushiki wanjye, neretswe ko hari ibintu byinshi mukeneye kwiga. Ntabwo mubaho bijyanye n'amikoro mufite. Ntabwo mwize kudasesagura. Iyo mukoreye amafaranga menshi, ntimumenya kuyarondereza mu buryo bushoboka bwose. Muyakoresha mushingiye ku byo mukunda cyangwa ipfa ry'inda aho kubanza kubitekerezaho. Inshuro nyinshi mutanga amafaranga ku byokurya bene so mu kwizera badashobora kugura. Musohora amafaranga mu mifuka yanyu mu buryo bworoheje cyane . … Kwigomwa ni isomo mugomba kwiga mwembi. (13)

Ababyeyi bakwiriye kwiga kubaho bakurikije amikoro bafite. Bakwiriye kwigisha abana babo kwigomwa, bakabigisha kubw'itegeko babaha n'urugero rwiza batanga ubwabo. Bakwiriye kugabanya cyane ibyo bakenera kandi bikaba byoroheje kugira ngo babone igihe cyo guteza imbere imitekerereze yabo no kwita ku bya Mwuka. (14)

Kunezeza Umutima w'Ubwibone si Ikimenyetso cy'Urukundo: Ntimukigishe abana banyu gutekereza ko urukundo mubakunda rugomba kugaragarizwa mu kunezeza umutima wabo w'ubwibone, gusesagura no gukunda kwiyerekana. Kuri ubu nta gihe dufite cyo guhimba uburyo bwo gusesagura amafaranga. Ahubwo mukoreshe ubushobozi bwose mufite bwo kuvumbura mushaka uburyo mwirinda gusesagura. (15)



Kudasesagura Bijyanirana no Kugira Ubuntu: Muri rusange, ubona urubyiruko rw'iki gihe rukerensa kandi rusuzugura umuco wo kudasesagura maze rukawitiranya n'ubugugu no gutindahara. Ariko kudasesagura bijyanirana n'ibitekerezo byagutse n'amarangamutima yo kugira ubuntu. Nta kugira ubuntu nyakuri kwabaho hatabayeho kwirinda gusesagura. Nta muntu ukwiriye gutekereza ko kwiga kudasesagura n'uburyo bwiza cyane bwo kwita ku nzira nto zinyuranye zikenerwamo amafaranga byamutesha agaciro. (16)

Ubundi Buhezanguni – Kuzigama Bikabije: Iyo twirengagije umubiri wacu cyangwa se tukawuhohotera bityo ntube ugishoboye gukora umurimo w'Imana, ibyo ntibihesha Imana ikuzo. Kwita ku mubiri tuwuha ibyokurya byiza biryoshye kandi biwutera imbaraga ni imwe mu nshingano z'ibanze za nyir'urugo. Icyiza cyane ni ugutanga amafaranga make ku myambaro n'ibikoresho byo mu rugo kuruta ko wakwizirika umukanda.

Bamwe muri ba nyir'urugo bagabura ibyokurya by'ubusabusa ku meza y'umuryango kugira ngo abashyitsi babasura bajye babereka ibyo kubarangaza no kubashimisha bihenze. Ntabwo ibyo ari byiza. Mu kunezeza abashyitsi hakwiriye kubamo kwiyoroshya gukomeye. Mureke ibyo umuryango wanyu ukeneye abe ari byo byitabwaho mbere y'ibindi.

Kuzigama bikabije n'imico y'imyiganano akenshi bitubuza kwakira abashyitsi igihe biba ari ngombwa kandi byajyaga no kutubera umugisha. Ameza yacu ya buri munsi yari akwiriye kubaho ibyokurya bikwiriye ku buryo umushyitsi utunguranye ashobora kwakirwa hatabayeho kuremerera umugore nyir'urugo ngo abe yagira ibindi by'inyongera ategura. (17)

Kudasesagura kwacu ntigukwiriye kudutera kugabura ibyokurya by'ubusabusa. Abanyeshuri bakwiriye kugaburirwa ibyokurya bigahije kandi byiza. Ariko abashinzwe igikoni bakwiriye kwegeranya ibyokurya byose kugira ngo hatagira ibipfa ubusa. (18)

Kudasesagura ntibivuze ubugugu, ahubwo ni uburyo bwo gukoresha neza amikoro ufite kubera ko haba hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa. (19)

Tanga Ibikenewe Kugira ngo Woroshye Imirimo y'Umugore: Umuryango wa mwene Data E. ubaho mu buryo buhuje n'amahame yo kudasesagura. ... Mwene Data E. yafashe umwanzuro wo kutubakira umuryango we mugari igikoni n'inzu ntoya yo kwanuramo inkwi, bitewe n'uko atumvise afite umudendezo wo gukoresha umutungo mu nyubako ze bwite kandi umurimo w'Imana wari ukeneye amafaranga ngo ubone gutera imbere. Nagerageje kumwereka ko izo nyubako zo mu rugo rwe zari ngombwa kubw'ubuzima bwiza n'imico myiza by'abana be kugira ngo abashe gutuma mu rugo rwe haba ahantu hanejeje kandi ngo ahe umuryango we ibikenewe ngo yoroshye imiruho y'umugore we. (20)

Amafaranga Ahabwa Umugore ngo Ayakoreshe Ibimureba Ubwe: Mugomba gufashanya. Ntugafate ko ari indangagaciro nyayo kubona wakwizirikaho amafaranga, ukanga kugira ayo uha umugore wawe. (21)

Buri cyumweru, ukwiriye kujya uha umugore wawe umubare runaka w'amafaranga, kandi ukamureka akayakoresha ibyo ashaka. Ntiwigeze umuha amahirwe yo gukoresha ubuhanga bwe cyangwa n'amahitamo ye bitewe n'uko utarasobanukirwa neza n'umwanya umugore akwiriye guhabwa. Umugore wawe afite ubwenge buhambaye kandi buri ku murongo. (22)

Amafaranga ubonye jya ugira ayo uha umugore wawe. Mureke ayagire aye bwite, kandi umureke ayakoreshe icyo yifuza. Wari ukwiriye kumuha uburenganzira bwo gukoresha amafaranga yakoreye, akayakoresha akurikije uko abitekereza. Iyo aza kugira amafaranga runaka ngo ayikoreshereze nk'aye hatabayeho kumujora, yajyaga kuruhurwa umutwaro uremereye afite ku mutima we. (23)

Nimuhirimbanire Kuba Heza n'Ubuzima Buzira Umuze: Mwene Data P. ntiyakoresheje neza umutungo we. Gutekereza neza ntikwigeze kumuyobora mu migirire ye nk'uko yumviye amajwi n'ibyifuzo by'abana be. Umutungo uri mu biganza bye ntawuha agaciro yagombye kuwuha, ngo awukoreshe mu bushishozi awutange ku bintu bikenewe kurusha ibindi, ari byo bintu agomba kugira ngo abeho neza kandi agire amagara mazima. Umuryango wose ukeneye kurushaho kwitwara neza kuri iyi ngingo. Hari ibintu byinshi bikenewe mu muryango kugira ngo urugo rugubwe neza. Kutishimira gahunda n'imikorere mu mitunganyirize y'ibibazo by'umuryango biganisha ku gusenya no gukora ntihagire icyiza gikomeye kigerwaho. (24)

Ntabwo dushobora kweza umutima binyuze mu kwambara ubucocero no kugomwa urugo ibintu byose bituma rugubwa neza, byiza kandi bikwiriye. (25)

Ntabwo Imana isaba ko ubwoko bwayo bwivutsa ibintu biri ngombwa byatuma bugira amagara mazima kandi bukagubwa neza, ariko na none ntiyemera gutagaguza no kuvuyarara no kwiyerekana. (26)

Menya Igihe cyo Kuzigama n'Igihe cyo Gukoresha Umutungo: Mwari mukwiriye kwiga mukamenya neza igihe cyo kuzigama n'igihe cyo gusohora amafaranga. Ntidushobora kuba abayoboke ba Kristo keretse tubanje kuzibukira inarijye, maze tukikorera umusaraba. Dukwiriye kujya twishyura imyenda turimo nta kuruhanya; tugakosora amakosa twakoze, tugasubiza kuri gahunda ibyavuye mu murongo, kandi tukamenya ibyo dushobora kwita ibyacu koko. Mukwiriye kubara udufaranga twose duke dutanga mu byo kwishimisha. Mukwiriye kandi kwita ku mutungo

ukoreshwa kubwo kwinezeza gusa no korora ipfa ry'inda ryahengamiye mu bibi kandi ridashaka ikindi uretse kwishimisha gusa. Amafaranga akoreshwa ku byokurya bihenze bitagira umumaro yagombye gukoreshwa mu kongera ibikenewe mu rugo ngo harusheho kugubwa neza. Ntugomba kuba umunyabugugu; ahubwo ukwiriye kuba inyangamugayo kuri wowe ubwawe no ku bavandimwe bawe muri Kristo. Kugira ubugugu ni ugukoresha nabi umutungo w'Imana. Udufaranga duke duke uhora utanga ugatekereza ko kutuvuga nta gaciro bifite amaherezo turagwira tukaba menshi. (27)

Umutima Weguriwe Imana Izawuyobora: Ntabwo ari ngombwa ko aha mvuga uburyo kudasesagura byagombye gukorwa mu ngingo izo ari zo zose. Abantu bafite imitima yeguriwe Imana burundu, kandi Ijambo ryayo bakarigira umuyobozi wabo, bazamenya uko bakwiriye kwitwara mu nshingano zose bafite mu buzima. Bazigira kuri Yesu, kuko ari umugwaneza kandi yoroheje mu mutima; kandi ubwo bazaba bakuza ubugwaneza bwa Kristo muri bo, bazakinga amarembo ibishuko bitagira ingano byari kwinjiriramo. (28)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Letter* 8, 1889.
2. *Historical Sketches of SDA, Foreign Mission,* pp.165, 166.
3. *General Conference Bulletin,* April 6, 1903.
4. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p.734.
5. *Review and Herald,* Sept. 16, 1884.
6. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 308.
7. *Review and Herald,* December 19, 1895.
8. *Gospel Workers* p.460.
9. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 63.
10. *Review and Herald,* December 24, 1903
11. *Letter* 8, 1889.
12. *Letter* 23, 1888.
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 2. pp. 431, 432.
14. *Review and Herald,* June 24, 1890.
15. *Testimonies for the Church,* Vol. 6. P. 451.
16. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 400.
17. *Ministry of Healing,* p. 322.
18. *Testimonies for the Church,* Vol. 6, p. 209.
19. *Letter* 151, 1899.
20. *Letter* 9, 1888.
21. *Letter* 65, 1904.
22. *Letter* 47, 1904.
23. *Letter* 157, 1903.

24. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 669.
25. *Review and Herald,* May 16, 1882.
26. *Review and Herald,* December 19, 1893.
27. *Letter* 11, 1888.
28. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 63.



AKAMARO KO KUZIGAMA

"Nimwegeranye Ibisigaye": Umunsi umwe Kristo yahaye abigishwa be icyigisho cyo kuzigama dukwiriye kwitaho cyane. Yakoze igitangaza cyo kugaburira abantu ibihumbi byinshi bari baje kumva inyigisho ze. Nyamara ubwo bose bari bamaze kurya kandi bahaze, Kristo ntiyemeye ko ibisigaye by'ubuvungukira bipfushwa ubusa. Uwashoboraga guhaza imbaga nini kubw'ububasha mvajuru yari afite yategetse abigishwa be guteranya ubuvungukira bwose busigaye kugira ngo hatagira ibipfa ubusa. Iri somo ryatangiwe kutwungura natwe nk'uko ryari ryahawe abari bariho mu gihe Kristo yari hano ku isi. Umwana w'Imana yita kubyo dukeneye muri ubu buzima bwo ku isi. Nyuma y'ibirori byo kugaburira abantu, ntiyirengagije utuvungukira, nubwo igihe cyose abishakiye yashoboraga guhaza abantu muri bene ubwo buryo. (1)

Inyigisho Yesu yigishije zikwiriye gukoreshwa mu ntambwe zose z'ubuzima. Kudapfusha ubusa bigomba gukorwa mu bintu byose. Nimwegeranye udusigaye hatagira ibipfa ubusa. Hariho idini idashobora guhindura umutima, bityo igahinduka iyo mu magambo gusa. Bene iyo dini ntiyinjizwa mu buzima bw'ibifatika. Inshingano y'iby'idini no kwigengesera kwa muntu guhanitse mu mirimo itandukanye bigomba kuba bivanze. (2)

Ku Byerekeye Kwiyanga Mwigane Kristo: Kugira ngo abashe kwimenyera uko abantu babura ibyo bari biteze, ibigeragezo n'intimba bahura nazo, Kristo yaramanutse agera ku rwego rwo hasi cyane rw'agahinda no gusuzugurwa. Inzira asaba abayoboke be kunyuramo nawe yayinyuzemo. Arababwira ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire." (Matayo 16:24). Nyamara abavuga ko ari Abakristo ntibahorana ubushake bwo kwiyanga Umukiza abahamagarira. Ntibafite ubushake bwo gucecekesha ibyifuzo byabo n'ibyo bararikira kugira ngo babashe kugira ibiruseho byo guha Uwiteka. Umugabo umwe aravuga ati: "Ab'umuryango wanjye batwara ibintu bihenze mu byo bakunda, kandi kubibona bitwara amafaranga menshi."

Ibi byerekana ko we n'umuryango we bakeneye kwiga amasomo yo kudasesagura yigishirijwe mu mibereho ya Kristo . . ..

Twese duhura n'igishuko cyo kunezeza inarinjye, n'ibyifuzo bitujyana mu gupfusha ubusa, ariko nimutyo twibuke ko Umwami w'ubugingo n'icyubahiro yaje kuri iyi si kugira ngo yigishe abantu isomo ryo kwiyanga. (3)

Abataberaho kunezeza inarinjye ntibazakoresha ifaranga ryose babonye kugira ngo bakemure ubukene bibwira ko bafite kandi ngo bagure ibibashimisha. Ahubwo bazazirikana ko ari abayoboke ba Kristo, kandi ko hari n'abandi bakeneye ibyokurya n'ibyo kwambara. (4)

Mujye Muzigamira Gufasha Umurimo w'Imana: Hari byinshi umuntu yabwira abasore ku byerekeye amahirwe bafite yo gushyigikira umurimo w'Imana binyuze mu kwiga kuzigama no kwigomwa. Abenshi batekereza ko bagomba kwirundurira mu kwinezeza, kandi kugira ngo babigereho, bimenyereza gukoresha amafaranga yose binjiza bakayamara. Imana ishaka ko ibi tujya tubyitwaramo neza kurushaho. Iyo twumva tunyuzwe n'ibyokurya byinshi n'ibyokunywa n'imyambaro tuba twihemukira. Imana ifite ikintu kiruta ibi byose tugomba gukora kiri imbere yacu. Nitugira ubushake bwo kwiyambura ibyifuzo byo kwihugiraho maze imbaraga z'umutima n'ubwenge tukabyegurira umurimo w'Imana, ingabo zo mu ijuru zizafatanya natwe maze zitume abatuye isi batugiriraho umugisha.

Umusore n'ubwo yaba ari umukene, ariko akaba akunda umurimo no kudasesagura, ashobora kuzigama udufaranga two kunganira umurimo w'Imana. (5)

Igihe Uhuye n'Igishuko cyo Gufusha Amafaranga Ubusa: Igihe uhuye n'igishuko cy'uko wakoresha amafaranga uyagura ibintu bidafite umumaro, uba ukwiriye kwibuka kwigomwa no kwitanga Kristo yihanganiye kugira ngo akize umuntu wacumuye. Abana bacu bakwiriye kwigishwa kwigomwa no kwitegeka. Impamvu abagabura benshi bagira ibihe bibakomereye mu bijyanye n'ubukungu ni uko badategeka ipfa ryabo n'ibyo bararikira. Impamvu abagabo benshi cyane bagwa mu gihombo kandi bakanyereza umutungo, ni uko baba bashaka kunezeza abagore babo n'abana babo mu byo bakunda gutagaguzamo amafaranga. Mbega ukuntu ababyeyi b'abagabo n'abagore bari bakwiriye kwigengesera bakigisha abana babo kudasesagura bakoresheje itegeko no kubabera urugero! (6)

Ndifuza kumvisha ubwenge bw'umuntu wese iby'icyaha gikomeye cyo gupfusha ubusa amafaranga y'Uwiteka ayakoresha ku byo yifuza bidafite ishingiro. Kugenda ukoresha amafaranga agaragara ko ari make bishobora gutangiza imigendekere y'ibintu izagukurikirana igihe cyose.

Umunsi urubanza ruzashingwa, maze ibitabo bikabumburwa, uzerekwa uruhande rugutsindisha: Bizaba ari ibyiza wagombye kuba warakoresheje utwo dufaranga duke dukusanyirijwe hamwe, ndetse n'amafaranga menshi wakoresheje mu migambi yo kwikunda gusa. (7)

Rinda Ifaranga Ryose Ndetse n'Urumiya: Ntimugapfushe ubusa amafaranga yanyu, ryaba ifaranga cyangwa se urumiya mugura ibintu bitari ngombwa. Mushobora gutekereza ko ayo mafaranga make make atagwira ngo abe menshi, ariko iyo yongeranyijwe aragwira. Turamutse tubishoboye, twagirira impuhwe umutungo ugenda ku bintu bitari bikenewe, haba ku myambaro no mu kunezeza inarinjye. Ubukene bw'uburyo bwose buranuma hirya no hino, kandi Imana yaduhaye inshingano yo gukora uko dushoboye kose tukagoboka abantu bamerewe nabi.

Uwiteka Imana ashaka ko ubwoko bwe bwajya buzirikana kandi bukigengesera. Yifuza ko bwakwiga kudasesagura mu bintu byose, kandi ntibugire ibintu bupfusha ubusa. (8)

Amafaranga dutanga buri munsi ku bintu bitari ngombwa, tukayatanga tuvuga tuti, «ni agaceri kamwe gusa,» bene ayo mafaranga agaragara ko ari make cyane. Ariko nukuba utwo dufaranga duke n'iminsi y'umwaka, ukabigira imyaka myinshi, uzasanga umubare w'amafaranga warabaye munini mu buryo utatekereza.(9)

Ntukigane Abaturanyi Bagendana n'Ibigezweho: Si byiza kwitwara nk'abaherwe, cyangwa gushaka kugaragara uko ari ko kose kurenze abo turi bo. Turi abayoboke bacishije bugufi b'Umukiza w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima. Niba abaturanyi bacu bubatse amazu kandi bakayarimbisha mu buryo twe tutemerewe kwigana, ntibikwiriye kutubuza amahoro. Mbega ukuntu Yesu yitegereza ibyo dutanga mu bwikanyize bwacu dushaka kunezeza irari ry'inda zacu, gushimisha abashyitsi bacu, cyangwa gukurikiza ibyo turarikira! Kugambirira kwigaragaza cyangwa kubyemerera abana bacu tugifiteho ububasha ni umutego kuri twe. (10).

Ibyabaye kuri Ellen G. White Akiri Umwangavu: Igihe nari mfite imyaka cumi n'ibiri y'ubukuru, nari nzi kuzigama icyo ari cyo. Mfatanyije n'umuvandimwe wanjye, nize umwuga runaka, kandi n'ubwo twashoboraga kwinjiza amadorari ahwanye n'amafaranga agera ku ijana na cumi ku munsi, twashoboraga gufata kuri ayo mafaranga maze tukagira make tuzigamira kuzatanga mu murimo w'ivugabutumwa. Twagiye tuzigama make make kugeza ubwo twagize amadolari mirongo itatu. Nuko ubwo ubutumwa bwo kwitegura kugaruka k'Umwami kwegereje bwatugeragaho hakenewe abantu babuvuga ndetse n'umutungo wo gukoresha, twumvise ari amahirwe tugize maze duha data ayo madolari

30, tumusaba kuyakoresha mu gucapisha impapuro nto n'udutabo byari zanditswemo ubutumwa maze bikohererezwa abantu bari bakiri mu mwijima . . .

Dukoresheje amafaranga twakuraga muri uwo mwuga wacu, jye n'umuvandimwe wanjye twiguriraga imyenda. Twashoboraga guha mama amafaranga, tukamubwira tuti: «Tugurire imyambaro, ku buryo numara kuyishyura hari buze kugira igisigara tuzatanga mu murimo wo kwamamaza ubutumwa.» Ibyo ni ko yabikoraga, bityo akarushaho kutwubakamo umwuka wo kuvuga ubutumwa. (11)

Rangwa no Kudasesagura Ugendeye ku Ihame: Abantu bafite ibiganza biramburiwe kuba igisubizo ku ihamagara risaba umutungo wo gushyigikira umurimo w'Imana no kugoboka abari mu kaga n'abakene ntabwo ari bo usanga badatekanye, batagira icyo bitaho cyangwa ngo bazarire mu byo bakora. Bahora iteka bigengesera ku bijyana n'amafaranga basohora mu yo binjiza. Birinda gusesagura bashingiye ku ihame; kandi bumva ko kuzigama ari inshingano bafite kugira ngo bazabashe kubona icyo batanga. (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol.4. pp. 572, 573.
2. *Manuscript* 31, 1897.
3. *Letter* 4a, 1902.
4. *Review and Herald,* August 21, 1894.
5. *The Youth's Instructor,* Sept. 10. 1907.
6. *Letter* 11, 1888.
7. *Review and Herald,* August 1, 1891.
8. *Letter* 21, 1898.
9. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 63.
10. *Letter* 8, 1889.
11. *The Youth's Instructior,* Sept. 10, 1907.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 573.

Igice Cya 63

KWIGISHA ABANA UBURYO BWO KUBONA AMAFARANGA NO KUYAKORESHA

Igisha Kwiyoroshya mu Buzima bwa buri Munsi: Ababyeyi bagomba kurera abana babo, bakabigisha kandi bakabatoza imico yo kwitegeka no kwigomwa. Bakwiriye guhora babibutsa inshingano bafite yo kumvira ijambo ry'Imana no kubumvisha ko babereyeho gukorera Yesu. Bagomba kwigisha abana babo ko bakeneye kubaho bakurikiza imico yo kwiyoroshya mu buzima bwabo bwa buri munsi, kandi bakirinda imyambaro ihenze, ibyokurya bihenda, amazu ndetse n'ibikoresho byo mu nzu bihenda. (1)

Igihe abana bakiri bato, bakwiriye kwigishwa gusoma, kwandika no kubara kugira ngo bashobore gucunga umutungo wabo. Bashobora kujya mbere, batera intambwe ku ntambwe bunguka ubu bumenyi. Ariko mbere ya byose, bakwiriye kwigishwa ko kubaha Uwiteka ari ryo shingiro ry'ubwenge. (2)

Urubyiruko Rukwiriye Kuzirikana Imari y'Umuryango: Urubyiruko rwugarijwe n'akaga kenshi binyuze mu bitekerezo bitari byo ku byerekeye imikoreshereze y'amafaranga. Urubyiruko ntirukwiriye kugendana amafaranga no kuyahabwa nk'aho hari isōko idakama bavomamo amafaranga ngo bahaze ibyo bibwira ko bakeneye byose. Amafaranga akwiriye gufatwa nk'impano twaragijwe n'Imana kugira ngo akore umurimo wayo kandi yubake ingoma yayo, ndetse urubyiruko rukwiriye kwigishwa gucubya ibyifuzo byarwo. (3)

Ntitukararikire ibintu byinshi ariko cyane cyane igihe umutungo winjira ngo ukoreshwe ibyo mu rugo udahagije. Ibyo mwifuza mujye mubihuza n'amikoro y'ababyeyi banyu. Uwiteka azazirikana umuhati mugira wo kutikanyiza kandi awubashimire ... Mujye mukiranuka muri bike. Ubwo ni bwo mutazaba mu kaga gaterwa no gukerensa inshingano zikomeye. Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Ukiranuka ku cyoroshye cyane, aba akiranutse no ku gikomeye. " Luka 16:10. (4)

Nimubigishe Agaciro k'Ifaranga: Amafaranga abasore babona batayavunikiye ntibazayaha agaciro. Abantu bamwe babona amafaranga ari uko bakoze cyane kandi bagize ibyo bigomwa, ariko se abo basore bazi aho

amafaranga bakoresha aturuka, bakamenya icyo imyambaro n'ibyokurya byabo bigura, ndetse bakamenya n'ikiguzi cy'inzu, abo baba batekanye bingana iki!

Hariho inzira nyinshi abana bashobora kuboneramo amafaranga kandi bashobora gukora uruhare rwabo bazanira ituro ry'ishimwe Yesu we watanze ubugingo bwe ku bwabo. … Bakwiriye kwigishwa ko amafaranga baronka atari ayabo ngo mu bunararibonye bwabo buke bayikoreshereze uko bishakiye, ahubwo bagomba kuyakoresha uko bikwiriye kandi bakayatanga muri gahunda zo kwamamaza ubutumwa. Ntibakwiriye gushimishwa no kwaka amafaranga ababyeyi babo ngo bayatange ho ituro kandi atari ayabo bwite. Bakwiriye kwibaza bati: "Mbese nzatanga ituro ku butunzi ntigeze mvunikira?" (5)

Hariho ikintu kibi cyo guha abana bacu ubufasha budakwiriye. Abigwariza bakiga kaminuza nibo bishimira amahirwe bafite kuruta abahabwa n'undi muntu ibyo bakeneye kubera ko abirwanaho baba bazi icyo bibasaba. Ntidukwiriye guheka abana bacu kugeza ubwo baduhindukira imitwaro igoye. (6)

Ababyeyi bakosa ku bijyanye n'inshingano yabo iyo batanga amafaranga uko bishakiye bakayaha umusore ufite imbaraga z'umubiri zo kuba yagira amasomo yiga agahinduka umugabura cyangwa se umuganga nyamara nta bunararibonye yigeze agira mu gukora umurimo usaba imbaraga kandi w'ingirakamaro. (7)

Mujye Mushishikariza Abana Kwinjiza Amafaranga yabo Bwite: Abana benshi batuye ahatari mu mujyi bashobora kugira akarima gato bashobora kwigiramo guhinga. Bashobora kwigishwa kubyaza amafaranga ako karima maze bakajya bayatanga mu murimo w'Imana. Abahungu n'abakobwa bashobora gukora uyu murimo; kandi nibigishwa nk'uko bikwiriye, uyu murimo uzabigisha bamenye agaciro k'amafaranga n'uburyo bwo kudasesagura. Uretse gukusanya amafaranga azakoreshwa muri gahunda z'ivugabutumwa, bishoboka ko abana bafasha mu kugura imyambaro yabo bwite, kandi rero bakwiriye gushishikarizwa kugenza batyo. (8)

Ntimugashyigikire Gukoresha Amafaranga Ntacyo Bitayeho: Mbega amafaranga menshi twaya ku bintu bidafite akamaro mu ngo zacu, ku mitako yo ku myenda ndetse n'imyenda y'imideli y'akataraboneka! Mbega amafaranga dutanga ku biribwa bigizwe n'amasukari no ku bindi bintu by'ikirenga bidakenewe! Babyeyi, nimwigishe abana banyu bamenye ko gukoresha amafaranga y'Imana banezeza kamere yabo ari ikosa rikomeye . … Mujye mubatera umwete wo kujya bazigama uduceri twabo aho bishoboka hose kugira ngo bazakoreshe ayo mafaranga mu



murimo w'ivugabutumwa. Binyuze muri uko kwigomwa, bazunguka ubunararibonye bukomeye, kandi ayo masomo bazaba bize akenshi azabarinda ingeso yo kutirinda. (9)

Abana bashobora kwigishwa kugaragaza urukundo bakunda Kristo bigomwa ibyokurya biryoherera bitari ngombwa kubera ko kubigura bibatwara amafaranga menshi akabaca mu myanya y'intoki. Uyu murimo wo kwigisha abana ukwiriye gukorerwa muri buri muryango. Bisaba ubwenge n'uburyo bwakoreshwa, ariko buzaba uburere buhebuje ubundi abana bashobora guhabwa. Iyaba abana bato bose bazaniraga Uwiteka amaturo yabo, impano zabo zaba nk'amasoko mato ahurizwa hamwe maze yafungurwa, akaba yahindukamo uruzi runini." (10)

Gira agaseke cyangwa agasanduku ushyira ahantu hihariye mu ruganiriro cyangwa ahandi hantu gashobora kugaragara, maze abana bajye bashyiramo amaturo bazatura Uwiteka . ... Muri ubwo buryo bashobora gutorezwa gukorera Imana. (11)

Mwigishe Abana Gutanga Icyacumi n'Amaturo: Ntabwo Uwiteka asaba icyacumi cyonyine ngo abe ari cyo kiba icye, ahubwo atubwira n'uburyo dukwiriye kukimuzigamira. Aravuga ati: "Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe n'umuganura w'ibyo wungutse byose." (Imigani 3:9). Aya magambo ntatwigisha ko tugomba gukoresha umutungo wacu twikenura ngo tuzanire Uwiteka ibisigaye, kabone n'ubwo ibyo bisigaye byaba ari icyacumi gishyitse. Nimureke umugabane wahariwe Uwiteka abe ari wo tubanza gushyira iruhande. Amabwiriza yatanzwe n'Umwuka Wera binyuze mu ntumwa Pawulo yerekeye impano dutanga, aduha ihame rikurikizwa no ku cyacumi. Ayo mabwiriza aravuga ati: "Ku wa mbere w'iminsi irindwi umuntu wese muri mwe ajya abika iwe ibimushobokera." (1Abakorinto 16:2). Aya mabwiriza areba abana n'ababyeyi babo. (12)

Ikosa Rikorwa Rimwe na Rimwe n'Ababyeyi Bifite: Akenshi ubuzima umwana akuriramo buzamuhinduraho byinshi kurusha n'urugero ababyeyi be bamuha. Hariho ababyeyi bakungahaye baba biteze ko abana babo baba nk'uko nabo bari bameze mu busore bwabo, bityo abo bana bataba bameze nk'uko nabo bari bameze ari abasore, ugasanga ababyeyi babavebera imyitwarire mibi bagira. Nyamara, ababyeyi ntibakwiriye kwitega ko abana babo bazitwara nk'uko nabo bitwaraga mu busore bwabo keretse gusa babashyize mu buzima busa n'ubwo nabo babayemo. Ibyo se w'abana aba yaranyuzemo mu buzima bwe biba byaramugize uwo ari we. Mu busore bwe aba yaratsikamiwe n'ubukene kandi byaramusabaga gukora cyane adakebakeba ndetse anihangana. Imico ye yatunganirijwe mu ishuri rikakaye ry'ubukene. Yahatirwaga kutishyira mu rwego rwo hejuru mu byo yifuzaga, ntiyigande ku murimo we, kandi akiyoroshya mu byo akunda kurarikira. Yagombaga gushyira ingufu ze zose mu murimo we kugira

ngo abone ibyokurya n'ibyo kwambara. Byamusabaga kandi kudasesagura akazigama.

Ababyeyi b'abagabo bakoresha imbaraga kugira ngo bashyire abana babo ku rwego rw'abakire bifite aho kubatangiza nk'uko na bo batangiye. Iryo ni ikosa ababyeyi benshi bahuriyeho. Iyaba abana bo muri iki gihe babanzaga kwigira mu ishuri nk'iryo ababyeyi babo bigiyemo, byatuma bahinduka ingirakamaro nk'ababyeyi babo. Ba se b'abana bononnye imibereho y'abana babo. Se w'abana aba yarigishijwe n'ubukene; none umwana akikijwe n'ibimusagutse. Ibyo umwana yifuza byose arabihabwa. Imico ya se yatunganyijwe biciye mu kwimenyereza kudasesagura ibyokurya n'amafaranga; kandi se yanyurwaga n'ututu n'iyo twabaga ari utw'agaciro gake. Ingeso n'imico by'umwana we ntibizaremwa n'ubuzima buruhije se yigeze kunyuramo, ahubwo bizaremwa n'uko abayeho muri iki gihe – ari bwo buzima bwo kudamarara no kwinezeza ... None se igihe ubuzima bwo kwinezeza gusa buri ahamukikije hose, wabwima umwana ute? (13)

Umurage Uruta Indi Ababyeyi Bashobora Guha Abana: Umurage uhebuje indi ababyeyi bashobora gusigira abana babo ni ukuba bazi gukora umurimo w'ingirakamaro, kandi bakababera urugero rwiza rw'imibereho irangwa no kugira ubuntu nta vangura. Kubw'imibereho nk'iyo, berekana agaciro nyakuri k'amafaranga, bakerekana ko amafaranga agomba kwishimirwa gusa hashingiwe ku byiza azakora mu gukemura ubukene bwabo bwite, mu kugoboka abandi mu byo bakeneye, no mu guteza imbere umurimo w'Imana. (14)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Review and Herald,* November 13, 1894.
2. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 168,169.
3. *Testimonies for the Church,* Vol.6. pp. 214, 215.
4. *Manuscript* 2, 1903.
5. *Letter 11,* 1888.
6. *Letter* 50, 1895.
7. *Letter* 103, 1900.
8. *Letter* 356, 1907.
9. *The Youth's Instructor* Nov,1, 1904.
10. *Review and Herald,* Dec. 25, 1900.
11. *Manuscript* 128, 1901.
12. *Review and Herald,* Nov. 10, 1896.
13. *Manuscript* 58, 1899.
14. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p. 399.



Igice Cya 64

UBUNYANGAMUGAYO MU BYO UMUNTU AKORA

Bibiliya ni Isoko y'Amahame Ngenderwaho mu Byo Umuntu Akora: Nta shami ry'umurimo wose ukorwa wemewe n'amategeko Bibiliya itahayeho abantu umwiteguro ukwiriye. Amahame yerekeye gukorana umurava, kuba inyangamugayo, gucunga umutungo neza, kwirinda ndetse n'ubutungane, ibyo byose ni byo banga ryo kugera ku bintu nyakuri abantu barangamira. Ayo mahame, nk'uko yanditswe mu gitabo cy'Imigani, ni ikigega cy'ubutunzi bw'ubwenge bwifashishwa mu bikorwa bifatika. Mbese umucuruzi, umunyabukorikori, umuyobozi w'abantu mu ishami iryo ari ryo ryose ry'imirimo, ni hehe bashobora kubona imigani myiza imwerekeyeho cyangwa iyerekeye abakozi be iruta iyo dusanga muri aya magambo yavuzwe n'umunyabwenge agira ati:

"Hari umuntu w'umunyamwete mu byo akora ubonye? Bene uwo azaba imbere ku mwami; ntazakorera abagufi." Imigani 22:29.

"Umurimo wose utera inyungu; ariko amazimwe y'ururimi atera ubukene agatubya." Imigani 14:23.

"Umutima w'umunyabute urifuza kandi nta cyo ari bubone; ariko umutima w'umunyamwete uzahazwa." Imigani 13:4

"Kuko umusinzi n'umunyandanini bazakena, kandi umunyabitotsi bizamwambika ubushwambagara." Imigani 23:21 . . . .

Mbega abantu benshi bagombye kuba bataraguye mu bihombo no kutagera ku byo bifuza mu by'imari iyo bumvira imiburo yagiye isubirwamo kenshi kandi igashimangirwa mu Byanditswe byera!

"Umunyamurava agwiza imigisha myinshi; ariko uwihutira kuba umukire ntazabura guhanwa." Imigani 28:20.

"Ubutunzi bw'amahugu buzagabanuka; ariko urundarunda ibintu avunika, azunguka." Imigani 13:11.

"Ubutunzi bushakishwa ururimi rubeshya, buyoyoka nk'umwuka, ababushaka baba bashaka urupfu." Imigani 21:6.

"Umukire ategeka umukene; kandi uguza aba ari nk'umugaragu w'umugurije." Imigani 22:7.

"Uwishingira uwo atazi, bizamubabaza; ariko uwanga kwishingira, azaba amahoro," Imigani 11:15. (1)

Itegeko rya munani riciraho iteka . . . ubusambo n'ubujura. Risaba kuba inyangamugayo mu tuntu duto uko tungana kose mu mibereho yacu. Ribuzanya uburiganya mu bucuruzi kandi risaba ko umuntu yishyura imyenda cyangwa ibihembo agomba kwishyura. (2)

Uburiganya Butesha Agaciro Ubwenge n'Imico by'Umuntu: Umuntu urangwa no kubeshya cyangwa akariganya atakaza kwiyubaha yari afite. Ashobora kuba atazirikana ko Imana imureba kandi izi ibyo akora byose byerekeye ubucuruzi bwe, ndetse ko abamarayika bera bagenzura impamvu zimutera gukora ibyo akora kandi ko batega amatwi amagambo avuga, kandi akaba azagororerwa ibikwiriye ibyo yakoze. Ariko n'iyo byashoboka ko ibikorwa bye bibi abihisha amaso y'abantu n'ay'Imana, kuba ubwe azi neza ibibi akora bitesha agaciro ubwenge n'imico bye. Igikorwa kibi kimwe ntigishobora kugaragaza imico y'umuntu, ahubwo gisenya ibihindizo, maze ikigeragezo gikurikiyeho kikakiranwa ubwuzu maze amaherezo umuntu agatora ingeso yo kubeshya n'uburiganya mu bucuruzi bwe, bityo umuntu akaba atakibashije kugirirwa icyizera. (3)

Uko turiganya bagenzi bacu mu bintu bito cyangwa se tukabeshya mu bintu bikomeye, uko ni ko tuzajya turiganya Imana. Abantu bakomeza kwihambira mu migirirre yabo irangwa n'uburiganya bazakomeza kurangwa n'ayo mahame yabo kugeza ubwo bazajya babeshya ubugingo bwabo ubwabo maze amaherezo bakazabura ijuru n'ubugingo buhoraho. Bene abo bazagurana icyubahiro cyabo n'idini yabo inyungu nto y'iby'isi. (4)

Mwirinde Imyenda: Imiryango myinshi ikennye ibiterwa ahanini n'uko amafaranga babonye bahita bayakoresha bakiyabona. (5)

Mukwiriye kureba ko umuntu atajya acunga ibye mu buryo butuma afata imyenda.... Iyo umuntu yishoye mu gufata imyenda, aba yaguye muri umwe mu ncundura za Satani agenda atega ubugingo bw'abantu....

Gufata amafaranga no kuyakoresha ku mpamvu iyo ari yo yose utarayinjiza wayakoreye ni umutego. (6)

Inama Zagiriwe Umuntu Wabagaho Ubuzima Burengeje Ibyo Yinjiza: Ntukwiriye kwemera kwiteza ingorane mu by'ubukungu kubera ko kuba ubereyemo abantu imyenda bigwabiza ukwizera kwawe kandi bikaguca intege. Ndetse no gutekereza kuri iyo myenda ubwabyo bijya kuguhindura igicamuke. Ukeneye kugabanya umubare w'ibintu utangaho amafaranga kandi ugaharanira gukemura izo ntege nke zirangwa mu mico

yawe. Ushobora kandi ukwiriye gukoresha umwete utajenjetse ugategeka ingeso yawe yo gukoresha umutungo urenze uwo winjiza. (7)

Umurimo w'Imana Ushobora Kugawa: Ab'isi bafite uburenganzira bwo kwitega kubona ubunyangamugayo budakebakeba mu bantu bavuga ko ari Abakristo bakurikiza Bibiliya. Bitewe n'umuntu umwe utagira icyo yitaho mu bijyanye no kwishyura imyenda abereyemo abandi, bituma abantu bacu bose bafatwa ko atari abiringirwa. (8)

Abantu bavuga ko bubaha Imana mu buryo ubwo ari bwo bwose bakwiriye kugaragaza neza inyigisho bemera, maze ntibatange urwaho rwatuma ukuri guhinyurwa bitewe n'imikorere yabo idakwiriye. Intumwa Pawulo aravuga ati: "Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana." (Abaroma 13:8). (9)

Inama Igirwa Umuntu Ufite Imyenda: Ukwiriye kumasha ntiwongere gufata umwenda. Emera kwigomwa ibintu igihumbi aho kugira ngo ujyemo imyenda. Kujya mu myenda byabereye umuvumo ubugingo bwawe. Irinde umwenda nk'uwirinda ubushita.

Ngaho sezeranira Imana ko kubwo gufashwa na Yo uzishyura imyenda yose ugasigara nta muntu n'umwe ufitiye umwenda nuramuka wemeye gutungwa n'igikoma n'umugati. Biroroshye cyane ko ukura ibiceri makumyabiri na bitanu mu mufuka ukabitanga ku bintu by'ikirenga bitari bikenewe mu gihe utegura ameza yawe.... Ita ku gucunga neza amafaranga ufite, bityo azicunga ubwayo. Udufaranga duke ukuye hano, n'utundi ukuye hariya ni yo akoreshwa mu bintu nk'ibyo; kandi iyo yongeranyijwe ni yo ageraho agahindukamo amafaranga menshi. Nibura, gerageza kwigomwa igihe ugoswe n'imyenda impande zose... Ntucike intege kandi ntucogore cyangwa ngo usubire inyuma. Igomwe ibikuryohera, igomwe ibyokurya n'ibyo kunywa, izigamire amafaranga maze wishyure imyenda ufite. Ikiranure na yo vuba bishoboka. Igihe uzaba wongeye guhagarara ufite umudendezo, nta muntu n'umwe ubereyemo umwenda, uzaba ugeze ku ntsinzi ikomeye. (10)

Girira Impuhwe Abakubereyemo Imyenda Bahuye n'Ibibazo: Niba hari abantu bamwe barimo umwenda kandi mu by'ukuri bakaba badashoboye kuzuza inshingano zabo, ntabwo bakwiriye guhatirwa gukora ibirenze ubushobozi bwabo. Bakwiriye guhabwa amahirwe mu buryo bukwiriye kugira ngo bazishyure uwo mwenda, ntibashyirwe aho usanga batashobora na gato kwigobotora umwenya bafashe. Nubwo bene iyo migirire yafatwa ko ari ubutabera bahawe, ntabwo ari imbabazi n'urukundo by'Imana baba bakiriye. (11)

Akaga Gaterwa no Gukabya: Hari abantu bamwe batigengesera bityo ugasanga bafata n'imyenda yashoboraga kwirindwa. Abandi nabo bagira

amakenga agaragaza ko nta kwizera bafite. Kubwo kubyaza umusaruro amahirwe abonetse, akenshi dushobora gushora amafaranga tugamije ko umurimo w'Imana uzongererwa imbaraga kandi ukubakwa, ariko kandi tugashikama ku mahame atunganye tudakebakeba. (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe

1. *Uburezi*, pp. 138-140.
2. *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.250.
3. *Testimonies for the Church*, Vol. 5. p. 306.
4. *Review and Herald*, Sept. 18, 1888.
5. *Imana ku Busonga*, p. 245.
6. *Letter* 63, 1897.
7. *Letter* 48, 1888.
8. *Testimonies for the Church*, Vol.5, p. 179.
9. *Id.*, Vol. 5, pp.181,182.
10. *Inama ku Busonga*, p. 236.
11. *Manuscript* 46, 1900.
12. *Manuscript* 20, 1891.

Igice Cya 65

GUTEGANYIRIZA EJO HAZAZA

Kugira Urugo Rwawe no Kuzigama Ubigereranyije n'Ingeso yo Kwaya: Mwene Data na mushiki wanjye B. ntibize ibyerekeye kudasesagura. … Bashaka gukoresha amafaranga yose uko bagenda, uko yaba ari menshi kose. Uko bafashe urugendo baba bashaka kwinezeza, bityo igihe amakuba azaba abugarije bazasangwa batiteguye na mba. … Iyo mwene Data na mushiki wacu B. baza kuba barabaye abacungamutungo badasesagura, bakajya bigomwa, ubu baba baramaze kugira inzu yabo bwite, kandi ikigeretse kuri ibyo baba baragiye babika amafaranga bakwifashisha ibihe bikomeye. Ariko ntibigeze bazigama nk'uko abandi babikoze, ndetse na ba bandi bahoze babatezeho amakiriro. Nibakomeza gusuzugura kwiga aya masomo yo kudasesagura, ku munsi w'Imana imico yabo izasangwa idatunganye. (1)

Iyi Nama Ishobora Kugufasha: Wamaze igihe ukora ubucuruzi bwashoboraga kenshi kukwinjiriza amafaranga menshi. Umaze kunguka amafaranga menshi, ntiwize kudasesagura uteganyiriza igihe kwinjiza umutungo mu buryo bworoshye nk'ubu bitazaba bishoboka, ahubwo wakoreshaga amafaranga menshi uyatanga ku byo wibwiraga ko ukeneye. Iyo wowe n'umugore wawe muza gusobanukirwa ko Imana yabahaye inshingano yo kuzibukira ibyo murarikira n'ibyo mwifuza kandi mugateganyiriza ahazaza aho kubaho mureba ubuzima bw'uyu munsi gusa, ubu muba mufite ubushobozi kandi umuryango wanyu nawo uba utunganiwe mu mibereho yawo. Mufite icyigisho mukwiriye kwiga … Ni icyo kujya mukoresha ibintu bike bike kugira ngo bimare igihe kirekire. (2)

Inama Yahawe Umuryango Ukwiriye Guhora Uzigama: Uyu munsi mwagombye kuba mufite umutungo mwinshi w'igishoro mwakoresha igihe hari ibitunguranye no gushyigikira umurimo w'Imana iyaba mwari mwarazigamye uko mwari mushoboye. Buri cyumweru muba mukwiriye kubika umugabane runaka w'ibihembo byanyu kandi mukirinda kuwukoraho, keretse gusa habahaye ikibazo kigaragara, cyangwa se igihe cyo kugarurira ituro Uwayabahaye ari we Mwami Imana. …

Umutungo wungutse ntiwigeze ukoreshwa neza nta gusesagura ku buryo wagira ayo wisigira yakugoboka mu burwayi kandi ngo ubure icyo uzanira umuryango wawe cyo kuwunganira. Bibaye ngombwa ko ugera ahantu hagoye, umuryango wawe ukwiriye kuba ufite ikintu wakwishingikirizaho cyawugoboka. (3)

Undi Muryango Wagiriwe Inama yo Kugira Konti yo Kuzigama: Buri cyumweru mukwiriye kugira ahantu hizewe mujya mubika amadolari atanu cyangwa icumi atagomba gukoreshwa keretse igihe hagize urwara gusa. Mu kuzigama ushobora kugira icyo ubika kikazaguhesha inyungu. Hamwe no gucunga umutungo neza nyuma yo kwishyura imyenda murimo mushobora kujya mugira icyo mwizigamira. (4)



Namenye umuryango winjizaga amadolari makumyabiri buri cyumweru ukayakoresha yose ntihagire n'igiceri gisigara, mu gihe undi muryango na wo ugizwe n'abantu bangana n'uwo wo winjizaga amadolari cumi n'abiri mu cyumweru, ariko ukazigama idorali rimwe cyangwa abiri mu cyumweru. Bashoboraga kugenza batyo babikesheje kwirinda kugura ibintu bidasaga n'aho bikenewe ariko bakaba babaho batabifite. (5)

Tuma Umutungo Wawe uba Utekanye kubwo Guteguza Urage: Ibisonga bikiranuka by'umutungo w'Uwiteka bizajya bimenya uko imirimo n'umutungo wabyo bihagaze, nk'abantu b'abanyabwenge, bibizajya bihora byiteguye kugoboka aho ari ho hose. Baramutse bapfuye mu buryo butunguranye, ntibasiga guhagarika umutima gukomeye ku ruhande rw'ababa bahamagariwe gutunganya imicungire y'ibintu basize.

Abantu benshi ntibagira icyo bitaho ku bijyanye no gukora irage igihe bigaragara ko bagifite amagara mazima. Ariko bene Data bakwiriye kwigengesera kuri iki. Bakwiriye kumenya uko umutungo wabo uhagaze kandi ntibakwiriye kwemera ko ibijyana n'umutungo wabo biba mu kajagari. Bakwiriye gushyira ku murongo iby'umutungo wabo ku buryo bashobora kuwusiga igihe icyo ari cyo cyose.

Irage rikwiriye gukorwa mu buryo buhuje n'uko amategeko abiteganya. Iyo imirage imaze kwandikwa, ishobora kugumaho imyaka myinshi kandi ntigire icyo yangiriza n'igihe hari impano zikomeje gutangwa uko ibihe biha ibindi n'umurimo w'Imana ukaba ukeneye amikoro. Bene Data, kuba mwaranditse irage ntibivuze ko urupfu ruzaza hutihuti. Mu gutanga umurage kubo muhuje umuryango, mujye muzirikana ko mutibagiwe umurimo w'Imana. Muri abakozi bayo, yabaragije umutungo wayo; bityo ibyo ibasaba byagombye kugirwa nyamwabere. Birumvika ko umugore wawe n'abana bawe badakwiriye gusigarirana aho; ukwiriye guteganya ibizabunganira niba babikeneye. Ariko rutuzigere ugira urutonde rurerure rw'abo mufitanye isano bazagira icyo bahabwa mu murage niba atari abakene, ngo ni uko ari ko bigenda mu mwuco wanyu. (6)

Jya Wibuka Umurimo w'Imana Igihe Ukiriho: Ntihakagaire utekereza ko azaba ahuje n'ubushake bwa Kristo igihe azaba arundanya ubutunzi mu gihe cy'ubuzima bwe bwose hanyuma yagera igihe cyo gupfa agakaba ari bwo agira umugabane w'ibyo atunze yegurira gukoreshwa mu mirimo y'ubugiraneza. (7)

Abantu bamwe mu mibereho yabo yose bagundira ubutunzi bwabo mu buryo bw'ubwikanyize, bakiringira ko bazakosora iryo kosa igihe bazibukira umurimo w'Imana bari gutanga umurage. Nyamara, nta na kimwe cya kabiri cy'uwo murage weguriwe umurimo w'Imana usanga gikoreshwa mu

byo umuntu yavuze neza ko bizakoreshwamo. Bene Data na bashiki banjye, mwe ubwanyu nimwibikirize muri banki yo mu ijuru, kandi inshingano yanyu y'ubusonga ntimuzayisigire undi muntu. (8)

Si Byiza ko Umubyeyi Ahererereza Ubusonga bwe ku Bana: Ababyeyi bakwiriye gutinya cyane kwegurira abana babo impano z'ubutunzi Imana yabashyize mu biganza, keretse gusa baramutse bafite igihamya nyakuri cy'uko abo bana bita cyane ku murimo w'Imana, bawukunda kandi bawitangira kurenza uko bo ubwabo babikoraga; ndetse ko abo bana bazaba indahemuka bakagira n'ubwuzu cyane bwo guteza imbere umurimo w'Imana; ndetse bakarushaho kugira ubuntu mu guteza imbere imishinga ifitanye isano nawo isaba amikoro. Ariko ababyeyi benshi bashyira imitungo yabo mu maboko y'abana babo, bityo bakivanaho inshingano yabo y'ubusonga babitewe n'uko Satani ari we ubasunikira kugenza batyo. Iyo bakoze batyo, baba bashyize umutungo wabo mu maboko y'umwanzi. Satani akora ku buryo uwo mutungo ukoreshwa mu mugambi we bityo umurimo w'Imana akawambura amikoro wari ukeneye kugira ngo ushyigikirwe bihagije. (9)

Umuvumo Uterwa n'Ubutunzi Bwarundanyijwe: Abantu baronka ubutunzi bafite umugambi wo kuburundanya gusa, basigira abana babo umuvumo w'ubutunzi. Ni icyaha, icyaha cy'inkoramaraso ndetse icyaha gishyira ubugingo mu kaga gakomeye kubona ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bagenza batyo, ndetse iki cyaha kiragenda kikazakurikirana n'urubyaro rwabo. Akenshi abana batagaguza amafaranga yabo mu bupfapfa, mu mibereho yo kuvuyarara biyandarika, kugeza ubwo batunzwe no gusabiriza. Ntibamenya agaciro k'umurage bahawe bakaba barawaye. Iyaba ababyeyi babo bombi barabahaye urugero rukwiriye, atari mu kurundanya umutungu gusa, ahubwo n'uburyo bwo kuwusangira n'abandi, baba baribikiye ubutunzi mu ijuru kandi muri iyi si bakahabona inyungu y'amahoro n'umunezero, bakazagira n'ubutunzi bazahorana iteka ryose mu buzima buzaza. (10)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 3 pp. 30, 31.
2. *Id.,* Vol. pp. 342, 433.
3. *Letter,* 1887.
4. *Letter* 49, 1884.
5. *Letter* 156, 1901.
6. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 482.
7. *Review and Herald,* Feb. 27, 1894.
8. *Review and Herald,* Oct. 12, 1886.
9. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 655.
10. *Letter* 20, 1897.

UMUGABANE WA 14

KURINDA INZIRA ZIGANA MU MUTIMA

IGICE CYA 66

IBYANZU BY'UMUTIMA TUGOMBA KURINDA

Impamvu Imana Yaduhaye Amaso, Amatwi n'Ururimi: Imana yahaye abantu amaso kugira ngo babashe kwitegereza ibintu byiza bitangaje biboneka mu mategeko yayo. Yabahaye amatwi yo kumva kugira ngo ajye yumva ubutumwa bw'Imana buvugwa n'umubwiriza. Imana yahaye abantu impano yo kuvuga kugira ngo babashe kubwira abandi ibya Kristo Umukiza ubabarira ibyaha. Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa. (Abaroma 10:10) (1)

Uburyo Satani Yinjira mu Mutima: Abantu bose bakwiriye kurinda imyanya myumviro yabo, iyo bitabaye bityo Satani arayigarurira kuko ari inzira zigana mu mutima. (2)

Niba mushaka kugenga intekerezo zanyu no kwirinda ibitekerezo by'amanjwe kandi byononekaye, muzaba musabwa guhinduka abarinzi bakiranuka b'amaso yanyu, amatwi yanyu n'indi myanya myumviro yose. Imbaraga z'ubuntu bw'Imana zonyine ni zo zishobora gukora uyu murimo ukenewe cyane kurusha indi. (3)

Satani n'abamarayika be barakora ubutaruhuka bagusha ikinya imyanya myumviro kugira ngo abantu batumva inama, imiburo no gucyahwa bahabwa; cyangwa se ngo nibaba banabyumvise byoye kugira icyo bikora ku mutima kandi ngo bihindure imibereho. (4)

Bavandimwe dusangiye kwizera, Imana irabahamagara, mwebwe nk'abayoboke bayo kugira ngo mugendere mu mucyo. Mukeneye kuburirwa. Icyaha kiri muri twe, nyamara ntitukibona mu buremere bwacyo bukabije. Imyanya myumviro y'abantu benshi yamaze kugushwa ikinya no gukabya mu gushimisha ipfa ry'inda ndetse no kumenyerana n'icyaha. Dukeneye gutera intambwe tukarushaho kwegera ijuru. (5)

Amayeri ya Satani ni Ukujijisha Ibyumviro by'Abantu: Umurimo wa Satani ni uwo gutera abantu guhinyura Imana, gupfukirana intekerezo no kuzitera guhugirana kugira ngo Imana itaba mu bitekerezo byabo. Uburere bahawe bwabaye ubwo kujijisha intekerezo zabo no gupfukirana umucyo nyakuri. Satani ntashaka ko abantu bamenya Imana; kandi biramushimisha

cyane iyo ashoboye gutangiza imikino n'amakinamico bizateza urujijo mu myanya myumviro y'abasore n'inkumi kugira ngo abantu bazarimbukire mu mwijima nyamara umucyo umurikira ahabakikije hose. (6)

Satani Ntashobora Kwinjira mu Ntekerezo zacu Tutamwemereye: Dukwiriye kubwira abantu ukuri kuvuga ko Imana yateganyije ko tudashobora kugeragezwa ibirenze ibyo dushobora kwihanganira, ko ahubwo mu bitugerageza byose izaducira icyanzu. Niba tubereyeho Imana tutizigamye, ntituzakundira intekerezo zacu kwinjira mu bitekerezo by'ubwikanyize.

Nihaboneka inzira iyo ari yo yose Satani ashobora kunyuramo akinjira mu ntekerezo, azabibamo urukungu rwe maze arutere gukura kugeza ubwo ruzatanga umusaruro utubutse. Ntibishoboka na gato ko Satani yategeka intekerezo zacu, amagambo yacu n'ibikorwa byacu, keretse gusa twe ubwacu turamutse tumukinguriye ku bushake bwacu maze tukamurarikira kwinjira. Ubwo ni bwo azinjira, maze kubwo kurandura imbuto nziza yabibwe mu mutima atume ukuri kutera umusaruro wako. (7)

Kinga Ibyanzu Byose Umushukanyi Yakwinjiriramo: Abantu bose bitirirwa izina rya Kristo bakeneye kuba maso no gusenga. Bakwiriye no kurinda inzira zigana mu bugingo, kubera ko Satani akora ubudahwema kugira ngo yangirize kandi arimbure ubugingo aramutse ahawe amahirwe n'ubwo yaba make ate. (8)

Gutinda dutekereza ku nyungu twabona binyuze mu kumvira ibyo Satani atwongorera nta mahoro byaduhesha. Ku bugingo bw'umuntu wese wirundurira muri cyo, icyaha gisobanuye gukorwa n'isoni ndetse n'akaga. Nyamara mu miterere yacyo, icyaha gihuma umuntu amaso kandi kirashukana, ndetse kizajya kitureshyareshya cyifashishije ibyo kitwereka kidushyeshyenga. Iyo tugerageje gukinira ku rubuga rwa Satani, nta byiringiro tuba dufite by'uko dushobora kurindwa imbaraga ze. Dukwiriye gukora uko dushoboye kose tugakinga ibyanzu byose umushukanyi ashobora gucamo akinjira muri twe. (9)

Mbese igihe cy'igishuko ni nde wamenya ingaruka ziteye ubwoba zizava ku ntambwe imwe mbi azaba yateye ahubutse! Umutekano wonyine dufite ni ukurindwa n'ubuntu bw'Imana buri kanya kose, no kutiyambura amaso yacu y'iby'umwuka ku buryo kuyiyambura byadutera kwita ikibi icyiza n'icyiza tukaba twacyita ikibi. Tutiriwe tujijinganya cyangwa ngo tubijyemo impaka tugomba gukinga no kurinda inzira zose zinjira mu bugingo kugira ngo ikibi kitabwinjiramo. (10)

Buri Mukristo akwiriye guhora ari maso, akarinda inzira yose igana mu mutima we Satani ashobora kwinjiriramo. Agomba gusenga asaba gufashwa n'Imana ari nako arwanya igitekerezo cyose kimuganisha ku

cyaha atajenjetse. Ashobora kunesha bitewe n'ubutwari bwe, kwizera kwe no gukorana umuhati adacogora. Ariko akwiriye kwibuka ko kugira ngo aneshe Kristo agomba kuba muri we, na we akaguma muri Kristo. (11)

Jya Wirinda Gusoma, Kureba no Kumva Ibibi: Intumwa Petero yashatse kwigisha abizera uburyo ari ingenzi kwirinda kwerekeza ibitekerezo byabo ku nyigisho zibuzanijwe cyangwa ngo bakoreshe imbaraga zabo bavuga ku ngingo zidafite agaciro. Abadashaka kugwa mu mutego w'uburiganya bwa Satani bagomba kurinda mu buryo bwose inzira ibyinjira mu bugingo bwabo binyuramo. Bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibyabatera kugira intekerezo zanduye. Ibitekerezo ntibikwiriye kurekwa ngo bitinde ku ngingo yose ibonetse umwanzi w'abantu ashobora kubishyira imbere. Umutima ugomba kurindwa neza, nibitaba bityo ibibi bivuye hanze bizabyutsa ibiri imbere ku buryo umuntu azarindagirira mu mwijima. (12)

Ikintu cyose gishobora gukorwa gikwiriye gukorwa kugira ngo twe n'abana bacu tubashe kuba aho tutazabona ibyo gukiranirwa bikorerwa mu isi. Twari dukwiriye kurindana ubushishozi ibyo amaso yacu areba n'ibyo amatwi yacu yumva kugira ngo ibyo bintu biteye ishozi bye kwinjira mu ntekerezo zacu. Iyo ikinyamakuru kigeze mu rugo, numva nshatse kugihisha kugira ngo he kugira umuntu ubona ibintu by'amanjwe kandi bikangura irari n'iruba. Bisa n'aho umwanzi ari we shingiro ryo gutangazwa kw'ibintu byinshi bisohoka mu binyamakuru. Ikintu cyose gishingiye ku cyaha abantu bashobora kubona kirerekanwa kigashyirwa ku mugaragaro imbere y'abatuye isi bose. (13)

Kugira ngo babe abanyabwenge, abashobora kugira ubwenge bukomoka ku Mana bagomba guhinduka abapfapfa mu bijyanye n'ubumenyi bwuzuye icyaha buranga abo muri iki gihe. Bakwiriye guhuma amaso yabo kugira ngo batareba kandi batiga ikibi. Bakwiriye gufunga amatwi yabo kugira ngo batumva ikibi, kandi batakira ubumenyi bushobora kwanduza gutungana kw'ibitekerezo n'ibikorwa byabo. Bakwiriye kandi kurinda ururimi rwabo kugira ngo batavuga amagambo mabi kandi ngo ibinyoma bibe byaboneka mu kanwa kabo. (14)

Gukingura Urugi Bigwabiza Ubushobozi bwo Gutsinda: Ntukageragere kureba uburyo wagendera ahegereye imanga cyane wibwira ko utayigwamo. Uzirinde intambwe ya mbere watera wegera ahari akaga. Inyungu z'iby'ubugingo ntizikwiriye gukinishwa. Imico yawe ni iyo mutungo wawe. Ujye uyirinda uyisigasire nk'uko wagenza ubutunzi bw'izahabu. Ubutungane mu mico mbonera no kwiyubaha ari byo mbaraga ikomeye ibashisha gutsinda bikwiriye gusigasigwa iteka nta kujenjeka. Ntihakwiriye guterwa intambwe n'imwe itandukira kwifata. Igikorwa kimwe cyo kumenyerana n'ikibi, cyangwa guteshuka gukozwe rimwe gushobora gishyira ubugingo mu kaga kugakingura urugi rw'igishuko, bityo imbaraga zo guhangana n'igishuko zigatentebuka. (15)

Satani Ashaka Gukingiriza Abantu Ntibabone Ikuzo ry'Ahazaza: Satani yagiye akora ubutaruhuka kugira ngo akingirize abantu be kubona ikuzo ry'isi izaza kandi akururire intekerezo zabo kurangamira ibintu byo muri ubu buzima. Yagiye ahirimbanira gutegura ibintu ku buryo intekerezo zacu, ibidutera guhagarika umutima, n'imbaraga zacu byerekezwa ku bintu byo mu isi by'igihe gito, kugira ngo twe kubona cyangwa ngo dusobanukirwe agaciro k'ibizahoraho iteka ryose. Isi n'ibirushya byayo bifite umwanya munini cyane mu gihe Yesu n'ibintu byerekeye ijuru bifite umugabane muto cyane mu ntekerezo zacu no mu byo gukunda. Dukwiriye gusohoza neza inshingano zose dufite mu buzima bwa buri munsi, ariko kandi hejuru y'ibintu byose, ni ingenzi ko twimenyereza gukuza urukundo rwera dukunda Umwami wacu Yesu Kristo. (16)

Abamarayika bo mu Ijuru Bazadufasha: Dukwiriye guhora tuzirikana ko hari abakozi batarebeshwa amaso bari ku murimo, baba abeza n'ababi, kandi bahirimbanira kuyobora intekerezo zacu. Bakoresha ububasha butarebeshwa amaso ariko bugera ku musaruro. Abamarayika beza ni imyuka ikora, ikageza imbaraga mvajuru ihindura ku mitima y'abantu no ku ntekerezo zabo; mu gihe umwanzi ukomeye w'abantu, ari we Satani, ndetse n'abamarayika be nabo bakora ubudahwema kugira ngo baturimbure . . . .

Nubwo dukwiriye guhora tuzirikana ko duhanganye n'ibitero by'abanzi bataboneshwa amaso kandi batagaragara, tugomba kumenya tudashidikanya ko abo banzi badashobora kugira icyo budutwara turamutse tutabahaye urwaho. (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Letter* 21, 1899.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p.507.
3. *Id.,* Vol. 2, p. 561.
4. *Id.,* Vol. 5, p. 493.
5. *Id.,* Vol. 3, p. 476.
6. *Review and Herald,* March 13, 1900.
7. *Review and Herald,* July 11, 1893.
8. *Testimonies for the Church,* Vol.3, p. 476.
9. *Thoughts from the Mount of Blessings,* p. 171.
10. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p. 324.
11. *Id.,* Vol. 3, p. 47.
12. *Ibyakozwe n'Intumwa,* pp. 312. (2018)
13. *Notebook Leaflets,* Education, No. 1.
14. *Solemn Appeal,* p. 76.
15. *Medical Ministry,* p. 143.
16. *Review and Herald,* January 7, 1890.
17. *Review and Herald,* July 19, 1887.

IGICE CYA 67

IBYO TUBONA N'IBYO TWUMVA BIDUSHUKA

Ibibi dukomora mu byo tureba kandi twumva ahatuzengurutse: Mufite impamvu ikomeye cyane yo guhagarikira umutima abana banyu bafite ibishuko bagomba guhura nabyo kuri buri ntambwe yose batera. Kuri bo ntibyabashobokera ko birinda guhura n'incuti mbi. … Hari ibyo bazareba n'ibyo bazumva, kandi bazagerwaho n'ibibasha kubahindura byangiza imico yabo. Uretse gusa nibarindwa nta kujenjeka, naho ubundi bazonona imitima yabo mu buryo butagaragara kandi buhamye, ndetse bonone n'imico yabo. (1)

Bose Bakeneye Igihome cyo Kubakingira Ibishuko: Mu ngo za Gikristo hakwiriye kubakwa igihome cyo kurinda abantu ibishuko. Satani akoresha uburyo bwose kugira ngo ingeso mbi n'ubwicanyi mu bantu bihinduke nk'ibisanzwe kandi bikorwe hose. Ntushobora kunyura mu mihanda yo mu mijyi yacu ngo ubure kubona amatangazo ashashagirana y'urugomo yamamazwa mu bitabo bimwe cyangwa ngo yerekanirwe mu mazu amwe akorerwamo amakinamico. Intekerezo zigishwa kumenyerana n'icyaha. Inzira ikurikirwa n'abiyonona n'inkozi z'ibibi ishyirwa imbere y'abantu inyujijwe mu binyamakuru bya buri munsi, kandi ikintu cyose gishobora gukangura irari gishyirwa imbere y'abantu kinyujijwe mu nkuru ziteye amatsiko. (2)

Ababyeyi bamwe b'abagabo n'ab'abagore ntacyo bibabwiye kandi ntibabyitaho ku buryo batekereza ko nta tandukaniro riri hagati yo kuba abana babo bakwiga ku ishuri ry'itorero cyangwa ku ishuri rya Leta. Baravuga bati: "Turi mu isi kandi ntidushobora kuyigobotora." Ariko rero babyeyi turamutse tubishatse tushobora kubona inzira nziza twacamo tukitandukanya n'isi. Dushobora kwirinda kureba byinshi mu bibi bigenda byiyongera mu buryo bwihuse cyane muri iyi minsi iheruka. Dushobora kwirinda kumva byinshi byerekeye ubugome n'ubwicanyi biriho. (3)

Nimubiba Kutumvira Amategeko, Muzasarura Ubwicanyi: Muri iyi minsi ibyinshi mu bitangazamakuru byuzuyemo inkuru zigisha urubyiruko gukora ibibi kandi zirujyana mu irimbukiro. Abana bakiri bato ntacyo

batariga mu byerekeye ubwicanyi. Bakangurirwa gukora ibibi n'inkuru basoma. Ibikorwa by'ubwicanyi baba babonye babikina mu ntekerezo zabo, kugeza ubwo nabo bagambirira kuzabona ibyo bashobora gukora nabo bica kandi bakabasha gucika ntibahanwe.

Mu ntekerezo z'abana n'urubyiruko zigikora cyane, ibyo bagaragarizwa by'ibihimbano biba byerekanwa ko bizabaho mu gihe kizaza kuri bo babifata nk'ukuri kw'ibyabayeho. Uko impinduramatwara zigaragazwa nk'izizabaho kandi uko ibintu bizakurikirana kukavugwa mu buryo busenya inzitiro z'amategeko no kwitegeka k'umuntu, bityo urubyiruko rwinshi rugafata umwuka w'ibyo bigaragazwa. Iyo bishobotse, bene ibyo birushora mu gukora ibyaha bikomeye cyane ndetse bibi kurusha ibyo ba banditsi bagaragaza. Binyuze muri izo mbaraga zihindura, usanga umuryango mugari utakaza imico mbonera. Imbuto zo gukiranirwa zibibwa ahantu hose. Nta muntu ukwiriye gutangazwa n'uko umusaruro uvamo ari ukubona ubwicanyi bwiyongera. (4)

Rukuruzi y'Umuziki Wabaye Gikwira mu Bantu: Numva nikanze iyo ndebye ahantu hose nkahabona ubunenganenzi buranga abasore n'inkumi bavuga ko bizera ukuri. Bisa n'aho nta Mana iba mu ntekerezo zabo. Ubwenge bwabo bwuzuye ibintu by'amanjwe. Ibiganiro byabo ntacyo wabikuramo, ni amagambo y'ubupfapfa. Amatwi yabo akunda kumva umuziki, kandi Satani azi ingingo z'umubiri agomba gukangura kugira ngo akoreshe intekerezo, azigarurire ndetse azigushe ikinya bityo umuntu ye kwifuza kubana na Kristo. Ibyifuzo by'iby'umwuka ubugingo bugirira kumenya Imana no gukurira mu buntu birabuze.

Neretswe ko urubyiruko rukwiriye guhagarara aharengeye kandi rukagira ijambo ry'Imana ho umujyanama n'umuyobozi warwo. Urubyiruko rwahawe inshingano zera kandi zikomeye, ariko ntiruziha gaciro. Kuzana ibikoresho bitanga umuziki mu miryango yabo byabaye uburyo bwo kuvana intekerezo zabo ku kuri aho kugira ngo bibakangurire imibereho yera kandi irangwa n'iby'umwuka. Indirimbo zuzuye amagambo y'ubupfapfa n'umuziki wabaye gikwira muri iki gihe ni byo bisa n'ibyabatwaye umutima. Ibikoresho bicurangwa byafashe igihe cyagombaga gukoreshwa mu masengesho. Iyo muzika idakoreshejwe nabi, ihinduka umugisha utangaje; ariko iyo ikoreshejwe nabi, ihindukira umuvumo uteye ubwoba. Icyo gihe muzika ikangura intekerezo, ariko ntitanga za mbaraga n'ubutwari Umukristo ashobora kubonera gusa ku ntebe y'ubuntu igihe aciye bugufi akamenyesha Imana ibyo akeneye, kandi hamwe no gutaka cyane ndetse abogoza amarira, agasaba imbaraga mvajuru ngo zimushoboze guhangana n'ibishuko bikomeye bya Satani. Satani aragenda yigarurira urubyiruko akarugira imbata ze. Yooo! Ni iki nabwira urubyiruko cyarutera kumenagura imbaraga za Satani



zirurindagiza! Satani ni umushukanyi w'umuhanga ureshya urubyiruko arujyana mu irimbukiro. (5)

Ibitekerezo Bibi Biganisha ku Bikorwa Bibi: Iki ni igihe kononekara kuri kugenda kuba gikwira ahantu hose. Irari ry'amaso no kwifuza kubi bihagurutswa n'ibyo abantu bareba n'ibyo basoma. Umutima uhumanywa binyuze mu byo umuntu atekereza. Intekerezo zishimira gutinda ku bintu bikangura kwifuza kubi kandi kw'agaciro gake. Ayo mashusho ateye ishozi abantu bareba biciye mu bitekerezo byanduye yangiza imico mbonera kandi agategura abantu bayobejwe kandi bamaze gutwarwa nayo maze bakugururira amarembo ibyifuzo bibi byo kurarikira. Ubwo ni bwo hakurikiraho ibyaha n'ubwicanyi bikurubana buhoro buhoro abantu baremwe ku ishusho y'Imana bikabageza ku rwego rw'inyamaswa, maze amaherezo bikabaroha mu irimbukiro. (6)

Sinzabona Ikibi: Ababyeyi bakwiriye kurangwa no kuba maso ubudacogora kugira ngo abana babo badatandukana n'Imana. Imihigo y'umwami Dawidi yanditswe muri Zaburi 101 ikwiriye kuba iy'abantu bose bafite inshingano yo kurinda imbaraga zihindura ziba mu muryango. Umunyezaburi aravuga ati: "Sinzagira ikintu kidakwiriye nshyira imbere yanjye. Nanga imirimo y'abiyobagiza. Ntizomekana nanjye. Umutima ugoramye uzamvaho, sinzamenya ikibi. Ubeshyera mugenzi we rwihereranwa nzamurimbura. Ugamika akagira umutima wibona sinzamwihanganira. Amaso yanjye azaba ku banyamurava bo mu gihugu kugira ngo tubane. Ugendera mu nzira itunganye ni we uzankorera. Uriganya ntazaba mu nzu yanjye. Ubeshya ntazakomerezwa imbere yanjye." Zaburi 101: 3-7. (7)

Vuga ukomeje uti: "Sinzapfusha ubusa ibihe by'agaciro kenshi nsoma ibintu bitazagira icyo binyungura, kandi bitantegurira kugira icyo nkorera abandi. Nzegurira igihe cyanjye n'intekerezo zanjye kwiga ibizambashisha gukora umurimo w'Imana. Nzafunga amaso yanjye ne kureba ibintu by'imburamumaro n'ibiganisha mu cyaha. Amatwi yanjye ni ay'Uwiteka, bityo sinzategera amatwi imitekerereze y'uburiganya y'umwanzi. Mu buryo ubwo ari bwo bwose ijwi ryanjye ntirizayoboka ubushake budategekwa n'imbaraga ya Mwuka w'Imana. Umubiri wanjye ni urusengero rwa Mwuka Wera, kandi imbaraga zose z'umubiri wanjye zizegurirwa gukurikira imigambi y'ingirakamaro." (8)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Pacific Health Journal,* June 1890.
2. *Bible Echo,* October 15, 1894.
3. *Notebook Leeaflets,* Education, n° 1.

4. *Ministry of Healing,* p. 444, 445.
5. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, pp. 496,497
6. *Id.,* Vol. 2, p. 410.
7. *Consels to Teachers, Parents and Students,* p. 119.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 7, p.64.



Igice Cya 68

GUSOMA N'IMBARAGA IHINDURA IKUBAMO

Gaburira Intekerezo z'Umwana Ibyokurya Bikwiriye: Ubwonko bw'umwana bwakira vuba kandi buba bucyaguka bwifuza cyane kugwiza ubumenyi. Ababyeyi bakwiriye kwiga bihagije kugira ngo babashe guha ubwenge bw'abana babo ibyokurya bikwiriye. Intekerezo, kimwe n'umubiri, zikura imbaraga mu byokurya zigaburirwa. Intekerezo zagurwa kandi zigashyirwa ku rwego ruhanitse n'ibitekerezo bitunganye kandi bizikomeza zakira; ariko kandi zisigingizwa kandi zangirizwa n'ibitekerezo by'ab'isi.

Babyeyi, ni mwe mugomba gufata icyemezo niba intekerezo z'abana banyu zizuzuzwa ibitekerezo bizabagira abo kubahwa cyangwa ibibatera kwiyandarika. Ntimushobora kubuza ubwenge bwabo bukora cyane kubaho ntacyo buhugiyeho; kimwe n'uko mudashobora kwirukana ikibi. Mushobora gukumira ibitekerezo bibi mukoresheje gusa kubacengezamo amahame atunganye. Niba ababyeyi batabibye imbuto z'ukuri mu mitima y'abana babo, umwanzi azabibamo urukungu. Inyigisho nziza kandi nzima ni zo zonyine zishobora kurinda abana ibintu bibi bibageraho byangiza imico myiza. Ukuri kuzarinda umutima ibishuko by'urudaca bagomba guhura na byo. (1)

Ababyeyi Bagomba Kugenzura Ibyo Abana Babo Bakunda Gusoma: Abasore benshi bakunda ibitabo. Basoma ikintu cyose babonye. Ndingingira ababyeyi b'abana nk'abo kugenzura ibyo bifuza gusoma. Ntimukemere ko ku meza yanyu haboneka ibinyamakuru byanditswemo iby'inkuru z'urukundo rw'agahararo. Ahubwo aho bari mujye muhashyira ibitabo bizafasha urubyiruko gushyira mu nyubako y'imico yabo ibikoresho bihebuje ibindi ari byo: urukundo, kubaha Imana no kumenya Kristo. Mushishikarize abana banyu guhunika ubumenyi bw'agaciro mu ntekerezo zabo, no kureka ibyiza akaba ari byo byuzura mu bugingo bwabo kandi akaba ari byo bitegeka imbaraga zabwo, bityo ntibagire umwanya basigira ibitekerezo byo ku rwego rwo hasi kandi bibatesha agaciro. Mujye mukumira icyifuzo bagira cyo gusoma ibintu bitagaburira intekerezo ibyokurya byiza. (2)

Ababyeyi bakwiriye gushishikarira kutinjiza mu rugo rwabo ikintu cyose gishobora guhindura abantu ntikigire icyiza kibyara kuri bo. Ababyeyi bamwe bafite byinshi bagomba kwiga kuri iyi ngingo. Ku bumva bafite umudendezo wo gusoma ibinyamakuru n'ibitabo bivuga inkuru zirangwamo n'impimbano, ndababwira nti: 'Muri kubiba imbuto zizatanga umusaruro mutazashimishwa no gusarura. Nta mbaraga na nke mu bya Mwuka mushobora gukura mu gusoma bene ibyo bintu. Ibiri amambu, birimbura urukundo mwari gukunda ukuri kwera ko mu ijambo ry'Imana.' Satani yifashishije ibitabo n'ibinyamakuru bivuga inkuru zirangwamo amakabyankuru ari gukora kugira ngo yuzuze ibitekerezo by'ibinyoma kandi by'amanjwe mu bwenge bwagombye kuba buri kwiga Ijambo ry'Imana burishimikiriye. Uko ni ko anyaga abantu ibihumbi bitabarika igihe, imbaraga nyinshi n'ubushobozi bwo kwitegeka bisabwa mu guhangana n'ibibazo bikomeye byo mu buzima. (3)

Abana bakeneye ibyo basoma bikwiriye bizabashimisha kandi bikabaruhura ariko bitonona intekerezo zabo cyangwa ngo bice intege umubiri. Abana nibaramuka bigishijwe gukunda ibitabo bivuga inkuru z'urukundo rw'agahararo, n'ibinyamakuru bivuga inkuru mpimbano, icyo gihe bazazinukwa ibitabo n'ibinyamakuru byari kububaka. Abana benshi n'abasore bazagira ibyo bagomba gusoma; ariko nimutabahitiramo ibyo basoma, bazabyihitiramo. Aho ari ho hose bashobora kuhabona icyo basoma cyabarimbura, maze bidatinze bakagikunda. Ariko nimubaha ibyo basoma bitunganye kandi byiza, bazakuza umwuka wo kubikunda. (4)

Shyira ku Murongo kandi Umenyereze Ibyo Intekerezo Zikunda: Ibyo intekerezo zikwiriye gukunda bikwiriye gushyirwa ku murongo kandi bikamenyerezwa mu buryo bwitondewe cyane. Ababyeyi bakwiriye gutangira hakiri kare bagacengeza Ibyanditswe mu bwenge bw'abana buba bucyaguka kugira ngo bwubakwemo ingeso zikwiriye zijyanye n'imitekerereze.

Imbaraga zose zikwiriye gukoreshwa kugira ngo ingeso nziza mu byo abana biga zishinge imizi. Iyo intekerezo zijarajara, mujye muzigarura mu nzira. Niba ibikundwa mu by'ubwenge n'imico mbonera byarateshuwe umurongo n'inkuru mpimbano kandi z'amakabyankuru ku buryo nta bushake bwo kugarura intekerezo ku murongo buba bugihari, aho haba hari urugamba rugomba kurwanwa kugira ngo bene iyi ngeso itsindwe. Ingeso yo gukunda gusoma inkuru z'impimbano ni yo igomba kubanza gutsindwa. Amabwiriza adakebakeba aba akwiriye gushimangirwa kugira ngo intekerezo zigume mu muyoboro ukwiriye. (5)

Irinde Gukuza Umwuka wo Gukunda Inkuru Mpimbano: Mbese abana bacu bazasoma iki? Iki ni ikibazo gikomeye kandi gisaba

igisubizo kidakebakeba. Mpagarika umutima cyane iyo mbonye mu ngo z'abubahiriza Isabato hari ibitabo n'ibinyamakuru birimo inkuru z'uruhererekane zitagira icyiza zicengeza mu ntekerezo z'abana n'abasore n'inkumi. Nabonye abantu bakujije umwuka wo gukunda inkuru mpimbano muri ubwo buryo. Bagize amahirwe yo kumva ukuri, no gusobanukirwa n'impamvu zo kwizera kwacu; ariko uko bakuraga ni ko batarangwaga n'ubutungane nyakuri no kubaha Imana mu bifatika. (6)

Abakunda gusoma ibitabo by'inkuru mpimbano baba bari guha intebe ikibi kirimbura ibya Mwuka, bigakingiriza umuntu ubwiza bw'Igitabo cyera. (7)

Ubwinshi bw'Ibitabo Byangiza: Isi yuzuyemo ibitabo bikwiriye gutwikwa aho gukwirakwizwa ahantu hose. Ibitabo bivuga ku ngingo zikangura irari n'iruba byandikwa kandi bigakwirakwizwa hose mu mugambi wo kwinjiza amafaranga ntibyari bikwiriye gusomwa n'urubyiruko. Muri ibyo bitabo harimo imbaraga ikurura ya Satani . ...

Akamenyero ko gusoma inkuru ni bumwe mu buryo Satani akoresha kugira ngo arimbure ubugingo bw'abantu. Ako kamenyero kabyara gutwarwa kw'ikinyoma kandi kubi, kagakangaranya imitekerereze, kagatuma umuntu atagira intekerezo z'ingirakamaro, kandi kagatera ubwenge kutita kuby'umwuka. Gatera ubugingo gucika ku isengesho no gukunda iby'umwuka. (8)

Ibitabo bivuga iby'urukundo rw'agahararo n'inkuru mpimbano z'ubupfapfa kandi zikangaranya umuntu byose ntibyabura kubera umuvumo umuntu ubisoma. Umwanditsi ashobora kuvuga ashaka gutanga inyigisho iboneza imico; ndetse muri icyo gitabo agasobekamo ibitekerezo byerekeye idini, ariko akenshi ibyo bitekerezo biba bitwikiriye ubupfapfa n'ibintu by'imburamumaro.

Abanditsi Batizera Imana: Indi soko y'akaga dukwiriye guhora twirinda ni ugusoma ibitabo byanditswe n'abantu batizera Imana. Umwanzi w'ukuri ni we nganzo ya bene ibyo bitabo, kandi nta muntu n'umwe ushobora kubisoma ngo abure gushyira ubugingo bwe mu kaga. Ni ukuri ko abo byamaze kwangiriza amaherezo bashobora kubyigobotora; ariko abantu bose bakomeza kwiyegereza imbaraga mbi yabyo ihindura baba bishyira ku rubuga rwa Satani, kandi abakoresha icyo ashatse cyose. Kubera ko baba bikururiye ibishuko bye, nta bwenge bwo kubitahura cyangwa imbaraga zo kubitsinda bagira. Kutizera no guhakana Imana byomatana n'intekerezo zabo bifite imbaraga zireshyareshya kandi zigusha ikinya. (10)

Imigani n'Ibitekerezo by'Ibihimbano: Mu burezi buhabwa abana n'abasore n'inkumi muri iki gihe, ibitekerezo by'ibihimbano n'inkuru

z'amakabyankuru bihabwa umwanya munini. Ibitabo nk'ibyo bikoreshwa mu mashuri, kandi wabisanga no mu ngo nyinshi. Mbese ababyeyi b'Abakristo bemerera abana babo gukoresha ibitabo nk'ibyo byuzuye ibinyoma bate? Iyo abana babajije ubusobanuro bw'inkuru zihabanye zityo n'inyigisho z'ababyeyi babo, igisubizo bahabwa ni uko izo nkuru atari iz'ukuri; ariko ibyo ntibikuraho ingaruka mbi ziva ku kuba babisomye. Ibitekerezo bivugwa muri ibyo bitabo biyobya abana. Bitanga imyumvire ipfuye ku bijyana n'ubuzima kandi bikabyara ndetse bigashimangira muri bo kwifuza ibintu bitabaho. ...

Ibitabo birimo kugoreka ukuri ntibikwiriye gushyirwa mu biganza by'abana n'urubyiruko ngo babisome. Igihe cyose abana bari mu rugendo rwo kwigishwa ntibakwiriye kwakira ibitekerezo bizaba imbuto y'ikibi. (11)

Uburyo bwo Kurimbura Imbaraga z'Ubwenge: Hariho abantu bake cyane bafite intekerezo ziboneye bitewe n'uko ababyeyi birengagiza inshingano yabo yo gukangura ingeso zifite intege nke mu [bana] no kuburizamo ingeso mbi. Bibagirwa ko bafite inshingano ikomeye cyane yo gukurikirana amatwara ya buri mwana, ndetse ko ari n'inshingano yabo gutoza abana babo ingeso nziza n'imitekerereze myiza. (12)

Mujye mububakamo ubushobozi mu by'ubwenge n'imico mbonera. Ntimugatume izo mbaraga z'ibyiza zigwabizwa kandi ngo zangirizwe no gusoma ibitabo byinshi cyane kabone n'ubwo byaba ari iby'inkuru. Nzi abantu b'ababahanga bataye umurongo w'intekerezo nzima kandi bamaze kugwa ikinya cyangwa kuremara uruhande rumwe rw'ubwenge bitewe no kutirinda mu byo basoma. (13)

Gusoma Ibikangaranya Intekerezo Bitera Umwana Kudatuza no Kurotaguzwa: Abantu bakunda gusoma inkuru z'amahomvu kandi zikangaranya intekerezo usanga badashobora gusohoza inshingano zifatika mu buzima busanzwe. Usanga baba mu isi itabaho. Nitegereje abana bemerewe n'ababyeyi babo kwimenyereza gusoma bene izo nkuru. Baba bari imuhira cyangwa se ahandi wasangaga badatuje, bameze nk'abarota kandi badashobora kuganira n'abandi uretse kuvuga gusa ku ngingo zimenyerewe z'amanjwe. Ibitekerezo n'ibiganiro byerekeye iyobokamana ntibyari bizwi na gato mu bwenge bwabo. Kubwo kwimenyereza kurarikira inkuru zikangura irari n'amarangamutima usanga ibyo ubwenge bwabo bukunda byarangiritse, kandi ubwenge bwabo ntibunyurwe igihe cyose butagaburiwe bene ibi byokurya byanduye. Nta rindi zina natekereza rikwiriye abantu birundurira mu gusoma bene ibyo uretse kuba ari abasinzi mu ntekerezo zabo. Ingeso zo kutirinda mu byo umuntu asoma zigira ingaruka ku bwonko kimwe n'iyo kutirinda mu mirire n'iminywere zigira ku mubiri w'umuntu. (14)

Mbere yo kwemera ukuri kwagenewe ab'iki gihe, hariho abantu bamwe bari barafashe akamenyero ko gusoma ibitabo birimo inkuru zirangwamo amakabyankuru. Iyo binjiraga mu Itorero, bakoresheje umwete mwinshi kugira ngo batsinde iyo ngeso. Gushyira imbere ya bene aba bantu ibitabo bimeze nk'ibyo bamaze kuzinukwa ni nko gufata umuntu wari warasaritswe n'inzoga ukamuha ibinyobwa bihumanya. Bagenda buhoro buhoro bugururira amarembo ikigeragezo kiri imbere maze bidatinze bagatakaza ubwuzu bwo gusoma ibitabo bibubaka. Nta bwuzu bwo kwiga Bibiliya bagira. Imbaraga bari bafite mu by'imico mbonera ziragwabira. Kuri bo icyaha gitangira kugaragara ko atari icyo kwangwa urunuka cyane. Bagaragaraho gukiranirwa kugenda kurushaho kwiyongera, bakagenda bakuza gukerensa inshingano zifatika zo mu buzima. Iyo intekerezo zimaze kwangirika, ziba ziteguye kwakira ibintu ibyo ari byose bisomwa bifite ubushobozi bwo gukangura umubiri. Uko ni ko Satani akingurirwa inzira maze akigarurira ubugingo bw'umuntu. (15)

Gusoma Hutihuti kandi by'Amajyejuru Bigwabiza Ubushobozi bwo Kwita ku byo Usoma: Kuba hari ibitabo byinshi bicapwa bigahora bisohoka mu macapiro, usanga abakuru n'abato bakuza akamenyero ko gusoma bihuta kandi by'amajyejuru; bityo ubwenge bugatakaza imbaraga zabwo zo kugira ibitekerezo byuzuzanya kandi bifite imbaraga. Byongeye kandi, umugabane munini w'ibitabo n'ibinyamakuru bisohoka ku bwinshi bigakwizwa mu bihugu, nka bya bikeri byakwiriye mu gihugu cya Egiputa, usanga atari inyandiko z'abandi zagiye zikopororwa, ndetse bidafite ishingiro kandi binaniza ubwenge gusa, ahubwo unasanga byuzuye umwanda kandi bigwabiza ubwenge. Ingaruka yabyo ntiba iyo guhumanya no kurimbura intekerezo gusa, ahubwo byangiza ubugingo kandi bikabutsemba. (16)

"Sinshobora Kugura Ibitabo n'Ibinyamakuru by'Itorero": Hariho abantu bamwe bavuga ko ari Abavandimwe bacu mu Itorero batigera bafata inyandiko zacu nk'ibinyamakuru n'ibitabo by'Itorero, ahubwo bagura ikinyamakuru kimwe cyangwa se byinshi bivuga inkuru z'isi. Abana babo bashimishwa cyane no gusoma udutabo n'ibinyamakuru birimo inkuru mpimbano, ndetse bakunda inkuru ziri muri izo nyandiko ababyeyi babo bashobora kubagurira, nubwo bavuga ko badashobora kubona amafaranga yo kwishyura inyandiko zacu zisohoka buri gihembwe ndetse n'ibitabo byacu bivuga ukuri kugenewe ab'iki gihe . ...

Ababyeyi bakwiriye kurinda abana babo kandi bakabigisha kwimenyereza kugira imitekerereze itunganye kandi bakirinda amashusho agaragaza urukundo rw'agahararo aboneka mu binyamakuru nk'uko birinda indwara y'ibibembe. Mureke ibitabo n'inyandiko bivuga ku nsanganyamatsiko zerekeza ku mico mbonera ndetse n'iby'idini abe ari

byo biboneka ku meza yanyu no mu bubiko bwanyu bw'ibitabo kugira ngo abana banyu babashe gukuza umwuka wo gusoma ibintu by'agaciro. (17)

Ubutumwa Bwahawe Urubyiruko Bwerekeye Intego zo Gusoma: Iyo nitegereje akaga kugarije urubyiruko gaturutse mu gusoma ibidakwiriye, sinshobora kwihanganira kudatanga imiburo nahawe ku byerekeye iki kibi gikomeye.

Akaga kagera ku bakozi gaturutse mu gusoma ingingo zigirwaho impaka cyane karasuzugurwa cyane. Intekerezo zabo zirakururwa kandi amatsiko yabo agakangurwa n'ingingo bari gusoma. Interuro zimwe basoma ziyandika ku bwonko bwabo. Bacengezwamo ibitekerezo runaka. Umusomyi ahindurwa n'umwuka w'umwanditsi atabizi, kandi intekerezo n'imico bigacengezwamo ikibi. Hariho abantu bamwe bafite kwizera guke n'imbaraga nke zo kwitegeka, kandi kuri bo gukumira ibitekerezo bagezwaho n'ibyo basoma birakomeye cyane. (18)

Yooo! Iyaba urubyiruko rwatekerezaga ku mpinduka inkuru zikangura irari n'amarangamutima zizana mu ntekerezo zabo! Mbese igihe mumaze gusoma izo nkuru mushobora kubumbura Ijambo ry'Imana mukarisoma mubyitayeho? Mbese ntimusanga igitabo cy'Imana kidashimishije? Imbaraga ireshya y'iyo nkuru ivuga urukundo rw'agahararo iguma mu ntekerezo, ikarimbura imikorere yazo myiza kandi igatuma bidashoboka ko ubwenge bwawe bwibanda ku kuri kw'ingirakamaro kandi gukomeye kwerekeye inyungu zanyu z'iteka ryose. Mucumura ku babyeyi banyu mutakaza igihe cyabo mu bintu nk'ibyo, kandi mucumura no ku Mana mupfusha ubusa igihe mwagombaga kuyegurira. (19)

Bana, mbafitiye ubutumwa. Ubu muri gufata icyemezo ku hazaza hanyu, kandi uburyo mwubaka imico yanyu buzatuma mutinjira muri Paradizo y'Imana . … Mbega ukuntu bibabaza Yesu cyane, Umucunguzi w'isi, kubona umuryango ufite abana badakunda Imana kandi batubaha Ijambo ryayo, ariko bakaba baratwawe no gusoma ibitabo by'inkuru zitandukanye! Igihe mutakaza muri ubwo buryo kibavanamo icyifuzo cyo kuba abantu b'ingirakamaro mu nshingano zo mu rugo. Gituma mutakaza ibyangombwa byo kuba mwayobora umuryango wanyu, kandi nibikomeza bityo iyo ngeso izagenda irushaho kubabohera mu mutego wa Satani. … Bimwe mu bitabo musoma birimo amahame y'ingenzi, ariko musoma mugamije kwiyumvira inkuru gusa. Iyaba mu bitabo musoma mwabashaga gukuramo ibyabafasha mu kubaka imico yanyu, gusoma kwanyu kwabazanira ibyiza. Ariko uko mufata ibitabo byanyu, mukava ku rupapuro mukajya ku rundi, aho mujya mwibaza muti: "Ni uwuhe mugambi mfite mu gusoma ibi? Mbese ndashaka kunguka ubumenyi nyabwo bw'ingirakamaro? Ntushobora kubaka imico itunganye ushyira ibiti, ibyatsi, cyangwa ibikenyeri ku rufatiro rw'inyubako yawe. (20)

Biba Imbuto z'Ukuri kwa Bibiliya mu Ntekerezo: Hagati y'umurima udahinzwe n'intekerezo zitigishijwe hari isano igaragara cyane. Umwanzi abiba urukungu mu ntekerezo z'abana n'abasore n'inkumi, kandi ababyeyi nibadamokeza kuba maso bakabarinda, urwo rukungu ruzamera maze rwere imbuto zawo mbi. Guhinga mu murima w'intekerezo z'umuntu no kuzibibamo imbuto y'agaciro kenshi y'ukuri kwa Bibiliya bisaba kwigengesera kudacogora. Abana bakwiriye kwigishwa kwanga inkuru mpimbano kandi z'amahomvu ahubwo bakita cyane ku nkuru, amateka n'ibitekerezo bya Bibiliya. Gusoma kurasa umucyo wako ku Gitabo cyera kandi kugakangura icyifuzo cyo kwiga icyo gitabo, bene uko gusoma si kubi, ahubwo ni ingirakamaro. (21)

Urubyiruko ntirushobora kugira intekerezo nzima n'amahame atunganye mu by'iyobokamana rukurikiza keretse gusa igihe rushimishwa no gusoma Ijambo ry'Imana. Iki gitabo kirimo amateka y'ingenzi kurusha andi yose, cyerekana inzira y'agakiza kabonerwa muri Kristo, kandi ni cyo kibayobora kikabageza ku buzima buhanitse kandi burushaho kuba bwiza. (22)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 121.
2. *Id.,* p. 133.
3. *Id.,* pp. 120 121.
4. *Review and Herald,* December 11, 1979.
5. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 136.
6. *Id.,* p. 132.
7. *The Youth's Instructor,* Oct. 9, 1902.
8. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 133,134.
9. *Ministry of Healing,* p. 445.
10. *Counsels to Teachers, Parents and Student,* pp. 135,136.
11. *Id.,* pp.384,385.
12. *Review and Herald,* November 12, 1908.
13. *Testimonies for the Church,* Vol. 2, p. 410.
14. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 134, 135.
15. *Testimonies for the Church,* Vol. 7, p. 203.
16. *Uburezi,* p. 198.
17. *Review and Herald,* December 11, 1897.
18. *Testimonies for the Church,* Vol.7, p. 203.
19. *Id.,* Vol. 2, p. 236.
20. *Letter* 32, 1896.
21. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 136, 137.
22. *Testimonies for the Church,* Vol.2, pp. 410, 411.

Umugabane Wa 15

IMICO ITUMA UMURYANGO UGIRA IMIBEREHO ISHIMISHIJE

Igice Cya 69

URUGWIRO N'UBUGWANEZA

Urugwiro Ruzaturinda Kimwe cya Kabiri cy'Ibibi Biba mu Buzima: Ihame ricengezwa mu itegeko rigira riti: "Ku byo gukunda bene Data, mukundane rwose, kubw'icyubahiro, umuntu wese ashyire imbere mugenzi we" (Abaroma 12:10), ni ryo rigize urufatiro rw'umunezero w'umuryango. Urugwiro rwa Gikristo rukwiriye kwimikwa muri buri rugo. Urugwiro ntirusaba gutanga ikiguzi cyinshi, ariko rufite imbaraga zo koroshya kamere z'abantu zajyaga kurangwa no kwinangira n'amahane zibaye zitarufite. Kwimenyereza urugwiro mu buryo buhoraho, no kugira ubushake bwo gukorera abandi ibyo twifuza ko na bo badukorera, byakumira kimwe cya kabiri cy'ibibi biba mu mibereho y'abantu. (1)

Umuco w'Urugwiro Utangirira mu Rugo: Niba dushaka ko abana bacu bazarangwa n'ubugwaneza, urugwiro n'urukundo, tugomba kubabera urugero. (2)

Ababyeyi bombi bakwiriye kugaragarizanya ineza n'urugwiro no mu tuntu duto. Kugaragariza ineza ahantu hose bikwiriye kuba itegeko rikurikizwa mu muryango. Imvugo itarangwamo ikinyabupfura ntikwiriye guhabwa umwanya, kandi nta magambo asharira akwiriye kuvugwa. (3)

Abantu bose bashobora kuba bagira umunezero ugaragara no mu maso, bakagira ijwi ryiza ryoroheje n'uburyo bwiza bwo kwakira ababagana; dore ko ibyo ari byo ndangagaciro z'umuyobozi. Abana bakururwa no kubona umuntu agaragaraho ibyishimo n'umunezero. Bereke ineza n'ikinyabupfura, nabo bazakugaragariza bene uwo mutima ndetse bawugaragarize na bagenzi babo. (4)

Urugwiro rwanyu no kwitegeka bizagira imbaraga ikomeye ihindura imico y'abana banyu kurusha impinduka yaterwa n'amagambo mwavuga. (5)

Kugaragarizanya Ineza Bituma Urugo Ruhinduka nka Paradizo: Binyuze mu kubwira abana babo amagambo yuje ineza no kubashimira igihe bagerageje kugira icyo bakora neza, ababyeyi bashobora kubatera umwete kubw'umuhati baba bagaragaje, bakabatera kunezerwa cyane,

kandi umuryango wabo bakawugotesha imbaraga ireshyareshya izirukana igicucu cyose cy'umwijima maze ikazana imyambi y'izuba irabagirana mu rugo. Kugirirana ineza no kwihanganirana bizatuma urugo ruhinduka Paradizo kandi birehereze abamarayika bera kuza muri urwo rugo. Nyamara [abo bamarayika] bazahunga urugo rurangwamo amagambo adashimishije, y'uburakari n'intonganya. Kwikakaza, kwitotomba n'umujinya byirukana Yesu mu rugo. (6)

Ineza irangwa mu mibereho ya buri munsi n'urukundo rukwiriye kuba hagati y'abagize umuryango ntibishingira ku bintu bibera hanze y'umuryango. (7)

Amajwi ashimishije, ubugwaneza n'urukundo ruzira uburyarya rugaragarira mu bikorwa byose, iyo bifatanyije no gukorana umwete, isuku no gucunga neza umutungo, bituma n'ivundi rihinduka ahantu hanejeje kuruta imiryango yose. Umuremyi areba bene iryo vundi akaryishimira. (8)

Hari abantu benshi bakwiriye kugabanya imyitwarire bagaragariza abo hanze y'umuryango wabo ahubwo bakigaragariza cyane abo mu miryango yabo bwite. Hakwiriye kubaho kutagaragariza cyane ikinyabupfura n'urukundo by'amajyejuru abantu badasanzwe baziranye ndetse n'abashyitsi ahubwo urugwiro ruruseho rukomoka ku rukundo nyakuri n'impuhwe bikagaragarizwa abo dukunda bo mu miryango yacu. (9)

Ubusobanuro bw'Ikinyabupfura Nyakuri: Hari ubukene bukomeye bwo kumenyereza ikinyabupfura nyakuri mu muryango. Iki ni igihamya gikomeye gishimangira ukuri. Umuntu uwo ari we wese bishobora kubonekaho, amagambo y'inyandagazi n'imyitwarire mibi bigaragaza umutima wononekaye. Ukuri gukomoka mu ijuru ntikwigera gutesha agaciro umuntu ukwakiriye, kandi ntikwigera kumuhindura umunyamwaga n'intumva. Ahubwo mu mbaraga zako zihindura, ukuri koroshya umutima w'umuntu kandi kukawutunganya. Iyo abasore n'inkumi bakwakiriye mu mitima yabo, kubatera kubaha no kurangwa n'ikinyabupfura. Ikinyabupfura cya Gikristo cyakirwa gusa binyuze mu murimo wa Mwuka Wera. Ntigushingiye mu kwiyerurutsa cyangwa mu kugaragara neza by'ibihimbano, mu kunamira umuntu werekana ko umwubashye cyangwa kumusekera cyane. Icyo ni ikinyabupfura kigirwa n'ab'isi, nyamara ntibarangwa n'ikinyabupfura nyakuri cya Gikristo. Ubutungane n'ikinyabupfura nyakuri bibonerwa gusa mu bumenyi bufatika bwerekeye ubutumwa bwiza bwa Kristo umuntu afite. Ikinyabupfura nyakuri n'urugwiro nyakuri ni ineza igaragarizwa abantu bose, baba abakomeye cyangwa aboroheje, abakire cyangwa se abakene. (10)

Ishingiro ry'ikinyabupfura nyakuri ni ukubaha abandi. Uburezi bwa ngombwa kandi buramba ni ugusakaza mu bantu bose imico yo kugira

impuhwe n'ubuntu kandi bugateza imbere ubugwaneza ku bantu bose. Iyo ngirwamuco y'uburezi idatoza umusore kubaha ababyeyi be, ngo ashime ibyiza byabo, ngo yihanganire inenge zabo, kandi ngo abafashe mu byo bakeneye; uwo muco ntutume azirikana ubukene bw'abandi ngo abagirire neza, abagirire ubuntu kandi ngo afashe urubyiruko, abageze mu zabukuru n'abari mu makuba, ndetse ngo yubahe abantu bose, bene ubwo burezi ntacyo buba bwaragezeho. (11)

Gusabana kwa Gikristo ni nk'urudodo rwa zahabu ruhuriza abagize umuryango mu mirunga y'urukundo, rukagenda rurushaho kwegerana no gukomera uko bukeye n'uko bwije. (12)

Itegeko ry'Izahabu Rigire Itegeko Umuryango Ukurikiza: Amategeko y'agaciro kenshi agenga imikoranire y'abantu muri rusange no mu muryango agomba kuboneka muri Bibiliya. Muri yo, ntiharimo amabwiriza ngenderwaho y'imico mbonera ahebuje kandi atunganye kurusha andi yose gusa, ahubwo hanabonekamo amategeko y'agaciro ntagereranywa agenga ikinyabupfura. Ikibwirizwa Umukiza wacu yabwiririje ku Musozi kirimo inyigisho z'igiciro kitagerwa ku bakuze n'abato. Iki kibwirizwa gikwiriye gusomerwa mu muryango kenshi kandi inyigisho z'agaciro kenshi zikirimo zikagaragarizwa mu mibereho ya buri munsi. Itegeko ry'izahabu rigira riti: "uko mushaka ko abantu babagirira, abe ari ko mubagirira namwe," (Luka 6:31) kimwe n'inama intumwa Pawulo yatanze agira ati: "Ku byo gukunda bene Data, mukundane rwose, kuby'icyubahiro umuntu wese ashyire imbere mugenzi we" (Abaroma 12:10), bikwiriye guhinduka itegeko umuryango ugenderaho. Abantu bakunda umwuka wa Kristo bazajya barangwa n'ikinyabupfura mu miryango yabo, barangwe n'umwuka w'ubugwaneza no mu bintu bito. Bazahora bahirimbanira gutuma ababakikije bose banezerwa, biyibagirwe mu byiza byose bakorera abandi. Uru ni rwo rubuto rwera ku giti cy'Ubukristo. (13)

Itegeko ry'izahabu ni ryo rufatiro rw'ineza nyakuri, kandi icyitererezo cyaryo nyakuri kigaragarira mu mibereho ya Yesu Kristo no mu mico ye. Oooh! Mbega imirasire yo kwiyoroshya n'ubwiza yarasiraga mu buzima bwa buri munsi bw'Umukiza wacu! Mbega ineza no gutuza byaturukaga aho yabaga ari! Umwuka nk'uwo uzahishurirwa no mu bana be. Ababana na Kristo Yesu bazazengurukwa n'umwuka w'ijuru. Amakanzu yabo yera yo gukiranuka azajya atamaho umubavu uturuka mu murima w'Uwiteka. Mu maso habo hazajya harabagirana umucyo umukomokaho, umurikire ibirenge bigwaguza kandi binaniwe. (14)

Indongozi nziza mu Byerekeye Kwitwara Neza: Igitabo cyiza gifite agaciro gakomeye mu byigeze byandikwa, ni amabwiriza y'agaciro kenshi yatanzwe n'Umukiza, ndetse n'ibyo Mwuka Wera yavugiye mu kanwa

k'intumwa Pawulo. Ni amagambo akwiriye kwandikwa mu bwenge bw'umuntu wese mu buryo butazahanagurika na gato, yaba umukuru cyangwa umuto. Ayo magambo aravuga ati:

"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane; nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana." Yohana 13:34.

"Urukundo rurihangana, rukagira neza; urukundo ntirugira ishyari. Urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu: ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri; rubarira byose; rwizera byose, rwiringira byose; rwihanganira byose. Urukundo ntabwo ruzashira." 1 Abakorinto 13:4-8. (15)

Bibiliya itugira inama yo kurangwa n'ikinyabupfura. Iduha ingero nyinshi z'abantu babayeho baranzwe n'imyitwarire izira ubwikanyize, baranzwe n'ubugiraneza no kwicisha bugufi, ari byo biranga umuntu ufite ikinyabupfura nyakuri. Ibyo ni ishusho itwereka imico ya Kristo. Ubugwaneza bwose nyakuri ndetse n'ikinyabupfura birangwa mu isi, ndetse n'ibyaba biboneka mu batazi izina rya Kristo, byose bikomoka kuri we. Kandi Kristo arashaka ko iyo mico igaragarira rwose mu bana be. Umugambi adufitiye ni uko abantu bazabonera ubwiza bwe muri twe. (16)

Ubukristo buzahindura umuntu abe umunyamahoro. Kristo yarangwaga n'ineza kandi akagirira neza n'abamurenganyaga. N'abayoboke be nyakuri bazagaragaza bene uwo mwuka. Nimwitegereze Pawulo igihe yari ajyanywe imbere y'abategetsi. Amagambo yavugiye imbere y'umwami Agripa ni icyitegererezo cyo kwicisha bugufi nyakuri kandi yerekana ubutyoza bwemeza umuntu. Ntabwo ubutumwa bwiza bushyigikira ikinyabupfura cy'umugenzo kiranga ab'isi, ahubwo bushyigikira ikinyabupfura gikomoka mu bugwaneza nyakuri bw'umutima. (17)

Ntitubasaba ngo mugaragaze icyo ab'isi bita ubugwaneza, ahubwo turasaba kugira ubugwaneza umuntu wese azatahana mu mazu yateguriwe abahiriwe. (18)

Ubugwaneza Nyakuri Bugomba Gusemburwa n'Urukundo: Uburyo bwitondewe cyane bwo gukuza imico igaragara inyuma mu mibereho y'umuntu ntibuhagije kugira ngo bukumire uburakari, imyanzuro ihubukiwe n'imvugo idahwitse. Ubutungane nyakuri ntibuzigera bugaragara igihe cyose inarinjye ari yo ishyirwa hejuru y'ibintu byose. Urukundo rugomba kuba mu mutima. Umukristo urangwa n'ishyaka akura impamvu zimutera kugira icyo akora mu rukundo akunda Shebuja rwimbitse mu mutima. Mu mizi y'urukundo akunda Kristo ni ho haturuka kwita kuri bagenzi be atikanyiza. (19)

Mu bintu byose abantu bahirimbanira, mu byo bakunda cyane n'ibyo bimenyereza, nta na kimwe gifite agaciro mu maso y'Imana nk'umutima uboneye, wuzuye gushima n'amahoro.

Niba kutabusanya gukomoka mu ijuru k'urukundo n'ukuri kuba mu mitima, kuzagaragarira mu magambo no mu bikorwa. ... Umwuka w'ubugwaneza nyakuri ugomba kuba mu mutima ufite urukundo rutuma umuntu agira ubuntu, ubupfura n'imyitwarire ishimishije. Urukundo rumurika mu maso kandi rugategeka ijwi; rutunganya umuntu uko yakabaye kandi rukamugira uw'icyubahiro. Rutuma ahuza n'ubushake bw'Imana, kuko guhuza nabwo ari umuco mvajuru. (20)

Ikinyabupfura nyakuri umuntu ntiyacyigira mu gukurikiza amabwiriza yashyizweho ngo akunde agaragare neza. Ahubwo imyitwarire ikwiriye igomba kugaragara igihe cyose; kandi igihe cyose hatabayeho guteshuka ku mahame, kuzirikana abandi bizatera kutabusanya n'imigenzo yemewe. Nyamara ikinyabupfura nyakuri ntigisaba umuntu gutatira amahame ngo akurikize ibyo abantu bishyiriyeho babyumvikanyeho. Ikinyabupfura nyakuri nticyita ku moko n'inzego abantu bashirwamo. Cyigisha kwiyubaha, guha agaciro umuntu nk'umuntu, no kwita ku muntu wese wo mu muryango mugari w'abantu. (21)

Urukundo Rugaragarira mu Ndoro, mu Magambo no mu Bikorwa: Hejuru ya byose, ababyeyi bakwiriye kugotesha abana babo umwuka w'ibyishimo, urugwiro n'urukundo. Urugo rwimitswemo urukundo kandi rukahagaragarizwa mu ndoro, mu magambo no mu bikorwa, haba ahantu abamarayika bishimira kuba. Babyeyi, nimureke imyambi y'umucyo w'urukundo, umunezero n'ibyishimo yinjire mu mitima yanyu, kandi mureke imbaraga yabyo ihindura iganze mu rugo rwanyu. Mujye mugaragaza umwuka w'ubugwaneza no kwihangana, kandi uwo mwuka muwushimangire mu bana banyu, mukuze muri bo imico yose izatuma ubuzima bwo mu rugo buba bunejeje. Umwuka muzaba mwimitse mutyo uzabera abana icyo umwuka n'imirasire y'izuba bimariye ibimera, utume bagira ubuzima bwiza n'imbaraga z'umubiri n'iz'intekerezo. (22)

Gukorana ubugwaneza, ibiganiro binejeje n'ibikorwa byuje urukundo bizomatanya imitima y'abana n'iy'ababyeyi bikoresheje imirunga myiza cyane y'urukundo kandi bizakora ibirenze ibyo maze bitume urugo ruba ahantu hashashagirana kurusha imitako y'akataraboneka yagurwa igiciro nk'icy'izahabu. (23)

Amatwara Atandukanye Agomba Guhuzwa: Ni gahunda y'Imana ko abantu badahuje amatwara bakwiriye kubana. Igihe bibaye bityo, buri muntu mu bagize umuryango akwiriye guha agaciro amarangamutima y'abandi kandi akubahiriza uburenganzira bwabo. Nibigenda bityo,

hazabaho guhana agaciro no kwihanganirana. Urwikekwe ruzagabanuka kandi n'ibibi birangwa mu mico bizoroshywa. Kuzuzanya gushobora kubaho kandi guhuza amatwara n'imico by'abantu bitandukanye bishobora kubera inyungu buri wese. (24)

Nta Kintu Kizasimbura Urugwiro: Abavuga ko ari abayoboke ba Kristo ariko bakaba ari abanyamwaga, nta bugwaneza bagira mu magambo yabo no mu myitwarire yabo, ntabwo bigiye kuri Yesu. Umuntu ukankamirana, utihangana kandi agashishikazwa no gushaka amakosa ku bandi si Umukristo, kubera ko kuba Umukristo ari ugusa na Kristo. Imyitwarire ya bamwe mu bavuga ko ari Abakristo ibuzemo ubugwaneza n'urugwiro ku buryo ibyiza byabo bihinyurwa bikavugwa nabi. Kuvugisha ukuri bibaranga bishobora kudashidikanywaho, kudakebakeba kwabo nako ntiguhinyurwe, ariko kuvugisha ukuri no kudakebakeba ntibizasiba icyuho cy'uko batarangwa n'ubugwaneza n'urugwiro. Umukristo akwiriye kuba ari umuntu wumva akababaro k'abandi, umunyakuri, umunyampuhwe n'urugwiro kandi akajya agenda atunganye ari n'umunyakuri. (25)

Kwirengagiza ibikorwa birangwa n'ubwitonzi no kugaragariza abandi urukundo hagati y'umuvandimwe n'undi, kwirengagiza amagambo y'ubugwaneza kandi akomeza hagati y'abagize umuryango, hagati y'ababyeyi n'abana no hagati y'abana n'ababyeyi, bihamya imyitwarire ituma imico yabo igaragara ko idasa n'iya Kristo. Ariko iyo utwo tuntu duto dukozwe, duhinduka ibintu bikomeye. Turiyongera ku rwego runini cyane. Icyo gihe abantu mu mibereho yabo bahumeka umubavu uhumura neza uzamuka ujya ku Mana nk'umubavu wera. (26)

Abantu Benshi Bakeneye cyane Kuzirikanwa: Abantu benshi bifuza cyane kugirirwa impuhwe za gicuti. ... Dukwiriye kurangwa no kujya twiyibagirwa ubwacu, tugahora dushakisha amahirwe yose yo kwerekana umutima ushimira ineza abandi batugiriye, kandi tugashaka uburyo bwo gukomeza abandi, koroshya no kubakiza imibabaro n'imitwaro yabo twifashishije ibikorwa by'ubugwaneza n'ibikorwa bito byerekana urukundo. Ibyo bikorwa byiza byo kuzirikanana bitangiriye mu muryango yacu maze bikagera no ku bandi bo hanze y'umuryango bifasha mu kurema umunezero mu buzima, kandi iyo habayeho gukerensa utwo tuntu duto bituma ubuzima bwuzuramo gusharirirwa n'umubabaro. (27)

Ubukristo Bugera mu Batuye Isi Binyuze mu Mibanire y'Abantu n'Abandi: Ubukristo bukwira mu batuye isi binyuze mu mibanire y'abantu n'abandi. Umugabo n'umugore wese wasogongeye urukundo rwa Kristo kandi umucyo mvajuru ukaba wararasiye mu mutima we, Imana imusaba kumurika uwo mucyo mu nzira icuze umwijima inyurwamo n'abantu bataramenya inzira irushaho kuba nziza. (28)

Dushobora kugaragaza kwita ku bandi mu tuntu duto incuro zitabarika tubabwira amagambo meza atuje, n'indoro nziza izatugaragaraho. Abakristo badashyira mu gaciro, bakajya birengagiza abandi bantu, berekana ko batunze ubumwe na Kristo. Ntibishoboka ko umuntu yaba yunze ubumwe na Kristo ngo ye kugirira abandi neza kandi ngo yirengagize uburenganzira bwabo. (29)

Tugomba twese kuba abahamya ba Yesu. Imbaraga yo gusabana, yejejwe n'ubuntu bwa Kristo igomba gukoresherezwa kugarura imitima ku Mukiza. Reka isi ibone ko tudahugiye mu byo twishakira, ahubwo ko dushaka ko abandi na bo babona ku migisha n'amahirwe twabonye. Reka babone ko idini yacu itatugira abadafite impuhwe cyangwa basaba abandi ibirenze ubushobozi bwabo. Reka abavuga ko babonye Kristo bose bakore nk'uko yakoraga maze bafashe abandi. Ntitugomba gutuma ab'isi bagira igitekerezo ko Abakristo ari abantu bashavuye, abantu batagira umunezero. (30)

Niba turangwa n'urugwiro kandi tukaba abagwaneza mu ngo zacu, igihe tutazaba turi mu ngo zacu tuzajyana impumuro y'umwuka w'umunezero. Nituramuka tugaragaje kwihangana, ubugwaneza no kwikomeza mu ngo zacu, tuzashobora kubera umucyo abatuye isi. (31)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* Sept. 9, 1886.
2. *Signs of Times,* May 25, 1882.
3. *Good Health,* January, 1880.
4. *Uburezi,* p. 251.
5. *Review and Herald,* June 13, 1882.
6. *Signs of Times,* April 17, 1884.
7. *Signs of Times,* Aug, 23, 1877.
8. *Signs of Times,* Oct. 2, 1884.
9. *Signs of Times,* Oct. 2, 1884.
10. *Manuscript* 74, 1900.
11. *Uburezi,* p. 252.
12. *Signs of Times,* Nov. 29, 1877.
13. *Signs of Times,* July 1, 1886.
14. *Thoughts From the Mountain of Blessings,* pp. 192, 193.
15. *Uburezi,* p. 253.
16. *Uburezi,* pp. 252,253.
17. *Ministry of Healing,* pp. 489, 490.
18. *Signs of Times,* Aug. 13, 1912.
19. *Ministry of Healing,* p. 490.
20. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, pp. 559, 560.

21. *Uburezi*, p. 251.
22. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p.115.
23. *Signs of Times*, Oct. 2, 1884.
24. *Signs of Times*, April 4, 1911.
25. *The Youth's Instructor*, March 31, 1908.
26. *Manuscript* 107, 1898.
27. *Testimonies for the Church*, Vol.3, pp.539, 540.
28. *Id.*, Vol. 4, p.555.
29. *Id.*, Vol.3, p.539.
30. *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 110 (2018).
31. *Signs of Times*, Nov. 14, 1892.

Igice Cya 70

UMUNEZERO

Umukristo Nyakuri Azahorana Umunezero: Ntimugakundire ingorane n'ibihagarika abantu umutima byo mu buzima bwa buri munsi gukangaranya intekerezo zanyu no kwijimisha mu maso hanyu. Nimuramuka mubihaye akito, iteka muzahorana ikintu cyo kubahagarika umutima no kubabuza amahoro. Ubuzima buba uko tubugenza, kandi icyo dushaka ni cyo tuzabona. Nidushaka guhorana umubabaro n'impagarara, niba mu ntekerezo zacu dushaka gukuririza ingorane nto, tuzabona nyinshi zo gupfukirana ibitekerezo byacu no kuzura mu biganiro byacu. Ariko nitubireba mu ruhande rwiza rw'ibintu, tuzabona ibintu bihagije byo kudushimisha no kutunezeza. Nituramuka tumwenyuriye abandi, na bo bazatumwenyurira; nituvuga amagambo meza ashimisha abandi, natwe tuzayabwirwa.

Iyo Abakristo bagaragaje ko bijimye kandi batentebutse nk'aho batekereza ko badafite incuti, baba berekana ishusho ipfuye y'idini. Abantu bamwe bakomeye ku gitekerezo kivuga ko umunezero ntaho uhuriye n'agaciro k'imico ya Gikristo, ariko iryo ni ikosa. Ijuru ryuzuye ibyishimo; kandi nidukora uko dushoboye kose tukagotesha ubugingo bwacu ibyishimo by'ijuru, tukabigaragaza mu magambo tuvuga no mu myitwarire yacu, tuzarushaho kunezeza Data wo mu ijuru kuruta uko twajyaga kubaho twijimye kandi tubabaye.

Buri wese afite inshingano yo kwimenyereza guhora anezerewe aho kwiyunamira afite agahinda kandi atekereza ku makuba. Ni muri ubwo buryo abantu batishyira mu kaga gusa, ahubwo baniyicira ubuzima kandi bakivutsa umunezero bakabigurana ibyo batekereza bibi. Ahabakikije hari ibintu bidashimishije, kandi mu maso habo hahora hagaragaza umubabaro kurenza uko amagambo yabo yawugaragaza. Ayo marangamutima y'urucantege abangiriza ubuzima cyane; kubera ko abera imbogamizi igogorwa ry'ibyo bariye, ikabangamira imirire yabo. Agahinda no guhagarika umutima ntibishobora kuba umuti ku kibi kimwe kiba cyabayeho, ahubwo bishobora kugirira umuntu nabi cyane. Ariko igihe umunezero n'ibyiringiro bimurika mu nzira abandi banyuramo, "bibera ubuzima ababibona n'amagara mazima ku mubiri wabo wose." (1)

Ellen G. White Yahoranaga Umunezero mu Bihe Byabaga Bimukomereye:[3] Hari ubwo mwigera mumbona nijimye, ntentebutse kandi nitotomba? Mfite kwizera kumbuza kwitwara ntyo. Gusobanukirwa nabi imiterere nyakuri y'Ubukristo n'umurimo wa Gikristo ni byo bitera abantu kugera ubwo bifata batyo. Kutagira imibereho nyakuri y'iby'idini ni ko gutera abantu kwijima, gutentebuka n'umubabaro. Abakristo bamaramaje bihatira kwigana Yesu kubera ko kuba Umukristo ari ugusa na Kristo. Gusobanukirwa neza imibereho ya Kristo n'imico ye bizaba ingenzi cyane, kugira ngo amahame ye abashe kwigaragariza muri twe abifuza gusa na We.

Kuyoboka abami babiri, gukunda iby'isi, inarinjye no gukunda ibinezeza by'imburamumaro, bituma umugaragu aba igikange n'ikigwari. Akurikira Kristo ariko amuri kure cyane. Umurimo ukorerwa Yesu uvuye ku mutima kandi ukoranywe ubushake ubyara idini irangwamo umucyo nk'uw'izuba. Abakurikira Kristo bamwegereye cyane ntibigera bacura igihunya. Muri Kristo hahora umucyo n'amahoro n'ibyishimo. Dukeneye Kristo cyane kurusha uko dukeneye iby'isi, dukeneye Kristo cyane aho kugira imibereho y'ubwikanyize. (2)

Mugende nk'Abana b'Umucyo: Si ubushake bw'Imana ko tuba abantu banyinyiriwe cyangwa barambiwe, cyangwa ko tuba ibikange n'imburamumaro. Guteragana abantu hirya no hino ni umugambi wa Satani yize neza. Nk'abana b'umucyo, Imana ishaka ko twimenyereza umwuka wo kunezerwa n'ibyishimo, kugira ngo tubashe kwamamaza ishimwe ry'uwaduhamagaye akadukura mu mwijima, akatugeza mu mucyo We w'itangaza. (3)

Kwireherezaho urukundo rw'abana: Babyeyi namwe barezi, mujye muhora mumwenyura. Niba mubabaye mu mutima, ntimugatume bigaragara mu maso hanyu. Nimureke umucyo w'izuba uturuka mu mutima wuje urukundo kandi ushima uboneshe mu maso hanyu. Ntimugatatire agaciro kanyu gakomeye, ahubwo mwimenyereze ibyo abana bakeneye, maze mubatere kubakunda. Niba mushaka gucengeza ukuri kw'iyobokamana mu mitima yabo, mugomba kwigarurira urukundo rwabo. (4)

3 Mu mwaka wa 1867, umukuru James White wari urembye cyane bitewe n'uko yari yaturitse agatsi ko bwonko kakamutera kugagara uruhande rumwe rw'umubiri, yari arwariye ku ivuriro ryiswe "Urugo Rwacu" ahitwa i Nansville, muri New York. Umudogiteri wari ushinzwe icyo kigo yabonaga ko iyobokamana ari imbaraga ica abantu intege maze agashishikariza abarwayi yitagaho kwitabira ibirangaza n'imikino itari imwe kugira ngo babashe kunezerwa. Madame Ellen White yasabwe n'umwe mu bafasha ba muganga kwiyandikisha mu itsinda ryo kubyina kandi amubwira ko naryitabira azatandukana n'imibabaro agira. Amagambo avugwa muri iki gika agaragaza igisubizo Ellen G. White yatanze kuri iyo nama yagirwaga.

Muhorane mu Maso Hanezerewe n'Ijwi Ryiza: Babyeyi, mujye muhora munezerewe, mwoye kujya muvuga nabi cyangwa ngo mwiteshe agaciro, ahubwo mube abantu bashima, bubaha kandi bumvira So wo mu ijuru. Niba hagize ibintu bibayeho bitera kurakara, nta mudendezo mufite wo gukora mukurikije amarangamutima yanyu. Kwigarurira urukundo rw'abana banyu ni ukumera nk'amazi maremare ahora ava mu isoko y'ibijyana n'uko mufata abana banyu. Abana banyu ni utwana tw'intama zo mu mukumbi w'Imana. Nimubazanire Kristo bakiri bato. Niba ababyeyi bashaka kwigisha abana babo kurangwa n'ibyishimo, ntibakwiriye na hato kubabwira amagambo avuganywe ubukana. Nimwimenyereze kurangwa n'umunezero mu maso hanyu, kandi mwige kuvuga n'ijwi ryoroshye kandi riryoheye amatwi. Abamarayika b'Imana bahora iruhande rw'abana banyu, bityo imvugo yanyu ikakaye kandi irimo urusaku ntinyura amatwi yabo. (5)

Umubyeyi w'umugore akwiriye kwimenyereza guhorana akanyamuneza, ibyishimo n'umunezero. Imbaraga zose azakoresha muri iki cyerekezo zizamugarukira ku rwego rukomeye haba mu mibereho myiza y'umubiri ndetse n'imico myiza by'abana be. Umutima unezerewe uzaba umusemburo w'umunezero mu muryango we, kandi uzatuma ubuzima bwe nabwo burushaho kuba bwiza. (6)

Vanaho Ibituma Wijima maze Woroshye Inshingano Yawe: Jya ureba ibibazo mu mucyo wuje umunezero, ushake uko uvanaho ibituma wijima bizigarurira ubugingo bwawe uramutse ibyiziritseho. Imenyereze kugirira abandi impuhwe. Reka umunezero, ubugwaneza n'urukundo biganze mu rugo rwanyu. Ibyo bizongera urukundo ukunda iby'idini, kandi uzakora inshingano nini n'intoya ufite umutima utuje. (7)

Umunezerero Utarangwamo Guhindagurika ni Umuco wa Gikristo: Dushobora kurangwa no kwiha agaciro nyakuri kwa Gikristo kandi tukaba n'abantu banezerewe ndetse bishimye mu myitwarire tugira. Umunezero utarangwamo guhindagurika ni umwe mu mico ya Gikristo. (8)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Signs of Times,* Feb. 12, 1885.
2. *Manuscript* 1, 1867.
3. *Australian Union Conference Record,* Nov. 1. 1904.
4. *Fundamentals of Christian Education,* p. 68.
5. *Manuscript* 126, 1897.
6. *Ministry of Healing,* p. 374.
7. *Signs of Times,* Sept. 1, 1898.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p 62.

IGICE CYA 71

IMVUGO

Ijwi ni Impano: Ijwi ni impano twahawe, bityo rikwiriye gukoreshwa mu gufasha bagenzi bacu, kubatera umwete no kubakomeza. Ababyeyi nibakunda Imana kandi bakagendera mu nzira y'Uwiteka bakurikiza ubutabera kandi bakora ibitunganye, ntabwo imvugo yabo izarangwamo amarangamutima yo gutonesha agaragaza intege nke. Ahubwo imvugo yabo izaba ari nzima, iboneye kandi yubaka ubumva. Baba bari mu ngo zabo cyangwa se n'ahandi, bazajya batoranya neza amagambo bavuga. Ntibazavugana amagambo y'amanjwe. (1)

Ijambo Ryose Rigira Impinduka Riteza: Ijambo ryose ababyeyi bavuze rigira impinduka rirema mu bana, kwaba ari ukububakamo icyiza cyangwa se ikibi. Iyo ababyeyi bavuze amagambo atarangwamo kwitangira, iyo bagaragaje umwuka uranga ab'iyi si, Imana ibabara nk'abana b'isi, ntizababara nk'abahungu n'abakobwa bayo. (2)

Ijambo rivuzwe mu gihe gikwiriye rishobora kuba nk'imbuto nziza ibibwe mu bwenge bw'abakiri urubyiruko kandi rishobora kuyobora intambwe z'abo bakiri bato mu nzira itunganye. Ariko ijambo ribi rishobora kubayobora mu nzira igana mu irimbukiro. (3)

Abamarayika bumva amagambo avugirwa mu rugo. Kubera iyo mpamvu, ntimugasakuze; ahubwo mureke impinduka ishobora guterwa n'amagambo yanyu ibe imeze nk'umubavu uhumura neza uzamuka mu ijuru. (4)

Ababyeyi bakwiriye kubumbatira umwuka wo mu rugo rwabo ukaba utunganye kandi uhumura amagambo meza, arangwamo impuhwe n'urukundo, ariko nanone bakwiriye kuba badakebakeba kandi badatezuka ku ihame bagenderaho. Nimugaragariza abana banyu ko muri abantu badakebakeba mu byo muvuga, bashobora gutekereza ko mutabakunda. Mushobora kwitega ko ari ko bizagenda, ariko ntimukigere mubagaragariza ubukana. Ubutabera n'imbabazi bikwiriye kugendana; ntihakwiriye kubaho umwuka wo kudafata icyemezo cyangwa uwo guhubuka. (5)

Imvugo Igaragaza Ibiri mu Mutima: Ikintu cy'ibanze kigaragaza imvugo nziza ni uko iba itarimo ibinyoma cyangwa amahomvu, irimo amagambo yuzuye ubugwaneza n'ukuri. Iyo ni "imvugo yumvikana kandi igaragaza ineza yuzuye umutima"... Ishuri rihebuje andi umuntu yigiramo uru rurimi ni umuryango. (6).

Amagambo y'ubugwaneza ni nk'ikime n'ibijojoba bihembura umutima. Ibyanditswe Byera bivuga ibya Kristo, ko iminwa ye yasohoragamo amagambo yuje ubuntu kugira ngo "amenye gukomeresha urushye amagambo." (Yesaya 50:4). Kandi Uwiteka aratubwira ati: "Ijambo ryanyu rifatanye iteka n'ubuntu bw'Imana, risize umunyu kugira ngo mumenye uko mukwiriye gusubiza umuntu wese." (Abakolosayi 4:6). (7)

Kumenyereza Ijwi Bikwiriye Gukorerwa mu Muryango: Inyigisho zijyana no kumenyereza ijwi zikwiriye gutangirwa mu muryango. Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo kuvuga batuye ijwi ku buryo ababateze amatwi bashobora kumva meza ijambo ryose rivuzwe. Bakwiriye kubigisha gusoma Bibiliya mu ijwi ryiza kandi ryumvikana, mu buryo buzahesha Imana icyubahiro. Kandi ntimukemerere abapfukamye bakikije igicaniro cy'umuryango gusenga bapfutse ibiganza byabo mu maso kandi bicaye mu ntebe zabo igihe hari icyo babwira Imana. Ahubwo bajye bubura imitwe yabo, begere intebe y'ubuntu bafite gutinya kwera kandi bashije amanga. (8)

Gira imvugo itunganye. Imenyereze gusohora ijwi rituje kandi ryemeza uwo ubwira, ridakangaranya kandi ritarangwamo igitugu. Mujye mwigisha abana amasomo ajyana no kumenyereza ijwi. Nimubamenyereze kuvuga neza kugeza ubwo nta magambo y'uburakari kandi y'inyandagazi azasohoka mu kanwa kabo igihe bahuye n'ikigeragezo icyo ari cyo cyose. (9)

Kumenyereza ijwi ni ingingo ifite uburemere cyane ku bijyana n'ubuzima bw'abigishwa. Abasore n'inkumi bakwiriye kwigishwa uburyo bwo guhumeka uko bikwiriye n'uburyo bwo gusoma ku buryo umuhogo n'ibihaha bidasohora ijwi ridasanzwe, ahubwo n'imikamba y'inda ikagira uruhare muri uwo murimo wo gusohora ijwi. Kuvuga ijwi rivuye mu muhogo, gusohora ijwi rivuye mu bice byo hejuru by'imvumba z'amajwi, byangiriza ubuzima bw'iyo myanya kandi bikagabanya ubushobozi bwayo bwo gukora neza. Imikaya y'umukamba w'inda igomba gukora umugabane uremereye cyane w'umurimo wo gusohora ijwi naho umuhogo ukaba umuyoboro unyuzwamo ijwi. Hari abantu benshi bapfuye bajyaga kurama iyo baza kuba barigishijwe gukoresha ijwi neza. Gukoresha neza imikamba y'inda igihe uri gusoma cyangwa uri kuvuga bizaba umuti ku bibazo byinshi byibasira ijwi n'igituza, kandi bibe uburyo butuma abantu barama igihe kirekire. (10)

Ingaruka z'Amagambo Akakaye kandi Arimo Uburakari: Mu rugo rwumvikanamo amagambo akakaye, yo kwinuba n'uburakari, usanga umwana akunda kurira; bityo ibimenyetso by'umubabaro n'umushiha bikiyandika mu masoko y'imbamutima ze aba akiri mato. Ni cyo gituma babyeyi b'abagore mukwiriye gukora ku buryo mu maso hanyu hahora hakeye. Niba bishoboka, mubyeyi ujye umwenyura, bityo intekerezo z'umwana n'umutima we bizagaragaza umucyo wo mu maso hawe nk'uko igishushanyo cy'umunyabugeni kinogejwe neza kigaragaza inyuma h'umuntu uko yakabaye. Babyeyi b'abagore, mwigenzure mumenya neza ko Kristo atuye muri mwe kugira ngo ishusho y'Imana ibashe kwandikwa mu ntekerezo z'umwana wanyu ziba zigikura. (11)

Mwirinde ko Habaho Ijwi ry'Ubwumvikane Buke: Ntimukemerere intonganya cyangwa amacakubiri kwinjira mu rugo rwanyu. Mujye muvugana ineza. Ntimukigere muzamura ijwi ryanyu mwerekana gusharira. Mujye mutuza. Mwirinde kujora amakosa mu bandi no kubeshyana. Nimubwire abana banyu ko mushaka kubafasha kwitegura kuzaba mu ijuru ryera, aharangwa amahoro masa, ntihumvikane ijwi ry'ubwumvikane buke. Mujye mubihanganira mu bibagerageza bishobora kugaragara ko ari bito kuri mwe ariko kuri bo bikaba ari binini. (12)

Igihe ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bazaba bahindutse, hazabaho guhinduka kudakebakeba kw'amahame y'imicungire y'ingo zabo. Ibitekerezo byabo bizahinduka, n'imvugo yabo na yo izahinduka....

Mu rugo ntihazarangwa imvugo irimo urusaku no kuvugana uburakari. Amagambo yabo azaba ateye ku buryo yoroshya umutima kandi akabera umugisha ababumva..... Mukwiriye kuvana mu ijwi ryanyu ibintu byose byatuma ryumvikana nabi. (13)

Tugomba gutegeka umwuka w'ubuhubutsi kandi tukayungurura amagambo tuvuga, kandi mu kugenza dutyo tuzabasha kugera ku ntsinzi ikomeye. Keretse gusa nidutegeka amagambo yacu na kamere yacu, naho ubundi tuzaba imbata za Satani uzatuyobora nk'ingaruzwamuheto. Amagambo yose y'intonganya kandi adashimishije, amagambo agaragaza kutihangana n'uburakari aba ari ituro dutuye Satani. Kandi iryo ni ituro ry'agaciro kenshi cyane, riruta kure igitambo icyo ari cyose dushobora gutura Imana kubera ko ririmbura amahoro n'umunezero by'abagize umuryango bose, rikarimbura ubuzima, kandi rikaba ryaba intandaro yo kuvutswa ubugingo buhoraho bwuje umunezero. (14)

Mbese Amagambo Yaba Isoko y'Umucyo cyangwa y'Umwijima? Ni ingeni ko abana, abasore n'inkumi bigishwa kurinda amagambo bavuga n'ibikorwa bakora, kubera ko imigirire yabo iba isoko y'umucyo cyangwa

y'umwijima, atari mu rugo rwabo gusa, ahubwo no ku bandi bantu bahura cyangwa babana. (15)

Akenshi kubura umunezero biterwa no gukoresha nabi impano twahawe yo kuvuga. Nta muntu n'umwe Ijambo ry'Imana riha uburenganzira bwo kuvuga amagambo akakaye azana umwuka mubi n'umubabaro mu muryango. Abandi bantu bagize umuryango ntibabasha kubaha umuntu uvuga bene ayo magambo, mu gihe yari kugirirwa icyizere kandi agakundwa n'abo babana bose iyo aza gukumira amarangamutima ye. (16)

Abana Babwirwe Amagambo Ashimishije; Ababyeyi Babwirwe Amagambo Arimo Icyubahiro: Mureke ababyeyi babwire abana babo amagambo ashimishije, kandi abana na bo babwire ababyeyi babo amagambo arimo icyubahiro. Ibyo bintu bikwiriye kwitonderwa mu mibereho yo mu muryango; kubera ko mu kubaka imico yabo abana nibabasha gutora ingeso nziza, bizaborohera cyane kwigishwa n'Imana no kumvira ibyo ibasaba. (17)

Hunga Imvugo Ikocamye Iyo Ari yo Yose: Babyeyi, bagabo n amwe bagore, bakobwa namwe bahungu, ntimukigere mwimenyereza gukora, kuvuga no gutekereza ibintu bikocamye. Amagambo akocamye, gukora ibimenyetso by'ubupfapfa, kutagira ikinyabupfura n'urugwiro nyakuri mu mibereho y'umuryango bizabahindukiramo kamere ya kabiri kandi bizatuma mutaba abantu bakwiriye kubana n'itsinda ry'abereshwa ukuri. Mu rugo ni ahantu hejejwe cyane ku buryo hadakwiriye kwanduzwa n'ibikorwa n'amagambo bikocamye, umutima wa kamere, kwihimura n'ibikorwa by'urukozasoni. Nimureke kuvuga ijambo ryose ribi, muzibukire igitekerezo cyanduye kubera ko Umuhamya Ukiranuka agenzura ijambo ryose rivuzwe, agaha agaciro igikorwa cyose maze akavuga ati: "Nzi imirimo yawe." Ibyahishuwe 3:1. (18)

Ibiganiro by'amanjwe ntibikwiriye guhabwa umwanya mu muryango. Umutima nuba uboneye uzasohokamo ubutunzi bwinshi bw'ubwenge. (19)

Ntimukemere ko mu muryango wanyu havugirwa amagambo y'ubupfapfa. Ndetse n'abana bato bazungukira mu "magambo mazima." (2 Timoteyo 1:3). Ariko amagambo atagira agaciro kandi y'ubupfapfa ababyeyi bombi bavugana azatuma abana babo nabo bajya bavugana bene ayo magambo. Ibiri amambu, amagambo meza atunganye, aboneye, y'ukuri kandi atarangwamo gukebakeba azatera abantu kurangwa n'iyo mico mu muryango wose kandi azajya abatera gukora ibitunganye. (20)

Ibibi Biterwa n'Amagambo y'Uburakari no Guhubuka: Iyo ubwira abana bawe amagambo y'uburakari, uba uri gutera inkunga umurimo

w'umwanzi wo gukiranuka kose. Nimureke umwana wese agire amahirwe yo kubwirwa neza kuva akiri uruhinja. Umurimo wo kwigisha ukwiriye gutangira umwana akiri muto, ntujyanirane no kumushariririra n'uburakari, ahubwo ugakorwa mu mwuka w'ubugwaneza no kwihangana. Ubwo burere bukwiriye gukomeza mu myaka yabo yose kugeza ubwo umwana azaba ahindutse umugabo cyangwa se umugore. (21)

Nimutyo umuryango wose ushake Uwiteka, usenge ushyizeho umwete usaba ubufasha kugira ngo ubashe gukora umurimo Imana yawushinze. Nimutyo abagize umuryango batsinde ingeso yo kuvuga amagambo bahubukiye n'ayo kunenga abandi. Nimutyo bige kuba abagwaneza no kugira urugwiro mu rugo rwabo, bitoze ingeso nziza yo gushyira mu gaciro no kwigengesera. (22)

Mbega ikibi cyinjizwa mu muryango no kuvuga amagambo yumvikanamo kutihanganirana, kubera ko amagambo nk'ayo umuntu umwe avuze atera undi kumusubiza mu mwuka nk'uwo no mu buryo nk'ubwo. Nuko hagakurikiraho amagambo yo kwihimura n'amagambo yo kwirengera maze kubw'ayo magambo umutwaro uremereye kandi utera kurakara ukagerekwa ku ijosi ryawe bitewe n'uko ayo magambo asharira yose azakugarukira akabera ubugingo bwawe umusaruro uzana akaga. (23)

Amagambo asharira yinjira mu gutwi akagera mu mutima, agakongeza amarangamutima mabi cyane aba mu muntu maze agashyira abagabo n'abagore mu gishuko cyo kwica amategeko y'Imana . ... Amagambo ni nk'imbuto zitewe. (24)

Amagambo Avuganwe Uburakari ni nk'Ibitutsi: Mu miryango myinshi harangwa ingeso yo kuvuga ibintu bidafite ireme, n'amagambo ahubukiwe. Ndetse haba n'ingeso yo gushotorana mu magambo umuntu atebya no kuvuga amagambo akakaye, maze iyo ngeso yahabwa intebe ikagenda irushaho gukura, bityo amaherezo amagambo menshi mabi akajya avugwa bayabwirijwe na Satani aho gukoreshwa n'Imana . ... Amagambo agurumana kubyutsa kamere ntakwiriye kuvugwa kubera ko ayo magambo abarwa nk'ibitutsi imbere y'Imana n'abamarayika bera. (25)

Uburyo Abana Batakarije Se Icyizere: "Mwene Data, amagambo yawe akakaye akomeretsa abana bawe. Uko bagenda bakura, bazagenda bakuza ingeso yo kunenga. Kujora amakosa y'abandi bigenda byangiza ubuzima bwawe kandi biragenda bisatira umugore wawe n'abana bawe. Abana bawe ntibashishikarizwa kukugirira icyizere cyangwa kwemera amakosa yabo bitewe n'uko baba bazi ko byanze bikunze birakurikirwa no kubacyaha wihanukiriye. Akenshi amagambo yawe aba ameze nk'amahindu atikiza imyaka itarakura. Ntawashobora kumenya uburemere bw'ikibi ubagirira iyo ugenza utyo. Abana bawe bahitamo kujya babeshya kugira ngo

babashe kwirinda amagambo ashaririye ubabwira. Bazajya baca ukuri ku ruhande kugira ngo bakire gucyahwa n'ibihano. Itegeko rikakaye kandi ribatera kunyinyirirwa nta cyiza rizabazanira. (26)

Isezerano Rikangura Intekerezo: Icyaba cyiza ni uko umugabo wese yakwandika amasezerano akayashyiraho umukono ko azajya avugana ineza mu rugo rwe, kandi ko azareka itegeko ry'urukundo akaba ari ryo rigenga imvugo ye. Babyeyi ntimugapfe kuvuga muhubutse. Niba abana banyu bakosheje, nimubakosore ariko amagambo yanyu ajye aba yuzuye ubugwaneza n'urukundo. Igihe cyose muvuze mubakankamira, muba mutakaje amahirwe y'igiciro cyinshi yo kubigisha isomo ryo kugira impuhwe no kwihangana. Mureke urukundo abe ari rwo rujya rwiganza igihe mukosora amakosa. (27)

Ibiganiro byo ku Meza: Mbega ukuntu imiryango myinshi irunga ibyokurya byabo bya buri munsi ibishyiramo gushidikanya no kwibaza! Usanga basesengura imico ya bagenzi babo maze icyo kiganiro bakakigira indyo ibaryoheye bikuza. Bashyira ku meza ikinyoma cyo gusebya umuntu kugira ngo bakiganireho, ntibikorwe n'abantu bakuru gusa, ahubwo n'abana nabo. Imana ntihabwa icyubahiro muri ibyo bakora. (28)

Umwuka wo kunegurana no kujora amakosa ku bandi ntukwiriye guhabwa umwanya mu rugo. Amahoro y'urugo arera cyane ku buryo adakwiriye kwanduzwa n'umwuka nk'uwo. Ariko ni kenshi abagize umuryango bahererekanya isahane yuzuye kunegurana, kujora amakosa y'abandi n'amagambo y'urukozasoni mu gihe bari ku meza bafungura. Kristo aramutse agarutse uyu munsi, mbese ntiyasanga myinshi mu miryango ivuga ko ari iy'Abakristo yarahaye intebe umwuka wo kunegurana no kutagirira abandi neza? Abagize iyo miryango ntibiteguye kwifatanya n'abagize umuryango wo mu ijuru. (29)

Mureke ibiganiro bibera ku meza y'umuryango bibe biteye ku buryo bisiga impinduka imeze nk'impumuro nziza mu ntekerezo z'abana. (30)

Kunegurana no Gutera Abandi Urubwa: Iyo dutekereje umuntu ufite ubugome budasanzwe wica umuntu akamurya, tugira ubwoba bwinshi! Ariko se, ingaruka z'iyo migirire iteye ishozi zaba ari mbi cyane kurenza ishavu n'amakuba bizanwa no gutera umuntu urubwa, kumusebya no kumusesereza? Nimutyo abana, ingimbi n'abangavu, abasore n'inkumi bige icyo Imana ivuga kuri ibi bintu ngo: "Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza." Imigani 18:21. (31)

Umwuka wo kunegurana no gutera abandi urubwa ni kimwe mu bikoresho byihariye Satani akoresha kugira ngo abibe amacakubiri n'amakimbirane, kandi atandukanye inshuti, ndetse ashegeshe ukwizera benshi bari bafitiye ukuri kw'amahame tugenderaho. (32)

Kubiba Imbuto zo Kutizerana ni Ugufasha Umwanzi: Kuvuga amagambo akarishye biri muri kamere y'umuntu. Abemera gutegekwa n'iyi ngeso bakingurira urugi Satani ngo yinjire mu mitima yabo, kandi abatere kwibuka vuba amakosa n'amafuti. Batinda ku ntege nke z'abandi, bakita ku nenge zabo, ndetse bakavuga amagambo atera kutagirira icyizere umuntu uri gukora uko ashoboye kose ngo asohoze inshingano ye neza nk'umukozi ukorana n'Imana. Akenshi imbuto zo kutizerana zibibwa bitewe n'uko umuntu umwe atekereza ko yagombye kuba yaritaweho ariko ntibibe byaragenze bityo. (33)

Imana irahamagarira abizera kureka kujora amakosa y'abandi, no kureka kuvuga amagambo ahubukiwe kandi atarangwamo ubugwaneza. Babyeyi, nimutyo amagambo mubwira abana banyu abe yuzuyemo urukundo kandi ashimishije kugira ngo mubashe gufasha abamarayika kujyana abana banyu kuri Kristo. Ivugurura rikuye ruhande rirakenewe cyane mu itorero ryo mu rugo. Mukwiriye guhita mutangira iryo vugurura. Nimureke kunegurana kose, amahane n'intonganya bihagarare. Abagira amahane n'intonganya bakingiranira hanze abamarayika bo mu ijuru, bagakingurira urugi abamarayika babi. (34)

Kwinginga Ababyeyi ngo Bagire Kwihangana no Kwitegeka: Babyeyi, igihe muzajya mwumva murakaye, ntimukwiriye gukora icyaha gikomeye gityo, muhumanisha umuryango wanyu wose ubwo burakari buteza akaga. Mu bihe nk'ibyo by'uburakari, mujye mwigengesera incuro ebyiri, maze mugambirire mu mitima yanyu kudacumuza iminwa yanyu, ahubwo mugambirire ko muzavuga amagambo meza yubaka gusa. Mwibwire muti: "Sinzangiriza umunezero w'abana banjye nkoresheje amagambo y'uburakari." Kubwo kwitegeka mutyo, muzarushaho kugwiza imbaraga. Urwungano rwanyu rw'imyakura ntiruzajya ruhungabanywa n'ikibonetse cyose. Muzakomezwa n'amahame y'ukuri. Kuzirikana ko muri gusohoza inshingano yanyu mukiranutse bizabakomeza. Kubw'umuhati wanyu, abamarayika b'Imana bazabamwenyurira kandi babafashe. (35)

Babyeyi, mujye muvugisha abana banyu mu mvugo idasharira; mwibuke uburyo namwe mufite imitima yoroshye, ndetse n'uko mudashobora cyane kwihanganira kunengwa. Nimutekereze kandi mumenye ko abana banyu bameze nkamwe. Ibyo mudashobora kwihanganira ntimukabibagerekeho. Niba mudashobora kwihanganira amagambo yo kubaveba cyangwa kubagaya, n'abana banyu ntibabishobora kubera ko ari abanyantege nke kubarusha kandi ntibabe babasha kubyihanganira. Nimutyo amagambo yanyu ashimishije, kandi anejeje ajye ahora ari nk'imirasire y'izuba mu muryango wanyu. Imbuto zo kwitegeka, gushyira mu gaciro no kwihangana ku ruhande rwanyu zizatanga umusaruro inkubwe ijana. (36)

Igihe cyo Guceceka cyangwa cyo Kuririmba: Nta gushidikanya ibigeragezo bizaza, ndetse bizagera no ku bantu bitanze byuzuye. Kwihangana kw'abantu bihangana kurusha abandi kuzageragezwa bikomeye. Umugabo cyangwa umugore ashobora kuvuga amagambo yatuma undi yihutira kumusubiza, ariko mureke ugize icyo abwirwa yicecekere. Kwicecekera bitanga umutuzo. Akenshi guceceka ni cyo gihano gikomeye cyane kurusha ibindi gishobora guhabwa umuntu wacumurishije iminwa ye. (37)

Igihe abana n'abasore n'inkumi bananiwe kwitegeka maze bakavuga amagambo bahubutse, akenshi kwicecekera ni yo migirire myiza umuntu yakurikiza, aho kubagaya, kujya impaka na bo cyangwa kubaciraho iteka. Bidatinze bazihana. Kwicecekera kugereranywa n'izahabu akenshi kuzakora ibintu byinshi birenze iby'amagambo yose umuntu ashobora kuvuga. (38)

Mu gihe abandi batihangana, bakarakara ubusa kandi bakitotomba bitewe n'uko badashoboye kunesha inarijye, tangira uririmbe zimwe mu ndirimbo z'i Siyoni. Igihe Yesu yakoreraga ku ntebe y'umubaji, rimwe na rimwe abandi bantu baramuzengurukaga, bakagerageza kumurakaza; ariko yahitaga atangira kuririmba indirimbo nziza za zaburi; maze ba bantu bakisanga bari gufatanya nawe kuririmba izo ndirimbo batabizi, barehejwe n'imbaraga ya Mwuka Wera yabaga iri aho. (39)

Urugamba rwo Kwitegeka mu Magambo: Kubwo kwitegeka no gutanga icyitegererezo mu kubaka imico itajegajega, Imana isaba ababyeyi gukwiza umucyo wabo mu bana babo bato. Nta mahomvu n'ikiganiro cy'amanjwe bikwiriye guhabwa icyicaro. Imana ireba ikintu cyose gihishwe mu bugingo. Abantu bamwe bahora ku rugamba rwo kwitegeka. Buri munsi barwana intambara bucece, basenga kugira ngo barwanye imvugo ikakaye n'uburakari. Bene izo ntambara zishobora kudashimwa n'abantu. Bashobora kutabona umuntu ubabwira amagambo yo kubashimira ko bakumiriye amagambo ahubukiwe yashakaga kubasohokamo. Ab'isi ntibazigera babona uko gutsinda; ariko iyaba bajyaga kukubona, nta kindi bari gukora uretse gusuzugura abatsinze iyo ntambara. Hariho Umwe ureba intambara yose ihishwe n'intsinzi yose ya bucece maze akavuga ati: "Utihutira kurakara aruta intwari, kandi utegeka umutima we aruta utsinda umugudu." Imigani 16:32. (40).

Niwanga gutongana cyangwa kugira umujinya cyangwa gutonga, Uwiteka azakwereka uburyo uzabyitwaramo. Azagufasha gukoresha impano yo kuvuga mu buryo nk'ubwa Kristo bityo ingeso nziza z'agaciro kenshi zo kwihangana, ihumure n'urukundo zizinjizwa mu rugo rwanyu. (41)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Manuscript* 36, 1889.
2. *Manuscript* 100, 1902.
3. *Review and Herald,* June 24, 1890.
4. *Letter* 10, 1912.
5. *Review and Herald,* March 31, 1897.
6. *Uburezi,* p. 246.
7. *The Youth's Instructor,* March 31, 1908.
8. *Manuscript* 4, 1901.
9. *Manuscript* 60, 1903.
10. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 297.
11. *Review and Herald,* Sept. 8, 1904.
12. *Manuscript* 14, 1905.
13. *Letter* 75, 1898.
14. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, p. 310.
15. *The Youth's Instructor,* Nov. 5, 1896.
16. *Manuscript* 16, 1900.
17. *Review and Herald,* Nov. 17, 1896.
18. *Signs of the Times,* Nov. 14, 1892.
19. *Review and Herald,* May 17, 1898.
20. *Review and Herald,* April 14, 1885.
21. *Manuscript* 53, 1912.
22. *Manuscript* 31, 1907.
23. *Review and Herald,* Feb. 27, 1913.
24. *Letter* 105, 1893.
25. *The Youth's Instructor,* Sept. 20, 1894.
26. *Letter* 8a, 1896.
27. *Letter* 29, 1902.
28. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 195.
29. *Signs of the Times,* Feb. 17, 1904.
30. *Manuscript* 49, 1898.
31. *Uburezi,* p. 247.
32. *Testimonies for the Church,* Vol.4. p. 195.
33. *Letter* 169, 1904.
34. *Letter* 133, 1904.
35. *Testimonies for the Church,* Vol.1, pp.386,387.
36. *Testimonies for the Church,* Vol.1. p.401.
37. *Manuscript* 70, 1903.
38. *Manuscript* 59, 1900.
39. *Manuscript* 102, 1901.
40. *Signs of the Times,* August, 23, 1899.
41. *Manuscript* 67, 1901.

IGICE CYA 72

GUCUMBIKIRA ABASHYITSI

Muri Iki Gihe Dushobora Gucumbikira Abamarayika: Bibiliya ishimangira cyane igikorwa cyo kwakira abashyitsi. Ntabwo ibidutegeka nk'inshingano gusa, ahubwo inatanga amashusho y'agahozo y'aho uyu muco mwiza washyizwe mu bikorwa kandi ikerekana n'imigisha bitanga. Ishusho y'ingenzi muri zo ni ibyabaye kuri Aburahamu. . . .

Imana yatekereje ko ibyo bikorwa bye bigaragaza urugwiro byaba ingirakamaro cyane byanditswe mu Ijambo ryayo; kandi no mu myaka isaga ibihumbi yakurikiyeho, byavuzweho n'intumwa ihumekewe n'Umwuka w'Imana maze iravuga iti: "Ntimukibagirwe gucumbikira abashyitsi, kuko bamwe bacumbikiye abashyitsi, bacumbikira abamarayika batabizi." Abaheburayo 13:2.

Amahirwe yahawe Aburahamu na Loti natwe ntitwayavutswa. Kubwo kugaragariza urugwiro abana b'Imana tubakira, natwe dushobora kwakira abamarayika bayo mu ngo zacu. No muri iki gihe, abamarayika bari mu ishusho y'abantu binjira mu mazu y'abantu maze bakabacumbikira. Kandi n'Abakristo baba mu mucyo umurika uturuka mu maso y'Imana bahora iteka baherekejwe n'abamarayika batagaragara, kandi iyo ibyo biremwa byera bivuye mu miryango yacu bihasiga imigisha. (1)

Ibihe n'Amahirwe Byirengagijwe: "Umuntu ukunda gucumbikira abashyitsi" ni kimwe mu byangombwa byatanzwe na Mwuka Wera ko bigomba kuranga umuntu ukwiriye guhabwa inshingano mu Itorero. Kandi itorero ryose ryahawe iri tegeko ngo: "Mucumbikirane mutitotomba, kandi nk'uko umuntu yahawe impano abe ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi." 1 Petero 4:9-10.

Izo nama zarirengagijwe mu buryo burenze urugero. Ndetse no mu bavuga ko ari Abakristo, gucumbikira abashyitsi by'ukuri bikorwa gake. Mu bantu bacu amahirwe yo kwerekana urugwiro bacumbikira abashyitsi ntahabwa agaciro nk'uko bikwiriye, ngo babibone nk'amahirwe n'imigisha bahawe. Hariho kandi gusabana n'abandi kuri ku rwego rwo hasi cyane,

kandi ni gake cyane abantu bagaragaza umwuka wo kuba batumira abantu babiri cyangwa se batatu ngo basangire amafunguro hatabayeho kumva bibaremereye cyangwa ngo bakore imyiteguro y'akataraboneka. (2)

Urwitwazo Rudakwiriye: Numvise abantu benshi batanga urwitwazo ko batatumira abera b'Imana mu ngo zabo no mu mitima yabo. Baravuga bati: "Kubera ki? Nta kintu nateguye; nta kintu natetse, bagomba kujya ahandi hantu." Ahandi na ho usanga batanze izindi nzitwazo bahimbye z'uko batakwakira abantu bakeneye gucumbikirwa, bityo ibyo bikababaza abashyitsi cyane maze bakagenda badashimiye uburyo abo bavuga ko ari bene Data na bashiki bacu bakira abashyitsi. Mushiki wanjye, niba udafite umutsima, igana urugero rutangwa muri Bibiliya. Jya ku muturanyi wawe umubwire uti: "Ncuti yanjye, nzimanira imitsima itatu, kuko incuti yanjye impingutseho ivuye mu rugendo, none nkaba ndafite icyo nyizimanira." Luka 11:5

Nta rugero dufite rw'uko uku kutagira umutsima byigeze bigirwa urwitwazo rwo kwanga kwakira umushyitsi. Igihe Eliya yageraga ku mupfakazi w'i Sarefati, uwo mubyeyi yahaye umuhanuzi w'Imana utwokurya duke cyane yari asigaranye, maze Eliya akora igitangaza, atuma muri icyo gikorwa cyo gucumbikira umugaragu w'Imana no gusangira nawe agatsima yari asigaranye, uwo mupfakazi ahabwa ibimutunga. Byatumye kandi ubuzima bwe n'ubw'umuhungu we burokoka. Uko ni ko bizagendekera abantu benshi nibaramuka bagenje batyo bishimye kubw'ikuzo ry'Imana.

Hariho abitwaza ko ubuzima bwabo butameze neza bakavuga ngo: "Iyaba twari dufite imbaraga twabikora." Bene abo bamaze igihe kirekire bihugiyeho kandi batekerezaga cyane ku marangamutima nkene yabo ndetse bagakunda kuvuga cyane ku mibabaro yabo, ibigeragezo n'imiruho ku buryo usanga ari byo kuri kugezweho bivugira. Nta wundi muntu bashobora gutekerezaho uretse bo ubwabo, nyamara hari abantu benshi bashobora kuba bakeneye impuhwe zabo n'ubufasha bwabo. Ndabwira wowe uri kubabazwa n'ubuzima butakumereye neza ko hari intsinzi kuri wowe. "Ukarekura, ugatanga ibyokurya byawe ukagaburira abashonji, ukazana abakene bameneshejwe, ukabashyira mu nzu yawe, wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu. Maze umucyo wawe uzaherako utambike nk'umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba." (Yesaya 58:7,8). Kugira neza ni umuti ukomeye cyane uvura indwara. Abantu biyemeje kwinjira muri uwo murimo bararikiwe gutakira Imana, kandi yasezeranye kuzabasubiza. Azahaza ubugingo bwabo mu gihe cy'amapfa, kandi bazamera nk'umurima uvomerwa ufite amasoko y'amazi adakama. (3)

Imigisha Abantu Bivutsa Kubera Ubwikanyize: Imana ibabazwa no kwikanyiza umuntu aharanira inyungu ze gusa bikunze kugaragazwa

umuntu avuga ati: "Jyewe n'umuryango wanjye." Umuryango wose urangwa cyane na bene uyu mwuka ukeneye guhindurwa n'amahame aboneye yagaragarijwe mu mibereho ya Kristo. Abantu bihugiraho, bakarangwa n'ubugugu, kandi badafite ubushake bwo gucumbikira abashyitsi bivutsa imigisha myinshi. (4)

Abamarayika bategereje kureba niba dukoresha neza amahirwe tugira yo kugira neza. Bategereje kureba niba tuzabera abandi umugisha kugira ngo nabo bahindukire baduhe umugisha. Uwiteka ubwe yemeye ko tugira imibereho itandukanye (bamwe baba abakene, abandi baba abakire, abandi bagahorana agahinda) kugira ngo abantu bose babashe kugira amahirwe yo gukuza imico yabo. Imana yemeye ko abakene babaho batyo kubera impamvu. Ni ukugira ngo tugeragezwe, dupimwe kandi dukuze ikiri mu mitima yacu. (5)

Iyo umwuka wo gucumbikira abashyitsi utuvuyemo, bituma umutima ugagazwa n'ubwikanyize. (6)

Ni ba Nde Gucumbikira Abashyitsi Bikwiriye Kugarukiraho?- Imibanire yacu n'abandi ntikwiriye gukurikiza amategeko y'imigenzereze y'ab'isi, ahubwo ikwiriye kugengwa n'Umwuka wa Kristo n'inyigisho zo mu Ijambo rye. Mu minsi mikuru yose y'Abisrayeli, batumiraga umukene, umunyamahanga n'Umulewi wafashaga umutambyi mu buturo bwera kandi akagira n'inshingano yo kuba umwigisha w'iby'idini n'umumisiyoneri. Bene abo nibo bafatwaga ko ari abashyitsi b'ubwoko bw'Imana kugira ngo bujye bubakira mu bihe byose by'ibirori bisanzwe cyangwa se iby'idini, kandi bakaba baragombaga kwitabwaho cyane igihe barwaye cyangwa se bari mu mage. Abameze nk'abo nibo dukwiriye kwakira mu miryango yacu. Mbega ukuntu kwakirwa bene ubwo buryo kwakora byinshi mu gutera umwete no gukomeza umuforomo cyangwa umuforomokazi w'umubwirizabutumwa cyangwa umurezi, umubyeyi w'umugore ufite ibibazo bimuremereye kandi ukora cyane, cyangwa se umunyantege nke n'ugeze mu zabukuru akenshi usanga adafite urugo rwe kandi akaba ahanganye n'ubukene n'ibicantege byinshi!

Yesu aravuga ati: "Nurarika abantu ngo musangire ku manywa cyangwa nijoro, ntukararike incuti zawe cyangwa bene so, cyangwa bene wanyu, cyangwa abaturanyi b'abatunzi, batazakurarika nawe bakakwitura. Ahubwo nurarika utumire abakene n'ibirema, n'abacumbagira n'impumyi, nibwo uzahirwa kuko bo badafite ibyo bakwitura, ahubwo uziturwa abakiranuka bazutse." Luka 14:12-14.

Abo ni bo bashyitsi batakubera umutwaro ukomeye mu kubakira. Ntibizagusaba gukoresha ibintu by'ikirenga biguhenze. Ntuzakenera gukorana umuhati mwinshi. Kubakirana ubwuzu, kwicarana nabo

mukikije umuriro mwota, kwicarana ku meza no kubaha amahirwe yo gusangira umugisha w'isaha yo gusenga, kuri benshi muri bo byaba nko kurabukwa ijuru.

Impuhwe zacu zikwiriye gusesekara zikarenga imipaka y'inarijye n'insika z'amazu yacu. Hari amahirwe y'agatangaza agenewe abantu bazatuma ingo zabo ziba umugisha ku bandi. Impinduka zikorwa zinyuze mu mibanire y'abantu ni imbaraga itangaje. Nitubishaka, tuzakoresha iyo mibanire ibe uburyo bwo gufasha abatuzengurutse. (7)

Ubuhungiro bw'Urubyiruko Ruhura n'Ibishuko: Ingo zacu zikwiriye kuba ubuhungiro bw'urubyiruko ruhura n'ibishuko. Abasore benshi bari mu mayirabiri y'inzira. Imbaraga yose ibasha kubahindura n'ikibareshya cyose ni byo shingiro ry'amahitamo bagira azagena amaherezo y'ubuzima bwabo kuri iyi si no ku buzima buzaza dutegereje. Ikibi kirabareshyareshya. Ibyo kitwikira birarabagirana kandi bikireherezaho abantu. Byakira neza uje wese. Ahatuzengurutse hari abasore batagira imiryango babamo, hakaba kandi n'abandi benshi bafite imiryango itarangwamo imbaraga yo kubafasha kandi ibazamura mu bitekerezo, bityo urubyiruko rukarohama mu bibi. Bene abo bari kumanuka bagana mu irimbukiro kandi bari imbere y'amazu yacu.

Abo basore bakeneye uwabaramburira ukuboko akabagirira impuhwe. Amagambo yuje urukundo wababwira no kubitaho bizeyura ibicu by'ibishuko byari byubikiriye ubugingo bwabo. Kugaragaza neza impuhwe mvajuru bifite ububasha bwo gukingura urugi rw'imitima ikeneye impumuro nziza y'amagambo asa n'aya Kristo ndetse no gukorwaho koroheje k'umwuka w'urukundo rwa Kristo. Iyaba twagaragazaga kwita ku rubyiruko, tukarutumira mu ngo zacu maze tukarukikiza ibirutera ubutwari kandi birufasha, byatuma hari abasore n'inkumi benshi biyemeza kuyoboka inzira igana mu ijuru bishimye. (8)

Sigasira Imibereho y'Umuryango Yoroheje: Igihe abashyitsi baje iwanyu, nk'uko akenshi ari ko bizajya bigenda, ntibakwiriye kwemererwa gutwara igihe cyose cya nyina w'abana ngo abiteho. Imibereho myiza mu by'umubiri no mu bya Mwuka y'abana be ni yo ikwiriye kuba nyambere. Ntiyari akwiriye gutwara igihe ateka utugati turimo ibintu by'amoko menshi, imigati minini n'ibindi byokurya bidatera abantu kugira amagara mazima. Ibyo bitwara amafaranga atarateganyijwe kandi abantu benshi ntibabasha kuyabona. Ahubwo urugero baba batanze ruba rurimo ikibi gikabije. Gerageza kubumbatira imibereho y'umuryango yoroheje. Ntukageragеze kwerekana ko ushoboye kubaho mu buryo burenze amikoro yawe. Ntukageragеze kugaragara uko utari, haba mu buryo utegura ibiribwa cyangwa se mu myitwarire yawe muri rusange.

Nubwo ukwiriye kwakira abashyitsi neza kandi ukabatera kumva bisanzuye iwanyu, ukwiriye guhora wibuka ko uri umwigisha w'abo bana bato Imana yaguhaye. Bitegereza ibyo ukora byose, bityo rero nta migirire yawe n'imwe ikwiriye kubayobya. Jya wifata imbere y'abashyitsi bawe nk'uko usanzwe wifata ku muryango wawe buri munsi: ubishimiye, ubitayeho kandi ugaragaza urugwiro. Muri ubu buryo, abantu bose bashobora kuba abigisha abandi, kandi bakaba ibyitegererezo by'imirimo myiza. Berekana ko hari ikintu cy'ingenzi kiruta guhoza ibitekerezo ku byo bazarya n'ibyo bazanywa ndetse n'ibyo bazambara. (9)

Bumbatira Umwuka w'Amahoro, no Gutuza: Twarushaho kunezerwa no kuba ingirakamaro mu mibereho yo miryango yacu no mu mibanire yacu n'abandi turamutse tuyoborwa n'umwuka wa Kristo w'ubugwaneza no kwiyoroshya. Aho kugira ngo twivune dushaka kwiyerekana kugira ngo abashyitsi badutangarire cyangwa bifuze kubaho nkatwe, ahubwo dukwiriye gushishikarira gutuma abadukikije bose banezezwa n'ibyishimo, impuhwe n'urukundo byacu. Nimutyo abashyitsi bajye babona ko duhirimbanira gukurikiza ubushake bwa Kristo. Nubwo twaba tubaho mu buryo bucishije bugufi, nimutyo abashyitsi bajye batubonamo umwuka w'umunezero no gushima. Umwuka nyawo uranga urugo rwa Gikristo by'ukuri ni umwuka w'amahoro n'umutuzo. Bene urwo rugero ntiruzabura gutanga umusaruro. (10)

Amafaranga Dukoresha Yandikwa mu Ijuru: Kristo yandika amafaranga yose dutanga twakira abashyitsi kubw'icyubahiro cye. Atanga igikenewe cyose kugira ngo uyu murimo ukorwe. Abakira bene Se kubwa Kristo, bagakora ibishoboka byose kugira ngo urwo ruzinduko rubabere ingirakamaro haba ku bashyitsi ndetse no kuri bo ubwabo, bene abo bandikwa mu ijuru ko bakwiriye guhabwa imigisha idasanzwe. …

Mu mibereho ya Kristo ubwe yigishije isomo ryo kwakira abashyitsi. Igihe yari iruhande rw'inyanja akikijwe n'imbaga y'abantu bari bashonje, ntabwo yabasezereye atabanje kubahembura. Yabwiye abigishwa be ati: "Mube ari mwe mubagaburira." (Matayo 14:16). Kandi kubw'igikorwa yakoresheje imbaraga yaremye, yahaye abantu ibyokurya bibahagije. Nyamara yabahaye ibyokurya byoroheje! Nta na kimwe cyari gihenze. Uwari ufite ubutunzi bwose bwo mu ijuru mu biganza bye yashoboraga gushyira imbere y'abo bantu ibyokurya bya gikire. Ariko yahisemo kubagaburira ibyari bihagije kubamara inzara, abaha ibyari bisanzwe ari ifunguro rya buri munsi ry'abarobyi bahoraga iruhande y'inyanja.

Iyaba muri iki gihe abantu bari bafite imico yo kwiyoroshya, bakabaho bakurikije amategeko agenga ibyaremwe, haboneka ibyokurya bihagije kumara ubukene bw'umuryango wa muntu. Hababo ibintu bike cyane

abantu bibwira ko bakeneye kandi hakabaho n'amahirwe asumbyeho yo gukora ibijyanye n'ubushake bw'Imana. …

Ubukene ntibukwiriye kutubuza kwerekena umwuka wo kwakira abashyitsi. Tugomba gusangira ibyo dufite. Hariho abantu babona ibibatunga bibaruhije cyane kandi usanga bafite ibibazo bibakomereye byo guhuza umutungo binjiza n'ibyo baba bakeneye; ariko bakunda Yesu mu ishusho y'abera be kandi baba biteguye kwakira abizera n'abatizera, bakagerageza gukora icyatuma uruzinduko rwabo mu rugo rwabo rubabera inyungu. Abashyitsi bakirwa ku meza y'umuryango no ku gicaniro cyawo. Igihe cyo gusenga kigira ishusho gisiga mu bantu bakiriwe mu muryango, ndetse no gusura umuryango inshuro imwe gusa bishobora gukiza ubugingo bw'umuntu bikamurokora urupfu. Kubera uwo murimo, Uwiteka arabizirikana, akavuga ati: "Nzabimwitura." (11)

Mukangukire Kudapfusha Ubusa Amahirwe Mugira: Bene Data na bashiki banjye, nimukanguke. Ntimugatinye gukora imirimo myiza. "Twoye gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari." (Abagalatiya 6:9). Ntimugategereze ko bababwira inshingano yanyu. Nimubumbure amaso yanyu maze murebe ababakikije; mumenye abantu batagira kivurira, imbabare n'abakene. Ntimukabirengagize kandi ntimugashake uko mutagira icyo mukora ku bukene bwabo. Ni nde muri mwe wujuje ibihamya bivugwa mu rwandiko rwa Yakobo, ukurikiza idini itunganye, itandujwe n'ubwikanyize cyangwa kononekara? Ni nde uhangayikishwa no gukoresha imbaraga ze zose kugira ngo afashe mu mugambi ukomeye w'agakiza? (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 6, pp. 341, 342.
2. *Id.,* Vol.6, pp. 342, 343.
3. *Id.,* Vol.2, pp. 28, 29.
4. *Id.,* Vol.6, p. 344.
5. *Id.,* Vol.2, p. 28.
6. *Manuscript* 41, 1901.
7. *Ministry of Healing,* pp. 352-353.
8. *Id.,* p. 354.
9. *Christian Temperance and Bible Hygiene,* p. 143.
10. *Review and Herald,* November 29, 1887.
11. *Testimonies for the Church,* Vol.6, pp. 344, 345, 347.
12. *Id.,* Vol.2, p. 29.

UMUGABANE WA 16

URUGO N'ISANO RUFITANYE N'UMURYANGO MUGARI

Igice Cya 73

IBYO DUKENERA MU RWEGO MBONEZAMUBANO

Mu gutegura gahunda y'uburezi ku bwoko bwatoranyijwe, bigaragara neza ko ubuzima bushingiye ku Mana ari bwo buzima bwuzuye. Ikintu cyose cyifuzwa Imana yashyizeho, itanga n'uburyo bwo kugira ngo gikemuke; kandi ubushobozi bwose yahaye umuntu ishaka n'uko bwatezwa imbere.

Umuremyi w'ibyiza byose, nawe ubwe akunda ibyiza bibereye ijisho. Imana kandi yateguriye abana bayo gushimishwa no gukunda ibyiza bibereye ijisho. Yatanze ibyangombwa kandi bikwiranye n'ibyo bakenera mu mibanire yabo, iby'imikoranire yabo yuje urukundo no gufashanya kandi ikora ibikomeye cyane kugira ngo yimakaze ubugiraneza, ndetse no kugira ngo ubuzima burusheho kunezeza no kugendekera abantu neza. (1)

Imbaraga Ihindura Ikomoka ku Kwifatanya: Buri muntu wese azagira incuti cyangwa se azishake. Bityo rero, imbaraga y'ubwo bucuti izangana n'ububasha bwo guhindura incuti zizajya zigira ku zindi ziziganisha mu cyiza cyangwa mu kibi. Abantu bose bazagira abo bifatanya nabo kandi bazagira icyo babahinduraho hagati yabo. (2)

Ijambo ry'Imana rishimangira cyane imbaraga ihindura iva mu kwifatanya, haba ku bagabo no ku bagore. Mbega ukuntu iyo mbaraga ihindura ifite ubushobozi bukomeye kurushaho ku ntekerezo n'imico biba bigitera imbere by'abana n'urubyiruko! Incuti babana, amahame biyemeza gukurikiza n'ingeso batora, ni byo bitanga umwanzuro ku kibazo cy'uburyo bazaba ingirakamaro muri ubu buzima ndetse no ku iherezo ryabo mu gihe kizaza. …

Urubyiruko ruzagira incuti nta kabuza, kandi uko byamera kose ruzagerwaho n'imbaraga ihindura iva kuri izi ncuti. Hariho iminyururu y'amayoberane ihuriza abantu hamwe ku buryo umutima w'umuntu umwe usabana n'umutima wundi. Umuntu umwe yakira ibitekerezo, amarangamutima n'ibyiyumviro by'undi. Ubu busabane bushobora kuba umugisha cyangwa umuvumo. Urubyiruko rushobora gufashanya no gukomezanya, rukarushaho kunguka imyitwarire n'inyifato, ndetse rukunguka ubumenyi. Cyangwa se bashobora kugaragaza imbaraga

ihindura yangiza imico mbonera binyuze mu kwemera kuba abantu batagira icyo bitaho kandi batiringirwa. (3)

Ibyavuzwe ni ukuri ngo: "Nyereka incuti yawe, ndakwereka imico yawe." Abasore ntibasobanukirwa uburyo imico yabo n'uko bazwi mu muryango mugari bigirwaho ingaruka n'uko bahitamo incuti. Usanga umwe ashaka incuti bahuje ibyo akunda, ingeso n'imigirire. Uhitamo gucudika n'umuntu w'injiji cyangwa se w'umugome, akamurutisha umunyabwenge kandi w'imico myiza aba agaragaje ko imico ye bwite idahwitse. Mu itangira, ibimushimisha n'ingeso ze bishobora kuba bitandukanye n'iby'abo ashaka kugira incuti; ariko uko akomeza kubana n'iri tsinda, ibitekerezo bye n'amarangamutima ye birahinduka; akazibukira amahame atunganye maze mu buryo nawe atumva ntabure kurohama ngo agere ku rwego izo ncuti ze ziriho. Nk'uko amazi agenda afata ishusho y'ubutaka atembamo, ni na ko amahame n'imico by'abasore n'inkumi byanduzwa n'imico y'incuti bifatanya nazo. (4)

Kamere ya Kimuntu Ibogamira mu Bibi: Iyaba twashoboraga kwemeza abasore bagacudika n'abantu bafite ingeso nziza, bashyira mu gaciro, kandi barangwa no gukundana, umusaruro wavamo warushaho kubabera mwiza. Iyaba bahitagamo incuti zubaha Imana, zabahindura zibaganisha mu kuri, ku kwita nshingano no ku butungane. Imibereho ya Gikristo nyakuri ni imbaraga ibashisha gukora ibyiza. Ariko ku rundi ruhande, abantu bacudika n'abagabo n'abagore bafite imyitwarire ikemangwa, bagendera ku mahame mabi kandi bagira imigenzereze mibi, bidatinze nabo bazaba bagendera mu nzira nk'iyo. Ibyo umutima wa kamere ubogamiramo ni ibibi gusa. Umuntu ucudika n'uwamaramaje mu gushidikanya iby'Imana, bidatinze nawe azaba abishidikanya. Umuntu ucudika n'umunyangeso mbi uko byamera kose nawe azahinduka umunyangeso mbi. Gukurikiza inama z'ababi ni intambwe ya mbere igana mu nzira y'abanyabyaha, no kwicarana n'abakobanyi. (5)

Ku basore b'isi, gukunda kubana n'urungano no gukunda ibinezeza bibatwara ingamira. Kwambara, gusohoka, guhaza ipfa ry'inda ndetse n'iruba, no kuvuyarara mu kurya no kunywa abantu benshi bahuriramo bisa n'aho ari yo ntego ikomeye yo kubaho kwabo. Iyo batari kumwe n'abandi ntibaba bishimye. Icyo bifuza kuruta ibindi ni ugutangarirwa, gushimagizwa no kwigaragaza mu muryango mugari; kandi iyo icyo cyifuzo kidahagijwe, bumva ubuzima budashobora kwihanganirwa. (6)

Abantu bakunda kuba mu kigare cy'abandi akenshi batwarwa n'iyi ngeso kugeza ubwo ihindutse imbaraga ibararura. . . . Ntibashobora kwihanganira gusoma Bibiliya no gutekereza ku by'ijuru. Babaho mu gahinda keretse gusa iyo bafite ibintu bibakabura. Nta mbaraga bafite muri bo yo kubatera kwishima, ahubwo umunezero wabo bawukesha kuba bari kumwe n'urundi

rubyiruko rudashyira mu gaciro kandi rw'impezamajyo nkabo. Imbaraga zagombye gukoreshwa mu gusohoza imigambi myiza bazikoresha mu by'ubupfapfa n'ibibangiriza ubwenge. (7)

Imigisha Iva mu Gusabana n'Abandi mu Buryo bwa Gikristo: Ubwoko bw'Imana usanga butimenyereza cyane gusabana n'abandi mu buryo bwa Gikristo. . . . Abantu bihugiraho, abantu batagira ubushake bwo kuba babera abandi umugisha binyuze bucuti bwa Gikristo bagirana, bene abo bivutsa imigisha itarondoreka; kubera ko guhura n'abandi binagura kandi bigatyaza ibitekerezo. Kubwo guhura n'abandi habaho kumenyana no kubaka ubucuti maze ibyo bikabyara kunga ubumwe mu mitima kandi hakabaho umwuka w'urukundo ushimwa mu maso y'Imana.

Mu buryo bw'umwihariko, iyaba abantu basogongeye ku rukundo rwa Kristo batezaga imbere imbaraga yo kubana n'abandi bafite kubera ko muri izo mbaraga babasha kuboneramo uburyo bwo kuzana abantu ku Mukiza. Kristo ntakwiriye guhishwa kure mu mitima, ngo bamwigumanire nk'ubutunzi batifuza gusahurwa, ubutunzi bwera kandi bw'agahozo bakwiriye kwishimira bonyine. Nanone kandi urukundo rwa Kristo ntirukwiriye kugaragarizwa abo bishimira gusa. Abanyeshuri bakwiriye kwigishwa kwigana Kristo bagaragaza ineza n'umutima wo gusabana n'abantu bari mu mage akomeye cyane nubwo bene abo baba batabarizwa mu ncuti zabo. Igihe cyose n'ahantu hose, Yesu yagaragazaga kwita mu muryango wa muntu kuje urukundo, kandi yamurikaga umucyo w'impuhwe ahamukikije hose. (8)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko byifashishijwe:

1. *Uburezi,* pp. 40, 41.
2. *Testimonies for the Church,* Vol.4, p. 587.
3. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 220.
4. *Id.,* p. 221.
5. *Testimonies for the Church,* Vol.4, p. 587.
6. *Id.,*Vol.5, p. 112.
7. *Id.,*Vol.4, p. 624.
8. *Id.,*Vol.6, pp. 172, 173.

IGICE CYA 74

UBUCUTI BWIZA N'UBUBI

Ibintu Biduhindura n'Ibihindura Abana Bacu: Ubucuti bwose turema, uko bwaba butagutse kose, bugira icyo buduhinduraho. Urwego dutwarwaho n'izo mpinduka ruzagenwa n'urwego ubwo bucuti buriho, uko bukomeye, ndetse n'uko dukunda n'uko twubaha uwo muntu tuba dufitanye ubucuti. (1)

Iyo ducuditse n'abantu bafite amatwara atuma twibagirwa ibintu bikomeye Uwiteka dusaba, tuba twihamagarira ibishuko kandi duhinduka abanyantege nke mu mbaraga z'imico mbonera zitubashisha gutsinda icyo gishuko. Tugeraho tukagabana ku mwuka w'izo ncuti zacu kandi tugakunda ibitekerezo byabo amaherezo tukabirutisha ibintu byera kandi bizahoraho iteka. Muri make, tuba twacengejwemo ibyabo nk'uko umwanzi wo gukiranuka kose aba yarashatse ko ari ko bitugendekera.

Iyo abasore bari munsi y'iyo mbaraga, irabahindura mu buryo bworoheje cyane kurusha uko ihindura abantu bakuru. Ikintu cyose gisiga ishusho yacyo mu bwenge bwabo: byaba amasura bitegereza, amajwi bumva, ahantu basura, abantu bacudika ndetse n'ibitabo basoma. Ntidukwiriye gukerensa uruhare incuti twihitiyemo ubwacu zigira kuri twe mu buzima bwacu bwo muri iki gihe n'ubw'igihe kizaza, ariko cyane cyane ku bana bacu. (2)

Akaga ko Gucudika n'Abatubaha Imana: Isi ntikwiriye kutubera icyitegererezo. Ntidukwiriye kwifatanya n'abatubaha Imana no guhuza imitekerereze nabo, kuko bazateshura imitima yacu ku Mana tukajya gusenga ibigirwamana. Umuntu udakebakeba kandi ushikamye mu kwizera ashobora gukora ibintu byiza byinshi. Ashobora guhesha imigisha itangaje abo acudika nabo, kubera ko amategeko y'Uwiteka ari mu mutima we. Ariko rero ntidukwiriye kugambirira kwifatanya n'abica amategeko y'Imana ngo tubashe gusigasira ukwizera kwacu gukomeze kubonera kandi kwe kugajuka. Tuzakira umwuka wabo, kandi nitudatandukana nabo, amaherezo tuzafatanywa nabo dusangire nabo iherezo ribi. (3)

Kwifatanya n'abasenga ibigirwamana no kujya mu birori byabo ni byo byatumye Abaheburayo bashorwa mu kwica amategeko y'Imana bityo

bakururira ishyanga ryabo ibihano byayo. No muri iki gihe, iyo Satani atumye abayoboke ba Kristo bifatanya n'abatubaha Imana kandi akabatera kujya mu binezeza byabo, agera ku ntego ye neza yo kubagusha mu cyaha. "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga. Kandi ntimugakore ku kintu gihumanye" (2 Abakorinto 6:17). Imana ishaka ko ubu habaho itandukaniro rinini cyane hagati y'abantu bayo n'ab'isi haba mu migenzo, mu ngeso no mu matwara nk'uko yabisabaga Abisirayeli ba kera. (4)

Kwihitiramo kwa Samusoni: Imana mu buntu bwayo yari yaritaye kuri Samusoni kugira ngo ategurirwe gusohoza umurimo yari yarahamagariwe gukora. Kuva akivuka, Samusoni yari akikijwe n'ibintu byiza byari bimukwiriye kugira ngo agire imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge no gutungana mu mico. Ariko binyuze mu bo yifatanyije nabo b'abanyabyaha, yaretse kwifatanya n'Imana kandi ari byo burinzi bw'umuntu bwonyine, maze yorama mu bibi. Abageragezwa mu nzira z'inshingano bashinzwe bakwiriye kumenya ko Imana izabarinda; ariko niba abantu bishyira mu maboko y'ibishuko ku bushake bwabo, bitinde bitebuke bazagwa. (5)

Umusemburo w'Ikibi Ukora Bucece: Bigishwa nkunda, amasengesho y'ababyeyi banyu azabaherekeza ku manywa na nijoro. Mujye mwumva ibyo babahendahendera n'imiburo yabo, kandi ntimugahitemo kubana n'incuti mbi. Ntimushobora gutahura uburyo umusemburo w'ikibi uzangiza intekerezo zanyu buhoro buhoro, kandi ukagwabiza imico yanyu binyuze mu kubatera gusubiramo ingeso mbi, bibatere nanone gukuza imico mibi. Mushobora kutabona akaga nyakuri kabirimo maze mugatekereza ko muzabasha gukora ibitunganye biboroheye nk'uko byari mbere y'uko mutsindwa n'igishuko kibarehereza gukora ikibi, ariko iryo ni ikosa. Ababyeyi n'abarezi bakunda kandi bubaha Imana bashobora kubaburira, kubahendahenda no kubagira inama, ariko ibyo bishobora kuba imfabusa muramutse mutiyeguriye Imana mwe ubwanyu kandi ngo mukoreshe neza impano yabahaye ngo muyiheshe icyubahiro. (6)

Mujye Mugendera Kure Abantu Bakerensa iby'Idini: Abana nibaba bari kumwe n'abantu berekeza ibiganiro byabo ku bintu by'imburamumaro no ku by'isi, intekerezo zabo nazo zizamanuka zijye ku rwego rw'abo bantu. Iyo bumva amahame y'idini no kwizera kwacu bipfobywa, iyo ibitekerezo bisesereza ukuri byinjiye mu matwi yabo, bene ibyo bintu bishinga imizi mu bwenge bwabo maze bikarema imico yabo. (7)

Nta kintu gishobora kuburizamo neza cyangwa gukumira ibyiyumviro bidakebakeba n'ibyifuzo byiza kurusha kwifatanya n'abantu b'abapfapfa, abatagira icyo bitaho kandi bangiritse mu ntekerezo. Ibintu ibyo ari byose bibareshya abo bantu bashobora kugira kubw'ubuhamya bwabo, kuvuga usesereza n'amashyengo no kuba bakerensa idini birahagije kugira ngo ujye ubagendera kure. Uko barushaho kwitabira ibindi bintu, ni ko imbaraga

ihindura ibaturukaho ikwiriye gukemangwa nk'abantu b'incuti kubera ko umuntu utita ku by'idini bamukikiza ibirangaza byinshi biteza akaga. (8)

Gucudika n'ab'isi bireshyareshya kandi birindagiza ibyumviro by'umuntu ku buryo ubutungane, kubaha Imana, gukiranuka n'ubudahemuka biba bitagifite imbaraga ngo umuntu akomeze gushikama. Imibereho ya Kristo yiyoroheje kandi irangwa no kwicisha bugufi kuri bo isa n'aho idashimishije. Ku bantu benshi bavuga ko ari abahungu n'abakobwa b'Imana, Yesu Umugaba w'ijuru ni "nk'igishitsi cyumburira mu butaka bwumye: ntagire ubwiza bwatuma [bamwifuza]." Yesaya 53:2. (9)

Ntimugashingire Urukundo Rwanyu ku bo mu Muryango wanyu Batita kuby'Imana: Ntidushobora gukorera Imana n'isi icyarimwe. Ntitugomba gushingira urukundo rwacu ku bo mu muryango wacu batita kuby'Imana, kandi batifuza na rimwe kumenya ukuri. Igihe turi kumwe nabo, dushobora gushaka inzira yose twakoresha ngo umucyo wacu umurike. Ariko rero ntibikwiriye ko amagambo yacu, imyitwarire yacu, imico yacu n'imigirire byacu bigendera ku bitekerezo byabo no ku ngeso zabo. Mu biganiro byose tugirana nabo tugomba kubamenyesha ukuri. Niba tudashobora kugenza dutyo, ibyatubera byiza ku mibereho yacu y'iby'umwuka ni ukutifatanya nabo cyane. (10)

Irinde Abantu Bafite Ibyerekezo n'Intego byo Hasi, n'Imico Idafite Ireme: Si byiza ko Abakristo bacudika n'abantu badafite imico ihamye. Ubucuti bwimbitse n'ibiganiro bya buri munsi bitwara igihe bitigera bigira icyo byongerera imbaraga z'ubwenge cyangwa imico mbonera, ibyo biteza akaga. Iyo umwuka ukikije abantu mu by'imico mbonera udatunganye kandi ntube wejejwe, ahubwo ukaba wandujwe n'ingeso mbi, abawuhumeka bazabona ko ukora ku bwenge bwabo n'imitima yabo mu buryo badashobora gusobanukirwa, ukabihumanya kandi ukabirimbura. Ni akaga gakomeye kuganira n'abantu basanzwe bafite ubwenge n'ibitekerezo biri ku rwego rwo hasi. Abasanzwe bashyira mu gaciro kandi bagakunda ubutungane bazagenda bahinduka buhoro buhoro kandi batabizi, bagere ku rugero rwa bagenzi babo, basangire kandi bakunde ubupfapfa bwabo no kwangirika mu mico bahorana nabyo. (11)

Izina ryiza risumbya izahabu agaciro. Abasore bakunze gucudika n'abantu bafite ibitekerezo n'imico byo ku rwego rwo hasi. None se ni uwuhe munezero nyakuri umusore ashobora kwitega kugira awukuye mu kwifatanya ku bushake bwe n'abantu bari ku rwego rwo hasi mu bitekerezo, mu marangamutima n'imyitwarire? Abantu bamwe bataye umurongo mu byo bakunda kandi bafite ingeso mbi. Bityo rero, abahitamo abantu nk'abo bakabagira incuti zabo bazagera ikirenge mu cyabo. Ubu turi mu bihe by'akaga bikwiriye gutera ubwoba imitima y'abantu bose. (12)

Gutinya Kugawa Bituma Benshi Batsindwa n'Igishuko: Abana… bari bakwiriye kugira incuti zidakerensa ibintu bitunganye kandi bikwiriye, ahubwo zikwiriye kuba incuti zirwanirira ibintu bitunganye. Gutinya gusekwa bitera abasore benshi gutsindwa n'igishuko no kugendera mu nzira z'abatizera. Kubw'icyitegererezo n'amategeko batanga, ababyeyi b'abagore bashobora gukora ibintu byinshi kugira ngo bereke abana babo uko bajya bagenda batunganye nubwo basekwa kandi bagasuzugurwa. (13)

Kuki urubyiruko rwacu rutazirikana ko abantu baba biteguye gushora abandi mu nzira zabuzanijwe na bo batsindwa n'ibishuko mu buryo bworoshye, ndetse akaba ari abakozi Satani yifashisha mu gushishikariza abantu kugira imico itagira gahunda no guseka abazi gushyira mu gaciro ndetse bakomera ku bunyangamugayo bwo mu mico yabo? (14)

Mwifate Imbere y'Abanyamahanga nk'uko Mwakwifata Imbere y'Imana: Nshuti basore, ntimugatakaze igihe muri kumwe n'abantu bashobora kubangiriza ntimube mwabasha gukora umurimo utunganye kandi wera w'Imana. Ntimukagire ikintu mukorera imbere y'abandi bantu mutashobora gukorera imbere y'ababyeyi banyu, cyangwa se cyabatera isoni muramutse mugikoreye imbere ya Kristo n'abamarayika bera.

Abantu bamwe bashobora gutekereza ko bene iyo miburo idakenewe n'abantu bubahiriza Isabato, ariko abo ireba bazi icyo nshaka kuvuga. Basore namwe nkumi, reka mbabwire. Muramenye, kuko nta cyo mushobora gukora ngo gisobe amaso y'abamarayika n'ijisho ry'Imana. Ntimwakora ikintu kibi ngo kibure kugira ingaruka ku bandi. Mu gihe imigirire yanyu ihishura ibikoresho byifashishijwe mu kubaka imico yanyu, ni ko iyo migirire ifite n'imbaraga ikomeye igira icyo ihindura ku bandi. Ntimukigere na rimwe mwibagirwa ko muri ab'Imana, ko yabacunguje igiciro cyinshi, kandi ko mugomba kuyimurikira uko mwakoresheje impano zose yabaragije. (15)

Twasezeraniwe Ubufasha Bwihariye Igihe Buzaba Bukenewe: Ntabwo tugomba gushyira abana bacu aho bashobora kubana n'abantu basaye mu bibi kandi bataye umurongo. Haba ubwo Imana mu buntu bwayo ishobora gutuma urubyiruko rwacu rubana n'abantu bakiranirwa kandi batirinda. Nibigenda bityo, urubyiruko rwacu nirwemera gufatanya n'Imana, izaruha imbaraga mu mugambi warwo n'ubushobozi bwo gutsinda ikigeragezo nk'uko yabikoreye Daniyeli na bagenzi be i Babuloni. Bakwiriye guhora basabana n'Imana. Bagombwa kwirinda bagahora bera, kandi bakanga gukora ikintu cyose cyasuzuguza Imana, bagahora iteka bahanze amaso yabo ku ikuzo ry'Imana. Bagomba kurinda ubugingo bwabo, bagakorana umwete bita ku bantu ishusho y'Imana muri bo yangirijwe, bashaka kubavugurura, kubazahura no kubahesha agaciro. (16)

Mujye Muhitamo Incuti Zishyira mu Gaciro kandi Zidakebakeba: Abasore batabusanya na Kristo bazahitamo incuti zizabafasha kujya bakora

ibitunganye, kandi bazirinda abantu batagira icyo babafasha mu guteza imbere amahame atunganye n'imigambi yubahwa. Ahantu hose uzahasanga urubyiruko rufite ibitekerezo bigufi. Igihe bazaba bari kumwe na bene urwo rubyiruko, abasore biyeguriye kuba mu ruhande rwa Kristo batizigamye bazahagarara bashikamye bari mu ruhande rw'icyo inyurabwenge n'umutimanama bibabwira ko gitunganye. (17)

Nimutyo abantu bashaka kugira imico itunganye bajye bahitamo gucudika n'abantu badakebakeba, abantu bashyira mu gaciro mu ntekerezo zabo kandi babogamira mu kubaha Imana. Abamaze kubara ikiguzi bibasaba kandi bifuza kubaka inyubako izahoraho iteka, bagomba gushyira ibikoresho byiza ku nyubako yabo. Nibaramuka bemeye kubakisha imbaho zamunzwe kandi bagashimishwa n'inenge zo mu mico, iyo nyubako yabo izasenyuka nta kabuza. Nimutyo abantu bose bitondere uburyo bubaka. Ishuheri y'ibishuko izikubita ku nyubako, nisanga idakomeye kandi itarubatswe neza, iyo nyubako ntizarokoka iryo geragezwa. (18)

Kubwo gucudika n'abantu bafite amahame [atunganye] bakurikiza, n'umuntu utagiraga icyo yitaho aziga gukunda gukiranuka. Kandi kubwo gukora ibitunganye, mu mutima hazaremwamo umwuka wo kwanga ibintu by'agaciro gake, bisuzuguritse kandi binyuranyije n'amahame y'Ijambo ry'Imana. (19)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, pp. 222, 223.
2. *Id.,* Vol. 5, p. 543.
3. *Manuscript* 6, 1892.
4. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 386 [2016].
5. *Id.,* p. 481 [2016].
6. *The Youth's Instructor,* January 18, 1894.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 543.
8. *Id.,* Vol. 3, p. 125.
9. *Manuscript* 6, 1892.
10. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 543.
11. *Id.,* Vol. 3, p. 125.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 588.
13. *Review and Herald,* March 32, 1891.
14. *The Youth's Instructor,* January 18, 1894.
15. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, pp. 398,399.
16. *Manuscript* 18, 1892.
17. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 226.
18. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 588.
19. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 222.



Igice Cya 75

UBUYOBOZI BW'ABABYEYI MU MIBANIRE Y'ABANA BABO N'ABANDI BANTU

Imbaraga Ziganisha mu Bibi Zijya Kuganza: Imbaraga iganisha mu bibi ikikije abana bacu ijya kuganza. Yangiriza intekerezo zabo maze ikabashora mu nzira igana mu irimbukiro. Biramenyerewe ko intekerezo z'urubyiruko zirundurira mu by'ubupfapfa; kandi mu myaka ibanza, mbere y'uko imico yabo iremwa kandi gushyira mu gaciro kwabo kukagera ku kigero gihagije, akenshi bagaragaza kwihitiramo incuti zizabateza impinduka zibangiriza. (1)

Iyaba ijwi ryanjye ryabashaga kugera ku babyeyi bo mu gihugu hose, nababurira kutemera ibyifuzo by'abana babo mu guhitamo incuti zabo bwite n'abo babana. Ababyeyi ntibazirikana cyane ko abasore bakira cyane ibyo bishimira bibangiriza kuruta uko bakira ibibaganisha ku Mana. Kubera iyo mpamvu, ubucuti bagira bukwiriye kuba butanga amahirwe ahebuje yo gukuza ingeso nziza no gukurira mu kuri kwahishuriwe mu ijambo ry'Imana kugomba gushinga imizi mu mutima. (2)

Mureke abasore n'inkumi bashyirwe mu mibereho irushijeho kubabera imbarutso y'ibyiza mu buryo bushoboka bwose; kubera ko incuti bagira, amahame biyemeza kugenderaho n'ingeso batora ari byo bizaba igisubizo ku kibazo cyo kuba ingirakamaro kwabo kuri iyi si, bikaba n'igisubizo ku nyungu zabo zo mu gihe kizaza n'iz'iteka ryose bafite icyizere gihamye. (3)

Akaga Gaterwa no Kugira Umudendezo Usesuye: Babyeyi, ntimurinda abahungu n'abakobwa banyu nk'uko bikwiriye. Ntabwo bari bakwiriye kwemererwa kugenda (bava mu rugo) no kugaruka igihe cyose bishakiye, mutazi ko bagiye kandi mutabibemereye. Umudendezo usesuye uhabwa abana muri iki gihe wagaragaye ko urimbuza abana ibihumbi byinshi. None se ni abana bangahe bemererwa kugorobereza ku muhanda, kandi ababyeyi bakaba bashimishijwe no kutamenya incuti z'abana babo. Incuro nyinshi bahitamo incuti zibahindura zibangiriza imico.

Ingimbi zitwikira ijoro zigahurira mu dutsiko bigiramo amasomo ya mbere yo gukina amakarita, gukina urusimbi no gutangira kwimenyereza kunywa inzoga. Abahungu bafite ababyeyi b'abanyadini ntibatinya kujya

mu tubari kurirayo ibyo bararikira cyangwa bakajya gushayisha mu buryo bumeze nk'ubwo, bityo bakaba bishoye mu nzira y'ibishuko. Umwuka w'aho basohokera urangwamo gutuka Imana n'ibihumanya intekerezo. Nta muntu n'umwe waguma ahantu nk'aho igihe kirekire ngo abure kwangirika. Binyuze mu bucuti nk'ubwo, urubyiruko rwinshi rwatangaga icyizere ruhinduka abasinzi n'abicanyi. Intangiriro z'ibyo bibi zagombye kwirindwa. Babyeyi, keretse gusa niba muzi ko nta bintu bihinyurwa birangwa mu biraba bikikije abana banyu, naho ubundi ntimukabemerere kujya ku mihanda bumaze kwira ngo bajye mu mikino ikorerwa hanze y'urugo cyangwa ngo bajye guhura n'urungano kugira ngo bishimishe. Iri tegeko nirishimangirwa nta gukebakeba, kuryumvira bizahinduka akamenyero, kandi gushaka kurirengaho bizashira bidatinze. (4)

Ababyeyi Bakwiriye Guhitamo Abo Abana Babo Bacudika Nabo: Ababyeyi bakwiriye kwibuka ko kwifatanya n'abantu batarangwa n'amatwara ahamye kandi bakagira imico mibi bizonona urubyiruko. Ababyeyi nibananirwa guhitiramo abana babo abantu n'ahantu bikwiriye, nibabemerera kwifatanya n'urubyiruko rufite imico ikemangwa, bazaba babashyize cyangwa, cyangwa babemereye kwishyira ubwabo mu ishuri ritangirwamo amasomo yo kwangiriza imico no kubishyira mu bikorwa. Bashobora gutekereza ko abana babo bafite uburere buhamye bihagije ku buryo bahangana n'igishuko bakagitsinda, ariko se ibyo babyemezwa n'iki? Kwemera gutwarwa n'imbaraga zijyana mu kibi biroroshye cyane kurusha uko wazitsinda. Bataragira icyo babimenyaho, abana babo bashobora kuzura umwuka urwangwa mu bo bacudika nabo kandi bashobora kononekara cyangwa kurimbuka. (5)

Ibyago by'abasore n'inkumi birushaho kwiyongera cyane iyo bari mu itsinda rigari ririmo umubare munini w'ab'urungano rwabo bafite imico n'ingeso zo mu mibereho yabo bitandukanye. Iyo abasore bari ahantu nk'aho ababyeyi benshi bakunze guterera iyo bakituriza aho gukaza umurego kugira ngo babashe kurinda no kugenzura abana babo. (6)

Ababyeyi bombi bafatanyirije hamwe kandi basenga, bakwiriye gukora inshingano iremereye cyane yo kuyobora abana babo mu nzira itunganye. Ibyo bakwirengagiza ibyo ari byo byose, ntibakwiriye na rimwe guha abana babo umudendezo wo kwishyira bakizana mu nzira z'icyaha. Ababyeyi benshi bemerera abana babo kujya aho bishakiye no gukora ibyo bshakiye, bakishimisha kandi bagahitamo incuti mbi. Igihe cy'urubanza, bene abo babyeyi bazamenya ko abana babo babuze ijuru bitewe n'uko batarindiwe munsi y'amategeko y'umuryango yagombaga kubakumira. (7)

Bagorobereza he?: Umuhungu n'umukobwa wese aba akwiriye kwisobanura igihe byagaragaye ko ataraye mu rugo rw'iwabo. Ababyeyi bakwiriye kumenya itsinda abana babo barimo kandi bakamenya

nyir'urugo bagoroberezamo. Abana bamwe ntibabwiza ababyeyi babo ukuri. Barababeshya kugira ngo ibibi bakoze bitajya ahagaragara. (8)

Ibyatsi Bibi Bikura mu Murima Udahinze: Ibihe byinshi ababyeyi bombi baha abana babo uburenganzira bwo kwihitiramo imikino ibashimisha, incuti ndetse n'ibyo bakora. Ingaruka zabyo ziri uko umuntu ushyira mu gaciro yagombye kuzitega. Nuraza umurima, uzameramo amahwa n'ibihuru. Ntuzigera uwubonamo uburabyo bwiza cyangwa se akatsi keza gatutumuka ngo karenge ibihuru bibi bibamo ibyatsi by'ubumara. Imifatangwe idafite akamaro ni yo izakura isagambe tutabitekerejeho tutanayitayeho, mu gihe ibimera by'agaciro kubw'ibyo bikoreshwa cyangwa ubwiza bwabyo byo bisaba guhingirwa mu buryo bwitondewe. Uko ni ko bimeze no ku rubyiruko rwacu. Nibatora ingeso nziza, kandi hagashyirwaho amahame y'ukuri bakurikiza, bazashobora gukora umurimo ukomeye. Ingeso mbi nizikosorwa, bizasaba kudakebakeba no kwihangana kugira ngo uwo murimo ukorwe. (9)

Menyereza Umwana Kwiringira Imitekerereze y'Ababyeyi: Babyeyi, murinde amahame n'ingeso by'abana banyu nk'uko mwita ku mboni y'amaso yanyu. Ntimukabemerere gucudika n'umuntu mutazi imico ye neza. Ntimukabakundire gucudika n'umuntu n'umwe mutarabanza kumenya neza ko ubwo bucuti butazabangiriza. Mumenyereze abana banyu kugirira icyizere imitekerereze n'ubunararibonye byanyu. Mujye mubigisha ko mubasha kubona imico y'umuntu neza kubarusha kuko nta bunararibonye bafite, kandi ko batagomba kurenga ku byemezo mwafashe. (10)

Gukumira Birangwe no Kudakebakeba, ariko Bibemo Ubugwaneza: Ababyeyi ntibakwiriye kwemera ibyo abana babo babogamiramo, ahubwo bakwiriye gukurikira inzira igaragara Imana yabaciriye ijyana n'inshingano yabo. Bakwiriye kugira ibyo bababuza mu mwuka w'ubugwaneza, bakabangira gusohoza ibyifuzo byabo bibi bakomeje nta gukebakeba, ariko bakabikorana urukundo. Kandi kubwo gukorana umwete mwinshi, basenga kandi bafite kwihangana, bakayobora intambwe zabo bazikura mu isi bazerekeza mu ijuru. Ababyeyi ntibakwiriye kureka abana ngo barohame mu byo bararikira byose, kandi ngo bajye mu nzira zikinguwe impande zose zibateshura inzira itunganye. Nta muntu uri mu kaga gakomeye kurusha abantu batumva ko hari akaga kariho kandi bakaba batihanganira kumva imiburo n'inama bahabwa. (11)

Uko bishoboka kose, mujye murinda abana banyu ibyababahindura bikemangwa; kubera ko mu bwana baba biteguye cyane kwakira ibyababahesha agaciro mu mico mbonera, mu butungane n'imico myiza, cyangwa se ibyo kwikanyiza, gukiranirwa no kutumvira. Iyo ubaretse bagatwarwa n'umwuka wo kwitotomba, ubwibone, kwirata no kutabonera mu mico, icyo cyasha gishobora kuzababaho mu buzima bwabo bwose. (12)

Kuba uburere bwo mu muryango budatunganye ni byo bituma urubyiruko nta bushake rugira bwo kumvira ubuyobozi. Ndi umubyeyi; nzi ibyo mba mvuga iyo mvuze ko igihe urubyiruko n'abana bagengwa n'amabwiriza meza agira ibyo ababuza barushaho gutekana no kunezerwa kurusha igihe bikurikirira ibyo bishakiye. (13)

Si Byiza Kujya Gusura Abandi ntawe Ubaherekeje: Ababyeyi bamwe bakora ikosa rikomeye baha abana babo umudendezo ukabije. Haba ubwo babagirira icyizere cyane ku buryo batabona amakosa bakoze. Kwemerera abana bakajya gusura ahantu kure badaherekejwe n'ababyeyi babo cyangwa abarezi babo ni ikosa rikomeye. Ibyo ntibigirira abana neza. Bageza ubwo biyumvamo ko bafite agaciro gakomeye n'uburenganzira runaka, kandi iyo badahawe ubwo burenganzira, batekereza ko bahohotewe. Bigereranya n'abana bagenzi babo bagenda bakagaruka uko bashatse ndetse bakaba bafite uburenganzira bwinshi mu gihe bo bafite buke cyane.

Kubera gutinya ko abana be baratekereza ko abarenganya, nyina w'abana abemerera ibyo bifuza byose maze amaherezo ibyo bikabangiriza bikomeye. Abana bato baba bamusuye badafite ababyeyi babitaho ngo barebe kandi bakosore amafuti yabo, akenshi bahakura isura izatwara amezi menshi kugira ngo ibahanagurikemo. (14)

Inama Mbi n'Uko Wazitwaraho: Mujye murekera abana banyu mu ngo zanyu; kandi abantu nibababwira ngo: "Abana banyu ntibazamenya uko bazajya bitwara mu isi," mujye mubwira izo ncuti zanyu ko icyo kibazo kitabahangayikishije, ko ahubwo mushaka rwose kubashyira Uwiteka ngo abahe umugisha nk'uko ababyeyi bo mu gihe cya kera bajyaniye Yesu abana babo. Abakugira inama ujye ubabwira uti: "Abana ni umurage nahawe n'Uwiteka, bityo nanjye nshaka gukiranuka ku ndagizo nahawe . . . . Abana banjye bagomba kurerwa mu buryo batazatwarwa n'imbaraga z'isi zihindura, ahubwo igihe bazaba bahuye n'igishuko ngo babe bakora icyaha, bazabashe guhakana bati: "Oya" bivuye inyuma kandi babikuye ku mutima. . . . Mujye mubwira incuti zanyu n'abaturanyi banyu ko mushaka kuzabona umuryango wanyu winjira mu marembo y'umurwa w'agahozo. (15)

Ibigeragezo Bikomeye Biri Imbere y'Urubyiruko Rwacu: Abana bakwiriye gutozwa no kwigishwa kugira ngo babashe kwitegura uburyo bwo guhangana n'ingorane ndetse babe biteze ko bahura n'ibishuko n'akaga. Bakwiriye kwigishwa kwitegeka no kwitwara gipfura bagatsinda ingorane. Kandi niba batishora mu kaga ku bushake bwabo ndetse bakirinda kunyura mu nzira y'igishuko, niba birinda ibyabakururira mu kibi n'incuti mbi, ariko noneho bakaba nta yandi mahitamo bafite ahubwo bagahatirwa kubana n'itsinda ry'abantu babateza akaga, icyo gihe bazagira imbaraga z'imico zibabashisha guhagarara bashikame ku bitunganye ndetse bakomere ku ihame. Bityo mu mbaraga z'Imana, bazabisohokamo imico yabo itigeze

yanduzwa. Igihe rwiringiye Imana, imbaraga z'imico mbonera y'urubyiruko rwarezwe nk'uko bikwiriye zizabasha guhangana n'ikigeragezo gikomeye kurusha ibindi. (16)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, pp. 400, 401.
2. *Id.,* Vol. 5, pp.. 544, 545.
3. *Id.,* Vol. 5, p. 545.
4. *Fundamentals of Christian Education,* p. 63.
5. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.120.
6. *Id.,* p. 332.
7. *Review and Herald,* Sept. 8, 1904.
8. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p.120.
9. *Review and Herald,* Sept. 13, 1881.
10. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 120.
11. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, pp. 545, 546.
12. *Signs of the Times,* April 16, 11896.
13. *Fundamentals of Christian Education,* pp. 62, 63.
14. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, pp. 401, 402.
15. *Signs of the Times,* April 23, 1894.
16. *Health Reformer,* December, 1872.



IGICE CYA 76

IBIRUHUKO N'AMASABUKURU

Hakenewe Inama ku Kwizihiza Iminsi Mikuru: Nabonye ko tudakwiriye gukora ibiruhuko byacu dukurikije urugero rw'ab'isi, nyamara kandi ntibikwiriye gutambuka tutabyitayeho kubera ko iyo bibaye bityo bibabaza abana bacu. Muri iki gihe turimo aho hari akaga k'uko abana bacu bahura n'ibibahindura bibajyana mu bibi kandi bakangirizwa n'ibinezeza no gutwarwa n'iby'isi, nimutyo ababyeyi bige gushaka ikintu gisimbura ibishimisha ariko biteza akaga. Mujye mwumvisha abana banyu ko mubifuriza ibyiza n'umunezero. (1)

Binyuze mu kubahiriza ibiruhuko ab'isi kimwe n'abizera b'amatorero bigishijwe kwizera ko iyo minsi yo kutagira icyo bakora ari ngombwa ku buzima bwabo no ku munezero wabo. Nyamara umusaruro uvamo ugaragaza ko iyo minsi iba yuzuyemo ibibi. (2)

Mu rwego rwo guhindura uko bintu bimeze, twagerageje uko dushoboye kose kugira ngo iminsi y'ibiruhuko ibe ishimishije abana n'urubyiruko. Umugambi wacu wari uwo gutuma batagera aho abatizera bishimishiriza. (3)

Mbese Marayika Azandika ati, "Umunsi Wapfushijwe Ubusa?" Mbese iyo umunsi wo gushaka ibinezeza urangiye, kunyurwa k'uwashakaga ibinezeza kuba kuri he? Nk'abakozi b'Abakristo, mbese ni nde baba bafashije kugera ku mibereho irushijeho kuba myiza, yo ku rwego rwo hejuru kandi yera? Mbese babashije kureba bagasoma ibyo marayika yanditse babona iki? Basangamo amagambo ngo: "Umunsi w'impfabusa!" Uwo munsi uba wapfuye ubusa haba ku bugingo bwabo bwite n'impfabusa mu murimo wa Kristo kubera ko nta kintu cyiza baba bakoze. Ni koko bashobora kugira indi minsi ariko ntibashobora kugira wa wundi wapfushijwe ubusa abahungu n'abakobwa baganira iby'ubupfapfa.

Ntabwo bashobora kuzongera kubona ayo mahirwe bari bagize. Ibyiza ni uko kuri uwo munsi w'ikiruhuko bari kuba bari gukora umurimo w'amaboko ubakomereye cyane. Ikiruhuko cyabo ntibagikoresheje uko bikwiriye, bityo mu rubanza bazashyirwa imbere uwo munsi bapfushije ubusa. (4)

Amasabukuru y'Ivuka- Ni Igihe cyo Gushima Imana: Bishyizweho n'Imana ubwayo, mu mibereho ya Kiyahudi, ku munsi mukuru w'ivuka ry'umwana, ababyeyi batangaga ituro ryo gushimira Imana. Muri iki gihe tubona ababyeyi bavunika bidasanzwe kugira ngo bahe abana impano ku minsi mikuru y'ivuka ryabo. Uwo munsi bawugira igihe cyo kubaha umwana nk'aho icyubahiro cyari gikwiriye guhabwa ikiremwamuntu. Satani yitambitse muri iyo gahunda; yateshuye intekerezo n'impano byerekezwa ku bantu. Uko ni ko ibitekerezo by'abana babyerekeza kuri bo ubwabo nk'aho ari bo bagombye kwitabwaho mu buryo budasanzwe. …

Igihe cyo kwizihiza isabukuru y'ivuka abana bakwiriye kwigishirizwamo ko bafite impamvu yo gushimira Imana kugira neza kwayo kuje urukundo kwagaragariye mu kubarindira ubuzima undi mwaka barangije. Inyigisho z'agaciro kenshi zikwiriye gutangwa muri ubwo buryo. Turimo umwenda wa Rugaba rw'ibyiza byose kubw'ubuzima aduha, amagara mazima, ibyokurya, n'imyambaro, ariko cyane cyane ibyiringiro by'ubugingo buhoraho aduha. Birakwiriye rero ko tuzirikana Imana n'impano iduha bityo tugatanga amaturo yacu yo gushima kubw'imigisha itarondoreka duhabwa. Ijuru ryita kuri izo mpano z'amasabukuru y'ivuka. (5)

Igihe cyo Gusuzuma Ibyakozwe mu Mwaka Ushize: Mwigishe abana gusubiza amaso inyuma barebe uko umwaka ushize w'ubuzima bwabo wagenze kugira ngo barebe niba bashimishwa no guhagarara imbere y'ibyanditswe kuri wo nk'uko biri mu bitabo byo mu ijuru. Mubashishikarize gutekereza bakomeje, barebe niba imyitwarire yabo, amagambo yabo n'ibikorwa byabo byarashimishaga Imana. Mbese imibereho bagiraga muri uwo mwaka yagendaga irushaho gusa n'iya Yesu, yari myiza kandi yarashimwaga imbere y'Imana? Mubigishe kumenya Uwiteka, n'inzira ze n'amategeko ye. (6)

Kugira Umurimo w'Imana Nyambere: Nabwiye abo mu muryango wanjye n'incuti zanjye ko nta muntu n'umwe nshaka ko azampa impano y'umunsi mukuru w'ivuka cyangwa iya Noheli, keretse banyemereye ko izo mpano nzazitanga zigashyirwa mu bubiko bw'Uwiteka, maze zikegurirwa gukoreshwa mu guhanga za misiyoni. (7)

Uko Twakubahiriza Umunsi wo Gushima Imana: Umunsi wo gushima uregereje. Mbese uzaba umunsi turonkeramo impano zo kwishima ubwacu nk'uko byagiye biba kenshi? Cyangwa se uzaba umunsi wo gushima Imana? Iminsi yacu yo gushima ishobora guhinduka ibihe byungura ubugingo bwacu cyane tutibagiwe n'abandi turamutse dukoresheje ayo mahirwe neza tukibuka abakene bari muri twe. …

Hari inzira amagana menshi twakoresha dufasha abakene mu buryo bunoze ku buryo byabatera kumva ko igihe bakira impano zacu bakemera

n'ineza tubagiriye baba batugiriye neza. Tugomba kwibuka ko "gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa." Bene Data bakunze kugirira ubuntu cyane abo bubaha kandi bifuza ko nabo babubaha, nyamara mu by'ukuri badakeneye ubufasha bwabo na gato. Imvugo y'umuco iravuga iti, 'Akebo kajya iwa Mugarura,' ariko iryo si ryo tegeko rya Bibiliya mu gutanga. Ijambo ry'Imana ryamagana ubu buryo bwo gushimisha inarijye dutanga impano zacu dutyo, maze rikavuga riti, 'Uhongera abakire, bombi bazakena nta kabuza.' Imigani 22:16.

Igihe kirasohoye ubwo amahame tugenderaho azashungurwa. Nimutyo dutangire gutekereza icyo dushobora gukorera abana b'Imana bakennye. Bashobora kwakira imigisha y'Imana binyuze muri twe. Tekereza umupfakazi, impfubyi n'umuryango ukennye ushobora gutabara, atari uburyo bwo kwiyerekana, ahubwo ari uburyo bwo guhinduka umuyoboro iby'Uwiteka bizajya binyuzwamo bigasesekara ari umugisha ku bana be bakennye. . . .

Ariko umurimo wawe nturangirira aho. Tegura ituro uzatura Incuti yawe magara; uzirikane imigisha myinshi iguha; garagaza gushima kwawe kubw'ineza ikugirira; zanira Imana ituro ryo gushima.… Bavandimwe banjye, ku Munsi wo Gushima, mujye mutegura ibyokurya byoroheje, maze amafaranga mwajyaga gutanga ku bintu by'inyongera mukoresha muhaza irari ry'inda, muyatangeho ituro ryo gushima Imana. (8)

Ntimukongere gutuma iminsi mikuru yo Gushima yubahirizwa kugira ngo munezeze irari ry'inda kandi mushimishe inarijye yanyu. Dufite impamvu yo kuza mu bikari by'Uwiteka tuzanye amaturo yo kumushimira ko yarinze ubugingo bwacu undi mwaka. . . . Niba ari ngombwa ko dukora ibirori, nimutyo tubikorere abari mu bukene. (9)

Umunsi wo Gushima Imana[4]: Ntekereza ko dufite icyo dukwiriye gushimira Imana. Dukwiriye kunezerwa no kwishimira mu Mana, kubera ko yaduhaye byinshi kandi byiza. … Turashaka ko uyu Munsi wo Gushima uba uwo gushima koko. Rero, ntimuwuteshure ku cyo uri cyo, ngo muwuvange n'ibyanduye; ahubwo mureke ube nk'uko izina ryawo riri: "Gushima." Mureke duhanike amajwi yacu dusingiza Imana. (10)

Kuki Tutagira Iminsi y'Ibiruhuko Duharira Imana?: Mbese ntibyatubera byiza tugize iminsi y'ibiruhuko twubahiriza twayihariye Imana, kikaba igihe dukwiriye kwiyibutsa mu ntekerezo zacu tukazirikana ibyo yadukoreye? Mbese ntibyaba byiza tuzirikanye imigisha yaduhaye mu gihe cyashize, tukibuka imiburo ikomeye yageze mu bugingo bwacu kugira ngo tutibagirwa Imana?

---

4 Uyu ni umugabane w'ikibwirizwa cyabwiririjwe mu rusengero rw'i Battle Creek ku munsi wo Gushima Imana. Hari kuwa 27 Ugushyingo 1884.

Ab'isi bizihiza iminsi mikuru myinshi, maze muri yo abantu bagatwarwa n'imikino itandukanye, bagasiganwa ku mafarashi, bagakina urusimbi, bakanywa itabi n'inzoga bagasinda . . . .

None se ubwoko bw'Imana ntibukwiriye kujya bugira amateraniro yera bushimiramo Imana imigisha ihebuje yabuhaye? (11)

Iminsi Mikuru Itanga Amahirwe yo Kubwiriza Ubutumwa: Dukeneye ko mu itorero haba abantu bafite ubushobozi bwo gushyira kuri gahunda no guha abasore n'inkumi umurimo ufatika mu bijyanye no gukemura ubukene bw'inyokomuntu, kandi bakagira icyo bakora kubw'agakiza k'ubugingo bw'abagabo n'abagore, urubyiruko, abasore n'inkumi ndetse n'abana. Ntabwo bizashobokera abantu bose ko batanga igihe cyabo cyose muri uwo murimo bitewe n'ibyo bagomba gukora kugira ngo babone ikibatunga buri munsi. Nyamara, abo nabo bajya bagira ibiruhuko n'ibindi bihe bashobora kwegurira umurimo wa Gikristo, no gukora ibyiza muri ubu buryo niba badashobora gutanga byinshi ku byo bafite. (12)

Igihe ufite umunsi w'ikiruhuko, wugire umunsi w'ibyishimo n'umunezero ku bana bawe, kandi uwugire umunsi unejeje ku bakene n'izindi mbabare. Uwo munsi ntugahite mutazaniye Yesu amaturo yo kumushima. (13)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe:

1. *Testimonies for the Church,* Vol. pp. 514, 515.
2. *Fundamentals of Christian Education,* p. 317.
3. *Review and Herald,* January 29, 1884.
4. *Letter* 12, 1892.
5. *Review and Herald,* Dec. 9, 1890.
6. *Id.,* Dec. 23, 1884.
7. *Id.,* Dec. 27, 1906.
8. *Id.,* Dec. 18, 1884.
9. *Id.,* Dec. 23, 1884.
10. *Id.,* Dec. 23, 1884.
11. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 343.
12. *Letter* 12, 1892.
13. *Review and Herald,* Nov. 13, 1894.

IGICE CYA 77

UMUNSI WA NOHELI

Noheli nk'Ikiruhuko: "Noheli igiye kugera," iryo ni ryo jwi ryumvikana mu isi yose, uhereye mu burasirazuba ukagera mu burengerazuba, no kuva mu majyaruguru ukagera mu majyepfo. Ku bato n'abakuru, ndetse n'abageze mu zabukuru, ni igihe cyo kwishima muri rusange ndetse n'umunezero mwinshi. Ariko se Noheli ni iki, ku buryo isaba abantu kuyitaho batyo?....

Itariki ya 25 Ukuboza ni wo munsi bitiriye ivuka rya Yesu Kristo, kandi kuwizihiza byahindutse umuco bimenyererwa ahantu hose. Nyamara nubwo bimeze bityo, nta gihamya dufite cy'uko twizihiza umunsi nyawo wo kuvuka k'Umukiza wacu. Amateka aduha igihamya nyakuri cy'ibi. Bibiliya ntiduha umunsi nyawo Yesu yavutseho. Iyo Umwami wacu abona ko kumenya ibyo ari ngombwa ku bijyanye n'agakiza kacu, aba yarabivugiye mu bahanuzi be n'intumwa ze kugira ngo tubashe kumenya ibintu byose bijyanye n'iyo ngingo. Ariko kuba kuri iyi ngingo Ibyanditswe Byera byaricecekeye biduhamiriza ko ayo makuru twayahishwe kubw'umugambi wuje ubwenge buhebuje.

Mu bwenge bwe, Uwiteka yahishe abantu aho yahambye Mose. Imana ubwayo ni yo yamwihambiye, kandi Imana ni yo yamuzuye imujyana mu ijuru. Iri banga ryabereyeho kurinda abantu gusenga ibigirwamana. Umuntu Abisirayeli bari barigometseho igihe yakoranaga nabo, uwo barakazaga birenze ibyo umuntu ashobora kwihanganira, nyuma yo gutandukanywa nabo n'urupfu bajyaga kumusenga nk'Imana. Kubw'impamvu nk'iyo, Imana yahishe abantu italiki nyayo Kristo yavutseho, kugira ngo uwo munsi utazahabwa icyubahiro gikwiriye guhabwa Kristo nk'Umukiza w'abari mu isi, we wenyine bakwiriye kwakira, bakamwizera kandi bakamwishingikirizaho nk'ubasha gukiza rwose abamusanga bose. Kuramya k'umuntu gukwiriye kwerekezwa kuri Yesu wenyine we Mwana w'Imana ihoraho. (1)

Umunsi Udakwiriye Kwirengagizwa: Kubera ko itariki ya 25 Ukuboza yubahirizwa kugira ngo abantu bizihize ivuka rya Kristo, kandi mu magambo no mu ngero bahawe abana bakaba barigishijwe ko ari umunsi wo kunezerwa no kwishima, bizabarushya gutambuka muri icyo gihe

mutagize uburyo runaka muwitaho. Uwo munsi ushobora gukoreshwa mu gusohoza imigambi myiza.

Urubyiruko rukwiriye kwitabwaho mu buryo bwitondewe. Ku munsi wa Noheli urubyiruko ntirukwiriye kurekwa ngo rwishakire ibirurangaza mu bitagira umumaro no gushaka ibinezeza, no mu bishimisha byangiriza imibereho yabo y'iby'umwuka. Ababyeyi bashobora kugenga uburyo bwo kubyitwaramo berekeza intekerezo z'abana n'amaturo yabo ku Mana, ku murimo wayo no ku gakiza k'abantu.

Aho kugira ngo uko abana bifuza kwishimisha gucecekeshwe, ahubwo gukwiriye gukurikiranirwa hafi kandi kugahabwa umurongo n'umwete ukomeye ababyeyi babo bakoresha. Icyifuzo bagira cyo gutanga impano kuri uwo munsi gishobora guhindurwamo imiyoboro itunganye kandi yera, bityo ikazazanira icyiza bagenzi bacu binyuze mu kongera umutungo ukoreshwa mu murimo ukomeye kandi w'ingenzi wazanye Kristo kuri iyi isi yacu. Kwiyanga no kwitanga ni byo byaranze imikorere ye. Nimutyo ibyo abe ari byo biranga imikorere yacu natwe abavuga ko bakunda Yesu kubera ko ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho ari we bishingiyeho. (2)

Guhana Impano ni Ikimenyetso cy'Urukundo: Igihe cy'ibiruhuko kiregereje n'uko kirangwamo guhana impano, kandi abato n'abakuru bahora bashakisha icyo bashobora kuzaha incuti zabo nk'ikimenyetso kizabibutsa urukundo babakunda. Kwakira impano ivuye mu bo dukunda birashimisha, uko yaba ari nto kose. Bitubera igihamya cy'uko batatwibagiwe, kandi bigasa n'ibitwomatanya kurushaho . . . .

Ni byiza guhana impano zigaragaza urukundo n'urwibutso iyo mu gukora ibyo tutibagiwe Imana, yo ncuti yacu magara. Twari dukwiriye kujya duhitamo impano ziragira icyo zungura abo twazigeneye. Nabagira inama yo gutanga ibitabo bizafasha ababihawe gusobanukirwa ijambo ry'Imana cyangwa se bizatuma turushaho gukunda inyigisho zo muri ryo. Mujye mutanga ibitabo bashobora gusoma mu migoroba miremire yo mu gihe cy'ubukonje. (3)

Musabwa Gutanga Ibitabo by'Abana: Hariho abantu benshi badafite ibitabo n'ibinyamakuru bivuga ukuri kugenewe iki gihe. Aha ni ahantu hagari dushobora gushora amafaranga dutekanye. Hari abana benshi cyane bakwiriye guhabwa ibitabo byo gusoma. Ibitabo by'amoko menshi birimo n'iby'inyigisho zitangwa ku Isabato ni ibitabo by'agaciro kenshi kandi bikwiriye kugezwa mu muryango wose. Udufaranga duke duke abantu bapfusha ubusa bagura amabombo n'ibindi biryoherera ndetse n'ibikinisho bitagira umumaro yari akwiriye kujya abikwa kugira ngo azagurwe ibyo bitabo. . . .

Mureke abifuza kuzaha impano z'agaciro abana babo, abuzukuru babo, abishywa babo n'abandi bafitanye isano, babagurire bimwe muri ibyo bitabo. Abasore n'inkumi bakwiriye guhabwa ibitabo by' "Umwuka w'Ubuhanuzi." Iyo mizingo y'ibitabo ikwiriye kugezwa muri buri muryango uri mu gihugu. Imana iri kohereza umucyo uturutse mu ijuru, bityo rero nta muryango ukwiriye kuwuvutswa. Mureke impano muzatanga zizahinduke urumuri rumurikira abantu mu nzira igana mu ijuru. (4)

Yesu Ntakwiriye Kwibagirana: Bene Data namwe bashiki banjye, mu gihe muri kugena impano muzahana, ndabasabye ntimukibagirwe Incuti yanyu yo mu ijuru, nibitaba bityo uzasanga mutazirikana ibyo ibasaba. Mbese nitugaragaza ko tutamwibagiwe ntibizamushimisha? Yesu Igikomangoma dukesha ubugingo, yatanze byose kugira ngo tubone agakiza. . . . Yarababajwe kugeza no ku rupfu kugira ngo aduheshe ubugingo buhoraho.

Muri Kristo niho tubonera imigisha yose. . . . None se uwo Rugaba rwacu wo mu ijuru ntituzagira umugabane tumugenera mu mpano dutegura zigaragaza gushima n'urukundo? Bene Data namwe bashiki banjye, nimuzane n'abana banyu ndetse n'impinja mucigatiye, muzanire Imana amaturo yanyu mukurikije amikoro mufite. Nimuyiririmbire mu mitima yanyu, kandi ishimwe rye ribe mu kanwa kanyu. (5)

Noheli ni Igihe cyo Kubaha Imana: Ku b'isi, iminsi mikuru cyangwa se y'ibiruhuko bayikoresha mu bitagira umumaro, mu gusesagura amafaranga, mu kurya no kunywa bakavuyarara no mu kwiyerekana... Mu minsi mikuru ya Noheli n'ubunani bigiye kuza abantu bazatagaguza amafaranga atagira ingano bakabya mu kwinezeza mu bintu bidakenewe. Ariko twe dufite inshingano yo guca ukubiri n'imigirire n'imigenzo by'ab'iki gihe kibi. Kandi aho gukoresha amafaranga tuyatanga mu kunezeza irari ry'inda cyangwa tukayatanga ku mitako cyangwa se ibyo kwambara bitari bikenewe, twagombye gukora ku buryo ibiruhuko bigiye kuza bizaba ibihe byo kubaha no guhesha Imana ikuzo. (6)

Kristo ni we wagombye kugirwa nyambere; ariko uko Noheli yagiye yizihizwa, usanga icyubahiro Kristo yagombaga guhabwa cyararekejwe ku mwana w'umuntu upfa, ufite kamere ibogamira mu cyaha n'imico yanduye byatumye Umukiza aza mu isi yacu.

Yesu Kristo, Umugaba wo mu ijuru kandi akaba Umwami w'ijuru, yasize ubwami bwe, asiga intebe ye ya cyami y'ubwiza, asiga ubugabe bwe, aza mu isi yacu maze umuntu wacumuye, watentebutse mu mico mbonera kandi wangirijwe n'icyaha amuzanira ubufasha buturutse ku Mana. . . .

Ababyeyi bakwiriye guhora bibutsa abana babo ibyo, kandi bakabigisha umurongo ku murongo n'itegeko ku itegeko, bakabamenyesha inshingano

bafite ku Mana, atari iyo bafite kuri bagenzi babo yo kubahana no guhana icyubahiro bahana impano. (7)

Nimwerekeze Ibitekerezo by'Abana ku Muyoboro Mushya: Hari ibintu byinshi bishobora gutegurwa bishimishije kandi bidahenze aho kugura impano zitagize icyo zimaze zikunze kenshi guhabwa abana bacu n'abandi dufitanye isano ya bugufi. Bityo, mu gutanga za mpano zidahenze, mushobora kugaragaza urukundo n'urugwiro kandi umunezero ugataha mu rugo.

Mushobora kwigisha abana banyu icyigisho mubasobanurira impamvu yatumye mukora impinduka ku bijyana n'agaciro k'impano mwabahaye, mukababwira ko mwamenye neza ko mbere hose mwitaga ku kubashimisha kuruta uko mwitaga ku cyubahiro cy'Imana. Nimubabwire ko mwagiye mutekereza cyane ku bibanezeza ubwanyu no kubashimisha ndetse no gukurikiza imigenzo n'imico by'ab'isi mu guha impano abantu batazikeneye, kuruta uko mwari gutanga izateza imbere umurimo w'Imana. Nk'uko abanyabwenge ba kera babigenje, mushobora guha Imana impano zanyu zihebuje izindi kandi kubw'amaturo muyitura mukayigaragariza ko mwishimiye Impano yahaye isi yacumuye. Mujye mwerekeza ibitekerezo by'abana banyu ku muyoboro mushya utarangwamo kwikanyiza mubakundisha gutura Imana amaturo bayishimira impano y'Umwana wayo w'ikinege. (8)

Mbese Twagira Igiti cya Noheli?: Imana yashimishwa n'uko kuri Noheli itorero ryose ryagira igiti cya Noheli abantu barashyiraho amaturo agenewe insengero yaba menshi cyangwa se make, manini cyangwa se mato.[5] Hari abantu batwohereereje inzandiko batubaza bati: "Mbese natwe twagira igiti cya Noheli?" "Mbese ntituzaba dukoze nk'ab'isi?" Twarabasubije tuti: "Mushobora kubigira nk'ab'isi niba mufite amatwara yo kubikora mutyo, cyangwa se mushobora kugitegura ku buryo bunyuranyije n'ab'isi. Nta cyaha runaka kiri mu gutoranya isipure ihumura neza ukayishyira mu rusengero, nyamara icyaha kiri mu mpamvu yateye gukora icyo gikorwa ndetse no mu cyo impano zirashyirwa kuri icyo giti zirakoreshwa.

Icyo giti gishobora kuba kirekire gifite n'amashami maremare kandi magari aberanye n'ibyo bihe; ariko mu dushami twacyo mukahahundagaza amatunda y'ifeza n'izahabu ashimishije, maze mukayatura Imana nk'impano mutanze kuri Noheli. Nimutyo impano zanyu zezwe n'isengesho. (9)

Kwizihiza iminsi mikuru ya Noheli n'ubunani bishobora kandi bikwiriye gukorwa hazirikanwa abatishoboye. Imana ihabwa ikuzo iyo

5 Ahangaha umwanditsi yavugaga ku mishinga y'inyubako z'insengero zariho muri icyo gihe. Kubera ko amahame avugwa ajyanye n'ibi yakoreshwa no muri iki gihe, ayo magambo yarekewe muri iyi nyandiko.

tugize icyo dutanga cyo gufasha abantu bafite imiryango migari bagomba kwitaho. (10)

Igiti Gihundagajeho Impano Si Icyaha: Ababyeyi ntibagafate ko gushyira igiti mu rusengero kugira ngo bishimishe abagishwa b'ishuri ryo ku Isabato ari icyaha kubera ko gishobora kuba umugisha ukomeye. Bamenyeshe imigambi yo gukora ibikora by'ubugiraneza. Ntibikwiriye na gato ko kwishimisha bisanzwe ari wo mugambi w'ayo materaniro. Nubwo hashobora kubaho abantu bamwe bazahindura ibyo bihe mo umwanya wo kwitwara uko bishakiye, bityo imitima yabo ikavutswa icyo ijuru ryajyaga kuyikorera, ariko ku bandi ibyo bihe bizabungura bihebuje. Nemera rwose ntashidikanya ko abantu bashobora gutekereza ibintu bizira amakemwa byasimbura amateraniro menshi atubaka imico mbonera. (11)

Umunsi wa Noheli Muwushakire Ibinezeza Bizira Amakemwa: Bene Data na bashiki banjye b'Abakristo, mbese ntimuzahaguruka kandi ngo mukenyere mukore inshingano yanyu mufite kubaha Imana, ngo mutegure uyu munsi mukuru ku buryo utarangwa n'ubukonje no kuba udashimishije, ahubwo ukaba wuzuye ibinezeza bizira amakemwa biriho ikimenyetso cy'uko byemewe n'ijuru? Nzi ko abantu bakennye cyane bazumvira izo nama. Ariko abifite kurusha abandi nabo bakwiriye kugaragaza ko babyitayeho kandi bagatanga impano zabo n'amaturo yabo bakurikije ubutunzi Imana yabaragije. Nimureke mu bitabo byo mu ijuru handikwe umunsi mukuru wa Noheli utarigeze ubaho bitewe n'impano zizatangwa kuri wo zo gushyigikira umurimo w'Imana no kubaka ubwami bwayo. (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe:

1. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.
2. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.
3. *Review and Herald,* Dec. 26, 1882.
4. *Review and Herald,* Dec. 11, 1879.
5. *Review and Herald,* Dec, 26, 1882.
6. *Review and Herald,* Dec. 11, 1879.
7. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.
8. *Review and Herald,* Nov. 13, 1894.
9. *Review and Herald,* Dec. 11, 1879.
10. *Manuscript* 13, 1896.
11. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.
12. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.

IGICE CYA 78

UMURYANGO NI ISANGANO RY'IVUGABUTUMWA

Ababyeyi Bakwiriye Kwereka Abana Inzira Itunganye: Twe nk'ababyeyi kandi nk'Abakristo, dufite inshingano yo kwereka abana bacu inzira itunganye. Bakwiriye kuyoboranwa ubushishozi, ubwenge n'ubugwaneza mu nzira y'umurimo usa n'uwa Kristo. Twasezeranye n'Imana isezerano ryera ryo kurera abana bacu ngo bazakore umurimo wayo. Inshingano yacu ya mbere ni ukubagotesha ibishobora kubahindura bibayobora mu guhitamo kubaho bakorera Imana, no kubaha uburere bakeneye. (1)

Abana Bashobora kuba nka Daniyeli na Esiteri Muri iki Gihe: Umugambi Imana ifitiye abana ni muremure cyane kurenza uko imirebere yacu igira aho igarukira ishobora gusobanukirwa. Mu bihe bya kera, abantu Imana yabonaga ko ari indahemuka mu mirimo icishije bugufi, yagiye ibahamagarira kuyihamya ahantu hakomeye cyane ho ku rwego rwo hejuru ku isi. Kandi abana b'ababahungu benshi muri iki gihe, bakura nk'uko Daniyeli yakuriye iwabo mu Buyuda, bakiga ijambo ry'Imana n'imirimo yakoze, kandi bakiga amasomo yo gukora umurimo urangwa n'ubunyangamugayo, bazahagarara mu nteko zishinga amategeko, mu mazu y'ubutabera, cyangwa mu ngoro z'ibwami, bahamye Umwami w'abami. Abenshi batabarika bazahamagarirwa gukora imirimo ikomeye kandi migari. Isi yose yiteguye kwakira ubutumwa bwiza.... Mu mpande zose z'iyi si yacu, haturuka amajwi yo gutaka cyane kw'imitima irembejwe n'icyaha ikeneye kumenya Imana yuje urukundo.... Twe twamenye uko kuri ndetse n'abana bacu dushobora kukubamenyesha. Dufite inshingano yo gusubiza ayo majwi yo gutaka kw'abo bantu. Muri iki gihe cy'akaga, buri muryango wose, buri shuri ryose, ababyeyi bose, abarezi ndetse n'abana bose barasiwe n'umucyo w'ubutumwa bwiza, barabazwa ikibazo nk'icyabajijwe umwamikazi Esiteri muri cya gihe cy'amakuba akomeye yabaye mu mateka y'ubwoko bw'Abisirayeli ngo: «Ni nde wamyenya niba icyakwimitse ngo ube umwamikazi atari ukugira ngo ugire akamaro mu gihe gisa n'iki?» Esiteri 4:14. (2)

Uburyo Bugera ku Ntego bwo Guhamya Kristo: Ntibishoboka ko abantu bose bajya kubwiriza ubutumwa mu bihugu bya kure, ariko bose baba abavugabutumwa iwabo mu gihugu cyabo, mu miryango yabo no

mu baturanyi babo. Hariho uburyo bwinshi abagize itorero bashobora gukoresha babwiriza ubutumwa ababazengurutse. Bumwe mu buryo bwagera ku ntego kurusha ubundi ni ukugira imibereho myiza ya Gikristo irangwa no gufasha abandi no kutikanyiza. Abantu bari kurwana urugamba rw'imibereho itaboroheye, bashobora guhemburwa kandi bakongererwa imbaraga no kubazirikana gutoya kutagize ikiguzi gifatika gusaba. Amagambo meza twababwira gusa no kubitaho mu buryo bworoheje, bizatamurura ibicu by'ibigeragezo no gushidikanya bitwikiriye ubugingo. Impuhwe za Gikrisito zivuye ku mutima ukunze bagaragarijwe by'ukuri mu buryo bwiyoroheje zifite ububasha bwo gukingura urugi rw'imitima ikeneye gukorwaho n'Umwuka wa Kristo. (3)

Abagore kimwe n'abagabo bafite umurima mugari bakoramo umurimo. Ubufasha bwa buri wese burakenewe; baba abazi guteka neza, abadozi n'abaforomokazi. Nimutyo abagize imiryango ikennye bigishwe guteka neza, bigishwe kwidodera imyambaro yabo no kuyisana, bigishwe kwita ku barwayi no gufata neza ingo zabo. N'abana na bo bakwiriye kwigishwa kujya bakorera ibikorwa bito by'urukundo n'impuhwe abo barusha amahirwe mu buzima. (4)

Abana n'Urubyiruko Bakwiriye Kugira Uruhare mu Murimo Ukorerwa Abandi: Mu muhati bagira wo gutanga urwitwazo abantu bamwe baravuga bati: «Inshingano zanjye zo mu rugo n'abana banjye binsaba igihe n'amikoro byanjye.» Babyeyi, abana banyu bakwiriye kubafasha, bakabongerera imbaraga n'ubushobozi byo gukorera Shobuja. Abana ni bamwe mu bagize umuryango w'Imana bakiri bato. Bakwiriye kuyoborwa bakiyegurira Imana, kuko ari abayo kubera ko yabaremye ikanabacungura. Bakwiriye kwigishwa ko imbaraga zabo zose z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'ubugingo ari izayo. Bakwiriye gutozwa gufasha mu nzego zinyuranye z'umurimo utarangwamo kwikanyiza. Ntimukemerere abana banyu kuba imbogamizi. Ahubwo bakwiriye gufatanya namwe inshingano z'ibya Mwuka n'imitwaro ifatika mu buzima. Binyuze mu gufasha abandi, abana bongera umunezero wabo bwite no kuba ingirakamaro kwabo. (5)

Mbega impinduka zaba mu matorero yacu abasore n'inkumi bo muri buri torero baramutse biyeguriye Imana batizigamye, kandi bakarangwa no kwiyanga mu buzima bwo mu rugo, bakaruhura ba nyina baba bananiwe kandi bacogojwe n'imiruho! Ibyo byatuma nyina w'abana abona akanya ko gusura abaturanyi babo. Igihe hari uburyo bubonetse, n'igihe bakiri bato, abana bakwiriye gufasha bakora ibikorwa bito by'impuhwe n'urukundo kugira ngo baheshe abandi umugisha. Muri ubwo buryo, imiryango ibihumbi n'ibihumbi y'abakene n'abatishoboye tudahuje kwizera ikwiriye kwinjirwamo. Ibitabo bivuga iby'ubuzima no kwitungira amagara byagezwa mu miryango myinshi. Gukwirakwiza ibyo bitabo ni umurimo

w'ingirakamaro kubera ko birimo ubumenyi bw'agaciro kenshi bwerekeye uburyo bwo kuvura indwara zimwe, kandi ubwo akaba ari ubumenyi bwabera umugisha ukomeye abantu badashobora kubona amafaranga yo kwishyura kwa muganga. (6)

Imana Ishaka ko Abana Bahinduka Ababwirizabutumwa Bato: Imana ishaka ko umwana wese ukiri muto ahinduka umwana wayo, akakirwa mu muryango wayo. Nubwo baba bakiri bato, urubyiruko rushobora kuba rumwe mu bagize umuryango wo kwizera kandi rugahagararira imibereho ihebuje. (7)

Mu myaka y'ubuto bwabo, abana bashobora kuba ingirakamaro mu murimo w'Imana . … Izabaha ku buntu bwayo no ku Mwuka Wera wayo kugira ngo babashe gutsinda ingeso yo kutihangana, kurakara n'ibindi byaha by'uburyo bwose. Hari imigisha Imana yabateguriye, kandi ishimishwa no

kubabona bubaha ababyeyi babo. Ishaka ko bahinduka ababwirizabutumwa bato, bakazibukira ibyo bararikira n'ibyo bifuza bijyana no kwinezeza maze bakagira umurimo bayikorera; kandi uyu murimo ushimwa n'Imana nk'uko ishima umurimo ukozwe n'abana bagimbutse. (8)

Kubw'amategeko n'urugero babaha, ababyeyi bagomba kwigisha abana gukorera abatarahinduka. Abana bakwiriye kurerwa batyo ku buryo bazajya bagirira impuhwe abantu bageze mu zabukuru n'imbabare kandi bakazaharanira koroshya imibabaro y'abakene n'abanyamubabaro. Bakwiriye kwigishwa uko baba abanyamwete badakebakeba mu murimo wo kubwiriza ubutumwa; kandi guhera bakiri bato cyane bakabacengezamo kwiyanga no kwitangira ibyiza by'abandi n'iterambere ry'umurimo wa Kristo, kugira ngo bahinduke abafatanyabikorwa n'Imana. (9)

Nimutyo ababyeyi bigishe abana babo ukuri nk'uko kuri muri Yesu Kristo. Abana mu mvugo yabo yoroheje bazasubiriramo bagenzi babo ibyo bize. (10)

Itorero Rifitiye Urubyiriko Umurimo: Mureke abareberera itorero bategure gahunda abasore n'inkumi batorezwamo gukoresha impano bahawe. Mureke abizera bakuze bo mu itorero bashake uko bakorera abana n'urubyiruko umurimo uhamye kandi wuje impuhwe. Mureke kandi abapasitoro bakoreshe ubuhanga bwabo bwose mu kugena ingamba zatuma abakiri bato mu itorero bareherezwa gufatanya nabo mu murimo wo kubwiriza ubutumwa. Ariko ntimugatekereze ko mushobora kubibakundisha mukoresheje ibibwirizwa birebire bitangwa mu materaniro y'ivugabutumwa. Nimutegure inzira zakoreshwa kugira ngo ubwuzu bukongezwe muri bo. Nimureke buri wese agire uruhare agomba gukora. Mutoze abasore gukora ibyo bashinzwe, kandi ujye ubahamagara buri cyumweru bazane raporo yabo mu nama y'ivugabutumwa, bavuge ibyo bahuye nabyo n'intsinzi bagiye bageraho babifashijwemo n'ubuntu bwa Kritso. Raporo nk'izo zigiye zizanwa n'abakozi berejwe umurimo, inama zisuzuma gahunda z'ivugabutumwa ntizarangwa no kurambirana n'ubukonje. Ahubwo zaba zuzuyemo ubwuzu kandi ntizabura abazitabira. (11)

Shaka Amahirwe y'aho Mwakorera Habegereye: Amahirwe y'aho mwakorera ari hafi y'umuntu wese. Nimukore umurimo ukwiriye gukorwa mu baturanyi hakwegereye kubera ko ari ho ushinzwe uzabazwa. Ntutegereze ko abandi bagusaba gufata iya mbere. Genda udatindiganyije, uzirikana inshingano yihariye ufite ku watanze ubugingo bwe kubwawe. Genda nk'aho wowe ubwawe wiyumviye ijwi rya Kristo akurarikira kuva mu iroro ngo ukoreshe ubushobozi bwose Imana yaguhaye ukora ibishoboka byose mu murimo wayo. Ntubanze kwitegereza ngo urebe ko wabona ko hari undi muntu witeguye kwakira irarika riva mu ijambo ry'Imana Ihoraho.

Niba waritanze rwose, Imana izagukoresha izane abandi bakire ukuri kandi abo nabo ishobora kuzabakoresha bagahinduka imiyoboro igeza umucyo ku bantu benshi bari kurindagirira mu mwijima. (12)

Mutyo Imiryango y'Abakristo Yinjire mu Bihugu Bikiri mu Mwijima: Imana irararika imiryango y'Abakristo kujya mu bantu bakiri mu mwijima no mu buyobe, kandi ngo bakorere Shebuja bafite ubwenge no kwihangana. Kwitaba iri rarika bisaba kwitanga. Mu gihe abantu bamwe bategereje ko inzitizi yose yabanza gukurwaho, abantu bari gupfa badafite ibyiringiro n'Imana mu isi. Kugira ngo bunguke ubumenyi bwa gihanga, abantu benshi ndetse benshi cyane bazigerezaho bajye mu turere turangwamo ibyorezo kandi bihanganire imiruho n'ubukene. None se abafite ubushake bwo kugenza batyo bagendereye kubwira abandi iby'Umukiza wacu bari hehe? Abagabo n'abagore bazajya mu turere dukeneye kugezwamo ubutumwa bwiza bari hehe kugira ngo babashe kuyobora abarindagirira mu mwijima maze babereke Umucunguzi? (13)

Iyaba imiryango yemeraga kujya gutura mu turere ducuze umwijima two ku isi, aho abantu babudikiwe n'umwijima mu by'umwuka, maze bakamurikisha umucyo uturuka mu bugingo bwa Kristo, hakorwa umurimo ukomeye cyane. Mureke iyo miryango itangire umurimo wayo bucece nta mbogamizi, itagombye gukenera ku mutungo wa Filidi kugeza igihe babonye ko umurimo waguka cyane ku buryo bigeze aho batawishoboza batabonye ubufasha bugenerwa abagabura. (14)

Abana Bazakora Igihe Abandi Bantu Bazaba Badashobora Gukora: Igihe abo mu ijuru bazabona ko abantu batacyemerewe kwamamaza ukuri, Mwuka w'Imana azaza ku bana, kandi abo bana bazakora umurimo wo kwamamaza ukuri abakozi bakuru badashobora gukora bitewe n'uko inzira y'abakuru izaba yafunzwe. (15)

Mu bizabaho biheruka amateka y'isi, benshi muri abo bana n'urubyiruko bazatangaza abantu biciye mu buryo bazahamya ukuri, kuko ubwo buhamya buzatanganwa kwiyoroshya, nyamara butanganwe umwuka n'imbaraga. Bazaba barigishijwe kubaha Imana, kandi imitima yabo izaba yarorohejwe no kwiga Bibiliya babyitondeye kandi basenga. Vuba aha bidatinze abana benshi bazuzuzwa Umwuka w'Imana kandi bazakora umurimo bamamaza ukuri ku isi. Icyo gihe azaba ari umurimo udashobora gukorwa neza n'abizera b'itorero bakuze. (16)

Amashuri yacu y'itorero yashyizweho n'Imana kugira ngo atagurire abana uyu murimo ukomeye. Abana bagomba kuyigishirizwamo ukuri kwihariye kugenewe iki gihe kandi bakayatorezwamo gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Bagomba kwinjira mu ngabo z'abakozi bagafasha abarwayi n'imbabare. Abana bashobora kugira uruhare mu murimo wo

kwamamaza ubutumwa wifashisha ubuvuzi kandi bakoresheje amikoro yabo make cyane bashobora gufasha mu guteza imbere uwo murimo . . . Ubutumwa bw'Imana n'uko itabara abantu bizamenyekana mu mahanga yose kubera uruhare rwabo. Nuko rero, itorero niryite ku bana b'intama bo mu mukumbi. Nimutyo twigishe abana kandi tubatoze gukora umurimo w'Imana. (17)

Nibige Gukora Umurimo Bawurimo: Gukunda no kugandukira Kristo ni yo sōko y'umurimo nyakuri. Mu mutima wanyuzwe n'urukundo rwa Kristo havuka icyifuzo cyo kumukorera. Nimutyo iki cyifuzo gishyigikirwe kandi gihabwe icyerekezo. Haba imuhira, haba mu baturanyi cyangwa ku ishuri, kuba hari abakene n'indushyi, abacogojwe n'intimba, abaswa cyangwa abafite ibyago runaka, ntibyagombye gufatwa nk'amakuba, ahubwo bikwiriye gufatwa nk'ibitanga amahirwe y'agaciro kenshi yo kugira umurimo ukorwa.

Muri uyu murimo, kimwe no mu wundi murimo wose, ubuhanga mu murimo bwungukirwa mu gukora uwo murimo ubwawo. Kwitoza gukora inshingano zisanzwe zo mu buzima ndetse no mu kwita ku bakene n'abababazwa, ni byo byizeza umuntu kugira ubushobozi. Ibyo bitabayeho, akenshi umuhati ukomeye wakoreshwa waba imfabusa ndetse ukagira n'ibyo wangiriza. Umuntu yigira koga mu mazi, ntabyigira imusozi. (18)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Ministry of Healing,* p. 396.
2. *Uburezi,* pp. 274, 275.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 9, p. 30.
4. *Id.,* Vol.9, pp. 36, 37.
5. *Id.,* Vol. 7, p. 63.
6. *Manuscript* 119, 1901.
7. *Letter* 104, 1897.
8. *Review and Herald,* Nov. 17, 1896.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.6, p. 429.
10. *Manuscript* 19, 1900.
11. *Testimonies for the Church,* Vol.6, pp. 435,436.
12. *Manuscript* 128, 1901.
13. *Testimonies for the Church,* Vol.9, p.33.
14. *Id.,* Vol.6, p.442.
15. *Id.,* Vol.6, p. 203.
16. *Counsels to Teacher, Parents and Students,* pp. 166, 167.
17. *Testimonies for the Church,* Vol.6, p. 203.
18. *Uburezi,* p. 280, 281.

UMUGABANE WA 17

IMYIDAGADURO N'IKIRUHUKO

IKIRUHUKO N'IMYIDAGADURO NI INGENZI

Ibitekerezo by'Ubuhezanguni mu Byerekeye Imyidagaduro: Hariho abantu batekereza nabi. Kuri bo idini ni umutware w'umunyagitugu, usa n'ubayoboza inkoni y'icyuma. Bene abo bahora babogoza kubera kwangirika kwabo kandi bagahora batakishwa n'ibyo bibwira ko ari bibi. Nta rukundo bagira mu mitima yabo, ahubwo bahora bazinze umunya. Iyo bumvise urubyiruko cyangwa undi wese wisekera nta mbereka birababababaza. Bafata ko imikino n'imyidagaduro yose ari icyaha, maze bagatekereza ko ubwenge bw'umuntu bugomba guhora kuri gahunda idakebakeba. Ubwo ni ubuhezanguni ku ruhande rumwe. Abandi nabo batekereza ko ubwenge bw'umuntu bugomba guhora bwisanzuye maze ahagimba imikino n'ibimurangaza bishya kugira ngo agire amagara mazima. Babatwa n'ibibatera kwishima bagatwarwa, batabibona ntibishime. Bene abo si Abakristo nyakuri. Baba bagiye ku rundi ruhande rw'ubuhezanguni. Amahame nyakuri y'Ubukristo abera abantu bose isoko y'umunezero, kandi ubuhagarike bwayo n'ubujyakuzimu, uburebure n'ubugari bwayo ntibigerwa. (1)

Kugarura Ubuyanja mu Bwenge no Gukomeza Umubiri: Abakristo bafite amahirwe n'inshingano byo gushaka uko bagarura ubuyanja mu bwenge kandi imibiri yabo ikagira imbaraga bakoresheje imyidagaduro izira amakemwa, bagamije gukoresha imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge mu guhesha Imana ikuzo. Imyidagaduro yacu ntiyari ikwiriye kuba iyo kugaragarizamo ubupfapfa ku buryo ihinduka amanjwe. Dushobora gukora iyo myidagaduro mu buryo izagira icyo yungura abo tuyifatanya kandi ikabazahura, ndetse ari twe nabo ikarushaho kuduhesha ibyangombwa bikwiriye kugira ngo tubashe gukora neza inshingano dufite nk'Abakristo. (2)

Neretswe ko abubahiriza Isabato bakora cyane bakinaniza, ntibihe akanya ko guhindura ibyo bakoraga cyangwa ngo bafate ibihe byo kuruhuka. Ikiruhuko n'imyidagaduro birakenewe ku bantu bakora imirimo isanzwe y'amaboko, ariko na none bikarushaho kuba ingenzi ku bantu

akenshi bakoresha ubwonko. Guhora dukoresha ubwonko bwacu kandi tukabunaniza kabone nubwo twaba dukora ibijyanye n'iby'idini, ibyo si ngombwa haba ku gakiza kacu no ku ikuzo ry'Imana. (3)

Ahakikije urugo ndetse n'ishuri hafite icyo hakora gikomeye ku byerekeye kuruhuka no guhembura umubiri. Igihe duhitamo aho gutura n'aho kubaka amashuri dukwiriye kujya tuzirikana icyo kintu. Ku bantu babona ko imibereho myiza y'umubiri n'iy'urugingo rugenga imitekerereze (ubwonko) ari iby'agaciro kanini kuruta ifaranga cyangwa imigenzo irangwa mu muryango mugari w'abantu, bagombye gushakira abana babo ibyiza biva ku nyigisho ziboneka mu byaremwe, no kuruhukira hagati yabyo. (4)

Imyidagaduro ni Ingenzi kugira ngo Umuntu Arusheho Gukora Neza. Igihe umuntu amara akora imyitozo ngororamubiri ntikiba gipfuye ubusa. Imyitozo ikoresha ingingo zose z'umubiri ni ingenzi kugira ngo buri rugingo rurusheho gukora neza. Iyo ubwonko buhora bukora cyane mu gihe indi myanya y'umubiri ntacyo ikora, habaho gutakaza imbaraga z'umubiri n'ubwenge. Urwunge rw'inzungano zigizwe n'ingingo zikoresha imbaraga zitakaza amagara mazima, ubwenge bugatakaza gukerebuka kwabwo ndetse n'imbaraga bityo ingaruka zikaba iz'uko umubiri uhora wikanga nk'ikimenyetso cy'uko urwaye. (5)

Hakenewe gukoresha ubushishozi mu bijyanye n'amabwiriza arebana n'amasaha yo gusinzira n'ayo gukora. Tugomba kujya dufata ibihe byo kuruhuka, ibihe byo kwidagadura n'ibihe byo gutekereza no kwitegereza ibyaremwe. … Amahame yo kwirinda aragutse cyane kurenza uko abantu benshi babitekereza. (6)

Abanyeshuri Bakeneye Kwidagadura: Abari mu murimo wo kwiga bakwiriye kujya bagira akanya ko kwidagadura. Ntabwo ubwonko bugomba guhora buhugiye mu gutekereza byimbitse gusa kubera ko ibyo binaniza urwungano rukoresha ubwenge. Umubiri kimwe n'intekerezo bikwiriye gukora imyitozo ngororamubiri. (7)

Nta washidikanya ko rimwe ikiruhuko n'igihe cyo kwigisha umwana gukoresha umubiri we akina kandi akora bizarogoya gahunda ihoraho y'amasomo; ariko ibyo ntibizaba imbogamizi ifatika. Igihe n'umwete bikoreshwa mu kongera imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri, mu gushimangira umwuka wo kutikanyiza, ndetse no gukomeza ubumwe hagati y'umwigisha n'abo yigisha hakoreshejwe imirunga yo guhuza inyungu no gufatanyiriza hamwe mu buryo burangwa n'umutima mwiza, ibyo bizazana inyungu zikubye inshuro ijana. Ibyo bizatuma ingufu nyinshi zikunze kuba isoko y'akaga ku rubyiruko ziruhindukiramo isoko y'imigisha. Umukoro w'ibintu byiza uhawe umwana ngo intekerezo ze zibe zihugiyemo umurinda ibibi kurusha inkuta z'amategeko atabarika umuha n'ikinyabupfura kindi umutoza. (8)

Abakozi bo mu Biro Bakeneye Iminsi yo Kuruhuka Bakidagadura: Nabonye ko abantu bake cyane ari bo bamenya umurimo unaniza kandi uhoraho w'abantu bafite inshingano yo gukorera mu biro. Bahora bafungiranye mu cyumba umunsi ukira ejo undi ukaza, icyumweru kigahita ikindi kigataha, ari nako umurimo unaniza imbaraga z'ubwenge bahora bakora ugenda ugwabiza imibiri yabo kandi ukagenda ubagabanyiriza amahirwe yo kubaho. Abo bene Data bari mu kaga ko gusandara mu buryo butunguranye. Ntabwo bafite ubudahangarwa ku rupfu, kandi nibadahindura, bazaba ibisenzegeri maze bibabere intandaro yo kuva ku kazi.

Bene Data A, B na C. Ntabwo dushobora kwemera ko barimbura ubuzima bwabo binyuze mu guhora bikingiranye kandi bakora ubudatuza . …

Ntabwo bigeze bagira akanya ko guhindura uretse ako bahawe n'igihe babaga bagize umuriro mwinshi cyangwa ubundi burwayi. Bagombye kujya bahindura akazi kabo kenshi, ndetse akenshi bakagira nibura umunsi umwe wo kuruhukana n'abo mu muryango wabo kuko usanga basa n'aho bababuze. Bose ntibakwiriye kugendera icyarimwe; ariko bashyira akazi kabo kuri gahunda ku buryo umwe muri bo cyangwa babiri bashobora kugenda, abandi bagasigara baziba icyuho, hanyuma bagaruka abari basigaye nabo bakagenda.

Nk'inshingano y'iby'idini bafite, nabonye ko abo bene Data A, B na C, bakwiriye kwita ku buzima n'imbaraga Imana yabahaye. Ntabwo Uwiteka abasaba ko bageza ubwo bemera gupfa bazize umurimo we muri iki gihe. Nta ngororano bazahabwa kubera ubwo bwitange kubera ko Imana ishaka ko babaho. (9)

Nimushake Uburyo Mwidagadura Muruhuka Butarangwamo ikibi kandi Bwigisha: Hari uburyo bwinshi bwo kuruhuka bwungura ubwonko n'umubiri cyane. Umuntu uhugukiwe kandi uzi gesesengura azabona uburyo bwinshi bwo kwidagadura no kuba arangariyemo butarangwamo ikibi gusa ahubwo bunagira icyo bumwigisha bukamwubaka. Kwidagadurira ahantu hanze hari umwuka mwiza no kwitegereza imirimo y'Imana mu byaremye bizagira akamaro bihebuje. (10)

Nemera ko igihe cyose turi gushaka kugarura ubuyanja mu ntekerezo zacu no mu mibiri yacu, Imana idusaba gukoresha imbaraga zacu zose igihe cyose mu mugambi mwiza. Dushobora kujya duterana nk'uko twateranye uyu munsi,[6] kandi byose tukabikorera guhesha Imana ikuzo. Dushobora kandi dukwiriye kuruhuka twidagadura mu buryo buzatuma tuhakura

6 Aya magambo ni agace gato k'ijambo Ellen G. White yagejeje ku itsinda ry'abantu bageraga kuri maganabiri bishimiraga ikiruhuko bari bakoreye ku kiyaga cyitwa Goguac, hafi y'i Battle Creek muri Leta ya Michgan muri Gicurasi, 1870.

imbaraga zitubashisha kurushaho gusohoza neza inshingano zacu, kandi impinduka tuzateza muri bagenzi bacu zikababera nziza. By'umwihariko, guhura kwacu gukwiriye kudushimisha twese. Dushobora gusubira mu miryango yacu twongeye kugira imbaraga z'ubwenge n'umubiri wagaruye ubuyanja, ndetse twiteguye kujya mu murimo twabaye bashya, dufite ibyiringiro n'umuhati biruseho. (11)

Imana Irararika Urubyiruko: Irarika ry'Imana rigera ku musore wese n'inkumi rigira riti: "Mwana wanjye, mpa umutima wawe; nzawurinda ube utunganye; kandi nzawuha ibyo wifuza, nywuhe umunezero nyakuri." Imana ikunda kunezeza abasore n'inkumi, kandi iyi ni yo mpamvu yifuza ko bayegurira imitima yabo kugira ngo ubushobozi bwose Imana yahaye imibiri yabo bubashe kurindwa buhorane imbaraga kandi buzira umuze. Ubuzima bafite ni impano Imana yabahaye. Ni Yo ituma umutima utera; kandi ni Yo iha imbaraga umubiri wose. Bityo rero, kwishimisha kuzira inenge ntikuzigera gutesha agaciro impano n'imwe mu zo Imana yabahaye. (12)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Testimonies for the Church,* Vol. 1. p. 565.
2. *Health Reformer,* July 1879.
3. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, p. 514.
4. *Uburezi,* p. 222.
5. *Fundamentals of Christian Education,* p. 416.
6. *Manuscript* 60, 1894.
7. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 333.
8. *Uburezi,* p. 224.
9. *Testimonies for the Church,* Vol. 1. pp. 515, 516.
10. *Id,*. Vol. 4. p. 653.
11. *Id,*. Vol. 12, p. 586.
12. *The Youth's Instructor,* January 5, 1887.

Igice Cya 80

TWAKINA MIKINO KI?

Imikino Iganisha ku Cyaha Yisimbuze Izira Amakemwa: Urubyiruko ntirushobora gufatwa mu buryo ruhora rutuje nk'abantu bakuru, ngo n'umwana ngo ajye yitwararika nk'umusaza. Nubwo imikino no kwishimisha biganisha ku cyaha biciriweho iteka nk'uko ari ko bikwiriye kumera, nimutyo mu mwanya wabyo ababyeyi, abarimu n'abarera urubyiruko bahashyire ibirushimisha bizira amakemwa bitazanduza kandi ngo byangirize imico mbonera. Ntimugahe urubyiruko amategeko akakaye n'ibyo mubabuza birimo gukabya bishobora kubatera kumva ko bakandamijwe bityo bakaba babirengaho maze bakishora mu nzira z'ubupfapfa kandi zibajyana mu irimbukiro. Mubahe imirongo bagenderaho mukomeje, mwuje ineza kandi mwigengesereye, muyobore kandi mukurikirane intekerezo zabo n'imigambi yabo ariko mubikorane ubugwaneza n'ubwenge mwuzuye n'urukundo kugira ngo bazakomeze kumenya ko icyo mugamije kuri bo ari ibyiza bihebuje ibindi. (1)

Hariho imikino tudashobora kwemera bitewe n'uko Ijuru riyiciraho iteka. Muri yo twavuga, kubyina (guceza), gukina amakarita, gukina urusimbi, gukina damu n'iyindi. Iyo mikino yugururira ikibi gikomeye kikinjira. Ubwayo aho ihanisha ntacyo yungura, ahubwo ifite imbaraga yo kureshyareshya, igatera mu ntekerezo za bamwe kurarikira imikino ibashora mu mikino y'amahirwe no kwaya umutungo. Abakristo bakwiriye kubuza abana babo bene iyo mikino, maze igasimbuzwa ikindi kintu gitunganye kandi kitangiriza. (2)

Niba tubuza abana bacu ibinezeza by'isi bibaganisha mu kubangiriza no kubayobya, tuba dukwiriye kubaha imikino izira amakemwa kugira ngo tubayobore mu nzira inejeje itarangwamo akaga. Nta mwana w'Imana ukwiriye kugira imibereho ibabaje kandi irangwa n'amaganya. Amategeko y'Imana n'amasezerano yayo byerekana ko ibi ari ko bimeze. Inzira z'ubwenge "ni inzira z'ibinezeza, kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro." Imigani 3:17. (3)

Mu gihe twamagana ibinyoma n'ibihimbano, ntitwemere gusiganwa ku mafarashi, gukina amakarita, urusimbi, guterana amakofe, kunywa

ibiyobyabwenge (inzoga, itabi, n'ibindi), tugomba gutanga ibintu bihinduka amasoko y'ibyishimo ariko bitunganye, biboneye kandi bihesha umuntu agaciro. (4)

Inzu Ikorerwamo Imikino ni Ingirakamaro: Mu mashuri menshi, imyitozo ngororamubiri ifata umwanya w'ingenzi, ariko iyo abigisha bayihariye abana ngo bikoreshe batabibafashijemo, usanga akenshi abana barenza urugero. Kubera imbaraga rukoresha, usanga urubyiruko rwinshi rwaragiye rwiteza imvune zizaba akarande mu buzima bwarwo ruzikuye mu nzu ikorerwamo imyitozo ngororamubiri.

Gukorera imyitozo ngororamubiri mu nzu ikorerwamo imikino, nubwo iyo myitozo yakorwa neza ite, ntishobora kugera ku bukene bw'ikiruhuko umuntu amarwa no gukorera bene iyo myitozo hanze ku kibuga, kandi kubw'ibyo amashuri yacu akwiriye guteganya aho abigishwa bakinira heza. (5)

Gukina Umupira: Amahame y'Ibanze Akurikizwa: Ntabwo nciraho iteka imyitozo yoroheje yo gukina umupira; ariko nubwo uwo mukino woroheje, ushobora kubamo kurenza urugero.

Iteka nterwa impungenge n'ingaruka zitabura kubaho zikurikira iyo myidagaduro. Ibyo biganisha ku gusesagura umutungo wagombye gukoreshwa mu murimo wo kugeza umucyo w'ukuri ku bantu bari kurimbuka badafite Kristo. Ibibarangaza no gukoresha umutungo mu rwego rwo kwinezeza usanga buhoro buhoro biganisha ku kwihimbaza no kwimenyereza iyo mikino mu rwego rwo kwinezeza bitera umuntu gukunda no gutwarwa na bene ibyo bintu mu buryo budakwiranye n'ubutungane bw'imico ya Gikristo.

Ukuntu bene iyo mikino yagiye ikinwa muri za koleji usanga bidafite isura y'ijuru. Ubwo buryo ntibutuma ubwenge bwabo bugwiza imbaraga. Ntibutunganya kandi ngo bweze imico. Muri iyo mikino harimo ibibakururira mu ngeso n'imigenzo n'imigirire y'ab'isi, bityo abakinnyi bagatwarwa kandi bakareshywa nayo ku buryo ijuru ribita abakunda ibibanezeza aho gukunda Imana. Aho kugira ngo ubwenge bwabo bugwize imbaraga zo gukora neza inshingano zabo nk'abanyeshuri, kandi nk'Abakristo ngo barusheho kugwiza ibyangombwa bibabashisha gusohoza inshingano zabo za Gikristo, gukina bene iyo mikino ni ukuzuza ubwonko bwabo ibitekerezo biteshura intekerezo zabo ku byo biga . . .

Mbese muri bene iyo mikino amaso yabo baba bakomeza kuyahanga ku guhesha Imana icyubahiro? Nzi ko ibyo atari ko bimeze! Habaho gukura amaso mu nzira y'Imana n'umugambi wayo. Muri iki gihe cy'imbabazi, gukoresha ibiremwa bifite ubwenge biragenda bisimbura ubushake bw'Imana bwahishuwe maze bikabusimbuza ibitekerezo bidafite ishingiro

n'ibihimbano bya muntu, kandi ubwo Satani aba amuri iruhande kugira ngo abyinjizemo umwuka we . . . . Uwiteka Imana yo mu ijuru arwanya ishyaka rigurumana abantu biyubakamo bashaka kuba ibirangirire mu mikino ibatwara intekerezo. (6)

Ikibazo cy'Imikino yo Gusiganwa ku Maguru: Abigishwa bagomba gukora imyitozo ibasaba gukoresha imbaraga. Ubunebwe no kubaho nta mugambi w'ubuzima biteza amakuba menshi cyane ubigereranyije n'aterwa n'ibindi. Nyamara icyerekezo cya myinshi mu mikino ikinwa ni ingingo ihangayikisha abantu bakunda ko urubyiruko rwagira imibereho myiza. Usanga abigisha babura amahoro baramutse batekereje ku ngaruka iyo mikino igira haba ku iterambere ry'umwana mu ishuri no kuzagera ku byo arangamiye nyuma yo kuva ku ishuri. Imikino itwara umwana igihe kinini mu gihe aba afite iteshura intekerezo ze ku kwiga. Bene iyo mikino ntiba ifasha urubyuruko kwitegura kuzakora umurimo ufatika kandi ukoranwe umwete mu buzima bwarwo. Impinduka iyo mikino iteza usanga ziterekeza abayikina ku kurushaho gutungana, kugira ubuntu no kugaragaza ko bavuye mu bwana.

Imwe mu mikino inezeza kandi ikunzwe cyane n'abantu benshi, nk'umupira w'amaguru no guterana amakofe, yahindutse amashuri urubyiruko rwigiramo guhutaza bagenzi babo no kubamugaza. Iyo mikino irema mu bantu imico ihwanye n'iyo imikino yabagaho kera mu gihe cy'ingoma y'Abaroma yaremaga mu bantu. Inyota yo kugira umwanya uri hejuru y'abandi, ubwibone bugaragarizwa mu gukoresha ingufu za kinyamaswa no kwihararukwa, ibyo byose bitera urubyiruko gutakaza imico mbonera mu buryo buteye ubwoba.

Hari indi mikino ariko nubwo muri yo nta guhutaza abandi kubamo, usanga itamaganwa cyane bitewe n'uburyo ikinwa hakoreshwa imbaraga z'umurengera. Iyo mikino ikangura umutima wo gukunda ibibanezeza no gutwarwa, bityo umukinnyi agakuza umwuka wo kwanga umurimo w'ingirakamaro, akajya ahunga kandi agatinya inshingano ahawe. Usanga iyo mikino irimbura ubushobozi bwo kwifata no kwirinda bisabwa mu buzima ndetse n'amahame ashimangira umunezero abantu bagira baramutse bibera mu mutuzo. Uko ni ko urugi [rw'umutima] rukingurirwa gushayisha no kugomera amategeko, maze ingaruka ziteye ubwoba zigakurikiraho. (7)

Igihe Ubuzima Bwari Bworoshye: Mu bihe bya kera cyane, abantu bagikurikiza amabwiriza y'Imana, ubuzima bwari bworoshye. Babaga hafi cyane y'ibyaremwe. Abana bafashaga ababyeyi babo imirimo kandi bakiga ibyerekeye ubwiza n'ibyaremwe n'ubwiru bw'ubutunzi bubirimo. Bajyaga mu mirima no mu mashyamba, ahantu hitaruye kandi hatuje, maze bagatekereza byimbitse kuri uko kuri gukomeye kwajyaga guhererekanywa nk'umurage wera wavaga ku gisekuru kimwe nacyo kikazawuha

ikigikurikiye bityo bityo. Kwigisha muri ubwo buryo byatumaga haboneka abantu bakomeye kandi b'intwari.

Muri iki gihe, ubuzima bw'abantu bwataye umwimerere, bityo abantu barasigingiye. Nubwo tutashobora gusubira inyuma ngo tujore imico yoroheje yarangaga abantu bo mu bihe bya kera, dushobora kubakuraho ibyigisho bizatuma ibihe by'ikiruhuko tugira bitubera icyo bisobanuye koko: ari byo bihe byo kubaka imibiri yacu, ubwenge n'ubugingo bwacu. (8)

Kwitemberera kw'Imiryango: Nimutyo imiryango myinshi ituye mu mijyi cyangwa se mu mudugudu ijye ifatanyiriza hamwe maze ibe isize imirimo iba yarabatwaye imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge, bityo ijye kwiherera ahantu h'icyaro, nko ku nkombe z'ikiyaga cyiza, cyangwa mu gashyamba keza aho bitegereza ubwiza bw'ibyaremwe. Bakwiriye kwitwaza amafunguro atunganye, kandi akungahayemo intungamubiri, agizwe n'imbuto nziza n'impeke maze bagategura ameza y'ibyokurya munsi y'ibiti cyangwa ahandi hantu hadatwikiriye. Urugendo n'imyitozo ngororamubiri baba bakoze ndetse no kwitegereza ibyaremwe bituma bagira ubushake bwo kurya, bityo bakabasha kwishimira ifunguro n'abami bashobora kwifuza.

Mu bihe nk'ibyo, ababyeyi n'abana babo bakwiriye kumva ko baruhutse ibibahagarika umutima, imirimo n'ibindi byose byababuzaga amahwemo. Icyo gihe ababyeyi bakwiriye guhinduka nk'abana bari mu bana babo, bagakora ibishoboka byose ngo ibintu byose bibe bishimishije. Uwo munsi ukwiriye guharirwa ikiruhuko no kwidagadura. Gukorera imyitozo ngororamubiri hanze mu mwuka mwiza ku bantu bagiye bakorera akazi kabo mu nzu kandi bicaye bizungura ubuzima bwabo. Ababishoboye bose bakwiriye kumva ko kugenza batyo ari inshingano yabo. Ntacyo bazahomba, ahubwo bazunguka byinshi. Bashobora kugaruka ku mirimo yabo bagaruye ubuyanja, bafite n'umwete mushya wo gukora imirimo yabo bafite ubwuzu, kandi bakaba bateguriye umubiri wabo guhangana n'indwara. (9)

Mujye Mubonera Umunezero mu Bwiza bw'Ibyaremwe: Ntimutekereze ko Imana yifuza ko tuzibukira ikintu cyose cyatuzanira umunezero hano ku isi. Ibyo idusaba kureka byose ni ibintu bitatubera byiza kandi bitaduhensha umunezero.

Iyo Mana yateye ibiti byiza ikabihundagazaho ibibabi, ikaba yaraduhaye uburabyo bw'amabara arabagirana kandi afite igikundiro, ndetse imirimo y'intoki zayo kandi y'igikundiro tukaba tuyibona mu byo yaremye byose, ntiyategura kutuvutsa umunezero. Ntitegura ko tutagira ibidushimisha kandi ngo twe kubinezererwamo. Ahubwo umugambi wayo ni uko twabonera umunezero mu bwiza bw'ibyaremwe Yo ubwayo yiremeye. (10)

Guhura kw'Abantu Kugira icyo Kungura: Amateraniro abantu bahuriramo bakaganira aba ingirakamaro ku rwego ruhanitse kandi

bakayigiramo byinshi iyo abayarimo bafite urukundo rw'Imana rukurira mu mutima wabo, iyo bahujwe no kungurana ibitekerezo ku byerekeye Ijambo ry'Imana cyangwa se bazanywe no kwiga uburyo bwo guteza imbere umurimo wayo no kugirira neza bagenzi babo. Iyo Mwuka Wera ababereye umushyitsi w'imena, kandi ntihagire ikihavugirwa cyangwa ikihakorerwa cyamutera agahinda, Imana ihabwa icyubahiro kandi abahateraniye baravugururwa bakongererwa n'intege. (11)

Guterana kwacu kwagombye kugenda gutyo, kandi akaba ari uko twitwara kugira ngo igihe dusubiye mu ngo zacu tube dufite umutimanama utadushinja icyaha imbere y'Imana n'abantu, tuzi neza ko nta muntu mu bo twabanye twigeze dukomeretsa cyangwa ngo tugirire nabi mu buryo ubwo ari bwo bwose, cyangwa ngo habe hari impinduka twatangije muri bo ishobora kubangiriza. (12)

Yesu Yashimishwaga n'Ibintu Birangwa n'Umunezero Uzira Amakemwa: Yesu yacyahaga ingeso yo kwikunda mu buryo ubwo ari bwo bwose, kandi we yari umuntu ushyikirana mu mibereho ye. Yemeraga kurarikwa na buri wese, yasuraga ingo z'abakire n'iz'abakene, abize n'abatarize ashaka kuzamura ibitekerezo byabo ngo bive mu by'ubu buzima busanzwe, maze byerekeze mu by'umwuka kandi by'iteka ryose. Ntiyigeze yemera gutwarwa n'ibibi, kandi ibidafite umumaro byo muri iyi si ntibyigeze byangiza imico ye; nyamara yanezezwaga n'ibyiza binezeza abandi, kandi kuhaba kwe byagaragazaga ko yemera ibiterane byo gusabana. Ubukwe bw'Abayuda byari ibirori binejeje, kandi umunezero wabwo ntiwari uteye isoni Umwana w'umuntu. … Mu bitekerezo bya Yesu, umunezero w'umuhango w'ubukwe werekezaga ku byishimo bya wa munsi ubwo azacyura umugeni we mu rugo rwa Se, maze Umucunguzi n'abacunguwe bakicarana mu birori by'ubukwe bw'umwana w'intama. (13)

Urugero rwa Yesu mu Biganiro no mu Myitwarire: Igihe yatangiraga umurimo we, ubwo yabaga yatumiwe gusangira cyangwa mu birori n'Umufarisayo cyangwa se umukoresha w'ikoro, yemeraga ubutumire bwabo . … Mu bihe nk'ibyo, Kristo yafataga iya mbere mu byavugirwaga kuri ayo meza kandi yahigishirizaga inyigisho nyinshi nziza cyane. Ababaga bari aho bamutegaga amatwi. None se ntiyabaga yarabakirije abarwayi, yarabahumurije mu mibabaro yabo, ndetse yarateruye abana babo mu biganza bye maze akabaha umugisha? Abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha bazaga aho ari maze yatangira kuvuga bakamurangamira.

Kristo yigishije abigishwa be uko bajya bitwara igihe bari kumwe n'abantu bubaha Imana n'abatayubaha. Kubw'urugero yatanze, yabigishije ko igihe bagiye aho abantu benshi bateraniye badakwiriye kubura icyo bavuga. Ariko ikiganiro cye cyabaga gihabanye cyane n'ibindi biganiro abantu babaga barumvise mu birori byo mu gihe cyashize. Ijambo ryose yavugaga

ryabaga ari impumuro y'ubugingo ihesha ubugingo abamwumvaga, kandi bamutegaga amatwi babyitayeho cyane nk'abifuza kumva umugambi w'ibyo avuga. (14)

Ellen White no Guterana n'Abandi Bantu kwari Kunejeje: Ubwo nari nsoje urugendo rurerure nagiriye mu burasirazuba, nageze iwanjye mbere y'uko twizihiriza umunsi mukuru w'itangira ry'umwaka ahitwa Hilideburuge (Healdburg). Icyumba cy'inama cy'ishuri cyari cyaratunganyijwe ku buryo cyakorerwamo amateraniro y'Ishuri ryo ku Isabato. Hari hatatswemo amashami y'amasipure n'imisonobare n'uburabyo bwiza cyane. Kandi imbere y'umuryango hari igiti kinini kihateretse. Icyo giti cyari cyashyizweho impano zagombaga gukoreshwa mu gufasha abakene no mu gikorwa cyo kugura inzogera nziza. … Icyo gihe nta kintu cyavuzwe cyangwa ngo gikorwe cyashoboraga kubera umutwaro intekerezo z'umuntu uwo ari we wese.

Abantu bamwe barambajije bati: "Mushiki wacu White, ibi urabitekerezaho iki? Mbese ibi ubona bihuje no kwizera kwacu?" Narabasubije nti: "Rwose bihuje n'imyizerere yanjye." (15)

Mukuruze Abasore Imbaraga Zigarurira Imitima yabo: Imana ishaka urugo rwose n'itorero ryose bigira imbaraga zo kwigarurira imitima y'abana zikayikura mu binezeza bishukana by'isi no mu kwifatanya n'abantu bafite imbaraga y'ababahindura ibaganisha mu kubangiriza. Nimwige uburyo bwo kuzana urubyiruko kuri Yesu. (16)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 335.
2. *Testimonies for the Church,* vol. 1, p. 514.
3. *Review and Herald,* January 22, 1884.
4. *Special Testimony,* "Living by Principal," 1898, pp. 19, 20.
5. *Uburezi,* p. 220.
6. *Notebook Leaflet,* Vol.1, no 30.
7. *Uburezi,* pp. 220, 221.
8. *Id.,* pp. 221, 222.
9. *Testimonies for the Church,* Vol.1, pp.514, 515.
10. *Review and Herald,* May 25, 1886.
11. *The Youth's Instructor,* Feb.4, 1897.
12. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 337.
13. *Uwifuzwa Ibihe Byose,* pp. 108 [2018].
14. *Welfare Ministry,* p. 287.
15. *Review and Herald,* January 29, 1884.
16. *Review and Herald,* January 29, 1884.



IGICE CYA 81

IKIRUHUKO GITANGA UMUNEZERO URAMBA

Umwitozo Utuma Amaboko, Intekerezo n'Imico Bikura: Nta nyungu ihebuje iva mu myitozo ikozwe ari ugupfa kwikinira gusa cyangwa gukora imyitozo bisanzwe. Hari icyo umuntu yungukira mu gukorera imyitozo ahantu hari umwuka mwiza ndetse no gukoresha imikaya; ariko rero mureke ingufu zikoreshwa muri byo zikoreshwe no gukora inshingano z'ingirakamaro, kandi inyungu izavamo izaba ikomeye cyane ndetse umuntu azumva anyuzwe; kubera ko gukora uwo murimo bijyanirana no kumva umuntu yabaye ingirakamaro ndetse umutimanama ukaba unyuzwe kubw'inshingano yakozwe neza. (1)

Umugambi wo gukora imyitozo yabo bakora ikintu kizabungura ubwabo kandi kikagirira n'abandi akamaro ni umugambi ukwiriye gukangurwa mu ntekerezo z'abana n'urubyiruko. Umwitozo cyangwa se umukino utera intekerezo gukura kandi ukubaka imico, ukigisha amaboko kuba ingirakamaro kandi ugatoza urubyiruko gukora uruhare rwabo mu mitwaro igomba kwikorerwa mu buzima, iyo ni imyitozo itanga imbaraga z'umubiri kandi igatuma buri rugingo rw'umubiri rukora neza. Kandi hari ingororano iva mu gukora no kwimenyereza kuberaho gukora ibyiza. (2)

Nta kiruhuko cyaba ingirakamaro n'imigisha ku bana no ku rubyiruko kitari ikiruhuko bigiramo kugirira akamaro abandi bantu. Kubera ko ubusanzwe urubyiruko rugira ubwuzu, ruhora rwiteguye kugira icyo rukora ku gitekerezo gitanzwe. (3)

Urugero Yesu Yatanze Akiri Umusore: Imibereho ya Yesu yabaga yuzuyemo gukora, kandi yakoreraga imyitozo mu gukora inshingano zinyuranye zituma akuza imbaraga z'umubiri. Igihe yakoraga imirimo yabaga yahawe, ntiyagiraga igihe cyo gupfusha ubusa mu mikino nkanguramubiri kandi itagira icyo yunguye. Ntiyagiraga uruhare mu byabashaga kwanduza imico ye iboneye cyangwa ngo bisigingize imbaraga z'umubiri, ahubwo yari yaratojwe gukora imirimo y'ingirakamaro no kwihanganira umunaniro. (4)

Mu mibereho ye ya hano ku isi, Kristo yari icyitegererezo ku muryango wose w'ikiremwamuntu. Yarumviraga kandi agafasha abandi mu rugo. Yize umwuga w'ububaji kandi ubwe yakoresherezaga amaboko ye mu ibarizo rito ry'i Nazareti. …

Bibiliya ivuga kuri Yesu igira iti: "Nuko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw'Imana bwari kuri We." (Luka 2:40). Ubwenge bwe n'umubiri We byakuraga uko yagendaga akora akiri umwana no mu busore bwe. Imbaraga ze z'umubiri ntiyazikoreshaga ahubutse, ahubwo yazikoreshaga mu buryo butuma zikomeza kuba nzima kugira ngo mu cyo akora cyose abashe gukora umurimo w'indashyikirwa. No mu buryo yafataga ibikoresho ntiyifuzaga gukora ikintu kirangwaho inenge. Nk'umunyabukorikori yakoraga ibitunganye kandi akaba n'imbonera mu mico. Kubw'itegeko yakurikizaga n'urugero yatanze, Kristo yahesheje agaciro umurimo w'ingirakamaro. (5)

Guhinduranya Imirimo Bigarurira Umuntu Ubuyanja: Abasore bakwiriye kwibuka ko bazabazwa uko bakoresheje amahirwe bahawe, uko bakoresheje neza igihe cyabo n'ubushobozi bahawe. Bakwiriye kubaza bati: "None se ntidushobora kugira igihe cyo kwidagadura cyangwa kuruhuka? Tuzakora, dukore, dukomeze dukore tudahinduranya imirimo? (6)

Guhindura imirimo y'amaboko yananije imbaraga z'umubiri cyane bikwiriye kuba ngombwa mu gihe runaka kugira ngo babashe kongera kujya mu murimo, bongeremo umwete ngo bagere ku ntego iruseho. Ariko rero ku birebana n'imbaraga zabo z'umubiri, kuruhuka igihe kirekire bishobora kutaba ngombwa cyangwa ngo bigire icyiza bibungura. Ndetse n'igihe bananijwe n'umurimo umwe, ntibakwiriye gupfusha ubusa ibihe byabo by'ingenzi. Icyo gihe bashobora gushaka uko bakora akarimo katabananiza ariko bakabera umugisha nyina na bashiki babo. Mu koroshya ibyari bihagaritse umutima nyina na bashiki babo maze bagakora imirimo igoye bagombaga gukora, bashobora kubona kwa kwishimisha guturutse ku ihame kandi kubahesha umunezero nyakuri. Nibiba bityo igihe cyabo ntibazagikoresha mu bitagira umumaro cyangwa mu gushayisha banezeza inarinjye. Igihe cyabo gishobora kujya gikoreshwa mu bibagirira akamaro, kandi bazajya bahora basubizwamo ubuyanja kubwo guhindura icyo bakoraga, ari nako bacunguza uburyo umwete kugira ngo akanya kose bafite kazagire icyiza kageza ku muntu runaka. (7)

Abantu benshi bavuga ko kugira ngo umuntu asigasire amagara mazima ari ngombwa kwirundurira mu bimunezeza. Ni byo koko, guhindura ibyo wakoraga ni ngombwa kugira ngo habeho gukura neza k'umubiri kubera ko ubwenge n'umubiri bigarura ubuyanja kandi bikongererwa imbaraga n'uko habayeho impinduka. Ariko ibyo ntibigerwaho biciye mu gushayisha mu

mikino y'ubupfapfa kugeza ubwo habayeho kwirengagiza inshingano za buri munsi urubyiruko rwagombye gusabwa kuzuza. (8)

Gahunda Imana Yahaye Umugisha Igenewe Abanyeshuri: Tugomba kwigisha urubyiruko gukoresha ubushobozi bw'umubiri n'ibw'intekerezo mu buryo bungana. Imyitozo ituma umuntu agira amagara mazima ikoreshejwe umubiri wose uko wakabaye izatanga uburere bwagutse kandi bushyitse.

Kugira ngo ibyo tubyigishe ababyeyi n'urubyiruko bo muri Australiya byatubereye umurimo uvunanye cyane. Ariko twarihanganye mu mwete twakoreshaga kugeza ubwo twumvikanishije isomo rivuga ko kugira ngo umuntu agire uburere bwuzuye ari ngombwa ko igihe cyo kwiga afite kigabanywemo amasaha yo kunguka ubumenyi bwo mu bitabo n'ayo kunguka ubumenyi bwo gushyira mu bikorwa imirimo ifatika.

Igice cy'umunsi wose twagihariraga umurimo w'ingirakamaro. Abanyeshuri bigaga gutema ibihuru, bakiga guhinga no kubaka amazu. Ibyo babikoraga mu gihe bagomba gukoresha bakina kandi bishakira ibintu byabarangaza. Kandi Uwiteka yahaye umugisha abanyeshuri bakoresheje igihe cyabo batyo biga amasomo y'ingirakamaro. (9)

Imana yatanze imirimo y'ingirakamaro kugira ngo amagara mazima atere imbere, kandi iyo mirimo y'ingirakamaro izatuma abanyeshuri bazajya bifasha ubwabo hanyuma bafashe n'abandi bantu. (10)

Mu mwanya wo gutanga ibyo abantu bahugiramo byo kubashimisha gusa, hakwiriye gutegurwa imyitozo izatanga umusaruro mwiza. (11)

Igikorwa cy'Ivugabutumwa ni Umwitozo Ukwiriye: Muri iyi si yacu hari ibintu byinshi byangombwa kandi by'ingirakamaro twakora byatuma bitaba ngombwa ko dukora imyitozo yo kwinezeza. Ubwonko, amagufwa n'imikaya bizakomera kandi bigire imbaraga nituramuka tubikoresheje hari intego tugamije, dukora ibyiza, dutekereza cyane kandi dutegura imigambi izabimenyereza gukuza ubushobozi bw'ubwenge n'imbaraga z'ingingo z'umubiri, kuko ibyo bizaba ari ugukoresha impano twahawe n'Imana ngo ziyiheshe icyubahiro. (12)

Ni inshingano yacu guhora dushaka uko twakora icyiza mu mikoreshereze y'imikaya n'ubwonko Imana yahaye urubyiruko, kugira ngo rubashe kuba ingirakamaro ku bandi, ruborohereze imirimo, rubamare imibabaro kandi rukomeze abatentebutse ruvuga amagambo yo guhumuriza abihebye no guteshura intekerezo z'abanyeshuri bagenzi babo ku mikino n'ibiganiro by'amanjwe bikunze kubatesha agaciro ko kuzaba abagabo n'abagore, ahubwo bikabakoza isoni n'ikimwaro. Uwiteka yifuza ko ubwenge bw'umuntu bwajya ku rwego rwo hejuru, bugashaka imiyoboro ihanitse kandi y'agaciro umuntu yaberamo ingirakamaro. (13)

Izo mbaraga zo gukoresha ubwenge n'imikaya zagombye kuvumbura uburyo n'inzira byo ku rwego rwo hejuru mu mikorere, mu gukora umurimo w'ivugabutumwa uzabahindura abakozi bakorana n'Imana, kandi ukabatoza kuzaba ingirakamaro bikomeye muri ubu buzima, bakora umurimo w'ingenzi. Iryo ni ishami ry'ingenzi muri gahunda y'uburezi . . . .

Mbese gukora mu murimo w'Imana si wo murimo buri musore n'inkumi bari bakwiriye guharanira gukora? Kristo yabasezeraniye ubufasha. Ibitekerezo by'urubyiruko bizaguka. Bazagera ku rwego ruhanitse, kandi ubushobozi bwo kuba ingirakamaro buzakomeza gukura no mu buzima bwabo bwa kinyeshuri. Amaboko n'ibiganza Imana yatanze bigomba gukoreshwa mu gukora ibyiza bizaba biriho ikimenyetso cy'ijuru, kugira ngo amaherezo muzumve aya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka." (14)

Inama Yahawe Abarwayi: Nahawe amabwirizwa ko abarwayi bakwiriye gushikarizwa gusohoka mu byumba byabo maze bakamara umwanya hanze ahantu hari umwuka mwiza, bakabagarira uburabyo cyangwa se bagakora akandi karimo koroheje kandi kanejeje. Nibiba bityo, intekerezo zabo zizaba ziretse kwihugiraho ahubwo zihugire ku kintu kirushaho kubatera kugira amagara mazima. Kugendagenda hanze hari umwuka mwiza bikwiriye kwandikirwa abarwayi]nk'ikintu cya ngombwa kibungura kandi kibasubizamo ubuzima. (15)

Dushobora kunezerwa dutega amatwi indirimbo y'inyoni zinezerewe kandi twitegereza imirima myiza n'uturima duhinzemo uburabyo. Dukwiriye kurarikira ubwenge bwacu kwita ku bintu byose by'agahozo Imana yaduhesheje ibiganza byayo byuje ubuntu. Kandi igihe dutekereza kuri ibyo bimenyetso by'urukundo rwayo no kutwitaho kwayo, dushobora kwibagirwa uburwayi dufite, tukanezerwa kandi mu mitima yacu tukaririmbira Uwiteka. (16)

Mu myaka myinshi uko ibihe byahaga ibindi, nagiye nerekwa ko abarwayi bakwiriye kwigishwa ko guhagarika imirimo yose isaba gukoresha umubiri kugira ngo bakunde batore agatege atari byo. Iyo bakomeje guhagarika imirimo yose imbaraga zikoresha umuntu zirisinzirira, amaraso ntatembere neza mu mubiri kandi agakomeza kugenda agwiramo imyanda. Aho umurwayi ari mu kaga ko gutekereza ko amerewe nabi cyane kurenza uko biri mu by'ukuri, ntakabuza kuryama ntagire icyo akora bizamubyarira ingaruka zikomeye cyane. Umurimo washyizwe kuri gahunda nziza utera umuntu urwaye cyangwa ufite ubumuga runaka kudatekereza ko ntacyo amaze rwose mu isi, ahubwo agatekereza ko nibura hari icyo amaze. Ibyo bizamutera kunyurwa, bimuhe ubutwari n'intege atari kuronkera mu bishimisha intekerezo gusa by'imburamumaro. (17)

Uburyo Imana Yaduhaye Twaboneramo Ibyishimo Nyakuri: Imana yageneye umuntu wese ibyamushimisha bishobora kunezeza umukire kimwe n'umukene: Ni ibyishimo tugira iyo twimenyereje kugira ibitekerezo bitunganye n'ibikorwa bizira kwikanyiza. Ni ibyishimo kandi bikomoka mu kuvuga amagambo yuje impuhwe no gukora imirimo y'ubugwaneza. Abagenza batyo, umucyo wa Kristo urasa ubaturukaho ukamurikira abantu babudikiwe n'umwijima w'agahinda kenshi. (18)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Fundamentals of Christian Education*, p. 418.
2. *Id.*, pp. 418, 419.
3. *Uburezi*, p. 223.
4. *The Youth's Instructor*, July 27, 1893.
5. *Fundamentals of Christian Education*, pp. 417,418.
6. *Counsels to Teachers, Parents and Students*, p.337.
7. *Testimonies for the Church*, Vol. 3, p. 223.
8. *The Youth's Instructor*, July 27, 1893.
9. *Letter* 84, 1909.
10. *Review and Herald*, Oct. 25, 1898.
11. *Pamphlets, Recreation*, p. 47.
12. *Notebookd Leaflet, Education*, n° 6, p.1.
13. *Id.*, p. 2.
14. *Id.*, pp.1,2.
15. *Medical Ministry*, p. 234.
16. *Health Reformer*, July 1871.
17. *Testimonies for the Church*, vol.1, p. 555.
18. *Id.*, Vol.9, p. 57.

IGICE CYA 82

UKO UMUKRISTO AHITAMO IKIRUHUKO

Ikiruhuko cya Gikristo Ugereranyije n'Imyidagaduro y'ab'Isi: Hari itandukaniro hagati y'ikiruhuko no kwidagadura. Ukurikije ubusobanuro nyakuri bw'ijambo "ikiruhuko" mu rurimi rw'Icyongereza, usanga rishatse kuvuga "kongera kuremwa", kandi ibyo biha umubiri imbaraga ndetse bikawubaka. Ikiruhuko gituma dushyira iruhande ibyo twari duhugiyemo, n'ibyari biduhagaritse umutima, maze kigatuma intekerezo n'umubiri bigarura ubuyanja, bityo tukagarura imbaraga zo gukora imirimo yacu isanzwe.

Ku rundi ruhande, kwidagadura bikoranwa umugambi wo kwinezeza kandi akenshi birakorwa maze abantu bakarenza urugero. Bene ibyo bitwara imbaraga z'umubiri zasabwaga ngo babashe gukora umurimo w'ingirakamaro, bityo bikaba imbogamizi zituma ubuzima butagera ku ntego yabwo nyakuri. (1)

Hagati n'amateraniro y'ab'isi bahujwe no kwishimisha no kwidagadura n'amatsinda y'abayoboke ba Kristo bateranijwe no kuruhuka hazaba itandukaniro rigaragara cyane. Aho gusenga no kuvuga Kristo n'ibintu byera, mu kanwa k'ab'isi hazumvikana ibitwenge by'ubupfapfa n'ibiganiro by'amashyengo. Igitekerezo baba bafite ni ukugira ibihe bibanejeje cyane. Imyidagaduro yabo itangira ari ubupfapfa igasoza ari ubusa gusa. (2)

Hari ubukene bukomeye mu kwirinda ku bijyanye n'imyidagaduro kimwe no mu bindi bintu byose. Kandi imiterere y'iyo myidagaduro ikwiriye kugenzuranwa ubushishozi n'ubwitonzi. Buri musore akwiriye kwibaza ati: "Ni izihe mpinduka iyo myidagaduro izagira ku buzima bw'igihagararo, ubw'ubwenge no ku mico mbonera?" Mbese intekerezo zanjye ntizizatwarwa kugeza ubwo nibagirwa Imana? Mbese aho nzahagarika guhoza icyubahiro cyayo imbere yanjye?" (3)

Ibyo Twamenyeraho Ibinezeza Byemewe: Nimutyo twe kuzigera na rimwe twibagirwa ko Yesu Kristo ari we soko y'ibyishimo. Ntashimishwa no kubona abantu bari mu kaga, ahubwo akunda kubabona banezerewe.

Abakristo bafite ibintu byinshi byababera isoko y'umunezero, kandi bashobora kwemeza ibinezeza byemewe kandi bitunganye badashidikanya. Bashobora kwishimira imikino itazakoresha ubwenge bwabo mu by'ubupfapfa cyangwa ngo yonone ubugingo bwabo, ikaba ari imyidagaduro itatuma bagira ipfunwe kandi ngo isige iberekeje ku kurimbura kwiyubaha kwabo cyangwa ngo ibafungire inzira yo kuba ingirakamaro. Niba bashobora kujya muri iyo mikino bajyanye na Yesu kandi bagakomeza kuba mu mwuka wo gusenga, bazaba batekanye rwose. (4)

Imyidagaduro yose ushobora kwitabira mu kwizera uri gusaba umugisha w'Imana kuyibamo, bene iyo myidagaduro nta kaga ishobora kugukururira. Ariko imyidagaduro yose ikuvutsa gusenga wiherereye, ikakubuza kwiyegurira Imana ku gicaniro cy'amasengesho, cyangwa ikakubuza kwitabira amateraniro yo gusenga, iyo myidagaduro si myiza ahubwo iteza akaga. (5)

Imyidagaduro Ituma Umuntu Atabasha Gukora Inshingano Zisanzwe: Twebwe turi muri ba bantu bizera ko inshingano yacu buri munsi wose wo mu buzima bwacu ari uguhesha Imana ikuzo ku isi. Twizera ko tutabereye muri iyi si kwidagadura gusa no kwishimisha ubwacu. Tubereye kuri iyi si kugirira akamaro inyokomuntu no kubera umugisha umuryango mugari w'abantu. Kandi niba tureka intekerezo zacu zikajya mu muyoboro mugufi, wa wundi abantu benshi bishakira kwibona n'ubupfapfa bemerera intekerezo zabo kuyoboka, ni gute twaba ingirakamaro ku nyokomuntu tubarizwamo ndetse no kubo mu gisekuru cyacu. Ni gute twabera umugisha abatuzengurutse? Ntidushobora kwishora mu myidagaduro iyo ari yo yose izatuma tutarushaho kuba abantu bakwiriye gusohoza inshingano zacu za buri munsi dukiranutse. (6)

Imibereho myiza y'ubugingo bwacu ntikwiriye gushyirwa mu kaga no kunezeza icyifuzo cya kamere icyo ari cyo cyose. Dukwiriye kuzibukira imyidagaduro yose itwara intekerezo ku buryo inshingano zisanzwe dufite mu buzima ziza zitakidushimisha. Kubwo kwirundurira muri ibyo binezeza, intekerezo z'umuntu zikomerezwa mu gukurikira inzira mbi, bityo Satani nawe akayobya ibitekerezo ku buryo ikibi kigaragazwa nk'icyiza. Iyo bigenze bityo, umwana ntaba acyihanganira kugirwa inama no kubaha ababyeyi be nk'uko Kristo we yabigenzaga. (7)

Amateraniro y'Abantu Akemangwa Yaragaragajwe: Hari ibintu byinshi usanga ubwabyo ari byiza, ariko iyo byandujwe na Satani bihindukira umutego abatabyitondeye. (8)

Nk'uko bikorwa akenshi, iminsi mukuru yo kwishimisha na yo ni imbogamizi ku mikurire nyayo y'ubwenge cyangwa iy'imico .... Kwifatanya

n'abantu mu bintu bitarimo ubwenge no gushishoza, ingeso yo kwaya, gushayisha no kwishakira ibinezeza gusa, bene izo ngeso zibona akito ku buryo zituma ubuzima bw'umuntu uko bwakabaye burundukira mu bibi. Mu cyimbo cya bene iyo mikino, ababyeyi n'abarezi bakwiriye gukora uko bashoboye bakazanira abana ibindi bibarangaza ariko byubaka imico mbonera kandi bigatanga ubugingo. (9)

Hari uguterana kw'abantu kwabereye ahitwa....., kwari ibirori byo kwishimisha byabaye igisebo ku bigo byacu no ku Itorero. Ibyo birori byimakazaga ubwibone mu myambarire, ubwibone mu buryo abantu bashaka kugaragara, kwikuza, ubwirasi n'ibitwenge by'ubupfayongo. Satani aba yahawe icyicaro nk'umushyitsi w'icyubahiro, kandi yigarurira abantu bakunda kwitabira bene ibyo birori.

Neretswe rimwe muri ayo materaniro, ahari hateraniye abantu bavuga ko bizera ukuri. Umuntu umwe yari yicaye ku cyuma cya muzika, kandi yacurangaga indirimbo zateye abamarayika babyitegerezaga kubogoza amarira. Hari ibyishimo byinshi bivanze n'ibitwenge by'amanjwe, hari ugutwarwa kwinshi n'akanyamuneza. Ariko umunezero wari aho wari uteye ku buryo waturukaga kuri Satani wenyine.

Ibyo ni ibyishimo no gutwarwa bizatera abakunda Imana bose gukorwa n'isoni. Bitegurira ababa babyitabiriye kugira ibitekerezo n'ibikorwa bizira kwera. Ntekereje ko abantu bamwe bitabiriye ibyo birori baba baricujije ibyahakorewe bikojeje isoni naba mfite impamvu ibintera.

Neretswe menshi muri bene ayo materaniro. Nabonye kwishima birengeje urugero, mbona kwiyerekana mu myambarire no kwirimbisha. Buri wese aba ashaka ko bamutekereza ko ari akataraboneka, bityo bakirundurira mu kwinezeza, mu guca amarenga y'ubupfapfa, mu mashyengo no gukwenkwenuka. Amaso aratukura, amatama akarabagirana maze umutimanama ugasinzira. Binyuze mu kurya, kunywa no kwinezeza mu mashyengo, bakora uko bashoboye kose kugira ngo bibagirwe Imana. Aho bishimishiriza ni yo paradizo yabo. Kandi ibyo byose biba Imana ibyitegereza, ireba kandi yumva ibihavugirwa byose. (10)

Guteranira hamwe kubwo kwishimisha bishyira ukwizera kw'abantu mu rujijo, kandi bikabatera kuvangirwa no gushidikanya. Ntabwo Uwiteka yemera umutima wamwihaye igice, ahubwo ashaka ko umuntu amwiyegurira wese. (11)

Imyidagaduro Mike Cyane mu Yabaye Gikwira ni yo Itagira Ingaruka: Ibinezeza byinshi byabaye gikwira mu isi muri iki gihe, ndetse bikarangwa no mu bavuga ko ari Abakristo, byerekeza ku iherezo rimwe nk'iryo iby'abapagani ryerekejeho. Mu by'ukuri hari bike muri byo Satani adakoresha mu kurimbura abantu. Abinyujije mu makinamico, Satani

yakoze igihe kirekire cyane agira ngo akangure irari kandi ahe icyicaro ingeso mbi. Imikino ijyana n'umuziki, gucuranga, kubyina no gukina amakarita, ibyo byose Satani arabikoresha kugira ngo asenye imbibi dushyirirwaho n'amahame atugenga kandi akingurire amarembo gushimisha irari ry'umubiri. Mu iteraniro ryose ryo kwinezeza aho ubwibone buhabwa intebe cyangwa hakarangwa inda nini, aho umuntu yibagizwa Imana kandi ntabe akizirikana ibyiza bizahoraho, aho ni ho Satani akoreshereza iminyururu ye akaboha umuntu. (12)

Umukristo nyakuri ntazifuza kwinjira ahantu aho ariho hose hakorerwa imyidagaduro cyangwa ngo yitabire ibyamuhuza ibyo ari byo byose adashobora gusabiramo umugisha w'Imana. Ntabwo wamusanga mu nzu iberamo amakinamico cyangwa mu byumba bakiniramo biyari[7] n'indi mikino yo gukinira udupira duto mu cyumba. Ntabwo azifatanya n'ababyinira umuziki mu twumba twabugenewe cyangwa ngo ajye mu bindi bishimisha bitwara intekerezo bikirukana Kristo mu bwenge.

Abantu basaba ko dukwiriye kugira ibyo twinezerezamo twidagadura turabasubiza tuti: "Mu izina rya Yesu w'i Nazareti ntidushobora kubijyamo. Ntabwo wasaba Imana ngo ize ihe umugisha igihe wamaze mu nzu iberamo ikinamico cyangwa mu kabyiniro. Nta Mukristo n'umwe wakwifuza kuba yapfira ahantu nk'aho. Nta muntu n'umwe wakwifuza ko Kristo agarutse yamusanga bene aho hantu. (13)

Inzu Iberamo Ikinamico ni Indiri yo Gushayisha mu Bibi: Hamwe mu hantu hateza akaga kurusha ahandi abantu bishimishiriza ni mu nzu iberamo ikinamico. Aho kugira ngo habe ishuri ryigishirizwamo imico mbonera n'ubupfura nk'uko akenshi ari ko bahavuga, ahubwo ni indiri yo gushayisha mu bibi. Ingeso mbi na kamere iganisha mu cyaha byongererwa imbaraga kandi bigashimangirwa n'iyo myidagaduro. Indirimbo zirangwamo amagambo y'ubupfapfa, ibimenyetso birengurira ku bibi, imvugo n'inyifato bidahwitse, ibyo byose byangiriza intekerezo n'imico mbonera. Uko biri kose, umusore wese ufite akamenyero ko kwitabira iyo myidagaduro azangirika. Mu gihugu cyacu nta mbaraga ihindura ifite ubushobozi bukomeye cyane bwo guhumanya intekerezo, gutsemba iby'idini mu muntu, no kugwabiza ubushake bwo kwishimira ibinezeza bituje no kutiyandarika mu buzima nk'imyidagaduro ibera mu nzu zerekanirwamo amakinamico. Gukunda ibyo bihabera kugenda kwiyongera kujyanirana no gushayisha k'uburyo bwose ari nako kurarikira ibinyobwa byangiriza umubiri kugenda gushinga imizi kandi kukajyana no kubinywa. Icyakorwa kimwe rukumbi cyatanga umutekano ni ukwirinda inzu ziberamo amakinamico n'ahandi hantu habera imyidagaduro yo kwishimisha. (14)

7 billiard

Kubyina cyangwa Guceza ni Ishuri Ryigisha Ubukozi bw'Ibibi: Mu miryango myinshi y'abasenga Imana, usanga guceza no gukina amakarita byaragizwe ibikoresho byo gutaramiraho mu ruganiriro. Bishimangirwa ko iyo ari yo myidagaduro ituje ikorerwa mu rugo, kandi ishobora kwishimirwa mu mahoro ababyeyi bahari. Nyamara gukunda ibyo binezeza bikabura umubiri kugenda gutizwa umurindi gutyo, maze ibyagiye bifatwa ko ntacyo byangiriza bari imuhira, amaherezo ntibizafatwe ko byateza akaga igihe bari ahandi. Nyamara birakwiriye gushimangira ko nta cyiza kiva muri bene iyo myidagaduro. Ntiha imbaraga umubiri kandi ntiruhura intekerezo. Nta gitekerezo na kimwe cyera kandi gitungane icengeza mu bugingo. Ibiramambu, irimbura kwishimira ibitekerezo bidakebakeba by'uburyo bwose n'umurimo w'Imana. Ni ukuri hari itandukaniro rinini hagati y'ubwoko bwiza bw'ibirori bitoranyijwe n'amahuriro abera mu tubyiniro arangwa n'ubukozi bw'ibibi no kwiyandarika. Nyamara byose ni intambwe ziterwa zigana mu nzira yo kwiyandarika. (15)

Kubyina kwa Dawidi Ntigukwiriye kuba Urugero Rwagirwa Urwitwazo: Kubyina kwa Dawidi anejejwe no kubaha Imana kwatanzweho urwitwazo n'abakunda kwinezeza bashaka gushyigikira imbyino zo muri iki gihe, ariko ibitekerezo nk'ibyo nta shingiro bifite. Muri iki gihe cyacu kubyina kujyana n'ibitekerezo bibi no kwishimisha mu nkera. Ubuzima n'imico myiza biguranwa kwinezeza. Muri ibyo Imana si yo baba bashyize imbere mu bitekerezo haba no kuyubaha. Gusenga cyangwa indirimbo zo gusingiza Imana ntibirangwa aho baba bateraniye. Iki gipimo gikwiriye kudashidikanywaho. Abakristo ntibakwiriye gushaka ibinezeza bicogoza urukundo dukunda ibyera kandi bikagabanya uko twishimira umurimo w'Imana. Umuzika no kubyina abantu banejejwe no gusingiza Imana igihe bahekaga Isanduku y'Imana, ntaho wari uhuriye na hato n'umuzika w'imbyino zo muri iki gihe. Umuzika w'igihe cya Dawidi wari ugamije kwibutsa abantu Imana kandi wererezaga izina ryayo ryera. Umuzika w'iki gihe wo ni igikoresho cya Satani kugira ngo atere abantu kwibagirwa Imana no kuyisuzugura. (16)

Gukina Amakarita – Bitegurira Umuntu Gukora Ibyaha by'Inkoraruguma: Gukina amakarita byari bikwiriye kubuzanywa rwose. Abahuzwa no kuyakina ndetse n'amatwara yabo usanga biteza akaga. Umutware w'ingabo z'umwijima ni we uba uyoboye mu nzu bakiniramo ndetse n'ahandi hantu hose hakinirwa amakarita. Abamarayika bacumuye ni bo baba abashyitsi bamenyerewe bene aho hantu. Muri iyo mikino nta kintu cyungura ubugingo bw'umuntu n'umubiri kibamo. Nta kintu cyongerera ubwenge imbaraga, nta na kimwe kibwuzuzamo ibitekerezo bifite agaciro bizakenerwa mu gihe kizaza. Ibiganiro bihabera biba bivuga ku ngingo z'amanjwe kandi zangiriza imico … Bidatinze ubuhanga mu gukina amakarita buzabaganisha ku kwifuza gushyira ubu buhanga n'amayere mu bikorwa kugira ngo abantu

bironkere inyungu zabo bwite. Batangira bashyiraho amafaranga make, hanyuma bakayongeraho andi make, kugeza ubwo bagwije inyota yo gukina ibaganisha mu irimbukiro. Mbega abantu benshi uyu mukino washoye mu migirire y'uburyo bwose irangwamo icyaha, ikabageza mu bukene, muri gereza, ku bwicanyi ndetse no ku kwicwa bamanitswe! Nyamara nubwo bimeze bityo, ababyeyi benshi ntibabona umworera w'irimbukiro uteye ubwoba wasamiye urubyiruko rwacu. (17)

Gutinya Kuba Nyamwigendaho: Abakristo gito badashikamye mu mico yabo no mu mibereho y'iby'idini, umushukanyi abakoresha nk'abambari be kugira ngo agushe abandi mu mitego. Bene abo bantu bahora biteguye kujya mu materaniro yo kwishimisha cyangwa kujya mu mikino, kandi icyigererezo abandi babafatiragaho kigatuma bareshya n'abandi. Abasore n'inkumi bageragejе kuba Abakristo bagendera kuri Bibiliya bemezwa kwitabira ibyo birori, maze bakinjizwa mu gatsiko k'ibirumbo. Ntibasenga ngo bagishe inama urugero ngenderwaho rwashyizweho n'ijuru kugira ngo bamenye icyo Kristo yavuze ku byerekeye imbuto zikwiriye kwera ku giti cy'ubukristo. Ntabwo basobanukirwa ko ibyo bibanezeza mu by'ukuri ari ibirori Satani aba yabateguriye kugira ngo abuze abantu kwemera ubutumire bubararikira kujya mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'Intama, kandi ngo abavutse kwakira ikanzu yera y'imico, ari yo gukiranuka kwa Kristo. Bagwa mu rujijo ntibamenye igitunganye bakwiriye gukora nk'Abakristo. Ntabwo baba bashaka ko abantu babatekereza ko ari ba nyamwigendaho, ahubwo ubusanzwe bemera gukurikiza urugero rw'abandi. Uko ni ko bajya munsi y'amatwara y'abantu bafite imitima n'ubwenge bitigeze bikorwaho n'Imana. (18)

Irinde Gutera Intambwe ya Mbere Igana mu Gushayisha: Ushobora kutabona akaga nyako kari mu gutera intambwe ya mbere ugana mu kwiyandarika no kwishakira umunezero, maze ugatekereza ko igihe uzashakira guhindura imigirire yawe uzabasha gukora ibitunganye bikoroheye nka mbere y'uko wirundurira mu gukora ibibi. Nyamara ibyo ni ukwibeshya rwose. Bitewe no guhitamo incuti mbi, buhoro buhoro abantu benshi bagiye bateshurwa mu nzira yo kubonera berekezwa mu myorera yo kutumvira no kwiyandarika batari kuzigera batekereza ko bashobora kurohamamo. (19)

Kwerura Amahame ya Gikristo: Niba uri uwa Kristo by'ukuri, uzabona amahirwe yo kumuhamya. Uzararikirwa kujya ahantu habera imyidagaduro, kandi ubwo ni bwo uzaba ubonye amahirwe yo guhamya Umwami wawe. Rero nuba uri indahemuka kuri Kristo, ntuzageragеza gutanga inzitwazo z'impamvu utitabiriye, ahubwo uzavuga weruye no mu kinyabupfura ko uri umwana w'Imana, kandi ko amahame ugenderaho atakwemerera nibura n'incuro imwe kujya ahantu utashobora kurarika Umwami wawe ngo muhabane. (20)

Umugambi w'Imana ni ukugaragariza amahame y'ubwami bwayo mu bwoko bwayo. Kugira ngo babashe kugaragariza ayo mahame mu mibereho yabo no mu mico yabo, Imana ishaka kubatandukanya n'imigenzo, n'ingeso n'imigirire by'ab'isi ....

Ibintu byinshi bitangaje biragenda bibera imbere y'amaso yacu; kandi muri iki gihe ubuhamya buzima bugomba gutangirwa mu mibereho y'abitwa ubwoko bw'Imana kugira ngo muri iki gihe, aho ikibi kiganje impande zose, ab'isi babashe kubona ko hakiriho abantu bashyira ubushake bwabo ku ruhande maze bagaharanira gukora ibyo Imana ishaka: Abo ni abantu bafite amategeko y'Imana yanditswe mu mitima n'imibereho yabo.

Imana yiteze ko abitirirwa Kristo bamugaragaza. Ibitekerezo byabo bikwiriye kuba bitunganye, amagambo yabo yiyubashye kandi yubaka abayumva. Idini ya Kristo ikwiriye kugaragarira mu byo bakora byose no mu magambo bavuga. . . . Imana ishaka ko ubwoko bwayo bugaragarisha imibereho yabwo ibyiza ubukristo burusha gukurikira iby'isi, kandi bukerekana ko ibyo bakora babikorera ku rwego ruhanitse kandi rwera. (21)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Uburezi,* p. 217.
2. *Review and Herald,* May 25, 1886.
3. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 333,334.
4. *Review and Herald,* August 19, 1884.
5. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 337.
6. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 336.
7. *The Youth's Instructor,* July 27, 1893.
8. *Letter* 14, 1906.
9. *Uburezi,* p. 221.
10. *Counsels to Techers, Parents and Students,* pp. 339,340.
11. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 345.
12. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 387.
13. *Review and Herald,* Feb.28, 1882.
14. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 334, 335.
15. *Review and Herald,* Feb. 28, 1882.
16. *Abakurambere n'Abahanzi,* p. 601, 602.[2016]
17. *Testimonies for the Church,* Vol. 4, p. 562.
18. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 340, 341.
19. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 224.
20. *The Youth's Instructor,* May 4, 1893.
21. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 121-324.



KURARIKIRA IBINEZEZA

Umutima wa Kamere Ushaka Ibinezeza: Intekerezo za kamere zibogamira ku bizinezeza no kwihimbaza. Gahunda y'imikorere ya Satani ni ukurema bene ibyo binezeza byinshi cyane. Ahirimbanira kuzuza mu ntekerezo z'abantu kurarikira imyidagaduro y'ab'isi, bityo ntibabone igihe cyo kwibaza bati: 'Ubugingo bwanjye buhagaze bute?' Gukunda ibinezeza ni indwara yandura. Iyo umuntu abyirunduriyemo, usanga intekerezo ze zijarajara hirya no hino agahora ashaka ibintu runaka byamushimisha. (1)

Ibinezeza by'isi birashukana; kandi kubwo kubyishimira by'igihe gito, abantu benshi bazibukira ubucuti bari bafitanye n'Ijuru ndetse n'amahoro, urukundo n'ibyishimo ubwo bucuti butanga. Nyamara mu kanya gato ibyo bintu bishimira baba bahisemo ntibitinda kandi ngo bibanyure. (2)

Abantu Benshi Cyane Bajya Ahabera Imyidagaduro: Muri iki gihe isi igezemo, hariho gukunda ibinezeza gukabije cyane kurenza ikindi gihe cyabayeho. Ahantu hose haganje kwiyandarika no gusesagura ntacyo abantu bitayeho. Imbaga y'abantu benshi batwawe n'imyidagaduro. Ubwonko bwuzura ibitekerezo by'amanjwe bidafite agaciro bitewe n'uko butamenyerejwe kwinira ngo butekereze byimbitse cyangwa ngo butozwe kwiga. Kugendera ku marangamutima mu bujiji ni byo bigezweho. Imana ishaka ko umuntu wese yigishwa, agatunganywa, akazamurwa ku rugero rwo hejuru kandi rwiyubashye. Ariko incuro nyinshi usanga abantu basuzugura intambwe yose ifite agaciro umuntu yageraho bakayisimbuza kwiyerekana kugezweho n'ibinezeza bidafite ireme. (3)

Imyidagaduro itwara abantu yo muri iki gihe cyacu yigarurira intekerezo z'abagabo n'abagore, ariko cyane cyane iz'abasore n'inkumi, ikazifatira mu gutwarwa gukabije gukora cyane ku isoko y'imbaraga zabo ku rwego rukomeye cyane kurenza izo bashyira mu byo biga byose n'imirimo y'amaboko bakora. Iyo myidagaduro kandi ifite imbaraga iganisha mu kugwabiza ubwenge no kwangiriza imico mbonera. (4)

Urubyiruko rwatwawe n'inkubiri y'ibintu bigezweho. Abimenyereza gukunda imyidagaduro kubwo kuyirunduriramo, bakingurira urugi umuvu w'ibishuko. Batwarwa n'ibinezeza abantu muri rusange n'ibitwenge byuzuye ubupfapfa. Bagenda batwarwa bava ku myidagaduro y'ubwoko bumwe bajya ku bundi, kugeza ubwo batakaza ubushake n'ubushobozi bwo kuba abantu b'ingirakamaro. Kurangamira iby'idini bibakamukamo, maze imibereho yabo mu bya Mwuka igacura umwijima. Imbaraga zose zo mu bugingo zihuza umuntu n'isi y'iby'umwuka ziragwabira. (5)

Mu Bakunda Ibinezeza Harimo n'Abizera b'Itorero Benshi: Abizera benshi bitabirana ubwuzu imyidagaduro y'ab'isi yangiriza imico mbonera kandi n'ijambo ry'Imana ribuzanya. Uko ni ko bitandukanya n'Imana maze bakifatanya n'abakunda ibinezeza by'isi. Ibyaha byarimbuje abantu ba mbere y'umwuzure n'imijyi yo mu kibaya biriho no muri gihe. Ntibigaragara mu bihugu by'abapagani gusa, cyangwa se mu biyitirira Ubukristo bazwi cyane mu isi, ahubwo biri no mu bavuga ko bategereje ukugaruka k'Umwana w'Umuntu. Imana iramutse iberetse ibyo byaha nk'uko bigaragara mu maso yayo, mwakorwa n'isoni kandi mukamarwa n'ubwoba. (6)

Kurarikira ibitera abantu gutwarwa ndetse n'imyidagaduro ni ikigeragezo n'umutego ku bwoko bw'Imana, ariko cyane cyane ku rubyiruko. Satani ahora ategura ibishuko byo gukurura abantu bikabateshura ku murimo bafite wo kwitegura ibigiye kuba mu gihe kiri imbere. Yifashisha abatwawe n'iby'isi, Satani ashyiraho ibitera abantu gutwarwa bihoraho kugira ngo atere abatari maso kujya mu binezeza by'isi. Hariho kwiyerekana gutandukanye, ibiganiro bitangwa ndetse n'imyidagaduro n'ibishimisha abantu by'amoko atabarika byateguriwe gukundisha abantu iby'isi; bityo kwizera kugacika intege bitewe n'uko kwifatanya n'isi. (7)

Satani ni Umushukanyi w'Umuhanga: Muri rusange, abasore n'inkumi bitwara nk'aho amasaha turimo y'igihe cy'imbabazi y'agaciro kenshi, ubwo igihe cyo kwakira imbabazi kigenda gihita buhoro buhoro, aya masaha bayafata nk'ikiruhuko kinini cyangwa nk'aho bashyiriwe muri iyi si kwinezeza gusa, no gushimishwa n'ibintu bihora bisimburana. Satani yagiye akoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo abatere kubonera umunezero mu myidagaduro y'ab'isi no kwitsindishiriza bashishikarira kwerekana ko ibyo binezeza bitangiriza, ko ntacyo bitwaye kandi ko ari ingenzi ku buzima. (8)

Satani agaragaza ko inzira yo kwera iruhije, mu gihe inzira z'ibinezeza by'isi zo zirimbishijwe uburabyo. Ashyira imbere y'abasore iby'isi n'ibinezeza byayo yabitatse amabara y'amahimbano kandi abareshyareshya. Nyamara ibinezeza by'isi bizagera ku iherezo vuba bidatinze, kandi imbuto zibibwa zigomba gusarurwa. (9)

Mu busobanuro bwose bw'iri jambo, Satani ni umushukanyi w'inyaryenge. Afite imitego yabohanye ubuhanga, igaragarira abantu ko nta cyo itwaye, ariko ikaba yarateguranwe ubuhanga kugira ngo ifate abasore n'abandi bantu batari maso. (10)

Gukunda Ibinezeza Byangiriza Uburere: Ababyeyi bakora ikosa ryo kohereza abana babo ngo bajye gusabana n'ab'isi kandi bakiri bato. Babikora kubwo gutinya ko abo bana nibaramuka batitabiriye ibirori kandi ngo bifatanye n'abakunda ibinezeza ntacyo bazamenya. Ndetse n'igihe bari ku ishuri, bemerera abana kwitabira ibirori no kwivanga mu bikorerwa mu muryango mugari w'abantu. Iryo ni ikosa rikomeye cyane. Muri ubwo buryo, abana biga gukora ibibi mu buryo bwihuse kuruta uko biga iby'ubumenyi, bityo intekerezo zabo zikuzura ibintu by'imburamumaro mu gihe gutwarwa n'imyidagaduro byo birushaho gukura ku buryo bigera aho bitabashobokera ko bagira n'ubumenyi bw'amasomo asanzwe biga. Baba barangamiye kwiga no gukunda ibinezeza, kandi uko gukunda ibinezeza kurushaho kuganza, iterambere ryabo mu by'ubwenge rigenda biguru ntege. (11)

Nk'uko byagenze kuri Isirayeli ya kera, abakunda ibibanezeza bararya, bakanywa, noneho bagahagurutswa no gukina. Habaho umunezero ukabije uvanzwe n'ibitwenge, kunywa no gusinda, inkera no kubyina. Muri ibyo byose, urubyiruko rwigana ingero z'abanditsi b'ibitabo rwahawe kugira ngo rwige. Ikibi gikomeye kuruta ibindi byose ni ingaruka zihoraho ibyo bigira ku mico yabo. (12)

Ubutumwa bw'Imana Buheruka Burakerenswa: Ubwo igihe cy'imbabazi cyabo cyagendaga gishira, abantu bariho mbere y'umwuzure birunduriye mu bikorwa byo kwinezeza byose. Abari bafite ubutware bashyize umwete mu gukururira intekerezo z'abantu mu kwishimisha no kwinezeza, kugira ngo hatagira n'umwe utekereza kuri uwo muburo uheruka. Mbese ibyo ntitubibona muri iki gihe cyacu? Mu gihe abagaragu b'Imana bari kutubwira ko iherezo rya byose riri bugufi, isi ihugiye mu kwishakira ibinezeza. Hari ibikurura abantu bigatuma batita ku Mana ndetse bikababuza gushaka ukuri kandi ari ko konyine kubasha kubakiza kurimbuka. (13)

Abubahiriza Isabato Bazageragezwa kandi Bashungurwe: Abasore n'inkumi bubahiriza Isabato ariko baremeye gutwarwa n'iby'isi, bazageragezwa kandi bashungurwe. Akaga ko mu minsi iheruka karatwegereye, kandi imbere y'abasore hari igeragezwa batigeze batekereza. Bazagezwa mu bibakura umutima bikomeye cyane, kandi kwizera kwabo kuzageragezwa ngo kugaragare ko ari uk'ukuri. Bavuga ko bategereje kugaruka k'Umwana w'Umuntu, nyamara bamwe muri bo babaye urugero ruteye agahinda ku batizera. Ntibashatse kwitandukanya n'isi, ahubwo

bifatanyije n'ab'isi bitabira gusohokana kw'abantu bagiye kwishimisha (pikiniki)[8] , ndetse bitabira n'andi mahuriro yo kwinezeza, nyamara bakajya bishyeshya bavuga ko bari bagiye mu binezeza bizira amakemwa. Nyamara kwirundurira muri ibyo binezeza ni ko kubatandukanya n'Imana maze bikababahindura ab'isi. …

Imana ntifata abishakira ibibanezeza nk'abayoboke bayo. Ahubwo abiyanga kandi barangwa n'imibereho yo kwirinda, kwicisha bugufi no kwera ni bo bayoboke nyakuri ba Yesu. Kandi bene abo ntibashobora gushimishwa n'ibiganiro by'amanjwe by'abakunda iby'isi. (14)

Ikintu cy'Ingenzi Gikwiriye Kwitabwaho: Mureke he kugira umuntu n'umwe utangira kwizera ko imyidagaduro ari ngombwa mu buzima, kandi ko gukerensa Mwuka Wera kubaho mu masaha yo kwinezeza gukwiriye gufatwa nk'ikintu cyoroshye. Imana ntizanegurizwa izuru. Nimutyo umusore wese n'inkumi bibaze ibi bibazo ngo: "Mbese uyu munsi niteguye ko ubuzima bwanjye bwagira iherezo? Mbese mfite umwiteguro wo mu mutima utuma mba umuntu ukwiriye gukora umurimo Umwami yanshinze?" (15)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 337.
2. *Review and Herald,* January 29, 1884.
3. *Review and Herald,* December 6, 1881.
4. *Health Reformers,* December 1872.
5. *Testimonies for the Church,* Vol.9, p. 90.
6. *Testimonies for the Church,* Vol. 5, p. 218.
7. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 325.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, p. 501.
9. *The Youth's Instructor,* January 1, 1907.
10. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 325.
11. *The Youth's Instructor,* July 27, 1893.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 8, p. 66.
13. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 77. [2016].
14. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* pp. 327, 328.
15. *The Youth's Instructor,* August 14, 1906.

8 Gusohokera ahantu hitaruye koroheje gukozwe n'imiryango cyangwa abizera b'itorero si ko kuvugwa ahangaha, ahubwo ukuvugwa ni ukw'abizera b'itorero "bafatanyije n'ab'isi" bagateranira ahantu hamwe bagakina kandi bakishimisha kwakundaga gukorwa mu gihe umwanditsi yandikaga.

IGICE CYA 84

KUYOBORA IMITEKEREREZE Y'URUBYIRUKO KU BYEREKEYE IMYIDAGADURO

Ingero Zikwiriye Kugenderwaho Ziragenda Zimanurwa: Ababyeyi b'Abakristo baragenda batiza umurindi amatwara abana babo bafite yo gukunda iby'isi. Bakingurira amarembo imyidagaduro ibuzanyijwe. (1)

Nomubabyeyib'Abakristoharimogushyigikiraurukundorw'imyidagaduro ku rwego rukabije. Ababyeyi bakiriye urugero ruhanitse rw'ab'isi, bityo bagakurikiza imyumvire rusange ivuga ko ari ngombwa ko mu myaka y'ubuto abana n'urubyiruko bakwiriye kugira igihe cyo gupfusha ubusa ntacyo bakora, bidagadura uko bashatse kandi bishimisha mu by'ubupfapfa. Ni muri ubwo buryo babaremyemo gukunda ibinezeza bibatwara cyane. Kubw'ibyo, abana n'urubyiruko bamaze kumenyereza intekerezo zabo ku buryo bashimishwa no kwibera mu myiyereko ibatera gusamara; bityo ikabangisha inshingano zo mu buzima zirangwamo kwirinda kandi z'ingirakamaro. Babaho bakurikije gahunda y'ibyaremwe byataye umurongo. Ntibatekereza Imana cyangwa ku bintu bizahoraho, ahubwo bizerera hirya no hino nk'ibinyugunyugu mu gihe cyabyo. Ntabwo bakora nk'ibiremwa bishyira mu gaciro, ibiremwa bifite ubuzima bufitanye isano n'ubugingo bw'Imana, kandi bigomba kuzabazwa nayo uko byakoresheje isaha yose y'igihe byahawe. (2)

Ababyeyi b'Abagore Bakwiriye Gushaka Imikino kandi Bakayiyobora: Aho kugira ngo nyina w'abana abirukane iruhande rwe ngo batamusakuriza kandi ngo batamubuza amahoro bitewe n'uko bashobora kwifuza ko agira uko abitaho kenshi, akwiriye kumva ko ahubwo igihe cye kidashobora gukoreshwa neza atabashije kubaguyaguya no gushaka icyo intekerezo zabo zikora cyane ziba zihugiyeho, akabaha imyidagaduro runaka cyangwa se uturimo tworoheje ndetse dushimishije bashobora gukora. Uwo mubyeyi azagororerwa kubw'umuhati ashobora gukoresha n'igihe ashobora gutakaza ashakira abana be imyidagaduro.

Abana bato bakunda kuba bari kumwe n'abandi. Muri rusange, ntibashobora kwishima igihe bari bonyine; kandi akenshi, nyina w'abana akwiriye kumva ko aho abana be bishimira igihe bari mu rugo nta handi uretse icyumba nawe arimo. Igihe ari kumwe nabo rero, ashobora

kubareberera muri rusange kandi akaba yiteguye gukemura impaka nto zivuka hagati yabo igihe bamwiyambaje, kandi agakosora ingeso mbi cyangwa ubwikanyize no kurakaranya kwabo, bityo agashobora kugarura intekerezo zabo mu murongo mwiza. Abana batekereza ko ikintu cyose kibashimisha gishobora no gushimisha nyina, kandi kuri bo kumugisha inama mu tuntu duto tubahagaritse umutima ni ibisanzwe kandi nta kibi kirimo. Bityo rero, nyina w'abana ntakwiriye gukomeretsa umutima w'umwana we uba utarakomera binyuze mu kudaha agaciro akabazo umwana amutuye cyangwa se kwanga guteshwa igihe n'utubazo duto umwana amutura. Icyo nyina w'abana yita gito, kiba ari kinini cyane kuri bo. Kandi ijambo ryo kubayobora mu nzira nziza cyangwa kubaburira rivugiwe igihe gikwiriye, akenshi rizaba iry'agaciro kenshi kuri bo. (3)

Ntukabuzanye Imikino Itagira icyo Itwaye: Kubera kubura igihe no kubitekerezaho ababyeyi benshi b'abagore bangira abana babo kujya mu binezeza bimwe bitagize icyo bitwaye kandi amaboko n'amaso yabo bihugiye cyane ku murimo wo kwita ku mirimbo. Ahanini usanga ibyo bahugiyemo ari ibintu bitazagira ikindi bimara uretse kwimakaza ubwirasi no kwaya mu mitima y'abo bana. Ubwo abo bana bazaba begereje ubugimbi n'ubwangavu, ayo masomo bize azera imbuto z'ubwibone no kuba ibirumbo. Umubyeyi ababazwa n'amakosa y'abana be ariko ntamenye ko umusaruro ari gusarura uturuka ku mbuto yabibye ubwe.

Ababyeyi bamwe barangwa no guhuzagurika mu byo bagirira abana babo. Inshuro nyinshi barabareka bagashayisha mu bibagirira nabi ariko nanone bakabangira ibinezeza bimwe bitagize icyo bitwaye byagombaga gushimisha umutima w'umwana. Iyo bagenje batyo, ntibaba bigannye Kristo; kuko We yakundaga abana, akumva amarangamutima yabo kandi akifatanya nabo mu bibanezeza no mu bigeragezo bahura nabyo. (4)

Uko Madamu Ellen White Yakumiraga Abana be: Igihe abana bazasaba ko bashaka kujya mu itsinda runaka cyangwa kwitabira ibirori runaka byo kwishimisha, jya ubabwira uti: "Bana banjye, sinshobora kubareka ngo mujyeyo, ahubwo nimwicare aha, ndaza kubasobanurira ikinteye kubabuza. Ndakora umurimo w'Imana kandi ni uw'iteka ryose. Imana yarabampaye kandi irabandagiza ngo njye mbitaho. Bana banjye ndi mu cyimbo cy'Imana imbere yanyu, ni yo mpamvu ngomba kubarinda nk'uzababazwa ku munsi w'Imana. Mbese murashaka ko izina ry'umubyeyi wanyu ryandikwa mu bitabo byo mu ijuru nk'umubyeyi wananiwe gukora inshingano afite ku bana be, nk'uwahaye umwanzi urwaho maze akinjira agashinga intebe aho nagombye kuba narayishinze? Bana banjye, ngiye kubabwira inzira itunganye, hanyuma nimuhitamo gucisha ukubiri n'umubyeyi wanyu, mukaboneza mu nzira z'ibibi, umubyeyi wanyu azaba ari umwere, ariko mwe muzahura n'ingaruka z'ibyaha muzaba mwarakoze."

Uko ni ko nagenzaga abana banjye, kandi mbere y'uko ndangiza kubabwira bene ayo magambo babaga batangiye gusesa amarira maze bakavuga bati: «Mama, ushobora kudusengera ?» Birumvikana sinigeraga nanga kubasengera. Napfukamanaga na bo, maze tugafatanya gusenga. Hanyuma najyaga ahiherereye nkinginga Imana ijoro ryose kugeza umuseke utambitse kugira ngo umwuka w'umwanzi ucike ku bana banjye, kandi nabonaga intsinzi. Nubwo byansabaga kumara ijoro ryose, ariko numvaga nshumbushijwe cyane igihe abana banjye bazaga bakamfata ku rutugu maze bakambwira bati: «Mama, turishimye cyane kubera ko utaturetse ngo tugende igihe twabigusabaga. Ubu noneho turabona ko byari kutubera bibi.»

Babyeyi, uko ni ko mukwiriye kujya mugenza. Uyu murimo mugomba kuwitaho cyane niba mwitega kuzakiriza abana banyu mu bwami bw'Imana. (5)

Ibibazo Bihagarika Umutima by'Ikigero cy'Ubugimbi n'Ubwangavu: Uko umuryango mugari umeze muri iki gihe, ntibyoroheye ababyeyi kuba bakumira abana babo kandi ngo babigishe gukurikiza umurongo w'ibitunganye Bibiliya itanga. Akenshi abana ntibihanganira kubaho bakumirwa kandi baba bashaka gukurikira inzira bishakiye, bakishyira kandi bakizana uko bishakiye. By'umwihariko iyo bageze mu kigero cy'imyaka guhera ku icumi kugera kuri cumi n'umunani, akenshi baba bumva ko nta kibi kiri mu mahuriro y'iby'isi aba yahuje ab'urungano rwabo. Ariko ababyeyi b'Abakristo b'inararibonye bashobora kubona akaga bizazana. Baba bazi neza amatwara ya buri mwana wabo kandi baba bazi impinduka ibyo bintu bizagira ku ntekerezo z'abo bana. Bityo rero, kubw'uko babifuriza agakiza, ababyeyi bakwiriye kubakumira ntibajye muri iyo mikino n'imyidagaduro basamarira. (6)

Kuba Maso Birakenewe Cyane Cyane Igihe Bamaze Guhinduka: Igihe abana bifatiye icyemezo ku bushake bwabo bakareka ibinezeza by'isi maze bagahinduka abayoboke ba Kristo, mbega ukuntu imitima y'ababyeyi bashishoza kandi bakiranuka iba ituye umutwaro! Nyamara n'igihe bimeze bityo, ababyeyi ntibagomba guhagarika inshingano zabo. Urwo rubyiruko ruba rutangiye urugamba rwo kurwanya icyaha n'ibibi by'umutima wa kamere, bityo rero ruba rukeneye inama no kwitabwaho n'ababyeyi babo mu buryo bwihariye. (7)

Ibanga ryo Kurinda Abana Iby'isi Bibakurura: Mbega ukuntu hari ababyeyi benshi bahora mu maganya bavuga ko badashobora kwemeza abana babo kuguma imuhira, kubera ko abo bana badakunda kuhaba! Guhera bakiri bato, bagiye bumva bishakira kugendana n'abandi bantu; maze bamara gukura bihagije, bagacika icyo babona ko ari ububata barimo no gukumirirwa bidafite ishingiro bityo ntibazabe bacyita ku masengesho nyina abasabira ndetse ntibumvire n'inama se abagira. Habayeho kugenzura

neza muri rusange byagaragara ko icyaha gishinze ibirindiro ku muryango w'urugo rw'ababyeyi babo. Ntabwo ababyeyi bagize urugo rwabo uko rwagombaga kuba ruri ngo rube ahantu hakurura abantu, hashimishije kandi harabagirana umucyo w'amagambo y'ubugwaneza, indoro nziza n'urukundo nyakuri.

Ibanga ryatuma mukiza abana banyu riri mu guhindura urugo rwanyu ahantu huje urukundo kandi hakurura abantu. Impuhwe zikabije z'ababyeyi ntizizatuma abana bomatana n'Imana cyangwa ngo bakunde kuguma mu rugo rwabo. Nyamara imbaraga ihindura idakebakeba kandi irangwa no kubaha Imana iganisha mu gutoza no kwigisha yakiza abana benshi berekeza mu irimbukiro. (8)

Ababyeyi bafite inshingano yo gukurikirana amajya n'amaza y'abana babo. Bakwiriye kubatera umwete kandi bakabashyira imbere ibintu byiza byabaziga bikabarehereza kuba mu rugo. Bakwiriye kubatera kubona ko ababyeyi babo babitayeho. Ababyeyi bakwiriye gutuma urugo ruba ahantu h'inyamibwa kandi ho kwishimira. (9)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Manuscript* 119, 1899.
2. *The Youth's Instructor,* July 20, 1893.
3. *Solemn Appeal,* pp. 136, 137.
4. *Ministry of Healing,* pp. 389, 390.
5. *Undated Manuscript* 70.
6. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 327.
7. *Id.,* p. 327.
8. *Review and Herald,* Dec. 9, 1884.
9. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, pp. 400, 401.

UMUGABANE WA 18

UZAGORORERWA

Igice Cya 85

INGORORANO Y'UBU N'IYO MU GIHE KIZAZA

Ababyeyi Bakiranuka Babikiwe Ingororano Ikomeye: Ababyeyi nibaramuka bahaye abana babo uburere bukwiriye, bo ubwabo bazanezezwa no kubona umusaruro uvuye ku burere batanganye ubushishozi bugaragarira mu mico nk'iya Kristo iri mu bana babo. Bari gukorera Imana umurimo uhebuje bereka isi imiryango igendera kuri gahunda nziza kandi ifite imyitwarire myiza, itubaha Imana gusa ahubwo iyubahisha kandi ikayihesha ikuzo binyuze mu mpinduka nziza iteza ku yindi miryango. Ikigeretse kuri ibyo bazahabwa ingororano yabo. (1)

Babyeyi bizera Imana, mufite umurimo mushinzwe imbere yanyu wo kuyobora intambwe z'abana banyu, ndetse no mu byerekeye imibereho y'iyobokamana. Nibakunda Imana by'ukuri, bazabahesha umugisha kandi babubahire uko mwabitayeho, ndetse n'uko mwakiranutse muhora mucubya ibyifuzo byabo kandi mugaha umurongo ibyo babaga bashaka. (2)

Hari ingororano ibikiwe umubyeyi igihe yabibye imbuto y'ukuri mu mutima w'umwana we hakiri kare kandi akayitaho abyitondeye. (3)

Ababyeyi bakwiriye kubiba bareba ku musaruro bazabona mu gihe kizaza. Nubwo babiba babogoza amarira kandi bari hagati y'ibicantege byinshi, bakwiriye kubiba basenga bashyizeho umwete. Bashobora kubona isezerano ry'uko umusaruro uzaza bitinze kandi ukazaba ari muke, nyamara ibyo ntibikwiriye kubabuza kubiba. Bakwiriye kubiba iruhande rw'amazi yose, bagakoresha amahirwe yose babonye yo kunoza imibereho yabo bwite no kungura abana babo. Bene uko kubiba imbuto ntikuzaba imfabusa. Igihe cyo gusarura, ababyeyi benshi bakiranuka bazagarukana ibyishimo bikoreye imiba yabo. (4)

Mujye muha abana banyu uburere bubungura ubwenge kandi mubatoze n'imico mbonera. Mujye mukomeza intekerezo zabo zikiri nto muzicengezamo amahame adakebakeba kandi aboneye. Igihe cyose mubonye akanya, mujye mushinga imfatiro zizatuma baba abagabo n'abagore biyubashye. Umurimo wanyu uzagororerwa inshuro ijana. (5)

Ababyeyi Bazahabwa Icyubahiro n'Abana Bateguriwe Kujya mu Ijuru: Mu Ijambo ry'Imana tuhasanga ishusho nziza cyane y'urugo runezerewe n'uko umugore uruyobora ateye: "Abana be barahaguruka bakamwita Munyamugisha. N'umugabo we nawe aramushima ati: "Abagore benshi bagenza neza, ariko weho urabarusha bose." (Imigani 31:28). Ni ukuhe gushimwa kwakwifuzwa na mutima w'urugo kuruta ukuvuzwe aha! (6)

Umugore, ari nawe nyina w'abana ahanze Imana amaso ngo imuhe imbaraga kandi imuhumurize, ndetse agendeye mu bwenge bwayo no kuyubaha agashishikarira gukora inshingano ye ya buri munsi, uwo mugore azatuma umutima we womatana n'umugabo kandi azabona abana be bakura, bahinduka abagore n'abagabo bubashywe, bafite imbaraga z'imico mbonera zo kugera ikirenge mu cye. (7)

Imbaraga ikomeye yatera ishyaka umubyeyi ari we nyina w'abana ukora ubudacoroga kandi uremerewe yagombye kuba iy'uko umwana wese yareze neza yaba afite umurimbo w'imbere mu mutima, umurimbo w'umutima wuje ubugwaneza n'amahoro, bene uwo mwana yazaba akwiriye kuba mu ijuru kandi akazarabagirana mu bikari by'Uwiteka. (8)

Ibyishimo Tuzagira mu Ijuru Bikwiriye Gutangirira mu Ngo Zacu: Ijuru n'isi ntabwo bitandukanye cyane kurusha uko byari bimeze ubwo abashumba bumvaga indirimbo y'abamarayika. Umuntu na n'ubu ni we ijuru rihanze amaso ngo rimukure mu cyaha nk'uko abagabo boroheje b'umwuga woroheje bahuraga n'abamarayika mu gicuku, bakavugana n'intumwa z'ijuru mu mirima no mu gasozi. Kuri twe mu buryo bw'ubuzima busanzwe, ijuru ribasha kuba hafi cyane. Abamarayika bo mu ijuru bazarinda intambwe z'abagendera mu mategeko y'Imana. (9)

Ubuzima tugira ku isi ni intangiriro y'ubwo tuzagira mu ijuru; kandi uburezi bukorerwa hano ku isi ni ukwimenyereza amahame y'ijuru. Umurimo dukora mu buzima bwacu muri iyi si, ni ukwimenyereza uwo tuzakora mu ijuru. Abo turi bo muri iki gihe, haba mu mico no ku mutima wera, ni igicucu cy'uko tuzaba muri icyo gihe. (10)

Umurimo umuntu akoze abivanye ku mutima uhabwa ingororano ikomeye. "Nuko so ureba ibyihererereye azakugororerera." Imico igenda yubakwa n'imibereho tubaho kubw'ubuntu bwa Kristo. Ubwiza bwo mu gihe cy'irema butangira kongera gusubizwa mu muntu. Umuntu ahabwa imico ya Kristo kandi agatangira gusa n'Imana. Indoro z'abagabo n'abagore bagendana n'Imana kandi bagakorana na yo zerekana amahoro avuye mu ijuru. Ku bantu baba bameze batyo, ubwami bwo mu ijuru buba bwaratangiye. Baba bafite umunezero, umunezero w'uko ari umugisha ku bandi bantu. Bafite icyubahiro cyo kuba bemerewe gukoreshwa na Databuja kandi baba biringiweho kumukorera umurimo mu izina Rye. (11)

Abantu bose Bakwiriye Gutegurirwa Kuzaba mu Ijuru: Imana ishaka ko umugambi w'ijuru washyirwa mu bikorwa, kandi gahunda n'imikorere itabusanya by'Imana bikaganza muri buri muryango, muri buri torero na buri kigo cyose. Iyaba uru rukundo rwarakoreye mu muryango mugari w'abantu, twajyaga kubona imikorere igaragara inyuma y'amahame yo mu rwego ruhanitse mu butungane n'urugwiro bya Gikristo, no mu rukundo rwa Gikristo rugaragarizwa abo Kristo yacunguje amaraso ye. Guhinduka mu bya Mwuka kwagaragara mu miryango yacu yose, mu bigo byacu no mu matorero yacu. Uko guhinduka nikubaho, umuryango, ibigo n'amatorero bizahinduka ibikoresho Imana izajya inyuzamo umucyo wayo ngo iwugeze ku batuye isi. Kubw'ibyo kandi binyuze mu gukeburwa n'Imana no kwigishwa nayo, izategurira abagabo n'abagore kuzabana n'abaturage b'ijuru. (12)

Ingororano Izatangwa ku Munsi Ukomeye Uheruka: Mu mirimo ukorera abana bawe, gundira imbaraga ikomeye y'Imana. Jya uragiza Imana abana bawe mu isengesho. Jya ubibakorera ubikuye ku mutima kandi udatezuka. Imana izumva amasengesho yawe maze ibareshye ibiyegereze. Bityo rero, ku munsi ukomeye uheruka uzabasha kubamurikira Imana uvuga uti: "Dore ndi hano, jyewe n'abana Imana yampaye" Abaheburayo 2:13. (13)

Igihe Samweli azambikwa ikamba ry'icyubahiro, azarizunguza ari imbere y'intebe y'ubwami [y'Imana] ayiha icyubahiro, maze avugane umunezero ko binyuze mu byo Kristo yakoze, inyigisho nziza nyina yamwigishije zimuhesheje gutamirizwa ikuzo ryo kubaho iteka ryose. (14)

Umurimo ukorwa n'ababyeyi b'abanyabwenge ntuzigera ushimwa n'ab'isi, ariko igihe imanza zizashingwa maze ibitabo bikabumburwa, umurimo wabo uzagaragara nk'uko Imana iwubona kandi uzabahesha ingororano imbere y'abantu n'abamarayika. Bizagaragara ko umwana umwe warerewe neza mu nzira yo gukiranuka yahindutse umucyo mu isi. Byabasabye kubogoza amarira, guhagarika umutima no kurara amajoro batagohetse kugira ngo bite ku kubaka imico y'uyu mwana, ariko uwo murimo bawukoranye ubwenge maze abo babyeyi bumva Shebuja ababwira ati: "Mwakoze neza." (15)

Uburenganzira bwo Kwinjira mu Ngoro y'Umwami: Nimutyo abasore n'inkumi ndetse n'abana bato bigishwe kwihitiramo iriya kanzu ya cyami yadodewe mu ruganda rwo mu ijuru ari yo mwenda "w'igitare mwiza, urabagirana, utanduye," (Ibyahishuwe 19:8), ari wo abera bose bo ku isi bazambara. Iyi kanzu ari yo mico ya Kristo izira ikizinga ihabwa umuntu wese ku buntu. Ariko abayihabwa bose, bazayihererwa hano ku isi kandi abe ari ho bayambarira.

Nimutyo abana bigishwe ko iyo bakinguriye ubwenge bwabo kwinjirwamo n'ibitekerezo bitunganye kandi byuje urukundo, ndetse

bagakora ibikorwa by'urukundo no gufasha abandi, baba bari kwambara umwambaro mwiza cyane w'imico ya Kristo. Iyo myambarire izabarimbisha kandi itume bakundwa kuri iyi si, ndetse no mu isi izaza izababera ikirango kibahesha uburenganzira bwo kwinjira mu ngoro y'Umwami Imana. Isezerano Imana yatanze ni iri ngo: "Bazagendana nanjye bambaye imyenda yera, kuko babikwiriye." Ibyahishuwe 3:4. (16)

Uko Imana Izakira Abacunguwe: Nuko mbona umubare munini w'abamarayika bakuye amakamba arabagirana muri urwo rurembo — uwera wese yagenewe ikamba rye ryanditsweho izina rye. Igihe Yesu yahamagazaga ya makamba, abamarayika barayamuzaniye, maze Yesu mwiza akoresha ukuboko kwe kw'iburyo atangira kwambika abera ya makamba. Nuko abamarayika bazana inanga nk'uko bazanye ya makamba maze Yesu aziha abera bose. Umumarayika wari uyoboye atangira gucuranga maze amajwi yose bayahanika basingizanya umunezero kandi bashima, kandi buri wese yacuranganaga imirya y'inanga ubuhanga, maze humvikana urusobe rw'amajwi aryoheye amatwi kandi atunganye rwose.

Maze mbona Yesu ayoboye abacunguwe aberekeza ku marembo y'umurwa. Yesu yakoze ku rugi maze rukinguka rwikaraga ku mapata yarwo arabagirana, nuko asaba ishyanga ryakurikije ukuri kwinjira. Muri uwo murwa hari harimo ibintu byose binyuze amaso. Ahantu hose bahabonaga ikuzo ritangaje. Nuko Yesu yitegereza abera yacunguwe; mu maso habo harabagiranaga ikuzo; maze ubwo yakomeza kubitegereza, avuga n'ijwi ryiza rigororotse ati: "Ndabona umurimo w'ubugingo bwanjye, none ndanyuzwe. Iri kuzo rihebuje ni iryanyu ngo muryishimire iteka ryose. Imibabaro yanyu irarangiye. Urupfu ntiruzabaho ukundi, nta gahinda, nta gutaka cyangwa kuribwa bizongera kubaho." Nabonye abacunguwe bose bunama barambika amakamba yabo arabagirana ku birenge bya Yesu. Ubwo ikiganza cye cyuje urukundo cyongeraga kubahagurutsa, bafashe inanga zabo z'izahabu maze ijuru ryose barwuzuza umuziki wabo mwiza n'indirimbo zo gusingiza Umwana w'Intama. . .

Nta rurimi rwabasha gusobanura uko mu ijuru hameze. Iyo ntekereje kuri ibi byose, ndatangara. Kubera gutwarwa n'ubwo bwiza buhebuje n'ikuzo ritavugwa, ndambika ikaramu hasi maze nkarangurura ijwi ngira nti: "Mbega urukundo! Mbega urukundo rutangaje!" Ururimi ruhebuje izindi ntirwashobora gusobanura ikuzo ry'ijuru cyangwa uburebure butagereranywa bw'urukundo rw'Umukiza. (17)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Review and Herald,* Nov. 27, 1896.
2. *Testimonies for the Church,* Vol. 1, p. 401.

3. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 144.
4. *Review and Herald,* August 30, 1881.
5. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 131.
6. *Health Reformer,* Dec. 1877.
7. *Signs of Times,* Nov. 1877.
8. *Testimonies for the Church,* Vol. 3, p. 556.
9. *Uwifuzwa Ibihe Byose,* pp. 31,32. [2018]
10. *Uburezi,* p. 318, 319.
11. *Uwifuzwa Ibihe Byose,* pp. 241, 242. [2018].
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 8, p. 140.
13. *Manuscript* 114, 1903.
14. *Good Health,* March, 1880.
15. *Signs of Times,* July 13, 1888.
16. *Uburezi,* p. 260.
17. *Inyandiko z'Ibanze,* pp. 216, 217.



Igice Cya 86

IMIBEREHO YO MU RUGO RWO MURI EDENI

Edeni Ikwiriye Kuvugururwa: Umurima wa Edeni wagumye ku isi igihe kirekire cyane nyuma y'aho umuntu yabujijwe kongera kunyura mu tuyira twawo duteye ubwuzu. Umuntu wacumuye yemerewe kuzajya yitegereza gusa aho yahoze atujwe, ariko amarembo yaho yari arinzwe n'abamarayika. Aho abakerubi babaga bari ku irembo rya Paradizo, hagaragaraga ikuzo ry'Imana. Aho ni ho Adamu n'urubyaro rwe bazaga kuramiriza Imana. Niho kandi bavugururiye indahiro zabo zo kumvira itegeko bagomye bigatuma bacibwa muri Edeni. Igihe ibicumuro byuzuraga ku isi, kandi ubwo ubugome bw'abantu bwatumaga barimburwa n'umwuzure, ukuboko kwari kwarashyizeho Edeni ni ko kwayikuye ku isi. Ariko ku iherezo, ubwo ibintu byose bizahindurwa bishya, ubwo hazabaho "ijuru rishya n'isi nshya," (Ibyahishuwe 21:1), [Edeni] nayo ni bwo izagarurwa irimbishijwe biruta ibya mbere.

Nuko rero abakomeza amategeko y'Imana bazahabwa imbaraga zo kudapfa nibegera igiti cy'ubugingo; kandi ibihe n'ibihe, abazatura muri iyo si izira icyaha bazabona muri ubwo busitani bunejeje umusogongero w'imirimo y'Imana yo kurema izira amakemwa, itigeze kugerwaho n'umuvumo w'icyaha – bibonere uko isi yose yari kumera iyo umuntu aza kuzuza umugambi utangaje w'Umuremyi. (1)

Umugambi ukomeye w'agakiza ugarura isi mu buryo bwuzuye maze ikongera kungwa n'Imana. Ibyari byarazimiye kubera icyaha byose byaragaruwe. Si umuntu wenyine ahubwo n'isi yaracunguwe, kugira ngo ibere abubaha Imana ubuturo bw'iteka ryose. Satani yarwanye intambara imyaka ibihumbi bitandatu kugira ngo agumane isi mu maboko ye. None ubu umugambi shingiro Imana yari ifitiye isi ikiremwa urasohojwe. "Abera b'Isumbabyose bazahabwa ubwo bwami babuhindure, bube ubwabo iteka ryose. " Daniyeli 7:18 (2)

Ugucungurwa kw'Abantu Imana Yironkeye: "Umugambi w'ibanze Imana yari ifite ubwo yaremaga isi uzasohozwa ubwo isi izagirwa ubuturo bw'iteka ryose bw'abacunguwe. "Abakiranutsi bazaragwa igihugu, bakibemo iteka." (Zaburi 37:29). Igihe cyari kigeze icyo abantu bera b'Imana bamaze

igihe kirekire bategerezanyije amatsiko uhereye igihe inkota yaka umuriro yakumiraga Adamu na Eva ngo batinjira muri Edeni – ni igihe "abo Imana yaronse izabacungura." Isi yari yarahawe umuntu ngo ibe ubwami bwe, ariko umuntu akaza kuyishyira mu maboko ya Satani, kandi iyo si yari yarigaruriwe n'uwo mwanzi ukomeye mu gihe kirekire, noneho umuntu yari ayikomorewe binyujijwe mu nama ikomeye y'agakiza. (3)

Ibyo Adamu wa mbere yari yaratakaje byose, abacunguwe bazabikomorerwa na Adamu wa kabiri. Umuhanuzi aravuga ati: "Nawe munara w'umukumbi, musozi w'umukobwa w'i Siyoni, ubutware bwa mbere buzakugarukira." (Mika 4:8). Intumwa Pawulo na we avuga ku gihe "abo Imana yaronse izabacungura" Abefeso 1:14.

Imana yaremye isi kugira ngo ibe ubuturo bw'ibiremwa byera kandi binezerewe. Iyo ntego izagerwaho igihe isi izaba yagizwe nshya n'ububasha bw'Imana kandi yakuwemo icyaha n'umubabaro. Izahinduka urugo rw'abacunguwe rw'iteka ryose. (4)

Adamu Akomorerwa Urugo rwe rwo muri Edeni: Nyuma yo kwirukanwa mu murima wa Edeni, Adamu yagize imibereho yuzuyemo imibabaro n'agahinda ku isi. Ikibabi cyose cyahungukaga kikagwa hasi, igitambo cyose cyavushwaga amaraso, guhinduka kose kwabaga ku kiremwa cyose, inenge yose yabonekaga ku butungane bw'umuntu, ibyo byose byajyaga bimwibutsa icyaha yakoze. Yihebeshejwe cyane no kubona gukiranirwa kumukomokaho gukomeza kwiyongera, maze nk'igisubizo cy'imiburo yari yahawe, agahora yumva ibyaremwe byose bimushinja kuba ari we nyirabayazana. Yicishije bugufi kandi yihanganye, uwo mutwaro w'igihano cyo gukiranirwa yawumaranye imyaka hafi igihumbi. Hanyuma yihannye icyaha cye abikuye ku mutima, asigara yiringiye gusa Umukiza wasezeranijwe, maze apfana ibyiringiro byo kuzuka. Umwana w'Imana yacunguye umuntu amuvana mu buhenebere bwe no gucumura kwe; none ubu kubw'impongano Yesu yatanze, Adamu yasubijwe mu mwanya yahozemo mbere.

Asabwe n'ibyishimo, arabukwa ibiti byamunezezaga – ari nabyo ubwe yajyaga asoromaho amatunda igihe yari akiri umuziranenge kandi anezerewe. Abona imizabibu yajyaga ahingira n'amaboko ye, abona uburabyo bwiza yakundaga kubagarira. Ibitekerezo bye bigerageza kwiyibutsa ukuri kwabyo; asobanukirwa ko iyo ari Edeni yongeye guhabwa, ifite ubwiza burenze ubwo yari ifite igihe yayirukanwagamo. Umukiza amujyana ku giti cy'ubugingo, maze asoroma ku mbuto zacyo zihebuje kandi amutegeka kuziryaho. Adamu arebye ahazengurutse Umukiza abona imiryango ye myinshi y'abacunguwe, bahagaze muri Paradiso y'Imana. Nuko arambika ikamba rye rirabagirana ku birenge bya Yesu, amugwa mu gituza ahoberana n'Umucunguzi. Afata inanga y'izahabu, maze umurya w'inanga w'indirimbo zo kunesha urangira ijuru ryose ngo: "Umwana w'intama watambwe, kandi uriho, niwe ukwiriye

icyubahiro!" Abo mu muryango wa Adamu bose biyambura amakamba yabo bayarambika ku birenge by'Umukiza, barapfukama maze baramuramya.

Iryo huriro ryahamijwe na ba bamarayika bacuraga umuborogo ubwo Adamu yacumuraga kandi bakongera kunezerwa igihe Yesu yazamukaga mu ijuru amaze kuzuka, agasiga akinguriye umuntu wese uzizera izina rye umuryango w'igituro ngo atazaheramo. Noneho ubu biboneye uko umurimo wo gucungura urangizwa, maze bahanikira icyarimwe indirimbo z'ishimwe. (5)

Amazu Yateguriwe Abagenzi Baturutse ku Isi: Impungenge zo gutinya kwemera umurage w'ahazaza nk'ibintu bifatika rwose zateye abantu benshi kutizera ukuri kudutera kureba uwo murage nk'ahantu tuzatura. Kristo yahamirije abigishwa be ko agiye kubategurira amazu meza mu rugo rwa Se. Abantu bemera inyigisho zo mu Ijambo ry'Imana ntibazabura gusobanukirwa ibyerekeye iwacu mu ijuru. … Imvugo y'umuntu ntikwiriye kuba yasobanura iby'ingororano y'abakiranutsi. Izamenywa gusa n'abantu bazayirebera amaso ku maso. Nta bwenge bufite aho bugarukira bwashobora gusobanukirwa n'ubwiza bwa Paradizo y'Imana.

Muri Bibiliya umurage w'abacunguwe witwa igihugu. Muri icyo gihugu, Umwungeri wo mu ijuru ajyana umukumbi we ku masoko y'amazi y'ubugingo. Igiti cy'ubugingo cyera imbuto zacyo buri kwezi, kandi ibibabi byacyo ni ibyo gukiza amahanga. Hari imigezi idakama, itembamo amazi y'urubogobogo nk'ibuye ry'isarabwayi, kandi ku nkombe z'iyo migezi hari ibiti bifite amashami azana amahumbezi mu nzira zateguriwe abacunguwe n'Uwiteka. Ahongaho, ibibaya bigari biri munsi y'udusozi tw'igikundiro, kandi hagaragara impinga ndende z'imisozi y'Imana. Muri ibyo bibaya byuje amahoro, ku nkombe y'iyo migezi y'amazi y'ubugingo, ni ho ubwoko bw'Imana bwamaze imyaka myinshi ari abagenzi n'abimukira buzatura. (6)

Hari amazu yateguriwe abagenzi bo ku isi. Hari amakanzu y'abakiranutsi, hari n'amakamba y'icyubahiro n'imikindo y'intsinzi. Ibintu byose byaduhagarikaga umutima, Imana mu kugira neza kwayo izabidusobanurira neza turi mu isi nshya dutegereje. Icyo gihe ibintu bigoye gusobanukirwa, bizabonerwa ubusobanuro. Ubwiru bw'ubuntu buzashyirwa ahagaragara imbere yacu. Aho intekerezo zacu ngufi zabonaga urujijo gusa n'amasezerano atarasohoye, tuzabona ibintu biri kuri gahunda itunganye kandi y'agahozo. Icyo gihe nibwo tuzasobanukirwa neza ko Nyir'urukundo rutarundoreka ari we wemeye ko duhura n'ibyo twanyuzemo byagaragaraga nk'ibitugerageza bikabije. Ubwo tuzasobanukirwa no kwitabwaho kuje ubugwaneza k'uwatumaga byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira ibyiza, tuzishima ibyishimo bitavugwa kandi byuzuye icyubahiro. …

Twerekeje iwacu. Uwadukunze kugeza ubwo yemeye kudupfira yatwubakiye umurwa. Yerusalemu Nshya ni ho tuzaruhukira. Nta mubabaro

uzaba mu Murwa w'Imana. Nta gutaka cyangwa kuribwa, nta gahinda gatewe no kubura ibyo bari biringiye cyangwa kubura abacu twakundaga bizahumvikana na mba. Vuba aha bidatinze imyambaro y'uburetwa izasimburwa n'umwambaro w'ubukwe. Bidatinze tuzabona Umwami wacu yambikwa ikamba. Abo ubugingo bwabo bwahishwe muri Kristo, abarwanye intambara nziza yo kwizera bari ku isi, bazarabagirana icyubahiro cy'Umucunguzi bari mu bwami bw'Imana. (7)

Ibyiza Abacunguwe Bazabona: Ijuru ni ahantu h'igikundiro. Nifuza cyane kujyayo ngo ndebe Yesu nkunda watanze ubugingo bwe ku bwanjye, no kugira ngo mpindurwe mpabwe ubwiza bwe buhebuje. Mbega uburyo mbuze ururimi rwasobanura iby'ubwiza bw'uwo murwa ugiye kuza! Mfite inyota y'amasoko y'ubugingo atuma umurwa w'Imana unezeza.

Imana yanyeretse indi mibumbe. Nahawe amababa, maze umumarayika aranyobora ankura mu murwa ajyana ahantu harabagirana kandi heza bitangaje. Ibyatsi byaho byari bitoshye, kandi inyoni zaho zaririmbaga indirimbo z'agahozo. Abaturage baho bose barareshyaga; bari inziramakemwa, ari banini kandi ari ab'igikundiro. Basaga na Yesu, kandi mu maso habo harabagiranishwaga n'ibyishimo bizira inenge, ibyo bikerekana umudendezo n'umunezero biba aho hantu. Nabajije umwe muri bo impamvu ari ab'igikundiro cyane kuruta kure abatuye iyi si. Yaransubije ati: "Imibereho yacu yaranzwe no kumvira amategeko y'Imana tudakebakeba, kandi ntitwigeze ducumura kubwo kutumvira nk'ibyo abari ku isi." . . . Ninginze umumarayika twari kumwe ngo andeke nigumire aho hantu. Sinashoboraga gutekereza ibyo kongera kugaruka kuri iyi si y'umwijima. Hanyuma wa mumarayika arambwira ati: "Ugomba gusubirayo, kandi nuba indahemuka, wowe na ba bandi ibihumbi 144 muzagira amahirwe yo gusura imibumbe yose maze mwirebere imirimo y'intoki z'Imana." (8)

Umuryango Uhurije Hamwe Abo mu Ijuru n'Abavuye ku Isi: Icyo gihe abacunguwe bazamenya nk'uko nabo bamenywe. Urukundo n'impuhwe Imana ubwayo yateye mu mitima y'abantu ruzaba rubonye igihe gikwiriye kandi cyiza cyo gukoreshwa. Kugirana umushyikirano utaziguye n'ibiremwa byera, uguhuriza hamwe imibereho rusange n'abamarayika bahiriwe hamwe n'abakiranukiye Imana bameshe amakanzu yabo, bakayejesha amaraso y'Umwana w'intama, ipfundo ryera rifatanyiriza hamwe «umuryango wose wo mu ijuru n'uwo mu isi», ibyo ni byo bizaba bifatanyirije hamwe kurema umunezero w'abacunguwe. (9)

Amahanga yose y'abacunguwe ntazigera amenya andi mategeko uretse ay'ijuru. Bose bazaba bishimye, ari umuryango wunze ubumwe, bazaba bambaye imyambaro yo gusingiza no gushima. Hejuru y'ibyo, inyenyeri zo mu ruturuturu zizaririmbira icyarimwe, kandi abana b'Imana bazatera hejuru kubw'ibyishimo, ndetse muri icyo gihe Imana na Kristo bazatangariza

icyarimwe bati: "Nta cyaha kizabaho ukundi, kandi nta n'urupfu ruzabaho ukundi." (10)

Muri ibyo birori by'umunezero w'ijuru, twumvise ukwirangira kw'amagambo ya Yesu y'agahozo atugeraho hano ku isi agira ati, "Ngiye kuzamuka nkajya kwa Data, ari We So, nkajya ku Mana yanjye, ari yo Mana yanyu." (Yohana 20:17). Umuryango w'ijuru n'uw'isi yunze ubumwe. Umwami wacu yazamuwe mu ijuru ku bwacu, kandi ariho ku bwacu. "Nicyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na We, kuko ahoraho iteka ngo abasabire." Abaheburayo 7:25. (1 1)

Nubwo Ryatinda, Isezerano rye ni Ukuri: Tumaze igihe kirekire dutegereje kugaruka k'Umukiza wacu. Ariko nta kabuza isezerano rye ni impamo. Vuba bidatinze tuzaba mu rugo rwacu twasezeraniwe. Nitugerayo, Yesu azatujyana iruhande rw'isoko y'ubugingo itemba ituruka ku ntebe ya cyami y'Imana, kandi azadusobanurira ibihe bigoye yatunyijijemo muri iyi si kugira ngo atunganye imico yacu. Nituhagera tuzitegereza ubwiza bwa Edeni yagizwe nshya noneho tutareba ibirorirori. Amakamba Umucunguzi azaba yadutamirije mu ruhanga tuzayarambika ku birenge bye, maze dufate inanga zacu z'izahabu. Ijuru ryose tuzaryuzuza indirimbo zo gusingiza Iyicaye kuri ya ntebe ya cyami. (12)

Nimutyo ikintu cyose cyiza kiba mu rugo rwacu rwo ku isi kijye kitwibutsa uruzi rubonerana n'ibibaya bitoshye n'amasôko abeshaho, umurwa urabagirana n'abaririmbyi bambaye amakanzu yera biri mu rugo rwacu rwo mu ijuru – ari yo si itatse ubwiza buhebuje butabasha gushushanywa n'umunyabugeni cyangwa ngo ururimi rw'umuntu upfa rushobore kubusobanura. «Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.» 1 Abakorinto 2:9. (13)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 43. [2016]
2. *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 280. [2016]
3. *Signs of the Times,* Dec. 29, 1909.
4. *Review and Herald,* Oct. 22, 1908.
5. *Intambara Ikomeye,* pp. 452, 453.
6. *Review and Herald,* Oct. 22, 1908.
7. *Testimonies for the Church,* Vol. 9, pp.286, 287.
8. *Inyandiko z'Ibanze,* pp. 55. [2018]
9. *Intambara Ikomeye,* p 472.
10. *Abahanuzi n'Abami,* pp. 472.[2016]
11. *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.656.
12. *Testimonies for the Church,* Vol. 8, p. 254.
13. *Review and Herald,* July 11, 1882.

Igice Cya 87

UKO ISI NSHYA IZABA IMEZE

Kwerekwa Ikuzo ry'Ahazaza: Yesu aturangaza imbere twese turamanuka tuva mu murwa twerekeza kuri iyi si, ku musozi munini cyane kandi w'icyubahiro. Uwo musozi ntiwashoboye kwihanganira Yesu wari uwuhagazeho, maze usadukamo kabiri, haba ikibaya kinini cyane. Hanyuma turebye hejuru tubona ururembo runini, rufite imfatiro cumi n'ebyiri, n'amarembo cumi n'abiri, atatu atatu kuri buri ruhande, kandi kuri buri rembo hari umumarayika. Twese turarangurura tuti: "Ururembo, ururembo rukomeye, ruraje, ruje ruturuka mu ijuru ku Mana." Maze ruraza, ruhagarara aho twari duhagaze. Nuko dutangira kwitegereza ibyiza byari hanze y'urwo rurembo. Muri rwo nahabonye amazu meza cyane yasaga n'ifeza, atewe inkingi enye zishyizweho imaragarita zifite ubwiza buhebuje bwo kurebwa. Muri yo ni ho abera bajyaga gutura. Mu nzu yose harimo ububiko busizwe zahabu. Nabonye benshi mu bera binjira muri ayo mazu, bakuramo amakamba yabo arabagirana, bayashyira kuri ubwo bubiko, nuko barasohoka bajya mu murima wari ukikije inzu kugira ngo bagire ibyo bakora ku butaka, bitari nk'uko dukora hano mu isi. Oya rwose! Umucyo utangaje warabagiranaga ku mitwe yabo bose, kandi bakomezaga kurangurura basingiza Imana.

Nabonye undi murima wuzuyemo uburabyo bw'amoko yose, kandi ubwo nabucaga nararanguruye nti: «Ntibuzigera bwuma.» Hafi aho nahabonye umurima urimo ibyatsi birebire binogeye amaso. Byahoraga bitoshye kandi uko byahungabanaga byitegeye ubwiza bw'Umwami Yesu, byavagaho umucyo usa n'ifeza n'izahabu. Hanyuma twinjira mu wundi murima urimo inyamaswa z'amoko yose. Intare, umwana w'intama, ingwe, n'ikirura byose byari bibanye mu mutekano. Tuzinyura hagati, maze zidukurikira zituje. Hanyuma twinjira mu ishyamba ritari nk'ishyamba ricuze umwijima ryo muri iyi si; ahubwo ryari ishyamba ryuzuye umucyo n'ubwiza buhebuje. Amashami y'ibiti byo muri ryo yahungabaniraga hirya no hino, maze twese turarangurura tuvuga tuti: «Tuzigumira muri iri shyamba, twiryamire muri ibi biti.»

Tuhavuye, twinjira mu ishyamba, ariko ryo ntiryari ryijimye nk'amashyamba dufite muri iki igihe, ahubwo harimo umucyo w'icyubahiro. Wabonaga amashami y'ibiti yikoza hirya no hino nuko, dutera amajwi

hejuru tuti: "Tuzatura mu butayu nta cyo twikanga kandi tuzaryama mu mashyamba." (1)

Umurimo wo Gusoza Inyigisho Uzabera mu Ijuru: Mbese mutekereza ko mu ijuru nta cyo tuzigirayo? Nta gitekerezo na gito cyane dufite kubyo tuzahigishirizwa. Tuzagendagenda iruhande rw'amazi y'ubugingo turi kumwe na Kristo. Azaduhishurira ubwiza n'icyubahiro by'ibyaremwe. Azadusobanurira uwo ari we kuri twe n'abo turi bo kuri We. Ukuri tudashobora kumenya ubu bitewe n'imbibi dufite mu kumenya, mu ijuru tuzakumenya. (2)

Umuryango wa Gikristo ukwiriye kuba ishuri rimenyererezwamo aho abana bazava bakazasoreza inyigisho mu ishuri ryisumbuye mu mazu Imana yateguye. (3)

Ijuru ni ishuri; ibyigwa ni ibiri mu isanzure, naho Uhoraho akaba ari we mwigisha. Ishami ry'iryo shuri ryatangijwe mu murima wa Edeni; kandi inama y'agakiza nimara gusohozwa, imirimo y'uburezi izongera gutangizwa mu ishuri ryo muri Edeni. ...

Hari amateka avugwa hagati y'ishuri ryatangijwe muri Edeni mu itangira ry'isi n'ishuri rizabaho nyuma yo gutsembwa kw'icyaha: Ni amateka y'iyi si; amateka yo gucumura k'umuntu n'imibabaro yahuye na yo, amateka y'igitambo Imana yatanze, n'ayerekeye kuneshwa k'urupfu n'icyaha. ... Umuntu namara gukomorerwa uburenganzira bwo kubonana n'Imana, akarebana nayo amaso ku maso, azongera kwigishwa n'Imana nk'uko byahoze mbere. "Noneho abantu banjye bazamenya izina ryanjye, kuri wa munsi . . . Bazamenya ko ari jye uvuga. Dore ni jye." Yesaya 52:6. . . .

Aho mu ijuru, igihe umwenda utwikiriye mu maso hacu uzaba wakuweho, maze amaso yacu akabasha kwitegereza ya si y'ubwiza tureba ubu duhunyeza; igihe tuzitegereza neza ibyiza bihebuje byo mu kirere tugerageza kureba twifashishije ibyuma kabuhariwe bireba kure cyane; ubwo imbaraga irimbura y'icyaha izaba yakuweho, isi yose izagaragara mu bwiza bw'Umwami Uwiteka Imana yacu." Mbega ibintu byo kwiga bizaba biri imbere yacu! (4)

Kunguka Ubumenyi mu Ijuru Bizajya Bikomeza Buhoro Buhoro: Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe. Bazajya bagurukisha amababa nk'ibisiga bajye gusura ayandi masi yahindishijwe umushyitsi no kumva amahano yagwiriye isi yacu, maze bahanike indirimbo y'umunezero w'ubutumwa bwacunguye abo bantu. Mu byishimo bitavugwa, abana b'iyo si, binjire mu munezero bafite ubwenge nk'ubw'ibiremwa bitakoze icyaha. Bazafatanyiriza hamwe ubutunzi bw'ubwenge no kumenya by'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo. Bazareba ubwiza bw'ibyo Imana yaremye nta kibatwikiriye. Izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo, byose

bigendera kuri gahunda byahawe, bikagenda bizenguruka intebe y'Imana. Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo, kandi muri byo, hagaragara ubutunzi n'imbaraga Umuremyi yabigabiye.

Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, ni ko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, ni ko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, ni ko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo. (5)

Ibyerekeye Imibanire: Icyo gihe tuzamenya "nk'uko natwe twamenywe." Urukundo n'impuhwe Imana yashyize mu mitima yacu bizabona aho bikorera mu buryo nyakuri kandi bunejeje. Gusabana n'abera, imibanire itagira amakemwa hagati y'abamarayika bera n'abakiranutsi bo mu bihe byose, ubucuti bwera buhuriza hamwe umuryango w'abo mu ijuru n'abazaba bavuye ku isi, ibyo byose ni bimwe bizaranga imibereho yo mu buzima bushya dutegereje. (6)

Ibyo Tuzakora mu Isi Nshya: Mu isi izaba yagizwe nshya, abacunguwe bazakora imirimo n'ibibashimisha byazaniraga Adamu na Eva umunezero mu itangiriro. Bazabaho ubuzima nk'ubwo muri Edeni, ubuzima bwo mu busitani no mu murima. "Bazubaka amazu bayabemo, kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo. Ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo; ntibazatera inzabibu ngo zaribwe n'abandi, kuko bazamara imyaka nk'ibiti, kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimira imirimo y'intoki zabo." Yesaya 65: 21-22. (7)

Aho hantu, imbaraga zose z'umuntu n'ubushobozi bw'imikorere y'umubiri bizakura bigere ku rugero rukwiriye. Ibikorwa bikomeye by'indashyikirwa bizakorwa birangire neza, imigambi ihambaye izagerwaho, kandi intego zihanitse nazo zizagerwaho. Ariko kandi hazajya havuka ibintu bishya byo ku rwego rwo hejuru tugomba kugeraho, havuke ibintu bishya bizajya bidutangaza n'ukuri gushya tugomba gusobanukirwa, ndetse n'ibintu bishyashya bizajya birushaho kugenda bikangura imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. (8)

Ku Nkengero yo Gusohora kw'Ibyategerejwe: Turiho mu gihe gikomeye cy'amateka y'iyi si. Nta gihe cyo gukora ibyaha kiriho; kandi iteka ryose gukomeza gucumura biteza akaga gakomeye, ariko noneho by'umwihariko, ibyo ni ukuri muri iki gihe turimo. Ubu tugeze ku rugabano rw'isi izahoraho kandi ubu duhagaze ahakomeye urebye aho igihe kigeze n'ibirebana n'iteka ryose kurusha uko byigeze kuba mbere hose. None rero, nimutyo buri wese yisuzume mu mutima we maze asabe imyambi irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka yirukane umwijima w'iby'umwuka muri we kandi imwezeho imyanda yose. (9)

Mbega uburyo uko ibyo bigiye kuzabaho byasobanuwe ari ukw'agaciro gakomeye kandi bikaba biteye amatsiko kuri twe abahagaze ku nkengero yo gusohora kwabyo! Uhereye igihe ababyeyi bacu ba mbere bateraga intambwe basohoka muri Edeni, ibyo bigiye kuzabaho ni ibyo abana b'Imana bagiye bahanga amaso, bakabitegereza, bakabyifuza cyane kandi bagasenga bifuza kuzabibona!

Bagenzi dufatanyije urugendo, turacyari hagati mu mwijima no kuvurungana no guhorera kw'ibikorerwa kuri iyi si; ariko vuba bidatinze Umukiza wacu agiye kuza atuzaniye gucungurwa n'ikiruhuko. Kubwo kwizera, nimutyo duhange amaso [isi] izaba yahawe umugisha nk'uko yagaragajwe n'ukuboko kw'Imana. (10)

Umuntu Ahamagarirwa Kwitegura Ubwe: Ndabinginze ngo mwitegure kugaruka kwa Kristo aziye ku bicu byo mu ijuru. Uko bukeye n'uko bwije, mujye mukura gukunda iby'isi mu mitima yanyu. Binyuze mu mibereho mugira, nimusobanukirwe n'icyo gusabana na Kristo bisobanuye. Nimwitegure urubanza, kugira ngo ubwo Kristo azaba agarutse maze abamwizera bakishimira kumusanganira, muzabashe kuba mu bazamusanganira mu mahoro. Uwo munsi, abacunguwe bazarabagirana mu ikuzo rya Data wa twese n'iry'Umwana we. Abamarayika bazafata inanga zabo z'izahabu bacurange, maze bakire Umwami n'iminyago ye y'intsinzi ari bo bantu bazaba baruhagiwe kandi bakerezwa mu maraso y'Umwana w'intama. Hazumvikana indirimbo yo kunesha maze amajwi asakare ijuru ryose. Kristo yaranesheje. Nuko yinjira mu ijuru aherekejwe n'abo yacunguye, ari bo bahamya b'uko umurimo we wo kubabazwa no kwitanga ho igitambo utabaye impfabusa. (11)

Ibitabo, Ibinyamakuru n'Inyandiko Byifashishijwe

1. *Inyandiko z'Ibanze,* pp. 38, 39. [2018].
2. *Counsels to Teachers, Parents and Students,* p. 162.
3. *Review and Herald,* March 30, 1897.
4. *Uburezi,* pp. 312, 313, 314.
5. *Intambara Ikomeye,* pp. 472, 473.
6. *Uburezi,* p. 317.
7. *Abahanuzi n'Abami,* pp. 471.
8. *Uburezi,* p. 318.
9. *Testimonies to Ministers,* p. 147.
10. *Abahanuzi n'Abami,* pp. 471.
11. *Testimonies for the Church,* Vol. 9, pp. 285, 286.

Safeliz

ISBN: 978-84-7208-886-3

9 788472 088863

URUGO RWA GIKRISTO



Ellen G. White